UBUTUMWA BWATORANIJWE II



Cyasobanuwe mu Kinyarwanda n'Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi mu RWANDA

Bukuwe mu nyandiko za Ellen G. White

Inama z'ingenzi kandi zihoraho zakusanyijwe zikuwe mu nyandiko zasohokaga nyuma y'igihe runaka, inyandiko zandikishijwe intoki, mu dutabo duto tw'ingirakamaro no mu nyandiko nto zakanguraga abantu zitacapwe byanditswe na Ellen G. White

REVIEW AND HERALD PUBLISHING ASSOCIATION

WASHINGTON, D.C

Copyright 1958

Abashinzwe kurinda Inyandiko za Ellen G. White

IBIRIMO

UMUGABANE WA MBERE 7

IGICE CYA 1 :IMIBURO KU NYIGISHO N'IYOBOKAMANA RISHINGIYE KU MARANGAMUTIMA 9
IGICE CYA 2:UBWAKA BWABAYEHO MBERE BUZONGERA KUBAHO GUKURAHO INKINGI 24
IGICE CYA 3:INYIGISHO IVU GA IBYO "KWERA K'UMUBIRI" 30
IGICE CYA 4:IMIBURO YATANZWE IRWANYA ABABESHYAGA KO BAYOBOWE NA MWUKA 39
IGICE CYA 5:IBITANGAZA SI IGIHAMYA CYO KWEMERWA N'IMANA NTIMUSHAKISHE IBIKORWA BITANGAJE 48
IGICE CYA 6 :IKIZATURINDA UBUYOBE 58
IGICE CYA 7:IBIRANGA GUKORESHWA N'IMANA 64
IGICE CYA 8:GUHANGANA N'IBIVUGWA N' ABAHANUZI B'IBINYOMA. 74
IGICE CYA 9 :IBIRANGA INYIGISHO Z'IBINYOMA 82
IGICE CYA 10 :AMAYEREKWA YA ANNA PHILLIPS 88
IGICE CYA WA 11:MUBE MASO 99
IGICE CYA 12 :ABAMARAYIKA BATATU N'UNDI MUMARAYIKA 104

UMUGABANE GATATU 125

IGICE CYA 13 :MBESE ABAKRISTO BAKWIYE KUBA MU MIRYANGO IKORA RWIHISHWA? 128
IGICE CYA 14 :KWIRINDA AMAKIMBIRANE Y'ABAKOZI 149

UMUGABANE WA KANE 152

IGICE CYA 15 :UMUBURO UZUMVIKANA 153
IGICE CYA 16:UMURIMO W'INGENZI KRISTO YAKOZE MU MIBEREHO YE N'UMURIMO WACU 160
IGICE CYA 17 :UBUMWE NO KWITANGA /UBUDAHEMUKA/KURAMYA 164
IGICE CYA 18 :GUHAMAGARWA KWA D. M. CANRIGHT 169

UMUGABANE WA GATANU 178

IGICE CYA 19:ICYITEGEREREZO 179
IGICE CYA 20 :AMAHAME RUSANGE AGENGA GUHEMBA ABAKOZI 185
IGICE CYA 21:ABAKOZI MU BIGO BYACU 198

IGICE CYA 22 :UBUFASHA MU BY'UBUKUNGU KU BUSHOBOZI BW'UMUKOZI . 218
IGICE CYA 23:INAMA YAHAWE UMUNTU WARI UFITE UMUGAMBI WO KUVA MU MURIMO W'IMANA BITEWE N'IMPAMVU Z'UBUKUNGU..... 219
IGICE CYA 24 :AMAGAMBO YABWIWE ABAGEZE MU ZA BUKURU 230
IGICE CYA 25 :UBUTWARI MU MIBABARO 243
IGICE CYA 26 :IBYIRINGIRO BYHAWE ABUGARIJWE N'URUPFU 258
IGICE CYA 27: ABAPFUSHIJE ABABO..... 270

UMUGABANE WA VII 291

IGICE CYA 28 :IBYAVUZWE KU GUKORESHA IMITI 295
IGICE CYA 29:GUKORESHA IMITI ITURUKA MU BIMERA KOROSHYA UBURIBWE NO KUZAHURA UBUZIMA..... 303
IGICE CYA 30:UKO ELLEN G. WHITE YAKORESHAGA UBURYO BWOROHEJE BWO KWIVURA..... 310
IGICE CYA 31:IBYAMUBAYEHO BYIHARIYE IBYABAYE MU MYUZO YA MBERE MU KUVURA UMUSONGA..... 324

UMUGABANE WA VIII 329

IGICE CYA 32 :INYIFATO IKWIRIYE MU GIHE CYO GUSENGA 330
IGICE CYA 33 :"NTUKAGIRE IZINDI MANA MU MASO YANJYE"..... 336
IGICE CYA 34 :UMURIMO W'INGIRAKAMARO URUTA IMIKINO..... 340
IGICE CYA 35 :GUSHAKA INAMA Y'ICYO WAKORA WIFASHISHIJE UBUFINDO . 345
IGICE CYA 36:GUTEGANYITIZA IGIHE CY'UBUKENE..... 351
IGICE CYA 37:ABAGEZE MU ZA BUKURU BADAFITE AHO BABA 352
IGICE CYA 38 :IBYEREKEYE IKIBAZO CY'ABASIRIKARI 353
IGICE CYA 39:INAMA KU BYEREKEYE GUTORA 358
IGICE CYA 40:URUMOGI, ITABI N'INGURUBE..... 360
IGICE CYA 41:INAMA ZATANZWE KU BYEREKEYE GUSHYINGIRANWA 361
IGICE CYA 42:INAMA YEREKEYE GUSHYINGIRANWA KW'ABADAHUJE IBARA RY'URUHU 366
IGICE CYA 43:GUKIRA MU BURYO BW'IGITANGAZA..... 368
IGICE CYA 44 :AKAGA GATERWA NO GUSINZIRIZA ABANTU..... 372
IGICE CYA 45 :GUHAMAGARIRWA GUTURA MU CYARO 378
IGICE CYA 46 :KUYOBORWA N'UBUNTU BW'IMANA..... 386

UMUGABANE WA 9..... 393

IGICE CYA 47:KWITEGURA AKAGA GAHERUKA 394

IGICE CYA 48:UMURIMO WO KWEZWA URAKENEWE 405
IGICE CYA 49 :IZINA RYIHARIYE N'ABANTU BIHARIYE 415
IGICE CYA 50 :INKINGI ZO KWIZERA KWACU 418
IGICE CYA 51 :KUBA INDAHEMUKA CYANGWA ICYIGOMEKE 424
IGICE CYA 52 :ITORERO RINESHA 428
IGICE CYA 53 :UBUTUMWA BUHERUKA BWAHAWE INTEKO NKURU RUSANGE 431

UMUGEREKA 1 444

IGICE CYA 1 447
IGICE CYA 2 459
IGICE CYA 3 489
IGICE CYA 4 509
IGICE CYA 5 523
IGICE CYA 6 535

UMUGEREKA WA 2 543

IBY'INGENZI MU GUHITAMO UWO MUZABANA MU BUZIMA 543

UMUGEREKA WA 3 550

UBUVANDIMWE BW'ABAGIZE INYOKOMUNTU 550

IJAMBO RYAGENEWE UMUSOMYI

Iki gitabo cya kabiri, hamwe n'icya mbere by'*Ubutumwa Bwatoranijwe,* byuzuza kandi bikubiyemo inama zimwe zabonetse mu nyandiko zitandukanye no mu dutabo duto duto tuvuga ingingo zihariye. Iki gitabo cy'umugabane uhoraho mu bitabo by'Umwuka w'ubuhanuzi, muri iyi minsi kiboneka mu *Ishakiro rishya ry'Inyandiko za Ellen G. White.* Mu "Ijambo Ryagenewe Umusomyi" dusanga mu gitabo cya mbere, hari amagambo yerekeye ikusanywa ndetse n'umugambi w'*Ubutumwa bwatoranyijwe.* Ayo magambo akeneye gusubirwamo.

Inama ziri muri iki gitabo zizaba iz'agaciro gakomeye ku Badiventisiti b'umunsi wa Karindwi zibategurira guhangana n'ibitero umwanzi azagaba

ku itorero ryasigaye abinyujije mu bwaka, mu nyigisho ziyobya ndetse no mu matsinda yayobye, agambiriye gusenya no guca intege itorero. Hamwe na hamwe inama zatanzwe mu mabwiriza yihariye yahawe abantu ku giti cyabo, ariko ingingo zirimo zivuga ibibazo bidatandukanye rwose n'ibigomba kubaho mbere y'uko imperuka igera. Uzasanga zimwe muri izo nyandiko ari ingirakamaro mu gutanga imiburo ku kaga kugarije itorero. Izindi nama muri rusange zibanda ku bibazo byinjira mu itorero mu buryo bw'amafuti bushobora guteza ibibazo, ibihembo by'abakozi ndetse no gukiza indwara mu buryo nyakuri n'ubw'ibinyoma.

Ingingo izanezeza umusomyi mu buryo bw'umwihariko ni Umugabane wa Karindwi uvuga "Gukoresha ibikenerwa mu buvuzi" Ibivugwa muri uyu mugabane byakusanyijwe bikuwe mu byanditswe na Ellen G. White, bizagirira umumaro umusomyi wese ubwo azaba yiga ikibazo kijyanye no gukoresha imiti.

Ku musozo w'iki gitabo hari umugabane ugizwe n'ingingo z'inyongera z'ingirakamaro. Umugabane wa mbere ugizwe n'ibice bitandatu. Ibyo bice ni inyandiko zongeye gucapwa zitwa "Indwara n'Impamvu yazo" zanditswe na Madame White, zasohotse ari umwimerere muri nomero esheshatu z'ikinyamakuru cyitwaga *Ubuzima*, cyangwa *Uburyo bwo Kubaho.*

Mu nyandiko zacapwe nyuma y'umwaka wa 1967, hongeweho izindi nyandiko z'inyongera ebyiri ari zo: "Ingingo z'ingenzi mu guhitamo uwo muzabana" na "Uko abantu bose ari abavandimwe". Izi nyandiko ni ingenzi mu buryo bwihariye mu gihe iki gitabo gikwirakwizwa hirya no hino ahavugwa indimi zitandukanye.

Umusomyi asabwe gusomana ubushishozi amagambo abanziriza buri gice cy'iki gitabo cya kabiri, ariko by'umwihariko akitondera amagambo y'ibanze y'igice cya Karindwi ndetse n'ay'umugabane wa mbere w'inyandiko z'inyongera.

Mu "Ijambo ryagenewe Umusomyi" igitabo cya mbere cy'"*Ubutumwa bwatoranijwe",* havuzwemo ko ibivugwa mu bice bitandukanye nta sano

bifitanye, nyamara kubera ko byabaye ngombwa, ubwo butumwa bwakusanyirijwe hamwe muri ibi bitabo.

Birakwiriye ko buri gitabo gisozesha umugabane uvuga ngo, “Ubwo Twegereje Imperuka.” Ahangaha hari ubutumwa bwinshi bwihariye butera ishema butwiringiza ko itorero rizatsinda. Muri bwo hari ubutumwa bubiri Madame White yagejeje ku Nteko Nkuru Rusange mu mwaka wa 1913. Iyi ni yo nama Nkuru rusange ya nyuma yabayeho Ellen G. White akiriho. Bitewe n’uko yari ageze mu za bukuru, ntiyashoboye kujya muri iyo nama ikomeye. Ubwo
butumwa uko ari bubiri buvuga icyizere yari afitiye abakozi b’Imana bagenzi be ndetse n’uko yari yizeye insinzi y’ubutumwa yari yaritangiye.

Icyifuzo kivuye ku mutima cy’abanditsi ndetse n’icy’itsinda ry’Abashinzwe kurinda Inyandiko za Ellen G. White, ni uko iki gitabo cy’*Ubutumwa*
Bwatoranijwe cyatera ubutwari umuryango w’abategereje kugaruka kwa Yesu
Kristo, ubwo bageze ku mugabane uheruka w’urugendo rwabo berekeje mu murwa w’Imana.

UMUGABANE WA MBERE

1.UBWAKA N’INYIGISHO ZIYOBYA

IJAMBO RY’IBANZE

Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi riboneka mu buhanuzi riri ku rugamba, kubera ko, Satani, ikiyoka, arwanya ubudatuza abantu "bakurikiza amategeko y'Imana, kandi bafite guhamya kwa Yesu." Satani umwanzi ukomeye, azi ko ageze ku mugambi we wo kuyobya no gutera urujijo abadiventisiti b'umunsi wa karindwi, yaba acogoje umigambi w'Imana. Iteka ibitero bye biza buhoro buhoro kandi mu buryo bwihishe, ndetse akenshi biza bifite isura yo kuyobora abagabo n'abagore bamaramaje bikabageza kure ku buryo bazizera n'ikinyoma.

Nubwo mu buryo bugaragara kuva mu myaka ibanza y'itsinda ry'abategereje kugaruka kwa Kristo nta bwaka no kuba abahezanguni byabarangwagamo, iri tsinda ryagiye rihangana n'ubwaka. Umwe mu mirimo y'ikubitiro Ellen G. White yakoze wari uwo kujya aho ubutumwa buvugwa akagira icyo akora kuri bwo yifashishsije Ijambo ry'Imana. Mu myaka mirongo irindwi yamamaza ubutumwa, Ellen G. White yahoraga ahamagarirwa kujya guhangana n'inyigisho z'ubwaka cyangwa ziyobya mu buryo butandukanye. Imiburo myinshyi yatanze ivuga ko ubwaka buzongera kubaho , ni iyo gukangura itorero rikaba maso ryiteguye akaga ubwaka bushobora guteza; kandi inama zerekeye kuvumbuka k'ubwaka n'iyobokamana rishingiye ku marangamutima intumwa y'Imana yatanze, ni ingirakamaro cyane muri iki gihe kurinda umukumbi w'Imana.

Inama ziri muri uyu mugabane w'iki gitabo ziyongera ku miburo yindi iboneka mu bitabo bya mbere bya Ellen G. White, kubera ko umugabane munini w'iyi miburo yakusanyijwe mu mwaka wa 1933 ishyirwa mu gitabo kimwe kugira ngo ibashe gufasha mu guhangana n'ikibazo gikomeye cyari cyavutse muri konferansi imwe. Uwo muzingo wabonetse ugizwe n'impapuro zicapwe maze urakundwa cyane kandi ufasha itorero. Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White, banezejwe n'aya mahirwe yo kubagezaho izi nama z'ingirakamaro zo mu gitabo kizaramba.

Uyu mugabane w'iki gitabo usoza uvuga ingingo zitandukanye zerekeye ukwigaragaza kw'imbaraga iyobya ikora ibitangaza kandi ukanavuga ku kamaro k'ibitangaza mu kugenzura ukuri. Muri iki gihe, izi nama zifite agaciro kihariye kandi zizarushaho kuba ingenzi uko twegereza iminsi isoza amateka y'isi, ubwo Satani yifashishije imigambi ye yuzuye uburyarya azagerageza kuyobya n'intore.

Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White.

IGICE CYA 1 :IMIBURO KU NYIGISHO N'IYOBOKAMANA RISHINGIYE KU MARANGAMUTIMA

AKAGA GATERWA N'IMITEKERERE ZE YO GUKEKERANYA

Igihe cy'akaga gisatiriye ubwoko bw'Imana,ibyo ntitugomba guhora tubibwiriza abantu , ngo tubateremo gukangarana kandi icyo gihe kitaragera. Hagomba kubaho inyeganyezwa mu bwoko bw'Imana koko ariko uku si ko kuri kwonyine kw'iki gihe kugomba kubwirwa amatorero. Kukuvuga bizaturuka ku kwanga ukuri bagejejweho.

Abagabura ntibakwiriye kwibwira ko hari ibitekerezo bikomeye by'agatangaza bafite, keretse gusa nibakira iyi miburo, naho ubundi bazagosorwa bave mu murimo maze abandi bantu bahaguruke bakomeze bazamuke kugeza ku nsinzi. Umugambi wa Satani ugerwaho neza iyo abantu biruka bakajya imbere ya Yesu maze bagakora umurimo atigeze abashinga , ni kimwe n'iyo bakomeza kuba nk'uko Lawodokiya imeze, bakaba akazuyaze, bakibwira ko bakize, ari abatunzi ndetse ko ntacyo bakennye. Ayo matsinda yombi ni ibihome bisitaza.

Bamwe b'abanyamuhati bagambirira kandi bakagira ubwira bakoresheje umuhati wabo wose, bakoze ikosa rikomeye cyane bagerageza gushakisha ikintu kidasanzwe, gitangaje, kandi gikurura bakacyigisha abantu, ikintu

batekereza ko abandi badasobanukiwe; nyamara akenshi nabo ubwabo ntibaba bazi icyo bavuga. Bavuga bakekeranya ku ijambo ry'Imana, bagatanga ibitekerezo bidafite ireme ryo gufasha baba bo ubwabo, cyangwa amatorero. Muri icyo gihe, bashobora gukangura intekerezo, nyamara hari ikibikurikira kandi ibyo bitekerezo bihinduka imbogamizi. Ukwizera kwitiranywa no gutwarwa by'igihe gito, kandi ibitekerezo byabo bishobora kuyobora intekerezo mu nzira y'ubuyobe. Nimureke ibyo Ijambo ry'Imana rivuga byumvikana kandi byoroshye bibe ibitunga intekerezo kuko uku gukekeranya ku bitekerezo bitavugwa neza muri ryo ari ukwishyira mu kaga.

Undated manuscript 111.(Inyandiko zandikishijwe intoki batamenyeye igihe zandikiwe.)

Akaga kugarije amatorero yacu ni uko ibintu bishya kandi bidasanzwe bizinjizwa muri yo, ibintu bishyira intekerezo z'abantu mu rujijo, kandi bitabatera imbaraga igihe bazikeneye cyane mu by'umwuka. Hakenewe ubushishozi kugira ngo ibintu bishya kandi bidasanzwe bitabangikanywa n'ukuri ngo bibe byaba umugabane umwe w'ubutumwa bugomba kwigishwa muri iki gihe. Ubutumwa twabwirije abatuye isi bugomba gushyirwa ahagaragara. –*An Appeal for Canvassers*, pp.1,2.

IMBARAGA IKURURA IRI MU NYIGISHO Z'INZADUKA

Igihe kigiye kugera mu bwoko bw'Imana bwasigaye habemo bamwe bakira inyigisho z'ubwaka n'iz'ibinyoma, bavuge ko ari ko kuri. Ibyo bizuzuza intekerezo za benshi imyumvire y'ubuyobe idafite umwanya mu kuri kugenewe itorero muri iki gihe. Umuntu uwo ari we wese wibwira ko ashobora gutangira umurimo uzatsinda isi yose abikoze mu mbaraga z'imigambi yigiriye, mu bushobozi bw'ubwenge bwe bufatanyije n'ubuhanga buhanitse cyangwa se ubwenge bwo kwerekana ko utemera uko abandi babona ibintu, uwo muntu azibona aryamye mu musaka w'ibyo yibwira, kandi azasobanukirwa neza n'impamvu ari muri uwo musaka.

Mfatiye ku mucyo nahawe n'Umwami wanjye, nabonye abantu benshi bahaguruka bavuga ibintu bishishana. Ni koko batangiye gukora no kuvuga ibintu Imana itigeze ihishura, bagafata ukuri kwera bakagushyira ku rwego rumwe n'urw'ibintu bisanzwe. Habayeho ibibazo kandi bizakomeza kubaho bishingiye ku bitekerezo by'ubwibone n'ibinyoma abantu bibwira, ariko bidashingiye ku kuri. Imigambi y'ubwenge bw'abantu izateza ibisa n'ibigeragezo kugira ngo ubwo ikigeragezo nyakuri kizaba kibagezeho kizafatwe nk'ibigeragezo abantu bagiye bishyiriraho bitigeze bigira agaciro.

Dukwiye kwitega ko inyigisho zizinjizwa mu itorero zikavangwa nk'inyigisho z'ukuri, nyamara kubw'ubushishozi bwa Mwuka Muziranenge uturuka mu ijuru, tugomba gutandukanya ibyera n'ibintu bisanzwe tuzanirwa kugira ngo bijijishe ukwizera kwacu ndetse n'imitekerereze mizima, kandi biteshe agaciro ukuri gukomeye kandi guhebuje, kugenzura byose kw'iki gihe…

Ntihigeze na rimwe habaho igihe ukuri kwigeze guhura n'ingorane zo kugorekwa, gusuzugurwa, no guteshwa agaciro binyuze mu mpaka z'abantu zuzuye ubukana nk'uko biri muri iyi minsi ya nyuma. Abantu bariyinjije bazana n'ubuyobe bwabo bwinshi butandukanye bavuga ko ari ubwenge bushya bw'agatangaza ku bantu. Abantu bakururwa n'ibintu bimwe bishya bidasanzwe, ndetse nta bushishozi bafite bwo kugenzura imiterere y'ibitekerezo abantu bashobora kwerekana ko hari icyo bari cyo. Nyamara kuvuga ibyo bitekerezo ari iby'agaciro gakomeye maze ukabibangikanya n'inyigisho zitangaje z'Imana, ntibizazihindura ukuri. Mbega uburyo ibi bicyaha ukwishushanya kuri mu matorero.

Abantu bifuza kwigisha ikintu bazashyira mu ntekerezo z'abantu ibintu bishya kandi bidasanzwe , maze batagize icyo bitaho bakomeze bajyane izo nyigisho zidashyitseka kandi zisobekeranye nk'inyigisho z'agaciro kandi bazigaragaze nk'aho ari ikibazo cyerekeye ubuzima n'urupfu.-Letter 136a, 1898. (Ibaruwa 136a, 1898)

UBURYO UBUSHISHOZI NYABWO BUKENEWE

Uko twegereza igihe ibinyabutware n'iby'imbaraga n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru bizajya mu rugamba kurwanya ukuri, ubwo imbaraga iyobya ya Satani izaba ikomeye ku buryo yayobya n'intore bibaye bishobotse, ubushishozi bwacu bugomba guhabwa imbaraga no kumurikirwa n'ijuru kugira tubashe kumenya umwuka uturuka ku Mana kandi twe kuyoberwa amayere ya Satani. Ubushobozi bw'umuntu bugomba guhuzwa n'imbaraga y'Imana kugira ngo tubashe kurangiza umurimo uheruka ugomba gukorwa muri iki gihe.

Kristo akoresha umuyaga nk'ikigereranyo cya Mwuka w'Imana. Iyo umuyaga uhuha tuwumva ugenda nyamara ntidushobora kuvuga aho uturutse cyangwa aho ujya, uko ni nako bimeze kuri Mwuka w'Imana. Ntituzi umuntu Mwuka w'Imana azagaragariramo.

Nyamara simba mvuga amagambo yanjye iyo mvuga ko Mwuka w'Imana azahita ku bagize umunsi wo kugeragezwa kwabo ndetse n'amahirwe, nyamara ntibigere basobanukirwa n'ijwi ry'Imana cyangwa ngo bemere ibyo Mwuka wayo akora. Bityo mu isaha ya saa kumi n'imwe abantu ibihumbi byinshi bazabona kandi bemere ukuri.

"Dore iminsi izaza, niko Uwiteka avuga, umuhinzi azakurikirana n'umusaruzi, n'umwenzi w'imizabibu azakurikirana n'ubiba imbuto." (Amosi 9:13)

Uku guhinduka abantu bakemera ukuri kuzabaho mu muvuduko uzatangaza itorero, kandi izina ry'Imana ryonyine niryo rizahabwa icyubahiro.-Letter 43, 1890 (Ibaruwa 43, 1890)

UBWAKA BUZADUKA HAGATI MURI TWE

Ubwaka buzaduka rwose hagati muri twe. Ubushukanyi buzaza buteye ukundi ku buryo iyaba byashobokaga bwajyaga kuyobya n'intore ubwazo. Iyaba muri ubwo buhakanyi habonekagamo uguhuzagurika kugaragarira

buri wese ndetse n'amagambo atari ay'ukuri, ntabwo amagambo yavuzwe n'Umwigisha
Mukuru yagombye gukenerwa. Uyu muburo utanzwe bitewe n'ingorane nyinshi kandi zitandukanye zizaduka.

Impamvu nshyize ahagaragara ikimenyetso kiburira abantu ko akaga kaje, ni uko kubwo kumurikirwa na Mwuka w'Imana nshobora kubona ibyo abavandimwe banjye mu kwizera badashobora kubona. Ntabwo kuri njye byaba ari ngombwa kuvuga ibyo bihe byose bidasanzwe kandi bikomeye by'ubushukanyi abavandimwe bagomba kwirinda. Ku bwanjye birampagije kubabwira nti, 'Mube maso; kandi nk'abarinzi b'indahemuka murinde umukumbi w'Imana kugira ngo utemera rwose abantu bose bavuga ko bawutumweho n'Imana.' Niba dukora kugira ngo dutume habaho gutwarwa kw'amarangamutima, tuzabona ibyo dushaka byose, ndetse birenze n'ibyo dushobora kumenya uko twabyitwaramo. "Mubwirize Ijambo ry'Imana" mutuje kandi mu buryo bwumvikana. Ntabwo tugomba kumva ko gutuma habaho gutwarwa ari wo murimo wacu.

Mwuka Muziranenge w'Imana wenyine ni we ushobora gutuma habaho ubushyuhe no gukanguka mu buryo bwiza. Nimureke Imana ikore kandi umuntu agendere imbere yayo yitonze, yitegereza, ategereje, asenga, ahanze amaso kuri Yesu ubudatuza, ayobowe kandi ategekwa na Mwuka ari we mucyo n'ubugingo. –Letter 68, 1894. (Ibaruwa 68, 1894)

Iherezo riregereje. Abana b'umucyo bagomba gukorana umwete, bakagumana umurava kugira ngo bayobore abandi ku kwitegura ibihe bikomeye biri imbere yacu, kugira ngo bashobore guhangana n'umubi kuko bemereye Mwuka Muziranenge kugira icyo akora ku mitima yabo. Ibintu bishya kandi bidasanzwe bizakomeza kwaduka kugira ngo biyobore ubwoko bw'Imana mu gukanguka kutari uk'ukuri, ububyutse mu by'iyobokamana ndetse n'iterambere riteye amatsiko. Nimureke abana b'umucyo bakomeze kujya mbere bahanze amaso yabo gusa kuri Kristo we Mucyo n'Ubugingo by'abatuye ku isi. Mumenya ko ikintu cyose cyitwa umucyo n'ukuri kiri mu ijambo ry'Imana ari umucyo kikaba n'ukuri koko. Uwo mucyo n'ukuri bituruka

mu bwenge bw'Imana ntabwo ari ibyiganano by'ubuhendanyi bwa Satani. Buri muntu wese w'indahemuka, ushikamye, kandi ufite umutima umenetse umucyo uturuka mu bwenge bw'Imana uzamubera itabaza rimurikira ibirenge bye. – Letter 45, 1899. (Ibaruwa 45, 1899)

AMARANGAMUTIMA NTAGOMBA GUTEGEKA INTEKEREZO ZACU.

Mu by'ukuri byinshi, havanzemo ikinyoma cyemerwa mu busobanuro bwacyo bwagutse kandi kigashyirwa mu bikorwa n'abantu bafite imitima itwarwa mu buryo bworoshye. Bityo, ubwaka buzasimbura imbaraga zateguwe neza, zigatozwa neza ndetse zigatoranywa n'ijuru kugira ngo zikomeze guteza imbere umurimo ziwugeze ku musozo…

Hari akaga, atari uko gusa abantu badafite intekerezo zishikamye bazayoborwa mu bwaka, ahubwo ari uko abantu bafata ingamba bazabonera icyuho muri uku gutwarwa kugira ngo bateze imbere imigambi yabo bwite yo kwikanyiza…

Mfite umuburo nshaka guha abavandimwe banjye mu kwizera. Ni uko bakwiye gukurikira Umuyobozi wabo kandi ntibiruke ngo bagende imbere ya Kristo. Nimureke muri iki gihe he kubaho umurimo utateguwe neza. Mwirinde ntimukoreshe imvugo ikomeye izayobora abantu bafite intekerezo zidashikamye gutekereza ko bafite umucyo utangaje uturutse ku Mana. Umuntu utwaye ubutumwa buturutse ku Mana abushyiriye abantu,agomba kwigengesera ku buryo bwose. Akwiriye guhora azirikana ko inzira igana ku kwizera kudafite ishingiro ibangikanye n'inzira yo kwizera k'ukuri…

Igihe umuntu aretse imbaraga imusunikira kugira icyo akora ndetse n'amarangamutima bigategeka imitekerereze ituje, hashobora kubaho umuvuduko ukabije ndetse n'iyo yaba agenda mu nzira nyakuri. Ugenda yihuta cyane azasanga iyo nzira igoye mu buryo bwinshi. Ntihazashira igihe kirekire atayobye ngo akava mu nzira y'ukuri.

Nta na rimwe amarangamutima yari akwiye kwemererwa gutegeka intekerezo.

Hari akaga kari mu gukabya mu byo amategeko yemera, kandi n'ibyo amategeko atemera uko byagenda kose bizayobora mu nzira y'ubuyobe.

Nihatabaho umurimo witondewe, ukoranywe ubushishozi n'intekerezo nzima; umurimo ukomeye nk'urutare mu kuvuga igitekerezo n'ihame iryo ari ryo ryose ndetse no mu busobanuro bwose butangwa, abantu benshi bazarimburwa. –Letter 6a, 1894.(Ibaruwa 6a, 1894)

UKUMVIRA KUGERERANIJWE N'AMARANGAMUTIMA CYANGWA GUTWARWA

Hari akaga k'abo dufatanyije urugendo bakora ikosa ku byerekeye kwakira Mwuka Muziranenge. Bamwe babona ko amarangamutima cyangwa gutwarwa ari igihamya cy'uko Mwuka Muziranenge ari hamwe nabo. Hari ingorane yuko batazasobanukirwa ugukanguka nyakuri kw'intekerezo kandi amagambo Yesu yavuze ati, "Mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose " (Matayo 28:20), azatakaza ubusobanuro bwayo. Hari akaga kuko imigambi ya kamere ndetse n'imitekerereze ifitanye isano n'ubupfumu bizasimbura Ibyanditswe Byera. Mubwire abantu bacu muti: "Ntimugakangaranire gutangiza ikintu kitahishuwe mu Ijambo ry'Imana. Mukomeze komatana na Kristo."…

Nimureke twibuke ko Ijambo Kristo yadutegetse kubwiriza amahanga yose, amoko yose, indimi zose n'abaremwe bose rihamywa na Mwuka Muziranenge. Iyi niyo gahunda y'imikorere y'Imana. Kristo niwe mbaraga ikomeye ihamya Ijambo ry'Imana, kandi mu guhindukirira ukuri, atera abagabo n'abagore gusobanukirwa ukwizera, akabatera ubushake bwo gukora ibyo yabategetse byose. Umuntu ukora umurimo we, igikoresho kigaragarira amaso, agomba kubwiriza Ijambo ry'Imana maze Umwami Yesu, ari we mukozi utagaragarira amaso akoresheje Mwuka Muziranenge

agatuma rya jambo ryera imbuto kandi rikagira imbaraga. –Letter 105, 1900. (Ibaruwa 105, 1900)

GUHAMABARIRWA GUSUBIRA KU BIBWIRIZWA BYA MBERE

Mu murimo haje gahunda nshya y'ibintu. Hari icyifuzo cyo gushaka gusa n'andi matorero bityo ukwiyoroshya no kwicisha bugufi bisa n'ibitazwi ryose. Abagabura bakiri bato bashaka gukora ibintu bishya, bakazana ibitekerezo bishya ndetse na gahunda nshya zo gukora umurimo. Bamwe batangiza amateraniro y'ububyutse maze bifashishije ubu buryo bagahamagara abantu benshi bakinjira mu itorero. Ariko se iyo uko gutwarwa gushize, ni hehe wabona ba bandi bahindutse? Kwihana no kwatura ibyaha ntibigaragara. Umunyabyaha yemezwa kwizera Kristo no kumwemera hatitawe ku
mibereho ye ya kera y'icyaha no kwigomeka. Ntabwo umutima uba umenetse. Ntibigeze bashenguka mu mutima. Abo basa n'abahindutse ntibigeze bagwa ku Rutare ari rwo Kristo Yesu.

Ibyanditswe mu Isezerano rya Kera n'Irishya bitugaragariza inzira imwe rukumbi uyu murimo wagombye gukorwamo. Mwihane, mwihane, mwihane, nibwo bwari ubutumwa bwavugwaga na Yohana Umubatiza ari mu butayu. Ubutumwa Kristo yabwiye abantu bwari ubu ngo, "Nimutihana muzarimbuka mutyo mwese" (Luka 13:5). Kandi n'intumwa zategetswe kubwiriza ahantu hose kugira ngo abantu babashe kwihana.

Umwami Imana yifuza ko abagaragu be muri iki gihe babwiriza inyigisho ya kera y'ubutumwa bwiza: kubabazwa n'icyaha, kwihana, no kwatura. Dukeneye ibibwirizwa bya kera, imigenzereze ya kera ndetse n'ababyeyi b'abagabo n'abagore ba kera bo mu Isirayeli. Umunyabyaha agomba kwitabwaho, yihanganirwa, mu muhati no mu bushishozi kugeza igihe azabonera ko yica amategeko y'Imana kandi azihana imbere y'Imana ndetse yizere Umwami Yesu Kristo. –Undated manuscript 111 (Inyandiko zandikishijwe intoki batamenyeye igihe zandikiwe.)

IMIHANGO IKONJE CYANGWA UBWAKA.

Gukurikiza imihango,gukurikiza ubwenge bw'isi, kwigengesera by'ab'isi, ingengamikorere y'ab'isi, bizagaragarira abantu benshi ko ari imbaraga y'Imana, nyamara iyo byemewe biba inkomyi yo kubuza umucyo w'Imana uca mu miburo, gucyaha ndetse no mu nama maze ntugere ku batuye ku isi.

Satani ariho arakorana imbaraga ze zose z'ubuhendanjyi n'ubushukanyi kugira ngo ayobore abantu abakure ku butumwa bwa malayika wa gatatu bugomba kubwirizanywa imbaraga ikomeye. Satani nabona ko Imana iha ubwoko bwayo umugisha kandi ikabategurira kuvumbura ibinyoma bye, azakoresha imbaraga ze zikomeye kugira ngo ku ruhande rumwe azane ubwaka, naho ku rundi azane ubunyamihango bukonje, kugira ngo abashe gukoranya umusaruro w'abantu benshi. Ubu ni igihe cyacu cyo kuba maso ubutagoheka. Mube maso, mufunge inzira uko yaba ari nto kose Satani yacamo ngo abinjiremo.

Hari ibyago byinshi bigomba kwirindwa biri iburyo n'ibimoso. Hazabaho abantu bataragira uburambe, abantu bakiri bashya mu kwizera bakeneye kongerwa imbaraga kandi bakeneye guhabwa urugero rutunganye. Abantu bamwe ntibazakoresha neza inyigisho yo gutsindishirizwa kubwo kwizera. Bazazigisha mu buryo bwibanda ku ruhande rumwe.

Abandi bazakira ibitekerezo bitigishijwe uko bikwiriye, maze bagende bate umurongo, birengagize n'imirimo.

Iteka kwizera nyakuri gukorera mu rukundo. Iyo witegereje i Kaluvari, ntibituma unyinyirirwa mu mutima utagira inshingano ukora ntibituma widamararira ngo usinzire, ahubwo bitera kwizera Yesu, ukwizera kuzakora, kukeza ubugingo ho inzagwe yokwikanyiza. Iyo tugundiriye Kristo kubwo kwizera, ubwo umurimo wacu uba utangiye. Buri muntu afite ingeso zanduye kandi zirimo ibyaha zigomba kuneshwa n'urugamba rusaba imbaraga. Buri muntu asabwa kurwana intambara yo kwizera. Niba umuntu ari umuyoboke wa Kristo, ntabwo agomba kuba nyambere mu byaduka, ntashobora kugira umutima unangiye, utarangwa n'impuhwe. Ntabwo ashobora kugira imvugo

ikomeretsa. Ntabwo ashobora kuzura kwikakaza no kwishyira hejuru. Ntabwo ashobora kuba umuntu ugandisha abandi cyangwa ngo akoreshe amagambo asharirye kandi ngo agaye cyangwa acire abandi iteka.

Imikorere y'urukundo ikomoka ku murimo uva ku kwizera. Iyobokamana Bibiliya yigisha risobanuye umurimo udacogora. "Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahere ko bahimbaze so wo mu ijuru" (Matayo 5:16). Mukoreshe agakiza kanyu bwite mutinya kandi muhinda umushyitsi, kuko Imana ari yo ikorera muri mwe, ikabatera kwifuza no gukora ibiyishimisha. Tugomba guharanira imirimo myiza, tukirinda ngo tugumane imirimo myiza. Ndetse n'Umuhamya w'ukuri aravuga ati: "Nzi imirimo yawe" (Ibyahishuwe 2:2).

Nk'uko ari ukuri ko ibyo dukora byinshi muri byo ubwabyo bitazaduhesha agakiza, ni nako ari ukuri ko ukwizera kutwomatanya na Kristo kuzakangurira umutima gukora.

Abantu badafite igihe cyo gutegera amatwi imitima yabo, ngo bigenzure buri munsi barebe niba bari mu rukundo rw'Imana kandi ngo bajye mu nzira y'umucyo, bazagira igihe cyo gutegera amatwi ibyongorero bya Satani ndetse no gusohora kw'imigambi ye.

Satani ubwe aziyoberanya yinjire anyuze mu tuyira duto tugenda twaguka uko inkota ze zigenda zica inzira. Muri iki gihe amayere ya Satani yo kwiyoberanya azinjizwa mu murimo w'Imana wihariye. – Manuscript 16, 1890.

IMITEKERE REZE Y'IBINYOMA KU MIGISHA Y'IMANA

Abantu benshi bibaza byinshi kandi barahangayitse. Ibi biterwa n'uko badafite kwizera Imana. Kuri bamwe, iby'iyobokamana bivuze ibirenze kugira igihe cyiza. Iyo amarangamutima yabo akanguwe bibwira ko bagize umugisha ku buryo bukomeye. Bamwe ntibatekereza ko bagize umugisha keretse gusa babaye batwawe bagahimbarwa. Ibibatera gutwarwa no

guhimbarwa nibyo bashaka, kandi iyo batabibonye, batekereza ko bibeshye cyangwa ko hari undi muntu wibeshye.

Abantu ntibari bakwiriye gutozwa gutekereza ko iyobokamana rifite gahunda y'amarangamutima, ishingiye ku bwaka ari ryo yobokamana ryonyine ritunganye. Kubera imbaraga y'iyo myizerere, umugabura aba ategerejweho gukoresha imbaraga ze abwiriza ubutumwa bwiza. Agomba gukora iyo bwabaga kugira ngo abagezeho imbaraga nyinshi y'amazi y'ubugingo. Agomba kuzana ibyokumara inyota byinshi bikurura bizemerwa n'irari ry'abantu. Hariho abantu batekereza ko bashobora kuba ba ntacyo nitayeho cyangwa ntibabe batega amatwi ngo keretse gusa amarangamutima yabo agenda ahondobera aramutse akanguwe. –Letter 89, 1902. (Ibaruwa 89, 1902)

BYOSE BIRACECETSE , BIRATUJE, NTIBIJIJISHIJE

Umwanzi aritegura kuyobya isi yose akoresheje imbaraga ye ikora ibitangaza.

Azageragaza kwambara ishusho y'abamalayika b'umucyo kandi yigire nka Yesu Kristo. Umuntu wese wigisha ukuri kw'iki gihe agomba kubwiriza Ijambo ry'Imana. Abantu bagundira Ijambo ry'Imana ntibazakingurira Satani inzugi bagira ibyo bavuga bitizewe bashingiye ku buhanuzi cyangwa ku inzozi n'amayerekwa. Haba ku rugero runini cyangwa ryoroheje, ukwigaragaza kw'ibinyoma kwagiye kwinjizwa hirya no hino, uhereye mu mwaka wa 1844, nyuma y'igihe twari dutegereje kugaruka kwa Kristo…Tuzakomeza kurushaho kubona uko kwigaragaza kw'ibinyoma, kandi nk'abarinzi b'indahemuka tugomba kuba maso. Hari amabaruwa angeraho aturtse ku bantu benshi yerekeye amayerekwa bagize kandi bakumva bafite inshingano yo kuyavuga. Uhoraho afashe abagaragu be kugira ngo bagire ubushishozi.

Iyo Imana ifite inzira nyakuri yo kunyuzamo umucyo, iteka haba hariho ibyiganano byinshi cyane. Satani azakora ibishoboka byose yinjire mu muryango uwo ari wo wose uzamukingurirwa. Azatanga ubutumwa bw'ukuri abuvange n'ibitekerezo by'ukuri bye bwite, ibyo yateguriye kuyobya abantu, byo gukururira ubwenge ku bantu no ku magambo yabo ndetse no kububuza gushikama kuri iri jambo ngo, "Uwiteka aravuga ati." Mu buryo Imana ikorana n'abantu bayo, byose biratuje; ku bayiringira, byose biratuje kandi nta kwishushanya. Hazabaho abizera ibyo Bibiliya ivuga bicishije bugufi, b'abanyakuri ndetse bafite ishyaka, kandi hazanabaho abakora ibyo Ijambo ribabwira kimwe n'abaryumva. Hazabaho gutegereza Uwiteka by'ukuri, gushikamye kandi kuvuye ku mutima.-Letter 102, 1894. (Ibaruwa 102, 1894)

URUGERO RWA KRISTO

Nimureke he kugira n'umwe uterwa ubwoba no kujya ku ruhembe niba ari umwigishwa w'ukuri w'Ijambo ry'Imana kandi wicisha bugufi mu mutima kuri buri ntambwe. Kristo agomba kuba muri we kubwo kwizera. Kristo we Cyitegererezo cyabo, yari atuje. Yagenderaga mu kwicisha bugufi. Yari afite umutuzo nyakuri. Yari afite kwihangana. Iyaba buri wese mu bemera ugutsindishirizwa kubwo kwizera yagiraga iyo mico, nta bahezanguni babaho…

Urugero rwa Kristo ruri imbere yacu rwo kumvira amategeko n'ubutumwa bwiza byomatanye. Ntibishobora gutandukanywa. Nimureke gutuza no kwitegeka byimenyerezwe kandi bikomezanywe kwihangana kubera ko ibi ari

byo byari bigize imico ya Kristo. Twumva imvugo z'ubwibone z'abanyamadini b'abanyabinyoma bavugana ukwishingora, bavuga baranguruye bati, "Ndi umuziranenge, nta cyaha ngira" mu gihe nta rufatiro na ruto bafite rw'ukwizera kwabo. Kristo, we Nkomoko y'ukuri kose, ntitwigera tumwumvaho urusaku rwo kuvugana ubukana ibyo kwizera cyangwa ngo tumubonane impinduka ku mubiri mu buryo budasanzwe n'imikorere by'indengakamere.

Mwibuke ko muri we ari ho hari ukuzura k'Ubumana kose mu buryo bw'umubiri. Niba Kristo aba mu mitima yacu kubwo kwizera, bitewe no kwitegereza uko yabagaho,tuzashaka gusa nawe, tuboneye, dutuje kandi tutanduye. Tuzagaragariza Kristo mu mico yacu. Ntabwo tuzakira umucyo ngo utubemo gusa ahubwo tuzanawusakaza. Tuzagira imyumvire irushijeho gusobanuka y'icyo Yesu Kristo ari cyo kuri twe. Ugutungana, ubwiza n'ubugwaneza byarangaga imibereho ya Yesu Kristo bizagaragarira mu mibereho yacu. –Manuscript 24, 1890.

ICYIFUZO CYO GUHINDURA GAHUNDA Y'IKI GIHE

Aho kugira ngo tubeho twiteze igihe kidasanzwe cyo gukanguka, tugomba gukorana ubushishozi tukanoza uburyo buriho ubu, tugakora ikigomba gukorwa kugira ngo abantu bakizwe. Aho kugira go tumare imbaraga z'intekerezo zacu tugerageza gufindura ibyerekeye ibihe Uwiteka yarekeye mu bushobozi bwe ntabihishurire abantu, tugomba kwiyegurira kuyoborwa na Mwuka Muziranenge, tugakora inshingano dufite ubu, tugatanga umutsima w'ubugingo utavanzemo ibitekerezo by'abantu maze tukawuha abantu barimbuka batazi ukuri…

Turi mu kaga gahoraho ko gukomeza ubutumwa bwiza. Hari benshi bafite icyifuzo gikomeye cyo gukangaranya isi bakoresheje ikintu kidasanzwe, gishobora gukangura abantu kikabageza ku gutwarwa mu by'umwuka, kandi kigahindura gahunda y'imikorere y'iki gihe. Mu by'ukuri, hariho ubukene bukomeye bwo guhindura gahunda y'imikorere y'iki gihe kubera ko ukwera k'ukuri kw'iki gihe kutagaragara nk'uko byari bikwiriye. Nyamara uguhinduka dukeneye ni uguhinduka k'umutima kandi uko guhinduka kwagerwaho gusa ari uko buri muntu ku giti cye ashatse Imana ngo imuhire.

Uko guhinduka kwagerwaho kandi kubwo gusaba imbaraga y'Imana, kubwo gusengana umwete dusaba ko ubuntu bwayo bwatuzaho ndetse ko n'imico yacu yahindurwa. Uku niko guhinduka dukeneye muri iki gihe, kandi kugira ngo ibi bigerweho dukwiriye gukoresha imbaraga tutarambirwa kandi tukarangwa no kudakebakeba. –*The Review and Herald*, March 22, 1892. (Urwibutso n'Integuza, 22 Werurwe 1892)

NTA BIDASANZWE CYANGWA INZADUKA

Reka he kubaho ibidasanzwe cyangwa inzaduka ku bamamaza Ijambo ry'ukuri, kuko ibintu nk'ibyo bizaca intege impinduka zagombye guterwa n'Ijambo ry'Imana. Tugomba kurindwa kubera ko Satani yagambiriye ko bishobotse yavanga imbaraga ye y'ikibi na gahunda z'idini. Nimureke he

kubaho kugaragaza ibintu mu buryo bw'ikinamico kubera ko ibi bitazafasha ngo bitere imbaraga ukwizera Ijambo ry'Imana. Ahubwo bizayobya intekerezo zerekere ku bantu.- Letter 352, 1908 (Ibaruwa 352, 1908)

IJAMBO RY'IMANA NTIRIGOMBA KWANDUZWA N'UBUYOBE BW'ABANTU

Mu rusaku rw'urudubi aho abantu bavuga bati, "Nimurebe Kristo ari hano! Kristo ari hariya!" hazatangirwa ubuhamya budasanzwe, ubutumwa budasanzwe bw'ukuri gukwiranye n'iki gihe. Ubwo butumwa bugomba kwakirwa, bukizerwa kandi bugakurikizwa. Ni ukuri ntabwo ari ibitekerezo abantu bibwira ko ari ukuri kandi atari ko. Ni ukuri gutanga umusaruro.

Ukuri guhoraho kw'Ijambo ry'Imana kuzatandukana n'ibinyoma byose biyobya ndetse n'ubusobanuro bushingiye ku myuka y'abadayimoni. Kuzatandukana n'amashusho yose y'ibinyoma kandi akurura abantu.

Ibinyoma bizashyrwa imbere y'intekerezo z'ubwoko bw'Imana, nyamara ukuri kugomba guhagarara gukenyeye imyambaro yako myiza kandi itunganye. Ijambo ry'Imana rifite agaciro kenshi mu mbaraga zaryo zera kandi zisayura, ntirigomba guteshwa agaciro ngo rishyirwe ku rwego rumwe n'ibintu bisanzwe bimenyerewe. Rigomba iteka guhora ritavanze n'ibinyoma Satani ashaka kuyobesha n'intore bibaye bishobotse. –*The Review and Herald*, October 13, 1904. (Urwibutso n'Integuza, 13 Ukwakira 1904)

Nimureke ubwoko bw'Iman bukore kugira ngo ab'isi babone ko Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi ari abantu basobanukiwe kandi batekereza, abantu bafite kwizera gushingiye ku rufatiro nyakuri aho gushingira ku nyigisho z'udubi rw'urujijo. Abantu basonzeye umutsima w'ubugingo. Ntimubahe ibuye. –Manuscript 101, 1901.

IGICE CYA 2:UBWAKA BWABAYEHO MBERE BUZONGERA KUBAHO GUKURAHO INKINGI

Abantu bacu bakeneye gusobanukirwa impamvu zo kwizera kwacu ndetse n'ibyatubayeho mu gihe cyashize. Mbega uburyo bibabaje kubona uko mu buryo bugaragara abantu benshi basa n'abashyira ibyiringiro biheranije mu bantu bigisha inyigisho zigambiriye kurandura amateka yacu no gukuraho inkingi za kera! Abantu bashobora kuyoborwa n'umwuka uyobya mu buryo bworoshye, bagaragaza ko bamaze igihe bakurikiye umuyobozi mubi- ku buryo badashobora gusobanukirwa ko bari gutandukana no kwizera cyangwa ko batari kubaka ku rufatiro nyakuri. Dukeneye kubwira abantu bose kwambara indorerwamo zabo z'iby'umwuka, bagasigwa amavuta ku maso kugira ngo babashe kubona neza kandi basobanukirwe n'inking nyakuri zo kwizera. Bityo bazamenya ko "Urufatiro rukomeye rw'Imana rugihagaze, rwanditsweho iki kimenyetso ngo,'Uwiteka azi abe'" (2Timoteyo 2:19). Dukeneye kubyutsa ibihamya byo kwizera bya kera byahawe intore z'Imana.

Inyigisho zose z'ibinyoma n'ubushukanyi zizigishwa n'abantu bibwira ko bafite ukuri. Ubu bamwe bigisha ko mu isi nshya hazavukira abana. Mbese uku ni ukuri gukwiriye iki gihe? Ni nde wamurikiye aba bantu ngo bigishe inyigisho nk'iyi? Mbese hari uwo Imana yahaye ibitekerezo nk'ibyo?- Oya, ibyahishuwe ni ibyacu n'abana bacu, ariko ibyerekeye ibitarahishuwe kandi bidafite aho bihuriye n'agakiza kacu, guceceka niyo mvugo nziza. Ibyo bitekerezo bidasnzwe ntibyari bikwiriye no kuvugwa ndetse ngo byigishwe na hato nk'aho ari ukuri gukenewe.

Twageze mu gihe ibintu bigomba kuvugwa mu mazina yabyo nyakuri.
Nk'uko twabigenje mu minsi ya mbere, tugomba guhaguruka tuyobowe n'Umwuka w'Imana tugacyaha umurimo w'ubushukanyi. Bimwe mu bitekerezo bivugwa ubu, ni intangiriro ya bimwe mu bitekerezo bikomeye by'ubwaka bishobora kwigishwa. Inyigisho zimeze nk'izo twahanganye nazo nyuma gato y'umwaka wa 1844 zirimo zigishwa na bamwe bafite imyanya y'ingenzi mu murimo w'Imana.

Twahanganye n'umurimo w'ubwaka ukorwa mu ibanga kandi uyobya muri New Hampshire no muri Vermont. Ibyaha byo kwihandagaza byarakorwaga ndetse n'irari ribi rigahabwa intebe na bamwe nyamara bitwikiriye ukwezwa. Bigisha inyigisho zishyigikira ubusambanyi. Twabonye Ibyanditswe bisohora ngo "Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni" (1Timoteyo 4:1). –*The Southern Watchman* , April 5, 1904.

INYIFATO Y'UMUBIRI SI YO ISABWA

Iyobokamana nyakuri ntirisaba ihinduka ryo ku mubiri mu buryo bukomeye…Icyo sicyo gihamya cy'uko Mwuka w'Imana ahari. Mu 1843 na 1844 twahamagariwe guhangana n'ubwaka nk'ubwo. Abantu baravugaga bati, "Mfite Mwuka Muziranenge w'Imana", maze bakaza mu materaniro bakikaraga nk'uruziga; bityo kubera ko abantu bamwe batashoboraga kwemera ko ibyo ari igihamya cyo gukoreshwa na Mwuka w'Imana, bafatwaga nk'abanyabyaha. Uwiteka yantumye kujya hagati muri ubwo bwaka …Abantu bamwe bazaga aho ndi maze bakambaza bati, "Ni mpamvu ki utifatanya nabo?" Narabasubizaga nti, "Mfite undi Muyobozi utari uyu, Umuyobozi w'umugwaneza kandi woroheje mu mutima, utarigeze akora nk'ibi muri gukora ahangaha, cyangwa ngo yirate atya. Iyi nyifato ntabwo ikomoka kuri Kristo ahubwo ni ku mubi."- Manuscript 97, 1909.

KUVUGA KO WASHYIZWEHO IKIMENYETSO KANDI WERA

Mu mwaka wa 1850, njye n'umugabo wanjye twasuye Vermont, Canada, Newe Hampshire ndetse na Maine. Amateraniro yaberaga mu mazu yihariye. Bityo icyakurikiyeho ni uko kubonana n'abatizera bitashobokaga. Ugucika intege kwabayeho mu 1844 kwari kwarateye urujijo intekerezo za benshi,bityo ntibashakaga gutega amatwi ubusobanuro ubwo ari bwo bwose bwerekeye ibyabaye. Nta kwihangana bari bafite kandi ntibizeraga ndetse

bamwe basaga n'abigometse barazinutswe rwose ibyo imibereho yabo yo gutegereza yo mu gihe cyashize. Abandi bahisemo kudakurikira iyo nzira ngo bahakane iyo
Imana yari yarabayoboyemo. Aba bari bishimiye kumva ibitekerezo bivuye mu Ijambo ry'Imana byashoboraga guhuza imyumvire yacu n'amateka y'ubuhanuzi. Ubwo bategeraga amatwi ubusobanuro bwerekeye ugucika intege kwari kwarababababaje cyane, baonye ko Imana yari ibayoboye rwose maze bishimira ukuri. Ibingibi byabyukije impaka zikomeye cyane ziturutse ku batemeraga ibyatubayeho mu gihe cyashize.

Nyamara twari tugifite ikindi kintu kibi cyane twagombaga guhangana nacyo cyari mu itsinda ry'abavugaga ko bejejwe badashobora gukora icyaha, ko bashyizweho ikimenyetso kandi ko ari abaziranenge ndetse ko ibitekerezo byabo n'ibyo bemeraga byaturukaga ku Mana. Abantu benshi b'abanyamuhati bayobejwe n'uko kwigira shyashya kw'abo baka. Satani yari iyarakoresheje ubuhanga bwe ngo atere abo bantu bayobye kwemera Isabato bityo kubw'umurimo bari gukora nyamara bavuga ko bemera umugabane umwe w'ukuri, azabashe kugwiza ibinyoma byinshi mu bantu. Yashoboraga nanone gukoresha abo bantu mu buryo bukomeye kugira ngo atere abatizera kuzinukwa. Abo batizera batungaga agatoki ba bandi badashikamye kandi badafite ibitekerezo bihamye bakabafata nk'abahagararirye Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi. Iri tsinda ry'abantu ryikorezaga abantu imitwaro y' ibigeragezo n'imisaraba y'imihimbano Kristo atigeze abikoreza.

Bavugaga ko bakiza abarwayi kandi bagakora ibitangaza. Bari bafite imbaraga ya satani, y'ubupfumu; nyamara baragandishaga, bagatwaza igitugu kandi bakarenganya abantu. Imana yaradukoresheje ngo tube umuyoboro wo gucyaha abo baka ndetse no gufungura amaso y'abantu bayo b'indahemuka kugira ngo babone imiterere nyakuri y'umurimo w'abo baka. Amahoro n'ibyishimo byaje mu mitima y'abitandukanyije n'ubu bushukanyi bwa Satani, maze ubwo babonaga ubwenge bw'Imana butayobya, ubwo yakoresheje ibashyira imbere umucyo w'ukuri ndetse bakabona n'umusaruro wako wari uhabanye n'ubuyobe n'ibinyoma bya

Satani, byatumye baha Imana ikuzo. Ukuri guhabanye n'ibyo binyoma kwamuritse kumeze nk'izahabu nziza iri mu myanda yo ku isi. – *The Review and Herald,* Nov. 20, 1883.

KUGOREKA UKWERA K'UMURIMO

Mfite inshingano yo guhora nibutsa abantu bacu (abagabura b'ubutumwa bwiza, ndetse n'abandi bose bavuga ko bageza umucyo w'ukuri ku batuye isi), akaga ko kugoreka ukwera kw'umurimo w'Imana batuma intekerezo zabo zemera ubusobanuro budafashije bw'uburyo Imana yifuza ko umurimo wayo wakorwa. Nahawe amabwiriza yihariye yerekeye kuzana gahunda z'abantu n'imigambi yabo mu murimo wo kumenyesha abatuye isi ukuri gukwiriye iki gihe.

Incuro nyinshi mu myaka yashize, nahatiwe kurwanya ingamba zidafite ishingiro kandi zibujijwe zagiye zishyirwa ahagaragara n'abntu batandukanye. Ubutumwa nakomeje kujya ntanga bwari ubu ngo, 'Mubwirize Ijambo ry'Imana mwiyoroheje kandi mwicishije bugufi, mwigishe abantu ukuri kumvikana kandi kutagize ikindi kikuvanzwemo.
Ntimugire umuryango na muto mufungurira amatsinda y'abaka, kuko icyo akora ari ukujijisha intekerezo, guca intege no gucogoza kwizera mu bwoko bw'Imana…'

Igihe cyose nagiye mpamagarirwa guhangana n'ubwaka bw'uburyo butandukanye, nagiye mpabwa amabwiriza yumvikana, meza kandi agaragara kugira ngo ndangurure ijwi ryanjye namagane imbaraga zabwo.
Kuri bamwe, ikibi cyigaragaje mu ishusho y'ibipimo bikozwe n'abantu kugira ngo bigaragaze ko bazi ubushake bw'Imana. Neretswe ko ibi byari ubuyobe bwaje guhinduka ugutwarwa by'akanya gato kandi ko bihabanye n'ubushake bw'Imana. Turamutse dukurikiye ubwo buryo, twazasanga ko dushyigikira imigambi y'umwanzi. Mu bihe byashize, bamwe mu bizera bari bafite ukwizera guhamye mu gushyiraho ibimenyetso bashingiragaho kugira ngo

bamenye inshingano yabo. Bamwe biringiraga ibyo bimenyetso ku buryo abagabo bageze n'aho bugurana abagore babo, bityo binjiza ubusambanyi mu itorero.

Neretswe ko mu minsi iheruka uyu murimo, hazongera kubaho ubushukanyi busa n'ubwo twahamagariwe kurwanya mu minsi ya mbere yo kwamamaza ubutumwa, kandi ko tuzaba tugomba kongera kuburwanya. Muri iki gihe dusabwa gushyira imbaraga zacu zose munsi y'ubutware bw'Imana, tugakoresha ubushobozi bwacu dukurikije umucyo Imana yaduhaye.

Musome igice cya kane n'icya gatanu bya Matayo. Nimwige Matayo 4:8-10; 5:13. Mutekereze ku murimo wera wakozwe na Kristo. Ubwo nibwo amahame y'Ijambo ry'Imana azinjizwa mu mirimo yacu. –Letter 36, 1911.

GUKOMEZA UBUPFURA MU MYITWARIRE

Nyuma y'umwaka wa 1844, ubwaka bwaje mu Badiventisiti. Imana yatanze ubutumwa bw'umuburo wo gukumira icyo cyago cyari giteye. Hagati y'abagabo n'abagore bamwe hariho umushyikirano cyangwa ukumenyerana kurengeje urugero. Nababwiye urugero rwera rw'ukuri dukwiriye kugeraho ndetse no kubonera kw'imyitwarire twari dukwiriye gukomeraho kugira ngo tubeho nk'uko Imana ishaka tutarangwaho ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikindi kintu cyose gisa gityo. Imiburo ikomeye iturutse ku Mana yabwiwe abagabo n'abagore bari bafite intekerezo zibaroha mu nzira yanduye kandi baravugaga ko batoneshejwe n'Imana mu buryo bwihariye. Nyamara ubutumwa Imana yatanze bwarasuzuguwe kandi burangwa…

No muri iki gihe dushobora guhura n'akaga. Umuntu wese wiyemeza kubwira abatuye isi ubutumwa bw'umuburo, mu mibereho ye azageragereshwa bikomeye cyane gukurikira inzira ihakana ukwizera kwe.

Nk'abakozi tugomba gushyira hamwe tukanga kandi tukarwanya ikintu cyose gifite agasanira n'ikibi kibasha kuboneka mu mibanire yacu. Ukwizera

kwacu kurera; umurimo wacu ugomba gushyigikira icyubahiro cy'amategeko y'Imana, ntabwo ari uwo gutuma haba umuntu ujya ku rwego rwo hasi mu bitekerezo cyangwa myitwarire. Hariho abantu benshi bavuga ko bemera kandi bigisha ukuri nyamara bafite ubuyobe n'ibitekerezo byabo bwite bidafite ishingiro bivanze n'ukuri. Nyamara hari urwego rwashyizwe hejuru tugomba guhagararaho. Tugomba kwizera kandi tukigisha ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Ukwera k'umutima ntikuzigera kuyobora ku gukora ibibi. Igihe umugabo uvuga ko yigisha ukuri yageze ku rwego rwo gukabya kugendana n'inkumi cyangwa abagore bashatse, iyo agize akamenyero ko kubakozaho ibiganza, cyangwa akenshi ugasanga aganira nabo bahuje urugwiro, uzamutinye kuko amahame atunganye y'ukuri adashikamye mu mutima we. Abantu nk'abo ntibakorana na Yesu, ntibari muri Kristo ndetse na Kristo ntari muri bo. Bakeneye guhinduka nyako mbere y'uko Kristo yemera imirimo yabo.

Ntabwo ukuri gukomotse mu ijuru gutesha agaciro ukwakiriye, kandi ntikwigera kumuyobora ku gusabana mu buryo budakwiriye; ahubwo ibiri amambu kweza umuntu ukwemera, kugatunganya ibyo akunda, kukamuzamura kandi kukamuhesha agaciro ndetse kukamugeza ku komatana na Yesu. Kumugeza ku kwita ku itegeko intumwa Pawulo yatanze ryo kwirinda n'igisa n'ikibi, naho nibitaba bityo ibyiza bye bizavugwa nabi. – *The Review and Herald*, Nov. 10, 1885.(Urwibitso n'Integuza, 10 Ugushyingo 1885)

IGICE CYA 3:INYIGISHO IVU GA IBYO “KWERA K’UMUBIRI”

[Abari bashyigikiye inyigisho y’ubwaka bayise “ Inyigisho yo kwera k’umubiri” *yatangiye mu mwaka wa 1900, muri Indiana, maze itwara umuyobozi w’umurimo muri ako karere hamwe n’abakozi batari bamw. Iyo nyigisho yavugaga ko igihe Kristo yanyuraga mu mubabaro w’I Gethsemane yakuyemo umubiri wera umeze nk’uwo Adamu yari afite mbere y’uko acumura. Iyi nyigisho yahamyaga ko abantu bakurukira Umukiza nabo bagomba kugira umubiri nk’uwo utaragwamo icyaha kandi ibyo bikaba umwiteguro wa ngombwa wo kujya mu ijuru.Inkuru z’ababaibonye zivuga ko mu materaniro yabo, abaka batumaga habaho gutwarwa ko mu rwego rwo hejuru bakoresheje ibicurangisho by’umuziki birimo inanga z’amoko atandukanye, imyirongi, amahembe ndetse n’ingoma zihinda cyane. Bashakaga ko imibiri ikora, bagasakuza, bagasenga kandi bakaririmba kugeza ubwo umuntu wabaga ari mu iteraniro yashoboraga kuva aho yicaye akikubita hasi, yubaraye yataye ubwenge. Umuntu umwe [cyangwa babiri] yagendagendaga hagati y’intebe agambiriye gukurura uwabaga yaguye hasi kugira ngo amujyane imbere ahitegeye iteraniro. Bityo, hafi y’abantu cumin a babiri bagombaga kuzenguruka uwo muntu urambaraye hasi, bamwe baririmba abandi baviza induru, abandi basenga, abo bose babikorera icyarimwe. Igihe uwo wabaga arambaraye hasi yagaruraga ubuyanja, yashyirwaga mu mubare w’abanyuze mu mubabaro w’I Gethsemane, bahawe umubiri wera kandi biringiye kujya mu ijuru. Kubw’ibyo, bemezaga ko adshobora gukora icyaha kandi ko atazapfa. Abakuru babiri ari bo S. N. Haskell na A. J. Breed, bari bamwe mu bayobozi b’abagabura, boherejwe guhangana n’ubu bwaka mu materaniro makuru yagombaga kubera ahitwa Muncie muBuhindi guhera kuwa 13 kugeza kuwa 23 Nzeri 1900. Ibi byari byadutse byahishuriwe Madame White igihe yari muri Australia muri Mutarama 1900 maze atanga ubuhamya bw’umuburo no gucyaha ibyo nk’uko bigaragara mu butumwa bubiri bukurikira. ABAKUSANYIJE INYANDIKO*]

[Inyandiko yasomwe na Madame White imbere y'abagabura mu Nteko Nkuru Rusange yo kuwa 17 Mata 1901]

Nahwe amabwiriza yerekye ibyadutse ku bavandimwe bacu bo mu Buhindi ndetse n'inyigisho bagejeje ku itorero. Binyuze muri ibi byabaye ndetse no muri izi nyigisho, umwanzi yayobeje abantu benshi.

Inyigisho yatanzwe yerekeye icyiswe "umubiri wera" ni ubuyobe. Abantu bose bashobora kugira imitima yera, ariko kuvuga ko muri ubu buzima umuntu yagira umubiri wera ntabwo ari ukuri. Intumwa Pawulo aravuga ati, "Nzi yuko muri njye, ibyo ni ukuvuga muri kamere yanjye, nta cyiza kimbamo." (Abaroma 7:18). Ndabwira abantu bose kubwo kwizera bagerageje uko bashoboye kose kugira ngo bagire ibyo byitwa kwera nti, "Ntimushobora kukugira. Nta wo muri mwe ufite umubiri wera ubu. Nta muntu ku isi ufite umubiri wera Ibyo ni ibidashoboka. "

Iyaba abavugana umudendezo ibyo gutungana k'umubiri babashaga kobona ibintu mu mucyo nyakuri, bagombye kuzibukira ibitekerezo byabo bidafite ishingiro bahinda umushyitsi. Mu kwerena ukwihenda kw'ibyo bavuga ku byerekeye umubiri wera, Uwiteka ashaka kubuza abagabo n'abagore kugira icyo bubakira ku magambo ye kiyobora ku kwandura k'umubiri, ubugingo n'umwuka. Nimureke iyi nyigisho ikomeze kwigishwa bityo izayobora ku kuvuga ko abayishyigikiye badashobora gukora icyaha; bavuge ko ubwo imibiri yabo yera n'ibikorwa byabo byose byera. Mbega urugi rw'ibigeragezo rushobra gufungurwa muri ubu buryo!

Ibyanditswe bitwigisha gushakira ku Mana ukwezwa k'umubiri, ubugingo n'umwuka. Muri uyu murimo tugomba kuba abakozi bakorana n'Imana. Hari byinshi bishobora gukorwa kugira ngo ishusho y'Imana yongere kugaruka mu muntu, kugira ngo ubushobozi bw'umubiri, ubwenge ndetse n'imico mbonera byongere kuvugururwa. Mu mubiri hashobora kubaho impinduka zikomeye bitewe no kubaha amategeko y'Imana ndetse no kudashyira mu

mubiri ikintu cyanduza. Nyamara nubwo tudashobora kwemeza ibyo kwera k'umubiri, dushobora kugira ubutungane bwa Gikristo bw'ubugingo. Kubw'igitambo twatangiwe, ibyaha bishobora kubabarirwa mu buryo bwuzuye. Ntabwo twishingikirije ku byo umuntu ashobora gukora; ahubwo ni kubyo Imana yakoreye umuntu binyuze muri Kristo. Iyo twiyeguriye Imana burundu kandi tukizera tumaramaje, amaraso ya Kristo atwezaho ibyaha byose. Umutimanama ushobora kubohorwa ku gucirwaho iteka. Kubwo kwizera amaraso ye, abantu bose bashobora gutunganyirizwa muri Kristo Yesu. Dushimire Imana ko ibyo tugambiriye atari ibidashoboka. Dushobora gusaba kwezwa. Dushobora kwishimira amahirwe Imana iduha.

Ntabwo tugomba guhangayikishwa n'ibyo Kristo n'Imana badutekerezaho, ahubwo ibyo Imana itekereza kuri Kristo, Inshungu yacu. Mwemererwa muri Yesu Ukundwa. Imana yereka uwihana kandi akizera ko Kristo yemera kwitanga k'ubugingo kugira ngo butunganywe buse nawe.

Mu mibereho ye yo ku isi, Kristo yashoboraga kuba yaragize ibyo ashyira ahagaragara byashborag kuba byarakubise hasi kandi bigatuma ubuvumbuzi bw'abantu butitabwaho. Yashoboraga guhora afungurira imiryango ibintu byinshi by'amayobera, kandi umusaruro wari kuvamo wari kuba uguhishurwa k'ukuri kw'iteka ryose. Yashoboraga kuba yaravuze amagambo yagombaga kuba urufunguzo rwo gufungura amayobera yari kuba yaratwaye intekerezo z'abantu bo mu bisekuru byinshi kugeza ku iherezo ry'ibihe. Nyamara ntabwo ashobora guha abantu ibibanejeje kandi amaherezo bishobora kubazanira akaga. Ntabwo yaje guterera abantu igiti cy'ubwenge ahubwo ni igiti cy'ubugingo…

Nahawe amabwiriza yo kubwira abo mu Buhindi bari bashyigikiye inyigisho z'inzaduka nti, "Muri guha umurimo w'Imana w'agaciro kenshi kandi w'ingenzi ishusho itari yo. Nimugume mu mbibi za Bibiliya. Nimwige inyigisho za Kristo, kandi muzisubiremo kenshi. Mwibuke ko 'ubwenge buva mu ijuru, irya mbere buboneye kandi ari ubw'amahoro, bw'ineza, bwemera kugirwa inama, bwuzuye imbabazi n'imbuto nziza, butarobanura ku butoni kandi butagira uburyarya'" (Yakobo 3:17, 18).

Igihe abantu bazahabwa imibiri yera, ntabwo bazaguma ku isi, ahubwo bazajyanwa mu ijuru. Nubwo icyaha kibabarirwa muri ubu buzima, ntabwo ingaruka zacyo ziba zikuweho burundu ubu. Ubwo Kristo azaba aje niho "azahindura uyu mubiri wo gucishwa bugufi kwacu, akawushushanya n'umubiri w'ubwiza bwe"(Abafilipi 3:21)…

Kenshi na kenshi mu iterambere ry'umurimo wacu, hagiye hahaguruka amatsinda y'ubwaka, kandi ubwo nagezwagaho icyo kibazo, nagombaga gutanga ubutumwa buhuye n'ubwo ndi guha abavandimwe banjye mu kwizera bo mu Buhindi . Nabwiwe n'Imana ko ibi byadutse mu Buhindi bisa rwose n'amatsinda yabayeho mu myaka yashize. Mu materaniro yanyu yo kuramya
Imana hagiye habaho ibisa n'ibyo nabonye bifitanye isani n'ayo matsinda yo mu gihe cyashize.

Mu gihe cyo gucika intege cyakurikiye umwaka wa 1844, havutse ubwaka mu buryo butandukanye. Bamwe bemeraga ko umuzuko w'abakiranutsi bapfuye wamze kubaho. Natumwe gushyira ubutumwa abizeraga ibi nk'uko na n'ubu mbagezaho ubutumwa. Bavugaga ko ari intungane, bakavuga ko umubiri,umwuka n'ubugingo byera. Batangaga ubusobanuro busa n'ubwo mwatanze,maze bajijisha intekerezo zabo bwite ndetse n'iz'abandi bakoresheje ibyo bemera badafitiye ibihamya. Nyamara aba bantu bari abavandimwe bacu dukunda kandi twifuzaga cyane kubafasha. Najyaga mu materaniro yabo. Habaga ugutwarwa gukabije kurimo urusaku n'umuvurungano. Nta muntu washoboraga kuvuga ibivuzwe. Bamwe basaga n'abari mu iyerekwa maze bakikubita hasi. Abandi babaga basimbuka, babyina kandi basakuza. Bavugaga ko kubera ko biteguye kujya mu ijuru kubera ko imibiri yabo yari yejejwe. Ibi babisubiragamo kenshi. Natanze ubuhamya bwanjye mu izina ry'Uwiteka, maze nchyaha ibyo bakoraga.

Abantu bamwe bari baragiye muri ibyo byari byadutse bagaruye intekerezo nzima maze babona ubuyobe bwabo. Bamwe bari barabaye abantu

b’ibyamamare kandi bitonda ariko batekerezaga ko umubiri wejejwe udashobora gukora icyaha, maze muri ubwo buryo bafatirwa mu mutego wa Satani. Ibitekerezo byabo bikomeye bari barabigejeje kure cyane ku buryo bahindutse igisuzuguriro mu byo agaciro gakomeye k’Imana. Ababaga bihannye bamaramaje babarirwaga mu bagabo n’abagore b’abiringirwa b’ingenzi muri twe. Nyamara habayeho abandi kuva icyo gihe bagendeye ko.

Nta na rimwe twashoboraga kubumvisha ko ari ab’agaciro mu murimo w’ Umukiza bari barashebeje cyane.

Umusaruro wavuye muri ayo matsinda y’ubwaka navuze ni uko hamwe na hamwe abantu batari bayafitemo uruhare baguye mu majune. Uko gutwarwa n’urusaku rwinshi byabagaho ntabwo bashoboraga kubihuza n’imibereho yabo myiza y’igihe cyashize; botswa igitutu cyo kwakira ubutumwa buyobya. Babwirwaga ko nibadakora batyo, bashobora kuzimira bityo ingaruka yavuyemo ni uko intekerezo zabo zabaye mu gihirahiro kandi bamwe bangirika mu ntekerezo. Ibi bintu bishyira igisuzuguro ku murimo w’ukuri kandi bikabera imbogamizi iyamamazwa ry’ubutumwa buheruka bw’imbabazi bugomba kubwirwa abatuye ku isi.

URUSAKU SI IGIHAMYA CYO KWEZWA

Uburyo amateraniro yakorwaga mu Buhindi yabaga yuzuyemo urusaku n’umuvurungano ntabwo byigeze binezeza abantu bashishoza kandi b’abanyabwenge. Muri iyo mivurungano nta kintu cyari kirimo cyashoborag kwemeza abatuye isi ko dufite ukuri. Ntabwo urusaku rusanzwe n’induru ari ibihamya byo kwezwa cyangwa by’uko Mwuka Muziranenge yamanutse. Icyo uwo muvurungano wanyu ukora gusa ni ugutera iseseme intekerezo z’abatizera. Iyo mivurungano muyigabanyije, byabera byiza abayikora ndetse bikanabera byiza abantu bose muri rusange.

Iyo ubwaka bwatangiye maze bukarekwa budakomwe mu nkokora, bugora guhagarikwa nk'uko bigenda ku muriro wamaze gukwira inyubako. Abantu binjiye kandi bagashyigikira ubu bwaka, ibyababera byiza ni uko bakwigira mu mirimo y'isi kubera basuzuguza Imana kandi bagashyira ubwoko bwayomu kaga bitewe n'imikorere yabo idashikamye. Amatsinda nk'ayo y'ubwaka azahaguruka muri iki gihe, ubwo umurimo w'Umwami wagombye kuba wererezwa, ukazira inenge kandi ntuvangwemo ubupfumu n'ibitekerezo by'ibihimbano. Dukeneye kuba maso tugakomeza komatana na Kristo kugira ngo tutayobywa n'uburiganya bwa Satani.

Uwiteka yifuza ko mu murimo we habamo gahunda n'ikinyabupfura, ntihabemo ugutwarwa n'umuvurungano. Ntabwo ubungubu dushobora gusobanura neza ibintu bigomba kuzakorwa muri twe mu gihe kizaza, ariko icyo tuzi ni uko iki ari igihe tugomba kuba maso dusenga kubera ko umunsi ukomeye w'Umwami wacu uri bugufi. Satani ari gukusanya ingabo ze. Dukeneye kuba abantu bashishoza kandi batuje ndetse tukagenzurana ubwitonzi ukuri ko mu byahishuwe. Ntabwo ugutwarwa ari ngombwa kugira ngo umuntu akurire mu buntu, agere ku butungane nyakuri kandi yezwe.

Imana ishaka ko dukorana n'ukuri kwera. Ibi byonyine bizemeza abahakana ukuri. Hagomba gukorwa umurimo utuje, urimo ubushishozi kugira ngo abantu bemezwe uko bameze, berekwe uburyo bwo kubaka imico bugomba gukorwa niba urugero rwiza rushyizweho kubwa Kristo. Abantu bakangutse bagomba kugirwa inama mu bwitonzi niba basobanukiwe neza kandi bagaha agaciro ukuri kw'Ijambo ry'Imana.

Imana ihamagarira ubwoko bwayo kugendana ubwitonzi no kudakebakeba kwera. Bari bakwiriye kwitonda cyane kugira ngo batagaragaza nabi cyangwa ngo basuzuguze inyigisho zera z'ukuri bitewe no gukora ibintu bidasanzwe, imivurungano ndetse n'urudubi. Iyo bakora ibyo, bitera abatizera gutekereza ko Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi ari itsinda ry'abaka bityo hakabaho urwikekwe rubuza bantu kwakira ubutumwa bukwiriye iki gihe. Iyo abizera bavuga ukuri nk'uko kuri muri Yesu,

bagaragaza ubwitonzi bwera burimo ubushishozi, ntibagaragaza umuriri w'urudubi. – *General Conference Bulletin*, April 23, 1901.

KURAMYA IMANA MU RURUSAKU

Ntabwo byoroshye gutekereza mu buryo bwagutse umurimo Uwiteka azakoresha abakozi be gusohoza inama ze n'umugambi we. Uhoraho yanyeretse ko ibintu mwabonye byabereye mu Buhindi bizongera kubaho mbere yo kurangira kw'imbabazi. Ikintu cyose kidasanzwe kizashyirwa ahagaragara. Hazabaho urusaku ruvanze n'ingoma, umuziki no kubyina. Intekerezo z'abantu bashishoza zizaba mu rujijo ku buryo badashobora kwiringirwa ko bafata imyanzuro itunganye. Kandi ibi bizitwa kuza kwa Mwuka Muziranenge.

Mwuka Muziranenge ntiyigaragaza muri ubwo buryo, muri urwo rudubi rw'urusaku. Ibi ni ibyo Satani yahimbye kugira ngo atwikire amayere ye yuzuye ubucakura ngo azimye ukuri kwera, kuzahura, guhesha icyubahiro kandi kweza kugenewe ab'ki gihe kube imfabusa. Byaba byiza ko gusenga Imana bitavanzemo umuziki kurusha ko hakoreshwa ibicurangisho by'umuziki banyeretse muri Mutarama bavuga ko bifuza kuzabikoresha mu materaniro makuru yacu. Nta kintu cyo muri ubu bwoko gikenewe n'ukuri kugenewe iki gihe mu murimo wako wo guhindura imitima. Urudubi rw'urusaku rukangaranya intekerezo kandi rukangiza ibyajyaga kuba umugisha iyo biba byakozwe mu buryo butunganye. Imbaraga z'abadayimoni zivanga n'induru n'urusaku kugira ngo habeho gutwarwa no gusamara, kandi ibi bikitirirwa umurimo wa Mwuka Muziranenge.

Iyo amateraniro makuru arangiye, ibyiza byagombaga kuba byagezweho kandi bikaba byakozwe no kwigisha ukuri kwera ntibigerwaho. Abari bari muri ayo materaniro yagombye kubatera ububyutse, babona ibibashyira mu gihirahiro. Ntibashobora kuvuga ibyo bari basanzwe bazi byerekeye amahame ya Bibiliya.

Ubu buryo bw'imisengere ntibwari bukwiriye gushyigikirwa. Imbaraga nk'iyo yongeye kubaho nyuma y'umwaka wa 1844. Hongeye kubaho imyifato k'iyo.

Abantu baratwawe, kandi bakoreshwaga n'imbaraga bibwiraga ko ari iy'Imana…

IBYABAYE MU GIHE CYASHIZE BYONGERA KUBAHO

Ntabwo nasubira mu mateka yose ababaje; ni menshi cyane. Ariko mu kwezi kwa Mutarama gushize, Uhoraho yanyeretse inyigisho n'imikorere y'ubuyobe bizaduka mu mataraniro yacu makuru, kandi ibyabaye mu gihe cyashize bizongera kubaho. Narababaye cyane. Nahawe amabwiriza yo kuvuga ko muri uko kwiyerekana haba harimo abadayimoni bambaye ishusho y'abantu, abo badayimoni bagakoresha amayere yose Satani ashobora kwifashisha kugira ngo atume ukuri kubihira abari bagufitiye inyota . Nabwirijwe kuvuga ko umwanzi yageragezaga gutegura gahunda kugira ngo amateraniro makuru abashe gutakaza imbaraga zayo n'umumaro wayo kandi yari yaragenewe gushyira ukuri k'ubutumwa bwa malayika wa gatatu imbere y'imbaga y'abantu.

Ubutumwa bwa malayika wa gatatu bugomba kwigishwa mu buryo butunganye. Ntibugomba kuba burimo akadodo ako ari ko kose k'agaciro gake, ibihimbano bidafite ishingiro by'inyigisho z'abantu byateguwe na se w'ibinyoma kandi byiyoberanije nk'uko ya nzoka yarabagiranaga yakoreshejwe na Satani ngo ibe inzira yo gushuka ababyeyi bacu ba mbere. Uko niko Satani agerageza gushyira ikimenyetso ku murimo Imana yifuzaga kurindiramo kwera kwera.

Nk'uko nabyeretswe mu kwezi kwa Mutarama gushize, ntaho Mwuka Muziranenge ahuriye n'amajwi menshi y'urusaku . Satani akorera muri iyo nduru n'urudubi rw'umuziki umeze utyo kandi byajyaga gushimisha no guhesha Imana ikuzo iyaba byakoreshwaga mu buryo bukwiriye. Satani atuma umumaro wabyo uhinduka ubumara bw'inzoka bwokera.

Ibyo bintu byabayeho mu gihe cyashize bizongera kubaho mu gihe kizaza. Satani azatuma umuziki uba umutego yifashishije uburyo ucurangwa. Imana irararika ubwoko bwayo bufite umucyo imbere yabwo bukura mu Ijambo ry'Imana no mu bihamya, ngo basome kandi bitonde. Kugira ngo abantu

bose babashe gusobanukirwa, hatanzwe amabwiriza yumvikana kandi agaragara. Nyamara icyifuzo kibuza amahwemo cyo gutuma habaho ikintu gishya gituruka mu nyigisho z'inzaduka, kandi akenshi gisenya umumaro w'abagombaga kuba imbaraga zishyigikira icyiza baramutse bashikamye ku byiringiro bagize mu kuri Imana yabahaye.

« Ni cyo gituma dukwiriye kurushaho kugira umwete wo kwita kubyo twumvise, kugira ngo tudatembanwa tukabivamo.Mbese ubwo ijambo ryavugiwe mu kanwa k'abamarayika ryakomeye, kandi bicumuro byose no kutaryumvira bikiturwa ingaruka zibikwiriye, twebweho tuzarokoka dute nitwirengagiza agakiza gakomeye gatyo, kabanje kuvugwa n'Umwami wacu natwe tukagahamirizwa n'abamwumvise ? » (Abaheburayo 2 :1-3). « Nuko bene Data, mwirinde hatagira uwo muri mwe ugira umutima mubi utizera, umutera kwimura Imana ihoraho. Ahubwo muhugurane iminsi yose bikitwa uyu munsi, hatagira uwo muri mwe unangirwa umutima n'ibihendo by'ibyaha. Kuko twahindutse abafatanije na Kristo niba dukomeza ryose ibyiringiro byacu twatangiranye, ngo bikomere kugeza ku mperuka » (Abaheburayo 3 :12-
14).

Bavandimwe, tugomba kwambara intwaro zose, kandi turangije byose, duhagarare dushikamye. Twashyiriweho kuba abarinzi b'ubutumwa bwiza, kandi tugomba kuba bamwe mu bagize ingabo zikomeye z'Imana ziteguye kujya ku rugamba rukaze. Ukuri kugomba kwigishwa mu buryo bwumvikana n'intumwa z'Imana z'indahemuka. Muri iki gihe ibyinshi byitwa ukuri, ni amagambo y'ubupfapfa abera inkomyi Mwuka Muziranenge…

Kugaragaza Mwuka Muziranenge mu buryo budatunganye

Hari byinshi bivugwa byerekeye guhishurirwa Mwuka Muziranenge, kandi ibi bigenda bisobanurwa na bamwe ku buryo byangiza amatorero. Ubugingo buhoraho ni ukwakira inyigisho nzima ziri mu Byanditswe Byera no gukora ibyo Imana ishaka. Uku ni ukurya umubiri no kunywa amaraso by'Umwana w'Imana. Ku bakora batya, ubugingo no kudapfa bishyirwa ahagaragara binyuze mu butumwa bwiza kubera ko Ijambo ry'Imana ari ukuri, umwuka

n’ubugingo. Kurya ku Ijambo ry’Imana ni amahirwe y’abantu bose bizera Yesu Kristo nk’Umukiza wabo bwite. Imbaraga ya Mwuka Muziranenge ihindura iryo Jambo [Bibiliya] ukuri kudapfa guha imihore y’iby’umwuka umuntu ugushaka amaramaje.

Kristo yaravuze ati, “Murondora mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho, kandi ari byo bimpamya” (Yohana 5:39). Abacukura bakimbika mu butaka bavumbura ubutunzi buhishwe bw’ukuri. Mwuka Muziranenge abana n’umuntu ushakashaka amaramaje. Umucyo wa Mwuka Muziranenge umurika ku Ijambo ry’Imana, akandika ukuri gufite umumaro mushya mu ntekerezo. Uwo muntu ucukumbura mu Ijambo ry’Imana yuzura amahoro n’umunezero atigeze yiyumvamo. Umucyo mushya uturutse mu ijuru umurika kuri iryo Jambo, bigasa n’aho buri nyuguti yose isizwe izahabu. Imana ubwayo ivugana n’intekerezo z’umutima, igatuma Ijambo ryayo riba umwuka n’ubugingo.

Umucukumbuzi wese nyakuri w’Ijambo ry’Imana yerekeza umutima we ku Mana, agasaba ubufasha bwa Mwuka Muziranenge. Maze mu kanya gato akabona igituma intekerezo ze zirenga imvugo zose z’ibihimbano by’ingirwa mwigisha ufite inyigisho zifite imbaraga nke kandi zigwaguza zidashyigikiwe n’Ijambo ry’Imana ihoraho. Izo nyigisho zahimbwe n’abantu batigeze biga isomo rya mbere rikomeye rivuga ko Mwuka w’Imana ndetse n’ubugingo biri mu Ijambo ryayo. Iyo mu mutima baba barakiriye ukuri guhoraho kuri mu Ijambo ry’Imana, baba barabonye uburyo imihati yose yo kugera ku kintu gishya no gutuma habaho gutwarwa itanejeje kandi nta cyo ivuze. Bakeneye kwiga amahame y’ibanze y’Ijambo ry’Imana; bityo bazagira ijambo ry’ubugingo babwira abantu, bidatinze bazamenya gutandukanya umurama n’ingano nk’uko yasigiye abigishwa be isezerano. –Letter 132, 1900. (Ibaruwa 132, 1900) .

IGICE CYA 4:IMIBURO YATANZWE IRWANYA ABABESHYAGA KO BAYOBOWE NA MWUKA

[Kuwa 12 Ugushyingo 1908, ahitwa St. Herena muri California, haje umugabo w'umunyabwuzu ari kumwe n'umugore we. Bashakaga kuvugana na Madame White maze bakamubwira ibintu bikomeye byababayeho bamaranye hafi imyaka itatu. Ibyo byatangiye kubabaho nyuma yo kumara iminsi myinshi biyiriza ubusa kandi basaba guhabwa Mwuka Muziranenge, kugeza ubwo "ibitonyanga binini by'ibyuya byaje mu maso habo", nk'uko babyivugiye. Bizeraga ko bahawe Mwuka Muziranenge nk'uko byagendekeye intumwa za mbere. Bemezaga ko bavuze indimi kandi ko bakoranye umurava bagafasha abandi kugira ngo nabo bagerweho n'ibyababayeho.

Bari barigeze batabwa muri yombi mu Burasirazuba bashinjwa kuyobya intekerezo z'umwana bakazikururiraho. Umucamanza n'umuyobozi w'umujyi bamaze kumva ibyabo, bari baravuze ko niba abo bantu batarasaze, baba bari hafi yabyo. Bavuze ko igihe bari bafunzwe, Mwuka yababwiye gukora nk'abasaze bityo Imana igatera ubwoba umucamanza n'umuyobozi w'umujyi maze bagatinya kwinjira aho bari bafungiwe.

Bizeraga ko umwana baregwaga kobatwaye umutima yari yarahawe impano ya Mwuka w'ubuhanuzi, kandi yabayoboraga aho bagomba kujya. Bavugaga ko binyuze mu gusenga, bari barakijije abarwayi kandi birukana abadayimoni ndetse bakora n'indi mirimo myinshi itangaje. Uwo mugabo yatangiraga umugore we ubuhamya avuga ati, "Mwuka amukoreramo, kandi twizera ko iyi ari impano y'ubuhanuzi igomba gusukwa ku bantu bose."

Amagambo akurikiraho yavuuzwe na Madame White yerekeje kuri ibi by'uyu mugabo n'umugore we ndetse no ku yandi matsinda ameze nk'iryo. – ABAKUSANYIJE INYANDIKO]

IMIBURO ITANGWA IRWANYA IBYO ABANTU BAVUGA BIYOBYA

UMURIMO W'IMANA URANGWA NO GUTUZA N'UBWITONZI

Hashize ibyumweru bibiri, ubwo nariho nandika, umuhungu wanjye W.C. White yaje mu cyumba cyanjye maze ambwira ko hari bantu babiri bari mu cyumba cyo hasi bashaka ko tuvugana. Namanutse ku ngazi maze njya mu cyumba cyacu cy'uruganiriro mpasanga umugabo n'umugore we bavugaga ko bayobotse Ijambo ry'Imana kandi ko bizera Ibihamya. Bari barahuye n'ibintu bidasanzwe mu myaka ibiri cyangwa itatu yari ishize. Basaga n'abantu b'abanyakuri.

Ubwo bavugaga bimwe mu byababayeho nateze amatwi, maze ngira icyo mbabwira cyerekeye umurimo twakoze duhangana kandi turwanya ubwaka bwabayeho nyuma gato y'irangira ry'igihe twari twiteze kubona Umwami wacu. Muri ibyo bihe bikomeye bamwe mu bizera bacu b'ingenzi bari barayobotse ubwaka. Naje kongera kuvuga ko mbere y'uko imperuka igera tuzabona ukwigaragaza kudasanzwe kuzakorwa n'abavuga ko bayobowe na Mwuka Muziranenge. Hariho abantu bazafata uko kwigaragaza nk'ikintu cy'agaciro gakomeye, nyamara kudaturuka ku Mana ahubwo ari ukwateguwe ngo kuyobye intekerezo za benshi zive ku nyigisho z'Ijambo ry'Imana.

Muri iki gihe cy'amateka yacu tugomba kwitonda cyane kugira ngo twirinde ikntu cyose kigaragaraho ubwaka n'umuvurungano. Tugomba kwirinda imikorere yose idasanzwe ishobora gukangaranya intekerezo z'abatizera maze ikabatera gutekereza ko tuyoborwa n'imbaraga idusunika y'amarangamutima, kandi ko twishimira urusaku n'umuvurungano biherekejwe n'ibikorwa by'inzaduka. Mu minsi ya nyuma umwanzi w'ukuri kw'iki gihe azinjiza ibikorwa bidahuje n'imikorere ya Mwuka, nyamara bayarateguriwe kuyobya abantu biteguye kwemera ikintu cyose gishya kandi kidasanzwe.

Nabwiye uwo mugabo n'umugore we ko ibyo nanyuzemo nkiri umusore, nyuma gato yo kurangira k'umwaka wa 1844, byari byaranyigishije kuba umuntu wigengesera cyane mu byerekeye kwemera ikintu icyo ari cyo cyose gisa n'icyo twahanganye nacyo kandi tugacyaha mu izina ry'Uwiteka.

Muri iki gihe nta ngorane ikomeye yaba ku murimo w'Imana nk'uko twakwemerera umwuka w'ubwaka kwinjira mu itorero ryacu uherekejwe n'ibikorwa by'inzaduka byitirirwa ko ari ibikorwa bya Mwuka w'Imana.

Ubwo uyu mugabo n'umugore we bavugaga ibyababayeho, bemezaga ko ibyabajeho ari ingaruka yo kwakira Mwuka Muziranenge mu mbaraga y'igihe cy'intumwa, byasaga rwose n'ibyo twari twarahamagariwe guhangana nabyo ndetse no gukosora mu byatubayeho mu minsi ya mbere.

Tugiye gusoza ikiganiro twagiranye uyu mugabo yasabye ko twafatanya gusenga, yibwira ko uko byagenda kose igihe turaba dusenga umugore we arakoreshwa na Mwuka nk'uko bari babimbwiye kandi ndashobora kumenya niba ibyo bikomotse ku Mana cyangwa se bitayikomokaho. Ibi sinabyemeye kubera ko nari narahawe amabwiriza ko igihe hari umuntu usabye ko yagaragaza ibintu bidasanzwe nk'ibyo, icyo cyari igihamya kidasubirwaho ko ibyo atari umurimo w'Imana.

Ntabwo tugomba kwemerera ibintu nk'ibi kutuyobora ku gucika intege. Ibintu nk'ibyo bizabaho uko ibihe bihaye ibindi. Nimureke twe guha urwaho ibikorwa by'inzaduka mu by'ukuri bitwara intekerezo bikazikura ku mikorere nyayo ya Mwuka Muziranenge. Umurimo w'Imana iteka urangwa no gutuza n'ubwitonzi. Ntabwo dushobora kwemera ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kuzana urujijo kandi kigacogoza umuhati wacu mu byerekeye umurimo ukomeye Imana yadushinze gukora mu isi wo kwitegura ukugaruka kwa Kristo.-Letter 338, 1908.

IBYO ELLEN. G. WHITE YAVUZE MU KIGANIRO

Ndababwira ko ibi byababayeho kugira ngo mumenye ibyo twanyuzemo…

Abantu bamwe {abaka babayeho nyuma y'umwaka wa 1844} bashoboraga kwitera hejuru babyina, baririmba ngo, "Ikuzo, ikuzo, ikuzo, ikuzo, ikuzo, ikuzo." Rimwe na rimwe nicaraga ntuje kugeza igihe barangirije, maze nyuma y'aho ngahaguruka nkavuga nti, "Uku siko Uhoraho akora. Ntabwo

yigaragaza muri ubu buryo. Tugomba kwerekeza intekerezo z'abantu ku Ijambo ry'Imana ryo rufatiro rwo kwizera kwacu."

Icyo gihe nari umwana muto, nyamara natangaga ubuhamya bwanjye kenshi ndwanya iyi mikirere y'inzaduka. Kandi kuva icyo gihe nashatse uko naba maso cyane kugira ngo hatagira ikintu kimeze gitya gishobra kongera kwinjira mu bantu bacu. Ukwigaragaza uko ari ko kose k'ubwaka gukura intekerezo ku gihamya cy'ukuri ari cyo Jambo ry'Imana ubwaryo.

Mushobora kuyoboka inzira idakebakeba, ariko abazabayoboka bashobora kujya mu nzira yo guhuzagurika gukabije kandi umusaruro wabyo ni uko mu kanya gato dushobora kubona ibiganza byacu byuzuyemo ikintu cyatuma bitadushobokera guha abatizera isura nyayo y'ubutumwa bwacu n'umurimo wacu. Tugomba gusanga abantu tubashyiriye Ijambo rizima ry'Imana; kandi gihe bakiriye iryo Jambo, Mwuka Muziranenge azaza, nyamara nk'uko nabivuze mbere, Mwuka aza mu buryo we ubwe yigerera ku ntekerezo z'abantu. Mu mivugire yacu, mu miririmbire yacu ndetse no mu mikorere yacu mu by'umwuka, tugomba kugaragaza ituza n'ubwitonzi ndetse no kubaha Imana bikoresha buri mwana wese nyakuri w'Imana.

Hari akaga gakunze kubaho ko kugira icyo twemerera kuza hagati muri twe dushobora gufata ko ari imikorere ya Mwuka Muziranenge nyamara mu by'ukuri ari imbuto y'umwuka w'ubwaka. Bityo uko turushaho kwemerera umwanzi w'ukuri kutuyobya, ntidushobora kwiringira kugera ku kuba indahemuka mu mitima ku butumwa bwa marayika wa gatatu. Tugomba kwezwa binyuze mu kumvira ukuri. Mfite ubwoba mbutewe n'ikintu icyo ari cyo cyose gishobora gutandukanya intekerezo n'ibihamya bikomeye by'ukuri nk'uko kwahishuwe mu ijambo ry'Imana. Binteye ubwoba, binteye ubwoba.

Tugomba kurindira intekerezo mu mbibi z'imiterere mizima, nibitaba bityo umwanzi azatwinjirana atume ikintu cyose kiri mu ntekerezo gita gahunda. Hari abantu bafite imitima itwarwa ikayoboka ubwaka mu buryo bworoshye; kandi nitwemera ko hagira ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kujyana abantu nk'abo mu buyobe cyinjira mu itorero ryacu, bidatinze tuzasanga ubwo

buyobe bwarageze kure maze bitewe n'ibyo bintu by'akajagari, Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bose bazagerweho n' igisuzuguriro.

UBWAKA BUZONGERA KUGARAGARA

Namaze igihe niga uburyo ibyo byatubayeho mu minsi ya mbere byakongera gucapwa, kugira ngo abenshi mu bizera bacu babimenye kubera ko nari maze igihe nzi ko ubwaka buzongera kugaragara mu buryo butandukanye. Tugomba gukomeza uruhande duhagazemo dukomeza kuzirikana Ijambo ry'Imana kandi ibyaduka byose n'imikorere idasanzwe abantu bamwe bashobora kwakira kandi bagashyira mu bikorwa mu buryo bwihuse cyane. Iyo twemerera urudubi kuza muri twe, ntabwo twari gushobora kunoza umurimo wacu nk'uko twabigenje…

Mu myaka y'umurimo wa Kristo ku isi, abagore bubaha Imana bafashije mu murimo Kristo Umukiza n'abigishwa be bakoraga. Iyo abantu barwanyaga uyu murimo baba barabashije kubona ikintu kidahwitse mu myitwarire y'abo bagore, ibyo byari gutuma uwo murimo uhita uhagarara. Nyamara igihe abagore bakoranaga n'Umukiza n'intumwa ze, umurimo wose wakorwaga ku rwego rwo hejuru ugatwikira igicucu cy'urwikekwe. Nta mpamvu n'imwe yari gutuma bagira icyo baregwa yashoboraga kuboneka. Intekerezo z'abantu bose zerekejwe ku Byanditswe aho kwerekezwa ku bantu. Ukuri kwamamarishijwe ubushishozi kandi mu buryo bwumvikana abantu bose bashobora gusobanukirwa.

Mbega uburyo nterwa ubwoba no kubona ikintu icyo ari cyo cyose gisa n'ubwaka cyinjizwa mu itorero ryacu! Hariho abantu benshi cyane bagomba kwezwa, ariko bagomba kwereshwa kumvira ubutumwa bw'ukuri…

Ntabwo abantu bo muri twe batwarwa mu buryo bworoshye dushobora kubemerera kwitwara mu buryo bushobora gusenya imbaraga dufite ku bo twifuza kugezaho ukuri. Byadutwate imyaka myinshi kurokoka isura mbi abatizera bari bafite ku Badiventisiti bitewe n'uko bari bazi ibikorwa

by'inzaduka kandi bibi by'abantu b'abaka babaye muri twe mu myaka ya mbere yo kubaho kwacu nk'ishyanga ryihariye.-Manuscript 115, 1908.

INAMA YAHAWE UMUGABO N'UMUGORE WE

Bavandimwe nkunda,

Mu minsi ishize ya vuba, mu iyerekwa rya nijoro, neretswe ibintu ngomba kubabwira. Neretswe ko muri gukora amakosa akomeye. Ubwo mwigaga Ibyanditswe ndetse n'Ibihamya, mwageze ku myanzuro itari ukuri. Umurimo w'Imana wakumvikana nabi cyane muramutse mukomeje gukora nk'uko mwatangiye. Musobanura Ijambo ry'Imana n'Ibihamya byanditswe mu buryo butari bwo; bityo mushaka gukomeza gukora umurimo w'inzaduka mukurikije uko mwumva ubusobanuro bwabyo. Ndetse mwageze n'aho muvuga ko mwahawe imbaraga yo kwirukana abadayimoni. Bitewe n'imbaraga y'imikorere yanyu ku ntekerezo z'abantu, abagabo n'abagore bagejejwe aho bemera ko bafashwe n'imyuka mibi kandi ko Imana yabashyizeho nk'abakozi bayo kugira ngo mwirukane iyo myuka mibi. Mu byo umugore wawe avuga, mu ndirimbo no mu kwiyerekana kudasanzwe kudahuje n'umurimo nyakuri wa Mwuka Muziranenge, ari gufasha kuzana ubwaka bushobora kwangiza umurimo w'Imana ku buryo bukomeye, buramutse bugize aho bwemerwa mu matorero yacu.

Bavandimwe banjye, mbafitiye ubutumwa: muri gutangirira ku byiyumviro bitari ukuri. Satani azinjirana imbaraga y'ubupfumu muri uko kwiyerekana. Igihe kirageze kugira ngo mubihagarike. Niba Imana yarabahaye ubutumwa budasanzwe mugomba kugezaku bwoko bwayo, mwari mukwiriye kugendera kandi mugakorera mu kwicisha bugufi kose- atari nk'aho mwaba muri aho bakinira ikinamico, ahubwo mu kwiyoroshya k'umuyoboke wa Yesu w'I Nazareti wicishaga bugufi. Mwateza impinduka itandukanye n'iyo musanzwe muteza…

Icyifuzo nyakuri cyo kugirira abandi neza kizayobora umukozi w'Umukristo kuzibukira igitekerezo cyose cyo kwinjiza mu butumwa bugenewe iki gihe inyigisho z'inzaduka ziyobora abagabo n'abagore mu bwaka. Muri iki gihe cy'amateka y'isi, tugomba kwigengesera cyane ku byerekeye iyi ngingo.

Ibihe bimwe munyuramo ntabwo bishyira mu kaga imitima yanyu gusa,ahubwo binateza akaga mu mitima y'abandi benshi, kubera ko mwifashisha amagambo ya Kristo y'agaciro kenshi ndetse mukanifashisha ibihamya kugira ngo muhamye ko ubutumwa bwanyu ari ukuri. Muyoba mwibwira ko muyoborwa n'Ijambo ry'agaciro gakomeye, ari ryo kuri, ndetse n'Ibihamya Imana yahaye ubwoko bwayo. Mukoreshwa n'imbaraga mbi zibakoreramo, kandi mwishingikirije ku mvugo ziyobya. Mugerageza gutuma ukuri kw'Imana gushyigikira ibitekerezo by'ibinyoma ndetse n'ibikorwa bidatunganye bidafite ishingiro kandi by'ubwaka. Ibi bituma umurimo w'itorero wo gushyira abantu ukuri k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu urushaho gukomera incuro cumi ndetse namakumyabiri. –Letter 358a, 1908. (Ibaruwa 358a, 1908)

UBUTUMWA BWAGENEWE AMATORERO Y'I CALIFORNIA

Ku bavandimwe b'I California:

Mu ijoro ryakeye nahawe amabwiriza yo guha abantu bacu. Byasaga n'aho nari ndi mu materaniro aho abantu bivovoteraga umurimo w'inzaduka wa mwenedata L n'umugore we. Namenyeshejwe ko uwo wari umurimo usa n'uwakozwe i Maine ndetse n'ahandi henshi nyuma yo kurangira kw'ibihe byo mu mwaka wa 1844. Nategetswe kwamagana uyu murimo w'ubwaka ntajijinganya.

Neretswe ko Mwuka w'Imana atari we wamurikiraga mwene data n'umugore we, ko ahubwo ari mwuka w'ubwaka uhora ushaka uko wakwinjira mu itorero ryasigaye. Uko bashyigikiza Ibyanditswe imikorere yabo idasanzwe ni ugukoresha Ibyanditswe mu buryo bubi. Umurimo wo kuvuga abantu

bafashwe n'imyuka mibi maze hanyuma ugasengana nabo usa n'uwirukana imyuka mibi, ni ubwaka buzatuma itorero ryose ryemera uwo murimo ritiringirwa.

Neretswe ko tutagomba gushyigikira uko kwiyerekana, ko ahubwo tugomba kurinda abantu twifashishije ibihamya nyakuri tukabarinda ibishobora gushyira ikizinga ku izina ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi, kandi bigasenya ibyiringiro abantu bafite mu butumwa bw'ukuri bagomba kugeza ku batuye isi. Imana yakoreye ubwoko bwayo umurimo ukomeye ibushyira ahantu hirengeye. Ni inshingano y'itorero kuzirikana imbaraga rifite. Aya magambo ni ay'agaciro kenshi, "Murondora mu byanditswe; kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho, kandi ari byo bimpamya" (Yohana 5:39). Amagambo yahumetswe n'Imana niyiganwa ubushishozi kandi akumvirwa mu mwuka wo gusenga, azatunganyiriza umuntu gukora imirimo myiza yose.

Nk'itorero, tugomba guhora turushaho gushaka Imana kugira ngo ituyobore. Turiho mu gihe kibi. Akaga gakomeye ko mu minsi y'imperuka karadusatirye. Kubera ko icyaha kigwiriye, Satani azana inyigisho ziyobya z'uburyo bwose mu bantu bageragеze kugendana n'Imana bicishije bugufi kandi bazinutswe inarijye. Mbese abantu biyemera b'abaka bazasanga abo bicishije bugufi babemeze ko bafashwe n'imyuka mibi, maze nyuma yo gusengana nabo bahamye ko birukanye iyo myuka? Uko si ukwigaragaza kwa Mwuka w'Imana, ahubwo ni uk'undi mwuka.

Ndararikira buri torero ryose kwitondera kuba imitekerereze mibi y'abatinya ko badafite Mwuka Muziranenge bitewe n'uko batazinutswe inarinjye. Hariho abantu bakurikiye inzira zabo bwite, aho gukurikira inzira z'Imana. Ntabwo bigeze bamenya umucyo Imana yatangiye ubuntu; kandi kubera ibi batakaje imbaraga yo gutandukanya umwijima n'umucyo. Hariho abantu benshi bumvise byinshi byerekeye inzira bari bakwiye gukurikira ariko basuzuguye ibyo Imana ibasaba. Umucyo wabo ntumurika mu mirimo igaragaza

amahame y'ukuri n'ubutungane. Mu gihe cy'ishungurwa, iri tsinda ry'abantu niryo rizemera inyigisho z'ibinyoma n'ubuyobe mu cyimbo cy'ukuri kw'Imana.

Ubwoko bw'Imana bwahawe umucyo ukomeye. Nimureke abantu bacu bakanguke, maze bajye mbere basatira ubutungane. Muzahura n'ibinyoma by'abakozi ba Satani. Hazaza imiraba iteye ubwoba y'ubwaka ariko Imana izarokora abantu bazayishaka babikuye ku mutima kandi bakiyegurira umurimo wayo.- *Pacific Union Recorder*, Dec. 31, 1908.

IGICE CYA 5:IBITANGAZA SI IGIHAMYA CYO KWEMERWA N'IMANA NTIMUSHAKISHE IBIKORWA BITANGAJE

Reka ntihakagire abantu bemera igitekerezo kivuga ko imbaraga zidasanzwe cyangwa ibikorwa bitangaje ari igihamya cy'uko umurimo wabo cyangwa ibitekerezo byabo ari iby'ukuri. Nidukomeza gushyira ibyo bintu imbere y'abantu, bizatera ingaruka mbi, n'amarangamutima adakwiriye. Imana yasezeranye imikorere nyakuri ya Mwuka Muziranenge mu mitima y'abantu kugira ngo atume habaho umusaruro ukwiriye binyuze mu Ijambo ry'Imana. Kristo yavuze ko Ijambo ry'Imana ari umucyo n'ubugingo. «Kuko isi izakwirwa no kumenya ubwiza bw'Uwiteka, nk'uko inyanja y'amazi isendera» (Habakuki 2 :14).

Satani azakoresha uburyo bukomeye bwo kwiyoberanya kugira ngo yinjize ibihimbano by'abantu byambaye imyenda y'abamarayika. Nyamara umucyo uva mu ijambo ry'Imana umurika mu mwijima, kandi Bibiliya ntizigera na rimwe isimburwa n'ibikorwa by'ibitangaza. Ukuri nubwo kwagwa , kugomba gushakishwa nk'ubutunzi buhishwe. Ntabwo kumurikirwa gutangaje kuzatangwa kutavuye mu Ijambo ry'Imana, cyangwa ngo kurisimbure. Mushikame ku Ijambo ry'Imana, muryakire kuko ari ryo rizahesha abantu ubwenge bubageza ku gakiza. Ubu nibwo busobanuro bw'amagambo Kristo yavuze ku byerekeye kurya umubiri we no kunywa amaraso ye. Yaravuze ati, «Ubu nibwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo. » (Yohana 3 :17)

Tuzahura n’abavuga ibinyoma ; abahanuzi b’ibinyoma bazaduka, hazabaho inzozi n’amayerekwa by’ibinyoma ; ariko mubwirize Ijambo ry’Imana, ntimutandukane n’ijwi ry’Imana rivugira mu Ijambo ryayo. Ntimugire icyo mukundira kubayobya intekerezo. Ibitangaza, ibintu by’agahano bizabaho kandi bigaragazwe. Binyuze mu bushukanyi bwa Satani, ibitangaza bikomeye, ibyo abantu bihimbiye bizemerwa. Mwitondere ibi byose.

Kristo yatanze umuburo kugira ngo hatagira umuntu n’umwe wemera ikinyoma mu mwanya w ‘ukuri. Umuyoboro umwe rukumbi Mwuka akoreramo ni ukuri…Ukwizera kwacu n’ibyiringiro byacu ntibishingiye ku marangamutima ahubwo bishingiye mu Mana. –Letter 12, 1894. (Ibaruwa 12, 1894)

IGIHE UMUNTU UKORA IBITANGAZA ASUZUGURA AMATEGEKO Y’IMANA

Ntabwo tugomba kwiringira ibyo abantu bavuga. Nk’uko Kristo abivuga, bashobora kuvuga ko bakora ibitangaza bagakiza abarwayi. Mbese ibi biratangaje cyane igihe inyuma yabo hahagaze umushukanyi ukomeye, ukora ibitangaza bikomeye ndetse uzamanura n’umuriro ukava mu ijuru imbere y’amaso y’abantu?

Nta nubwo dukwiye kwemera kureshywa nabyo. Ijwi cyangwa umwuka ubwira umuntu uti, “Nta nshingano ufite yo kubaha amategeko y’Imana; uri uwera nta cyaha ufite,” kandi uwo muntu akandagira amategeko y’Imana; iryo si ijwi rya Yesu kubera ko yavuze ati, “Nitondeye amategeko ya Data” (Yohana 15:10). Na Yoahana arahamya ati, “Uvuga ko amuzi ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we” (1Yohana 2:4).

None se ni mu buhe buryo uko kwigaragaza kw’imbaraga ikomeye, ndetse n’uku kureshyareshya gutangaje byasobanurwa uretse kuvuga ko byatanzwe binyuze mu mbaraga ya wa mwuka ukora ibitangaza wayobeje abatuye isi yose kandi ukabareshyeshya ubushukanyi bukomeye kugira ngo bizere ikinyoma?

Satani anezezwa n'iyo abagabo n'abagore bavuga ko bafite imbaraga ikomeye y'umwuka nyamara basuzugura amategeko y'Imana, kubera ko bayobya abandi binyuze muri uko kutumvira, bityo akaba ashobora kubakoresha nk'abakozi b'ingirakamaro mu murimo we. –*The Signs of the Times*, July 21, 1887.

NTIHAKAGIRE UBASHUKA

Buri muntu wese muri twe azageragezwa mu buryo bukomeye; ukwizera kwacu kuzanyeganyezwa bikomeye. Tugomba kugirana umubano uhoraho n'Imana; tugomba kuba abasangiye kamere y'Imana, bityo ntituzabasha gushukwa n'ubuhendanyi bw'umwanzi kandi tuzarokoka imyitwarire mibi iri mu isi izanwa no kwifuza kubi.

Dukeneye gushikama muri Kristo, tugashinga imizi kandi tukubakwa mu kwizera. Satani akoresha abakozi be. Ahitamo abataranyoye ku mazi y'ubugingo, abantu bafite imitima ifitiye inyota ikintu gishya kandi kidasanzwe, ndetse biteguye kunywa ku isoko iyo ari yo yose ishobora kuboneka. Hazumvikana amajwi avuga ngo, "Dore Kristo ari hano" cyangwa ngo, "Ari hariya"; nyamara ntitugomba kwemera ayo majwi. Dufite igihamya kidashidikanywaho cy'ijwi ry'Umwungeri nyakuri, kandi araduhamagarira kumukurikira. Aravuga ati, "Numviye amategeko ya Data." Ayobora intama ze mu nzira yo kumvira amategeko y'Imana bicishje bugufi, ariko ntiyigera abashishikariza kwica ayo mategeko.

"Ijwi ry'umuntu w'inzaduka" ni ijwi ry'utubaha cyangwa ngo yumvire amategeko y'Imana yera, atunganye kandi meza. Abantu benshi bavuga bakomeje ko ari abera kandi bakirata ibitangaza bakora bakiza abarwayi nyamara basuzugura uru rugero rukomeye rw'ubutungane. Ariko se uko gukiza gukorwa binyuze mu mbaraga ya nde? Mbese amaso y'abantu bose abona uko bica amategeko y'Imana? Cyangwa babafata nk'aho ari abana bicisha bugufi, bumvira kandi biteguye kumvira ibyo Imana isaba byose?

Yohana agira icyo avuga ku biyita abana b'Imana ati: "Uvuga ko amuzi, ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we" (1Yohana 2:4).

Nta muntu ukwiriye gushukwa. Amategeko y'Imana yera nk'uko intebe yayo y'ubwami yera, kandi umuntu wese wabaye ku isi agomba gucirwa urubanza nayo. Nta rundi rugero ngenderwaho rwo gupima imico. "Niba batavuga ibihwanye n'iri jambo, biterwa n'uko nta mucyo uri muri bo." None se urubanza ruzacibwa hakurikijwe ljambo ry'Imana cyangwa ibitekerezo by'abantu ni byo bizemerwa? Kristo aravuga ati, "Muzabamenyera ku mbuto zabo." Niba abakiza abarwayi bishingikiriza kuri ibyo, bakigira shyashya birengagiza amategeko y'Imana kandi bagakomeza kutayumvira, nubwo baba bafite imbaraga uko yaba imeze kose, ntibivuze ko bafite imbaraga ikomeye y'Imana. Ibiri amambu, bafite imbaraga ikomeye ikora ibitangaza ya wa mushukanyi ukomeye. Yica amategeko y'Imana kandi akoresha amayere yose kugira ngo abashe kugira abantu impumyi be kubona imiterere nyakuri y'amategeko. Twaburiwe ko mu minsi ya nyuma Satani azakora ibimenyetso n'ibitangaza by'ubushukanyi. Azakomeza gukora ibyo bitangaza kugeza ubwo imbabazi zizaba zirangiye, kugira ngo ajye abyerekana avuga ko ari ibihamya by'uko ari marayika w'umucyo atari uw'umwijima.

Bavandimwe, tugomba kwitondera igisa n'ubutungane cyemera kwica amategeko y'Imana. Abantu bakandagira amategeko y'Imana kandi bakigenzura bifashishije urugero bishyiriyeho, ntibashobora kwezwa. – *The Review and Herald*, Nov. 17, 1885.

BIZAKWIRA MU ISI YOSE

Tugeze mu gihe Satani agomba gukoresha uburyo bwose bw'imbaraga y'ubupfumu, kandi abakururwa nabwo cyangwa bakabwemeraho n'agace gato, bazaba biteguye bose gutwarwa nabwo kugira ngo bakorane n'umubi.

Abamarayika babi bakora ku mitima y'abantu ubudatuza. Satani arakorana n'umuntu wese utayoborwa na Mwuka w'Imana. Ibitangaza by'ibinyoma bya Satani ni byo bizigarurira abatuye ku isi, kandi azamanura umuriro mu ijuru mu maso y'abantu. Agomba gukora ibitangaza kandi iyi mbaraga ikora ibitangaza igomba kugera mu isi yose. Ubu iri gutangira.

Hari ikindi kintu nshaka kubabwira. Uducuma tw'umujinya w'Imana no gusukwa kwatwo nabyo biraje. Kuba tutabisobanukiwe biterwa n'iki? Biterwa n'uko umucyo w'ukuri udahindura umutima. Mwuka w'Imana ari gukurwa mu isi.

Mwumva ibiza biba ku butaka no mu Nyanja, kandi bihora byiyongera.
Ikibazo kiriho ni ikihe? Mwuka w'Imana akurwa ku bantu bashinzwe kurinda abandi maze Satani akaza kubigarurira kubera ko bamwiyegurira ngo abayobore. Abavuga ko ari abana b'Imana ntabwo bishyira munsi y'uburinzi bw'abamarayika bo mu ijuru, kandi kubera ko Satani ari umurimbuzi, akorera muri abo bantu bagakora amakosa. Bityo bazasinda kandi kubera kutirinda, inshuro nyinshi aduteza ibyo byago.

Nimurebe umugaru n'umuraba. Satani arakorera mu kirere; akagihumanya kandi aha ku isi tubeshejweho n'Imana haba ku by'ubuzima bwacu bwa none cyangwa iby'ubugingo bw'iteka. Urebye aho turi, dukeneye gukanguka cyane, tukitanga rwose, tugahinduka rwose, kandi tukiha Imana rwose.
Nyamara dusa n'abiyicariye nk'abaguye ikinya. Mana yo mu ijuru, dukangure!- Manuscript 1, 1890.

IBITANGAZA SI IGIHAMYA

Abiyeguriye gukora umurimo w'Imana muri iki gihe, bazahura n'ibigeragezo nk'ibyahuriye na Pawulo mu murimo we. Hifashishijwe wa murimo urangwa n'ubwirasi n'ubushukanyi, Satani azagerageza kuvana abantu bahindutse mu kwizera. Hazadukaza inyigisho ku buryo kuzirwanya bitazatworohera,

Satani ni umukozi w'indyarya, kandi azazana ibinyoma byihishe kugira ngo ajijishe intekerezo ndetse arandure amahame y'agakiza. Abantu batemera Ijamabo ry'Imana nk'uko riri, bazafatwa n'uwo mutego,

Muri iyi minsi dukwiriye kuvuga ukuri dushize amanga.Ubuhamya intumwa y'Imana yagejeje ku itorero rya mbere, nibwo ubwoko bwayo bugomba kumva muri iki gihe: "Ariko nihagira ubabwiriza ubutumwa butari ubwo twababwirije, ari twe cyangwa ndetse marayika uvuye mu ijuru, avumwe" (Abagalatiya 1:8).

Umuntu ushingira ukwizera ku ikorwa ry'ibitangaza, azabona ko Satani yifashishije ubushukanyi bw'uburyo bwinshi, ashobora gukora ibitangaza bizagaragara ko ari ibitangaza nyakuri. Iki ni cyo Satani yari yiringiye kugerageresha Abisirayeli igihe bagombaga gucungurwa bakavanwa mu Misiri. –Manuscript 43, 1907.

IBITANGAZA BIKOMEYE BIZAYOBYA BENSHI

Nimureke iminsi ye kudushirana ngo dutakaze amahirwe akomeye yo gushaka
Uwiteka n'umutima wacu wose n'ubwenge n'ubugingo bwacu bwose. Nitutemera ukuri tugukunze, dushobora kuba mu mubare
w'abazabona ibitangaza bikorwa na Satani muri iyi minsi ya nyuma maze tukabyizera. Hari ibintu byinshi by'inzaduka bizagaragara nk'ibitangaza bikomeye, nyamara bikwiriye gufatwa nk' ubushukanyi bwa se w'ibinyoma. –Letter 136, 1906. (Ibaruwa 136, 1906).

UKO SATANI N'ABAKOZI BE BAKORA

Nahawe amabwiriza yo kuvuga ko gihe kizaza hazaba hakenewe kuba maso

gukomeye. Nta bupfapfa mu by'umwuka bukwiriye kuba mu bwoko bw'Imana. Imyuka mibi ikorana umuhati ishaka kwigarurira intekerezo z'abantu. Abantu barahambirwamo imiba yiteguye gukongorwa n'umuriro wo mu minsi iheruka. Abantu birengagiza Kristo n'ubutungane bwe bazemera ubuhendanyi bugenda bwuzura isi. Abakristo bagomba kwirinda kandi bakaba maso, bakarwanya umubisha wabo Satani bashikamye kuko azerera nk'intare itontoma ishaka uwo yaconcomera. Abantu bakoreshwa n'imbaraga y'imyuka mibi bazakora ibitangaza. Bazatera abantu kurwara babaterereje imyuka yabo, maze hanyuma bayibakuremo bityo bitere abandi kuvuga ko abo bantu bari barwaye bakijijwe mu buryo bw'igitangaza. Ibi Satani yagiye abikora kenshi.- Letter 259, 1903. (Ibaruwa 259, 1903).

Ntabwo dukwiriye gushukwa. Vuba aha bidatinze, hagiye kubaho ibintu bitangaje bizaba bifitanye isano ikomeye na Satani. Ijambo ry'Imana rivuga ko Satani azakora ibitangaza. Azatera abantu kurwara, maze hanyuma ahite abakuramo imbaraga ye. Bityo bazafatwa ko bakijijwe. Ibyo bikorwa bisa no gukiza bizashyira Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi mu ishungurwa. Abantu benshi bari barakiriye umucyo ukomeye bazananirwa kuwugenderamo bitewe n'uko batabaye umwe na Kristo. –Letter 57, 1904. (Ibaruwa 57, 1904)

NTA BITANGAZA ELLEN G. WHITE YAKOZE

Abantu bamwe bavuga ko batemera umurimo Imana yampaye gukora kubera ko , nk'uko babivuga, "Madamu E.G. White nta bitangza akora." Nyamara abashaka ibitangaza ngo bibabere ikimenyetso cyo kuyoborwa n'Imana, bari mu kaga gakomeye ko gushukwa. Mu Ijambo ry'Imana havugwamo ko umwanzi azakoresha abakozi be bataye ukwizera, maze bagakora ibitangaza ndetse kugeza nubwo bamanuye umuriro ukava mu ijuru abantu babireba.

Satani yifashishije "ibitangaza by'ibinyoma," azayobya n'intore bibaye bishobotse.

Abantu benshi bumvise mvuga, kandi basomye inyandiko zanjye, nyamara nta muntu n'umwe wigeze wumva mvuga ko nkora ibitangaza. Incuro nyinshi nagiye mpamagarirwa gusengera abarwayi, kandi Ijambo ry'Imana ryarubahirijwe. {Reba Yakobo 5:14, 15}. Kristo niwe ukora ibitangaza kuko akomeye cyane. Icyubahiro kibe icye iteka ryose. –Letter 410, 1907. (Ibaruwa 410, 1907).

IMPAMVU IBITANGAZA BIFITE AGACIRO GAKE MURI IKI GIHE

Uburyo Kristo yakoraga bwari ukubwiriza Ijambo ry'Imana ndetse no gukiza uburibwe yifashishije imirimo itangaje yo gukiza. Ariko naburiwe ko muri iki gihe tutagomba gukora muri ubu buryo kubera ko Satani azakoresha imbaraga ze ibitangaza. Abagaragu b'Imana muri iki gihe ntibakwiriye gukora bifashishije ibitangaza, kubera ko hazakorwa imirimo y'ubuhendanyi yo gukiza ikitwa ko ikomoka ku Mana.

Kubera iyi mpamvu Imana yagaragaje uburyo ubwoko bwayo bugomba gukora umurimo wo gukiza, bugendanye no kwigisha Ijambo ryayo. Hagomba gushingwa amavuriro kandi agomba kugira abakozi bazakora umurimo nyakuri w'ivugabutumwa rijyanye no kuvura. Bityo imbaraga y'uburinzi izagota abntu baza kwivuza ku mavuriro.

Aya ni yo mabwiriza Imana yatanze y'uburyo umurimo w'ivugabutumwa bwiza rijyanirana no kuvura ugomba gukorwa ukagera ku bantu benshi. –Letter 53, 1904. (Ibaruwa 53, 1904)

IBITANGAZA MU NTAMBARA IHERUKA

Ntabwo byoroshye gusobanura uko bizagendekera abantu b'Imana bazaba bakiri ku isi igihe ibyago biheruka n'ikuzo rituruka mu ijuru bizakomatanywa. Ubwoko bw'Imana buzagendera mu mucyo uturuka ku ntebe y'ubwami

y'Imana. Hazabaho ugukorana hagati y'ijuru n'isi hifashishijwe abamarayika. Satani azengurutswe n'abamarayika babi avuga ko ari Imana, nawe azakora ibitangaza by'uburyo bwose kugira ngo ayobye n'intore bibaye bishobotse. Ubwoko bw'Imana ntibizabonera uburinzi bwabwo mu gukora ibitangaza kuko Satani azigana igitangaza icyo ari cyo cyose azaba ashoboye . Ubwoko bw'Imana bwashunguwe kandi bushikamye buzakura imbaraga mu kimenyetso cyavuzwe mu Kuva 31:12-18. Buzaba bushikamye ku Ijambo rizima ari ryo iri ngo- "Handitswe ngo." Uru nirwo rufatiro rwonyine bashobora guhagararaho barinzwe. Muri iyo minsi, abantu bishe isezerano bagiranye n'Imana bazabaho nta byiringiro bafite ndetse nta n'Imana bafite mu isi.

Abaramya Imana bazagaragazwa by'umwihariko n'uko bita ku tegeko rya kane kubera ko iri tegeko ari ikimenyetso cy'imbaraga y'Imana yo kurema n'igihamya cy'uko umuntu ayumvira kandi akayubaha. Abanyabyaha bazagaragazwa no n'umuhati wabo wo gusenya urwibutso rw'Umuremyi babyihitiyemo maze bakerereza urwashyizweho na Roma. Muri icyo kibazo, Abakristo bose baziremamo amatsinda abiri akomeye ari yo: abumvira amategeko y'Imana kandi bakizera Yesu, n'abaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo kandi bagashyirwaho ikimenyetso cyayo. Nubwo itorero na Leta bizafatanya imbaraga zabyo kugira ngo bihatire "aboroheje n'abakomeye, abakire n'abakene, imbata n'ab'umudendezo" (Ibyahishuwe 13:16) kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa, ubwoko bw'Imana bwo ntibuzacyakira. Umuhanuzi w'I Patimosi yabonye "abatabarutse banesheje ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo n'umubare w'izina ryayo, bahagaze kuri iyo nyanja y'ibirahure, bafite inanga z'Imana, baririmba indirimbo ya Mose imbata y'Imana n'indirimbo y'Umwana w'intama." (Ibyahishuwe 15:2,3a).

Ibigeragezo biteye ubwoba bitegereje ubwoko bw'Imana. Umwuka w'intambara uratutumba mu mahanga kuva ku mpera y'isi ukageza ku yindi. Ariko hagati mu gihe cy'akaga kigiye kuza (akaga katigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho) ubwoko bw'Imana bwatoranyiwe buzahagarara butanyeganyezwa. Satani n'abamarayika be ntibashobora

kurimbura ubwoko bw’Imana kubera ko abamarayika bamurusha imbaraga bazaburinda. – Letter 119, 1904. (Ibaruwa 119, 1904)

IGICE CYA 6 :IKIZATURINDA UBUYOBE

KUMARAMAZA BYONYINE NTIBIZADUKIZA

Kwizera ibinyoma ntibizagira imbaraga yeza ubugingo cyangwa imico. Nta kinyoma cy'ukuri cyangwa ngo gihindurwe ukuri no kugisubiramo cyangwa kucyizera. Kuba umuntu wamaramaje ntibizarinda umuntu ingaruka zo kwizera ikinyoma. Hatabayeho kuba umunyakuri nta yobokamana nyakuri ryabaho, ariko kumaramaza mu myizerere y'ibinyoma ntibizigera bikiza umuntu. Nshobora kumaramaza rwose mu gukurikira inzira itari ukuri, ariko ibyo ntibizayihindura ukuri cyangwa ngo ingeze aho nashakaga kugera.

Ntabwo Uwiteka ashaka ko tugira kumaramaza k'ubuhumyi ngo maze ibyo tubyite ukwizera kweza. Ukuri ni ihame ryeza kandi kubw'ibyo kuba muri twe tukamenya icy'ukuri icyo ari cyo. Tugomba kugereranya iby'umwuka n'iby'umwuka bindi.Tugomba kugenzura ibintu byose, ariko tukagundira icyiza gusa, icyemewe n'Imana gishyira imbere yacu impamvu nyakuri ndetse n'amahame byari bikwiriye kudutera gukora. –Letter 12, 1890.

GUHINDUKA KW'IMICO KUGARAGARA INYUMA

Igihe cyose abantu biratana ukuri mu magambo, nyamara bakaba badafite umurimo wa Mwuka ukorerwa mu mutima buri munsi ndetse ukagaragarira mu guhinduka kw'imico kugaragara inyuma, baba bikuraho ibyangombwa bibakwiriye kugira ngo babe ingirakamaro mu murimo w'Umwami. Abantu badafite Mwuka Muziranenge ntibashobora kuba abarinzi b'indahemuka ku nkike z'i Siyoni; kubera ko ari impumyi badashobora gukora igikwiriye gukorwa kandi ntibavuza impanda mu buryo bukwiriye.

Umubatizo wa Mwuka Muziranenge nk'uwabayeho ku munsi wa Pentekote uzatera ububyutse bw'iyobokamana nyakuri kandi utume hakorwa imirimo itangaje. Intumwa ziturutse mu ijuru zizatuzamo kandi abantu bazavuga nk'abagenderewe na Mwuka Muziranenge . Nyamara Uwiteka nakorera mu bantu nk'uko yabigenje ku munsi wa Pentekote na nyuma yaho, abantu

benshi muri iki gihe bavuga ko bizera ukuri ntibazagira icyo bamenya ku mikorere ya
Mwuka Muziranenge ku buryo bazasakuza bati, “Mwitondere ubwaka.” Bazavuga barengereza ku buzuye Mwuka Muziranenge bati, “Aba bantu basinze ihira.”

Ntibigitinze, ubwo abantu bazifuza kugirana isano ikomeye na Kristo, bakifuza ubumwe burushijeho gukomera na Mwuka Muziranenge kurusha uko bigeze babyifuza cyangwa ntibazabyifuza keretse gusa nibareka ubushake bwabo n’inzira yabo maze bakiyegurira mu bushake bw’Imana no mu nzira yayo. Icyaha gikomeye cy’abavuga ko ari Abakristo ni uko badakingurira imitim yabo kwakira Mwuka Muziranenge. Iyo abantu bifuza Kristo kandi bakifuza kuba umwe nawe, icyo gihe abirata ishusho yo kubaha Imana baravuga bati, “Mwitonde, ntimukabye.” Ubwo abamarayika bo mu ijuru bazatugenderera maze bagakorera mu bantu, hazabaho kwihana gukomeye kw’abantu benshi kumeze nk’ukwabayeho nyuma y’umunsi wa Pentekote.

Bavandimwe, mwitonde timuzigere muyoboka ugutwarwa cyangwa ngo mutume kubaho. Nyamara nubwo dukwiriye kwitondera kutajya mu gutwarwa kw’abantu, nta nubwo twari dukwiriye kuba mu mubare w’abazazateza ibibazo kandi bagashyigikira gushidikanya ibyerekeye umurimo
wa Mwuka w’Imana; kubera ko hazabaho abantu bazashidikanya kandi bakanenga ubwo Mwuka w’Imana azuzura abagabo
n’abagore. Bazashidikanya kandi banenge bitewe n’uko imitima yabo itakozweho ahubwo ikaba ikonje kandi ntinyurwe. –Letter 27, 1894.

GUSOBANUKIRWA N’INYIGISHO BIRAKENEWE

Kwigomeka n’ubuhakanyi biri mu mwuka duhumeka. Bizatugiraho ingaruka keretse gusa kubwo kwizera nitwerekeza imitima yacu y’impezamajyo kuri

Kristo. Niba abantu bayobywa mu buryo bworoshye, bazabasha gushikama bate ubwo Satani azihindura Kristo maze agakora ibitangaza? Ni nde utazatwarwa n'ukwiyoberanya kwe avuga ko ari Kristo naho ari Satani wigize Kristo, kandi agasa n'ukora ibikorwa bya Kristo? Ni iki kizarinda ubwoko bw'Imana kugira ngo be kumvira bakristo b'ibinyoma? "Ntimuzabakurikire" (Luka 21:8).

Inyigisho zigomba kumvikana neza. Abantu bemeye kwigisha ukuri bagomba kuba bashikamye; bityo ubwato bwabo buzabasha guhangana n'umuraba n'umugaru kubera ko igitsika cy'ubwato barimo kitabasha kutanyegenyega. Ibishuko biziyongera. –Letter 1, 1897.

Ubu Satani yakajije umurego mu mukino we wo kuyobya imitima kurusha uko yigeze abikora mu gihe cyashize; kandi azashyira mu mitima yacu ubwibone, kwikunda, gukunda iby'isi ndetse n'indi mico mibi keretse gusa niduhora turi maso. Nanone kandi azakoresha amayere ashoboka yose kugira ngo arandure kwizera dufite mu Mana no mu kuri kw'Ijambo ryayo. Niba tudafite ubumenyi bushyitse mu ijambo ry 'Imana, ntitugire ubumenyi buhanitse muri Kristo, ibinyoma n'ubuhendanyi by'umwanzi bizadukururira mu irimbukiro.

Inyigisho z'ibinyoma zizashegesha imfatiro za benshi bitewe n'uko batamenye kuvangura ukuri mu binyoma. Umurinzi rukumbi uzaturinda ubushikanyi bwa Satani ni ukwiga Ibyanditswe byera dushishikayetukagira, gusobanukirwa kuzima kw'impamvu zo kwizera kwacu ndetse no gukorana ubudahemuka inshingano yose twahawe. Guha urwaho icyaha kimwe kizwi bizateza intege nke n'umwijima, kandi bidukururire ikigeragezo gikaze. – The Review and Herald, Nov. 19, 1908.

MUHORE MUHANZE AMASO KURI YESU

Kubwo kugwa kw'imvura y'itumba, ibihimbano by'abantu n'imigambi yabo bizatembanwa, urubibi rwashyizweho n'ubushobozi bw'umuntu ruzaba

nk'urubingo ruvunitse kandi Mwuka Muzirazanenge azavugira mu bantu bazima n'imbaraga yemeza imitima. Icyo gihe nta muntu uzareba niba interuro zubakitse neza cyangwa niba ikibonezamvugo kiboneye. Amazi y'ubugingo azatemba mu miyoboro y'Imana ubwayo.

Ariko ubu nimureke twitonde twe kwerereza abantu, amagambo yabo n'ibikorwa byabo; kandi ntihakagire umuntu wibwira ko kugira ibintu byamubayeho by'inzaduka avuga ari ikintu gikomeye; kubera ko aha ari urubuga rwiza aho abantu badakwiriye bazemerwa kandi bagashyigikirwa.

Abasore n'inkumi bazashyirwa hejuru kandi bazibwira ko bashyigikiwe mu buryo butangaje ko bahamagariwe gukora ibintu bikomeye. Hazabaho abihana benshi muri gahunda idasanzwe, ariko ntibazaba bafite ikimenyetso cy'Imana. Hazabaho kwangirika kw'imico mbonera, hanabeho gusaya mu bibi kandi abantu benshi bazarohama bave mu kwizera.

Uburinzi bumwe rukumbi dufite ni ugukomeza kugundira Yesu. Ntabwo tugomba kureka kumutubira. Aravuga ati, "Ntacyo mubasha gukora mutamfite"(Yohana 15:5). Tugomba kugira umutima uzirikana ko ntacyo dushoboye kandi ko turi impezamajyo maze tukishingikiriza kuri Yesu. Ibi byari bikwiriye gutuma buri wese muri twe yitonda kandi ntakebakebe mu magambo no mu myitwarire. Ntabwo ugutwarwa kugaragaye ku muntu uvuga ari imbaraga ahubwo ni intege nke. Umuhati n'imbaraga ni ibintu by'ingenzi mu kwigisha ukuri kwa Bibiliya, ubutumwa bwiza ari bwo mbaraga y'Imana ihesha agakiza…

Hari isayo abantu benshi bari mu kaga ko kurohamamo. Birakwiriye iteka ko dusaba imbaraga ya Mwuka w'Imana, ariko kandi tukirinda kuyikomatanya n'imbaraga zacu zidakomoka ku Mana. Ubwitonze burakenewe mu magambo yacu yose nibitagenda bityo abantu bamwe b'abanyantege nke bafite imitima itwarwa vuba bazatwarwa bafite umuhati udashingiye ku bwenge. Bazakora nk'aho gukoresha Mwuka Muziranenge ari inshingano yabo aho kureka Mwuka Muziranenge akaba ari we

ubakoresha, akababahindura bagahabwa ishusho y'ijuru. Hari akaga ko kwiruka ukagenda imbere ya Kristo. Twari dukwiriye kubaha Mwuka Muziranenge tujya aho atuyobora hose. "We kwishingikiriza ku buhanga bwawe" (Imigani 3:5). Iyi ni ingorane imwe y' abigisha abandi ukuri. Gukurikira Yesu aho atuyobora hose ni yo nzira itekanye dukwiriye kunyuramo. Umurimo wa Kristo ntuzagwa. Icyo Imana ivuga cyose ni ukuri.

Ariko abagabura bajyana ubutumwa buheruka bw'imbabazi babushyriiye abantu bacumuye, ntibagomba gutera waraza; ntabwo bagomba gufungura imiryango Satani ashobora kunyuramo yinjira mu ntekerezo z'umuntu. Kugerageza gucukumbura ikintu gishya kandi cy'inzaduka kizateza gutwarwa ntabwo ari umurimo wacu. Satani ategereje kubona icyuho yacamo kugira ngo yifashishe ikintu icyo ari cyo cyose cyo muri ubu bwoko bityo ngo abashe kwinjiza ubushukanyi bwe. Imikorere ya Mwuka Muziranenge mu bantu izatuma intekerezo zitungana. Ntihazabaho gutwarwa kugira hari ikizagukumira.

Satani azakoresha amagambo yose y'ubupfapfa kugira ngo agirire nabi uwayavuze ndetse n'abayumvise bakanduzwa bayo kandi bakayandurisha n'abandi. Dukwiriye kwimenyereza gucisha make no gutuza. Ukuri kudakebakeba twemeye kuzatuma tuba abiringirwa. Ni mu buhe buryo twagira ukundi dukora igihe dusabwe n'ubutumwa bwiza tugomba kugeza ku barimbuka no mu gihe twitegura kugaruka kwegereje k'Umukiza wacu.

Nidukomeza guhanga amaso kuri Yesu kandi tukakira Umwuka we, tuzahumuka turebe neza. Bityo tuzabasha kumenya akaga kari impande zose, kandi tuzitondera ijambo ryose tuvuga, nibitaba ibyo Satani azabona urwaho rwo kwinjiza ubushukanyi bwe. Ntabwo dushaka ko intekerezo z'abantu ziboherawa mu gutwarwa. Ntabwo dukwiriye gushyigikira kubona ibintu by'inzaduka kandi bitangaje. Ahubwo mwigishe abantu gukurikira Yesu intambwe ku ntambwe. Mubwirize Yesu, uwo ibyiringiro byacu by'ubugingo buhoraho bishingiyeho. –Letter 102, 1894.

UMUGABANE WA KABIRI

AMATSINDA Y'UBUYOBE KANDI ASENYA IJAMBO RY'IBANZE

Mu myaka myinshi ishize, mu Badiventisiti b'umunsi wa Karindwi hagiye haduka amatsinda menshi y'ubuyobe kandi asenya, ashingiye ku gusobanura nabi Ibyanditswe byera cyangwa ku kwibwira ko bamurikiwe n'ijuru. Ayo matsinda yarwanyijwe mu buryo budakebakeba hifashishijwe inama z'Umwuka w'ubuhanuzi zatangiwe gukoreshwa muri ibyo bihe igihe bibayeho. Zimwe muri izo nama ziri muri iki gice,

Akenshi ibyo bavugaga ko ari umucyo mushya bahawe, byari bifatanye n'ubutumwa buciraho iteka itorero n'abayobozi baryo, kandi akenshi bagashyiraho ibyerekeye ibihe. Rimwe mu matsinda nk'ayo ryitwaga "Ijwi Rirangurura rya Marayika wa Gatatu" ryari riyobowe na bwana Stanton. Iryo tsinda ryarwanyijwe hifashishijwe inyandiko zitandukanye zasohotse mu kinyamakuru cyitwaga "*Urwibutso n'Integuza*" mwaka wa 1893, zifite umutwe uvuga ngo "Itorero Ryasigaye ntabwo ari Babuloni." Izo nyandiko ubu ziboneka mu gitabo cyitwa Ibihamya ku Bagabura, pp 32-62 (*Testimonies to Ministers* pp 32-62), ndetse no mu kindi cyitwa Itorero Ryasigaye pp 23-53 (*The Remnant Church*, pp 23-53). Inyandiko zakusanyijwe muri iki gice zivuga cyane kuri iri tsinda kandi zikavuga ku yandi menshi ameze nka ryo mu buryo busesenguye cyane.

Ingingo ebyiri z'ingenzi zerekeye abavugaga ko bafite impano y'ubuhanuzi nazo ziri muri iki gice, zivugwa mu rwego rw'inama yatanzwe na Madame White ayiha abo byarebaga mu buryo ubwo ari bwo bwose. Mu guhangana n'ibihe bimeze bityo, E. G. White yari mu mwanya usaba kwitonda cyane, ariko mu gusohoza inshingano ye nk'intumwa y'Imana, yahawe amabwiriza yarinze itorero abo biyitiriraga gukora umurimo w'ubuhanuzi. Yashimangiye ingingo ivuga ko ukwigaragaza nyakuri

kw'impano y'ubuhanuzi kuzaba gufite ububasha bwako, buherekejwe n'ibihamya bihagije bigaragara kandi byemeza imitima.
Igihe cyose umwanzi w'ukuri akiriho, hazavuka amatsinda asenya ndetse y'ubuyobe kandi agomba kwamaganwa. Uburyo Ellen G. White yagaragaje amenshi muri ayo matsinda ndetse n'inyigisho ziyaranga, biduha ibintu byinshi bishobora kudufasha guhangana n'ibihe nk'ibyo mu buryo bworoshye kandi bugaragara igihe byongeye kubaho. – ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA E. G. WHITE.

IGICE CYA 7:IBIRANGA GUKORESHWA N'IMANA

(*Iyi baruwa ikurikiraho yandikiwe umuntu umwe wari warageze ku mwanzuro Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi ryari ryaraguye mu by'umwuka rikaba nka Babuloni*- Abakusanyije inyandiko)

Mwene data nkunda M:

Ibaruwa wanyandikiye yangezeho Isabato itangiye….Nakugira inama yo kujya mu ishuri kandi ntuve muri iki gihugu utari wagira intekerezo zihamye ku byerekeranye n'icyo ukuri ari cyo. Mu by'ukuri niringiye ko uzakurikirana iki gihembwe cy'ishuri kandi ukiga ibyo ushobra byose byerekeye ubu butumwa bw'ukuri bugomba gushyirwa abatuye ku isi. Ntabwo Uwiteka yaguhaye ubutumwa bwo kwita Abadiventisiti b'umunsi wa
Karindwi Babuloni, no guhamagarira ubwoko bw'Imana kuyisohokamo. Impamvu zose watanga kuri iyi ngingo ntizishobora kugira agaciro kuri njye, kubera ko Uwiteka yampaye umucyo utavuguruzwa uhabanye n'ubutumwa nk'ubwo.

Ntabwo nshidikanya kumaramaza kwawe n'ubunyangamugayo bwawe. Ibihe bitandukanye, nagiye nandikira inzandiko ndende abantu baharabikaga itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bavuga ko ari Babuloni, nababwiye ko batavuga ukuri. Utekereza ko abantu banenze ibyo

navuze. Ndamutse nemeranyije nabo, naba ntakwiriye gushingwa gukora umurimo w'Imana. Ariko iki kibazo cyangejejwe imbere kiri hamwe n'ibindi aho abantu bavugaga ko bafitiye Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi ubutumwa bwinshi bumeze butyo. Ku bw'ibyo ijambo nabwiwe ryari iri ngo: "Ntimukabizere." "Baragiye nyamara sinigeze mbatuma."

INGERO NKE ZAVUZWE

Umukuru K, umugabo wari hafi yo gupfa, ubwo yari mu bitaro I Battle Creek, icyumba yarimo cyari cyuzuyemo abantu bari bafite ubwuzu. Abantu benshi bari barashutswe. Bavugaga ko uwo mugabo yahumekewe n'Imana. Nyamara umucyo ahawe wari uyu ngo, "Uyu murimo si uw'Imana. Ntimwemere ubutumwa bwe."

Hashize imyaka mike, umugabo witwa N, ukomoka ahitwa Red Bruff muri California, yaje aho ndi azanywe no kuvuga ubutumwa bwe. Yavuze uko butumwa ari ijwi rirangurura rya marayika wa gatatu wagombaga kumurikishiriza isi ubwiza bwe. Yatekerezaga ko Imana yirengagije abakozi bose bari abayobozi maze aba ari we iha ubwo butumwa.

Nagerageje kumwereka ko yibeshya. Yavugaga ko Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi ari Babuloni, kandi igihe twamubwiraga ibyo durekereza maze tukamugaragariza ko yayobye, hagiraga imbaraga ikomeye imuzaho maze akavuga ijwi rirenga…Yaduteye ibibazo cyane; yataye umutwe maze biba ngombwa ko ajyanwa mu bitaro by'abafite ibibazo byo mu mutwe.

Undi witwaga Garmire yashyigikiye kandi agira ubutumwa bwanditse asohora bwerekeye ijwi rirenga rya marayika wa gatatu. Yashinjaga itorero mu buryo nk'ubwo mwabonye. Yavuze ko abayobozi bo mu itorero bose bazagwa bitewe no kwishyira hejuru maze irindi tsinda ry'abantu bicisha bugufi rigahaguruka rikayobora kandi bagakora ibintu bitangaje. Uyu mugabo yari afite abakobwa bavugaga ko berekwa.

Nasobanuriwe ubu buyobe. Uyu yari umugabo w'umuhanga, wavugaga rikijyana, utarikundaga, wari wuzuye ubwuzu n'ubunyangamugayo ndetse yari afite ishusho yo kuba ari umuntu wejejwe kandi witanze. Nyamara ijambo ry'Imana ryanjeho riturutse ku Mana rivuga riti, "Ntimukabizere, sinigeze mbatuma."

Uyu mugabo yavugaga ko yemera ibihamya by'itorero. Yavugaga ko bivuga ukuri kandi akabikoresha mu buryo busa n'ubwo mwagiye mubikoreshamo kugira ngo ashimangire kandi agaragaze ko ibyo avuga ari ukuri. Nababwiye ko ubwo butumwa budakomoka ku Mana, ahubwo kwari ukuyobya abatari maso. Nyamara ntiyashoboraga kwemera. Nababwiye ko amayerekwa y'umukobwa we witwa Anna yari ibinyoma, nyamara uwo mugabo yavugaga ko ayo mayerekwa yari meze nk' aya Ellen White, ko yavugaga ibintu bimwe. Uyu mukobwa yashukaga umuryango hamwe n'abandi benshi bemeraga ubwo butumwa bw'ibinyoma. Neretswe ko uwo mukobwa atitwaraga uko bikwiye; ko ahubwo yasayishaga…

Iyo nabonaga ko umuntu yamurikiwe, yabaga yamurikiwe koko; ariko nabwiye uyu mugabo neruye ko ibyo avuga bikomoka kuri Satani, bidakomoka ku Mana. Ubutumwa bwe nta bihamya bwari bufite ko bwatazwe n'Imana.

Kugira ngo ubutumwa bwe bugere ku batuye ku isi, yemeje umusore wari inyangamugayo kandi washyiraga mu gaciro amusaba ko yajya amwibira ingingo z'ingenzi zasohokaga mu kinyamakuru cyitwaga *Urwibutso n'Integuza.* Iki cyari icyaha gihanishwa igifungo maze bituma uyu musore ahunga I Battle Creek. Yamaze igihe adashobora guhangara kugaruka I Battle Creek. Uyu mugabo w'umwaka yari yarashyizeho igihe cyo kurangira kw'imbabazi maze ibyo yari yaravuze byose ntibyabaho. Wa musore yabonye ko yari yarayobejwe maze yihana icyaha cye none ubu ni umwe mu bagizze itorero ry'I Battle Creek w'indahemuka.

Hashize indi myaka ibiri gusa, haje undi mugabo witwa O, waturukaga muri Connecticut, maze ahagurukan ubutumwa yitaga umucyo mushya werekeye ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Binyuze mu buyobe bwe, uyu muryango wari usobanukiwe wari waritandukanyije n'Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi

wa Karindwi. Bitewe n'uko nari naratanze ibihamya bikomeye birwanya ibyo yitaga um ucyo mushya muri Connecticut aho yabaga, byatumye, arwanya umurimo wanjye ndetse n'ibihamya.

Uwo mugabo yagiye mu nama ndetse ajya no mu mahugurwa ya Bibiliya yari agenewe abagabura ryaberaga I Battle Creek nyamara ntiyayahaye agaciro kandi ntiyemeranyaga n'umwuka warangaga iyo nama. Yaratashye ajya iwe maze atangira kwigisha itorero rito. Iyo ntaza kuba narakoreye aho hantu, yashoboraga gusenya itorero ryose kuko atemeraga ukuri kw'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi kandi ntanemere na Madame White by'umwihariko. Muri iki gihe nanone, undi witwa P, yaturutse i Washington D.C., avuga ko yejejwe ryose kandi ko afita imbaraga zo gukiza indwara. Uyu mwuka watumye abantu benshi bahera mu gihirahiro. Bari bafite wa mwuka wo kurega itorero, bakavuga ko itorero ryose ritari mu kuri bityo Imana ikaba yarahamagaraga abantu bashobora gukora ibitangaza. Umubare munini w'abantu bacu b'I Battle Creek bariho bagwa bagatandukana n'itorero.

Mwuka w'Imana yangendereye nijoro ambwira kwandikira abantu bacu b'i Battle Creek.

UBUTUMWA BWAGENEWE ABANYALAWODOKIYA

Imana iyoboye ubwoko bwayo, ihitamo ishyanga ryayo ari ryo itorero ku isi yose, iryo yaragije amategeko yayo. Yabahaye inshingano yera n'ukuri kw'iteka ryose kugomba gutangarizwa abatuye ku isi bose. Ishaka kubacyaha no kubakosora. Ubutumwa bwahawe Abanyalawodokiya bukwiriye Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bahawe umucyo ukomeye ariko ntibawugenderamo. Abongabo ni abahamije ukwizera mu buryo bukomeye, ariko batakomeje kugendana n'Umuyobozi wabo ku buryo azabaruka keretse baramutse bihannye.Ubutumwa buvuga ko Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi Karindwi ari Babuloni kandi bagahamagarira abantu kurisohokamo, ntabwo bukomoka ku ntumwa iyo ari yo yose yatumwe n'ijuru, cyangwa umuntu uhumekewemo na Mwuka w'Imana.

Umuhamya w'ukuri aravuga ati, "Dore ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, knadi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke. Abo nkunda bose ndabacyaha nkabahana ibihano.Nuko rero gira umwete wihane. Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva jwi ryanjye agakingura urugi, nzinira iwe dusangire. Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye. " (Ibyahishuwe 3:18-21).

"NDACYAHA KANDI NGAHANA"

Yesu agiye kuza ahe imigisha ikomeye abagize itorero nibaramuka bamukinguriye urugi. Ntiyigera na rimwe agira ubwo abita Babuloni kandi ngo abahamagarire kuyisohokamo. Ahubwo aravuga ati, "Abo nkunda bose ndabacyaha" (akoresha ubutumwa bwo gucyaha no kuburira) (Ibyahishuwe 3:19). Ntabwo nyobewe uko gucyaha. Natanze imiburo bitewe n'uko Mwuka w'Imana yari yarantegetse gukora ntyo, kandi nanavuze amagambo yo gucyaha kubera ko Uwiteka yayampaye. Ntabwo nigeze ndeka kuvuga inama zose Imana yampaye ngo nzibwire itorero.

Nzavuga nshikamye kubaha no gukunda Imana kuko nzi ko Imana itekereza iby'urukundo n'imbabazi kugira ngo ivugurure kandi ikize ubwoko bwayo ugusubira inyuma kwabwo kose. Ifite umurimo itorero ryayo rigomba gukora. Ntabwo ubwoko bwayo bugomba kwitwa Babuloni, ahubwo bugomba kuba umunyu w'isi, umucyo w'isi. Bugomba kuba intmwa nzima kugira ngo bwamamaze ubutumwa buzima muri iyi minsi iheruka.

BABULONI IVUGWA MU BYAHISHUWE 18

"Hanyumay'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe. Arangurura ijwi rirenga ati,

‘Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry’abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose, n’ibisiga byose bihumanye kandi byangwa. Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry’ubusambanyi bw’uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi basambanaga na wo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n’ubwinshi bw’ubutunzi bwawo no kudamarara. Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti, ‘Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n’ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo. Kuko ibyaha byawo byarundanijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo. Muwiture ibihwanye n’ibyo wabagiriye, kandimuwusagirizeho kabiri ibikwiriye ibyo wakoze. Mu gikombe wafunguragamo, muwufunguriremo kabiri. Nk’uko wihimbazaga ukidamararira ukishima ibyishimo bibi, abe ri ko muwuha kubabazwa agashinyaguro no kuboroga, kuko wibwira uti, Nicara ndi umugabekazi si ndi umupfakazi, ni cyo gituma nta gahinda nzagira na hato.’ Ku bw’ibyo, ibyago byawo byose bizaza ku munsi umwe, urupfu n’umuborogo n’inzara kandi uzatwikwa ukongoke, kuko Umwami Imana iwuciriyeho iteka ari iy’imbaraga.” (Ibyahishuwe 18:1-8).

Iki gice cyose cyerekana ko Babuloni yaguye ari amatorero atazakira ubutumwa bw’imbuzi Uwiteka yatanze mu butumwa bwa marayika wa mbere,uwa kabiri n’uwa gatatu. Banze ukuri bemera ikinyoma. Banze ubutumwa bw’ukuri. Soma 2Abatesaloniki 2:1-12. Ubutumwa buri mu gice cya cumi n’umunani cy’Ibyahishuwe burumvikana kandi burasobanutse neza.

“Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry’ubusambanyi bw’uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi basambanaga na wo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n’ubwinshi bw’ubutunzi bwawo no kudamarara” (umurongo wa 3). Umuntu wese usoma iki gice ntabwo akwiriye kuyobywa.

Mbega uburyo Satani yakwishimira kwamamara kw’ubutumwa buvuga ko abantu Imana yaragije amategeko yayo ari bo ubu butumwa bwo muri gice bwerekejeho! Inzoga ya Babuloni ni ukwerereza isabato y’ikinyoma ikarutushwa Isabato Uwiteka Yehova yahaye umugisha kandi akayereza

umuntu. Izo nzoga kandi ni inyigisho zivuga kudapfa k'ubugingo. Ubu buyobe bukomeye ndetse no kwanga ukuri bituma itorero riba Babuloni.

Abami, abacuruzi, abatware n'abigisha mu by'iyobokamana bose bayoberejwe hamwe.

ITORERO NTIRIGOMBA GUCIBWAMO IBICE

Nongeye kuvuga nti, "Uwiteka ntiyigeze avugira mu ntumwa iyo ari yo yose yita Babuloni itorero ryumvira amategeko y'Imana." Ni iby'ukuri ko hari urukungu ruvanze n'ingano; ariko Kristo yavuze ko azohereza abamarayika be kugira ngo babanze barukoranyirize hamwe baruhambiremo imiba maze rutwikwe, nuko ingano zishyirwe mu kigega. Nzi ko Uwiteka akunda itorero rye. Ntabwo rigomba guteshwa gahunda cyangwa ngo ricibwemo uduce duto twigenga. Nta reme na rike riri muri ibi; kandi nta gihamya na gito kiriho kivuga ko ibintu nk'ibi bizabaho. Abantu bazumvira ubu butumwa bw'ibinyoma kandi bakgerageza kubwigisha abandi bazayobywa ndetse babe biteguye kwakira ubuyobe bukomeye cyane kandi ntacyiza bazageraho.

Muri bamwe mu bagize itorero harimo abibone biyemera binangirira mu kutizera ndetse no kwanga kureka ibitekerezo byabo, nubwo bahabwa ibihamya bikurikirana bituma ubutumwa buba ubwerekeye itorero rya Lwodokiya. Nyamara ibyo ntibizabuza itorero kubona umucyo ngo rireke kubaho. Numureke urukungu n'ingano bikurane kugeza mu isarura. Icyo gihe abamalayika nibo bazakora umurimo wo kubitandukanya.

Ndaburira iterero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi ngo mwitondere uburyo mwakira buri nyigisho yose nshya n'abantu bavuga ko bafite umucyo ukomeye. Umurimo wabo usa n'uwo kuregana ndetse no gusenya.

Musaza wanjye, ndifuza kukubwira nti, 'Uritonde. Ntiwongere gutera indi ntambwe n'imwe ukomeza mu nzira wayobeyemo. Gendera mu mucyo, "ugifite umucyo, butakwiriraho ukiri mu nzira" (Yohana 12:35).

Wivovota uvuga ko utafashwe neza ubwo wari i Battle Creek. Mbese wigeze ugendana umwuka wo kwicisha bugufi ngo usange ab'umwuka maze ngo ubabwire uti, "Mbese twafatanya kwiga Ibyanditswe? Mureke tubisengere? Nta mucyo mfite kandi ndawushaka kuko ikinyoma kitazigera cyeza umutima." Mbese watangazwa n'uko batakwizeye nk'uko watekerezaga bagombaga kubikora, nyuma y'ibyo bari baranyuzemo? Mbese amagambo Yesu yavuze nta gaciro yari afite? "Mwirinde abahanuzi b'ibinyoma baza aho muri basa n'intama, ariko imbere ari amasega aryana." (Yohana 12:35).

Ubutumwa buvuga ngo, "Kristo ari hano, Kristo ari hariya" buziyongera. Nimureke abizera bumvira ijwi rya marayika wabwiye itorero ati, "Mwomatane." Imbaraga zanyu ziri mu kunga ubumwe. Mukundane nk'abavandimwe, mube abanyampuhwe, kandi mwubahane. Imana ifite itorero, kandi Kristo yaravuze ati, "Amarembo y'ikuzimu ntazarishobora" (Matayo 16:18). Intumwa Uwiteka atuma zifite ibigaragaza uko azemera. Ngufitiye impuhwe, ariko ngwino usange umucyo ndakwinginze. –Letter 16, 1893.(Ibaruwa 16, 1893)

IMBUTO Z'UMURIMO UKORWA RWIHISHWA

Ni ingenzi ko abantu bose bazamenya umwuka ugose imitima yabo. Bazamenya niba bafanyije n'umwanzi wo gukiranuka kandi bakaba bakora umurimo we batabizi, cyangwa bamenye ko bifatanyije na Kristo mu gukora umurimo we kandi bashaka uko barushaho gushikamisha imitima y'abantu mu kuri.Satani yanezezwa no kubona buri muntu wese ahinduka umufasha we kandi akamushyigikira mu guca intege icyizere umuvandimwe afitiye mugenzi we, ndetse no kubiba amacakubiri mu bavuga ko bizera ukuri. Satani ashobora gusohoza imigambi ye neza yifashishije abavuga ko ari incuti za Kristo ariko batagendera mu kuri ngo bakorere mu nzira za Kristo. Abantu mu ntekerezo zabo no mu mitima yabo bagenda bitarura umurimo wihariye w'Uwiteka ugomba gukorwa muri iki gihe, abantu badakorana nawe mu gushikamisha imitima y'abantu mu kwizera babayobora ku kumvira imiburo ye, abo bantu barakora umurimo w'umwanzi wa Kristo. Ni ingorane

ikomeye cyane kugenda uva mu rugo ujya mu rundi, witwaje gukora umurimo w'ivugabutumwa, nyamara ubiba imbuto yo gushidikanya n'urwikekwe. Buri rubuto rukura vuba vuba maze hakabaho kutiringira abagaragu b'Imana bafite ubutumwa bwayo bagomba kubwira abantu. Iyo Imana ivugiye mu bagaragu bayo, ya mbuto (yo gushidikanya n'urwikekwe) yabibwe iba yarakuze igashinga umuzi wo gusharira. Ijambo ry'Imana rigera ku mitima itararyumva, imitima itazigera yitaba irarika. Bityo, nta mbaraga yaba iyo mu isi cyangwa iyo mu ijuru ibasha kugera ku mutima.

Ni nde uzabazwa aba bantu? Ni nde uzarandura umuzi w'uburozi wo gusharira wababujije kwakira Ijambo ry'Uwiteka? Mushiki wacu mwiza cyangwa musaza wacu yateye imbuto mbi, ariko se ni mu buhe buryo ashobora gusana umutima washyizwe mu kaga bene ako kageni? Ururimi rwagombye kuba rwarakorershejwe mu guhesha Imana ikuzo ruvuga amagambo y'ibyiringiro, kwizera n'icyizere mu bakozi b'Imana, rwakuye umutima kuri Yesu Kristo. Abantu basuzuguye amagambo ya Kristo ku bushake bwabo kandi bakanga kumva ijwi rye no guhinduka, bayoberesheje abandi umusemburo wo gukekeranya no kuvuga ibibi gusa.

Iki ni igihe cyo kwitegura Uwiteka. Nta gihe dufite ubu cyo kuvuga amagambo yo kutizera no kunegurana. Ubu nta gihe kiriho cyo gukora umurimo w'umwanzi. Nimureke buri wese yirinde kurandura ukwizera kw'abandi abiba imbuto zo kwifuza kubi, ishyari n'amacakubiri; kuko Imana yumva amagambo kandi ikaba idaca urubanza ishingiye ku kuyemera cyangwa kuyahakana, ahubwo ishingira ku mbuto yera ku mikorere y'umuntu. "Muzabamenyera ku mbuto zabo" (Matayo 7:20). Imbuto yabibwe ni yo izaranga uko umusaruro uzaba umeze." – Manuscript 32a, 1896.

IGIHAMYA KIDASHIDIKANYWA NICYO GIHEREKEZA UBUTUMWA BWAHUMETSWE N'IMANA

Iyo Uwiteka ahaye umuntu ubutumwa, anamuha ikintu ubwoko bwe buzamenyeraho ko ubwo butumwa buturutse ku Uwiteka. Ntabwo Imana isaba ubwoko bwayo kwizera umuntu wese ubazaniye ubutumwa. Uwiteka yoherereza ubwoko bwe imiburo bwe, atari ukugira ngo burimbuke

ahubwo ari ukugira ngo akosore amakosa yabwo…Turiho mu bihe biruhije. Nkurikije umucyo nahawe, nzi ko Satani ariho agerageza kwinjiza ibazatera abantu kwibwira ko bafite umurimo utangaje bagomba gukora. Nyamara iyo Imana ihaye umuntu ubutumwa, kubwo ubwitonzi bwe no kwiyoroshya, uwo muntu azagira igihamya kigaragaza ko Imana imukoreramo. Imana iriho kandi iganje ku ngoma, ndetse yifuza ko tugendera imbere yayo twicishije bugufi. Ntabwo Imana yifuza ko uyu mugabo witwa N ahatira iteraniro kumwemera…

Ntabwo tugiye kujya turogowa muri buri materaniro n'abantu bavuga ko bafite ubutumwa bashaka kuvuga. Umuntu uhata akajya mu mwanya adakenewemo ntabwo aba akora umurimo w'Imana. Tugomba gukora nk'abasirikari bari mu ngabo. Ntabwo tugomba kuva mu myanya yacu, ngo dutangire kugenda uko twishakiye. –Manuscript 30, 1901.

IGICE CYA 8:GUHANGANA N'IBIVUGWA N' ABAHANUZI B'IBINYOMA.

IBYO DUSHOBORA KWITEGA

Neretswe abantu benshi bazavuga ko bigishijwe n'Imana mu buryo bw'umwihariko, kandi bazagerageza kuyobora abandi ndetse biturutse mu bitekerezo biyobye byerekeye ku nshingano bafite, bazakora umurimo Imana itigeze ibashinga gukora. Umusaruro uzaba guhera mu rujijo. Nimureke buri wese ku giti cye ashake Imana abishishikariye kugira ngo abashe gusobanukirwa n' ubushake bwayo. – Letter 54, 1893.

Hazabaho abantu bavuga ko beretswe. Imana nibaha igihamya kigaragara cyerekana ko iyerekwa ryayiturutseho, mushobora kuryemera, ariko ntimukaryemere mushingiye ku kindi gihamya icyo ari cyo cyose; kubera ko abantu bagiye kurushaho kuyoberezwa mu bihugu by'amahanga ndetse no muri Amerika. –*The Review and Herald,* May 25, 1905.

AMAYEREKWA Y'UMWANA WAYOBYE.

Nshishikariye kuvuga ko ntigeze nemera na gato bwana J.M Garmire cyangwa umurimo we. Agatabo kasohowe ubushize kaje mu gihe cy'amateraniro makuru yacu ayri ayobowe na Jackson kandi ntikigeze kemerwa n'abantu bacu na hato. Utwo dutabo twakwirakwijwe binyuze mu kwiba ingingo z'ingenzi zagombaga gusohoka mu Rwibitso n'Integuza. (*Review and Herald*).

Umukobwa wa bwana Garmire avuga ko, cyangwa se Garmire akamuvugaho ko yerekwa; nyamara nta gihamya cy'Imana bafite. Basa ryose n'ibyo twagiye duhura nabyo mu byatubayeho- ni ubuyobe bwa Satani. Mu matereniro makuru yari ayobowe na Jackson nahabwiriye ayo matsinda y'abaka neruye ko bakora umurimo w'umwanzi w'abantu; bari bari mu mwijima. Bavugaga ko bafite umucyo ukomeye uvuga ko igihe cy'imbabazi cyari kurangira mu Kwakira, 1844.

Ahongaho nahavugiye mu ruhame ko yanezejwe no kunyereka ko guhera mu 1844 nta gihe kizwi kizabaho kizagaragara mu butumwa buturutse ku Mana; kandi ko nzi ko ubu butumwa abantu bane cyangwa batanu bavuganaga umuhati ukomeye bwari ubuyobe. Amayerekwa y'uyu mwana ntiyaturukaga ku Mana. Uwo mucyo ntiwaturutse mu ijuru. Igihe cyari gisigaye cyari gito; ariko iherezo ryari ritaragera. Umurimo ukomeye wagombaga gukorwa kugira ngo utegurire ubwoko bw'Imana gushyirwahi ikimenyetso cy'Imana ihoraho. –*An Exposure of Fanaticism and Wickedness* (Pamphet), pp.9,10 (1885).

UBUTUMWA BWANDIKIWE J.M. GARMIRE

Satani yateguye ingoyi kugira ngo akugushe mu mutego. Ubwaka, ubushukanyi, n'ubuyobe bukomeye byakugize imbata. Ibitekerezo byawe wabibwiye ab'umuryango wawe, ugoreka Ibyanditswe, urwanya Ijambo ry'Imana uryaka ubusobanuro bwaryo nyakuri, maze ku bw'ibyo utera ab'umuryango wawe kwemera ko imyumvire ifitwe kandi ishyigikiwe n'abantu bacu atari iy'ukuri. Uburyo usobanura Ibyanditswe ntabwo buhuje n'uruhande Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bahagazemo…..

Urugero wahaye intekerezo z'abana bawe rukomoka ku binyoma byangije intekerezo zawe bwite. Wabigishije kubona ubwandu n'ibizinga ku bandi, ndetse no kubanenga. Kubera amagambo yawe n'urugero utanga mu kuvuga nabi abavandimwe bawe no gukusanya amakosa yabo, watangije ibintu byaje kubyara amayerekwa y'umukobwa wawe binyuze mu mbaraga zawe bwite zifatanyije n'abakozi ba Satani. Uku gushaka amakosa n'uku kurega abavandimwe bawe byose bikomoka kuri Satani.

IBIHAMYA BYO KWEMERWA N'IMANA

Uko uvuga cyane ko wizera ibihamya kandi ukabiha agaciro ntacyo bimfasha ho cyangwa umurimo wanjye, kubera ko ushyira amayerekwa y'ibinyoma y'umukobwa wawe ku rwego rumwe n'urw'ayo Imana ijya impa, maze ku

bw'ibyo ugatesha agaciro imiterere yera kandi y'isumbwe by'umurimo Imana yampaye gukora.

Imana yanyeretse yeruye ko ibyo ufata ko ari ubutumwa Imana ikohereereza ndetse n'abandi binyuze mu mukobwa wawe Anna, ntabwo buba buyiturutseho. Nta bihamya bufite ko buturuka ku Mana. Ahubwo ni uwundi mwuka utegeka umwana wawe. Umwanzi niwe umukoreramo. Ukwigaragaza nk'uko kuzarushaho kuba rusange muri iyi minsi ya nyuma. Ntabwo biyobora ku bumwe, mu kuri kose ahubwo bijyana abantu kure y'ukuri. Igihamya ntashidikanywaho dufite ko ibyo bikorwa bidakomoka ku Mana, ni uko bihuza n'ibitekerezo byawe tuzi ko ari iby'ubuyobe. Ibintu avuga ko abona mu iyerekwa ntabwo bishyigikiwe n'Ijambo ry'Imana, ahubwo bihabanye naryo. Satani ahora akora ubudatuza kugira ngo amwuzuze umwuka we bwite, kugira ngo binyuze muri uwo mukobwa witwikiriye umwenda w'ubutungane, abashe guhuriza hamwe ubuyobe no kwandura. Ubwo ufata ko ibyo avuga bikomoka ku Mana, ukwizera ibihamya nyakuri kwawe nta gaciro gufite; bityo Satani yiringiye ko wowe ubwawe ndetse n'abandi bose bizera ibitekerezo byawe, azabatandukanya n'abakozi Imana yatoranyije kugira ngo mukomeze kwizera ikinyoma. Ibyanditswe bivuga mu bantu bashutswe kandi bari gushukwa.

Ibi nibyo bikubaho. Ushuka umukobwa wawe nawe akagishuka. Impumyi iyoboye indi mpumyi. Umwanzi ashaka gusohoza imigambi ye akoresheje inzira zitandukanye zizahuza neza n'ibihe ndetse n'uko abo abona ko ashobora gukuruza igishuko bamerewe. Ndakubwira nkomeje ko ubutumwa bw'umukobwa wawe Anna budakomoka ku Mana. Ibi nibyo Imana yanyeretse kandi ntizabeshya. Umukobwa wawe ashobora kuvuga ibintu byiza byinshi, ashobora kuvuga byinshi by'ukuri, nyamara uko ni ko umwanzi w'abantu akora. Mu buryo bwinshi icyiganano kizaba gisa n'icy'ukuri. Imbuto cyera niyo ihamya kamere yacyo….

AMATEKA YISUBIYEMO

Mu murimo jye n'umugabo wanjye twahamagariwe gukora uruhare rwacu, ndetse no mu itangira ryawo mu 1843 no mu 1844, twagiye tubona Imana idutegurira gahunda n'ingamba, kandi yagiye isohoza imigambi yayo binyuze mu bakozi bayo bazima. Akenshi twagiye twerekwa inzira zitari iz'ukuri, kandi n'inzira z'ukuri n'amahoro yagiye azigaragarizamo neza mu bintu byose byabayeho bifitanye isano n'umurimo twahawe gukora, ku buryo navugisha ukuri ko ntayobewe amayeri ya Satani cyangwa ngo nyoberwe inzira n'ibikorwa by'Imana. Byabaye ngombwa ko dukoresha imbaraga zose z'intekerezo, twishingikirije ku bwenge bukomoka ku Mana kugira ngo butuyobore mu bugenzuzi twakoraga tugombye kugenzura inyigisho zitandukanye zatugeragaho, tukareba ibyiza n'amakosa yazo twifashishije umucyo urasa uva mu Ijambo ry'Imana ndetse n'ibyo Imana yari yarampishuriye binyuze mu Ijambo ryayo n'ibihamya kugira ngo tutayobywa cyangwa ngo tuyobye abandi.

Tweguriye Imana ubushake bwacu n'inzira zacu, ndetse tugasaba dushishikaye gufashwa nayo, kandi ntabwo twigeze turuhira ubusa. Imyaka myinshi nahuye n'ibibabaza bifitanye isano n'umurimo w'Imana. byatumye mpura n'amatsinda y'uburyo bwinshi yayobye. Incuro nyinshi nagiye noherezwa ahantu hatandukanye nkabwirwa ngo, "Ngufitiye umurimo ugomba gukorera hariya hantu; nzabana nawe." Iyo igihe cyageraga, Uwiteka yampaga ubutumwa bugenewe abarotaga inzozi n'amayerekwa by'ibinyoma, kandi mpagaze mu bushobozi bwa Kristo natanze ubuhamya bwanjye nshobojwe n'Uwiteka. Habayeho kunenga mu buryo bukomeye bavuga uko kurwanya bikomoka ku Mana ngo bitewe n'uko narwanyaga umurimo wayo.
Bavugaga ko nzagerwaho n'ibyago bikomeye nk'uko umukobwa wawe Anna yari yahanuye. Nyamara ibyo nabinyuzemo ntunganye nzi ko ndinzwe n'abamarayika bo mu ijuru.

Mu gihe cy'imyaka mirongo ine n'itanu ishize, nagiye mpangana n'abantu bavuga ko bafite ubutumwa bwo gucyaha abandi buturutse ku Mana. Ibi bihe

by'ubwaka mu by'iyobokamana byagiye bibaho kenshi guhera mu 1844. Satani yagiye akora mu buryo bwinshi kugira ngo ashimangire ikinyoma. Ibintu bimwe byavuzwe muri ayo mayerekwa byabayeho; nyamara ibintu byinshi byerekeye igihe cyo kugaruka kwa Kristo, irangira ry'igihe cy'imbabazi, ndetse n'ibintu byagombaga kubaho, byagaragaye ko byavuzwe mu buryo bw'ibinyoma nk'uko wabihanuraga ndetse n'umukobwa wawe Anna. Nyamara bageragezaga gushaka urwitwazo rw'amakosa yabayeho bavangavanga imvugo, kandi bakaziha ubundi busobanuro, bityo bagakomeza muri iyo nzira, bashuka abantu kandi nabo bishuka.

Igihe nagendererwaga n'Umwuka w'Imana bwa mbere, neretswe ko nzahura n'abantu bavuga ko beretswe, ariko ko Imana itazanyemerera gushukwa. Umurimo wanjye wari uwo gushyira ahagaragara ubu bushukanyi ndetse no kubucyaha mu izina ry'Uwiteka. Uko igihe cyarushagaho kwegereza, niko nagombaga kubona byinshi muri ibyo bikorwa.

"SINABATUMYE"

Nagiye nakira inyandiko ziturutse ku bantu batandukanye, zigaragaza amayerekwa bavuga ko bayahawe n'Imana; ariko Umwami Yesu arambwira ati, "Ntukabizere; Sinabatumye." Abantu bamwe banyandikira bavuga ko Imana yabahishuriye ko Ellen. G. White ari mu buyobe, aterwa n'abayobozi kwemera ibintu bimwe bitari ukuri, ndetse no kwanga ibindi by'ukuri.
Nyamara amagambo nabwiwe yongeye kugaruka ngo, "Ntubumvire; ntabwo nigeze mbavugiramo, cyangwa ngo ngire ijambo cyangwa ubutumwa mbaha. Bafite amagambo y'ibinyoma yihuta aturuka mu byongorero bya Satani." Abantu bamwe bansanze bavuga ko ari ba Kristo, ndetse mu buryo bugaragara bakoze ibitangaza. Bavuze ko Imana yanyoboye mu bintu byinshi, ko ariko Isabato atari ikibazo cy'ishungura; ko amategeko y'Imana atagitwara abantu; ko icyo tugomba gukora gusa ari ukwemera Kristo kandi abo bantu ubwabo bari ba Kristo. Nagiye mpura n'ibyo abantu bavugaga ko ari ibihamya, ariko sinigeze mbyizera. "Nimusange amategeko y'Imana

n’ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n’iryo jambo nta museke uzabatambikira” (Yesaya 8:20).

Hari ahantu hamwe abantu bane mu muryango umwe bavuze ko bafite ubutumwa bahawe n’Imana bwo gucyaha ikibi , kandi bavugaga ibintu bikaba. Ibi byatumaga biyumvamo ishema. Nyamara ibyo bavugaga ntibibe babigiraga ibanga, cyangwa bigafatwa nk’amayobera yashoboraga kuzumvikana nyuma. Ni hehe aba bantu bakurag iri hishurwa? Barikuraga mu bakozi ba Satani kuko ari benshi. Imana yampaye inshingano yo guhangana n’ibyo bintu, no gutanga ubuhamya budashidikanywa bubirwanya….
Nabonye abantu benshi bajya mu iyerekwa; ariko igihe nacyahaga umwuka wabafataga, bahitaga bava mu iyerekwa maze bagahagarika umutima.

IBINTU BY’ISI BYOROHEJE KANDI BYA RUSANGE.

Ibintu nk’ibi byabaye rusange cyane. Abantu benshi bo mu muryango umwe bari baratwawe n’ibi binyoma.

….

Ubutumwa bwinshi bwashoboraga kubwirwa abantu batandukanye bagize itorero, bukabwira abantu bamwe b’abanyabwoba buti, « uri umwirasi » ; undi akabwirwa ngo, « Ntabwo wizera, uzarimbuka. » Uwiteka yampaye umucyo werekeye ibi, kugira ngo mvuge amagambo yo kubahumuriza no kubakomeza. Nahaye abo bantu ubuhamya baba barashoboraga kubwumva cyangwa bakabwanga. Amayerekwa yabo yari umurimo wa Satani. Ibyo berekwaga akenshi byabaga ari ibintu rusange, ibintu by’isi, nko kuvuga uwari gutegura ifunguro rya mu gitondo ku munsi ukurikiyeho,uwari gutegura ifunguro rya nimugoroba cyangwa uwari koza amasahani. Ibyo bintu by’ubupfapfa byabaga bivanze n’ukuri kwera babaga barakuye muri Bibiliya no mu bihamya. Ukuboko kwa Satani kwakorerag muri ibi byose kugira ngo atere abantu kuzinukwa kandi abatere kwanga ikintu cyose cyitwa iyerekwa.

Muri ubwo buryo, amayerekwa y'ibinyoma n'ay'ukuri yose yashoboraga kwangwa. Ndetse n'ababaga bafite uruhare muri ubwo bushukanyi bari kugera aho bashidikanya amayerekwa yose igihe bari kuba bayarambiwe.

Hamaze kubaho ukubonana gukomeye n'abo bantu bayobejwe, habayeho kwatura ku buryo abo bantu bahise bifata nk'uko Ellen White yifataga mu iyerekwa, bakagerageza kumwigana uko bashoboye kose. Ibyo byose byari ibikorwa by'ubushukanyi. Nyamara ibintu byinshi bavuze byagiye bibaho nk'uko bari babivuze mbere.Nabajijwe ukuntu ibi byashoboka niba amayerekwa yose yari ay'ibinyoma. Nababwiye ko ari umugambi wa Satani wo kuvanga ukuri n'ikinyoma, ko binyuze muri ibyo bikorwa by'ubushukanyi ashoboragutuma umurimo nyakuri w'Imana nta cyo ugeraho. Kuva icyo gihe amayerekwa yabo yose yarahagaze. Abo bagiraga amayerekwa n'abari babashyigikiye byabagendekeye bite? Ubu abenshi bakiriho ni abahakanyi, ntabwo bizera impano itorero rifite, ntibacyizera ukuri, nta yobokamana bagira na mba. Neretswe ko uwo ari wo musaruro w'amayerekwa y'ibinyoma.

Ibigaragara ku mukobwa wawe ni ubushukanyi bumeze nk'ubwo, kandi uko ushyigikira ibyo bintu muri we bizamugeza ku kurimbuka, ndetse no ku kurimbuka kw'abandi keretse gusa nihagira igihagarika ubwo bushukanyi. Ayo mayerekwa y'ibinyoma n'izo nzozi zidafite icyo zisobanuye ubyita umucyo utangaje w'Imana, nyamara ni nk'umurama uri ku ngano. Iki ni ikibazo gikomeye cyane. Kizagira ingaruka ikomeye ku muryango wawe.
Ubwo ufata amagambo y'umukobwa wawe nk'ayobowe na Mwuka w'Imana, nawe bizakubera nk'aho ayo magambo ari ukuri. Uri munsi y'ubuyobe bukomeye bwa Satani. Uzavuga ko uyemera kandi uyubaha, bityo icyizere wari ufite mu butumwa nyakuri bukomoka ku Mana kizarandurwa. Uko ni nako bizagendekera abizera kimwe nawe. Iyi niyo mpamvu Satani ahora akorera mu binyoma kugira ngo ayobye abantu abakure mu kuri.
Igishuko giheruka cya Satani kizaba icyo gutuma ubuhamya bwa

Mwuka w'Imana nta musaruro butanga. « Aho guhishurirwa kutari abantu bigira ibyigenge » (Imigani 29 :18). Satani azakorana ubuhanga bukomeye, mu nzira zitandukanye kandi anakoreshe abakoze batandukanye kugira ngo arandure ibyiringiro ubwoko bw'Imana bwasigaye bufite mu bihamya nyakuri. Azazana amayerekwa y'ibinyoma kugira ngo ayobye, kandi azavanga ukuri n'ibinyoma, maze muri ubwo buryo azinure abantu bitume ibyitwa amayerekwa byose babyita ubwaka. Nyamara kubwo kugereranya ukuri n'ibinyoma, abantu b'abiringirwa bazabasha gutandukanya ukuri n'ibinyoma….

MWITONDERE UBURYO MWUMVA

Mbega uburyo umutima w'umuntu ushukana ! Mbega uburyo biworohera kumvikana n'ibintu bibi! Nta kintu cyangiriza imigambi y'umutima, ukwera kwawo, uburyo nyakuri kandi bwera umutima wumva Imana ndetse n'ibintu byera kandi by'iteka ryose nko guhora uteze amatwi no guha agaciro ibintu bidakomoka ku Mana. Biroga umutima, kandi bigatuma ubushobozi bwo gusobanukirwa bugabanyuka. Ukuri gutunganye kwaboneka ko gukomoka mu ijuru bigaragariye mu mbaraga yako izahura, igatunganya kandi ikeza imico y'ukwakiriye.Uwashyizeho ukuri kose yasabye Se ati, «Sinsabira aba bonyine, ahubwo ndasabira n'abazanyizezwa n'Ijambo ryabo, ngo bose babe umwe nk'uko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe, ngo nabo babe umwe muri twe, ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye » (Yohana 17 :20, 21). Hazahora havuka ibintu byo guteza amacakubiri, no kujyana abantu kure y'ukuri. Uku kujya impaka, guhinyura, kunenga, gucira abandi urubanza, ibyo byose si igihamya cy'uko ubuntu bwa Kristo buri mu mutima. Ntabwo bituma habaho ubumwe. Mu minsi yashize, umurimo nk'uyu wagiye ukorwa n'abantu bavugaga ko bafite umucyo udasanzwe kandi bari barashayishije mu byaha.

Ubuyobe, kutumvira ndetse n'ibinyoma byose byari bibuzuyemo.

Igihe turimo ni igihe cy'akaga gakomeye ku bwoko bw'Imana. Imana iyoboye ubwoko bwayo, ntabwo ari umuntu umwe uri hano n'undi uri hariya. Imana ifite itorero ku isi rishikamye mu kuri; kandi iyo tubona abagabo ndetse n'abakobwa bannyega itorero, turabatinya. Tuzi ko Imana itigeze ibatuma, nyamara baragiye, kandi abantu bose batemera ibitekerezo byabo byayobye babafata ko ari abarwanya Umwuka w'Imana. Ibintu byose nk'ibyo biri mu murongo wa Satani ariko umurimo w'Imana uzakomeza nubwo ubu hariho kandi hakazakomeza kubaho abantu bazahora barwanya isengesho rya Kristo mu buryo butaziguye. Umurimo uzatera imbere, abo bantu basigarane ibihimbano byabo….«Murajye mwitondera uburyo mwumva» (Luka 8 :18) ni yo nama Kristo atanga. Tugomba kumva tugamije kumenya ukuri kugira ngo tukugenderemo. Yesu arongera akavuga ati, «Nimuzirikane ibyo mwumva » (Mariko 4 :24). Mugenzure neza, « mugerageze byose » (1Abatesalonike 5 :21), « ntimwizere imyuka yose, ahubwo mugerageze imyuka ko yavuye ku Mana, kuko abahanuzi benshi b'ibinyoma badutse bakaza mu isi » (1Yohana 4 :1). Iyi ni yo nama y'Imana; mbese tuzayumvira ?- Letter 12, 1890. (Ibaruwa 12, 1890)

IGICE CYA 9 :IBIRANGA INYIGISHO Z'IBINYOMA

UBUNDI BUTUMWA BWAGENEWE BWANA GARMIRE

Kuva kuwa 23 Kanama ubwo nasuraga umuryango wawe ku isabato nyuma ya saa sita, hari ibintu byasigaye mu ntekerezo zanjye ngomba kukubwira. Ntabwo nshidikanya kuvuga ko amayerekwa ya Anna adakomoka ku Mana. Inzozi abo mu muryango wawe barose ni ubushukanyi bwa
Satani….Satani yabonye ko ashobora gukorera mu mitekerereze yawe maze wowe n'abandi akabayobora mu mutego we. Mbese Imana ni yo yaguhaye bwa butumwa bwerekeye igihe? Oya ; kuko nta butumwa bumeze nk'ubwo bukomoka kuri Soko y'umucyo…Igihe cyagaragaje ko uri

umuhanuzi w'ibinyoma, kandi ko n'amayerekwa ya Anna ari ibinyoma. Ntabwo Imana yigera ikora muri ubu buryo.

Satani afite ubundi buyobe bukomeye yaguteguriye. Niba utari wabikora, uzavuga ko ufite umurimo ufitanye isano n'amayerekwa ya Anna ugomba gukora, uhuje n'umurimo wa wa mumarayika ukomeye wavuye mu ijuru maze isi ikamurikirwa n'ubwiza bwe. Satani abona ko intekerezo zawe ziteguye gutwarwa n'ibyongorero bye, kandi azagukoresha wizanire kurimbuka, keretse gusa mu izina ry'Uwiteka nuca ingoyi zikuboshye…. Incuro nyinshi, mu kiganiro twagiranye aho warushijeho kumaramaza, wasubiraga muri iyi nteruro ngo, «Mbega uburyo kugira ukuri ntahinduka ari iby'igiciro ! » Nongeye kugusubiriramo nkomeje. Uvuga ko amayerekwa ya Anna avuga ko ikimenyetso cy'inyamaswa kizakorwa nyuma y'uko igihe cy'imbabazi kirangira. Ibyo si ko bimeze. Uvuga ko wemera ibihamya ; reka biguhe umucyo kuri iyi ngingo. Uwiteka yanyeretse neza ko ikimenyetso cy'inyamaswa kizaremwa mbere y'uko igihe cy'imbabazi kirangira ; kuko kigomba kubera ubwoko bw'Imana ikigeragezo gikomeye. Ni cyo kizafatirwaho umwanzuro w'iherezo ry'iteka ryose ry'ubwoko bw'Imana. Uruhande uhagazemo ni urudubi rw'ibintu bidahamye ariko abantu bake nibo bazashukwa…..

Wafashe amateka y'umuhanuzi utarumviraga nk'uko avugwa mu Isezerano rya Kera, maze uyakoresha kuri Ellen G. White. Uvuga ko ari inyangamugayo rwose ariko ko ari umuhanuzi wayobye. Kubera iyi mpamvu ibihamya bya Mwuka w'Imana ntibishobora kugira icyo biguhinduraho. Mbese Uwiteka yigeze aguhishurira ukutumvira kwa Ellen. G. Wite, cyangwa yabihishuriye umukobwa wawe cyangwa abana bawe? Niba yaragenze mu buryo buhabanye n'uko Imana ishaka, uzabyerekanira mu ki? Inshingano yanjye ni ugusobanura neza ibihamya uruhande mpagazemo; kubera ko ugoreka ubuhamya bwanjye, ukabwambura ubusobanuro bwabwo nyakuri, kandi ukavuga izina ryanjye igihe cyose utekereza ko riributume ibyo uvuga byose byemerwa. Nyamara igihe ibihamya bidahuje n'inyigisho zawe,

ntabwo umvuga kubera ko ndi umuhanuzi w'ibinyoma ! Hari uburyo bwinshi bwo kwirengagiza ukuri.

Usa n'ufitiye uburakari bwinshi Uriah Smith ndetse n'abandi bo muri bene data kandi ibyo wabiganiriye n'abo mu muryango wawe maze ku bw'ibyo urabanduza. Uwiteka yabonye ko kugira Uriah Smith inama bikwiriye ndetse no kumubwira amagambo yo kumucyaha kubera ko yari yarayobye ; ariko se iki ni igihamya cyerekana ko Uwiteka yamuretse?- Oya. « Abo nkunda bose ndabacyaha, nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane » (Ibyahishuwe 3 :19). Uwiteka acyaha amakosa yo mu bwoko bwe, ariko se iki ni igahamya ko yaburetse ? – Oya. Mu itorero harimo amakosa kandi Uwiteka ayagaragaza akoresheje abakozi be yitonirije, ntabwo iteka akoresha ibihamya. None se tuzafata uko gucyaha maze tugushingireho tuvuge ko Imana itagiha abantu bayo umucyo cyangwa ngo ibakunde?- Oya. Imana yavuze ikwerekejeho ko ibyo wita umucyo uturuka mu ijuru ari umwijima, kandi amayerekwa yavuye muri iki kinyoma iyita ubuyobe. Mbese uzemera iki gihamya ? Mbese uzumvira ibyo Imana yavugiye muri mushiki wawe White, cyangwa uzatera umugongo Ijambo ry'Imana? Mbese uzavuga iki gihamya nk'aho nta kibazo gifite, kandi ugushingireho nk'uko wabigenje ku bihamya byo gucyaha byahawe bene so bari barayobye mu bintu bimwe na bimwe ?

Mbese uzavuga uti, « Mbega uburyo kugira ukuri ntahinduka ari iby'igiciro!» -Letter 11, 1890.

IMIKORESHEREZE MIBI N'IMYIZA Y'INAMA YATURUTSE KU MANA

Mwene data warishutse kandi ushuka n'abandi. Ntabwo wize Ibyanditswe mu nzira ikwiriye. Ugomba kubyiga kugira ngo umenye ubwenge bw'Imana atari ukugira ngo ushyigikire inyigisho zawe. Usoma Ijambo ry'Imana mu mucyo w'imyumvire yawe bwite. Ufata imvugo itari ukuri maze ukayikikiza amasomo uvuga ko agaragaza ko iyo mvugo ari ukuri, nyamara ukirengagiza amasomo agaragaza ko ari iyo mvugo atari ukuri. Uravuga uti, "Bibiliya ni rwo rufatiro rwanjye rwo kwizera." Ariko se nibyo? Ndagusubije, ntabwo

Bibiliya ishigikiye uruhande uhagazemo. Urongera ukavuga uti, “Koresha Bibiliya unyereke ko ntari mu kuri, bityo nzareka ibitekerezo byanjye.” Ariko se ni mu buhe buryo ushobora kwemezwa na Bibiliya ighe cyose ugoreka kandi ugakoresha nabi ibyo ivuga? Iyo ukora utyo uba ufunga isoko imwe rukumbi Imana yagombaga kunyuramo maze ikemeza umutima wawe.

Uburyo bumwe rukumbi bwo kwiga Ibyanditswe ni ukurambika hasi urwikekwe rwose, ibyo wari usanzwe uzi, ukagera ku rugi rwo gucukumbura maze ukinjira muri uwo murimo uhanze amaso ku bwiza bw’Imana, ufite intekerezo ziteguye kwemera ndetse n’umutima wiyoroheje kugira ngo wizere ibyo Uwiteka akubwira.

Ibiterezo by’abantu sku byerekeye ubusobanuro b’Ibyanditswe ni bwinshi kandi buratandukanye; ariko ntabwo Ibyanditswe bihindurwa kugira ngo bihuze n’ibitekerezo by’abantu. Igitabo cyahiriwe ni yego na bibe bityo; gihora ari ukuri kandi ni icy’iteka ryose. Ibitekerezo by’abantu byose ntibihuza, nyamara ibihamya bifatika byahawe umugisha ntibihinduka.

Ijambo ry’Imana ntirihinduka; “byanitswe ngo.”

Na none kandi wafashe imigabane imwe y’ibihamya Imana yatanze kugira ngo bifashe ubwoko bwayo, maze ubikoresha nabi kugira ngo ushigikire inyigisho zawe z’ibinyoma- ugatira cyangwa ukiba umucyo uturuka mu ijuru kugira ngo wigishe ibidahuje n’ibihamya kandi byaciriyeho iteka kenshi. Muri ubwo buryo ushyira ibihamya n’ibyanditswe mu rwego rw’ubuyobe. Abantu bose bayobye bakora nk’uko wakoze…Ntabwo wizera ibihamya mu by’ukuri. Iyaba warabyizeraga uba warakiye abantu bashyira ubuyobe bwawe ahagaragara.

Umaze igihe unywa ku masoko yahumanye… Wateguriwe kwemera imigambi ya Satani yo guha abatuye isi ikintu gishya, cy’inzaduka kandi gitangaza, ikintu gihabanye n’ibitekerezo abantu bacu bamaze igihe bazi ko ari ukuri. Ibinyoma by’umukobwa wawe byagushyize hajuru ngo ukore ukurimo ukomeye.

Warashimagijwe kandi wigira umukozi w’umwanzi utuma habaho ingaruka udashobora kurondora. Wasohoye inyandiko z’ubuyobe ndetse n’inyigisho

zishobora guteza umujinya mwinshi. Ingaruka ku muryango wawe ndetse no ku bantu bose bashyigikiye inyigishoz'ibinyoma wigishije ntigira akagero.
Musaza wanjye Garmire, hari umurimo ugomba kwikorera wowe ubwawe kandi nta muntu n'umwe ushobora kuwugukorera. Uwo murimo ni ugucisha bugufi umutima wawe imbere y'Imana, ukihana ibyaha byawe kandi ugahinduka.

GUHINYURA N'INGARUKA ZABYO

Imana ifite ishyanga iyoboye. Nubwo mu by'ukuri mu itorero hari ibintu bidatunganye, ntabwo Yesu yagushyize ku ruhembe rw'imbere ngo uyobore itorero. Keretse gusa nuhindura inyifato yawe naho ubundi ntushobora gukizwa. '"Ihane ukore imirimo nk'iya mbere" (Ibyahishuwe 2:5) ni cyo cyangombwa cyonyine Imana ishobora gushingiraho ikugirira ibambe. Abantu Uwiteka ababarira, abanza kubatera kwihana. Umurimo nyakuri Mwuka w'Imana akora mu mutima urakenewe kuri wowe, niba uramutse ucitse umutego w'umwanzi. Nyamara mfite ibyiringiro bike kuri wowe kubera ko amahame ugenderamo yandujwe. Uri umuntu ufite imico ishukana; nyamara ukavuga ibintu bikomeye ku bwawe.

Satani yageze ku mugambi we wo kugutera gutekereza ko watoranyijwe n'Imana kugira ngo ugire uruhare rukomeye nk'intumwa mu bigendanye n'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, mu gihe bwamamazanywa imbaraga. Nyamara ntabwo utunganiye Imana kandi ntabwo Imana ishobora gukorana n'ikinyoma. Ukora amenshi mu makosa ubonana abantu bafite inshingano mu iterero kandi ugashingira ku gucyaha bahawe, bitewe n'uko abo bantu badahuje nawe cyangwa ngo bafate imibereho y'iyobokamana urutisha umucyo Imana yamurikishirije itorero ko ari itunganye. Ni nde wakwicaje ku ntebe y'ubucamanza ngo ucire abandi ho iteka?- Ntabwo ari Imana, ahubwo ni wowe ubwawe…..
Amagambo wavuze ucira bene so ho iteka yari menshi. Bisa n'aho gucira abandi ho iteka ari byo byokurya n'ibyokunywa byawe. Imibereho yawe

y’iby’umwuka igizwe n’icyo uyigaburira. Nawe ukunda gushyira ibitekerezo byawe by’ibinyoma imbere y’abagize umuryango wawe, kandi ukanabishyira imbere y’umuntu wese uzakumva. Mbese none watangazwa n’uko umusemburo uhumanye wakoze? Ibi ushatse wabyita gutuka Imana, nyamara nibyo Uwiteka yanyeretse. Amayerekwa Anna yagize yaziye kugira ngo agushikamishe mu ntekerezo zawe zitari ukuri. Uri gushuka abndi nawe ugashukwa. Satani yateguye ibintu ku buryo wateze umutima wawe ibinyoma.
–Letter 12, 1890.

HAZAHORA HABAHO AMATSINDA Y’IBINYOMA KANDI Y’UBWAKA

Mu itorero hazahora habaho amatsinda y’abanyabinyoma n’ubwaka agizwe n’abantu bavuga ko bayobowe n’Imana. Abo ni abantu bazihuta bakagenda mbere y’uko batumwa, kandi bazatanga umunsi n’itariki ubuhanuzi butasohoye buzasohoreraho. Umwanzi anezezwa no kubona bakora ibi, kubera ko gutsindwa kwabo kugenda gukurikirana kandi kuyobora mu nzira z’ibinyoma gutera urujijo no kutizera. –Letter 28, 1897.

IGICE CYA 10 :AMAYEREKWA YA ANNA PHILLIPS[1]

NTABWO AFITE IKIMENYETSO CYO KWEMERWA N'IJURU

Nzi ko turiho mu gihe cyegereje irangira ry'amateka y'iyi si; ibintu by'inzaduka biri kwitegura kubaho. Mpuza nawe rwose mu murimo wawe iyo wigisha Bibiliya, kandi Bibiliya yonyine yo rufatiro rwo kwizera kwacu.

Satani ni umwanzi w'inyaryenge, kandi azakorera aho ari yifashishije benshi utatekereza. Ngufitiye ubutumwa. Mbese wigeze utekereza ko Imana yari yaragutumye gukora inshingano yo kuvuga inzozi za Anna Phillips, ukazisomera mu ruhame kandi ukabihuza n'ibihamya Uwiteka yashimishijwe no kumpa? Oya rwose, ntabwo Uwiteka yagukoreje uyu mutwaro. Ntabwo yaguhaye gukora uyu murimo. Ntuteshe agaciro umurimo uwuvanga n'ibitekerezo udafitiye igihamya cyiza ko bituruka ku Mwami w'ubugingo n'icyubahiro….

Musaza wanjye nkunda, ndifuza kukwereka ibyerekeye ingorane zugarije umurimo muri iki gihe. Ntabwo umurimo wa Anna Phillips ufite ikimenyetso cyo kwemerwa n'ijuru. Nzi ibyo mvuga. Mu byo twahuye nabyo mbere mu itangira ry'uyu murimo, twahanganye n'ibisa nk'ibyo. Habayeho amahishurwa menshi ameze nk'ayo, kandi twagize umurimo utugoye cyane duhangana n'iki kibazo kandi tucyamagana. Ibintu bimwe byavuzwe muri ayo mahishurirwa byabayeho maze ibi bitera abantu bamwe kubyemera nk'ukuri…

Ntabwo Imana yahamagariye Anna Phillips kugira icyo yongera ku bihamya yahaye ubwoko bwayo, ndetse no gusubiramo ubusobanuro rusange bwabyo.

---

[1] Mu mwaka wa 1893 umukobwa w'inkumi witwaga Anna Phillips wari utuye I Battle Creek, yaje kwizera ko ibitekerezo bye n'inzozi ze bikomoka kuri Mwuka Muziranenge. Yashyigikiwe mu murimo we ubwo ibyo yitaga ibihamya yavugaga, igihe byashyirwaga umuyobozi yabisomeye imbere y'itorero ry'I Battle Creek nk'ubutumwa bwatanzwe n'Imana. Mu gitondo cyakurikiyeho, uyu mukozi yabonye ubu butumwa bugiye kuvugwa muri iki gice. Ubwo Anna Phillips yumvaga ibi, yashoboye gutandukanya kandi amenya ubuyobe bwe ahakana ibyamubayeho mu gihe cyashize maze ahinduka umwigisha wa Bibiliya w'umwiringirwa kandi w'ingirakamaro mu murimo w'itorero. –Abakusanyije inyandiko'.

Nyamara uko ni ko umurimo we umeze kandi ni nako wagiye umera. Mu byabayeho bwa mbere muri uyu murimo abantu bagiye bakora ikintu nk'icyo. Twagiye duhangana n'icyiciro icyo ari cyo cyose cy'ayo mahishurirwa y'ibinyoma.

Musaza wanjye, bishoboka bite ko wafashe ubwo butumwa maze ububwira abantu ubuvangavanga n'ibihamya Imana yahaye Ellen. G. White. Igihamya ufite kigaragaza ko ibyo bikomoka ku Mana kiri hehe? Ntabwo ushobora kwitondera uko wumva, uko wakira n'uko wizera. Ntabwo ushobora kwitondera uko uvuga ibyerekeye impano yo guhanura, kandi ukavuga ko navuze iki na kiriya werekeza kuri iki kibazo. Nzi neza ko imvugo nk'izo zikangurira abagabo, abagore n'abana gutekereza ko bafite umucyo udasanzwe mu guhishurirwa gukomoka ku Mana, nyamara batarigeze bakira uwo mucyo. Neretswe ko ibi bigomba kuba ari kimwe mu mikorere y'ubushukanyi y'uburyarya bwa Satani. Uri guha umurimo isura izasaba igihe cyinshi ndetse n'umurimo ukomereye umuntu kugira ngo ayikosore, no kugira ngo akize umurimo w'Imana ukundi kwaduka kw'ubwaka…

IBYIZA BYINSHI N'AKABUTO GATO K'IBINYOMA

Mbese ntabwo utekereza ko hari icyo nzi kuri ibi? Mu nzira yose tunyuramo twerekeje muri Kanani yo mu ijuru, tubona abantu abantu benshi bagiye barohama mu kwizera, kandi mu matsinda yabo y'ibinyoma bayobeje abandi binyuze mu byo bavugaga ko bayobowe n'Imana mu guhishurirwa kudasanzwe. Byabaye ngombwa ko nandika impapuro nyinshi kugira ngo nkosore aya makosa. Nagiye ndemererwa amajoro menshi, nkananirwa gusinzira bitewe n'ibyarwaniraga mu mutima wanjye kubw'umurage w'Imana, ari wo bwoko bwe buri mu kaga ko kuyobywa. Ibintu byinshi muri ayo mayerekwa n'inzozi bisa n'aho bitunganye, bikaba n'isubiramo ry'ibyagiye biba mu murimo mu myaka myinshi. Nyamara mu mwanya muto

ibyo bintu byinjije inyandiko nto ahantu hamwe, n'umutwe w'amagambo w'ikinyoma ahandi, biba akabuto gato gashora imizi kagakura, bityo abantu benshi bakabyanduriramo.

Iyaba twari dufite ubushishozi bukomeye kurusha uko tubufite ubu! Ikintu kimwe umukozi wese uri mu ruzabibu rw'Imana agomba kwiga ni ugushyira isengesho rya Kristo mu bikorwa, no kugenda turi umwe muri Kristo Yesu.
Yesu yasenze asaba ko abigishwa be baba umwe nk'ukonawe ari umwe na Se. Umwanzi ari gukora umurimo wo gutandukanya no gusandaguza. Muri iki gihe azakoresha uko ashoboye kose kugira ngo atatanye imbaraga zacu kurusha uko yabikoze mbere. Mu buryo butandukanye cyane n'ikindi gihe cyose cyabayeho, muri iki gihe nta mutekano twagirira mu kugendera mu nzira zacu bwite. Ukuri kugenewe iki gihe kuragutse mu ngingo zako z'ingenzi, gushobora guhindura benshi, gukubiyemo inyigisho nyinshi; nyamara ntabwo izi nyigisho ari ingingo zitandukanye zidafite agaciro gakomeye. Ahubwo
zifatanishijwe indodo z'izahabu, zigakora ikizima cyuzuye Yesu ar we pfundo rizima. Ukuri twigisha kuvuye muri Bibiliya kurashikamye kandi ntikunyeganyezwa nk'uko intebe y'ubwami y'Imana iri.
Musaza wanjye, ni mpamvu ki wowe ubwawe n'umukuru R mwakurikira inzira mwatangiye ku byerekeye Anna Phillips mudafite igihamya gikomeye kibereka ko Imana yamutoranyije kugira ngo ayibere intumwa ku bantu, kandi ngo abe umuyobore inyuzamo umucyo? Niba wemera ibintu byose byo muri uru rwego bishobora kwihamya ko byahishuwe bikomotse ku Mana, niba ukomeje gushyigikira abo bigira abahanuzi nk'uko wabikoze, ugatuma ubuhamya bwawe bushyigikira umurimo wabo, ntabwo uzaba umurinzi wizewe w'umurage w'Uwiteka. Imiburo Kristo yampaye ifite icyo isobanuye kuri twe. Reba Matayo 24:21-23.
Satani azakoresha ubushukanyi bwose bwo gukiranirwa yigire Yesu Kristo, kandi yakayobeje n'intore bibaye bishoboka. None se niba icyiganano kigiye gusa rwose n'icy'ukuri, ntabwo ari ingenzi kuba maso kugira ngo hatagira ugushuka? Kristo atanga imiburo ye, avuga ati, "Dore mbibabwiye bitaraba" (Matayo 24:25). Bene data, mubwirize Ijambo ry'Imana, ntimuhamagarire

abantu gushingira ukwizera kwabo ku bintu bitari ukuri cyangwa kwiringira abantu. Mfite ijambo nabwiwe n'Uwiteka. Neretswe umukuru R ari imbere y'abantu benshi abasomera ibyo akuye muri ayo mahishurirwa ya Anna Phillips. Umuntu ukomeye kandi w'umunyacyubahiro yari ahari, maze afite intimba nyinshi yagaragaraga mu maso he, yatse musaza wacu R iyo nyandiko maze amuha Bibiliya aramubwira ati, "Fata Ijambo ry'Imana abe ari cyo gitabo ujya usoma. 'Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumweza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukuranuka kugira ngo umuntu w'Imana abe ashyitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose.'" (1Timoteyo 3:16, 17).

Abantu biga Ibyanditswe bazahabwa amabwiriza yumvikana yerekeye ibyo Imana ibasaba ku ngingo z'imibereho y'iyobokamana ishizwe mu bikorwa.

Igihe utuma intekerezo z'umukumbi w'Imana ziva ku Jambo ryayo, ijambo ry'ubuhanuzi ritibeshya, uba ukora ikosa. Itondere ibyo wumva, kandi unitondere ibyo wakira. Hakenewe ubushishozi nibitaba bityo uzasanga intekerezo z'umukumbi muto zemeye ibitari umurimo nyakuri wa Mwuka Muziranenge. Aha hari akaga gakomeye cyane. Satani ahora ashaka uko yakwinjiza inyandiko z'ibinyoma mu murimo kugira ngo zanduze ibihamya kandi bitume ukuri guhinyurwa. Ashaka gufata ukuri akakuvangamo akantu gashobora kuba ibuye risitaza riri mu nzira y'ubwoko bw'Imana.

Amategeko y'Imana no guhamya kwa Yesu nibyo butumwa tugomba gushyira abatuye isi. Ntabwo Ijambo ry'Imana rifite umujyo umwe, ni ukuri kugomba gushyirwa mu bikorwa. Ni umucyo ukwira impande zose nk'imirasire y'izuba. Ni umucyo ugomba kumurikira umuntu wese uzasoma kandi agasobanukirwa ndetse agashyira inyigisho zawo mu bikorwa. "Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishama kandi azabuhabwa." (Yakobo 1:5). Letter 103, 1894.

“NTIMUBIZERE”

Ngufitiye ubutumwa buturuka ku Mana. Ntabwo Mwenedata R akora umurimo Uwiteka yamuhaye gukora. Imana yahaye buri muntu wese umurimo agomba gukora, kandi Mwenedata R ari gutandukira inzira Uwiteka yamutegetse. Ntabwo ashobora kubona ingaruka z’uyu murimo yatangiye. Anna Phillips ari kuyobywa kandi ashyigikirwa mu murimo utazarokoka ikigeragezo cy’Imana.

Anna Garmire yangirjwe mu ubwo buryo. Ababyeyi be batumye yizera ko inzozi ze z’abana zari ihishurirwa rivuye ku Mana. Se yavuganye nawe nk’uvugana n’uwatoranyijwe n’Imana; inzozi ze zose zanditswe ko ari amayerekwa ya Anna. Hari ibyo yarose maze abikoresha mu gucyaha nyina na se. Amaze kubanenga no kubacyaha bikabije, hakurikiyeho amagambo yo kubashyeshya avuga ibintu byiza cyane Uwiteka azabakorera. Neretswe ko ibyo bintu ari ibinyoma n’ubushukanyi. Byaragendaga bikagera ku bintu by’agaciro gake kandi bitagira akamaro, bikavangavanga ibintu bisanzwe byoroheje n’ingingo z’ingirakamaro. Iyo mitekerereze yatejwe imbere cyane maze habaho kuvanga ibyera n’ibintu bisanzwe. Ukuri kw’Imana ateshejwe agaciro, maze abantu bamwe bakira ibyo byasaga n’ihishurirwa bakomeza inyigisho zabo. Hari itsinda rito ry’abantu ryabayeho kandi ryari rishingiye kuri izo nyigisho, maze bavuga ko amayerekwa ya Anna ari ay’umwuka kurusha aya Ellen. G. White…

KUVANGA IBINTU BYIZA N’IBY’UBUPFAPFA

Ubu nkoherereje umuburo nakiriye uturutse ku Mana. Ntabwo Anna Phillips yari akwiye kuba yaratewe umwete nk’uko byagenze; byaramwononye cyane- bimukomereza mu bushukanyi bwe. Mbabajwe n’uko hazagira bamwe mu bavandimwe bacu biteguye kwemera ibyo byitwa ihishurirwa, kandi bagatekereza ko babibonamo ibihamya ko byemewe n’Imana. Iryo hishurirwa nta miterere nyakuri rifite kugira ngo rirangize umurimo w’ingenzi muri iki gihe. Imitekerereze n’ubusobanuro bya cyana bikoreshwa mu

gusobanura ibintu byera kandi mvajuru, ndetse hariho ukuvanga ibintu by'igikundiro n'iby'ubupfapfa. Nubwo uwo murimo usa n'ufite ukwera gukomeye, wateguriwe kugusha abantu mu mutego no kubayobya…. Hazaza ibntu bitandukanye bivugwa ko ari amahishurirwa yaturutse ku Mana, nyamara biturutse mu mitekerereze y'umutima w'ubwibone kandi wayobye.

Twahanganye n'ibi bintu mu byatubayeho kera. Habayeho urubyiruko n'abana ndetse n'abantu bakuze bavugaga ko bayobowe kandi bigishijwe n'Imana, bakaba bafite ubutumwa budasanzwe bagomba kuvuga. Bagendaga bavuka mu mpande zose, bakaba bafite ukuri ku ngingo zimwe n'ibinyoma ku zindi. Mu myaka myinshi nagiye mbona ubutumwa buturuka ku Mana bugira buti, "Ntukabizere, kubera ko bajyana mu nzira z'ibinyoma. Ntabwo Imana yigeze ibatuma." –Letter 4, 1893. (Ibaruwa 4, 1893)

MUGENZURE IBYITWA AMAYEREKWA BYOSE

Bitewe n'uko inkuru zakwiriye cyane ko Ellen White yemera kandi ashyigikiye ibintu byanditswe kandi bigakwizwa hose ko ari uguhishirurirwa Imana yahye Anna Phillips, ndumva ko mfite inshingano yo kugira icyo mvuga. Ntabwo nigeze nemera kandi nngo nshyigikire izo nyandiko. Nahawe imiburo izerekeye ivuga ko uko byagenda kose zizayobya abantu. Zizaba zisobetsemo imvugo zizatera guhaba ndetse n'ibikorwa bibi ku ruhande rw'abantu bazabyemera. Byaba byiza bene data na bashiki bacu bagendanye ubushishozi, bakagenda bakurikije umucyo bahawe. Bari bakwiye kugenzura ibyo byitwa amayerekwa mbere y'uko babyemera kandi bakabibwira abantu babihuza n'umucyo Imana yampaye. Ndabona ko abantu bacu bari mu kaga ko gukora amakosa akomeye n'amatsinda akozwe igihe kitageze. Imana ivuga ibyerekeye abo bahanuzi bagenda baduka iti, "Sinigeze mabtuma, nyamara baragiye. Ntimukabizere."

Nyamara ikintera agahindacyane ni uko bamwe mu bavandimwe bacu bahuje ibikorwa bya Anna Phillips n'ibihamya bya Ellen. G. White, kandi

bakabwira abantu ko abo bantu bombi ari umwe kandi bahuje. Abantu benshi bemeye ibyo byose nk'ibyankomotseho kandi igihe umusaruro w'izo nyandiko uzagaragara mu iterere yazo nyakuri, igihe ibinyoma bigaragazwa nk'ukuri gukomoka ku Mana, hazakorwa amatsinda atemewe n'Imana kandi gushidikanya kuzashyirwa ku murimo nyakuri w'Umwuka w'ubuhanuzi. Ibihamya Imana yoherereza abantu bizahabwa isura mbi y'ayo magambo y'ibinyoma. Ahanini aya mahishurirwa agizwe no gusubiramo ibyo abantu bagiye babona byanditswe mu myaka myinshi; nyamara bivanzemo ibindi biyobya…

Mfite umuburo ngomba guha benedata ko bakwiye gukurikira Umuyobozi wabo aho kugenda imbere ya Kristo. Nimureke muri iyi minsi he kubaho umurimo udafite gahunda ukurikiza. Mwirinde kugira imvugo ikomeye mukoresha ishobora gutera abantu badafite intekerezo zihamye gutekereza ko bafite umucyo udasanzwe bakomora ku Mana. Umuntu ushyira abantu ubutumwa akomora ku Mana agomba kwitegeka mu buryo bwuzuye. Agomba

guhora azirikana ko inzira yo gushidikanya ibangikanye n'inzira yo kwizera. Nta na rimwe kwiye gukoresha amagambo y'ubupfapfa, kuko hari itsinda ry'abantu byagiraho ingaruka byanze bikunze, kandi ingaruka byatera zagora kuzihagarika kurusha guhagarika ifarashi y'impayamaguru. Igihe umuntu aretse imbaraga imusunikira kugira icyo akora ndetse n'amarangamutima bikarusha ubushobozi imbaraga zifata ibyemezo umuntu atuje, icyo gihe hashobora kubaho umuvuduko ukabijendetse n'igihe umuntu agenda mu nzira nyakuri. Umuntu ugenda yihuta cyane, azasanga ko biteza akaga mu buryo bwinshi. Ntibishobora gutinda ngo ateshuke inzira itunganye maze ajye mu nzira iyobya.

Nta na rimwe amarangamutima yagombye kwemererwa gutegeka inyurabwenge. Hari akaga ko gukabya mu byo amategeko yemera, kandi uko byagenda kose ibyo amategeko atemera bizayobora mu nzira z'ubuyobe. Iyo mu kuvuga igitekerezo cyose n'ihame ryose hatabayeho umurimo w'ubushishozi n'ubwitonzi, ushikamye nk'urutare, kandi ngo bigaragare mu bivugwa byose, abantu bazarimbuka…Ubwitonzi bukomeye

cyane bwari bukwiriye gukoreshwa ku byerekeye abantu bacuga ko bahishuriwe n'Imana. Hakeneye kubaho kuba maso no gusenga cyane. Abantu bafite uruhare mu murimo ukomeye muri iyi minsi iheruka bakeneye kujya inama ku byerekeye ikntu cyose gishya kizatangizwa, kubera ko nta bwenge bw'umuntu umwe bugomba guharirwa gufata umwanzuro ku ngingo zikomeye zifitanye isano n'umurimo w'Imana cyangwa ngo buzishyire imbere y'abantu. –Letter 6a, 1894. (Ibaruwa 6a, 1894)

NTA BIHAMYA BIHAGIJE AFITE

Hari bike nshaka kukubwira ku byerekeye Anna Phillips. Byaba byiza kuvuga bike kuri iyi nkuru ndetse no kutayikuririza. Njyewe ndabona ari nk' isazi yaguye mu mata. Mbere yuko urwandiko rwanjye rukugeraho, uzaba waramaze kubona indi baruwa iguha inkuru irambuye yerekeye ibyo ushobora kuzabona muri iki kibazo. Ndababaye cyane kubera ko iki kibazo cyakiriwe nabi. Mu bihe biri imbere tuzahura n'ibibazo nk'ibi, ariko niba abavandimwe bacu muri Kristo bazabyakira bakabifata nk'uko babigenje muri iki kibazo, tuzahura n'ingorane y'ubwaka bukomeye iruta iyo twigeze duhura nayo mu kubaho kwacu. Bizatuma habaho ibikorwa bibi bikabije. Satani yamaze gutangira umurimo we.

Kwemera no gushyigikira ibi bintu, kuvuga ibintu bidafite ireme kandi bitizewe ukabishyigikira udafite ibihamya bihagije by'uko ari ukuri, ni kimwe mu mayere ya Satani. Umwami Yesu yatanze imiburi ihagije kuri iki kibazo kugira ngo hatazagira umuntu ushukwa.

Mu bibazo bimeze nk'ibi, ni ngombwa kureka gushyira mu gaciro kwacu kukagaragara. Umwami wacu ari bugufi. Ntabwo dushobora kwemera gukora mu buryo nk'ubwo abantu babwiye amatorero yacu ibya Anna Phillips badafite igihamya cyumvikana kandi gifatika cy'uko Imana ivugana n'ubwoko bwayo imukoresheje. Abagabura bacu nibajyana ikintu imbere y'abantu bakakijyana nk'icyemewe n'Imana batazi neza ko gikomoka ku Mana, bazakora umurimo Imana itababwiye gukora. Hazaza ibintu byinshi bigamije kuyobya bifite ibimenyetso bimwe biranga ukuri. Igihe ibyo bigaragara

nk'imbaraga ikomeye y'Imana, Satani aba yiteguye gusobekeranyamo ibyo yateguye kugira ngo ayobore abantu abakure mu kuri kw'iki gihe….

IKINYOMA KIGIRA IKIRANGO CY'UKURI

Ubutumwa bushobora kwizerwa bwose buza bwigana umurimo w'Imana, kandi igihe cyose buba bufite ikirango cy'ukuri…

Gufata ubushake bw'Imana bwahishuwe ukabusimbura ibitekerezo n'ibyo abantu bemera, inzozi n'ibimenyetso bikomoka ku bantu bapfa ntabwo ikibazo cyoroheje. Ibikorwa byacu, amagambo yacu, umwuka n'ubushobozi byacu biritegerezwa kandi bikavugwaho. Abantu Imana yatoranyije ngo babe abakozi bayo bagomba gushikama mu Ijambo ryayo kandi bakareka Ijambo ry'Imana akaba ari ryo ribayobora…

Muri iki gihe kusha ibindi bihe byabayeho, gufata imyanzuro mu buhubutsi, ibyemezo bifashwe nta bushishozi kandi nta bihamya bihagije, bishobora guteza ingaruka mbi cyane. Iyo turebye inkomoko y'ibintu n'umusaruro byatanze, tuzabona ko hari ikintu kibi cyakozwe kandi mu bihe bimwe kidashobora na gato gushakirwa umuti. Mbega uburyo mu kugaburira umukumbi w'Imana hakenewe ubwenge n'imitekerereze mu by'umwuka itunganye, kugira ngo ibyokurya by'umukumbi bibe bitunganye. Ibiranga imico kamere kandi ikomoka ku babyeyi ikeneye gutegekwa, nibitaba bityo umuhati nyakuri n'imigambi myiza bizahinduka bibi, kandi gukabya mu marangamutima bizagira icyo bihindura ku mitima y'abantu kugira ngo iyoborwe n'ibyo bifuza kandi yemere kuyoborwa n'amarangamutima. Ibyifuzo by'iby'umwuka bigomba kurindwa kugira ngo hatagira amagambo y'ubupfapfa avugwa cyangwa ngo hagire ibitekerezo byo gusharira bizatera abantu bahubuka gutakaza ukwitegeka bivugwa. Hariho abantu bamwe bafite amarangamutima akangurwa vuba n'ibivugwa bikomeye kandi intekerezo zabo zigakuririza ibyavuzwe ku rwego runini; ikintu cyose bakibona ko ari ukuri maze bagahinduka abaka. Imibereho y'iby'umwuka ironda. Iyo abantu beguriye ubushake bwabo mu kumvira ubushake

bw’lmana, kandi bakagira umwuka wicisha bugufi kandi wemera kwigishwa, Uwiteka azabakosora akoresheje Mwuka we Muziranenge kandi abayobore mu nzira nziza. –Letter 66, 1894.

KUTAGIRA IGIHINYURWA, NI URUFATIRO RUDAKWIRIYE RWO KWEMERA

Mushobora guhangayikishwa no kumenya inzira nziza ikwiye gukurikizwa ku byerekeye inyandiko za Anna Phillips. Ndatanga inama ko hadakwiye kugira ikintu gikorwa gihutiweho. Uyu mukobwa mugirira impuhwe cyane. Nta kintu nifuza kuvuga cyangwa gukora kugira ngo mukomeretse. Kandi kubera ko inyandiko ze zakiranwe ubwuzu ndetse zigakwirakwizwa zitagenzuwe neza, nimureke he kubaho guhubukira kuzigarura no kuzisenya nk’aho ari uburozi. Nimureke zigume aho zamaze koherezwa zihawe uburenganzira n’abantu bacu. Guhutiraho tugira icyo dukorwa byateza ingorane.
Ikintangaza cyane ni uko abavandimwe bacu muri Kristo bakwemera izo nyandiko bitewe n’uko badashobora kuzibonamo ikintu cyahinyurwa. Ni mpamvu ki batazirikanye ikintu kizirimo gituma zishyigikirwa, zikemerwa ngo kandi zikoherezanywa ubushobozi buziha imbaraga zifite?

Hariho ibntu byinshi ntashobora kuvuga ubu, ariko bizaba ngombwa ko mvuga nyuma. Nubwo ntacyo nkwiriye gukora kugira ngo nkomeretse uyu mukobwa, sinshobora guhangara guceceka….Nashyizwe mu mwanya udasanzwe, kandi iki kibazo nticyari gikwiye gufatwa gityo ku buryo byabaye ngombwa ko mvuga kuri iyo ngingo. Kubikora bibabaza umutima wanjye, kandi iyaba ntabonaga ibyago biri imbere, sinagize ijambo na rimwe mvuga ryerekeye icyo kibazo, ahubwo nakireka kigakura kandi nkareka abavandimwebanjye mu kwizera bakikurikirira inzira zabo bwite ku byerekeye ayo mayerekwa atari adasanzwe mu by’ukuri….Ntabwo mbona mu nyandiko za Anna Phillips ikintu na kimwe cyashobora gutuma amatsinda nk’ayo abaho nk’uko byagenze. Kandi niba ibintu bimeze bitya byakirwa n’abantu babishishikariye muri ubwo buryo, muzabibona ari byinshi cyane,

bitandukanye mu buryo bwinshi, nyamara ntimukwiye kubyizera. Ndababaye cyane, ndababaye.

Musa n'abatekereza ko nagombye kugaragaza aho ibitekerezo binyurwa biherereye. Nta kintu kigaragara cyane kiri mu bintu yanditse; mwabashije kubona ko nta kintu ihinyurwa kirimo; nyamara iyi si yo mpamvu yo gukoresha izo nyandiko nk'uko mwabigenje. Uko mwitwaye muri iki kibazo birahinyurwa rwose. Mbese ni ngombwa ko mukwiye guhita mumenya ikintu gishobora guteza akaga ubwoko bw'Imana kugira ngo mubashe kwigengesera?

Mbese hatagize ikinti nk'iki kabaho, byababera impamvu ihagije yo gushyigikira no kwemera izi nyigisho?...

Ntimugakwirakwize inyandiko nk'izi mutabanje gushishoza no kwimbika ngo murebe ingaruka zizakurikira imikorere yanyu…

Ubwaka buzavuka hagati muri twe. Ubushukanyi buzaza ku buryo bwayobya n'intore bibaye bishobotse. Iyaba amagambo adafite ishingiro kandi atari ukuri yabonekaga muri ubwo bushukanyi, ntabwo twakenera amagambo yavuzwe n'Umwigisha Mukuru. Uyu muburo watanzwe bitewe n'ingorane nyinshi kandi zitandukanye zishobora kubaho. Impamvu nshyira ahagaragara ikimenyetso cyerekana ko akaga kaje ni uko kubwo kumurikirwa na Mwuka w'Imana nshobora kubona ibyo benedata batabona. Ntabwo bishobora kumbera ngombwa kuvuga ibyo byiciro byose bidasanzwe by'ubwaka benedata bazakenera kwirinda. Kuri njye birahagije kubabwira nti: Mube maso; kandi nk'abarinzi b'indahemuka, murinde umukumbi w'Imana kwemera badashishoje ikintu cyose kivugwa ko kigomba kubabwirwa gikomotse ku Uwiteka.

Niba dukora kugira ngo dutere gutwarwa kw'amarangamutima, tuzabona ibyo dushaka byose, ndetse birenze ibyo dushobora kumenya uko twakwitwaramo.

"Mubwirize Ijambo ry'Imana" mutuje kandi mu buryo bwumvikana (2Timoteyo 4:2). Ntabwo tugomba gufata ko gutera abantu gutwarwa ari umurimo wacu. Mwuka Muziranengew'Imana wenyine niwe ushobora gutera

abantu ubwuzu. Nimureke Imana ikore kandi mureke abakozi b'abantu bagendere imbere yayo bitonze, bari maso, bategereje, basenga, bahanze Yesu amaso ubudasiba, bayobowe kandi bagengwa na Mwuka Muziranenge we mucyo n'ubugingo.

Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Yesu, abantu bashaka ikimenyetso. Icyo gihe Umwami Yesu yababwiye ko nta kimenyetso bazahabwa. Ikimenyetso kogomba kugaragara ubu ndetse n'igihe cyose ni ibyo Mwuka Muziranenge yakorera mu ntekerezo z'umwigisha, agatuma Ijambo ry'Imana ryemerwa kandi rikubahwa. Ntabwo Ijambo ry'Imana ari inyigisho ipfuye cyangwa y'urwenya, ahubwo ni umwuka n'ubugingo. Nta kintu Satani yishimira nko gukura intekerezo z'abantu ku Ijambo ry'Imana, akabatera gushakisha no kwitega ikintu kiri hanze y'Ijambo ry'Imana. Ntabwo bari bakwiye kwerekeza intekerezo zabo ku nzozi n'amayerekwa. Niba bashaka kugira ubugingo buhoraho, bagomba kurya umubiri kandi bakanywa amaraso y'Umwana w'Imana.- Letter 68, 1894.

IGICE CYA WA 11:MUBE MASO

MU MURIMO W'IMANA BYOSE BIRATUJE

Umwanzi ari kwitegura gushukisha isi yose imbaraga ye ikora ibitangaza. Azihindura marayika w'umucyo, yigire Yesu Kristo. Umuntu wese wigisha ukuri kw'iki gihe agomba kubwiriza Ijambo ry'Imana. Ntabwo abantu bomatana n'Ijambo ry'Imana bazafungurira umwanzi imiryango bavuga amagambo adakwiriye yerekeza ku guhanura cyangwa ku nzozi n'amayerekwa. Kuva mu mwaka wa 1844, nyuma y'igihe twari dutegereje kugaruka kwa Kristo, ukwigaragaza kw'ibinyoma kwagiye kuba hirya no hino ku rwego rukomeye cyangwa rworoheje. Uko kwigaragaza twakubonye mu rugero rwa Garmire, mu byavuzwe na K ndetse no mu rugaga rw'uwitwaga

Stanton. Tuzarushaho kubigira kandi nk'abarinzi b'indahemuka, tugomba kuba maso. Hari amabaruwa angeraho aturutse ku bantu benshi yerekeye amayerekwa bagiye bagira maze bakumva ko bafite inshingano yo kuyavuga. Uwiteka afashe abagaragu be kuba abantu bashishoza.

Igihe Uwiteka afite umuyoboro nyakuri w'umucyo, iteka haba hariho ibyiganano byinshi. Uko byagenda kose Satani azinjira mu muryango wose umukinguriwe. Azatanga ubutumwa bw'ukuri, avangemo ukuri kw'ibitekerezo bye bwite, ibyo yateguriye kuyobesha abantu, akerekeza intekerezo ku bantu no ku byo bavuga kandi akazibiza gushikama ku ijambo rivuga ngo, "Uwiteka yaravuze ati." Mu buryo Imana ikorana n'ubwoko bwayo, byose biratuje. Ku bayiringira, byose biratuje, nta kujijisha kurimo.

Hazabaho abiringira Bibiliya biyoroheje, b'abanyakuri kandi badakebakeba. Hazanabaho abashyira Ijambo ry'Imana mu bikorwa kimwe n'abaryumva. Hazabaho gutegereza Uwiteka kuzima, nyakuri kandi gushyize mu gaciro. Umwizera azahanga umutima we w'intege nke kuri Yesu Kristo. Kristo azererezwa. Gukora no gusenga, kuba maso no gutegereza ni ruhande duhagazeho. –Letter 102, 1894.

UBUTUMWA BWANDIKIWE UMUNTU WAVUGAGA KO YERETSWE

(Ubu butumwa bwandikiwe i Washington, D.C., kuwa 24 Gicurasi 1905).

Nagejejweho ikibazo cyerekeye uko twagombye kwitwara ku murimo w'umukobwa umwe wo mu Budage uvuga ko yerekwa.

Icyo Uwiteka yambwiye mu ijoro ryashize ni uko Imana itayobora ubwo bwayo ngo bujye gushaka uyu mukobwa ngo abugire inama. Turamutse dushyigikiye uyu mukobwa mu murimo atekereza ko yahamagariwe gukora ndetse no mu butumwa afite, byateza urujijo rwinshi. Ntabwo Uwiteka yamuhaye umurimo wo kuvuga icyo uyu azakora n'icyo runaka azakora. Uwiteka abwira ubwoko bwe ati, "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona

uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye ” (Matayo 11:28-30).

“Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishama kandi azabuhabwa. Ariko rero asabe yizeye ari ntacyo ashidikanya, kuko ushidikanya ameze nk'umuraba wo mu nyanja, ujyanwa n'umuyaga ushushubikanywa. Umeze atyo ye kwibira ko hari icyo azahabwa n'Umwami Imana” (Yakobo 1:5-7).

Mwigishe abantu buri wese ku giti cye asabe Imana kumuyobora, mubigishe kwiga Ibyanditswe, kujya inama bicishije bugufi, basenga kandi bafite ukwizera kuzima. Ariko mwe gushyigikira uyu mukobwa gutekereza ko Uwiteka yamuhaye ubutumwa abwira ubwoko bwe. Umucyo nahawe kuri iki kibazo ni uko uyu mukobwa aramutse ashyigikiwe mu gutekereza ko yahawe ubutumwa agomba kugeza ku bandi, umusaruro wavamo ni akaga, kandi uyu mukobwa yaba mu kaga ko kuzimiza ubugingo bwe bwite.

Ubutumwa mfitiye uyu mukobwa ni ubu, ‘Gendana n'Imana wicishije bugufi, kandi ku bikwerekeyeho uyuhange amaso. Ntabwo Imana yaguhaye umurimo wo kuvuga inshingano z'abandi; ariko niba uri Umukristo nyakuri, ushobora kuba umufasha, ushaka uko yatera abandi ubutwari, ariko utavuga ko afite amahishurirwa y'indengakamere.' –Manuscript 64, 1905.

KUGENZUZWA “AMATEGEKO N'IBIHAMYA”

Muri iyi minsi y'ubuyobe, umuntu wese ushikamye mu kuri azarwanirira ukwizera kwahawe intore z'Imana. Hazagaragara ibinyoma by'uburyo bwose buri mu mikorere y'amayobera ya Satani, ushobora kuzayobya n'intore bibaye bishobotse, akaziteshura ku kuri. Hazabaho ubwenge bw'abantu bugomba kurwanywa. Abantu b'intiti bigisha amategeko y'Imana nyamara bo ubwabo batayumvira nk'uko Abafarusayo bari bameze. Hazabaho ubujiji n'ubupfapfa bw'abantu bigomba kurwanywa biri mu nyigisho zidafite ireme zitwikiriye umwambaro mushya kandi mwiza cyane. Ni inyigisho zizaba zigoye cyane kurwanya kubera ko nta gushyira mu gaciro kuzirimo. Hazabaho inzozi n'amayerekwa by'ibinyoma, birimo ukuri guke, ariko

biteshura mu kuri k’umwimerere. Uwiteka yahaye abantu urugero bagomba kuzigenzuza:
“Nimusange amategeko y’Imana n’ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n’iryo jambo nta museke uzabatambikira.” (Yesaya 8:20). Niba baha agaciro gake amategeko y’Imana, niba batumvira ubushake bwayo nk’uko bwahishuwe mu bihamya bya Mwuka w’Imana, abo ni ababeshyi.
Bayoborwa n’ibyifuzo byabo n’amarangamutima bizera ko bikomoka kuri Mwuka Muziranenge, kandi bakabifata ko ari ibyo kwiringirwa kurusha Ijambo ryahumetswe. Bavuga ko igitekerezo cyose n’uko umuntu yiyumva bikomoka kuri Mwuka; kandi iyo bagiriwe inama hifashishijwe Ibyanditswe, bavuga ko bafite ikintu cyo wiringirwa kubirusha. Nyamara n’ubwo batekereza ko bayobowe na Mwuka w’Imana, mu by’ukuri bakurikiye imitekerereze bahabwa na Satani. – *Bible Echo,* September, 1886.

KUGENZUZWA “IMBUTO BERA”

Muri iyi minsi y‘akaga, ntabwo tugomba kwemera ikintu cyose abantu batuzanira bavuga ko ari ukuri. Igihe abavuga ko ari abigishwa bakomoka ku Mana baza aho turi bavuga ko bafite ubutumwa bukomoka ku Mana, birakwiye kubazanya ubushishozi tuti, “Ni mu buhe buryo twamenya ko uku ari ukuri?” Yesu yatubwiye ko, “n’abahanuzi benshi b’ibinyoma bazaduka bakayobya benshi” (Matayo 24:11). Nyamara ntabwo dukwiye kuyobywa kuko Ijambo ry’Imana riduha igipimo duzashobora kumenyeraho ukuri uko ari ko. Umuhanuzi aravuga ati, “Nimusange amategeko y’Imana n’ibiyihamya.
Nibatavuga ibihwanye n’iryo jambo nta museke uzabatambikira.” (Yesaya 8:20).
Uhereye kuri aya magambo, biragaragara ko tugomba kuba abigishwa b’abanyamuhati ba Bibiliya, kugira ngo tubashe kumenya igihuje n’amategeko n’ibihamya Imana. Nta yindi mikorere twaboneramo amahoro.
Yesu aravuga ati, “ Mwirinde abahanuzi b’ibinyoma baza aho muri basa n’intama, ariko imbere ari amasega aryana. Muzabamenyera ku mbuto zabo. Mbese hari abasoroma imizabibu ku mugenge, cyangwa imbuto z’umutini ku

gitovu? Nuko igiti cyiza cyose cyera imbuto nziza, ariko igiti kibi cyera imbuto mbi. Igiti kibi ntikibasha kwera imbuto mbi, kandi n'igiti kibi ntikibasha kwera imbuto nziza, ariko igiti kibi cyera imbuto mbi. Igiti cyiza ntikibasha kwera imbuto mbi, kandi n'igiti kibi ntikibasha kwera imbuto nziza. Igiti cyose kitera imbuto nziza kiracibwa, kikajugunywa mu muriro" (Matayo 7:15-19). *The Review and Herald,* Feb. 23, 1892.

KUGIRA IBYO UMUNTU YIKORESHA IMBERE Y'ABANTU NI IKIMENYETSO CYEREKANA UMURIMO UTARI UW'UKURI.

Nk'uko uyu muvandimwe n'umugore we bavuze ibyabayeho, bavuga ko byaje ari imbuto yo kwakirana Mwuka Muziranenge imbaraga yo mu gihe cy'intumwa, bisa rwose n'ibyo twahamagariwe kurwanya no gukosora mu byo twahuye nabyo mu itangira ry'umurimo.

Ahagana ku iherezo ry'ikiganiro cyacu, umuvandimwe wacu L yasabye ko twafatanya gusenga. Yabisabye atekereza ko bishoboka ko igihe turaba dusenga umugore we arakoreshwa nk'uko bari barambwiye, kandi ko ubwo ndabasha kumenya niba ibyo bikomoka ku Mana cyangwa bitayikomokaho. Ibi sinari kubyemera kubera ko nari naraburiwe ko igihe umuntu asabye kugira uburyo budasanzwe yiyerekanamo, icyo ni igihamya kidashidinywaho ko ibyo atari umurimo w'Imana. – Letter 338, 1908. (Ibaruwa 338, 1908).

NTABWO IBITANGAZA BYASIMBUYE BIBILIYA

Ntihakagire abantu bemera igitekerezo kivuga ko imbaraga zidasanzwe cyangwa se ibikorwa by'ibitangaza ari ikimenyetso gihamya ko umurimo wabo ndetse n'ibitekerezo bashyigikiye ari iby'ukuri. Nidushyira ibyo bintu imbere y'abantu, bizabyara ingaruka mbi, n'amarangamutima adakwiriye. Twasezeraniwe imikorere nyakuri ya Mwuka Muziranenge ku mitima y'abantu, kugira ngo itume habaho umusaruro mwiza binyuze mu Ijambo

ry'Imana. Kristo yavuze ko Ijambo ry'Imana ari umwuka kandi rikaba n'ubugingo. "Kuko isi izakwirwa no kumenya ubwiza bw'Uwiteka, nk'uko inyanja y'amazi isendera" (Habakuki 2:14).

Satani azakora mu buryo bw'uburyarya bwihishe cyane kugira ngo yinjize ibihimbano by'abantu byambaye imyambaro ya marayika. Nyamara umucyo uturuka mu Ijambo ry'Imana uriho urabagiranira mu icuraburindi mu by'umwuka; kandi ntabwo Bibiliya izigera isimbuzwa ibikorwa by'ibitangaza. Ukuri kugomba kwigwa, kugomba gushakishwa nk'ubutunzi buhishwe. Nta kumurikirwa gutangaje kuzatangwa kuri hanze y'Ijambo ry'Imana cyangwa ngo kurisimbure. Mwomatane n'Ijambo ry'Imana, mwakire Ijambo ry'Imana ritagira icyo ryongerwaho, rizahesha abantu ubwenge bubageza ku gakiza.

IGICE CYA 12 :ABAMARAYIKA BATATU N'UNDI MUMARAYIKA

[Akenshi ku byerekeranye n'inyigisho z'ibinyoma ndetse n'amatsinda yiyitirira ukuri, hari itsinda ryitirira ubutumwa bwaryo n'umurimo waryo ubutumwa bwa marayika wundi buri mu Byahishuwe 18:1. Mu myaka myinshi, zimwe mu nyigisho z'ubuyobe zakoresheje ubutumwa bw'abamarayika batatu buboneka mu Byahishuwe 14. Uko ni ko byari bimeze ku kibazo Ellen. G. White yahanganye nacyo mu mwaka wa 1896 dusanga mu magambo akurikira. Gusubiramo ubutumwa bw'abamarayika batatu mu murimo wabwo wagutse, nubwo ari burebure, bizahabwa agaciro bitewe n'amagambo yabwo atera gushikama. *–ABAKUSANYIJE INYANDIKO*
]

URUVANGE RW'UKURI N'IBINYOMA

Ntabwo nabashije gusinzira guhera saa saba n'igice z'iri joro. Nabwiraga musaza wanjye T ubutumwa Uwiteka yamuntumyeho. Ibitakerezo bidasanzwe afite ni uruvange rw'ukuri n'ibinyoma. Iyaba yaranyuze mu byabaye ku bwoko bw'Imana nk'uko yabuyoboye mu myaka mirongo ine yari ishize, yagombye kuba yiteguye gukoresha Ibyanditswe neza. Ibiranga inzira igana ku kuri bikomeye bitwereka imigendere yacu mu mateka y'ubuhanuzi, bigomba kurindanwa ubushishozi, naho nibitaba bityo byasenywa maze bigasimbuzwa inyigisho zishobora guteza urujijo aho kuzana umucyo nyakuri.

Nagiye mvugwaho muri izo nyigisho z'ibinyoma zagiye zigishwa incuro nyinshi. Abantu bari bashyigikiye izo nyigisho bajyaga bavuga ibyo bakuye mu Byanditswe ariko bakabikoresha kandi

bakabisobanura nabi. Inyigisho zari zikwiriye kuba iz'ukuri ntizari ukuri, nyamara abantu benshi batekerezaga ko ari zo nyigisho zikwiriye kwigishwa imbere y'abantu. Ubuhanuzi bwa Daniyeli na Yohana bugomba kwiganwa ubushishozi.

Binyuze mu kwiga ubuhanuzi bwa Daniyeli na Yohana, hariho abantu bakiriho ubu bakiriye umucyo ukomeye uturutse ku Mana ubwo ubwo banyuraga ahantu ubuhanuzi bwihariye bwagendaga busohora kuri gahunda yabwo.

Babwiye abantu butumwa bugendanye n'igihe. Ukuri kwamuritse mu buryo bugaragara nk'izuba ryo ku manywa y'ihangu. Abantu b'Imana babwiwe ibyaranze amateka bigaragaza ugusohora k'ubuhanuzi, kandi ubuhanuzi bwagaragaraga ko ari uburyo bushushanya iherezo ry'ibizabaho kugeza ku iherezo ry'amateka y'iyi si. Ibikorwa bifitaye isano n'imikorere y'umunyabugome ni byo bimenyetso bya nyuma byahishuwe mu buryo bweruye mu mateka y'iyi si. Ubu ubwoko bw'Imana bufite ubutumwa bwihariye bugomba kubwira abatuye isi, ari bwo butumwa bwa marayika wa gatatu. Abantu bagiye bagera ahantu ubuhanuzi bwagiye busohorera mu byababayeho kandi bakagira uruhare mu kwamamaza ubutumwa bwa

marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, ntabwo bafite ingorane zo kujyanwa mu nzira z'ubuyobe nk'abantu batigeze bagira ubumenyi bw'ibifatika ku bwoko bw'Imana…..

Hagiye habaho abantu bamwe bamwe mu kwiga Bibiliya zabo batekereje ko bavumbuye umucyo ukomeye n'inyigisho nshya, nyamara ntabwo ibyo byari ukuri. Ibyanditswe Byera byose ni ukuri, ariko kubera kubikoresha nabi abantu bagera ku myanzuro mibi. Turi mu ntambara ikomeye kandi uko turushaho kwegera urugamba ruheruka, izarushaho gukomera. Dufite umwanzi utagoheka kandi ahora akora ubudatuza ku mitima y'abantu itarigeze yimenyera inyigisho z'ubwoko bw'Imana mu myaka mirongo itanu ishize. Abantu bamwe bazafata ukuri kugendanye n'igihe barimo maze bagushyira mu gihe kizaza. Ibintu bivugwa mu buhanuzi byasohoye mu gihe cyashize bishyirwa mu gihe kizaza maze kubera izo nyigisho ukwizera kwa bamwe kugacogora.

Nkurikije umucyo Uwiteka yanejejwe no kumpa, muri mu kaga ko gukora umurimo nk'uwo, mubwira abandi ukuri kwagize umwanya wako kandi kwakoze umurimo wako wihariye mu mateka yo kwizera kw'ubwoko bw'Imana.

Mubona ko ibi bihamya biri mu mateka ya Bibiliya ari ukuri, ariko mubikoresha muvuga iby'igihe kizaza. Biracyafite agaciro kabyo iyo birebewe mu gihe byabereyemo, kandi biri mu byatugize abo turi bo uyu munsi. Kubera iyo mpamvu bigomba kwigishwa abakiri mu mwijima w'ibinyoma. Abakozi nyakuri ba Yesu Kristo bagomba gukorana n'abavandimwe babo mu kwizera bagize uburambe mu murimo kuva mu itangira ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Abangaba bakurikiye ukuri n'umucyo intambwe ku ntambwe, kandi bagenda babyakira uko bajyaga imbere, bakihanganira ibigeragezo uko byajyaga bikurikirana, bikorera umusaraba wari mu nzira bacagamo kandi bakomeza kwatanya ngo bamenye Umwami nyiri imirambagirire imeze nk'igitondo. Wowe ndetse n'abandi bo muri bene data mugomba kwemera ukuri nk'uko Imana yaguhaye abigishwa nayo biga ubuhanuzi, nk'uko bagiye bayoborwa n'amateka nyakuri kandi mazima, bakomeza kujya imbere, barageragezwa, barashungurwa kugeza igihe ukuri kwababereye impamo. Mu byo bavugaga

n’ibyo bandikaga ukuri kwarashe imirasire yako irabagirana maze gukwira impande zose z’isi. Icyari ukuri gushungura kuri bo, nk’uko kwazanywe n’intumwa ziturutse ku Mana, na n’ubu uko kuri ni ko kumeze ku bantu bose babwirwa ubu butumwa. Ubutumwa bw’abamarayika batatu ni wo muburo ukomeye ukwiye kugezwa ku bwoko bw’Imana bwaba uburi hafi n’uburi kure. Kandi abantu bashaka gusobanukirwa n’ubu butumwa ntabwo Uwiteka azatuma bakoresha Ijambo rye mu buryo busenya urufatiro ngo bakureho inkingi zo kwizera zatumye

Abadiventisiti b’umunsi wa Karindwi baba abo ari bo uyu munsi. Ukuri kwagiye kuvugwa nabo, uko twagiye tujya mbere dukurikiye umurongo w’ubuhanuzi bwahishuwe mu Ijambo ry’Imana, uyu munsi ni ukuri kwera kandi guhoraho. Abantu bagiye intambwe ku ntambwe banyura mu mateka y’ibyatubayeho mu gihe cyashize, bakabona uruhererekane rw’ukuri mu buhanuzi, abo bantu bari biteguye kwemera no kumvira umurasire wose w’umucyo. Barasengaga, bakiyiriza ubusa, bagashakisha kandi bagacukumbura ukuri nk’ushaka ubutunzi buhishwe, kandi tuzi ko Mwuka Muziranenge yatwigishaga kandi akatuyobora. Higishijwe inyigisho z’uburyo bwinshi zisa n’ukuri nyamara zivanze n’ibyanditswe byera byasobanuwe kandi bikigishwa nabi ku buryo zayoboye abantu ku binyoma bikomeye. Tuzi neza uburyo buri ngingo yose y’ukuri yashimangiwe kandi igashimangirwa ishyirwaho ikimenyetso na Mwuka Muziranenge w’Imana. Igihe cyose twumvaga amajwi avuga ngo, “Nguku ukuri,” “Mfite ukuri nimunkurikire.”

Nyamara haje umuburo ngo, “Abo bahanuzi sinjye wabatumye ariko barihuse, sinavuganye nabo ariko barahanuye” (Yeremiya 23:21).

Ubuyobozi bw’Imana bwaragaragaye, kandi icyatangaje kurushaho ni uguhishurirwa ukuri. Buri ngingo yose yashimangiwe n’Umwami Imana yo mu ijuru. Icyari ukuri icyo gihe na n’uyu munsi ni ukuri nyamara amajwi ntahwema kumvikana avuga ngo, “Nguku ukuri. Mfite umucyo mushya.” Nyamara iyo micyo mishya mu buhanuzi igaragarira mu gukoresha nabi Ijambo ry’Imana no gutuma ubwoko bw’Imana buteraganwa budafite

ikibutsika kugira ngo bushikame. Iyaba uwiga Ijambo ry'Imana yakiraga ukuri Imana yahishuriye mu buryo yayoboye ubwoko bwayo, maze uko kuri akakugira ukwe, akagutekerezaho neza kani akagushyira mu bikorwa mu mibereho ye, icyo gihe habaho imiyoboro mizima y'umucyo. Nyamara abantu biyemeje gucukumbura inyigisho nshya, bafite imvange y'ukuri n'ibinyoma, kandi nyuma yo kugerageza kwerereza ibyo bagaragaje ko itabaza ryabo bataricanishije umuriro uva ku gicaniro cy'Imana bityo ryaramye ricura umwijima.- Manuscript 31, 1896.

UBUTUMWA BW'ABAMARAYIKA BATATU MU BUSOBANURO BWABWO BWAGUTSE

Ijambo ryahishuwe ryavuze igihe ubutumwa bwa marayika wa mbere, uwa kabiri ndetsen'uwa gatatu buzamamarizwa. Nta gace na gato kagomba gukurwaho. Nta bushobozi bw'umuntu bufite ubundi burenganzira bwo guhindura igihe cy'ubwo butumwa, nk'uko butasimbuza Isezerano rya Kera Irishya. Isezerano rya Kera rivuga ubutumwa bwiza mu buryo bw'ishushanyamvugo cyangwa ibimenyetso naho Isezerano Rishya ni ubutumwa bwiza bufatika (buravugwa mu buryo bw'ibishushanyo.) Buri Sezerano rikenewe nk'irindi. Isezerano rya Kera ryigisha inyigisho zavuzwe na Kristo,kandi izi nyigisho ntizigeze zitakaza imbaraga mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Ubutumwa bwa mbere n'ubwa kabiri bwavuzwe mu 1843 no mu 1844 none ubu tuei mugihe vyo kuvuga ubutumwa bwa marayika wa gatatu; nyamara ubwo butumwa bwose bugomba kuvugwa. Ubwo butumwa ni ingenzi muri iki gihe nk'uko bwari buri mbere ku buryo bugmba gusubirwamo abantu bashaka ukuri. Dukoresheje inyandiko ndetse n'amajwi yacu, tugomba kuvuga ubwo butumwa turanguruye, twerekana uko bukurikirana, ndetse n'ubuhanuzi butugeza ku butumwa bwa marayika wa gatatu. Ntihashobora kubaho ubwa gatatu hatabanje ubwa mbere n'ubwa kabiri. Ubu butumwa tugomba kubugeza ku batuye isi mu nyandiko no mu mvugo, twerekena

ibintu byabayeho n’ibizaba mu mateka y’ubuhanuzi.

Igitabo cyafatanishijwe ikimenyetso si igitabo cy’Ibyahishuwe, ahubwo ni wa mugabane w’ubuhanuzi bwa Daniyeli werekeje ku minsi y’impereka. Ibyanditswe Byera bigira biti, “Nuko Daniyeli, bumba igitabo ugifatanishe ikimenyetso kugeza igihe cy’imperuka, benshi bazajarajara hirya no hino knadi ubwenge buzagwira” (Daniyeli 12:4). Igihe igitabo cyabumburwaga, humvikanye amagambo ngo, “Ntihazabaho igihe ukundi” (Ibyahishuwe 10:6). Noneho ubu igitabo cya Daniyeli gkuweho ikimenyetso, maze ihishurirwa Kristo yahaye Yohana rikagera ku batuye isi bose. Kubwo kugwira k’ubwenge ubwoko bw’Imana bugomba gutegurirwa guhaduruka mu minsi ya nyuma.

ISABATO, INGINGO Y'INGENZI

"Nuko mbona marayika wundi aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose, ngo abubwire abari mu isi, bo mu mahanga yose n'imiryango yose, n'indii zose n'amoko yose. Avuga ijwi rirenga ati, 'Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko'" (Ibyahishuwe 14:6,7).

Ubu butumwa nibwumvirwa, buzakangurira amahanga yose n'imiryango yose n'amoko yose n'indimi zose ku gucukumburana ubushishozi Ijambo ry'Imana ndetse no kureba umucyo nyakuri werekeye ububasha bwahinduye Isabato yo
ku munsi wa karindwi bukayishyira ku isabato y'ikinyoma. Imana y'ukuri yarirengagijwe, amategeko yayo arasuzugurwa, Isabato yayo yera yishyiriyeho
isiribangirwa mu mukungugu n'umunyabugome. Itegeko rya kane ryumvikana neza kandi risobanutse ryarirengagijwe. Urwibutso rw'Isabato rugaragaza Imana nzima iyo ari yo, Umuremyi w'ijuru n'isi, rwateshejwe agaciro maze isabato y'impimbano ihabwa abatuye isi mu mwanya w'Isabato nyakuri. Uko ni ko itegeko ry'Imana ryishwe. Isabato y'ikinyoma ntiyashoboraga kuba urugero nyakuri rukwiriye kugenderwaho. Mu butumwa bwa marayika wa mbere abantu bahamagarirwa kuramya Imana, Umuremyi wacu waremye isi n'ibiyiriho byose. Abantu bahaye icyubahiro igihimbano cy'Ubupapa, maze amategeko ya Yehova bayahindura ubusa, ariko hakwiriye kubaho kongerwa ubwenge ku byerekeranye n'iyi ngingo.

Ubutumwa bwavugwaga na marayika wagurukaga aringanije ijuru ni ubutumwa bwiza bw'iteka ryose, ari nabwo butumwa bwavugiwe muri Edeni ubwo Imana yabwiraga inzoka iti, "Nzasshyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe, ruzakumena umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino" (Itangiriro 3:15). Ahangaha hatangwa isezerano ry'Umukiza wagombag kujya ku rugamba agahangana

n’imbaraga za Satani kandi akamunesha. Kristo yaje ku isi yacu kugaragaza imico y’Imana nk’uko igaragazwa mu mategeko yayo yera; kubera ko amategeko yayo ari imico yayo igaragazwa mu buryo bw’inyandiko. Kristo yari amategeko akaba n’ubutumwa bwiza. Umumarayika wamamaza ubutumwa bwiza bw’iteka ryose yamamaza amategeko y’Imana kubera ko ubutumwa bwiza bw’agakiza buyobora abantu ku kumvira amategeko maze imico yabo igahindurwa igasa n’iy’Imana.

Mu gice cya mirongo itanu n’umunani cya Yesaya, havugwa umurimo w’abaramya Imana Umuremyi w’isi n’ijuru: “N’abazagukomokaho bazubaka mu matongo ya kera yasenyutse, uzongera gushinga imfatiro zariho ku ngoma nyinshi” (Yesaya 58:12). Urwibitso rw’Imana ari rwo Sabato yo ku munsi wa karindwi ruzererezwa. “Uzitwa Uwica icyuho kandi Usibura inzira zijya mu rugo. Nuhindukira ntukandagire Isabato , ukanga gukoraaibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ahubwo ukita Isabato umunezero, umunsi wera w’Uwiteka, ukawita uw’icyubahiro ukawubaha, ...nuko uzisimira Uwiteka nanjye nzaguha kurambagira mu mpinga z’igihugu, kandi nzagutungisha gakondo ya sogokuruza Yakobo. Akanwa k’Uwiteka niko kabivuze” (Yesaya 58:12-14).

Amateka y’itorero ryumvira n’ay’isi itumvira ahishurwa muri uyu murongo mu buryo bweruye. Abumvira babitewe no kwamamazwa k’ubutumwa bwa marayika wa gatatu berekeje intambwe zabo mu nzira y’amategeko y’Imana kugira ngo bumvire, bubahe kandi bahimbaze Iyaremye ijuru n’isi. Imbaraga zirwanya ibyo zasuzuguye Imana kubwo kwica amategko yayo, kandi igihe umucyo uturutse mu Ijambo ryayo wakangurirag abantu kwita ku mategeko yayo yera, ugahishura icyuho cyaciwe muri ayo mategeko n’ubutegetsi bw’ubupapa, abantu bagerageje kurimbura amategeko yose kugira ngo basibanganye gutsindwa kw’imitima yabo. Ariko se bazarimbura amategeko y’Imana? Oya; kubera ko abantu bose bazashakisha mu Byanditswe ku giti cyabo bazabona ko amategeko y’Imana adahinduka, agahoraho iteka ryose kandi ko urwibitso rwayo, ari rwo Sabato, ruzahoraho ibihe bidashira rwerekana Imana nyakuri yonyine rukayitandukanya n’ibigirwamana.

Satani yakomeje gukoresha imbarga ze adatezuka kandi atadohoka kugira ngo akomeze ageze ku iherezo umurimo yatangiriye mu ijuruwo guhindura amategeko y'Imana. Yageze ku ntego ye yo gutuma abatuye isi bizera inyigisho yigishije mu ijuru mbere yo kugwa kwe,ubwo yavugaga ko amategeko y'Imana adatunganye kadi akeneye gusubirwamo. Umugabane munini w'abitwa itorero rya Gikristo bagaragaza ko bemeye ikinyoma nk'icyo babinyujije mu myifatire yabo cyangwa amagambo yabo. Ariko niba amategeko y'Imana yarahinduweho n'agace gato, Satani yaba yarageze kucyo atabashaga kugeraho mu ijuru. Yateguye umutego we w'ubushukanyi agamije kwigarurira itorero ndetse n'abatuye isi. Nyamara abantu bose siko bazafatwa muri uwo mutego. Umurongo utandukanya abana bumvira n'abatumvira, indahemuka, abanyakuri n'abatiringirwa kandi b'abanyabinyoma uri gucibwa. Hari impande ebyiri zikomeye zubatswe: abaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo ndetse n'abaramya Imana nzima kandi nyakuri.

MARAYIKA WO MU BYAHISHUWE 10

Ubutumwa bwo mu Byahishuwe igice cya 14, buvuga ko igihe cy'urubanza rw'Imana gisohoye, butangwa mu gihe giheruka; kandi marayika wo mu Byahishuwe igice cya 10 agaragazwa ahagaritse ikirenge cye kimwe ku Nyanja naho ikindi kiri ku butaka. Ibyo byerekana ko ubutumwa buzajyanwa kure, inyanja izambukwa kandi ibigwa byo mu Nyanja bizumva ubutumwa buheruka buburira isi yacu buvugwa.

"Marayika nabonye ahagaze ku Nyanja no ku butaka amanika ukuboko kwe kw'iburyo , agutunga mu ijuru arahira Ihoraho iteka ryose yaremye ijuru n'ibirimo , n'isi n'ibiyirimo n'inyanja n'ibyirimo ati, 'Ntihazabaho igihe ukundi'" (Ibyahishuwe 10:5,6). Ubu butumwa buvuga iherezo ry'ibihe by'ubuhanuzi. Umubabaro utewe no kutabona ibyo bari biteze w'abari bategereje kubona Umwami wacu mu 1844 wabaye mubi cyane ku bantu bari bategerezanyije amatsiko menshi kumubona. Byari muri gahunda y'Imana ko uku gucika intege kubaho kandi ko imitima y'abantu yahishurirwa.

Nta gicu na kimwe kigeze kigwira itorero, Imana itatagiteguye; nta n'imbaraga n'imwe irirwanya yigeze ihagurukira kwigana umurimo w'Imana, Imana itarayibonye mbere. Ibintu byose byagiye bibaho nk'uko yari yarabihanuye ibinyujije mu bahanuzi bayo. Ntabwo Imana yigeze irekera itorero ryayo mu mwijima ngo irihane, ahubwo yari yaravugiye mu buhanuzi ibyari kuzabaho, kandi kubw'ubuntu bwayo bukora igihe kigenwe mu mateka y'isi kigeze, Imana yatumye habaho ibyo Mwuka wayo Muziranenge yahumekeye abahanuzi ngo babivuge bitaraba. Imigambi yayo yose izasohora kandi ihame.

Amategeko yayo yomatanye n'intebe yayo y'ubwami, kandi imbaraga za Satani zifatanyije n'abantu ntizishobora kuyarimbura. Ukuri kwahumetswe kandi kurindwa n'Imana. Kuzabaho kandi kuzatsinda nubwo rimwe na rimwe kubasha kugaragara nk'ukubundikiwe n'umwijima. Ubutumwa bwiza bwa Kristo ni amategeko y'Imana agaragarizwa mu mico. Ubushukanyi bwose bukorerwa kurwanya ubwo butumwa, amayere yose yo gushyigikira ikinyoma, buri buyobe bwose bwateguwe n'abakozi ba Satani, ibi byose bizamenagurika nta kabuza, kandi insinzi y'ukuri izaba nk'izuba ryoku

manywa y'ihangu. Zuba ryo gukiranuka azarasa afite gukiza mu mababa ye, kandi isi yose izuzura ikuzo Rye.

UKUTIBESHYA K'UBUHANUZI

Ibintu byose Imana yavuze mu mateka y'ubuhanuzi ko byagombaga gusohora mu gihe cyashize byarasohoye, kandi ibindi byose bigomba kubaho muri gahunda yabyo bizabaho. Daniyeli umuhanuzi w'Imana, ahagaze mu mwanya we. Yohana nawe ahagaze mu mwanya we. Mu gitabo cy'Ibyahishuwe Intare yo mu muryango wa Yuda yabumburiye igitabo abigishwa b'ubuhanuzi bwo mu gitabo cya Daniyeli, kandi ni muri ubu buryo Daniyeli ahagaze mu mwanya we.Atanga ubuhamya bwe ubwo Uwiteka yamuhishuriye mu nzozi zivuga ibintu bikomeye tugomba kumenya kubera ko twegereye gusohora kwabyo. Mu mateka y'ubhanuzi Ijambo ry'Imana rigaragaza intambara yakomeje kuba hagati y'ukuri n'ibinyoma. Iyo ntambara iracyakomeje. Ibintu byagiye bibaho bizongera kubaho. Intambara zo mu gihe cyashize zizongera zubure kandi inyigisho nshya zizakomeza guhora zivuka. Nyamara, kubwo kwizera kwabo ndetse no gusohora k'ubuhanuzi, ubwoko bw'Imana bwagize uruhare mu kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, buzi aho buhagaze. Bafite ubunaribonye burusha agaciro izahabu nziza.
Bagomba gushikama nk'urutare, bakagundira ibyiringiro batangiranye bashikamye kugeza ku iherezo.

Imbaraga ihindura yaherekeje ukwamamazwa k'ubutumwa bwa marayika wa mbere n'uwa kabiri nk'uko bimera ku butumwa bwa marayika wa gatatu. Ukwemezwa kuramba kwabaye mu ntekerezo z'abantu. Imbaraga ya Mwuka Muziranenge yaragaragaye. Habayeho kwigana Ibyanditswe ubushishozi kandi bishishikariwe, ingingo ku ngingo. Hafi amajoro yose yakoreshwaga mu kwigana umuhati Ijambo ry'Imana. Twacukumbuye ukuri nk'ushaka ubutunzi buhishwe. Uwiteka yaratwihishuriye. Umucyo wamuritse ku buhanuzi maze tumenya ko twkiriye ubwenge buva mu ijuru…

Nyuma yo gucika intege gukomeye, habayeho abut bake biyemeje kwiga Ijambo ry'Imana n'umutima wabo wose. Ariko abantu bamwe ntibashoboraga guheranwa no gucika intege kandi ngo bahakane ko Imana yari yarabayoboye. Aba bantu bahishuriwe ukuri ingingo ku ngingo, kandi ibyo bibukaga byera n'ubugwaneza bwabo biromatanywa. Abashakishaga ukuri bumise ko Kristo yisanishije mu buryo bwuzuye na kamere yabo ndetse n'ibyo barangamiye. Bamurikishije ukuri, gufite ubwiza mu mvugo yako yoroheje, kubashywe gufite imbaraga kandi kurangwa n'ibyiringiro bitigeze bimenywa mbere yo gucika intege. Kubw'ibyo twashoboraga kwamamaza ubutumwa dushize hamwe.

Nyamara mu bantu bamwe batari barashikamye ku kwizera kwabo kandi ngo bite ku byabayeho, habayemo urujijo rukomeye. Igitetekerezo cyose cyashobora kwizerwa cyavugwaga nk'aho ari ubutumwa bw'ukuri; nyamara ijwi ry'Imana ryaravuze riti, "Ntimubizere kuko ntigeze mbatuma." Twagenanye n'Imana twigengesereye. Ubutumwa bwagombaga kubwirwa abatuye isi kandi twari tuzi ko uyu mucyo ari impano idasanzwe y'Imana.

Gutangwa kw'iyi mpano byari umwihariko duhawe n'Imana. Abana b'Imana bari bacitse intege nyamara bari bagicukumbura bashakisha ukuri, bayobowe intambwe ku ntambwe bajya kumenyesha abatuye isi ibyo bari babwiwe. Ibyo ubuhanuzi buvuga byagombaga gusubirwamo kandi ukuri kw'ingenzi kuyobora ku gakiza kwagombaga kumenyekana. Mu itangira umurimo waragoranye. Akenshi ababaga bateze amatwi ntibemeraga ubutumwa bakavuga ko budasobanutse maze hatangira intambara mu buryo bukomeye ariko by'umwihariko ku kibazo cy'Isabato. Nyamara Uwiteka yarigaragaje. Rimwe na rimwe umwenda wabaga ukingirije Ubwiza bwe ntitumubone wakurwagaho. Twamubonaga ari mu ijuru hera.

Muri iki gihe ntabwo Uwiteka azigera ayobora abantu kwirengagiza ukuri Mwuka Muziranenge yahaye abagaragu b'Imana mu gihe cyashize ngo babwamamaze.

Abantu benshi bazashakana umucyo umutima ukunze mu Ijambo ry'Imana nk'uko aba kera bawushatse; kandi uwo mucyo bazawubona mu Ijambo ry'Imana. Nyamara mu byababayeho ntibigeze bigerera aho ubu butumwa bw'imbuzi bwavugiwe bwa mbere. Kuba ibi bitarababayeho byatumye bamwe batumva agaciro k'ukuri kwari kwaratubereye ibirango bitwereka

inzira kandi kwari kwaratumye tuba abo turi bo nk’ishyanga ridasanzwe. Ntabwo bakoresha Ibyanditswe mu buryo nyabwo, maze ku

bw’ibyo bakubaka inyigisho zitari ukuri. Ni ukuri ko bavuga byinshi byo mu Byaditswe Byera kandi bakigisha byinshi by’ukuri; nyamara ukuri kuba kuvanze n’ibinyoma ku buryo kuyobora ku myanzuro itari ukuri. Nyamara kubera bashobora kwinjiza Ibyanditswe mu nyigisho zabo, batekereza ko bafite umurongo ugororotse w’ukuri. Abantu benshi batigeze bamenya ibyabayeho mu itangira ry’ubutumwa bemera izo nyigisho z’ibinyoma kandi bakayoborwa mu nzira zitari iz’ukuri, basubira inyuma aho kujya mbere. Uyu ni umugambi wa Satani.

Satani aari gukora kugira ngo amateka y'ishyanga ry'Abayahudi abe yasubirwamo mu mibereho y'abavuga ko bizera ukuri kw'iki gihe. Abayahudi bari bafite Ibyanditswe byo Isezerano rya Kera, kandi bibwiraga ko babimenyereye ndetse babizi. Nyamara bakoze ikosa ribabaje cyane. Ubuhanuzi bwerekeza ku kuboneka kwa kabiri kwa Kristo aje mu bwiza ku bicu bakwerekezaga ku kuza kwe kwa mbere. Bitewe n'uko Atari yaraje ukurikije uko bari bayiteze, baramutey umugongo baramuhunga. Stani yari uburyo yafatira abo bantu mu mutego we, akabayobya kandi akabarimbura… Uyu Satani aracyari ku murimo ashaka gucogoza ukwizera kw'ubwoko bw'Imana muri iki gihe. Hariho abantu biteguye kwakira igitekerezo gishya cyose. Ubuhanuzi bwa Daniyeli n'ubw'Ibyahishuwe buragorekwa. Ntabwo aba bantu bazirikana ko ku gihe cyagenwe ukuri kwavuzwe n'abantu Imana yari iyoboye kugira ngo bakore uyu murimo wihariye. Aba bantu bagendaga bakurikirana intambwe ku ntambwe mu gusohora k'ubuhanuzi, kandi abantu bagiara uruhare muri uyu murimo ku giti cyabo bagomba kwakira

Ijambo ry'Imana kandi bakizera ibyavuzwe n'abayobowe n'Uwiteka mu kwamamaza ubutumwa bwa marayika wambere, uwa kabiri n'uwa gatatu. Ubu butumwa bwakiriwe kandi bugashyirwa mu bikorwa, buri gukora umurimo wabwo wo gutegurira ubwoko bw'Imana guhagarara mu munsi ukomeye w'Imana. Niba twiga Ibyanditswe kugira ngo dushimangire ukuri Imana yahaye abagaragu bayo ngo babugeze ku batuye isi, tuzasangwa ko tuvuga ubutumwa bwa marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu.

Ni ukuri ko hari ubhanuzi bugomba gusohora. Nyamara umurimo w'ubuyobe wagiye ukorwa inshuro nyinshi kandiuzakomeza gukorwa n'abashaka kubona umucyo mushya mu byahanuwe, kandi batangira bajya kure y'umucyo Imana yamaze gutanga. Ubutumwa bwo mu Byahishuwe 14, nibwo butumwa abatuye isi bagomba kugeragereshwa. Ni ubutumwa bwiza bw'iteka ryose kandi bugomba kuvugwa ahantu hose. Nyamara ntabwo Uwiteka aha abantu batigeze bakora umurimo we inshingano yo gutanga

ubusobanuro bushya bw'ubwo buhanuzi yahaye abagaragu be yatoranyije, akoresheje Mwuka we Muziranenge, kugira ngo babusobanure.

Nkurikije umucyo Imana yampaye, uyu ni wo murio wowe mwene data F, wagerageje gukora. Ibitekerezo byawe byakiwe neza na bamwe; nyamara byatewe n'uko abo bantu badafite ubushobozi bwo kubona imiterere nyakuri y'ibyo uvuga. Basobanukiwe bike mu murimo w'Imana ugomba gukorwa muri iki gihe, kandi ntibabona aho ibitekerezo byawe byabageza ndetse nawe ubwawe ntubona aho byerekeza. Biteguye kwemera ibyo uvuga kuko babona ko biyunganye. Nyamara barayobejwe kubera ko wasobekeranyije Ibyanditswe byinshi kugira ngo wubake inyigisho zawe.

Nyamara uko siko bimeze ku bantu bazi ukuri kujyanye n'igihe giheruka cy'amateka y'iyi si. Nubwo babonako ufite ukuri kw'agaciro kenshi, banabona ko wakoresheje Ibyanditswe nabi, ukabishyira mu rwego rw'ibinyoma kandi bitahabarizwa maze ugatuma biha imbaraga ibitari ukuri kw'iki gihe. Ntushimishwe cyane n'uko abantu bamwe bemeye ibyo wanditse. Kukubwira ko inzira y'ibitekerezo wafashe ko ari iby'agaciro gakomeye atari inyigisho y'ukuri Imana yahaye ubwoko bwayo kugira ngo bwamamaze muri iki gihe, bikomereye cyane abavandimwe bawe mu kwizera bakwiringira nk'Umukristo kandi bagukunda bene ako kageni.

Umucyo Imana yampaye ni uko nawe ubwawe udasobanukiwe neza n'Ibyanditswe byera wakomanyije. Iyaba wari ubisobanukiwe, uba waramenye ko inyigisho zawe zisenya urufatiro rwo kwizera kwacu. Muzasa wanjye, nahawe ibihamya byinshi byo gukosora abantu batangiye kuyoboka inzira ugendamo ubu. Aba bantu basaga n'abazi neza ko baobowe n'Imana, kandi basanze abagabura babwirizaga ukuri babazanira inyigigisho zabo zitandukanye. Nabwiye abo bagabura nti, "Ntabwo Uwiteka ari muri izi nyigisho; ntimuyobywe cyangwa ngo muyobye abandi. " Mu materaniro makuru nagombye kubwira neruye ku byerekeye abantu bateshukaga inzira y'ukuri. Nkoresheje kwandika ndetse no kuvuga natanze

ubu butumwa nti, "Ntimubakurikire."

GUKORANA N'UMUNTU WARI HAFI GUPFA

Umurimo ukomeye cyane nigeze nkora wari uwo gukorana n'umuntu umwe nari nzi wifuzaga gukurikira Imana. Ibihe bimwe yari yaragiye atekereza ko ahabwa umucyo mushya. Yari arembye ari hafi gupfa. Mbega uburyo umutima wanjye wiringiraga ko atari bunyemerere kumubwira ibyo yakoraga. Abantu yabwiye ibtekerezo bye bamutegeye amatwi babishishikariye, kandi bamwe batekerezaga ko yahumekewe n'Imana. Yari afite ikarita yakoze, kandi ntekereza ko yaheraga ku Byanditswe maze akerekana ko Umwami Yesu azagaruka ku itariki runaka yo mu mwaka wa 1894. Abantu benshi babonaga ko nta kosa riri mu mitekerereze ye. Bavugaga ibyerekeye amsengesho ye akomeye yasabiraga mu cyumba yari arwariyemo.

Ibitekerezo bitangaje cyane byamunyuraga imbere. Ariko se isoko y'uko guhishurirwa kwe yari iyihe? Isoko yari umuti ugabanya uburibwe bari bamuhaye.

Igihe twari mu matereniro makuru ahitwa Lansing, muri Michigan, mbere y'uko njya muri Australia, nagombye uvuga neruye ibyerekeye uyu mucyo mushya. Nabwiye abantu ko amagambo bari barumvise atari ukuri kwahumetswe n'Imana. Umucyo utangaje wagaragaje ukuri muri ubwo buryo wari ingaruka yo gukoresha Ibyanditswe Byer nabi. Umurimo w'Umwami wacu ntiwagombaga kurangira mu mwaka wa 1894. Ijambo Umwami waci yambwiye ryari iri ngo, "Uku si ukuri, ahubwo kuzayobora mu nzira zidasanzwe kandi abantu bamwe bazajya mu rujijo bitewe n'ibi kandi bazareka ukwizera."…

NTA BUTUMWA BW'UKURI BUVUGA IGIHE

Nta muntu n'umwe ufite ubutumwa nyakuri buhamya igihe Kristo agomba kugarukira cyangwa se igihe atagarukira. Mumenye mudashidikanya ko Imana itagira umuntu n'umwe iha ububasha bwo kuvuga ko Kristo asigaje imyaka itanu, imyaka icumi cyangwa se makumyabiri kugira ngo agaruke.

“Nuko namwe mwitegure, kuko igihe mudatekereza ari cyo Umwana w’umuntu azaziramo” (Matayo 24:44). Ubu nibwo butumwa bwacu, ari nabwo butumwa buvugwa n’abamarayika batatu baguruka baringanije ijuru. Umurimo ugomba gukorwa ubu ni uwo kubwira isi yacumuye ubu butumwa buheruka bw’imbabazi. Ubuzima bushya bugiye kuza buturutse mu ijuru kandi buriho bwigarurira ubwoko bw’Imana bwose. Ariko mu itorero hazabamo kugabanywamo ibice. Hazabaho imigabane ibiri. Ingano n’urukungu irakurana kugeza isarura.

Ubwo iherezo rizaba ryegereje, umurimo uzarushaho gukomera kandi urusheho gusaba gukorana umuhati. Abantu bose bakorana n’Imana bazarushaho gushishikarira kugira ukwizera kwahawe abatoranyijwe. Ntabwo bazateshurwa mu butumwa bugenewe iki gihe bwatangiye kumurikishiriza isi ubwiza bwabwo. Nta kindi kintu gikwiriye guharanirwa uretse ikuzo ry’Imana. Urutare rwonyine ruzashikama ni Urutare rw’Iteka. Ukuri nk’uko kuri muri

Yesu Kristo nibwo buhungiro muri iyi minsi iheruka y’ubuyobe…

UBUTUMWA BWAGENEWE IGIHE CYACU

Ubuhanuzi bwagiye busohora umurongo ku murongo. Uko turushaho ushikama munsi y’ibendera ry’ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ni ko tuzarushaho gusobanukirwa neza ubuhanuzi bwa Daniyeli kubera ko Ibyahishuwe ari byuzuza Daniyeli. Uko turushaho kwemera mu buryo bwuzuye umucyo watanzwe na Mwuka Muziranenge awunyujije mu bagaragu b’Imana batoranyijwe, ni ko ukuri ko mu buhanuzi bwa kera kuzarushaho gushinga imizi kandi kukumvikana. Tuzamenya tudashidikanya ko abantu b’Imana bavuze bagenderewe na Mwuka Muziranenge. Kugira ngo abantu basobanukirwe ibyo Mwuka yavugiye mu bahanuzi, bagomba kuyoborwa n’imbaraga ya Mwuka Muziranenge. Ntabwo ubu bwahawe abahanuye, ahubwo bwahawe twebwe abariho mu gihe busohora.

Ntabwo nari kumva ko nshobora kuvuga ibi iyo Uwiteka aba atarampaye uyu murimo ngomba gukora. Hari abandi babangikanye nawe ndetse

barenze umwe cyangwa babiri, batekereza ko bafite umucyo mushya kandi bose biteguye kuwugeza ku bantu nk'uko ubigenza. Nyamara byanezeza Imana baramutse bemeye umucyo wamaze gutangwa kandi bakawugenderamo, bagashingira ukwizera kwabo mu Byanditswe bishyigikira uruhande ubwoko bw'Imana bwahagazemo mu myaka myinshi. Ubutumwa bwiza bw'iteka ryose bugomba kwamamazwa n'abantu.Tugomba kuvuga ubutumwa bw'abamarayika bavugwa ko baguruka baringanije ijuru tukabuvugana umuburo uheruka tuburira isi yacumuye. Niba tutarahamagariwe guhanura, twahamagariwe kwizera ubuha buhanuzi ndetse no gukorana n'Imana mu kugeza umucyo ku bandi. Ibi ni byo tugerageza gukora.

Musaza wanjye,ushobora kudufasha mu nzira bwinshi. Ariko natumwe n'Uwiteka kukubwira ko udakwiye kuba nyamwigendaho. Itondere uko wumva, uko usobanukirwa ndetse n'uko wakira Ijambo ry'Imana. Uwiteka azaguhira ubwo uzagendera mu mirongo imwe n'abavandimwe bawe mu kwizera. Abo Uwiteka yatumye kujya kwamamaza ubutumwa bw'abamarayika batatu bagiye bakorana n'abamarayika bo mu ijuru. Ntabwo Uwiteka agukorera umutwaro wo kwamamaza ubutumwa buzazana amacakubiri mu bizera. Nongeye kubisubiramo, nta muntu Uwiteka ari kuyoboza Mwuka we Muziranenge kugira ngo ategure inyigisho izakura ukwizera mu butumwa budakebakeba yahaye ubwoko bwe kugira ngo bububwire abatuye isi yacu.

Ndakugira inama yo kudafata inyandiko zawe nk'ukuri gufite agaciro gakomeye. Ntabwo byari bigukwiriye kuba icyamamare ucapisha inyandiko zaguteje guhangayika gukomeye gutyo. Si ubushake bw'Uwiteka ko iki kibazo imbere y'ubwoko bwe kuko kizabera imbogamizi ubutumwa bw'ukuri ubwoko bw'Imana bugomba kwizera kandi buagashyira mu bikorwa muri iyi minsi iheruka y'akaga ….

Inyigisho zizakomeza kugibwaho impaka kugira ngo ziyobye intekerezo kandi zirandure ukwizera. Abantu bamenye ubusobanuro bw'ubuhanuzi mu buryo bufatika, ubwo buhanuzi bwabagize icyo bari cyo uyu munsi: ni Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi. Bagomba guhagarara bakenyeye ukuri kandi bambaye intwaro zose z'Imana. Abantu batigeze bagira ubu bumenyi nabo bafite amahirwe yo gikomeza ubutumwa bw'ukuri bafite ibyiringiro

nk’ibyo. Ntabwo umucyo Imana yanejejwe no guha ubwoko bwayo uzacogoza ibyiringiro bagize mu nzira yabayoboyemo mu gihe cyashize, ahubwo uzabakomeza kugira ngo bagundire ukwizera. Tugomba gukomeza ibyiringiro twatangiranye dushikamye kugeza ku iherezo.

“Aho niho kwihangana kw’abera kuri, bitondera amategeko y’Imana bakagira kwizera nk’ukwa Yesu” (Ibyahishwe 14:12). Duahagaze aha munsi y’ubutumwa bwa marayika wa gatatu. “Hanyuma mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n’ubwiza bwe. Arangururra ijwi rirenga ati, ‘Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry’abadayimoni, aharindirwaimyuka mibi yose n’ibisiga byose bihumanye kandi byangwa. Kuko mahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry’ubusambanyi bw’uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi basambanaga nawo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n’ubwinshi bw’ubutunzi bwawo no kudamarara.’ Numva irnijwi rivugira mu ijuru riti, ‘Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n’ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo. Kuko ibyaha byawo byarundanyijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo’” (Ibyahishuwe 18:1-5).

UBUTUMWA BW’UMUMARAYIKA WUNDI

Bityo ubutumwa bw’ingenzi bukubiye mu butumwa bwa marayika wa gatatu bwongeye kubwirwa abatuye isi n’undi mumarayika umurikishiriza isi ubwiza bwe. Ubu butumwa bwose burasa bugahurizwa mu butumwa bumwe bugomba kubwirwa abantu mu minsi iheruka amateka y’isi. Isi yose izashungurwa, kandi abantu bose babaye mu mwijima w’ibinyoma ku byerekeye Isabato iboneka mu itegeko rya kane bazasobanukirwa ubutumwa buheruka bw’imbabazi bugomba kubwirwa abantu.

Umurimo wacu ni ukwamamaza amategeko y’Imana n’ubuhamya bwa Yesu Kristo. “Itegure gusanganira Imana yawe” (Amosi 4:12), ni wo muburo ugomba kubwirwa abatuye isi. Ni n’umuburo kuri twe by’umwihariko.

Duhamagarirwa gutura umutwaro wose ndetse n'icyaha kibasha kutwigarurira mu buryo bworoshye. Musaza wanjye, hari umurimo ugomba gukora womatanye na Kristo. Genzura neza niba inyubako yawe ishinzwe ku rutare. Ntushyire mu kaga iby'ubuzima bw'iteka ryose. Ushobora kutabaho kugira ngo ugire uruhare mu bintu biteye akaga twatangiye kwinjiramo. Nta buzima bw'umuntu n'umwe muri twe bushinganye igihe icyo ari cyo cyose. Mbese ntiwari ukwiriye kuba maso buri gihe? Mbese ntiwari ukwiye kwigenzura wowe ubwawe, maze ukibaza uti, 'Mbese ubuzima bw'iteka ryose buzamerera bute?'

Umutwaro ukomeye wa buri muntu wari ukwiye kuba uyu ngo, "Mbese umutima wanjye wagizwe mushya? Mbese ubugingo bwanjye bwarahinduwe? Mbese kubwo kwizera Kristo ibyaha banjye byarababariwe? Mbese navutse ubwa kabiri? Mbese mpuje n'ri rarika rivuga riti, 'Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura?'" (Matayo 11:28)…Mbese waba uha ibintu byose agaciro ariko ugatakaza ibyiza byo kumenya Kristo

Yesu? Mbese wumva ko kwizera ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana ari inshingano yawe? – Manuscript 32, 1896.

KWEZWA K'URUSENGERO K'UBURYO BUBIRI: GUHAMAGARIRWA KABIRI GUSOHOKA MURI BABULONI

Igihe mufashe inkota y'ukuri mushikamye, mwamamaza amategeko y'Imana, nimureke buri muntu wese yibuke ko kwizera Yesu bifatanye n'amategeko y'Imana. Marayika wa gatatu agaragazwa aguruka aringanije ijuru, arangurura n'ijwi rirenga ati, "Aho niho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu" (Ibyahishuwe 14:12). Ubutumwa bwa marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu bwose buhurijwe hamwe. Ibihamya by'ukuri guhoraho iteka ko muri ubu butumwa busobanuye byinshi kuri twe kandi kwakanguye ubuhabane bukomeye butyo mu isi y'iby'iyobokamana, ntibishobora gusibanganywa.

Satani ahora ashaka gutwikiriza ubwo butumwa umwijima we w'ikuzimu kugira ngo ubwoko bw'Imana bwasigaye bwe kuzasobanukirwa neza n'inkomoko y'ubwo butumwa igihe cyabwo n'aho bugenewe; nyamara ubwo

butumwa buriho kandi buzakomeza kugaragaza imbaraga zabwo ku mibereho yo kuyoboka Imana kugeza ku iherezo.

Imbaraga y'ubu butumwa yagiye ishinga imizi kandi iraguka, ituma amasoko yo gukora atemba mu mitima ya benshi, ituma habaho ibigo by'uburezi, amacapiro, ndetse n'ibigo by'ubuvuzi; kandi bi byose ni ibkoresho by'Imana bigomba gukorera hamwe mu murimo ukomeye wagaragawe na marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu baguruka baringanije ijuru kugira ngo baburire abatuye isi ko Kristo agiye kugaruka afite imbaraga n'ikuzo ryinshi. Umuhanuzi aravuga ati, "Hanyuma y'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe.

> Arangurura ijwi rirenga ati, 'Iraguye iraguye Babuloni ikomeye!Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose.'" (Ibyahishuwe 18:1,2). Ubu ni bwa butumwa bwatanzwe na marayika wa kabiri.

Babuloni iraguye kuko "kuko yateretse mahanga yose inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwawo." (Ibyahishuwe 14:8). Iyo nzoga ni iyihe? Ni inyigisho zayo z'ibinyoma. Babulini yahaye abatuye isi isabato y'ikinyoma mu mwanya w'Isabato yo mu itegeko rya kane, kandi yasubiyemo ikinyoma Satani yabwiye Eva bwa mbere muri Edeni. Icyo kinyoma ni ukudapfa k'ubugingo. Babuloni yakwije ibinyoma by'amoko menshi hirya no hino, "kuko inyigisho yigisha ari amategeko y'abantu" (Matayo 15:9).

Igihe Yesu yatangiraga umurimo we, yejeje Ingoro y'Imana [urusengero rw'i Yerusalemu] arwezaho guhumanywa gukomeye rwari rwari rwaragiriwe. Mu bikorwa biheruka by'umurimo we naho habayemo kweza iyo Ngoro bwa kabiri. Bityo mu murimo uheruka wo kuburira isi, hari imihamagaro ibiri itandukanye yahawe amatorero. Ubutumwa bwa marayika wa kabiri ni ubu ngo, "Iraguye, iraguye! Babuloni wa mudugudu ukomeye, wateretse amaanga yose inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwawo" (Ibyahishuwe 14:8). Ndetse no mu ijwi rirenga ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu humvikaniramo ijwi rivugira mu ijuru riti, "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo. Kuko ibyaha byawo byarundanijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana

yibutse gukiranirwa kwawo ” (Ibyahishuwe 18:4, 5). –*The Review and Herald*, Dec. 6, 1892.

UMUGABANE GATATU

KWIFATANYA KURIMO UBUPFAPFA

IJAMBO RY'IBANZE

Mu minsi itangira ubwo yari muri Australia (1891-1900), Ellen White yahamagariwe kugira inama umukozi wari icyamamare akaba n'ingirakamaro wakoraga mu icapiro ryacu wari warirundururiye mu bikorwa by'ishyirahamwe ryitwaga « Masonic Lodge.» Inama Ellen White yahaye uyu mwene data yatumye aca ubufatanye yari afitanye n'uwo muryango nubwo yari yarageze ku rwego rwo hejuru cyane rw'icyubahiro muri uwo muryango.

Atagize uwo acira iteka, Ellen. G. White yagaragaje Umukristo adshobora gukorera abatware babiri, cyangwa ngo yubahe abategetsi babiri.

Umuvandimwe wacu wari warirunduriye mu bikorwa by'iryo tsinda ku buryo yari yarirengegije bikomeye umurimo yakoreraga itorero, yabashije gusobanukirwa ukuri koroshye kwari mu nama Ellen G. White yamugiriye kandi kwiringira ubwo butumwa kwe byarushijeho gukomera ubwo, igihe bari bihererereye bombi, Madame White yamubwiye ikimenyetso gihishe cyakoreshwaga n'abagize iryo tsinda gusa. Uwo mugabo yahise areka kuba umunyamuryango w'iryo tsinda, nubwo incuro nyinshi yari yariyemeje mu buryo budakuka ko nta kintu kizahungabanya icyizere yari afitiye uwo muryango cyangwa ngo kimutere kwitandukanya nawo. Asubije amaso inyuma akareba ibyamubayeho, mu myaka yaje gukurikiraho yahamije ko ubutumwa bw'Umwuka w'ubuhanuzi bwahinduye rwose imibereho ye. Icyo gihe ndetse no ku bigendanye n'iyi ngingo, Madame White yanditse byinshi cyane byerekeye umubano Abadiventisiti b'Umunsi wa karindwi bagirana n'imiryango nk'iyo. Ibi byasohotse mu nyandiko bifite umutwe uvuga ngo, "Mbese Abakristo bakwiye kuba mu miryango ikora rwihishwa?" Iyi nyandiko yasohotse mu dutabo duto duto maze ikwirakwizwa cyane muri Australia no muri Leta Zunze ubumwe za Amerika, ariko yamaze igihe kirekire itongera gucapwa. Ahangaha aka gatabo gato kongeye gucapwa uko kakabaye.

Igice cya kabiri cyako kigizwe n'inama zanditswena Ellen. G. White zerekeye inyifato Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bari bakwiye kugira imbere y'amashyirahamwe ihuza abakozi. Iyi nyandiko yasohowe mu mwaka wa 1946 ari umugabane wa kabiri w'agatabo gato kitwaga "*Country Living."* (imibereho yo mu cyaro). Iyi nyandiko igaragara ahangaha idahinduka

kugira ngo aabantu bahore bayiga ari nako basenga. – Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen. G. White.

IGICE CYA 13 :MBESE ABAKRISTO BAKWIYE KUBA MU MIRYANGO IKORA RWIHISHWA?

“Ntimukifatanye n’abatizera mudahwanye. Mbes gukiranuka no gukiranirwa bayfatanya bite? Cyangwa umucyo n’umwijima byabana bite? Kandi Kristo ahuriye he na Beliyali, cyangwa uwizera n’utizera bafitanye mugabane ki? Mbese urusengero rw’Imana rwahuza rute n’ibishushanyo bisengwa,ko turi urusengero rw’Imana ihoraho? Nk’uko Imana yabivuze iti, ‘Nzatura muri bo ngendere muri bo , nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye. Nuko muve hagati ya ba bandi. Mwitandukanye niko Uwiteka avuga, kandi ntimugakore ku kintu gihumanye. Nanjye nzabakira, kandi nzababera so, namwe muzambere abahungu n’abakobwa, niko Uwiteka Ushoborabyose avuga’” (2Abakorinto 6:14-18).

Ntabwo itegeko ry’Uwiteka rivuga ngo, “Ntimukifatanye n’abatizera mudahwanye” ryerekeje gusa ku gushyingiranwa kw’Abakristo n’abatizera Imana. Ahubwo ryerekeje ku masezerano yose aho amatsinda ayagirana ashyira hamwe mu buryo bwimbitse, kandi muri yo hagakenerwa uguhuza mu mwuka no mu mikorere. Uwiteka yahaye Abisiraheli amabwiriza yihariye kugira ngo birinde kwifatanya n’abasengaga ibigirwamana. Ntabwo bagombaga gushyingirana n’abapagani cyangwa ngo bagire ukwifatanya uko ari ko kose bagirana nabo: “Wirinde ntuzasezerane isezerano na bene igihugu ujyamo, rye kuba nk’umutego hagati muri mwe, ahubwo muzasenye ibicaniro byabo, mutembagaze inkingi z’amabuye bubatse,muteme, mutsinde ibishushanyo ba Ashera babaje. Kuko udakwiriye kugira iyindi Mana yose usenga, kuko Uwiteka witwa Ufuha, ari Imana ifuha ” (Kuva 34:12-14).

“Kuko uri ubwoko bwerejwe Uwiteka Imana yawe,kandi Uwiteka Imana yawe ikagutoraniriza mu mahanga yose yo mu isi kuba ubwoko yironkeye. Icyateye Uwiteka kubakunda akabatoranya, si uko mwarutaga ayandi mahanga yose ubwinshi, ndetse mwari bake hanyuma y’ayandi yose.

Ahubwo ni uko Uwiteka abakunda, agashaka guohoza indahiro yarahiriye ba sekuruza banyu,… Nuko none menya yuko Uwiteka Imana yawe ari yo

Mana; ni Imana yo kwizerwa, ikomeza gusohoreza isezerano no kugirira ibambe abayikunda bakitondera amategko yayo, ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi." (Gutegeka kwa kabiri 7:6-9).

Uwiteka yongera kuvugira mu muhanuzi Yesaya ati: "Nimwiyunge mwa mahanga mwe! Ariko muzavunagurika, kandi namwe abo mu bihugu bya kure nimutege amatwi mwese, mukenyere! Ariko muzavunagurika.
..Mujye inama, ariko izo nama zizapfa ubusa; nimuvuga n'ijambo ntirizahama: kuko Imana iri kumwe natwe. Uwiteka yamfatishije ukuboko kwe gukomeye, aranyigisha ambwira yuko ntakwiriye kugendera mu migambi y'ubu bwoko ati, 'Ntimuvuge ngo, 'Baratugambaniye', nk'uko ubu bwoko buzavuga kuri ibi byose buti 'Baratugambaniye'. Ahubwo Uwiteka Nyiringabo abe ari we mushimisha kwera kwe, kandi uwo abe ari we mujya mwubaha mukamutinya'" (Yesaya 8:9-13).

Hari abantu bibaza niba ari byiza ko Umukristo yaba mu miryangp ikora rwihishwa. Nimureke abo bose bazirikane Ibyanditswe twamaze kuvuga haraguru. Niba turi Abakristo koko, tugomba kuba abakristo aho twaba turi hose, kandi tugomba kuzirikana ndetse tukumvira inama twahawe kugira ngo tube Abakristo bahuje n'urugero rutangwa n'Ijambo ry'Imana.

GUKORANA N'INTUMWA MVAJURU

Ubwok bw'Imana ku isi ni abakozi b'abantu bagomba gukorana n'intumwa mvajuru kubw'agakiza k'abantu. Kristo abwira abantu bifatanyije nawe ati, "Kuko twembi Imana ari yo dukorera namwe mukaba umurima w'Imana n'inzu yayo" (1Abakorinto 3:9). Imana ni umukozi ukomeye kandi utaboneshwa amaso; umuntu we ni umukozi ucishije bugufi, uboneshwa amaso kandi uwo muntu ashobora gukora icyiza icyo ari cyo cyose ari uko gusa akoranye n'intumwa mvajuru. Keretse gusa iyo intekerezo zimurikiwe na Mwuka Mwuka Muziranenge nibwo asobanukirwa n'intumwa mvajuru.

Nubwo bimeze bityo, Satani ahora iteka ashaka kuyobya intekerezo kugira ngo azikure ku Mana azerekeze ku muntu, kugira ngo umuntu atabasha gukorana n'Ijuru. Ayobora abantu guhanga amaso ku bihimbano by'umuntu, akayobora abantu kwiringira undi muntu, intwari yabo bakayigira umubiri kugira ngo ukwizera kwabo kutagundira Imana.

"Itabaza ry'umubiri ni ijisho. Ijisho ryawe nirireba neza, umubiri wawe wose uba ufite umucyo, ariko niriba ribi, umubiri wawe wose uba ufite umwijima. Nuko umucyo ukurimo nuba umwijima, mbega uwo mwijima uko uba ari mwinshi!" (Matayo 6:22, 23).

None umucyo wacu nuhinduka umwijima, tuzabera isi umucyo dute?

Umurimo w'agakiza kacu bwite unashingiye ku buryo dukorana n'intmwa mvajuru. Imana yaduhaye imbaraga yo gukora ibyiza kandi inaduha n'ubushobozi mu by'iyobokamana. Imana yatanze Umwana wayo ngo abe impongano y'ibyaha byacu kugira ngo tubashe kungwa n'Imana. Yesu yabayeho imibereho yo kwiyanga no kwitanga kugira ngo tubashe gukurikiza urugero rwe. Yatanze Mwuka Muziranenge kugira ngo abe mu cyimbo cya Kristo ahantu aho ari ho hose hakenewe ubufasha. Akoresha abamarayika bo mu ijuru azana imbaraga mvajuru ngo zifatanye n'imbaraga zacu za kimuntu.

Ariko tugomba kwemera impano y'Imana, tugomba kwihana kandi tukizera Kristo. Tugomba kuba maso, tugomba kumvira ibyo Imana idusaba. Tugomba kwiyanga kandi tukitanga kubwa Kristo. Tugomba gukurira muri Kristo binyuze mu guhora twomatanye nawe. Ikintu cyose gikura intekerezo z'umuntu ku Mana kigatuma yiringira undi muntu cyangwa gukurikiza urugero rwa kimuntu, kizatubuza gukorana n'Imana mu murimo w'agakiza kacu. Iyi niyo mpamvu Uwiteka abuza ubwoko bwe kugira isezerano iryo ari ryo ryose bugirana n'abapagani, "rye kuba nk'umutego hagati muri mwe." (Kuva 34:12). Yaravuze ati, "Kuko bahindura umuhungu wawe ntayoborwe nanjye" (Gutegeka kwa kabiri 7:4). Iri hame rinagendanye n'ibyo kwifatanya kw'Abakristo n'abatubaha Imana.

Igihe twemeraga Kristo nk'Umucunguzi wacu, twemeye guhinduka abakozi bakorana n'Imana. Twagiranye isezerano nayo ryo kuba abayo tutizigamye; nk'ibisonga bikiranuka by'ubuntu bwa Kristo, kugira ngo dukore twubaka ubwami bwayo mu isi. Buri muyoboke wa Kristo wese yarahiriye kwegurira imbaraga ze zose z'ibitekerezo, ubugingo n'umubiri; akazegurira uwatanze inshungu arokora ubugingo bwacu. Twiyemeza kuba abasirikare, kwinjira mu murimo, kwihanaganira ibigeragezo, isoni, gukwenwa no kurwana intamabara yo kwizera, dukurikiye Umutware w'agakiza kacu.

Mbese muri uko kwifatanya n'imiryango y'iby'isi mwaba mukomeza isezerano mwagiranye n'Imana? Mbese iyo miryango igamije kuyobora intekerezo zanyu bwite n'iz'abandi ku Mana, cyangwa iraziyobya ntizirangamire Imana? Mbese iyo miryango ikomeza isano mufitanye n'intumwa zo mu ijuru, cyangwa yerekeza intekerezo zanyu ku muntu aho kugira ngo zerekere ku Mana?

Mbese muriho mukorera Imana, muyubaha kandi muyerereza, cyangwa murayisuzugura kandi muyicumuraho? Mbese muteranyiriza hamwe na Kristo cyangwa murasandaguza? Ibitekerezo byose, imigambi ndetse n'umurava mushyira muri ayo mashyirahamwe; byose byaguzwe amaraso y'igiciro ya Kristo; ariko se iyo mwifatanya n'abahakanamana n'abanyabyaha, abantu batuka izina ry'Imana, abasinzi, abanywi b'itabi mbese muba mukorera Kristo umurimo?

Nubwo muri iyo miryango hashobora kubamo ibintu bbyinshi bigaragara ko ari byiza, muri byo havanze ibindi byinshi bitera bya byiza biba imfabusa maze bigatuma ya mashyirahamwe cyangwa imiryango yangiza inyungu umutima wajyaga kubona. Dufite ubundi buzima butari ububeshwaho n'ibyo kurya by'igihe gito. "Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana " (Matayo 4:4). "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko nimutarya umubiri w'Umwana w'umuntu, ntimunywe n'amraso ye, nta bugingo muba mufite muri mwe"

(Yohana 6:53). Yesu yaravuze ati, “Urya umubir wanjye, akanywa n’amaraso yanjye aba afite ubugingo buhoraho” (Yohana 6:54). Imibiri yacu igizwe n’ibyo turya n’ibyo tunywa. Kandi nk’uko bimeze mu bisanzwe, ni nako bimeze mu by’umwuka. Ibyo intekerezo zacu zizirikana ni byo byubaka kamere yacu y’iby’umwuka. Umukiza wacu yaravuze ati, “Umwuka niwo utanga ubugingo, umubir ntacyo umaze. Amagambo mbabwira ni yo mwuka, kandi ni yo bugingo” (Yohana 6:63). Imibereho y’iby’umwuka igomba kubakwa no gusabana na Kristo binyuze mu Ijambo rye. Intekerezo zigomba guhora zirizirikana kandi n’umutima ukuzura iryo Jambo. Ijambo ry’Imana niryererezwa mu mutima rigakundwa kandi rikubahwa, rishobora gutunganya umuntu kandi rikamutera gukomeza gutungana kubw’imbaraga y’ubuntu bwa Kristo. Nyamara imbaraga zose z’umuntu, buri buvumbuzi bwose bw’ab’isi nta bushobozi bufite bwo guha umuntu imbaraga n’ubwenge. Imbagara ya kimuntu ntishobora gutegeka ibyifuzo bibi cyangwa ngo itunganye ukutabonera kw’imico. Keretse gusa ukuri kw’Imana nigutegeka umutima nibitaba bityo ubwenge buzangirika. Nyamara muri aya mashyirahamwe y’iby’isi umutima utandukanywa n’Ijambo ry’Imana. Ntabwo abantu bayoborwa kuryiga no kurireka rikayobora imibereho yabo.

MBESE IMANA IRUBAHWA?

Ndabaza wowe unezezwa n’ayo mashyirahamwe, wowe ukunda guteranywa no gushyenga no gutera inzenya ndetse no kurya no kunywa ukavuyarara, Mbese aho uba uri kumwe na Yesu? Mbese uba ushaka gukiza ubugingo bwa bagenzi bawe? Mbese gushaka kubakiza ni wo mugambi ugutera kwifatanya nabo? Mbese babona kandi bakumva ko Mwuka wa Kristo atuye muri wowe? Mbese bigaragara ko uri umuhamya wa Kristo, ko uri umwe mu bantu badasanzwe, ugira ishyaka ry’imirimo myiza? Mbese bigaragara ko imibereho yawe iyoborwa n’amabwiriza y’ijuru? “Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n’ubugingo bwawe bwose n’ubwenge bwawe bwose” (Matayo 22:37), kandi ngo , “Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda” (Matayo 19:19)?

Kuvugana n’imitima n’intekerezo by’abantu bari hafi kurimbuka, ntabwo biri mu bushobozi bw’umuntu utiyegurira Kristo burundu. Ariko se ni hehe imvugo yawe nziza kandi y’ubutyoza igaragaza ko ufite aho werekeza?

Mbese ingingo zikunda kuganirwaho muri ayo mashyirahamwe ni izihe? Ni izihe ngingo zikurura abantu kandi zikabanezeza? Mbese ntabwo ari ukunezeza iby’umubiri- kurya,kunywa no gushaka ibinezeza? Muri ayo mahuriro Kristo ntaharangwa. Nta na rimwe avugwaho. Ibyo kugendana nawe ntibyifuzwa. Ni hehe kandi ni ryari Imana yubahwa muri ayo mashyirahamwe? Ni hehe umutima wunguka ikintu na gito? Niba udakurura abo mubana ngo bakore ibyiza, aho bo ntibagukururira kujya mu bibi?
Mbese icyo bizakugezaho si ukurambika umucyo w’ubugingo ari wo jambo ry’Imana, ukifatanya n’ayo matsinda maze ukajya ku rugero rwabo? Mbese utekereza ko ushobor kubona ikintu cyamara ubugingo inzara kitari ukuri kw’Imana? Mbese abntu bavuga ko bizera ukuri kw’iki gihe bazanezezwa no kuba muri ibyo birori igihe Imana itari mu bitekerezo byabo byose?

Mu cyumba ayo mashyirahamwe yajyaga ateraniramo, niho abantu bagiye bahurira kugira ngo baramye Imana. Mbese mu gihe cy’isaha ya gahunda yo kuramya ushobora kwibagirwa bya bikorwa byo gushyenga no kuvuyarara ndetse no kwinezeza mu kunywa inzoga? Ibi byose Imana yabyanditse mu gitabo cyayo ko ukutirinda. Ni mu buhe buryo ibi bihura n’ukuri kw’iteka ryose? Mbese wibagirwa ko muri ibyo birori byo kwinezeza haba hari Umuhamya nk’uko yari ari mu birori bya Belushaza? Iyaba umwenda udutandukanya n’isi itaboneshwa amaso wabashaga kuzingwa, wabona Umukiza ababajwe no kubona abantu batwawe no kwinezeza barya, banywa, batwawe no guseka no gushyenga byirikana Kristo mu ntekerezo kandi ari we huriro ry’ibyiringiro by’abatuye isi.

Abantu badashobora gutandukanya umuntu ukorera Imana n’utayikorera, ashobora gukururwa n’ayo mashyirahamwe adafite aho ahuriye n’Imana, ariko nta Mukristo nyakuri ushobora kugirira amahoro ahantu hameze hatyo. Umwuka utanga ubugingo wo mu ijuru ntuharangwa.

Umutima w’Umukristo uba ingumba, kandi akumva adafite guhembura kuva kuri Mwuka Muziranenge nk’uko imisozi ya Gilbowa itarangwaga n’ikime n’imvura.

Rimwe na rimwe umuyoboke wa Kristo ashobora guhatirwa kureba ibirori by’ibinezeza bibi atabihisemo, nyamara azabyitegerezanya umutima uniha. Ururimi ruhavugwa si ururimi rw’I Kanani, kandi umwana w’Imana ntazigera ahitamo amashyirahamwe nk’ayo. Igihe bibaye ngombwa ko umwana w’Imana agera mu itsinda atahisemo, nimureke yisunge Imana kandi Uwiteka azamurinda. Nyamara ntabwo agomba guhara amahame amugenga uko byagenda kose n’uko ikigeragezo cyaba kiri kose.

SI IBYA KRISTO

Ntabwo Kristo azigera ayobora abayoboke be kurahira indahiro zizabafatanya n’abantu badafitanye isano n’Imana, abantu bayoborwa n’imbaraga ya Mwuka wayo Muziranenge. Urugero rutunganye rwonyine rw’imico ni amategeko yera y’Imana, kandi ntibishoboka ko abantu bemera ko ayo mategeko agenga imibereho yabo bifatanya batishisha kandi mu rukundo
rwa kivandimwe n’abantu bahindura ukuri kw’Imana ikinyoma kandi bagafata ubutware bw’Imana nk’ikintu kitagize icyo kivuze.

Hari umworera ukomeye uri hagati y’umuntu w’isi n’undi ukorera Imana mu bunyangamugayo. Ku byerekeye ingingo z’’ingenzi ari zo: Imana, ukuri n’ubugingo bw’iteka ryose, intekerezo z’abo bantu bombi, impuhwe zabo ndetse n’ibyiyumviro byabo ntibihuza. Itsinda rimwe riri kwera nk’ingano zo gushyirwa mu kigega cy’Imana mu gihe irindi tsinda ari nk’urukungu rwo gutwikwa n’umriro urimbura. Ni mu buhe buryo hagati yayo hashobora kubaho guhuza ingamba n’imikorere?

“Ntimuzi yuko ubcuti bw’iby’isi butera kwangwa n’Imana? Nuko rero umuntu wese ushak akuba incuti y’iby’isi, aba yihinduye umwanzi w’Imana” (Yakobo 4:4).

“Ntawe ucyeza abami babiri kuko yakwanga umwe agakunda undi, ccyangwa yaguma kuri umwe agasuzugura undi. Ntimubasha gukorera Imana n’ubutunzi” (Matayo 6:24).

Nyamara tugomba kuba maso tukurinda guha intebe umwuka w’urwango no kutihanganira abandi. Ntabwo tugomba guhagarara twitaruye abandi dufite umutima usa no kuvuga tuti, “Ntimunyegere; ndera cyane kubarusha.” Ntimukikingirane ngo mwitarure bagenzi banyu, ahubwo mushake uko mwabagezaho ukuri kw’agaciro kenshi kwahiriye imitima yanyu ubwanyu. Nimureke bigaragare ko idini yanyu ari idini y’urukundo. “Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y’abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze so wo mu ijuru” (Matayo 5:16).

Ariko niba turi Abakristo, tukagira Umwuka wa wawundi wapfuye kugira ngo akize abantu bave mu byaha byabo, tuzakunda ubugingo bwa bagenzi bacu twihanganira ibinezeza byabo by’ibyaha tubaba hafi cyangwa tubahindura. Ntabwo dushobora gushyigikira inzira biyemeje twifatanya nabo, tujya mu birori byabo n’inama zabo aho usanga Imana itahawe icyicaro cy’imbere. Gukora dutyo aho kugira ngo bibazanie inyungu, icyo byazakora gusa ni ukubatera gushidikanya ukuri kw’idini yacu. Kubera urugero rwacu twaba tubaye imicyo y’ibinyoma iyobora abantu ku kurimbuka.

Mperutse gusoma iby’ubwato bukomeye bwambukiranyaga inyanja, ubwo byari saa sita z’ijoro bwagonze igitare burameneka bikomeye. Abagenzi bari baburimo barakanguwe ari ukugira ngo barebane ubwoba bukomeye kaga gakomeye bari barimo. Barohamanye n’ubwato ubutazongera kuboneka. Umuntu wari ubuyoboye yari yibeshye ku mucyo yagombaga kwerekezaho wari ku musozi umuyobora maze bituma abantu amagana menshi batikira mu kanya gato. Iyo twerekanye imico igaragaza Kristo nabi, tuba twerekanye umucyo w’ibinyoma, kandi byanze bikunze abantu benshi bazayobywa n’urugero rwacu.

AKAGA GATERWA NO GUTESHUKA MU BY'UMWUKA

Kandi Abakristo bifatanya n'amashyirahamwe y'iby'isi baba bigirira nabi ari nako bayobya abandi. Abantu bubaha Imana ntibashobora guhitamo abatubaha Imana ngo bababere incuti bityo ngo bye kubangiriza. Igihe bari muri ayo mashyirahamwe baba bayoborwa n'amahame n'imigenzo y'iby'isi, kandi binyuze mu mbaraga yo kwifatanya ndetse n'akamenyero intekerezo zirushaho guhinduka zigasa n'ibyitegererezo by'isi. Urukundo bakundaga Imana rurakonja, kandi ntibagire icyifuzo cyo gusabana nayo.Bahinduka impumyi mu by'umwuka. Ntaibashobora kubona itandukaniro riri hagati y'umuntu wica amategeko y'Imana n'abantu bubaha Imana kandi bagakurikiza amategeko yayo. Ikibi bacyita icyiza, n'icyiza bakacyita ikibi.
Ukurabagirana kw'iby'iteka ryose kurazima. Bashobora kubwirwa ukuri mu buryo burimo imbaraga bikomeye, ariko ntibigera basonzera umutsima w'ubugingo cyangw ango bagirire inyota amazi y'agakiza. Banywere ku bitenga bitobotse bidashobora kubika amazi. Binyuze mu kwifatanya n'ab'isi, kwakira umwuka wabo ni ikintu cyoroshye ndetse no guhindurwa n'ubryo babona ibintu ku buryo tudashobora gusobanukirwa agaciro ka Yesu n'ak'ukuri. Kandi nibigera ku rwego rw'uko umwuka w'ab'isi utura mu mitima yacu, uzategeka imibereho yacu.

Iyo abantu badategekwa n'Ijambo ry'Imana n'Umwuka wayo, baba ari ingaruzwamuheto za Satani, kandi ntabwo tuzi urwego ashobora kubageza mu byaha. Umukurambere Yakobo yitegereje abishimira mu byaha. Yabonye umusaruro uzava mu kwifatanya nabo, maze yuzuye Umwuka aravuga ati,
"Mutima wanjye, ntuzajye mu nama zabo za rwihereranwa, bwiza bwanjye ntugafatanye n'iteraniro ryabo" (Itangiriro 49:6). Ashyira ahagaragara ikimenyetso cy'imbuzi, kugira ngo aburire umuntu wese yirinde amshyirahamwe nk'ayo. Intumwa Pawulo itanga umuburo igira iti, "Ntimukifatanye n'imirimo y'ab'umwijima itagira umumaro" (Abefeso 5:11).

“Ntimuyobe, kwifatanya n’ababi konona ingeso nziza” (1Abakorinto 15:33). Umutima uyobywa iyo wiringiye gahunda y’imikorere y’iby’isi ndetse n’ibihimbano by’abantu mu mwanya wo kwiringira Uwiteka Imana ya Isirayeli. Mbese umuntu ashobora kubona umuyobozi mwiza usumba Umwami Yesu? Mbese yabona umujyanama umuruta mu gihe cyo gushidikanya n’ibigeragezo? Mbese yabona umurinzi umuruta mu byago?Gufata ubwenge bw’Imana bugasimbuzwa ubwenge bw’umuntu ni ubuyobe burimbura ubugingo.

Niba mushaka kubona icyo umuntu azakora igihe yanze imbagara y’ubuntu bw’Imana, nimurebe ibyabereye mu cyumba cy’urubanza, ubwo imbaga y’abantu yari irakaye cyane iyobowe n’abatambyi n’abakuru b’Abayahudi, basakuzaga basaba ko Umwana w’Imana apfa. Nimurebe Uwababajwe waturutse mu ijuru ahagaze iruhande rwa Baraba, Pilato abaza uwo akwiye kurekurira abo bantu. Urusaku rwavugijwe n’abantu amagana bari batwawe kandi bakoreshwa na Satani rwari uru ngo, “Kuraho uyu, utubohorere Baraba” (Luka 23:18)! Maze igihe Pilato yabazaga uko agenza Yesu barasakuje bati, “Mubambe, mubambe!” (Luka 23:21).

Kamere umuntu yari afite icyo gihe ni nayo afite ubu. Iyo habayeho gusuzugura Umuti Imana yatanze wagombye kuba warakijije kandi ukazahura kamere muntu, umwuka nka wa wundi ukomeza kuba mu mitima y’abantu, bityo ntidushobora kwiringira kuyoborwa nayo kandi ngo dukomeze kuba indahemuka kuri Kristo.

IMANA IREBA IBIHISHWE

Aya mashyirahamwe atayoborwa n’urukundo no kubaha Imana, ntabwo azatunganira umuntu. Ubucuruzi bwinshi bw’ayo mashyirahamwe buhabanye n’ubutabera no gukorera mu mucyo. Umuntu ufite amaso aboneye abasha kubona ikibi, ntabwo ashobora kugira uruhare mu bintu byinshi bibera muri aya mashyirahamwe. Ubwenge bwawe ubwabwo buzaguhamiriza ukuri kw’ibyo mvuga. Muri ayo mashyirahamwe, impano n’ubuhanga ndetse n’ubushobozi bwo kuvumbura Imana yahaye abantu

akenshi birahindurwa bikaba ibikoresho byo guteza umubabaro, ubugome no kwikanyiza bariganya abantu bagenzi babo.

Nyamara abagize aya mashyirahamwe bahakana ibi. Ariko Imana ireba hirya y'isura inejeje kandi ikurura, ikareba amabanga, imigambi ihishwe ndetse n'imikorere nyakuri y'ayo mashyirahamwe. Nubwo amwe muri ayo mashyirahamwe ajya yitwaza Ijambo ry'Imana akarigira ishingiro ryayo, ahabanye n'amahame y'ubutungane. Indahiro abantu bahatirwa n'amwe mu mabwiriza y'ayo mashyirahamwe zisaba ko iyo hari amabanga yabo yamenwe ibyo byicisha uwayamenye. Nyamara hari n'bindi bihe abagize ayo mashyirahamwe barahirira guhishira abakoze amarorerwa.
Aabnyuranyije n'ayo mabwiriza babakorera ibihabanye cyane n'amategeko y'Imana.

Ntabwo dushobora guteshuka ku kuri cyangwa ngo twitandukanye n'amahame atunganye tutihakanye Yesu we mbaraga zacu, gukuranuka kwacu ndetse no kwezwa kwacu. Twari dukwiye kwemera tudashidikanya ko ikintu cyose mu buryo ubwo ari bwo bwose kidutandukanya n'ukuri n'ubutabera binyuze mu bufatanye n'imikoranire n'abantu kidashobora kutuzanira inyungu kandi ko gisuzuguza Imana mu buryo bukomeye. Imana yanga urunuka uburyo bwose bwo guhisha ukuri cyangwa gutwikira icyaha.

Uburiganya buragwa muri ayo mashyirahamwe akora rwihishwa, kandi nta muntu n'umwe ushobora kwifatanya nayo ngo abe uw'umudendezo imbere y'Imana n'ijuru. Kamere yo gukora ibyiza irasingingira ikagera ku rwego rw'ibyo Imana ivuga ko bidatunganye bihabanye n'ubushake bwayo ndetse n'amategeko yayo. Umuntu uvuga ko akunda Imana, ashobora gushyirwa mu myanya y'icyubahiro muri aya mashyirahamwe, nyamara mu maso y'Imana aba ahrabika icyubahiro cye nk'Umukristo kandi akarushaho kwitandukanya n'amahame yo gukiranuka n'ubutungane nyakuri. Aba yangiza imbaraga ze kandi zaraguzwe amaraso ya Yesu. Aba agurishiriza ubugingo bwe ubusa.

Mu ihishurwa ry'urubanza rwayo rukiranuka, Imana izashira iherezo kuri ayao mahyirahamwe yose; kandi igihe urubanza ruzashingwa ibitabo bikabumburwa, hazabaho guhishurwa ko kwishushanya na Kristo kw'ayo

mashyiraahmwe yose. Abantu bahitamo kwifatanya n'ayo mashyirahamwe akora rwihishwa baba baramya ibigirwamana bidatekereza kandi bidafite ubushobozi bwo guhira no gukiza ubugingo nk'uko ibigirwamana by'Abahindu biri.

Aya mashyirahamwe atanga inyungu zigaragara mu mirebere y'umuntu ko ari imigisha ikomeye, nyamara atari yo ubigenzuje urugero rw'Imana. Inyuma y'izo nyungu zabo zigaragara haba hihishe intumwa za Satani. Uko hari inyungu nyinshi zinjira mu butunzi bwabo, ni ko ibibi zivamo birushaho gukomera no gushinga imizi. Uramutse ukurikiranye inkomoko y'indamu mbi zakungahaje aya mashyirahamwe, wasanga ari umuvumo. Ku byerekeranye n'aya mashyirahamwe, amagambo Elifazi yabwiye Yobu ni ay'ukuri: "Nabonye umupfapfa ashora imizi, ariko muri ako kanya mvuma ubuturo bwe" (Yobu 5:3). Ayo mashyirahamwe ni imitego Satani yateguriye kugushamo abantu.

IKIBAZO CY'UBUDAHEMUKA KU MANA

Hari ibintu byinshi byemerwa kandi bigashyigikirwa n'ab'isi kandi ibicumuro ku Uwera wa Isirayeli. Byabaye akantu gato cyane kuri Eva gutandukana n'amabwiriza yihariye Imana yari yatanze maze agakora icyo Imana yari yamubujije, ndetse bikabera ityo na Adamu agakurikiza urugero rwa Eva.
Nyamara icyo kintu cyari cyateguwe n'umushukanyi ukomeye kugira ngo arimbure imitima y'abantu abayobora gukurikira intekerezo zabo bwite aho gukurikira ubushake bw'Imana bwahishuwe. Bityo muri ayo mashyirahamwe hari amahame yubahirizwa atuma abantu baba munsi y'imbaraga y'ubushukanyi bwa Satani, akabayobya abakura mu nzira nziza akabayobora mu kwigomeka ku Mana no gusuzugura urugero rwayo rwera ry'ubutungane. Itegeko Umukiza wacu adusubiriramo kenshi ni iri ngo, "Mube maso musenge, mutajya mu moshya" (Mariko 14:38). Mube maso, mube maso mufite ubushishozi n'ubwitonzi, nibitaba bityo Satani agera ku ntego ye yo kugusha mu mutego abo Kristo yicunguje amaraso ye.

Imana irahamagara mwebwe abana bayo kugira ngo mukore nk'abarebwa n'ijisho ryayo, ngo mukurikize urugero rwera rwo gukiranuka.

Ubutabera bwayo n'ukuri kwayo ni yo mahame yagombye gushing imizi mu mutima wa buri wese. Umuntu urinda ubudahemuka bwe imbere y'Imana, azaba anatunganiye abantu. Nta muntu ukunda Imana mu by'ukuri uzashyira ubugingo bwe mu gishuko kubwo gushukishwa impongano y'izahabu n'ifeza, cyangwa icyubahiro cyangwa indi ndamu yose y'isi. "Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo ku isi, niyakwa ubugingo bwe? Mbese umuntu yatanga iki ngo acungure ubugingo bwe" (Mariko 8:36, 37).

Abakristo bagomba guca umurunga wose ubafatanya n'aya mashyirahamwe akora rwihishwa adategekwa n'Imana. Ntabwo bashobora kuba indahemuka kuri ayo mashirahamwe ngo banabe indahemuka ku Mana. Ubufatanye n'iyo miryango bugomba gusenywa nibitaba bityo muzayirunduriramo muse nayo maze ingaruka ibe kwifatanya nayo burundu kandi bizaca imirunga ibafatanya n'abakunda kandi bakubaha Imana. Uko icyo byamusaba cyose cyaba gikomeye, Umukristo azazibukira ibyo bintu bibera imbogamizi imibereho ye y'iby'umwuka. Ibyiza ni ugutakaza amafaranga, ubutunzi ndetse n'ubuzima ubwabwo aho gushyira mu kaga inyungu z'ubugingo.

IBISONGA BY'IMANA

Mwebwe abifatanyije n'iyo miryango ikora rwihishwa, mwiringiye itsinda rizasenywa. Ntabwo mwiringira Uwiteka Imana ya Isirayeli, ngo mushake mushishikariye kumenya ubushake bwe ndetse no gukurikira inzira ye. Iyo mushora amafaranga muri ayo mashyirahamwe, mubikora mwiringiye guteganyiriza ahazaza. Mwayahaye igihe cyanyu, ibitekerezo, murayakorera kandi muyiha n'amafaranga mu gihe umurimo wa Kristo wirengagijwe. Ifaranga ryose mwishyura muri ayo mashyirahamwe riba ritandukanyujwe n'umurimo w'Imana rikaba nk'iryarohamye mu nyanja. Ariko se uyu mutungo ntimwawuragijwe n'Imana kugira ngo ukoreshwe mu murimo wayo

kubw'agakiza ka bagenzi banyu? Iyo muyashora ahantu adashbora kubahisha Imana cyangwa ngo yungure abantu, muba musubira mu cyaha cya wa mugaragu mubi wacukuriye italanto ya Shebuja.

Ntabwo Shebuja yari yararagije icyo gisonga kibi umutungo mwinshi, ahubwo yari itaranto imwe gusa. Ntabwo uwo muntu yashoye iyo laranto imwe kugira ngo izungure Imana; yayihishe mu gitaka, yivovota avuga ko Shebuja ari Umutware w'umunyamwaga, usarura aho atabibye kandi agahunika ibyo atagosoye. Ukwikanyiza yagaragaje ndetse no kwivovota yagize, nk'aho Imana yari kumusaba ibyo idafitiye uburnganzira, byagaragaje ko atari azi Imana cyangwa uwo yari yaratumye ari we Yesu Kristo. Ibyo yari afite byose byari umutungo w'Imana ubwayo kandi yari yarabiragijwe kugira ngo abikoreshereze Imana. Iyo avuga ati, "ndatinya, ndagenda mpisha italanto yawe mu butaka" (Matayo 25:15), yagaragaje ko iyo talanto yari yayihawe n'Imana.

None se Shebuja yavuze iki? « Wa mugaragu mubi we, wa munyabute we, ko wari uzi ko nsarura aho ntabibye, mpunika ibyo ntagosoye » (Matayo 25 :26).

Ahangaha Shebuja asubiramo amagambo y'uwo mugaragu, atari uko yemera umuri kuyarimo, ahubwo yerekana ibyo uwo mugaragu yagombye kuba yarakoze ukurikije ibyo yivugiye. Mu yandi magambo, Shebuja yaravuze ati, "Nta muhati wigeze ukoresha ngo ucuruze umutungo nakuragije, kandi ngo ubone inyungu yo kwamamaza ikuzo ryanjye mu isi. "Kuki utabikije imari yawe mu isanduku yo kuzigama? Aho ngarukiye mba nyibikuje hamwe n'inyungu zayo, Nimumwaka izo zahabu muzihe uwahawe ibiro ijana na mirongo itanu, kuko ufite wese azongererwa,naho udafite na busa azakwa
n'utwo yaririragaho. Uwo mugaragu mubi nimumujugunye hanze mu mwijima, ni ho bazaririra kandi bagahekenya amenyo" (Matayo 25:27-30; *Bibiliya Ijambo ry'Imana*). Iri somo ryahawe umuntu wese wamurikiwe n'umucyo w'ukuri.

Ntabwo dukwiye kwibagirwa ko muri iyi si Imana yadushyize imbere y'igipimo kugira ngo twihitiremo ibidukwiriye mu mibereho y'ahazaza. Nta

muntu n'umwe ushobora kwinjira mu ijuru afite imico yandujwe no kwikanyiza. Kubw'ibyo, Imana idushyira ku gipimo ituragiza ubutunzi bw'igihe gito kugira ngo uko tubukoresha bibashe kugaragaza niba dushobora kuragizwa ubutunzi bw'iteka ryose. Keretse gusa imibereho ya Kristo yo kwitanga nigaragarira mu buzima bwacu, niho dushobora kuba duhuje n'ijuru kandi dukwiriye kuryinjiramo.

UBUTUNZI BWACU TUBUSHYIRA HE?

Ariko ibyo ab'isi bitayeho cyane kandi bagambiriye ni ukugira inyungu z'ibifatika by'igihe gito, kugeza ubwo birengiza inyungu z'iby'umwuka. Uko ni nako bimeze kuri bamwe mu bagize itorero. Igihe ku iherezo bazahamagarirwa kumurikira Imana ibyo bakoze, ntabwo bazakorwa n'isoni gusa ahubwo bazanatangazwa nuko batasobanukiwe ubutunzi nyakuri kandi ntibabe barabitse ubutunzi mu ijuru. Impano zabo n'amaturo yabo babihaye aabnzi b'ukuri, biringiye ko igihe kizagera muri ubu buzima maze bagahabwa inyungu iva kubyo bashoye. Bashobora kuragiza imitungo yabo amashyiraamwe akora rwihishwa, ariko iyo umurimo w'Imana ukeneye umutungo Imana yaragije abantu, bumva bitabashishikaje, ntabwo bazirikana impano Imana yabahaye. Bahinduwe impumyi n'inama y'iyi si.

Baravuga bati, "Nta kintu mfite cyo guha uyu mushinga kubera ko nta nyungu nzakuramo. Iyo nishyura umutungo ujya mu ishyirahamwe mba nzigamira ahazaza, kandi hamwe n'ibi, ngomba kubika uruhare rwo gukoresha mu binezeza. Ntabwo nshobora kureka ibyo binezeza. Kuki itorero ryakwiringira ko nafasha mu gukemura ubwo bukene buhora bugaruka?
'Databuja nari nzi ko uri umunyawaga, ko usarura aho utabibye, ko uhunuka ibyo utagosoye ndatinya ndagenda mpisha italanto yawe mu butaka' [Matayo 25:24, 25] niringiye ko igihe kimwe izampa inyungu.'"

Umukiza aratubwira ati, "Ntimukibikire ubutunzi mu isi, ahi inyenzi n'ingese ziburya, kandi abajura bacukura bakabwiba. Ahubwo mwibikire ubutunzi mu

ijuru, aho inyenzi n'ingese zitaburya, n'abajura ntibacukurengo babwibe, kuko aho ubutunzi bwawe buri ari ho n'umutima wawe uzaba" (Matayo 6:19-21).

Abantu benshi barundanya ubutunzi bwabo muri ayo mashyirahamwe akora rwihishwa. Mbese ntidushobora kubona ko imitima yabo ari muri ayo mashyirahamwe? Uko ibihamya by'ukuri byaba bikomeye kose, buhoro buhoro kwa kuri kugenda gutakaza umucyo wako, imbaraga zako, iby'ijuru bigahanagurika mu ntekerezo. Agaciro k'ikuzo ry'iteka ryose, impano Imana itanga kubw'imibereho yumvira, kagaragara ko ari ingingo idakwiye kwitabwaho ugereranyije n'inyungu zigomba kuva mu kurundanya ubutunzi bw'isi. Abantu benshi basonzeye kandi bafitiye inyota umutsima n'amazi by'ubugingo; nyamara se ibyo bivuze iki ku muntu ufite umutima urangamiye isi. Abantu benshi baba bavugisha ibikorwa byabo cyangwa amagambo yabo bavuga bati, "Sinshobora guhara inyungu mfite muri ubu butunzi bw'isi kugira ngo ndengere inyungu z'iteka ryose. Ubugingo buzaza buri kure yanjye cyane ku buryo ntabwishingikirizaho. Mpisemo ubutunzi bw'isi, kandi iby'ahazaza nzaba mbyitaho igihe nikigera. Imana ni nziza kandi ni inyamababazi." Mugaragu mubi! Ubwo ukomeza muri iyo nzira, umugabane wawe uri hamwe n'uw'indyarya n'abatizera. Gutwarwa no kuba mu byumba muhuriramo, amafunguro ya nijoro ndetse n'incuti zikunda iby'isi, biyobora ku kwibagirwa Imana no gusuzugura izina ryayo byagenze mu munsi mukuru wa Belushaza.

MBESE UZAKORANA N'IMANA?

Hari ubuhumyi buri mu ntekerezo z'umuntu abyihitiyemo. Yesu yaravuze ati, "Kuko umutima w'ubu bwoko ufite ibinure, amatwi yabo akaba ari ibihurihuri, amaso yabo bakayahumiriza, ngo batarebesha amaso, batumvisha amatwi, batamenyesha umutima, bagahindukira ngo bakizwe" (Matato 13:15).
Umurimo Imana ikora kubw'agakiza k'umuntu ni wo murimo ufite agaciro gakomeye ugomba gukorwa muri iyi si yacu; ariko abantu benshi ntibabibona kubera ko intekerezo zabo ziri mu ruhande rw'umwanzi kurusha uko biri hamwe n'ingabo z'indahemuka za Kristo. Ntabwo babona ko umuntu

akeneye gukorana n'intumwa zo mu ijuru. Umukiza yaradutegetse ati, "Musohoze agakiza kanyu mutinya, muhinda imishyitsi, kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira " (Abafilipi 12:12,13). Uyu ni umugambi Imana yaduhishuriye kugira ngo utuyobore mu migambi yose na gahunda zo mu buzima. Nyamara iyo abantu basenga bavuga ngo, "Ubwami bwawe buze.
Ibyo ushaka bibeho mu isi, nk'uko biba mu ijuru" (Matayo 6:10), abantu benshi birengagiza uburyo Imana yashinga ubwami bwayo.

Igihe bazafata ko ibintu byose ari igihombo kugira ngo baronke Kristo, amaso yabo azaba yarahumuwe kugira ngo abone ibintu nk'uko biri. Icyo gihe bazatera umugongo ibirangaza by'isi barangamire iby'ijuru. Bazabona kamere nyakuri y'ab'isi, maze bave ku binezeza kamere baha agaciro ndetse n'ibintu bakunda cyane.

Ijuru ryose rihanze amaso mwebwe abavuga ko mwizera ukuri kwera kwahawe abantu. Abamarayika bategrezanyije amatsiko gufatanya namwe mu murimo wo gukora kubw'agakiza k'abantu. Mbese muzanga uku gufatanya n'ijuru kugira ngo mukomeze kugirana ubumwe n'amashyirahamwe atarangwamo kubaha Imana, aho amategeko yayo akandagiranwa? Mbese ukuri kuba kwarabagezeho mu buhe buryo iyo abandi nabo baba bataritaye
ku kujya mbere kwako nk'uko bamwe muri mwe babigenza? Umurimo w'Imana usaba ubufasha bwacu kugira ngo ushinge imizi ku rufatiro nyarwo kandi ngo ukuri kubashe kugezwa ahantu hashya, kubwirwe abantu bari hafi kurimbuka. Mbese mwebwe abavuga ko muri abana b'Imana mushobora kwanga gufasha muri uyu murimo? Mbese kugira ngo mubone inyungu z'iby'isi muzimana ubutunzi bwanyu ngo butajya mu mutungo w'Imana, kandi mureke umurimo wayo wirengagizwe mu buryobukomeye. Birababaza cyane kubona ibintu byagombye kuba byarakozwe mu murimo wo gukiza abantu iyo imitima n'umurimo by'abantu bose bavuga ko bizera ukuri biba byareguriwe Imana nta kwizigama. Umurimo ntiwakozwe mu buryo bukwiriye. Iyaba kamere yarahishwe muri
Kristo binyuze mu buryo buragwa n'ubwenge, abanyabyaha baba barayobotse ukuri, kandi uyu munsi baba bakorana n'Imana.

Noneho, mbere y'uko igihe kigera ubwo muzamurikira Imana ibyo mwakoze, ndabingingira kumvira Ijambo ryayo, "Mwibikira ubutunzi mu ijuru" (Matayo 6:20; Luka 12:33), aho kububika mu mashyirahamwe akora rwihishwa. Zirikana ko hariho Umutunzi umwe rukumbi, nyir'isi n'ijuru, kandi umuntu wese n'igihe afite, ubwenge bwe, umutungo we ari uwa Kristo wishyuye inshungu y'ubugingo bwe. Imana ifite uburenganzira bukwiye bwo kudusaba kuyikorera iteka no kuyikunda byimazeyo. Icyo ukwiriye kugenderaho ni ubushake bw'Imana ntabwo ari ibikunezeza. Kandi nubwo utagwiza ubutunzi mu buryo bwihuse, uri kubika ubutunzi mu ijuru. Ni nde wo mu itorero wiyemeje gushikama ku mirehoye y'iby'umwuka? Ni nde uzakuza imibereho ihishura umuhati wa Gikristo n'imbaraga zidacogora. Ni nde utazatsindwa cyangwa ngo acike intege agundira ubutunzi kugira ngo yite ku narinjye, ahubwo agakorana n'Imana nk'uko Yesu yabigenje?

Abantu bose baharanira kuzambikwa ikamba ry'ubugingo buhoraho, bazageragezwa nkuko Umwami wabo yageragejwe mbere. Yasezeraniwe guhabwa ubwami bwo ku isi iyo apfukama akaramya Satani. Iyo Kristo atsindwa n'iki gishuko, isi iba yaragiye munsi y'ubutware bwa Satani. Ariko dushime Imana, ubumana bwayo bwarasiye mu bumuntu. Imana yakoze icyo umuntu wese ashobora gukora mu izina no mu mbaraga za Yesu. Yaravuze ati,
"Genda Satani, kuko handitswe ngo, 'Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorra yonyine.'" (Matayo 4:10). Niba ubu ari bwo buryo uhangana n'ikigeragezo, Satani azava aho uri nk'uko yavuye iruhande rwa Kristo, kandi abamarayika bazagukorera nk'uko bakoreye Yesu.

Abantu bose batekereje kandi bakavuga ku nyungu zikomeye zagerwaho kubwo kwifatanya n'ab'isi, Uwiteka ababwirira mu muhanuzi Malaki ati:

"Amagambo mwamvuze yari akomeye, ni ko Uwiteka avuga, nyamara murabaza muti, 'Twakuvuze iki?' Mwavuze yuko gukorera Imana ari nta mumaro, kandi muti, 'Byatumariye iki ubwo twitonderaga amategeko yayo, tukagendera imbere y'Uwiteka Nyiringabo twambaye ibyo kwirabura?' None abibone nibo twita abanyamahirwe, ni koko abakora ibyaha barakomezwa, ndetse bagerageza Imana bagakizwa" (Malaki 3:13-15).

“Maze abubahaga Uwiteka baraganiraga Uwiteka agatega amatwi akumva, nuko igitabo igitabo kikandikirwa imbere ye cy’urwibitso rw’abubahaga Uwiteka bakita ku izina rye. Uwiteka Nyiringabo aravuga ati,

‘Bazaba abanjye umunsi nzakoreraho bazaba amatungo yanjye bwite, nzababababarira nk’uko umuntu ababarira umwana we umukorera. Ubwo nibwo muzagaruka mukamenya gutandukanya abakiranutsi n’abanyabyaha, abakorera Imana n’abatayikorera. Dore hazaza umunsi utwika nk’itanura ry’umuriro, abibone bose n’inkozi z’ibibi zose bazaba ibishingwe, maze habe umunsi uzabatwika bashire, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami ’” (Malaki 3:16- 4:1).

Aha mu isi hariho abantu bafatwa ko batoneshejwe cyane; ariko igihe kiraje ubwo abana b’Imana bavugwa mu buryo bwihariye nk’abahawe icyubahiro n’Imana kubera ko bayubashye.

“Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b’Imana kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab’isi batatumenye kuko batayimenye. Bakundwa, ubu turi abana b’Imana ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. Icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa , tuzasa nawe kuko tuzamureba uko ari. Kandi ufite ibyo byiringiro muri we yiboneza nk’uko uwo aboneye” (1Yohana 3:1-3).

UBURYO BUBONEYE

Nubwo icyubahiro cy’igihe gito ndetse n’ubutunzi n’ubushobozi ari zo ngingo zikomeye imigambi y’abatuye iyi si, Uwiteka agaragaza ikintu gifite agaciro kiri mu migambi yacu ikomeye:

“Uwiteka avuga atya ati ‘Umunyabwenge ye kwirata ubwenge bwe, n’intwari ye kwirata ubutwari bwayo, umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe, ahubwo uwirat yirate ibi yuko asobanukiwe akamenya yuko ari jye Uwiteka ugirira imbabazi no kutabera no gukiranuka mu isi, kuko ibyo ari byo nishimira. Ni

ko Uwiteka avuga.’ Dore iminsi igiye kuza, ni ko Uwiteka avuga, ubwo nzahana abakebwe bose bafite umutima utakebwe” (Yeremiya 9:22-25).

“Kuko mu Byanditswe harimo aya magambo ngo, ‘Dore ndashyira muri Siyoni ibuye rikomeza imfuruka, ryatoranyijwe kandi ry’igiciro cyinshi, kandi uryizera ntazakorwa n’isoni.’ Nuko rero, mwebwe ubwo mwizeye, muzi ko ari iby’igiciro cyinshi koko, naho ku banga kwizera, ‘Ibuye abubatsi banze ni ryo ryahindutse irikomeza imfuruka, ni ibuye risitaza n’urutare rugusha.’ Basitara ku ijambo ry’Imana ntibaryumvire kandi ari bo ryagenewe. Ariko mwebweho muri ubwoko bwatoranyijwe, abatambyi b’ubwami, ishyanga ryera n’abantu Imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry’Iyabahamagaye, ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w’itangaza” (1Petero 2:6-9).

“Nuko mukenyere mu mitima yanyu, mwirinde ibisindisha, mwiringire rwose impano y’ubuntu muzazanirwa , ubwo Yesu Kristo azahishurwa. Mube nk’abana bumvira, ntimwishushanye n’irari mwagiraga kera mukiri injiji. Ahubwo nk’uko uwabahamagaye ari uwera, abe ari ko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose. Kuko byanditswe ngo, ‘Muzabe abera kuko ndi uwera.’ Kandi ubwo uwo mwambaza mumwita so, ari ucira umuntu wese urubanza rukwiriye ibyo yakoze ntarobanure ku butoni, muare iminsi y’ubusuhuke bwanyu mutiny. Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe na ba sekuruza banyu, atari ibyangirika nk’ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwaacungujwe amaraso y’igiciro cyinshi, nk’ay’umwana w’intama utagira inenge cyangwa ibara, ari yo ya Kristo” (1Petero 1:13-19).- Pamphlet published in 1893, *Should Christian Be Members of Secret Society ?*

NTIBASHOBORA KWAKIRA IKIMENYETSO CY’IMANA

Abantu bahagaze munsi y’ibendera risize amaraso ry’Igikomangoma Imanuweli ntibashobora kwifatanya n’ishyirahamwe rikora wihishwa nka Free Mason n’andi nk’ayo. Ikimenyetso cy’Imana nzima ntikizashyirwa ku

muntu uwo ari we wese ukomeza kwifatanya n’imiryango nk’iyo nyuma y’aho umucyo w’ukuri urasiye mu nzira ye. Ntabwo Kristo agabanyijemo ibice, kandi abakristo ntibashobora gukorera Imana na mamoni
[ikigirwamana cy’ubutunzi]. Uwiteka aravuga ati, “Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye,…Kandi ntimugakore ku kintu gihumanye. Nanjye nzabakira, namwe muzambera abahungu n’abakobwa, ni ko Uwiteka Ushoborabyose avuga”

(2Abakorinto 6:17, 18). – Letter 21, 1893. (Ibaruwa 21, 1893)

IGICE CYA 14 :KWIRINDA AMAKIMBIRANE Y'ABAKOZI

Igihe kiraza cyihuta ubwo imbaraga iyobora amashyirahamwe y'abakozi azaba abangamye cyane. Inshuro nyinshi Uwiteka yatanze amabwiriza ko abantu bantu bacu bagomba gukura imiryango yabo mu mijyi bakayijyana mu cyaro aho bashobora kwishakira ibizabatunga kubera ko mu gihe kizaza ikibazo cyo kugura no kugurisha kizaba gikomeye cyane. Guhera none twari dukiriye kumvira amabwiriza twahawe kenshi: Nimuve mu mijyi mujye mu turere tw'icyaro aho amazu adacucitse ari naho mutazabangamirwa n'abanzi. –Letter 5, 1904. (Ibaruwa 5, 1904).

KWIRINDA IMIVURUNGANO YO MU BIRORI

Abantu bishyiriye hamwe kurwanya Uwiteka Nyiringabo. Uko kwishyira hamwe kuzakomeza kubaho kugeza igihe Kristo azava aho asabira imbere y'intebe y'imbabazi maze akambara imyenda aje guhora. Intumwa za Satani ziri mu mujyi yose, zikora ubudatuza zihuriza mu birori byo kwinezeza abantu barwanya amategeko y'Imana. Abiyita abera n'abatizera babyiyemeje bafata umwanya muri ibyo birori. Ku bwoko bw'Imana iki ntabwo ari igihe cyo gucika intege. Ntabwo dushobora kwemera kutaba maso n'akanya na gato.- Testimonies, vol. 8, p.42 (1904).

Amashyirahamwe y'ubucuruzi azaba amwe mu nzira zizazana kuri iyi igihe cy'akaga kitigeze kibaho kuva igihe isi yabereyeho. –Letter 200, 1903.

AMAKIMBIRANE HAGATI Y'AMASHYIRAHAMWE Y'UBUCURUZI N'AMASHYIARAHAMWE Y'ABAKOZI

Umurimo w'ubwoko bw'Imana ni ukwitegura ibizaba mu gihe kizaza, ari byo bigiye kuzababaho bidatinze bizane n'imbaraga itera ubuhumyi. Amashyirahamwe aharanira inyungu zayo bwite azashingwa mu isi. Aabantu bazifatanyiriza mu mashyirahamwe azabakomatanyiriza mu nzitiro z'umwanzi. Abantu bake bazishyira hamwe kugira ngo bafate umutungo ubasha kuboneka mu nzira zimwe z'ubuguruzi. Hazashingwa amashyirahamwe y'ubucuruzi, kandi abantu bazanga kujya muri ayo mashyirahamwe bazaba aria bantu biteze kubona akaga. – Letter 26, 1903.

KWITEGURA ICYO KIBAZO

Amashyirahamwe y'ubucuruzi no gufatanya by'ab'isi ni umutego. Bavandimwe mubyirinde, mubigendere kure. Ntimukifatanye nabyo kubera ko bitewe n'ayomashyirahamwe n'ubwo bufatanye, bidatinze bizakomerera ibigo byacu cyane gukorera umurimo wabyo mu mijyi. Umuburo ntanga ni uyu ngo:

Nimuve muri iyo mijyi. Ntimukagire ibigo by'ubuvuzi mwubaka mu mijyi. Mwigishe abantu bacu kuva mu mijyi bajye mu cyaro aho bashobora kubona umurima muto aho bashyinga urugo rwabo n'abana babo…

Amazu yacu acuruza ibyokurya agaomba kuba mu mijyi; kubera ko bitagenze bityo abkozi bakora muri ayo mazu ntibashobora kugera ku bantu ngo babigishe amahame y'imibereho itunganye. Kandi bidatinze tuzaba tugomba gukorera mu mazu akorerwamo inama mu mijyi. Nyamara amaherezo mu mijyi hazabaho umuvurungano n'urujijo ku buryo abazifuza kuyivamo bitazabashbokera. Tugomba kwitegura ibyo bibazo. Uyu niwo mucyo nahawe.- *General Conference Bulletin*, April 6, 1903.

GUKOMERA KU MWIHARIKO WACU

Mu myaka myinshi nagiye mpabwa umucyo udasanzwe uvuga ko umurimo wacu udakwiriye kwibanda mu mijyi. Imivurungano n'urudubi byuzuye iyi mijyi, ingorane ziterwa n'amashyirahamwe y'abakozi ndetse n'imyigaragambo, bizabera umurimo wacu inkomyi ikomeye. Abantu bari kugerageza gushaka abari mu bucuruzi butandukanye kugira ngo babazane

mu mashyirahamwe. Uyu si umugambi w'Imana, ahubwo ni umugambi w'imbaraga tutari dukwiye guha agaciro. Ijambo ry'Imana riri gusohora; abanyabyaha bari kwifatanyiriza hamwe mu miba yiteguye gutwikwa.

Muri iki gihe tugomba gukoresha ubushobozi bwose twahawe tubwira abatuye isi ubutumwa buheruka bw'imbuzi. Muri uyu murimo tugomba gukomera ku mwihariko wacu. Ntabwo tugomba kwifatanya n'amashyirahamweakora rwihishwa cyangwa amashyirahamwe y'ubucuruzi. Tugomba guhagarara turi ab'umudendezo mu Mana, duhora dushaka inama kuri Kristo. Amatsinda yacu yose agomba gukorwa tuzirikana agaciro k'umurimo tugomba gukorera Imana. –Testimonies, vol.7, p.84 (1902).

IYO AMATEGEKO CUMI YIRENGAGIJWE

Ayo mashyirahamwe ni amwe mu bimenyetso bigaragaza iminsi ya nyuma. Abantu bari kwikusanyiriza mu miba yenda gutwikwa. Bashobora kuba ari bamwe mu bagize itorero, ariko igihe bakibarizwa muri ayo mashyirahamwe, ntibashoboa gukurikiza amategeko y'Imana; kubera ko kuba muri ayo mashyirahamwe bisobanuye kwirengagiza Amategeko Cumi yose.

"Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose; kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda" (Luka 10:27).

Aya magambo avuga mu nshamake inshingano yose y'umuntu. Asobanuye kwegurirwa umurimo w'Imana k'umuntu wese uko yakabaye: umubiri, ubugingo n'umwuka. Ni mu buhe buryo abantu bakumvira aya magambo kandi bakanarahirira gushyigikira amashyirahamwe abuza abaturanyi babo umudendezo wo kugira icyo bakora? Na none kandi ni mu buhe buryo abantu bashbora kumvira aya magambo kandi bagakora amashyirahamwe abuza amatsinda yambura abantu bakennye cyane amahirwe yabo mu buryo butunganye, ababuza kugura no kugurisha akabemerera gusa hari ibyangombwa bujuje? –Letter 26, 1903. (Ibaruwa 26, 1903)

AMASHYIRAHAMWE YASHINZWE CYANGWA AZASHINGWA

Abavuga ko ari abana b’Imana uko byagenda kose ntibagomba kwifatanya n’amashyirahamwe y’abakozi yashinzwe cyangwa ashobora kuzashingwa. Ibi Uwiteka arabibuzanya. Mbese abiga ubuhanuzi nibashobora kubona no gusobanukirwa ibiri imbere yacu?- Letter 201, 1902. (Ibaruwa 201, 1902)

UMUGABANE WA KANE

IMANA ZIGIRWA ABAKOZI

IJAMBO RY'IBANZE

Ubutumwa bwinshi bw'ingirakamaro bwabonetse mu dutabo twitwaga '*Notebook Leaflets*' bwandikiwe abakozi b'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi by'umwihariko. Kubera ko Inama zimwe nk'izo zitabonetse mu bindi bitabo bya Ellen G. White byasohotse vuba, ubu noneho ziboneka muri iki gitabo. Umusomyi azasanga ko ubu butumwa buvuga ku ngingo nyinshi zifite akamaro kihariye ku murimo ndetse no ku bantu bose beguriye gukoresha impano zabo mu murimo w'Imana.

Igice giheruka uyu mugabane w'iki gitabo cyandikiwe D. M. Canright, wari umukozi w'Itorero ry'Abadiventisiti w'umunsi wa karindwi nyamara agahitamo kuva mu ngabo z'itorero ryasigaye. Izina rye rizwi na benshi muri twe. Yari umugabo wiringirwaga kandi agakundwa n'abayobozi ndetse n'abavugabutumwa b'abakorerabushake, nyamara yameye ko mu mutima we hinjira akabuto ko kutiringira no gusharira maze kagakura kugeza ubwo amaherezo yaje kwitandukanya n'itorero. D. M. Canright yavuye mu itorero incuro eshatu agenda arigarukamo. Ellen White yagerageje kumukomeza incuro nyinshi. Ubutumwa bumwe bwo kumwinginga buvugwa muri iki gice. Muri iki gice hazanakoreshwamo amagambo akomoka mu bundi butumwa bwinshi.

Mu mwaka wa 1889. D. M. Canright yitandukanyije burundu n'itorero ryasigaye. Ubutumwa bwo kwinginga yandikiwe buri ku iherezo ry'iki gice bushobora gutera Umudiventisiti w'umunsi wa karindwi wese kongera kwisuzuma kandi agahungira mu Mana, nibitaba bityo azagambanira umurimo w'Imana kandi arwanye umurimo Imana iri gukora mu isi. – ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA E. G. WHITE.

IGICE CYA 15 :UMUBURO UZUMVIKANA

Turi mu minsi iheruka amateka y'iyi si, kandi hari ubwo tudatangazwa n'ibyerekeye ubuhakanyi no kwanga ukuri. Ubu kutizera kwahindutse umurimo mwiza abantu bakora uberekeza ku kurimbuka kw'ubugingo bwabo. Hari akaga gahoraho ko kwiyoberanya kw'ababwiriza bahagarara ku ruhimbi bafite imibereho ihabanye n'amagambo bavuga; nyamara ijwi ry'umuburo no gucyaha rizahora ryumvikana kugeza ku iherezo. Abantu bahamwa n'icyaha cyo kujya mu bikorwa batari bakwiriye kujyamo, iyo bacyashwe cyangwa bakagirwa inama binyuze mu bakozi bashyizweho n'Uwiteka, ntibazumvira ubutumwa kandi bazanga gukosorwa. Bazakomeza kwinangira nk'uko Farawo na Nebukadinezari babigenje kugeza igihe Uwiteka azakuraho inzitwazo zabo maze imitima ikinangira. Ijambo ry'Uwiteka rizabageraho; ariko nibahitamo kutaryumva, Uwiteka azababaraho kurimbuka kwabo.

Muri Yohana Umubatiza, Uwiteka yiteguriyemo intumwa yo gutegurira Umukiza inzira. Yagombaga kubwira abatuye isi ubuhamya budakebakeba acyaha kandi arwanya icyaha. Igihe Luka avuga ku nshingano n'umurimo bya Yohana Umubatiza aravuga ati, "Azagendera imbere yayo mu mwuka w'ububasha bwa Eliya, asanganye imitima ya ba se n'iy'abana, n'abatumvira Imana azabayobora mu bwenge bw'abakiranutsi ngo ature ubwoko bwatunganirijwe Umwami Imana" (Luka 1:17).

Benshi mu Bafarisayo n'Abasadukayo baje kubatizwa umubatizo wa Yohana, maze Yohana arababwira ati, "Mwa rubyaro rw'impiri mwe, ni nde wabagiriye inama yo guhunga uburakari bw'Imana bwegereje? Nuko rero nk'uko igiti cyera imbuto, abe ari ko namwe mugira imigenzereze myiza yerekana ko mwihannye, kandi ntimukirate muti, 'Turi bene Aburahamu.'
Erega ndahamya ko no muri aya mabuye Imana ibasha kurema mo bene Aburahamu! Ndetse n'ubu intorezo irabanguye kugira ngo iteme ibiti ibihereye ku mizi. Nuko rero igiti cyose kitera imbuto nziza kigiye gutemwa gitwikwe. Jyewe ndababatirisha amazi kugira go mwihane, ariko nyuma yanjye hagiye kuza undusha ububasha, ntibinkwiriye no kumukuramo inkweto. We azababatirisha Mwuka Muziranenge n'umuriro. Dore afashe urutaro ngo agosore impeke azihunike mu kigega, naho umurama awucanishe umuriro utazima" (Matayo 3 :7-12).[Bibiliya Ijambo ry'Imana]

Ijwi rya Yohana ryaranguruye nk'impanda. Inshingano yari yarahawe yari iyi ngo, " Menyesha abantu banjye ubwigomeke bwabo, bwira Abisiraheheli ibyaha byabo" (Esayi 58:1)[Bibiliya Ijambo ry'Imana] Ntiyari yarigishijwe n'abantu. Abigisha be bari Imana n'ibyaremwe. Ariko hari hakenewe uwo gutegurira Kristo inzira wavugaga ashize amanga kugira ngo atume ijwi rye ryumvikana nk'iry'abahanuzi ba kera, ahamagarire ishyanga ryasubiye inyuma kwihana.

YUMVISWE N'ABANTU B'INGERI ZOSE

Abantu bose bagiye mu butayu kumva Yohana Umubatiza. Abarobyi batize n'abanyamusozi baturutse mu bihugu byari bikikije aho ndetse no mu turere twa hafi na kure. Abasirikare b'Abanyaroma bo mu rugo rwa Herode nabo baje kumwumva. Abayobozi b'ubwoko baje bitwaje inkota zabo kugira ngo bacecekeshe ikintu cyose cyateza imyivumbaganyo cyangwa kwigomeka. Abasoresha b'abanyamwaga baturutse mu turere tuhakikije; kandi no bagize urukiko rukuru rw'Abayahudi haturuka abatambyi bambaye umwenda wabo. Bose bategaga amatwi nk'abatwawe ibitekerezo kandi baba Abafarisayo, Abasadukayo ndetse n'abakobanyi binangiye imitima bo muri icyo gihe, bose batahaga ihinyu bafite ryagiye kandi bafite imitima imenetse kubera gusobanukirwa n'ibyaha byabo. Nta mpaka ndende bari bakijya, nta nyigisho zirimo ubucakura bari bacyigisha bakurikiranya ingingo bava ku ya mbere, iya kabiri n'iya gatatu. Nyamara imvugo nziza y'umwimerere yagaragariraga mu nteruro ngufi, buri jambo ryose rikajyana n'ukuri k'umuburo ukomeye watanzwe.

Ubutumwa bw'imbuzi bwa Yohana bwari bumeze nk'umuburo wahawe Ninive ngo, "Hasigaye iminsi mirongo ine Ninive hakarimbuka" (Yona 3:4).

Ab'I Ninive barihannye, bambaza Imana maze Imana yemera kuyigarukira kwabo. Bari barahawe imyaka mirongo ine y'imbabazi aho muri iyo myaka bagombaga kugaragarizamo ukwihana kwabo nyakuri ndetse no kuva mu byaha byabo. Nyamara Ninive yasubiye kuramya ibigirwamana maze

ibyaha byabo birushaho kwimbika no kuba bibi cyane kurusha mbere bitewe n'uko umucyo wari waraje ntiwakirwa.

Yohana yahamagariye abantu b'ingeri zose kwihana. Yabwiye Abafarisayo n'Abasadukayo ati, 'Muhunge umujinya wenda gutera. Kuvuga ko muri urubyaro rwa Aburahamu ntacyo bibamariye na gato. Ibyo ntibizabahesha kugira amahame aboneye ndetse no kwera kw'imico. Ibitambo mutamba nta gaciro bifite keretse gusa musobanukiwe n'uwo byerekezaho, ari we Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Mwatakubwe ku byo Imana ibasaba maze mukurikira ibitekerezo byanyu byangiritse maze mutakaza ibyabarangaga byatumaga muba abana ba Aburahamu.'

Yohana yatunze urutoki ibitare by'aho mu butayu bwijimye bwari bumukikije byahuhagamo umuyaga maze aravuga ati, "Erega ndahamya ko no muri aya mabuye Imana ibasha kurema mo bene Aburahamu!" (Matayo 3:9).

Yohana Umubatiza yarwanyije icyaha yeruye mu bantu bacishije bugufi ndetse no mu bo mu rwego rwo hejuru. Yabwiye ukuri abami n'ibikomangoma atitaye ko bari bumwumve cyangwa bakabisuzugura. Yavugaga yerekeje ku muntu ku giti kandi yeruye. Yacyashye Abafarisayo babaga mu rukiko rukuru rw'Abayahudi kubera ko idini yabo yari ishingiye kwiyerekana atari ku gukiranuka kujyana no kumvira nyakuri guturuka ku bushake…Yavuganye na Herode ibyerekeye kuba yaragize Herodiya umugore we ati, 'Amategeko ntiyemera ko ubana nawe nk'umugore wawe.'

Yamubwiye ibyerekeye igihano cyari kuzaza ubwo Imana yari kuzacira umuntu wese urubanza hakurikijwe ibyo yakoze…

"Abasoresha nabo bari baje kubatizwa, baramubaza bati, 'Mwigisha, twebwe se tubigenze dute?'" (Luka 3:12). Mbese yababwiye gusiga amazu basoresherezamo? Oya, ahubwo yarababwiye ati, "Ntimugasoreshe ibirenze ibyo mwategetswe" (Luka 3:13). Niba bari abasoresha bagombaga kugira iminzani itariganya y'ukuri mu ntoki zabo. Bagombaga gukora impinduka muri ibyo bintu byarangwagamo uburiganya no kurenganya.

“Abasirikari nabo baramubaza bati ‘Naho se twe bite?’ Yohani ati, ‘Ntimukagire uwo mwambura ibye cyangwa ngo mumurege ibinyoma, ahubwo munyurwe n’ibihembo byanyu’ ” (Luka 3;14)….

INKOTA Y’UKURI IKORA UMURIMO

Kristo nawe yavugaga atunga urutoki buri tsinda ry’abantu. Yacyashye abatwazaga bagenzi babo igitugu, abantu bari bafite irari n’urwikekwe byateraga abantu benshi kuyoba kandi bagatuma abandi benshi batuka Imana.

Inkota y’ukuri yari yaragimbishijwe n’inzitwazo n’ibyo bibwiraga ko ari ukuri; nyamara Kristo we yavugaga ibintu mu mazina yabyo nyakuri.

Intorezo yari ibanguriwe ku mizi y’igiti. Yohana yerekanye ko imihango yose y’idini bakoraga baramya itashoboraga gukiza ishyanga ry’Abayahudi bitewe n’uko kubwo kwizera batahanze amaso kandi ngo bakire Ntama w’Imana nk’Umukiza wabo.

Umurimo nk’uwo n’ubutumwa nk’ubwa Yohana uzakomeza gukorwa muri iyi minsi iheruka. Uwiteka yagiye aha ubwoko bwe ubutumwa abunyujije mu bakozi yotoranyirije, kandi yifuza ko abantu bose bakumvira gucyahwa n’imiburo yohereza.

Ubutumwa bwabanjirije umurimo Umwana w’Imana yakoreye mu ruhame rwa benshi bwari ubu ngo, ‘Basoresha nimwihane; Bafarisayo namwe Basadukayo nimwihane’ kuko “ubwami bw’ijuru bwegereje” (Matayo 3:2). Ubutumwa bwacu bugomba kuba ubutumwa “bw’amahoro n’umutekano” (1Abatesalonike 5:3). Nk’abantu bizera kugaruka kwa Kristo kuri hafi, dufite umurimo tugomba gukora n’ubutumwa tugomba kuvuga- “Itegure gusanganira Imana yawe” (Amosi 4:12). Tugomba kuzamura ibendera kandi tugatwara ubutumwa bwa marayika wa gatatu ari bwo, ‘amategeko y’Imana no kwizera Yesu’.

UBUTUMWA BUGENEWE IKI GIHE

Ubutumwa dutwaye bugomba kuba budaca ku ruhande nk'uko ubutumwa bwa Yohana bwari bumeze. Yohana yacyashye ubusambanyi bwa Herode. Nubwo ubugingo bwe bwari buri mu kaga, ntabwo ukuri kwaburaga gusohoka mu kanwa ke. Natwe umurimo wacu muri iki gihe ugomba gukoranwa
ubutungane. Abatuye ku isi muri iki gihe bagereranywa n'abari batuye ku isi igihe umwuzure wabaga. Ubugome bw'abari batuye isi y'icyo gihe buvugwa mu buryo bweruye: "Kandi Uwiteka abona yuko ingeso z'abantu zari mbi cyane mu isi, kandi ko kwibwira kose imitima yabo itekereza ari kubi gusa iteka ryose" (Itangiriro 6:5). Imana yarambiwe abo bantu batekerezaga ibyo kwinezeza gusa no gusaya mu bibi. Ntabwo
bashakaga gukurikiza inama z'Imana yari yarabaremye, cyangwa ngo bite ku gukora ibyo ishaka. Umugayo w'Imana wari kuri bo kubera ko bahoraga bakurikiza imitekerereze y'imitima yabo bwite; kandi mu isi hari urugomo. "Kandi Uwiteka yicuza yuko yaremye abantu mu isi, bimutera agahinda mu mutima. " "Imana ireba isi, ibona yuko yononekaye, kuko abafite umubiri bose bari bononnye ingeso zabo mu isi. Imana ibwira Nowa iti 'Iherezo ry'abafite umubiri bose rije mu maso yanjye, kuko isi yuzuye urugomo ku bwabo, dore nzabarimburana n'isi'" (Itangiriro 6:6, 12, 13)….

Hari inshingano zihariye zigomba gukorwa, hari no gucyaha kwihariye kugomba kuvugwa muri iki gihe cy'amateka y'isi. Ntabwo Uwiteka azareka itorero rye ataricyashye kandi ngo ariburire. Muri iki gihe ibyaha ni ibintu bigezweho; nyamara ntibibibuza kuba ikizira mu maso y'Imana. Ibyaha birirengagizwa, bigafatwa ko byoroheje ndetse bigashakirwa inzitwazo; kandi abazana inyigisho z'ibinyoma n'intekerezo mbi zishyira urujijo mu bwenge bw'ubwoko bw'Imana zigacogoza imyumvire yabwo ku bigize amahame atunganye bakizwa amaboko yombi. Kubw'ibyo ubwenge ntibushobora kumvira inama n'imiburo yatanzwe. Umucyo watanzwe urarikira abantu kwihana, wazimiriye mu bicu byo kutizera no kwigomeka byazanywe n'imigambi y'umuntu n'ibihimbano bye.

Imana isaba kudakebakeba kuzima. Abagabura bashobora kuba batarize cyane, ariko iyo bakoze uko bashoboye bifashishije impano zabo, iyo bakora uko babonye uburyo kose, iyo ibyo bavuga biba nyumvikana kandi mu mvugo yoroheje, iyo ari abantu biyoroshya kandi bagendana ubushishozi no kwicisha bugufi bashakisha ubwenge mvajuru, bagakorera Imana babikuye ku mutima, kandi bagakoreshwa n'impamvu imwe ikomeye kurusha izindi ari yo gukunda Kristo n'abo yapfiriye, bazategwa amatwi n'abantu bafite ubushobozi n'impano byo mu rwego rwo hejuru. Mu kuri bigisha mu buryo bwo kwiyoroshya hazabamo imbaraga ikurura ababumva. Kristo niwe mwigisha mukuru isi yigeze igira.

Ntabwo Yohana yari yarigiye mu mashuri y'abigisha bakomeye b'Abayahudi, nyamara abami n'ibikomangoma, Abafarisayo n'Abasadukayo, abasirikari b'Abanyaroma n'abayobozi babo, abantu bize amategeko yose y'ubucamanza, inyaryenge, abasoresha n'injijuke bose bategeraga amagambo ye amatwi. Banyurwaga n'ibyo yavugaga byumvikanaga maze bakemezwa icyaha cyabo. Baramuzaga bati, "Tugire dute?" (Luka 3:14).

HAKENEWE KUDAKEBAKEBA

Muri iki gihe turimo cyegereje ukugaruka kwa Kristo aje ku bicu byo mu ijuru, Uwiteka arahamagara abantu bazaba abanyamuhati kandi bagategurira ishyanga guhagarara mu munsi ukomeye w'Uwiteka. Abantu bamaze igihe kirekire biga ubwenge bwo mu bitabo ntabwo bagaragariza mu mibereho yabo uwo murimo w'ingenzi ugenewe iki gihe giheruka. Ntabwo batanga ubuhamya bwiyoheje kandi burasa ku ntego. Mu bagabura n'abanyeshuri hari ubukeme bwo kongerwa Mwuka w'Imana. Irarika ririmo kwinginga n'umuhati riva mu mutima w'intumwa yishimye rizatera kwihana. Ibi ntibizakenera abantu bize kugira ngo babikore kubera ko bishingikiriza cyane kubyo bize mu bitabo aho kwishingikiriza ku Mana no kuri Yesu Kristo uwo Imana yatumye. Abantu bose bazi Imana nyakuri kandi nzima yonyine,

bazanamenya Yesu Kristo, Umwana w'Imana w'ikinege, kandi bazabwiriza Yesu Kristo we wabambwe…

Mbese hari ushobora kwibwira ko imibuo itazagera ku bo Imana ishaka gucyaha? Abo Imana icyaha bashobora kurakara maze bagashaka kujyana mu manza abakozi b'Imana. Nyamara iyo bagenje batyo, ntabwo aba ari abakozi b'Imana baba bajyanye mu manza ahubwo ni Kristo we watanze ayo magambo yo gucyaha n'imiburo. Iyo abantu bashyize mu kaga umurimo wa Kristo kubw'imikorrere yabo mibi, mbese ntibazumva ijwi ribacyaha? Iyaba umuntu ukora ibibi ari we byarebaga gusa maze umurimo akora ukagarkira kuri we gusa, uwo wenyine niwe wakabwiwe amagambo y'umuburo. Nyamara iyo imikorere ye yangiza umurimo ukuri kwagombye gukora maze abantu bakayoborwa mu nzira yo kurimbuka, Imana isaba ko umuburo ugera kuri benshi nk'uko ikibi cyakozwe cyabagezeho. Ubuhamya ntibuzagira imbogamizi. Amagambo yo gucyaha n'imbuzi yumvikana agira ati, "Uku ni ko Uwiteka avuga" azavugwa aturuka mu bakozi batoranyijwe n'Imana kubera ko ayo magambo adakomoka ku bantu ahubwo akomoka ku Mana yabahaye umurimo bagomba gukora. Iyo umukozi w'Imana arezwe mu nkiko zo ku isi kandi Imana ikemera ko ajya mu rubanza, ni ukugira ngo izina ry'Imana ribashe guhabwa ikuzo. Nyamara umuntu wiha gukora uyu murimo azabona ishyano. Imana isoma imigambi yacu iyo ari yo yose. Ndasaba ngo Uwiteka yigishe abavandimwe bacu kuba abanyakuri. Umurimo w'Imana wasebejwe kandi wangizwa n'abantu nk'abo bawukora. Iyo rero bawukuwemo hakiri kare biba byiza …

Imana irahamagara abantu bafite ubudahemuka bugaragara. Ntikoresha umuntu ufata impu zombi mu bikomeye. Imana yifuza abantu bazatunga urutoki igikorwa kibi cyakozwe maze bakavuga bati, « Ibi ntibijyanye n'ubushake bw'Imana. » -Letter 19 ½, 1897.

IGICE CYA 16:UMURIMO W'INGENZI KRISTO YAKOZE MU MIBEREHO YE N'UMURIMO WACU

Dusoma ibya Kristo wagenze kuri iyi si yicisha bugufi kandi yiyoroshya, agirira
abantu bose neza (Ibyakozwe n'Intumwa 10:38), mu mibereho ye yose yakoraga umurimo w'urukundo, ahumuriza abashavuye, agakorera abakene kandi agatuma abahetamye bahagarara bemye. Nta hantu ho kuba yari afite muri iyi si, keretse gusa igihe incuti ze zamugiriraga neza zikamucumbikira nk'umugenzi wihitira. Nyamara yahoraga ahanze amaso ijuru. Yahuraga n'ibigeragezo n'ibishuko buri munsi nyamara ntiyigeze atsindwa cyangwa ngo acike intege. Yari azengurutswe n'ubugome nyamara yumviye amategeko ya
Se. Yahoranaga kwihangana n'ubutwari, kandi abababajwe bamwitaga intumwa y'ubugingo, amahoro n'ubuzima. Yabonaga ibyo abagabo n'abagore bakeneye kandi bose yarabararitse ati, "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba bagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye" (Matayo 11:28-30).

Mbega urugero Kristo yadusigiye rw'ibyo yakoze mu mibereho ye. Ni bande bo mu bana be babaho nk'uko yabayeho kugira ngo baheshe Imana ikuzo? Kristo ni we mucyo w'isi kandi umuntu ukorera Shebuja neza agomba gucana itara rye arikongeje ku mibereho izira inenge ya Kristo.

Kristo yabwiye abigishwa be ati, "Muri umunyu w'isi. Mbese umunyu nukayuka uzaryoshwa n'iki? Nta cyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira" (Matayo 5:13). Mbega uko twari dukwiye kwigengesera kugira ngo mu byo dukora mu mibereho yacu dukurikize urugero rwa Kristo. Nitudakora ibi, ntacyo tuzaba tumariye isi: tuzaba turi nk'umunyu wakayutse…

Imana ikoresha impano zitandukanye mu murimo wayo. Ikomeza gukora umurimo ikorera iterero ryayo yifashishije ibikoresho bitandukanye. Nta muntu n'umwe ushaka kwigira umwigisha umwe rukumbi mu itorero uba akorera Imana. Umuntu uvuga ati, 'Nshaka ko ibyanjye ari byo byumvikana gusa mu itorero nyobora,' ntabwo aba amurikisha umucyo we kubw'ikuzo

ry'Imana. Abantu batubaha abakozi bagenzi babo baba bahangana n'Imana. Kubera inyifato yabo batuma umucyo Imana ishaka ko itorero ryayo rigira utinjira muri ryo. Bagaragaza umwuka udashyigikiwe n'Imana.

KRISTO ICYITEGEREREZO

Kristo yoherejwe mu isi kurengera inyungu za Se. Ni we cyitegererezo cyacu muri byose. Kuba inyigisho ze zarafataga ku ngingo nyinshi zitandukanye, iki ni icyigisho dukeneye kwiga.

Ntabwo abakozi bose basobanukiwe ljambo ry'Imana kimwe, ntibarimenyereye kimwe cyangwa ngo baryigishe kimwe. Bamwe bahora barya ku mubiri wa Kristo bakaanywa no ku maraso ye. Barya ibibabi y'igiti cy'ubugingo. Ni abanyeshuri bahoraho mu ishuri rya Kristo. Batera imbere buri munsi mu bugwaneza, kandi bakunguka ubumenyi butuma baba abantu bakwiriye gukorera Umwami. Imbaraga y'imibereho yabo ni impumuro y'ubugingo izana ubugingo. Abafite intekerezo ziyoborwa na Mwuka niba bandi basobanukirwa n'iby'umwuka. Biga Bibiliya. Ntibakururwa n'ibinyamakuru n'ibitabo bitavuga iby'ijuru cyangwa ibyerekeye Imana, ahubwo ljambo ry'Imana rigenda rirushaho kubabera iry'agaciro. Imana iarbegera ikavugana na bo mu rurimi rudashobora kumvikana nabi.

Hari abandi batigeze bamenya uburyo bwo guhanga intekerezo zabo ku Byanditswe kugira ngo buri munsi babikuremo iby'ubuntu bw'Imana bishyashya.

Abantu bamwe bafite ubutumwa bahwe n'ijuru. Bagomba gutumwa ngo bajye gukangura abantu, ntibakwiye kwigumira hamwe mu matorero nta cyo biyungura kandi n'umurimo w'Imana utajya mbere. Kugira abagabura babiri cyangwa batatu biyicariye mu itorero rimwe ntacyo byungura itorero. Iyaba abo bagabura bajyaga kwita ku bantu bari mu mwijima, umurimo wabo wakwera imbuto. Nimureke abantu bafite ubunararibonye bafate abasore

bitegura kuba abagabura maze bajyane bajye kuvuga ubutumwa bw'umuburo mu turere dushya.

Abantu bizera ukuri bazahirwa mu buryo bukomeye igihe bazasaranganya n'abandi imigisha Imana yabahaye bareka umucyo wabo ukamurika ugaragarira mu mirimo myiza. Uko umucyo wabo umurika
kubw'ubutungane bwa buri wese no kubwo kugaragaza amahame nyakuri mu byo bakora byose, bazerereza amahame y'amategeko y'Imana. Imana ihamagarira abakozi bayo kwigarurira ahantu hashya hakaba ahayo. Tugomba gukorana ubwuzu bwinshi twita ku bantu badafite ibyiringiro n'Imana mu isi. Hari imirima irumbuka igomba gutunganywa itegereje umukozi w'indahemuka.

Abakora mu murimo w'Imana bari bakwiye gupfukama imbere yayo mu isengsho ryuje kwicisha bugufi kandi rivuye ku mutima maze bagafata Bibiliya mu kiganza bakajya gukangura imitima yaguye ikinya y'abavugwa n'Ijambo ry'Imana ko bapfiriye mu byaha n'ibicumuro. Abakora uyu murimo bazahirwa mu buryo bukomeye. Abantu bazi ukuri bagomba gukomezanya babwira abagabura bati, "Mu izina ry'Uwiteka, jya mbere ujye gusarura imirima yeze kandi amasengesho yacu azajyana nawe ameze nk'umuhoro utyaye." Muri ubwo buryo abagize amatorero yacu bagombye gutangira Imana uguhamya butera impinduka, kandi bakayizanira impano n'amaturo kugira ngo abajya mu murimo babashe kubona ibibunganira ngo bakore umurimo wo gukiza imitima.

Ni nde uri gukorera Imana akiranutse muri iki gihe isi igezemo ubwo ibyaha by'abatuye isi bimeze nk'iby'I Sodomu na Gomora? Ni nde uri gufasha abamukikije kugira ngo bazaragwe ubugingo buhoraho Mbese turejejwe kandi turatunganijwe ngo tube dukwiriye gukoreshwa n'Uwiteka nk'ibikoresho bimuhesha icyubahiro? Mbese buri wesemu bagize itorero azibuka ko ubukuri budakomoka ku Mana? Tugoma kuramya Imana

twambaye ubutungane kubera ko ifite icyubahiro giheranije n'imbaraga zitagerwa…

Imana yifuza ko ubwoko bwayo bwagaragarisha imibereho yabwo ibyo

Ubukristo burusha kuba ab'isi. Tugomba kubaho kugira ngo Uwiteka abashe kudukoresha mu murimo we wo guhindura abagabo n'abagore kandi akabayobora kuboneza ibishura by'imico yabo bikera bimeshwe mu maraso y'Umwana w'intama. Turi abo yaremye, "ituremeye gukora imirimo myiza muri Kristo Yesu" (Abefeso 2:10). Imana yifuza guhishurira ubwenge bwayo butagerwa muri twe. Kubw'ibyo, iturarikira kureka umucyo wacu ukamurika unyuze mu mirimo myiza. –Manuscript 73a, 1900.

~~~
~~~

rwose kugira ngo babone umurimo ukomeye kandi mugari ugomba gukorwa n'abantu bafite ikimenyetso cy'Imana nk'uko kivugwa mu Kuva 31:12-18.

Uwiteka yifuza ko abantu b'ibisonga by'inyangamugayo bagenzura ubugari bw'ahagomba gukorwa umurimo maze bagakoresha neza ibyangombwa abaha mu guteza imbere umurimo aho hantu. Imana ifite umurimo ikagira n'ishyanga rigomba gukorana nayo….

Uwiteka azorohereza ubwoko bwe umurimo nibwitanga kugira ngo Mwuka Muziranenge abukoreshe aho gutekereza ko bugomba gukoresha Mwuka Muziranenge. "None wa bwoko bw'Abisirayeli we, Uwiteka Imana yawe igishakaho iki? Si ukubaha Uwiteka Imana yawe,ukagenda mu nzira ikuyoboye zose, ukayikunda ugakoreshereza Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose, ukitondera amategeko y'Uwiteka y'uburyo bwose ngutegeka uyu munsi kukuzanira ibyiza?" (Gutegeka kwa kabiri 10:12, 13)….

Abagabura batoranyijwe n'Imana bafite umurimo w'ingenzi kandi wera bago,ba gukora muri iyi si. Iherezo riri bugufi. Ubutumwa bw'ukuri bugomba kwamamazwa. Nk'abashumba b'indahemuka b'umukumbi, abagaragu b'Imana bagomba gutanga ubuhamya bwumvikana kandi budakebakeba. Ntihakwiye kubaho kugoreka ukuri. Ubuntu mvajuru ntibwigera buyobora umuntu ngo bumutandukanye n'imbabazi z'Imana n'urukundo rwayo. Imbaraga ya Satani niyo ibikora. Igihe Kristo yabwirizaga, ubutumwa bwe bwari bumeze nk'inkota ityaye amugi yombi, igahinguranya ibyo abantu biwira kandi igahishura ibitekerezo byabo bihishwe. Intumwa za Kristo z'indahemuka zizakora umurimo Kristo yakoze.

Bagomba kubwiriza Ijambo ry'Imana bafite ukwiyoroshya, kubonera ndetse n'ubudahemuka budakebakeba. Mu magambo n'inyigisho, abakorera Imana bagomba kuba indahemuka ku nshingano yabo. Bagomba kurinda abantu nk'abazababazwa. Ntabwo bagomba kuvuga ngo, "Uku ni ko Uwiteka avuga" bakoresheje amagambo ashyeshya y'ubwenge bw'umuntu. Iyo bakoze batyo, basenya imbaraga nzima y'uko kuri, bagatuma kugira intege nke kudafite imbaraga ku buryo kunanirwa kwemeza umuntu icyaha. Ijambo

ryose rivuzwe rishorewe na Mwuka Muziranenge rizaba ryuzuye gukangura gukomeye kubw'agakiza k'abantu.

Ntabwo kwemerwa n'Imana k'umugabura gushingiye ku kuntu yiyerekana inyuma, ahubwo gushingiye ku buryo yita ku nshingano ye. Inzira ya Kristo igeza ku gushyirwa hejuru inyuze mu gucishwa bugufi mu buryo bukomeye. Abafatanya na Kristo mu mibabaro ye, bakagera ikirenge mu cye bafite ubutwari bazasangira ikuzo rye nawe.

Kwinjiza mu itorero abantu bemera ukuri kwinshi nyamara batarahindutse byakomeje kuba umuhati udacogora w'umwanzi. Abakristo gito biringira ibitari ukuri ni imiyoboro Satani akoreramo. Ashobora gukoresha bamwe mu bagize itorero batahindutse kugira ngo atange ibitekerezo bye bwite kandi agwabize umurimo w'Imana. Imbaraga yabo ihindura abandi iteka ihora ku ruhande rw'ikibi. Bashyira guhinyura no gushidikanya mu nzira y'ubugorozi bikaba amabuye asitaza. Binjiza kutizera kubera ko bahumye amaso yabo ngo batareba gukiranuka kwa Kristo kandi ntibiteye ikuzo ry'Uwiteka. Ubumwe ni imbaraga z'itorero. Ibi Satani arabizi kandi akoresha imbaraga ze zose kugira ngo yinjize amakimbirane. Ashimishwa no kubona nta gushyira hamwe kuri mu bagize itorero. Ingingo ivuga ubumwe yagombye kwitabwaho cyane.
Mbese ni uwuhe muti wavura ibibembe by'amakimbirane no kwitandukanya? Ni ukumvira amategeko y'Imana.

Imana yanyigishije ko tutagomba gutinda ku matandukaniro aca itorero intege. Imana itanga umuti ku ngorane y'amakimbirane. Kubwo kweza Isabato yayo, tugomba kwerekana ko turi ubwoko bwayo. Ijambo ryayo rivuga ko Isabato ari ikimenyetso kireberwaho mu gutandukanya abantu bakurikiza mategeko yayo. Kubw'ibyo abantu b'Imana bagomba kumumenya nk'Umuremyi wabo. Abantu bakurikiza amategeko y'Imana bazafatana nayo mu ntambara ikomeye yatangiriye mu ijuru hagati y'Imana na Satani. Guhemuka ku Mana bisobanuye kutemera no kwigomeka ku mahame y'amategeko y'Imana.

Ikntu cyose gifitanye isano n'umurmo w'Imana kirera kandi ku bw'ibyo kigomba kwitabwaho n'ubwoko bwayo. Inama zishingiye ku magambo

y’Imana zirera. Kristo yatangiye ubugingo bwe kugira ngo isi yacumuye ibashe kwihana. Abantu buzuye umwuka wari muri Kristo bazakora nk’abahinzi b’Imana bita ku ruzabibu rwayo. Ntabwo bazapfa gukora aho babonye hose bihitiyemo. Bagomba kuba ibisonga bifite ubwenge n’abakozi b’abizerwa.

Intego yabo iruta izindi iba gusohoza inshingano Kristo yabahaye. Mbere y’uko Umukiza azamurwa mu ijuru, yabwiye abigishwa be ko bagomba gutangirira i Yerusalemu maze bakajya mu mahanga yose, amoko yose, indimi zose n’imiryango yose; kandi yongeyeho ati, “Dore ndi kumwe namwe iminsi yosekugeza ku mperuka y’isi” (Matayo 28:20). – Manuscript 14, 1901.

UMURIMO W’IBIGERAGEZO

Mu mibereho ya Gikristo, Uwiteka yemera ko ibigeragezo by’uburyo butandukanye bibaho kugira ngo bikangurire abagabo n’abagore kugera ku rugero rwo hejuru rw’imibereho no ku murimo urushijeho kwera. Hatabayeho ibyo bigeragezo habaho guhora abantu bagwa bagatandukana no gusa na Kristo, kandi abantu bakuzura mwuka w’ubucurabwenge bwa kimuntu bwuzuye ubuhanga kandi butari ukuri bushobora kubayobora kwifatanya n’abayoboke ba Satani.

Kubw’ubuntu bw’Imana, buri migambi yose myiza kandi ikomeye igomba gusakirana n’ibigeragezo, kugira ngo ukubonera ndetse n’imbaraga by’amahame y’abafite inshingano bigeragezwe, kandi no kugira ngo imico yihariye y’umuntu itunganywe kandi ihamywe ko ari ukuri hagendewe ku rugero rw’Imana. Uru ni urwego rwo hejuru rwo kwigishwa ruruta izindi.

> Gutunganywa kw’imico kugerwaho binyuze mu gukoresha ubushobozi bw’intekerezo mu bihe by’ikigeragezo gikomeye, kubwo kumvira icyo amategeko y’Imana asaba cyose. Abantu bagiriwe icyizere bagashyirwa mu myanya y’inshingano zikomeye bagomba kuba ibikoresho biri mu biganza by’Imana kugira ngo berereze ikuzo ryayo, kandi igihe bakora

inshingano zabo mu budahemuka bukomeye bashobora kugera ku gutungana kw’imico.

Mu mibereho y’abantu badatezuka ku mahame nyakuri, hazahora habaho gukura mu bwenge. Bazagira amahirwe yo kumenyekana ko bakorana n’Umukoresha Mukuru mu murimo bakorera inyokomuntu, kandi bazagora uruhare rukomeye mu gusohoza imigambi y’Imana. Bityo, nk’abakozi bakorana n’Imana, kubw’amahame abagenga n’urugero rwabo, bazahesha Umuremyi wabo ikuzo. –Undated manuscript 150.

IGICE CYA 18 :GUHAMAGARWA KWA D. M. CANRIGHT

Battle Creek Kuwa 15 Ukwakira, 1880

Kuri musaza wanjye nkunda, D. M. Canright

Nababajwe no kumva umwanzuro wafashe, ariko ubwo naro niteze uwo mwanzuro nari mfite ukuri. Igihe kirageze ubwo Imana iri gushungura no kugerageza ubwoko bwayo. Ikintu cyose gishobora kunyeganyezwa kizanyeganyezwa. Abazasigara bahagaze gusa ni abafite imitima irangamiye ku Rutare rw'iteka. Abishingikiriza ku bwenge bwabo bwite, abadahora bashikamye muri Kristo bazagerwaho n'impinduka nk'iyi. Niba kwizera kwawe gushinze imizi mu muntu, dukwiye rwose kwitega ingaruka nk'izo.

Nyamara niba warafashe umwanzuro wo guca umubano wose dufitanye nk'ishyanga, mfite ikintu kimwe gusa nkwisabira ku bwawe no kubwa Kristo: ntukegere abantu bacu, ntukabasure kandi ntukababwire amagambo yawe yo gushidikanya n'imwijima. Satani afite ibyishimo bitavugwa bitewe n'uko wateye intambwe ukava munsi y'ibendera rya Yesu Kristo maze ugahagarara munsi y'irye. Akubonamo umuntu ashobora kugira umukozi w'ingirakamaro mu kubaka ubwami bwe. Ukurikiye inzira nari niteze ko ushobora kuzakurikira kuko wemereye igishuko kugutsinda.

Wakunze kujye wifuza gukomera no kumenyekana cyane kandi iyi ni imwe mu mpamvu zitumye uri mu mwanya urimo ubu. Nyamara ndakwinginze uko gushidikanya, izo mpaka n'ubwo buhakanyi bwawe ubyigumanire mu mutima wawe. Abantu baguhaye ubushobozi bukomeye ku byerekeye gufata ingamba ndetse baguha n'imico ihamye birenze ibyo wari ufite.Batekerezaga ko uri umugabo ukomeye; nyamara igihe usohoye ibitekerezo byawe byijimye Satani aba yiteguye kongerera imbaraga kamere y'ibyo biterezo yo gushukana kugira ngo abantu benshi bashukwe kandi

bazimire binyuze mu mbaraga y'umuntu umwe wahisemo umwijima mu cyimbo cy'umucyo, kandi yishyira mu ruhande rwa Satani ajya mu ngabo z'umwanzi.

Wifuje kuba igitangarirwa no kwigaragaza no guteza urusaku mu isi, kandi umusaruro uzavamo ni uko izuba ryawe rizazima burundu rikaba umwijima w'icuraburindi. Buri munsi utakaza ibyo utazongera kubona by'iteka ryose. Umwana uhora asiba mu ishuri yibwira ko ariganya ababyeyi n'umwigisha we; ariko se ni nde ugira igihombo gikomeye? Mbese si we ubwe? Mbese si we wiriganya kandi akishuka, akiyambura ubwenge Yagombye kugira? Imana yifuza ko twaba ingirakamaro twigana urugero rwa Kristo mu gukora imirimo myiza; nyamara uri gukora nk'uriya mwana w'umunyeshuri, uri kurera intekerezo zizinjira kandi zikaroga umutima wawe zikazawurimbuza ukina nk'uriya mukino w'uriya mwana ku bintu bikomeye by'iteka, ugomwa umutima wawe ubutunzi ari bwo kumenya Kristo mu buryo bwuzuye. Imigambi yawe yageze ku ntera yo hejuru vuba vuba kandi ntacyo izemera kitarimo gukuza inarijye. Ikintu wari ukeneye iteka ryose cyari umutima wicishije bugufi kandi umenetse.

KRISTO UMUNTU W'ICYITEGEREREZO

Mbese imibereho ya Kristo yari iyihe? Yasohozaga umurimo wamuzanye nk'icyitegererezo ubwo yakoraga ari umubaji, ntagaragaze abantu ibanga rikomeye ry'umurimo wamukuye mu ijuru, kugeza igihe yagendesheje amaguru ku miraba y'inyanja ya Gaiileya cyangwa igihe yazuraga abapfuye, cyangwa igihe yapfaga nk'igitambo cy'abantu ku musaraba kugira ngo abashe kuzahura inyokomuntu yose ngo ayigeze ku bugingo bushya kandi butunganye. Yesu yabaye I Nazareti iminsi myinshi, atubahwa kandi atazwi kugira ngo isomo ryatangwaga n'urugero rwe rishobore kwigisha abagabo n'abagore uburyo bashobora kugenda bomatanye n'Imana no mu bintu bisanzwe byo mu mibreho ya buri munsi. Mbega uburyo byari bikojeje isoni bicishije bugufi, nta gikundiro kibirangwamo kubona Umwami w'ijuru aca

bugufi agakora ibitari bimukwiye kugira ngo abe umwe natwe. Yikururiyeho umutima w'ineza w'abantu bose agaragaza ko ashobora gusabana na bose. Abanyanazareti barashidikanyije maze barabaza bati, "Mbese si we wa mubaji" (Mariko 6:3), mwene Yosefu na Mariya?

Ntabwo muri iki gihe ijuru ryitaruye isi kurusha igihe abantu basanzwe bakora imirimo isanzwe bahuraga n'abamarayika ku manywa y'ihangu, cyangwa igihe mu bibaya by'I Beterehemu ubwo abashumba bari barinze imikumbi yabo nijoro bumvaga indirimbo z'abamarayika bo mu ijuru. Ntabwo gushaka kwisumbukuruza ngo ube icyamamare ari byo bizakugira ukomeye mu maso y'Imana. Ahubwo imibereho yo kwicisha bugufi irangwa n'ubugwaneza, n'ubudahemuka ni yo izatuma urindwa mu buryo bw'umwihariko n'abamarayika bo mu ijuru. Icyitegererezo cyacu, Yesu Kristo, ntiyatekereje ko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugindirwa, ahubwo yafashe kamere yacu kandi amara hafi imyaka mirongo itatu mu mujyi ucuze umwijima w'I Galileya wari wihishe mu misozi. Yategekaga ingabo zose z'abamarayika, nyamara ntiyigeze asaba kuba ukomeye cyangwa ngo ashyirwe hejuru. Ku izina rye ntiyigeze yongeraho "Umwigisha ukomeye" kugira ngo yihimbaze. Yari umubaji, agakorera ibihembo, yari umugaragu w'abo yakoreraga, akerekana ko ijuru rishobora kuba hafi yacu mu migengera isanzwe mu buzima kandi ko abamarayika bazarinda intambwe z'abaza kandi bakagenda bumviye itegeko ry'Imana.

Mbega uburyo uwo mwuka ukwiye kuba ku bavuga ari abayoboke be! Tugomba twese kugira ubushake bwo gukora no kwiyuha akuya kubera ko uru ari rugero Kristo yaduhaye mu mibereho ye. Iyaba mu bintu bisanzwe warabayeho kubw'Imana, ugakora umurimo wawe mu buryo butunganye kandi uri indahemuka ighe nta muntu wagombaga kukubwira ko wakoze neza, ntabwo uba uri aho uri ubungubu. Wari ukwiye gutuma imibereho yawe iba
indakemwa kubw'amagambo avuganwe ubwenge, kubw'ibikorwa by'ubugwaneza bikozwe mu bwitonzi, kubwo kugaragaza ubugwaneza buru munsi, kubonera n'urukundo. Nkurikije umucyo wose wahawe, mfite ubwoba ko wakoze urgendo rwawe ruheruka. Wahaye Satani icyuho cyose.

IMYANZURO IHUTIYEHO

Hari imyanzuro ibasha gufatwa mu kanya gato ikagena imibereho y'umuntu by'iteka ryose. Satani yagusanze nk'uko yasanze Kristo, agusezeranira icyubahiro cyo ku isi n'ikuzo ryayo uramutse wemeye ubutware bwe. Ibi ni byo uri gukora ubu. Nyamara mbere y'uko utera indi ntambwe, ndakwinginze ubanze utekereze.

Mbese abamarayika bandika nkuru ki ku bikwerekeye? Ni mu buhe buryo uzahagarara imbere y'iyo nkuru? Ni uruhe rwitwazo uzaha Imana kubw'ubwo buhakanyi buhutiyeho? Wigeze ugira icyifuzo cyo gukora umurimo mugari. Iyaba warishimiye gukora umurimo wawe muto ukawukorana ubwitonzi n'ubudahemuka, ibyo Umwami Imana yari kubyemera. Nyamara wibuke ko bishobora gutwara umurimo wo kubaho k'umuntu kose kugira ngo yongere agarukane ibyo akanya gato ko guha icyuho ikigeragezo n'ubupfapfa byirukana muri we.

Turi mu rugendo, turi abashyitsi n'abimukira, turajya mu gihugu kirushaho kuba cyiza; nyamara byaba byiza kuri njye na we kuba nk'ibimasa bihinga umurima aho kuba mu ijuru tudafite umutima uhuza n'abaturage baho. Kubwo umurimo w'akanya gato wakora ku bushake bwawe ushobora kwishyira mu butware bwa Satani, nyamara bizasaba ibirenze umurimo w'ubushake bw'akanya gato kugira ngo uce iminyururu ye kandi ngo ugere ku mibereho yisumbuye kandi yera. Ushobora kugira umugambi, umurimo ugatangira ariko kugera ku iherezo kwawo bizasaba kwiyuha akuya, igihe, kwihangana ndetse no kwitanga. Umuntu ujarajara abigambiriye akava ku Mana ahari umucyo urabagirana, igihe azifuza guhindukira ngo agaruke, azasanga ibitovu n'amahwa byarakuriye mu nzira anyuramo, kandi niba asabwa kugenda urugendo rurerure afite ibirenge byakoretse kandi biva amaraso, ntabwo agomba gutangara cyangwa ngo acike intege. Igihamya giteye ubwoba cyane kandi gikwiye gutinywa cy'umuntu ugwa akava mu nzira nziza ni uko kuhindukira akagaruka mu nzira yarimo mbere bimukomerera cyane.

Inzira yo kugaruka ibasha kugerwaho gusa kubw'urugamba rukomeye arwana intambwe ku ntambwe na buri saha.

Inzira ijya mu ijuru ifunganiye cyane abashaka kuyigendanamo isumbwe n'ubutunzi, ifunganiye cyane abibereye mu mukino wo kurarikira, irahanamye cyane kandi igoye kugendwamo n'abashaka ubuzima buboroheye kugira ngo bayizamuke. Kwiyuha akuya, kwihangana, kwitanga, gukwenwa, ubukene, umurimo umugoye, kwihanginira kurwanywa n'abanyabyaha, uwo ni wo wari umugabane wa Kristo kandi ni nawo ugomba kuba umugabane w'umuntu niba ajya muri Paradizo y'Imana.

Niba kwizera kwawe kw'iki gihe gucogora mu buryo bworoshye, biterwa n'uko utigeze ushora umuzi mu kwizera gushikamye. Byagutwaye imbaraga nke cyane. Niba ukwizera kwawe kutagukomeza mu bigeragezo kandi ngo kuguhumurize mu mibabaro, biterwa n'uko uko kwizera kutigeze gukomezwa n'umuhati, ukwera no kwitanga. Abashaka kubabazwa ku bwa Kristo bazagira ibyishimo byinshi bababazwa kurusha kuba Kristo yarababababarijwe,muri ubwo buryo berekane ko yabakunze. Abatsindira ijuru bazakoresha imbaraga zabo zikomeye kandi bazakorana kwihangana kose kugira ngo babashe gusarura imbuto z'umurimo ukomeye.

Hari ukoboko kuzakingurira amarembo ya Paradizo abantu batsinze ikigeragezo kandi bakomeje kugira intekerezo nzima bazibikira iby'isi, ibyubahiro byayo, gushimwa nayo kubw'urukundo bakundaga Kristo, bityo bakamuhamya imbere y'abantu kandi bategerezanyije kwihangana ko na We azabahamiriza imbere ya Se n'abamarayika bera.

IMBARAGA YO GUSHIDIKANYA

Ntabwo nshaka ko unsobanurira iby'inzira wayobote. Mwene data C. W. Stone yashatse kunsomera ibaruwa yawe. Nanze kuyitega amatwi. Umwuka wo gushidikanya, kwivovota no kutizera uranduza. Ndamutse ngize intekerezo zanjye umuyoboro w'isoko yanduye, n'amazi mabi ahumanya aturuka mu isoko ya Satani, ibyongorero bimwe bishobora gusigara mu

ntekerezo zanjye bikazihumanya. Niba ibyo ibyongorero bya Satani byarakugizeho imbaraga
kugeza ubwo uburenganzira bwawe bw'umurage w'umwana w'imfura ubugurana kugirana ubucuti n'abanzi b'Imana; nta kintu na gito nshaka kumva cyerekeye ugushidikanya kwawe kandi niringiye ko uzarindwa keretse gusa niwanduza abandi, kubera ko umwuka ukikije umuntu uhangara kuvuga nk'ibyo wavuze umeze nk'uburozi.

Ndagusaba rwose kujya kure y'abizera ukuri kuko niba warahisemo isi n'incuti z'iby'isi, komezanya n'abo wihitiyemo. Wikwangiza intekerezo z'abandi kandi ngo wigire umukozi udasanzwe wa Satani ukora umurimo wo kurimbura imitima. Niba utari wafata icyemezo mu buryo bwuzuye, gira vuba uneshe umwanzi utarakererwa. Witera indi ntambwe ugana mu mwijima, ahubwo hagarara mu mwanya wawe nk'umuntu w'Imana.

Niba ushaka kurengera umugambi ukomeye w'ubuzima utagize ikosa ukora mu mahitamo yawe, cyangwa ubwoba bwawe no gutsindwa, ugomba kugira Imana nyambere kandi ikaba no ku iherezo mu migambi yose, mu murimo wose n'icyo utekereza cyose. Niba ushaka inzira ihita iyobora mu mwijima, icyo ugomba gukora gusa ni ugutera umugongo umucyo w'Imana, ukabaho dafite Imana. Igihe Imana ikweretse inzira ikavuga iti, "Iyi ni yo nzira yawe y'ituze n'amahoro" icyo ukora gusa ni ugutera umugongo inzira y'Uwiteka kandi ibirenge byawe bizakugeza mu irmbukiro. Ijwi rya Ntama w'Imana ryumvikana ritubwira riti, "Nimunkurikire kandi ntimuzagendera mu mwijima."

INSHINGANO IKOMOKA KU MWAMI W'ABAMI

Imana yagitoranyirije gukora umurimo ukomeye kandi w'agaciro kenshi. Yagerageje kuguhwitura, kukugerageza, kukugenzura, kugutunganya no kukugira ukomeye kugira ngo uyu murimo wera ubashe gukorwa habayeho kureba ku ikuzo ryayo. Mbega igitangaza kubona Imana ihitamo umuntu maze ikomatana nawe, kandi ikamuha inshingano agomba gutangira, ari wo murimo agomba kutikorera. Umuntu w'umunyantege nke ahabwa imbaraga, utunya ahabwa gushira amanga, utazi guata ibyemezo ahinduka umuntu

ufata umwanzuro uhamye kandi mu buryo bwihuse. Mbega igitangaza! Bishoboka ko umuntu afite agaciro kangana gatyo ku buryo ahabwa inshingano n'Umwami w'abami! Mbese kurarikira iby'isi bizabuza umuntu kurangamira icyizere yagiriwe n'Imana, ari cyo nshingano yera yamuhaye? Umwami w'icyubahiro wo mu ijuru yaje kuri iyi si yacu kugira ngo ahe umuntu urugero rw'imibereho iboneye izira ikizinga, ndetse no kwitanga ubwe ashimishijwe no gukiza abarimbuka. Umuntu wese ukurikira Kristo akorana nawe, agafatanya na we umurimo w'Imana wo gukiza imitima. Niba utekereza gukurwaho uwo murimo kubera ko ubona inyungu zimwe ziri mu kwifatanya n'ab'isi zizatuma ugaragara cyane, biterwa n'uko wibagirwa ko kugira icyo ukorera Imana bikomeye kandi ari iby'icyubahiro, ukibagirwa uburyo ari iby'ikuzo kuba umuntu ukorana na Yesu Kristo, ukaba ujyanira abatuye isi umucyo, ukwirakwiza umucyo n'urukundo mu nzira abandi banyuramo.

INGORORANO Y'UBUDAHEMUKA

Uzarwana urugamba rukomeye mu mutima wawe n'imbaraga z'umubi. Wumvise ko hariho umurimo ukomeye ugomba gukora, ariko, iyaba wabashaga gutangira umurimo uri imbere yawe maze ukawukorana ubudahemuka, udashaka gukuza inarijye mu buryo ubwo ari bwo bwose, amahoro n'ibyishimo byaza mu mutima wawe biboneye cyane, bikungahaye kandi binyuze kurusha abanesha urugamba mu ntamabara zo mu isi. Kubaho dukorera Imana kandi tugakoreha igihe cyacu n'ubushobozi bwacu ukodushoboye kose, ni ugukurira mu buntu no kumenya. Ibi dushobora kubikora kuko ari umurimo wacu. Mugomba kwitandukanya n'ibibazo byo gushidikanya maze mukagira ukwizera gushyitse kwerekeye ukuri kw'inshingano Imana yabahaye kugira ngo mugere ku ntego mu murimo wanyu.

Mu byishimo ari byo nsinzi ndetse n'ikuzo by'umurimo wanyu, mugomba guhora muteze amatwi mwiteguye gusubiza irarika ry'Umwami Imana muti,

“Ndi hano, ba ari jye utuma” (Yesaya 6:8). Ndi hano Mwami n’imigambi myiza kandi yera y’umutima wanjye, akira umutima wanjye n’ibitekerezo byawo biboneye by’agaciro kenshi, nyakira kandi ungira ukwiriye gukora umurimo wawe.

Ndakurarikira guhindukira vuba vuba uko ushoboye kose; tangira inshingano Imana yaguhaye kandi ushake kubonera n’ubutungane byo kweza iyo nshingano. Witinda, wihera mu rungabanagabo. Niba Uwiteka ari Imana, mukorere; ariko niba ari Baali mukorere. Ufite isomo ryo mu gihe cyashize ryo kwiringira Imana kugira ngo wongere wigire mu ishuri riruhije ry’umubabaro. Reka D. M. Canright yinjire muri Yesu….

Dushobora guhamagarwa ngo ugira ubufasha dutanga mu kanya gato, kandi ntihazabaho n’umwe uzitaba iryo rarika. Reka ubu buzima buhishwe mu Mana n’izina ryawe ryandikwe mu ijuru kandi rye kwibagirana. Kurikira inzira ujyeaho Kristo akuyobora hose, kandi ureke ibimenyetso byasigaye aho wanyuze bibashe kuba ibimenyetso abandi babasha gukurikira mu mahoro bagenda mu nzira y’ubutungane.

Mu nzira igana ku rupfu harimo imibabaro n’ibihano, harimo againda no kubona ibyo utari witeze, harimo imiburo ikomoka ku ntumwa z’Imana ibuza umuntu gukomeza, kandi Imana izatuma iyo nzira irushya abatumvira kandi binangira bashaka kwirimbura. Inzira izamuka igana ku bugingo buhoraho ni isoko y’ibyishimo ihembura abananiwe. Ibyishimo nyakuri kandi bishyitse by’umutima bitangira iyo Kristo we byiringiro by’umugisha yinjiye mu muntu. Niba uhisemo inzira Imana ikuyoboramo ubu, kandi ugakomeza ujya imbere ujya usanga ijwi rikurarikira gukora umurimo, ibirushya Satani yatubuye bikagaragara ko bikomeye imbere yawe bizayoyoka.

Nta nzira itekanye, uretse igenda irushaho kugaragara neza kandi igororotse ari uko umuntu akomeza kuyikurikira. Rimwe na rimwe ikirenge gishobora kunyerera mu nzira nziza. Kugira ngo ugende udafite ubwoba, ugomba kumenya ko ikiganza cyawe gifashwe n’icya Kristo agikomeje.

Ntabwo ugomba gutekereza n’akanya na gato ko nta kaga kagutegereje. Umunyabwenge ukomeye akora amakosa. Rimwe na rimwe umunyambaraga aragwaguza. Umupfapfa, uwiyiringira, uwigira mwiza,

ukomeza kugenda mu nzira zabuzanijwe atumvira, akigira shyashya yibwira ko igihe ashakiye ashobora guhindura inzira yafashe, aba agenda mu nzira yuzuyemo imitego. Bashora kugwa rimwe bakabyuka, bagakosora ikosa bakoze ariko se ni bangahe batera intambwe imwe gusa ibayobya ikazabarimbuza by'iteka ryose.

Niba wikinira utagaragaza igitekerezo n'umwanzuro wawe kugira ngo uronke ibyo utari kobona mu zindi nzira, niba kubw'uburyarya n'uburiganya uronka ibyajyaga guturuka mu kwihangana, kwiyuha akuya ndetse no kurwana intambara, uzafatwa mu mutego witeguriye kandi uzarimbuka atari kuby'ubugingo bwo kuri iyi si gusa ahubwo no kuby'ubugingo bw'igihe kizaza. Imana ikurinde kugira ngo utarohama mu byo kwizera. Reba kuri Pawulo; tegera amatwi amagambo ye yumvikana muri iki gihe cyacu: "Narwanye intambara nziza, narangije urugrndo, narinze ibyo kwizera. Ibisigaye mbikiwe ikamba ryo gukiranuka, iryo Umwami wacu, umucamanza utabera azampa kuri urya munsi, nyamara si jye jyenyine, ahubwo ni abakunze kuzaboneka kwe bose" (2Timoteyo 4:7, 8). Iri ni ijwi ryo kunesha urugamba ryavuzwe na Pawulo. Mbese iryawe rizaba irihe?

Noneho rero umukuru Canright, kubwo gukiza ubugingo bwawe ungera ufate ikiganza cy'Imana ukomeje, ndakwinginze. Ndananiwe ku buryo ntabasha kwandika byinshi. Ndagusabira ngo Imana ikurokore mu mutego wa Satani. – Letter 1, 1880. (Ibaruwa 1, 1880)

KWEREREZA KRISTO

Umuntu wese wemera Kristo mu by'ukuri kubwo kwizera azagendana umutima wicisha bugufi. Ntihazabaho gushyira inarinjye hejuru ahubwo Kristo ni we uzererezwa kuko ari we ibyiringiro byacu y'ubugingo buhoraho bishingiyeho. Intumwa Pawulo yaravuze ati, "Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera" (Abefeso 2:8). Kandi ubuntu bwa Kristo buri muri twe ni bwo buduhindura abahamya be. Tubasha kuba abaneshi gusa kubw'amaraso y'Umwana w'Intama no kubw'ijambo ry'ubuhamya bwacu. Duhinduka umucyo mu itorero no mu isi kubw'imibereho igendera kuri gahunda n'ibiganiro bihesha Imana ikuzo. Iby'umwuka bigomba kugenzurwamu buryo

bw’umwuka. Abanywa ku mazi y’agakiza bagashira inyota bazagaragaza ubugwaneza no kwicisha bugufi bya Kristo mu buryo bwuzuye.

Nategetswe kubwira abahamagariwe kwigisha abandi Ijambo ry’Imana nti:

Ntimikigere mushishikariza abantu kubashakiraho ubwenge. Igihe abantu baje kubagisha inama, nimubereke Kristo we uyobora imigambi y’umutima wose. Umwuka utandukanye n’uwo ushobora kuza mu murimo wacu w’ivugabutumwa. Nta bantu bagomba gukora umurimo wo kwicuzwaho ibyaha; nta muntu ugomba gushyirwa hejuru nk’umunyacyubahiro usumba bose. Umurimo wacu ni uwo gucisha bugufi kamere maze tukerereza Kristo imbere y’abantu. Amaze kuzuka, Umukiza yasezeranye ko imbaraga ye izabana n’abantu bose bari kuzagenda mu izina. Nimureke izi mbaraga n’iri zina abe ari bye byererezwa. Dukeneye guhora tuzirikana mu ntekerezo zacu isengesho rya Kristo ubwo yasabaga ko inarijye yakwejeshwa ukuri no gukiranuka.

Imbaraga za Data wa twese uhoraho ndetse n’igitambo cy’Umwana we byari bikwiye kwigwa kuruta uko byigwa. Umurimo utunganye wa Kristo wuzuriye mu rupfu rwe ku musaraba. Ni we byiringiro byacu rukumbi by’agakiza binyuze mu gitambo cye no mu murimo wo kudusabira iburyo bwa Data wa twese. Ibyishimo byacu byari bikwiriye kuba kwerereza imico y’Imana imbere y’abantu ndetse no guhimbaza izina rya Kristo mu isi. – Manuscript 137, 1907.

UMUGABANE WA GATANU

IBIHEMBO BY’ABAKOZI BACU

IJAMBO RY'IBANZE

Ibihembo bihemberwa imirimo yakozwe ni ingingo buri muntu wese ahora azirikana. Ni n'ingingo ivugwaho mu bitabo byinshi bigezweho bya Ellen. G. White.

Ibivugwa muri iki gice ni inama z'inyongera zakusanyirijwe hamwe kugira ngo zigwe mu nama zimwe zashyizweho n'Inteko Nkuru Rusange kugira ngo havugururwe amahame yagombye kugenderwaho mu guhemba abakozi b'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi. Izi nyandiko zagaragaye ko ari ingirakamaro ku bari bagize izo nama, kandi nk'uko babyifuje izo nama zikubiye muri iki gice.

Ivugururwa ry'aya mahame ngenderwaho mu guhemba abakozi ndetse n'andi mahame, yakuwe mu nyandiko zitandukanye ndetse n'inama zatanzwe zerekeye imikoranire y'abakozi b'Abadiventisiti b'Umunsi wa karindwi n'ibigo bakoramo, bizasomwa byitaweho.

Kandi bitewe no gukururwa n'umutungo, umuntu wese ushobora kugeragereshwa kwemera kujya aho azabona inyungu nyinshi akora umurimo udafite aho uhuriye n'umurimo w'Imana azungurwa ibitekerezo bimutera gutekereza no gutuza mu gice kivuga ngo, "*Imana yahawe umuntu wateguraga umugambi wo kuva mu murimo w'Imana bitewe n'impamvu z'ubukungu.*" Muri ubu butumwa bwose bwa Ellen G. White umwuka wa Kristo ari wo mwuka wo kwitanga ni wo ngingo y'ingenzi.- *Abashinzwe kurinda inyandiko za E.G. White.*

IGICE CYA 19:ICYITEGEREREZO

Intangiriro zo kwimura Imana kwa Salomo zishobora gushakirwa mu guteshuka koroheje k'uburyo bwinshi areka amahame atunganye. Kwifatanya n'abagore basengaga ibigirwamana ni ko kwabaye impamvu imwe rukumbi yo kugwa kwe. Zimwe mu mpamvi z'ingenzi yashoye Salomo

mu gusesagura no kurenganya akoresheje iterabwoba, yabaye inzira yafashe akuza kandi aha intebe umwuka wo kurarikira.

Mu minsi ya Isirayeli ya kera, ubwo bari bari munsi y'umusozi wa Sinayi, Mose yabwiye ubwoko bw'Abisirayeli itegeko ry'Imana ati, "Kandi bandemere ubuturo bwera, nture hagati muri bo" (Kuva 25:8). Inyifato y'Abisirayeli yaherekejwe n'impano zikwiriye. "Haza umuntu wese utewe umwete n'umutima we, uwemejwe na wo wese, bazana amaturo batura Uwiteka"(Kuva 35:21). Kugira ngo ubuturo bwubakwe, hari hakenewe imyiteguro ikomeye kandi ifite agaciro kenshi; ibintu byinshi bihenze cyane kandi by'agaciro byari bikenewe; nyamara Imana yemeye gusa amaturo atanganwe ubushake.
"Umuntu wese wemezwa n'umutima we azaba ari mwakira ituro antura" (Kuva 25:2), iri ni ryo ryari itegeko ry'Imana Mose yasubiriyemo iteraniro ryose ry'Abisirayeli. Kwiyegurira Imana no kugira umutima wo kwitanga ni byo byari ibintu by'ingenzi bikenewe mu gutegurura Usumbabyose ahantu ho gutura.

Kurarikirwa kwitanga mu buryo nk'ubwo kongeye kubaho igihe Dawidi yahaga Salomo inshingano yo kubaka ingoro y'Uwiteka. Dawidi yabajije imbaga y'abantu bari bazanye impano zabo zivuye ku mutima ati, "Nuko rero ni nde wemeye kwitanga ku Uwiteka?" (1Ngoma 29:5). Iri rarikwa rigomba kuba ryaragumye mu ntekerezo z'abagombaga gukora umurimo wo kubaka ingoro y'Imana.

Abagabo batoranyijwe bari barahawe n'Imana ubuhanga n'ubwenge mu buryo budasanzwe kugira ngo bubake ihema ry'Imana mu butayu. "Mose abwira Abisirayeli ati, 'Dore Uwiteka yahamagaye mu izina Besaleli…. wo mu muryango wa Yuda, amwuzuza Umwuka w'Imana ngo agire ubwenge bwo guhimba n'ubwo gutora, n'ubuhanga bw'ubukorikori bwose bwo guhimba imirimo y'ubuhanga ….Kandi yamushyize mu mutima kwigisha abandi, we na Oholiyabu mwene Ahisamaki, wo mu muryango wa Dani. Abo yujuje imitima yabo ubuhanga bwo gukora ubukorikori bwose, bw'ubukebyo bw'amabuye n'ubwo kudoda amabara y'imikara ya kabayonga, n'ay'imihengeri n'ay'imihemba, n'ay'ibitare byiza, n'ubwo kubohesha

imyenda ubudodo…n'ubw'abakoresha ubuhanga bwose n'ubw'abahimba imirimo myiza yose'" (Kuva 35:30-35). "Besaleli na Oholiyabu bakorane n'umuhanga wese Uwiteka yashyizemo ubuhanga n'ubwenge" (Kuva 36:1). Abamarayika bo mu ijuru bakoranye n'abakozi Uwiteka yihitiyemo ubwe.

Abakomotse kuri abo bantu barazwe mu buryo bukomeye uguhanga bwahawe ba sekuruza babo. Mu muryango wa Yuda n'uwa Dani harimo abagabo bari bazwiho kuba abahanga mu bukorikori. Abo bantu bamaze igihe runaka bicisha bugufi kandi batikanyiza ariko buhoro buhoro mu buryo butagaragara neza baje baretse kwishingikiriza ku Mana no ku kuri kwayo. Batangiye gusaba ibihembo byinshi bitewe n'ubuhanga bwabo buhanitse. Mu bihe bimwe ibyo basabaga byaremewe, ariko akenshi abasabaga ibihembo by'akarenga babonaga imirimo mu mahanga yari abakikije. Aho kugira ngo bagire umwuka wiyoroshya wo kwitanga wari wuzuye abakurambere babo bubahwagwa cyane, bahaye intebe umwuka wo kurarikira kandi wo kurundanya byishyi.
Ubuhanga bari barahawe n'Imana babukoreshereje abami b'abapagani maze basuzugura Umuremyi wabo.

ABAKOZI BATIZERA BAKORESHEJWE

Muri aba bahakanyi nimo Salomo yashatse umukoresha w'umuhanga kugira ngo agaharikire iyubakwa ry'ingoro y'Imana ku kusozi Moriya.
Ubusobanuro bwimbitse kandi bwanditswe ku byerekeye buri mugabane w'iyo nyubako yera, bwari bwarahawe umwami kandi yagombye kuba yarasanze Imana mu kwizera akayisaba abafasha bejejwe abashoboraga kuba barahawe ubuhanga bwihariye bwo gukora neza umurimo wasabwaga gukorwa. Nyamara Salomo ntiyitaye kuri aya mahirwe yo gukoresha kwizera Imana.
Yatumye ku mwami w'i Tiro ngo "amwoherereze umugebo w'umuhanga, uzi gukora iby'izahabu n'iby'ifeza n'imiringa n'ibyuma n'imyenda y'imihengeri n'iya kamurari n'iy'imikara ya kabayonga,kandi uzi gukeba amabara y'uburyo bwose. Kugira ngo abane n'abagabo b'abahanga bari kumwe nawe i Buyuda n'i Yerusalemu " (2Ngoma 2:7).

Umwami w'I Foyenike yamusubije amwoherereza Huramu, "umugabo w'umuhanga uzi kwitereza,umwana w'umugore wo muri bene Dani, na se yari umugabo w'i Tiro" (2Ngoma 2:13, 14). Uyu mugabo w'umukoresha witwaga Huramu, urebye ku ruhande rwa nyina, yavukaga kuri Oholiyabu uwo Imana yari yarhaye ubwenge bwihariye mu kubaka ihema ryayo mu myaka amagana menshi yari ishize. Ni muri ubwo buryo ku isonga ry'abakozi ba Salomo hashyizwe umuntu utejejwe wasbye ibihembo by'aarenga kubera ubuhanga bwe budasanzwe.

Gukorana umuhati kwa Huramu ntukwatewe no gushaka gukorera Imana umurimo ukomeye. Yakoreraga Mamoni, imana y'iyi si. Umubiri we wose wari ukozwe mu mahame yo kwikanyiza yagaragariye mu gusaba ibihembo birenze urugero. Kandi buhoro buhoro, iyi mico ye mibi yaje guhabwa intebe n'abafasha be. Uko bakoranaga nawe umunsi ku munsi kandi bagaga urwaho irari ryo kugereranya ibihembo bye n'ibyabo, batangiye kwirengagiza imiterere yera y'umurimo wabo no gutinda bibaza ku itandukaniro riri hagati y'ibihembo byabo n'ibye. Buhoro buhoro batakaje umwuka wo kwiyanga maze bakuza kwifuza no kurarikira. Umusaruro wavuyemo wabaye gusaba ibihembo biruseho maze barabihabwa.

Impinduka mbi zatangijwe no gukoresha uyu mugabo wari ufite umwuka wo kurarikira, winjiye mu mashami yose y'umurimo w'Uwiteka kandi uba gikwira mu bwami bwa Salomo. Ibihembo by'akarenga byasabwe kandi bikakirwa byateye bamwe kugira umutima wo kwaya no gusesagura. Mu ngaruka zaje kuzakurikiraho ziturutse kuri izo mpinduka, wasangamo imwe mu mpamvu z'ingenzi zateye ubuhakanyi bukomeye bwa Salomo wabaye umunyabwenge uruta abandi bantu bose. Umwami Salomo ntiyagiye mu buhakanyi wenyine. Gusayisha no korama mu bibi byagaragaraga impande zose. Abakene bakandamizwaga n'abakire, umwuka wo kwitanga mu murimo w'Imana wari hafi gushira mu bantu.

Ahangaha hari isomo rikomeye cyane ku bwoko bw'Imana muri iki gihe kandi ni isomo abantu benshi batiteguye kwiga. Umwuka wo kurarikira, gushakisha imyanya yo hejuru n'ibihembo birenze urugero wabaye gikwira

mu isi. Umwuka wo kwiyanga no kwitanga warangaga aba kera wabaye ingume.

Nyamara uyu ni wo mwuka wonyine ushobora gukoresha umuyoboke nyakuri wa Yesu. Umutware wacu wo mu ijuru yaduhaye urugero ry'uburyo tugomba gukora. Abo yabwiye ati, "Nimunkurikire nzabagira abarobyi b'abantu" (Matayo 4:19), ntiyigeze abasezeranira umubare runaka w'ibihembo by'imirimo bakoraga. Bagombaga gufatanya nawe mu kwiyanga no kwitanga kwe.

Abavuga ko ari abayoboke b'Umukoresha Mukuru kandi bakajya mu murimo we nk'abakorana n'Imana, bagomba kuzana imikorere yabo inoze n'ubuhanga, ubushishozi n'ubwenge mu murimo bakora, ibyo Imana ibana n'ibitunganye yasabye igihe ihema ryayo ryo ku isi ryubakwaga. No muri iki gihe nk'uko byari bimeze muri iyo minsi ndetse no mu gihe Yesu yari mu murimo we hano ku isi, kwiyegurira Imana ndetse n'umwuka wo kwitanga byari bikwiye gufatwa ko ari ibyangombwa by'ingenzi biranga umurimo wemewe. Imana igambirira ko nta gatotsi na gato ko kwikanyiza kinjira mu murimo wayo.

URUGERO RW'IBYABAYE MU MATEKA Y'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI

Hari hakwiye kubaho kwitonda ku byerekaye umwuka wakwiriye mu bigo by'umurimo w'Uwiteka. Ibi bigo byashinzwe mu bwitange, kandi byubatswe n'impano zo kwitanga zivuye mu bwoko bw'Imana ndetse n'umurimo utarangwa no kwikanyiza wakozwe n'abagaragu bayo. Ikintu cyose gifitanye isano n'umurimo ukorerwa mu bigo [by'umurimo w'Uwiteka] kigomba kurangwaho ikimenyetso cy'Ijuru. Kuzirikana ukwera kw'ibigo bikorerwamo umurimo w'Imana bigomba gushyigikirwa kandi bikamenyerwa. Abakozi bagomba gucisha imitima yabo bugufi imbere y'Uwiteka, bazirikana icyubahiro cye giheranije. Bose bagomba kubaho

bakurikiza amahame yo kwiyanga. Igihe umukozi nyakuri kandi witanga atikanyiza aharanira guteza imbere inyungu z'ikigo akoramo, itara rye mu by'umwuka riboneje kandi ryaka, azahabonera ibyiza bitangaje kandi azabasha kuvuga ati, "Ni ukuri Imana iri aha hantu." Azumva ko yahawe amahirwe akomeye yo kwemererwa gutanga ubushobozi bwe, umurimo we n'ubushishozi bwe.

Mu minsi ya mbere y'ibwirizwa ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, abantu bashinze ibigo byacu ndetse n'ababikoragamo, bakoreshwaga n'impamvu ikomeye yo kutikanyiza. Ku mirimo yabo ivunanye bahembwaga agashahara gake ko kubunganira mu buryo bworoheje. Nyamara imitima yabo yari yarabatijwe n'ubutumwa bw'urukundo. Ingororano yo gutangana umutima ukunze yagaragariye mu gusabana n'Umukoresha wabo Mukuru. Biziritse umukanda kugira ngo abandi bakozi benshi bashobore nabo kubiba ukuri mu turere dushya.

Nyamara hashize igihe haje kubaho impinduka. Ntabwo umwuka wo kwitanga wari ukigaragara. Muri bimwe mu bigo byacu imishahara y'abakozi bake yarongewe birenze urugero. Abahawe ibyo bihembo bavugaga ko bakwiriye ibihembo biurta iby'abandi kubera ko ubuhanga bwabo buhanitse. Ariko se ni nde wabahaye ubwo buhanga n'ubushobozi bwabo?
Ukongerwa kw'ibihembo kwahise kuzana no kwiyongera buhoro buhoro ko kurarikira ari ko kuramya ibigirwamana kandi binazana no gusubira inyuma buhoro buhoro mu bya Mwuka. Ibibi bibabaje cyane byaracengeye maze Imana irasuzugurwa. Intekerezo z'abantu benshi babonye uku kurarikira ibihembo bisumbyeho zuzuye gushidikanya no kutizera. Amahame adasanzwe ameze nk'umusemburo mubi yakwiye hafi mu bizera bose. Benshi baretse kwitandukanya n'inarijye kandi habaho abatari bake banze gutanga icyacumi n'amaturo.

Mu mbabazi zayo, Imana yahamagariye abantu gukora impinduka mu murimo wayo wera kandi izi mpinduka zagombaga gutangirira mu mutima zikagaragarira inyuma. Abantu bamwe mu buhumyi bwabo bari barakomeje kumva ko imirimo yabo ifite isumbwe, barirukanwe. Abandi bakiriye ubutumwa bahawe maze bahindukirira Imana bayerekejeho umutima wose

kandi bazinukwa umwuka wabo wo kwifuza. Bidatinze bashyize umuhati mu gutanga urugero rutunganye imbere y'abantu maze ku bw'ubushake bwabo bagabanisha imishahara yabo. Babonye ko nta kindi gishobora kubakiza gutwarwa n'ikigeragezi gikomeye uretse guhinduka kuzuye kw'intekerezo n'umutima.

IMBOGAMIZI KU MURIMO W'IVUGABUTUMWA W'IKUBAGAHU

Umurimo w'Imana mu mpande zawo zose ni umwe kandi amahame amwe ni yo yagombye kuyobora, umwuka umwe ukagaragara mu mashami yose y'uwo murimo. Ugomba kugira ikimenyetso cy'umurimo w'ivugabutumwa. Buri cyiciro cyo muri uwo murimo gifitanye isano n'ibice byose by'ivugabutumwa kandi umwuka uyobora buri cyiciro uzagaragarira muri uwo murimo wose. Iyo umugabane umwe w'abakozi uhabwa umushahara munini, hariho abandi bo mu yandi mashami y'umurimo bazasaba imishahara yo hejuru, kandi umwuka wo kwitanga uzagenda ukerenswa buhoro buhoro. Ibindi bigo n'ahandi hakorerwa umurimo naho bazakira uwo mwuka kandi ubuntu bw'Imana buzabakurwamo bitewe n'uko idashobora na rimwe kwemera kwikanyiza. Muri ubwo buryo umurimo wacu w'ikubagahu wahita urangira. Uyu murimo ubasha gukomeza gukorwa gusa kubwo kwitanga ubudatuza.

Imana izagenzura ukwizera k'umuntu wese. Kristo yatuguze atanze igitambo kitagerwa. Nubwo yari umukire, yahindutse umukene ku bwacu kugira ngo ubukene bwe buduheshe ubutunzi bw'iteka ryose. Ibyo dufite byose byaba ubushobozi n'ubwenge ni ibyo Uwiteka yaturagije kugira ngo tubimukoreshereze. Ni amahirwe yacu kuba abasangiye na Kristo mu gitambo cye.

IGICE CYA 20 :AMAHAME RUSANGE AGENGA GUHEMBA ABAKOZI

UMUGISHA NO KUNYURWA MU MURIMO W'UBWITANGE

Abazirikana umurimo w'Imana mu mitima yabo, bagomba kumenya ko atari bo bikorera ubwabo cyangwa ngo babe bakorera agashahara gato bashobora guhembwa. Bagomba kumenya kandi ko Imana ishobora gutuma uduke babona dutubuka kurenza uko babitekereza. Uko bajya mbere mu murimo wo kwitanga, Imana izabaha umugisha no kunyurwa. Kandi uko dukora dufite ubugwaneza bwa Kristo, Imana izaha umugisha buri wese muri twe. Igihe mbona abantu bamwe basaba imishahara minini ndibwira nti, "Bari gutakaza umugisha ukomeye." Nzi ko ibi ari ukuri. Nabonye bikorwa incuro nyinshi.

None bavandimwe, nimucyo twihangane kandi dukore ibyiza uko dushoboye kose, tudasaba imishahara yo mu rwego rwo hejuru keretse gusa dusanze ko bidashoboka ko twakora umurimo twahawe tudafite ibirenzeho. Nyamara n'ubwo byaba bimeze bityo nimureke abandi babone ubu bukene nk'uko tububona kubera ko Imana ibishyira mu mitimayabo kugira ngo babibone, kandi bazavuga ijambo rizagira imbaraga kuruta uko twe twavuga amagambo igihumbi. Bazavuga amagambo azatwumvikanisha neza imbere y'abantu. Uwiteka niwe mufasha wacu kandi ni we Mana yacu, ni ingabo idukingora imbere n'inyuma.

Uko twe ubwacu tugirana umubano mwiza n'Imana, tuzagera ku nsinzi aho tujya hose; kandi insinzi ni yo dushaka, si amafaranga. Dukeneye kunesha kuzima kandi Iman izakuduha kubera ko izi ukwiyanga kwacu kose. Izi ukwitanga kose tugira. Ushobora gutekereza ko kwiyanga kwawe ntacyo kuvuze, ko ahubwo ukwiriye kugira ukundi kuzirikanwa n'ibindi. Nyamara uko kwiyanga gufite agaciro gakomeye ku Mana. Incuro nyinshi nagiye nerekwa ko igihe abantu batangiye kurarikira imishahara igendairutaho kuba minini, hari ikiba mu mibereho yabo kibashyira aho badashobora kongera guhagarara mu mwanya wo hejuru. Nyamara iyo bahawe igihembo

kigaragaraho igihamya cy'uko bitanga, Uwiteka abona kwiyanga kwabo kandi abaha kugera ku ntego no ku nsinzi. Ibi nabyeretswe incuro nyinshi cyane.

Imana ireba ibihishwe izagororera ku mugaragaro igitambo cyose abagaragu bayo bageragezwa bifuje gutanga.- Manuscript 12, 1913.

NTA GUSABA UMUBARE RUNAKA UGENWE

Kristo ararika abantu bose agira ati, "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umuugwaneza kand noroheje mu mutima, na mwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye" (Matayo 11:28-30). Abantu bose nibikoreraga umutwaro Kristo abaha, bakiga inyigisho yigishriza mu ishuri rye, hazabaho ubushobozi bihagije bwo gutangiza ahantu henshi umurimo w'ivugabutumwa bwiza rishingiye ku buvuzi.

Nimucyo he kugira n'umweuvuga ati, "Nzinjira muri uyu murimo kubera umubare runaka ugenwe w'ibihembo. Niba ntabonye uwo mubare runaka, sinzakora uyu murimo." Abantu bavuga batya bagaragaza ko batikorera umutwaro wa Kristo; ntibaba biga ubugwaneza no kwiyoroshya bye….

Kuba umukire mu butunzi bwo ku isi si byo byongera agaciro kacu mu maso y'Imana. Abagwaneza n'abafite imitima imenetse ni bo Uwiteka azirikana kandi agaha icyubahiro. Soma igice cya mirongo itanu na karindwi cya Yesaya.
Iga iki gice witonze; kuko gisobanuye yinshi ku bwoko bw'Imana. Nta cyo nzakivugaho. –Letter 145, 1904.

MUKORE UMURIMO KANDI MWEMERE IBIHEMBO MUHABWA

Buri muntu wese asabwa gukora umurimo yashinzwe n'Imana. Buri muntu wese asabwa gukora umurimo Imana yamushinze. Dukwiriye kuba dufite ubushake bwo gukora imirimo mito, dukora ibigomba gukorwa umuntu agomba gukora, tugateza inzira nto dufitemo ibigomba gukorwa. Niba izo ari zo nzira zonyine zihari, twari dukwiye gukorana ubudahemuka. Umuntu upfusha ubusa amasaha, iminsi ndetse n'ibyumweru bitewe n'uko adashaka gukora umurimo ubonetse uko waba woroheje kose, uko gupfusha igihe ubusa azabibazwa imbere y'Imana. Niba yumva ko nta cyo yakora bitewe n'uko adashobora kubona ibihembo yifuza, nimureke atuze maze atekereze ko uwo munsi umwe afite ari uw'Uwiteka. Ni umugaragu w'Uwiteka bityo ntabwo agomba gupfusha igihe ubusa. Nimureke atekereze atya ati, "Nzakoresha icyo gihe ngira icyo nkora kandi nzatanga ibyo nunguka byose kugira ngo nteze umurimo w'Imana imbere. Sinzitwa inkorabusa."

Iyo umuntu akunda Imana kuyirutisha byose, kandi agakunda bagenzi nk'uko yikunda, azahagarika kubaza niba icyo ashobora gukora kimwungura byinshi cyangwa bike. Azakora umurimo kandi yemere ibihembo ahabwa. Ntabwo azashyiraho urugero ashingiraho yanga umurimo we kubera ko adashobora kwishingikiriza ku mushahara munini atekereza ko yagombye guhembwa.

Iman igenzura imico y'umuntu ishingiye ku mahame agenderaho mu mikorere ye igihe akorana na bagenzi be. Niba amahame akoresha mu mirimo y'ibisanzwe ari amahame adatunganye, n'ubundi ayo mahame azazanwa mu murimo w'ibya Mwuka akorera Imana. Iyo mikorere yamubayeho akarande yinjira mu mibereho ye yose y'ibya Mwuka. Niba ufite ishema ryo kwikorera wowe ubwawe ukorera ibihembo bito, korera Umutware mukuru; tanga ibyo wunguka bijye mu mutungo w'Uwiteka. Tanga ituro ryo gushimira Imana kuba yararinze ubugingo bwawe. Ariko ntube inyicarabusa mu buryo ubwo ari bwo bwose. Manuscript 156, 1897.

GUHEMBWA KUGOMBA KUGENDANA N'UMURIMO

Inzira z'Imana ntizibera kandi ziratunganye. Abakozi bakora mu ishuri bakwiriye guhemba hakurikijwe amasaha bakorera ishuri nta buryarya kandi bashyizeho umwete. Nta mukozi uwo ari we wese ukwiriye kurenganywa. Niba hari umugabo cyangwa umugore ukoresha igihe cye cyose akorera ishuri, agomba guhembwa n'ishuri bigendanye n'igihe ishuri rimukoresha. Niba hari umuntu utanga ubwenge bwe, akiyuha akuya kandi agatanga imbaraga ze yikorera imitwaro y'ishuri, agomba guhembwa hakurikijwe agaciro aha ishuri. Ubutabera n'ukuri bigomba gukomezwa, atari ukugira ngo habeho imigendekere myiza y'ishuri muri iki gihe cyangwa mu gihe kizaza gusa, ahubwo no ku nyungu z'umuntu ku giti cye mu byerekeye ubutungane. Uwiteka ntazashyigikira kurenganya na guto. – Manuscript 69, 1898.

AMAHIRWE YO GUKORA UYAGERERANYIJE N'IBIHEMBO

Abantu batekereza cyane ku bihembo kuruta uko batekereza ku mahirwe bafite yo guhabwa icyubahiro baba abakozi b'Uwiteka, abantu bafata umurimo wabo mu mwuka wo kwihimbaza bitewe n'uko bagomba kubona ibihembo, bene abo ntibashyira kwiyanga no kwitana mu murimo bakora. Abantu ba nyuma bahawe umurimo bizeye ijambo umukoresha yababwiye ati,

"[Namwe mujye mu ruzabibu rwanjye], ndi bubahe ibikwiriye" (Matayo 20:7). Bari bazi ko bari buhabwe ibyo bakwiriye byose kandi bashyizwe imbere bitewe n'uko bazanye ukwizera mu murimo wabo. Iyaba abari biriwe bakora umunsi wose bari barazanye umwuka wo w'urukundo no kwizera mu murimo wabo, baba arakomeje kuba ab'imbere.

Umwami Yesu arebera agaciro k'umurimo wakozwe mu mwuka uwo murimo wakoranywe. Ku isaha ya nyuma azemera abanyabyaha bihana bamusanga mu kwizera bicishije bugufi kandi bumvira amategeko ye.

Kristo aburira abantu bari mu murimo we ko batagomba guciriranwa ku mubare runaka w'ibihembo nk'aho Umutware wabo atazabagenera ibibakwiriye mu buryo nyakuri. Yigishije uyu mugani kugira ngo abivovota batazumva ko bashyigikiwe muri icyo bita kubabazwa n'uko barenganyijwe.Manuscript 87, 1899.

Kunyurwa nyakuri mu by'umutungo ntibishobora na hato kuba ku muntu uhora ararikiye ibihembo bisumbyeho kandi uha urwaho ikigeregezo kimutandukanya n'umurimo Imana yamushinze. Ntihashobora kubaho kunyurwa mu byerekeye umutungo haba ku muntu uwo aro we wese, umuryango cyangwa ikigo keretse gusa ubwenge bw'Imana ari bwo buyobora.Letter 2, 1898. (Tract "To the Leading Men in Our Churches," p.4).

"UMURYANGO UBAHO MU BURYO BUHENZE"

Abantu banyandikiye bambwira ko bagomba guhabwa imishahara yo hejuru, kandi babisabaga bitwaje ko imiryango yabo ibaho mu buryo buhenze. Muri icyo gihe kandi ikigo bakoragamo cyagombaga gusaranganya umutungo kugira ngo kigerageze gukemura ibijyanye n'ibyakoreshwaga. Ni mpamvu ki hari umuntu wagombye kwitwaza imibereho y'umuryango ihenze akabigira impamvu yo gusaba umushahara wo hejuru? Mbese icyigisho Yesu yatanze ntigihagije? Aravuga ati, "Umuntu nashaka kunkurikira *yiyange*, yikorere umusaraba we ankurikire" (Matayo 16:24).

Ibigo byacu byashingiwe kugira ngo bikoreshwe nk'uburyo butanga umusaruro bwo guteza imbere umurimo wo gukiza imitima. Abantu babikoramo bagomba kwiga uko bakwiye gufasha ibyo bigo aho kugira ngo bige uburyo bwo gukura ubutunzi bwinshi mu mutungo wabyo. Niba bafata ibirenze ibyo bakwiriye, babera imbogamizi umurimo w'Imana. Nimureke umuntu wese ukora muri ibyo bigo avuge ati, "Ntabwo nzashyira umushahara wanjye ku rwego rwo hejuru kubera ko ibyo byaba kwiba

umutungo kandi kwamamazwa k'ubutumwa bw'imbabazi bikaba byakomwa mu nkokora. Ngomba kudasesagura. Abagiye mu murimo w'Imana aho ukenewe, bari gukora umurimo w'ingenzi nk'uwo nkora. Ngomba gukora ibyo nshobora byose n'imbaraga zanjye kugira ngo mbafashe. Uyu ni umutungo w'Imana nkoresha kandi nzakora nk'uko Kristo yagakoze ari muri uyu mwanya wanjye. Sinzatanga amafaranga mu binezeza amaso bigezweho. Nzibuka abakozi b'Uwiteka bari mu murimo hirya no hino. Bafite ibyo bakeneye kundusha. Bahura n'ubukene bwinshi no guhangayika mu murimo wabo. Bagomba kugaburira abashonji kandi bakambika abambaye ubusa.

Ngomba gushyira umupaka ku byo nsohora kugira ngo mbashe gufatanya na bo mu murimo bakorana urukundo." –*Special Testimonies,* Series B, no 19, pp.
19, 20.

GUHAMAGARWA UBURINGANIRE

Nimureke muri twe harusheho kubaho uburinganire. Hari ukwifuza kubona ingororano guhagije. Guha agaciro umurimo wakozwe bishingiye ku narijye birakorwa. Nimureke he kugira umuntu uhabwa umushahara w'ikirenga bitewe n'uko atekereza ko afite ubushobozi bwo gukora umurimo runaka ngo buri ubwo buryo umurimo ukorerwa Imana ndetse n'iterambere ry'umurimo wayo bishingire ku bucancuro. Uhabwa byinshi nawe azabazwa byinshi. Nimureke abajya impaka bavuga ko bakwiriye guhabwa imishahara minini kubera ubushobozi bwabo ndetse n'impano zihariye bafite bibaze bati, "Izi mpano ndi gucuruza ni iza nde? Mbese nakoresheje izi mpano mu buryo buhesha Imana ikuzo? Mbese italanto nagurijwe nazikubye kabiri?" Imikoresherezwe yera y'izi mpano yagombye kuzanira inyungu umurimo w'Imana. Impano zose dufite ni iz'Imana kandi ari icyo yaturagije ku ikubitiro n'inyungu twakibyaje umunsi umwe byombi bigomba kuyimurikirwa.

Iyaba abantu bakoze mu murimo w'Imana imyaka myinshi babashaga kwigana ubushishozi uburyo bukomeye bangije uruzabibu ry'Uwiteka

kubw'ibikorwa bidatunganye, kubwo gutandukira amahame nyakuri no gukoresha umutungo mu bitari umurimo w'Imana bakoresha ubushobozi bwabo kuyobora abandi mu nzira z'uburiganya, aho kurarikira guhabwa imishahara yo hejuru bari bakwiye kwicisha bugufi imbere y'Imana bafite ukwihana kuticuzwa. Nimureke bibaze iki kibazo bati, "Harya Databuja anyishyuza iki?" (Luka 16:5). Mbese nzasobanura iki ku byerekeraye n'italanto nakoresheje nabi, nzasobanura iki kubwo gukurikiza imitekerereze yanjye idatunganye? Mbese nakora iki kugira ngo nkumire ingaruka mbi z'ibikorwa bibi byanjye byagabanyije umutungo ugenewe umurimo w'Imana?" Iyaba buri muntu wese yarakoranye ubudahemuka mu mwanya w'icyubahiro yahawe, ntihakabayeho kubura k'umutungo mu bubiko bw'Uwiteka muri iki gihe.

Isano dufitanye n'umurimo w'Imana ntigomba kuba ishingiye ku rufatiro rw'ubucancuro nk'uko ukurikije uburyo umuntu abitekereza, ukoze cyane agomba guhabwa guhembwa cyane. Abantu bibwira ko imirimo bakora nta gaciro ifite baba bakora ikosa rikomeye cyane. Nimureke Imana ibe indahemuka ku ijambo yavuze bityo hazabaho impinduka zikomeye cyane mu bugari bw'umurimo ukorerwa Umwami wacu.

Hari ibintu byinshi bigomba gukoserwa mu bantu biteguye guhabwa byinshi. Mbega uburyo uku gushaka kwakira ibihembo kuzuye kwikanyiza bidakwiriye. Uku kurarikira imishahara y'ikirenga byirukanye urukundo rw'Imana mu mitima myinshi. Ubwibone butewe n'umwanya umuntu arimo ni ikibi cyashinze umuzi cyarimbuye ibihumbi byinshi. Abantu ibihumbi byinshi, bari buzuye kurarikira kuba abanyacyubahiro b'ikirenga no kugaragarira buri wese bararimbuwe kubera ko batari bagihanze amaso icy'ingenzi. Bari barigenzuye birebeyeho kandi bigereranyijje nabo ubwabo.

Kurarikira ikuzo n'ishimwe kwabo kwari kwarabyaye gusubira inyuma mu bya Mwuka. Iki ni icyigisho abantu bose bari bakwiriye kwigana ubushishozi kugira ngo baburirwe kwirinda kwikanyiza n'ubugugu, birinde ubwibone bukuraho urukundo bakunda Imana kandi bukangiza ubugingo buhoro buhoro.

Iyo hari umuntu ukora mu murimo w'Imana wanze gukorera umushahara ahabwa, iyo abona igihembo gikwiranye n'imirimo akora, ashobora guhabwa ibyo asaba nyamara akenshi bizamubera gutakaza ubuntu bw'Imana mu mutima we kandi ari bwo bufite agaciro kurusha izahabu n'ifeza n'amabuye y'agaciro. –Manuscript 164, 1899.

INGORANE ITERWA N'IMISHAHARA MININI

Kwigira umuntu kwa Kristo cyari igikorwa co kwitanga kandi imibereho ye yarangwaga no guhora yiyanga. Ikuzo ritagereranywa ry'urukundo Imana ikunda umuntu ryagaragariye mu gitambo cy'Umwana wayo w'ikinege wari ishusho yayo. Iri ni iyobera rikomeye ry'Imana. Kugira umutima nk'uwari muri Kristo ni amahirwe ndetse n'inshingano ya buri muntu wese uvuga ko ari umuyoboke we. Ntidushobora kuba abigishwa be tutagize kwiyanga kandi ngo twikorere umusaraba.

Igihe hari ibyifuzo byatanzwe byo guhemba imishahara minini abantu bakoraga mu icapiro ry'Urwibutso n'Integuza kandi bikemerwa, umwanzi yari ageze ku ntego z'umugambi we wo guteshura abantu ku migambi y'Imana maze akabayobora mu nzira z'ibinyoma. Abantu bikanyiza, bafite umwuka wo kurarikira bemeye imishahara minini. Iyo abakozi bashyira mu bikorwa amahame yavuzwe mu cyigisho Kristo yatanze, ntabwo baba barakiriye iyo mishahara babishishikariye. None se umusaruro wavuye muri uku kongera imishahara wabaye uwuhe? Ibyakoreshaga mu mibereho yo mu muryango byariyongereye cyane. Habayeho kwitandukanya n'amabwiriza ndetse n'ingero byatanzwe mu mibereho ya Kristo. Ubwibine bwarakanguwe kandi buhabwa icyicaro. Umutungo wakoreshwaga abantu biyerekana kandi bishimisha mu bitari ngombwa. Gukunda iby'isi byigaruriye umutima kandi kwifuza kubi gutegeka umubiri. Ya mishahara minini yahindutse umuvumo. Ntabwo Kristo yari we rugero rureberwaho ahubwo bareberaga ku b'isi.

Gukunda Kristo ntibizatera umuntu kunezeza kamere, ntabwo bizayobora umuntu ku gukoresha umutungo kugira ngo anezeze kandi ashimishe

kamere cyangwa ngo yimike ubwibone mu mutima. Urukundo rwa Kristo ruri mu mutima rutera umuntu kwicisha bugufi no gukurikiza ubushake bw'Imana atizigamye. – Letter 21, 1894. (Ibaruwa 21, 1894)

Iyo icyaha kirwanira imbere mu muntu, cyibasira umugabane w'ingenzi cyane w'imibereho y'umuntu. Gitera urujijo rukomeye n'umuvurungano mu bushobozi n'imbaraga Imana yahaye umuntu. Mu gihe indwara y'umubiri iwuca intege, indwara yo kwikanyiza no kwifuza kubi irimbura ubugingo. – Letter 26, 1897. (Ibaruwa 26, 1897)

IBIHEMBO BYISUMBUYE BYIFURIJWE ABO MU RWEGO RWO HEJURU

Umutima wanjye ukangaranijwe cyane n'ibyanyuze imbere y'amaso yanjye nijoro. Mu biganiro bya nijoro numvise ibyifuzo byavaga kuri bamwe mu bavandimwe bacu ariko sinshobora kwemeranya nabyo. Ibyo bavugaga byerekana ko bayobye inzira kandi ko badafite ubunararibonye buzabarinda gushukwa. Natewe agahinda no kumva bamwe mu bavandimwe bacu bavuga amagambo atagaragaza kwizera Imana no kuba indahemuka ku kuri kwayo. Hari ibyifuzo byatanzwe byashoboraga kuyobya abantu bikabakura mu nzira igororotse kandi ifunganye iyo biza gushyirwa mu bikorwa.

Bamwe batekerezaga ko ibihembo byisumbuye biramutse bihawe abantu bafite ubuhanga busumba bwo hejuru, abo bantu baguma muri twe maze umurimo usumbyeho ugakorwa mu buryo burushijwho kuba bwiza bityo umurimo wo kwigisha ukuri ukagera ku rwego rwisumbuye biruseho.

Ku byerekeranye n'iki kibazo nahawe amabwiriza aturutse ku Mana itabasha kwibeshya. Ndababaza nti, "iyo iyi gahunda iza gukurikizwa, ni nde ufite ubushobozi bwo kugenzura umumaro nyakuri ndetse n'imbaraga z'abakozi bagenzi be?" Nta muntu ufite ubushobozi bwo guhamya icyo undi amaze mu murimo w'Imana.

Umwanya cyangwa icyicaro umuntu ashobora kugira byonyine si byo

bigaragaza ko ari ingirakamaro mu murimo w'Imana. Ahubwo gukura kw'imico isa n'iya Kristo binyuze mu kwezwa na Mwuka ni byo bizamuha imbaraga yo gukora icyiza. Mu mirebere y'Imana, urwego rw'ubudahemuka bwe rugaragaza agaciro k'umurimo we.

Imana yemera gusa imirimo y'abantu basangiye kamere nayo. Nta cyo umuntu ashobora gukora adafite Kisto. Gukunda Imana n'abantu byonyine ni byo bishyira abantu ku rwego rwo hejuru hamwe n'Imana. Kumvira amategeko y'Imana bidushoboza guhinduka abakozi bakorana n'Imana. Urukundo ni irubuto rwera ku giti cy'Ubukristo kandi ni urubuto rumeze nk'amababi y'igiti cy'ubugingo yo gukiza amahanga. –Manuscript 108, 1903.

IBYANGOMBWA BY'UBUZIMA N'IBIBUSHYIGIKIRA

Mu butunzi bw'Imana harimo ibyangombwa bihagije byo guha ubwunganizi bukwiriye abantu batangira igihe cyabo gukora umurimo wo gukiza imitima. Ntabwo bakwiye guhembwa binubwa. Abantu bafite ubushake bwo gukorera Umukiza ntibari bakwiye kubura ibyo bakeye by'ingenzi mu mibereho yabo. Bari bakwiriye gushobozwa kubaho batekanye, kandi bagashobozwa kugira ibihagije kugira ngo babashe kugira impano batanga kubw'umurimo w'Imana bitewe n'uko akenshi bibako ko bafata iya mbere mu gutanga amaturo. –Manuscript 103, 1906.

KWITANDUKANYA N'IMISHINGA Y'IBY'ISI NDETSE N'INSHINGANO ZIBANGAMIYE UMURIMO

Hari ibintu byinshi bikeneye gutunganywa kandi bizatunganywa nituramuka dukurikije ihame tudakebakeba. Nahawe amabwiriza yihariye ku byerekeye abagabura bacu. Si ubushake bw'Imana ko bashakisha kuba abakire. Ntabwo bari bakwiriye kujya mu mishinga y'iby'isi kuko ibi bibambura ubushobozi bwo gutanga imbaraga zabo bakora ibya Mwuka. Nyamara bagomba guhabwa umushahara uhagije kugira ngo ubunganire

n’imiryango yabo. Kandi ntibagomba kugira imitwaro myinshi bikorezwa ku buryo badashobora kwita ku itorero uko bikwiriye bari mu miryango yabo.
Ni inshingano yabo kwigisha abana babo gukurikiza inzira y’Imana no gukiranura no guca imanza zitabera nk’uko Aburahamu yabikoze….

Nimureke abagabura n’abigisha bibuke ko Imana ibitezeho kuzuza inshingano zabo bakoresheje ubushobozi bwabo bwose, kandi bakazana mu murimo wabo imbaraga zabo zose. Ntabwo bagomba gukora inshingano zibangamira umurimo Imana yabashinze. Igihe abagabura n’abigisha, bahora baremerewe n’imitwaro y’inshingano zijyana n’iby’ubukungu, maze bakajya ku ruhimbi cyangwa bakinjira mu ishuri baremerewe kandi bananiwe, ubwonko bwacitse intege ndetse n’imyakura yananiwe, mbese icyabitegwaho ni iki kitari uko bakoresha wa muriro usanzwe aho gukoresha umuriro wera yacanywe n’Imana? Gukoresha imbaraga z’indengakamere kandi yashengutse bibabaza uvuga kandi bigatuma abateze amatwi batabona icyo bari biteze.

Ntabwo aba yarabonye igihe cyo kubana n’Imana, nta mwanya aba yaragize wo gusabana ukwizera ngo asukirwe Mwuka Muziranenge. Mbese ntidukwiriye guhindura iyi mikorere?- Manuscript 101, 1902.

KWIRINDA GUKUZA GUTWARWA N’IBIDUSHIMISHA BIHENZE

Abakozi akwiriye guhaguruka ubwabo bakareba kure. Kuri benshi ukwiyanga no kwitanga byarapfuye kandi ibi bigomba kuzurwa ngo byongere bibeho. Abantu bagomba gusobanukirwa ko imishahara y’ikirenga basaba inyonyuza umutungo w’Uwiteka. Bari gukusanyiriza hamwe ubutunzi bw’Imana babushyira mu nyungu bigengaho,kandi iyo bakora batyo baba babwira abatuye isi ngo, “Databuja aratinze” (Matayo 24:48). Mbese ibi ntibikwiriye guhinduka? Ni nde uzagera ku rugro rukomeye rw’Umukoresha Mukuru? –Letter 120, 1899.

UMWUKA WO KWIYANGA WO MU MINSI YA KERA URAKENEWE N'UBU

Muri iki gihe hakenewe kwiyanga kwinshi nk'uko byari bimeze dutangira umurimo, igihe twari abantu bake cyane, ubwo twamenyaga icyo kwiyanga no kwitanga bisobanuye, ubwo twageragezaga gusohora udupapuro duto, n'utwandiko duto twashoboraga gushyirwa abari bari mu mwijima. Hariho abantu bake cyane twari turi kumwe icyo gihe bakiri mu murimo ubu. Twamaze imyaka myinshi nta mushahara tubona uretse rimwe na rimwe agashahara ko kutuhesha utwo kurya duke ndetse n'imyambaro. Twanezezwaga no kwambara imyenda yambawe n'abandi, kandi rimwe na rimwe twabonaga ibyo kurya byo kutwongerera imbaraga biruhije cyane. Ibindi byose byashyirwaga mu murimo w'Imana. Hashize igihe runaka umugabo wanjye yaje kujya abona amadorari atandatu mu cyumweru akaba ari yo adutunga, kandi nafatanyaga nawe mu murimo. N'abandi nabo bakoraga muri ubwo buryo…

Abantu baje kugira ngo bakomeze gukora umurimo nyuma y'aho wari umaze kuba ubukombe bari bakwiriye kugendana ubwitonzi. Bakwiriye kugaragaza umwuka wo kwitanga. Imana ivuga ko ibigo bizatezwa imbere no kwitanga nk'uko byagenze mu gushinga urufatiro. –*General Conference Bulletin*, March 20, 1891, p.184.

Umurimo nukorwa nk'uko wagombye gukorwa, nidukorana ishyaka duhabwa n'Imana kugira ngo twongere abayoboka ukuri, abatuye isi bazabona ko hari imbaraga iherekeje ubutumwa bw'ukuri. Ubumwe bw'abizera buba igihamya kigaragaza imbaraga y'ukuri ishobora gutuma abantu batandukanye bumvikana mu buryo butunganye maze inyungu zabo bakazihuza zikaba imwe.

Amasengesho n'amaturo y'abizera afatanyirije hamwe n'ukuri ndetse n'umuhati wo kwitanga abera igitangarirwa isi, abamarayika ndetse n'abantu. Abantu bongera guhinduka. Ikiganza cyararikiraga kwakira ingororano mu bihembo byinshi noneho kiba cyarahindutse ikiganza cy'Imana gifasha.

Abizera baba bahujwe n'intego imwe ari yo yo gushinga ibigo bivugirwamo ukuri aho Imana ishobora kwererezwa. Kristo abafatanyiriza hamwe mu mirunga izira inenge y'ubumwe n'urukundo kandi iyo mirunga ifite imbaraga idashobora gucibwa.

Ubu bumwe ni bwo Kristo yasengeye mbere y'uko acirwa urubanza, yegereje kubambwa. Yaravuze ati, "Ngo bose babe umwe nk'uko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe ngo nabo babe umwe muri twe, ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye" (Yohana 17:21). –Letter 32, 1903.

IGICE CYA 21:ABAKOZI MU BIGO BYACU

KUGERA KU MPANO NZIZA CYANE

Uko ibihe byajyaga biha ibindi, nagiye mpatirwa na Mwuka w'Imana kugira ngo ngire ubuhamya mpa abavandimwe bacu ku byerekeye kuba hakenewe impano nziza cyane yo gukora mu bigo byacu binyuraye ndetse o byiciro byinshi by'umurimo wacu. Abakora mu murimo w'Imana bagomba kuba abantu bigishijwe, abantu Imana ishobora kwigisha kandi ishobora guha ubwenge no gusobanukirwa nk'uko yabikoreye Daniyeli. Bagomba kuba abantu bazi gushishoza, abantu bagaragaza Imana kandi bakomeza gutera imbere mu butungane, mu myitwarire iboneye n'umuhati ukomeye bakorana. Niba ari abantu bakura, niba bafite intekerezo zigenzura n'ubwenge bwejejwe, niba batgera amatwi ijwi ry'Imana kandi bagaharanira kwakira buri murasire wose w'umucyo uturuka mu ijuru, bazakurikira inzira igororotse nk'uko izuba rigenda kandi bazakura mu bwenge no mu kuzirikanwa n'Imana….

Abantu bari mu myanya y'ubuyobozi mu bigo byacu bakwiriye kuba abantu bafite ubwenge buhagije bwo kubaha abantu b'abahanga kandi bazabahemba mu buryo bujyanye n'inshingano bafite. Ni iby'ukuri ko aantu bakora mu murimo w'Imana batari bakwiriye gukora kubw'imishahara bahabwa gusa, ahubwo bakwiriye gukorera guhesha Imana icyubahiro, guteza imbere umurimo we no kugera ku butunzi butangirika. Ariko na none ntidukwiriye kwitega ko abantu bafite ubushobozi bwo gukora umurimo

usaba ubuhanga n’umuhati mwinshi ndetse bakawukora mu buryo bunoze kandi butunganye, badakwiriye guhabwa ibihembo biruta iby’umukozi ukoresha amaboko. Hakwiye kuzirikanwa impano. Abantu badashobora guha agaciro umurimo nyakuri ndetse n'ubushobozi mu by’ubwenge ntibakwiriye kuba mu myanya yo gucunga umutungo mu bigo byacu kubera ko bazadindiza umurimo, bagashyira inkomyi mu iterambere ryawo kandi bagatuma ujya ku rwego rwo hasi.

Niba ibigo byacu bikungahaye nk’uko Uwiteka abyifuza, hakwiriye kubaho imikorere inoze kurutaho ndetse no gusengana umwete, bigendana n’umuhati udacogora ndetse no gukorana ubuhanga. Gukoresha uru rwego rw’abakozi b’abahanga mu murimo bishobora gutwara umutungo mwinshi.

Nyamara n’ubwo ari ngombwa ko kudasesagura umutungo bikwiye gukorwa mu kantu gato kose gashoboka, bizagaragara ko abantu bamwe badafite ibitekerezo byagutse bafite umuhati wo gusohora umutungo muke maze bagakoresha abantu bazahembwa umushahara muto kandi umurimo wabo ukazaba uhuye n’uko umushahara wabo uhendutse, amaherezo umusaruro uzavamo ni uko bazahomba. Iterambere ry’umurimo rizadindira kandi ute agaciro.- Letter 63, 1886.

IBIHEMBO BY’ABAKOZI BAKORA MU BIGO

Umurimo wo gukwirakwiza inyandiko washinzwe kubwo ubwitange. Washyigikiwe n’ubuntu bw’Imana budasanzwe. Twatangiye dufite ubukene bukomeye. Ntitwagiraga ibyokurya n’imyambaro biduhagiije. Igihe inyanya zabaga zabaye ingume tugomba kuzigura ziduhenze, twazisimbuzaga izindi mboga zihendutse. Mu myaka ibanza y’umurimo wacu twahembwaga amadorari atandatu mu cyumweru. Twari dufite umurya ngo mugari; nyamara twaguraga ibyo ukeneye mu bushobozi twabaga dufite. Ntabwo twashoboraga kugura ibyo twifuza byose; ahubwo ntibandaga ku byo dukeneye. Nyamara n’ubwo bayri bimeze bityo, twari twariyemeje ko abatuye isi bagomba kugerwaho n’umucyo w’ukuri kw’iki gihe; kandi umwuka, ubugingo n’umubiri byari byomatanye n’umurimo. Twakoraga kare

kare kandi tugasoza dukerewe, ntitwagiraga ikiruhuko ndetse n'ikidutera gushishikara cy'imishahara….Nyamara Imana yari kumwe natwe. Uko gukungahara kwageraga mu murimo wo gusohora inyandiko ni ko twongeraga imishahara nk'uko bikwiriye kuba.

INGERO ZITANDUKANYE Z'IMISHAHA, ARIKO ZIGENDAYE NO KURIGANYIZA

Igihe nari muri Switzerland hari amagambo yangezeho aturutse i Battle Creek avuga ko hakozwe gahunda ivuga ko nta muntu ukora mu biro ukwiye guhembwa amadorari arenga cumi n'abiri mu cyumweru. Naravuze nti, 'ibi ntibizashoboka, ahubwo bizaba ngombwa ko bamwe babona ibihembo birenze ibyo.' Nyamara gukuba biriya bihembo kabiri ntibyashoboraga gukorerwa umntu uwo ari we wese ukora mu biro bitewe n'uko niba abantu bake cyane bakuye umushahara munini utyo mu mutungo, ntabwo abantu bose bagaragarizwa ubutabera. Gahunda yo guha imishahara minini abantu bake mu gihe abandi bahabwa umushahara muto cyane, ni gahunda y'ab'isi. Ibi si ubutabera.

Uwiteka azagira abantu b'indahemuka bamukunda kandi bamwubaha bakorera muri buri shuri, muri buri capiro, n'ikigo cy'ubuvuzi. Ntabwo imishahara yabo ikwiye kugenwa hangendewe ku ngero z'ab'isi. Uko byagenda kose hakwiriye kubaho gushyira mu gaciro mu buryo bukomeye kugira ngo habeho uburinganire mu cyimbo cy'ubusumbane kuko iri ari itegeko ry'ijuru. "Mwese muri abavandimwe" (Matayo 24:8). Abantu bake ntibakwiriye gusaba imishahara minini, kandi imishahara nk'iyo ntikwiriye gutangwa ari uburyo bwo kugira ngo bakomeze kugaragaza ubushobozi bwabo n'impano zabo. Ibi byaba ari ugukora ibintu hakurikijwe amahame y'ab'isi. Kongera imishahara bijyanirana no kwiyongera ko kwikanyiza, ubwibone, kwishyira hejuru no gukoresha umutungo mu bidakenewe kandi ibi bitanarangwa ku bantu bakora ibishoboka byose bagaha Imana icyacumi n'amaturo. Ubukene bugaragara ahabazengurutse. Aba bose Imana ibakunda kimwe. Ariko by'umwihariko abantu bitanga, bicisha bugufi, bafite

imitima imenetse ndetse bakunda Imana bagaharanira kuyikorera ibahoza ku mutima kuruta umuntu wumva yumva yishyira akizana mu kugira ibyiza byose byo muri ubu buzima.

NTA KWIGANA URUGERO RW'AB'ISI

Nahawe ibihamya byinshi ku byerekeye ingingo y'uko tudakwiriye kwigana urugero rw'ab'isi. Ntabwo dukwiye kwemerera irari ryacu gushaka kwakira ibyo dushobora kubona byose, ngo tuzemerere kwaya umutungo wacu mu myambaro n'ibinezeza by'iyi si nk'uko ab'isi babigenza. Kuberaho kwishimisha ubwacu ntibitwongerera umunezero na muke. Gutagaguza umutungo mu bitari ngombwa ni ukwiba umutungo w'Imana; kandi hari umuntu ugomba kuzana ibikenewe. Ibikenewe mu kubaka ubwami bwa Kristo muri iyi si ni bike cyane bitewe n'uko abantu bima Imana icyacumi n'amaturo.

Nimureke he kugira igitekerezo kitubamo n'umwanya na muto kivuga ko ubushobozi bw'umukozi bumutera guhabwa umushahara munini ari bwo gupimo cy'agaciro ke mu maso y'Imana. Mu maso y'ab'isi agaciro k'umuntu kabarwa gashingiye kuri iki kibazo ngo "Afite umutungo ungana iki?" Nyamara ibitabo byo mu ijuru byandikwamo agaciro ke hakurikijwe ibyiza yakoresheje umutungo yaragijwe. Umuntu ashobora kwerekana kandi azerekanisha agaciro ke nyakuri mu kubaha no gukunda Imana akoresheje ze zose zerejwe gusakaza ikuzo ry'Imana. Keretse gusa igihe cy'urubanza nikigera ubwo buri wese azagororerwa hakurikijwe ibyo azaba yarakoze, nibwo hazamenyekana ingano y'ibyo yabitse mu ijuru.

Mu myaka myinshi nagiye ntanga ubuhamya ndwanya agashahara gato bamwe mu bagabura bacu bahembwaga. Nimubaze, mushakishe mu bitabo, muzasanga ko hagiye habaho kudafata bamwe mu bapasitoro bacu mu buryo bukwiriye. Abagize itsinda rigenzura umutungo bakeneye gusobanukirwa n'umurimo wabo kandi bakagira umutima nk'uwa Kristo. Hariho abantu bamwe badafite ibitekerezo byagutse baba muri iri tsinda, ni

abantu badafite igitekerezo nyakuri cyo kwiyanga no kwitanga bigomba kuranga umukozi w'Imana. Ntabwo basobanukiwe mu by'ukuri icyo gusiga umuryango, umugore n'abana bisobanuye maze umuntu agahinduka umumisiyoneri ukorera Imana, agakorera abantu nk'uzababazwa. Umugabura nyakuri w'Imana azahindura imibereho ye yose imibereho yo kwitanga.

UMUBURO WATANGIWE I SALAMANCA

Igihe nari ndi i Salamanca mu mujyi wa New York mu kwezi k'Ugushyingo, 1890, aho nahabwiriwe ibintu byinshi. Neretswe ko mu murimo hari kwinjira umwuka Uwiteka atemera. Mu gihe hari bamwe bemera imishahara minini, hariho abandi bakorana inshingano zabo ubudahemuka imyaka myinshi nyamara bagahabwa igihembo gito cyane.

Nagiye nerekwa kenshi ko gahunda y'Inama itagomba kwicwa ngo bityo ubushake bwo kujya gukora umurimo mu turere twa kure buhagarare….

Nzi hari abantu bashyira mu bikorwa kwiyanga gukomeye batanga icyacumi n'amaturo kubw'umurimo w'Imana. Nyamara abari ku ruhembe rw'imbere mu murimo w'Imana bakwiye guhagarara bashikamye bakavugana isheja bati, "Nimuze, nimucyo dufatanye muri uyu murimo watangiwe mu bwitange kandi ukaba ushyigikiwe kwiyanga kudacogora." Ntabwo abandi bantu bari bakwiriye kurusha abayobozi b'ibigo byacu gukoresha umutungo neza badasesagura no kwita ku byo bakeneye. – Manuscript 25a, 1891.

IMITERERE Y'IBIBAZO BYARIHO MU MWAKA WA 1890

Ntewe ubwoba no kubona ivuriro ryacu n'icapiro ryacu biro I Battle Creek ndetse n'ibigo byacu muri rusange. Hari umwuka wigaragaje, kandi uko umwaka wahitaga undi ugataha uwo mwuka wajyaga wongera imbaraga.

Uwo mwuka utandukanye n'uwo Uwiteka yahishuye mu Ijambo rye wagombye kuranga abaganga n'abandi bakozi bakora mu bigo by'ubuvuzi ndetse no mu icapiro. Uwo mwuka wamaze kugwira kugeza aho abaganga bo ku ivuriro ndetse n'abayobozi bo mu icapiro badakurikiza amahame yo kwiyanga no kwitanga aranga Ubukristo. Ahubwo iki gitekerezo gifite inkomoko mu nama za Satani. Iyo abaganga bagaragaje ko batekereza cyane ku mishahara bagomba guhabwa kuruta uko batekereza ku murimo w'ivuriro, bagaragaza ko atari abantu bo kwishingikirizaho nk'abatikanyiza, abagaragu ba Kristo bubaha Imana, kandi b'indahemuka mu gukora umurimo w'Umukiza. Abantu bayoborwa n'ibyifuzo byo kwikunda ntibari bakwiriye gukomeza gukorana n'ibigo byacu….

Imana isaba abantu ibingana n'urugero bishyiriyeho ndetse n'imirimo bumva ko bashoboye kuko bazacirwa imanza hakurikijwe ibikorwa byabo, kandi ku rugero rwabo bishyiriyeho. Niba babona ko impano zabo ziri ku rugero rwo hejuru kandi bakabona ko bafite ubushobozi bwo ku rugero rwo hejuru, nabo bazasabwa gukora umurimo uri ku rugero rw'ubushobozi bibonamo. Mbega ukuntu ari bake basobanukiwe Data wa twese cyangwa Umwana we Yesu Kristo. Iyaba bari buzuwe mwuka wa Kristo, bagakoze imirimo ye. "Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu" (Abafilipi 2:5).

IMPANO NI IZ'IMANA

Uca imanza zitabera yaravuze ati, "Ntacyo mubasha gukora mutamfite" (Yohana 15:5). Impano zose zaba nini cyangwa nto, zatanzwe n'Imana iziragiza abantu kugira ngo zikoreshwe mu murimo wayo, kandi iyo abantu bikoreshereje ubushobozi bwabo ntibagire uburyo bwihariye bwo gukorana n'abakora umurimo w'ubuvuzi bahuje kwizera, baba bagaragaza ko bacira imanza abo bantu, ntibaharanira gukora ibisabwa mu isengesho Kristo yasenze
asaba ko baba umwenk'uko we na Se ari bamwe. Iyo basaba ubwishyu bw'ikirenga ku mirimo bakora, Imana, Umucamanza w'isi yose

izabagenzurira ku gipimo cy'ikirenga bishyiriyeho, kandi ibasabe ibijyanye n'agaciro bihaye.

Ubwo agaciro kabo bakarebera mu mafaranga, Imana izacira urubanza imirimo yabo igereranya ibyo bakoze n'agaciro kabyo. Keretse gusa nahinduka, nta muntu ukuririza ubushobozi bwe muri ubwo buryo ushobora kuzinjira mu ijuru kubera ko ibyo yakoze mu murimo wa Kristo bitazabasha
kuringanira n'agaciro yihaye cyangwa ibyo yasabaga kubw'umurimo yakoreye abandi….

Umuntu wikanyiza kandi ukurura yishyira, agahora ararikiye gufata ifaranga ryose ashobora gukura mu bigo byacu kubw'imirimo akora, aba adindiza umurimo w'Imana. Ni ukuri afite ingororano ye. Ntabwo ashobora kugaragara ko akwiriye kuragizwa ingororano izahoraho iteka yo mu ijuru mu mazu Kristo yagiye gutegurira abiyanga bakikorera umusaraba maze bakamukurikira. Ibiranga abakwiriye kwinjira mu murage waguzwe hatanzwe amaraso bigenzurwa muri ubu buzima twakiriramo imbabazi. Abantu bafite umwuka wo kwitanga wagaragariye muri Kristo ubwo yitangaga kugira ngo umuntu wacumuye abone agakiza, bazanywera ku gikombe cye banabatizwe umubatizo we, kandi bazasangira ikuzo n'Umucunguzi. –Letter 41, 1890.

AKAMARO KO KWIYANGA

Neretswe ko umurimo wo kwandika ibitabo utagomba kuyoborwa ushingiye ku mahame amwe n'agenga andi macapiro kubera ko ari umurimo ugomba gukorwa n'umuntu wabihuguruwe. Umuntu wese ukora muri uwo murimo agomba kuba umumisiyoneri nyakuri kandi agakora ashingiye ku mahame yatumye ubaho. Kwiyanga byagombye kuranga abakozi bose….

Kwiyanga kwagombye kuranga abantu bafite inshingano zikomeye mu murimo, kandi bakwiriye kubera abakzi bose intangarugero. Umurimo wo kwandika wabayeho binyuze mu kwiyanga kandi uwo mwuka wawutangije

ukwiriye kugaragara kandi ugakomeza kubaho. Umugambi wawo ukomeye ugomba guhora uzirikanwa. Uyu ni umurimo w'abamisiyoneri kandi abantu badafite umwuka wa kimisiyoneri ntibari bakwiriye gukora uwo murimo. – Letter 5, 1892.

INGORANE KU BIGO BYACU BYOSE

Pawulo yashoboraga kubona ibibi byinjiraga mu itorero bityo byatumye avuga ati, "Kuko mbafuhira ifuhe ryo mu buryo bw'Imana, kuko nabakwereye umugabo umwe ari we Kristo, ngo mubashyingire mumeze nk'umwari utunganye. Ariko ndatinya yuko nk'uko ya nzoka yohesheje Eva uburyarya bwayo, ko ari na ko intekerezo zanyu zayobywa mukareka gutungana no kubonera bya Kristo" (2 Abakorinto 11:2, 3).

Iki ni ikibi cyugarije amashuri yacu, ibigo byacu ndetse n'amatorero yacu muri iki gihe. Keretse gusa iki kibi nigikosorwa naho ubundi kizarimbuza imitima ya benshi. Umuntu umwe azatekereza ko akwiriye gutoneshwa cyane bitewe n'uko akora umurimo ushobora kumuhesha umushahara munini aramutse akora mu batizera. Kubera kutanyurwa, azigurisha ahabwe ibihembo byinshi cyane. Kubwo kurinda amahame yagombye kugenga abantu bose bakora mu bigo byacu, Uwiteka yantegetse kubwira abantu bose bafite inshingano ati, "Mwitandukanye n'ibyo vuba vuba bitewe n'uko uwo ari umusemburo mubi wo kwikanyiza no kurarikira."

Bigenzura bifatiyeho urugero kandi bakigereranya nabo ubwabo. Ikibi gikomeye mushobora gukora ni ugushaka gukomeza gukorana nabo n'ubwo baba abanditsi cyangwa abacungamutungo. Ntabwo Imana iri kumwe n'umuntu nk'uwo kandi ntimushobora kumugumana mutuje na hato. Umwuka wo kutizera uzengurutse umutima we. Amagereranya yakoze yamuteye kuba mu rungabangabo. Aribwira ati, "Niba runaka yarabonaga umushahara nk'uriya, nanjye nagombye kubona nkawo." Ahinduka inyaryenge akarenga ku byanditswe mu mategeko maze akigabiza umutungo awikoreshereza. Ubwo rero anyereza umutungo. Imana yitegereza ibi nk'uko yitegereje icyaha cya Akani. Imana ibona ko umuntu umeze atyo adashobora guha umurimo isura nziza. Ntabwo umuntu nk'uwo gutanga ibikenewe n'abakora umurimo ahantu hagoye, kandi bagomba

gutanga ku mushahara wabo kugira ngo bakenure aho bakorera. Imana ibona ibintu nk'ibyo iyi biva bikagera, kandi izacira urubanza abantu bigereranya ubwabo bitaye ku guhabwa ibyo bibwira ko bari bakwiriye kugira. –Manuscript 97, 1899.

IKIRANGA UMURIMO URIMO INGORANE

Urebye umurimo mugari ugomba gukorwa, abakozi bacu bari bakwiriye kuba bifuza gukorera umushahara uciriritse. Nubwo ushobora kubona umushahara munini, ukwiriye kuzirikana urugero rwa Kristo aza kuri iyi si yacu maze akabaho ubuzima bwo kwiyanga. Muri iki gihe iby'imishahara isabwa n'abakozi bisobanuye byinshi. Iyo usabye kandi ugahabwa umushahara munini, abandi nabo baba bakinguriwe urugi rwo gukora batyo. Gusaba imishahara minini kwabaye mu bakozi b'i Battle Creek ni ko kwabaye imbarutso yo kwangiza uko umurimo wahakorwaga. Abagabo babiri bafashe iya mbere muri iki gikorwa kandi abandi batatu cyangwa bane bifatanyije nabo bityo umusaruro wabaye kwishyira hamwe mu gikorwa cyashoboraga kurimbura kimwe mu biranga umurimo w'ubu butumwa iyo kiza kwemerwa n'abantu benshi. Umurimo wo kwamamaza ukuri kw'iki gihe wari wubakiye ku kwiyanga no kwitanga. Uyu mwuka wo kwikanyiza no kwikubiraho umutungo uhabanye rwose n'amahame y'uyu murimo. Umeze nk'ibibembe byica bizatera umubiri wose kurwara nyuma y'igihe runaka. Uyu mwuka unteye ubwoba. Dukwiriye kuba maso nibitaba bityo turatakobwa ku mwuka wo kwiyoroshya no kwitanga waranze umurimo wacu mu itangira ryawo.

Nukorana kutikanyiza, ntusabe ibihembo ubusanzwe wibwiraga wagombaga guhabwa, Uwiteka azagushyigikira mu murimo ukora. Nyamara ku rundi ruhande, nusaba umushahara munini, n'undi wese azatekereza ko afite uburenganzira bwo gusaba umushahara munini nkawe kandi nibigenda bityo, hazakoreshwa umutungo wari ukwiriye gukoreshwa mu guteza imbere umurimo wo kwamamaza ukuri kw'iki gihe mu tundi turere.

Mu gufata imyanzuro ikomeye, twari dukwiye kwiga neza buri ngingo y'iki kibazo. Tugomba guhora twibuka ko twahawe umwanya mu murimo

w’Imana wo gukora nk’abakozi bafite inshingano. Abantu bamwe bashobora gukurikiza urugero rw’ab’isi mu guhembwa imishahara yabo; nyamara ntabwo Uwiteka abona ibintu nk’uko babibona. Uwiteka abona inshingano zacu n’imirimo yacu mu mucyo w’urugero rwa Kristo rwo kwiyanga. Ubutumwa bwiza bugomba kubwirwa abatuye isi ku buryo amabwiriza y’imikorere n’imyitwarire ahuza n’urugero dutanga.

Ntabwo amavuriro yacu agomba kuyoborwa hakurikijwe imigenzereze y’ab’isi. Ntibikwiriye no kuba ngombwa ko n’umuyobozi mukuru w’abaganga akwiye guhabwa umushahara munini. Turi abagaragu b’Imana. –Letter 370, 1907.

ABAGANGA N’ABAGABURA BAHAMAGARIWE KWIYANGA

Ndumva mfite ubwuzu bwo kubandikira muri iki gitondo no kubasaba ko mufata abantu bose mu buryo bukwiye nta busumbane. Naburiwe ko hari akaga kari mu buryo ufata abaganga bamwe kandi bukazabakomeretsa. Tugomba gukora ibyo dushoboye byose dushyigikira impano yo kubwiriza ubutumwa kandi tukanashyigikira impano y’abaganga tubaha uburyo budahindagurika bateza gukora neza, nyamara hari urubibi tudakwiriye kurenga.

Igihe twageragezaga gushaka umuganga wagombaga kuba umuyobozi mukuru w’abaganga bo ku bitaro bya Loma Linda, umuganga umwe ufite ubunararibonye yemeye kuza ariko hari ibyangombwa adusabye kuzuza. Yatubwiye umushahara agomba guhembwa kuri uwo murimo we kandi avuga ko adashobora kuza gukorera umushahara uri munsi y’uwo. Abantu bamwe batakereje ko dukwiye kwemerera uwo muganga ibyo yasabye bitewe n’uko byagaragaraga ko kubona undi bitoroshye. Nyamara nabwiye umuvandimwe wacu [JA] Burden nti, “Gukoresha uyu muganga no kumuhemba umushahara munini utyo ntibyaba bitunganye mu gihe abandi bakorana ubudahemuka bahembwa umushahara muto. Ibi nta butabera burimo kandi Uwiteka yampaye amabwiriza ko tudakwiriye kwemera iryo vangura.”

Uwiteka asaba kwiyanga mu murimo we, kandi iri tegeko rireba abaganga kimwe n'abagabura. Imbere yacu hari umurimo ukomeye usaba umutungo, kandi tugomba urarikira abasore kuza mu murimo ngo baze bakore nk'abagabura n'abaganga, bidatewe n'imishahara y'ikirenga ahubwo bitewe n'ubukene bukomeye bw'umurimo w'Imana. Ntabwo Uwiteka anezezwa n'uyu mwuka wo gushaka imishahara y'ikirenga. Dukeneye abaganga n'abagabura bafite imitima yeguriwe Imana kandi bafatira gahunda bagenderaho ku Muvugabutumwa w'Umuganga uruta abandi wigeze uba kuri iyi si. Nimureke bitegereze imibereho ye yo kwiyanga maze bitange banezerewe kugira ngo abandi bakozi benshi babashe kujya mu murimo wo kubiba imbuto y'ubutumwa bwiza. Abantu bose nibakora muri uyu Mwuka, hazasabwa imishahara mito.

Abantu bamwe batsinzwe n'iyi ngingo. Imana yarabahiriye ibaha ubushobozi bwo gukora umurimo ushimwa, nyamara bananiwe kwiga ibyigisho by'iby'ubukungu, kwiyanga no kugendana n'Imana bicishije bugufi. Ibyifuzo byabo basaba imishahara mini byarubahirijwe maze bahinduka basesagura umutungo. Babuze ibyiza bagombye kuba barabonye kandi ukuboko kw'Imana gukunguhaye ntikwabanye nabo…Mwitondere gushyira icyizere gikomeye mu bantu basaba imishahara minini kugira ngo babone kwinjira mu murimo w'Imana. Ibi mbibandikiye nk'umuburo.- Letter 330, 1906.

INAMA YAHAWE UMUGANGA KU BYEREKEYE UMUSHAHARA UGENWE

Umugambi w'uko ugomba kubona amafaranga arenze ku mushahara wawe uyakoreye mu nzira runaka z'umurimo ukora, ni ugukingurira urugi igishuko kizayobora ku ngaruka mbi. Yaba wowe cyangwa abandika izo nyandiko zibyemeza ntabwo musobanukirwa n'ibi neza. Nyamara uwo mugambi uzaba inzira yo kugutera igishakwe kandi uzateza umurimo w'Imana kugawa. Muri uyu mugambi harimo ihame ry'ikinyoma rigomba

kwitonderwa. Nta na kimwe kitagira urugero kitagomba kurenga. Ibintu byose bigomba kuba mu rugero rukwiye. Ugomba kubona umushahara ugenwe uzwi kubw'umurimo ukora kandi ukabaho ukurikije uwo mushahara.

Ikintu kimeze gityo cyabayeho mu kumvikana na Dogiteri U. Ni igikorwa cy'uburiganya. Imana ibona aho cyerekeza ndetse n'ingaruka zacyo. Ubu buryo bwo guhemba ntibugomba gukoreshwa mu mavuriro agomba gushingwa. Icyo kigo ukorera kigomba kuguhemba umushahara ukwiriye imirimo ukora kandi abantu bose bakora muri icyo kigo bagomba guhabwa umushahara hagendewe ku mirimo bakora. –Letter 99, 1900.

URUGERO RW'UMUSHAHARA WIFUJWE RUDASHYIGIKIWE

[*Mwenedata V, yari umuganga. Yatanze icyifuzo cy'uko yahabwa umushahara w'amadorari 25 buri cyumweru, agahabwa 30 ku ijana by'umutungo winjiye igihe cyose akoze igikorwa cyo kubaga umuntu. Yasabaga kandi guhabwa amasezerano y'akazi y'imyaka 5, kandi akagira ukwezi kumwe mu mwaka kw'ikiruhuko kugira ngo yige kandi yiyongerere ubushobozi. –*
Abakusanyije inyandiko]

Ku byerekeye icyifuzo cyatanzwe na mwenedata V , mbona icyo kibazo nk'uko mukibona. Ntabwo dushobora kwemera gutangirira kuri gahunda y'umushahara wo hejuru. Iyi ni yo ngorane abantu bahuye nayo i Battle Creek, kandi hari icyo mfite cyo kuvuga kuri iyi ngingo. Imbere yacu hari ahantu hagari tugomba gukora umurimo wo kwamamaza ubutumwa. Tugomba kumenya rwose ko twumvira ibyo Kristo asaba, we witanze ku buntu akiha iyi si yacu. Nta kintu na kimwe dushobora gukora gikwiye gusigara kidazwe. Hakwiriye kubaho gukora mu buryo butunganye hakanabaho na gahunda kandi ikintu cyose gishoboka kigomba gukorwa kugira ngo hagaragare ubushishozi muri byose. Ariko ku byerekeye guhemba amadorari 25 ku cyumweru no gutanga ijanisha rinini kuri buri gikorwa cyo kubaga cyakozwe, nahawe umucyo ndi muri Australia ko ibi bitagomba kubaho bitewe n'uko ibyacu biri mu kaga. Nagejejweho icyifuzo

cy’uko amenshi mu mavuriro yacu yagombye gushingwa mu majyepfo ya California kubera ko aho hantu haboneka abantu benshii bajya baza. Abantu benshi bashaka kuza aho hantu.

Tugomba gushikama ku nama y’Imana, buri wese muri twe akaba yiteguye gukurikiza urugero rwa Yesu Kristo. Ntabwo dushobora kwemera guhemba imishahara irenze urugero. Imana isaba abaganga bayoborwa nayo gukora bakurikizairarika rya Yesu wagize ati, “Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n’umutwaro wanjye utaremereye” (Matayo 11:29, 30). –Letter 309, 1905.

NTUKAKE UMUSHAHARA MUNINI

Nanezezwa cyane no kukwibonera maze nkaganira nawe. Mfite icyifuzo gikomeye cy’uko ukwiriye kwigana icyitegererezi gitangwa mu Ijambo ry’Imana…

Dogiteri W, ndagusaba ko utake umushahara w’ikirenga. Nukora ityo, abandi nabo bazakurikiza urugero rwawe kandi ibi nibyemerwa mu kanya gato tuzabona ko umutungo wose winjira mu ivuriro uzashirira mu kwishyura imishahara kandi ko hatazaboneka umuntu n’umwe wo gukomeza gukora umurimo wo kwamamaza ubutumwa ugomba gukorwa mu bihugu by’amahanga.

Kwandikiye ibi kubera ko nsobanukiwe neza n’aho mvuga aho ari ho. Uwiteka ari kugerageza ubwoko bwe. Njye n’umugabo wanjye twanyuze muri ibi bihugu kandi kubera ko tutigeze duusaba imishahara y’ikirenga ahubwo tukaba twari dushishikariye gukorana kwiyanga no kwitanga, byatumye

Uwiteka aduga umugisha mwinshi w’ubuntu bwe. Nukurikira inzira yo kwiyanga uzabera abandi urugero bazabera umurimo w’Imana umugisha. Mu murimo wawe, ikibwirizwa cy’ingirakamaro wabwirije cyari igihe wakurikizaga amahame y’ukuri mu muryango wawe kandi ukagaragaza

kwitanga nyakuri mu murimo. Igihe mvuga ibi mba nzi icyo mvugaho icyo ari cyo.

Hakwiriye kubaho iringanira hagati y'umushahara w'umugabura n'uw'umuganga kurusha uko byigeze kubaho. Abagabura bacu bitezweho gutanga urugero rwo gutangana ubuntu baha abagize itorero, bityo umushahara wabo wari ukwiye kuba utuma bashobora gutanga imfashanyo nyinshi. –Letter 372, 1907.

GUSESAGURA N'INGARUKA

Mu bagabura bacu, abaganga, abarimu ndetse n'ababwiririshabutumwa ibitabo, hakeneye kuba kwiyegurira Imana burundu kw'ubwenge, umutima n'ubugingo….Yaba imyambaro, amazu ahenze cyangwa imibereho itwarwa n'ibigezweho ntibiha nyayo umurimo. Nyamara umwuka w'ubugwaneza no kwicisha bugufi ni uw'agaciro kenshi mu maso y'Imana. Iyobokamana ntiritera umuntu gusuzugura cyangwa ushariye mu mvugo. Umwizera nyakuri usobanukiwe n'intege nke ze, azirinda ku kantu kose kandi ashyire ibyiringiro bye byose mu Mana. Kubaha Imana nyakuri kwa Gikristo ntigushobora kugaragarishwa imbaraga, ahubwo ni ugusesekara k'umutima ukoresha ukuri…

Imana irahamagara abantu bashishoza, abantu basenga, abantu bashyira mu bikorwa. Kugaragara inyuma mu buryo buhenze ntibihesha umugabo cyangwa umugore icyubahiro mu maso y'abantu bashyira mu gaciro. Ntabwo bitunganye kuba umuganga yasesagura umutungo maze agasaba ibiciro by'ikirenga kugira ngo abage umuryayi akantu gato. Ibi byose Imana ibireba mu miterere yabyo nyakuri. –Manuscript 34, 1904.

IKIGANIRO CY'INGIRAKAMARO KU BYEREKEYE IMISHAHARA Y'ABAGANGA

[Ku itariki ya 4 Ukuboza, 1913, abayobozi muri iniyo ya Pacific bagiranye ikiganiro na madamu Ellen. G. White ari mu rugo rwe i Elmshaven baganira ku byerekeye guhemba abaganga bo kumavuriro yacu. Hafashwe inyandiko kuri icyo kiganiro kandi hari amagambo yanditswemo yavuzwe na Ellen. G. White ashyigikira agira ati, « Ibi bivuzwe neza kandi mbisubiyemo kubw'inyungu z'abandi. Imana idufashe, itwigishe kandi ituyobore kuri buri ntambwe yose mu ngorane zacu. » Imigabane y'ingenzi y'ibyavugiwe muri iki kiganiro iri mu magambo akurikira. Abakusanyije inyandiko]

Abari bari muri iki kiganiro : Ellen G. White, Abakuru F. M. Burg, G. W. Reaser, W. M. Adams, J. H. Behrens, C. L. Taggart, A. G. Christiansen, W.C. White na C. C. Crisler.

Nyuma yo gutangiza ikiganiro n'indamutso, W. C. White yaravuze ati:

Ejo hashize, umunsi wose twasuzumaga iby'amashuri yacu atandukanye yo muri iniyo ya Pacific. Muri aya mashuri aherereye ahitwa Angwin, Lodi, Fernando, Armona n'i Loma Linda, hari abanyeshuri bari hagati ya magana atandatu na magana arindwi bahigira. Twumvise dutewe ubutwari ubwo twagiraga inama hamwe ku byerekeye aya mashuri.

Uyu munsi tugomba kwinjira mu bibazo by'amavuriro, ariko by'umwihariko ikibazo cy'imishahara dukwiriye guhemba abaganga. Mu ivuriro ryacu rimwe tuhafite umuganga wubaha Imana abamwugirije baramwiringira cyane. Ni umugabo Imana yahiriye cyane mu murimo we wo kuvura. Ashaka kuhaguma kandi buri muntu wese arifuza ko yahaguma ariko yumva ko kuri we byaba bitunganye kuhaguma bagenzi be bamuhaye umushahara ujya kuba incuro ebyiri uw'abakozi bo mu rwego rwo hagati. Akunda gutangana ubuntu kandi yifuza kugira umutungo wo kumutunga no gukoresha ibindi ashaka. Turahangayitse cyane kandi twakwishimira kumenya niba hari umuco waba ufite kuri iki kibazo.

Ellen G. White ati: Nahabwa ibyo ashaka akarusha abandi baganga,nabo bazabona ko badafashe mu buryo bukwiriye keretse nabo bongejwe. Tugomba kugendana ubwitonzi n'ubushishozi kandi ntitwemere ko imishahara izamuka kuri urwo rwego ku buryo abantu benshi bajya mu

gishuko. Ahubwo kubera ko hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa, hari hakwiye kubaho igabanya ku mishahara y'abaganga aho kugira ngo yongerwe. Keretse gusa niba hari umucyo wumvikana waturutse ku Uwiteka, naho ubundi ntabwo bishyigikiwe ko umuntu yahembwa umushahara munini cyane kurusha undi bakora umurimo umwe kubera ko nimukora mutyo, abandi nabo bazatekereza ko bikwiriye ko nabo bitega guhabwa imishahara yo hejuru nk'uwo. Tugomba kureba ibintu byose mu mpande zose, kandi ntacyo bitumariye gutekereza ko dushobora guha umukozi ukora neza cyane umushahara w'ikirenga bitewe n'uko awusabye gusa. Ibi amambu, tugomba kuzirikana icyo dushobora gukora muri iki gihe umurimo ugenda ufungurwa kandi tukaba tugomba kuwutangaho umutungo mwinshi kuruta uwo twigeze dutanga kugeza ubu. Ibi ni ibibazo bizagerageza kwizera kw'abantu bacu.

W. C.White (umuhungu wa Ellen G.White): Bigerageza kwizera kwacu koko Mama ariko by'umwihariko igihe itsinda ry'abakozi ryakoranye n'umuntu kugeza igihe bamukunze bakamukundwakaza kandi bakizera ko ashobora gukora umurimo mwiza cyane utakorwa n'undi muntu wese. Bityo, ni ibisanzwe ryose kuri bo gutekereza ko bitaba ari byo ko bamwima ibyo yari akwiriye kwikoreshereza. Baratekereza bati, « Amadorari igihumbi cyangwa igihumbi na magana atanu y'inyongera ni iki mu birebana n'ubuzima ? » Baravuga bati, « Dore iki kibazo cy'uriya n'icy'uyu yakemuye, kandi hariho n'undi muntu yarokoye ubuzima bwe » ; maze bakumva ko kutamuha ibyo asaba byaba ari ubugugu bukabije kuri twe. Baravuga bati, « Nta munut ushobora gukora cyangwa ngo avunike nk'umuganga ubaga. Nimutekereze ku masaha agomba kwihanganira y'umurimo ukomeye akora ahangayitse, ubwenge budatuje, igihe ubuzima bw'agaciro kanini buba bugeze ahakomeye.
»

Nyamara ku rundi ruhande, igihe tuzirikana iki kibazo, tugomba kwibuka ibindi bigo bigerwaho n'ingaruka z'ibyo dukora. Tubona ivuriro rifite ibibazo by'ubukene riri ahantu heza aho ryakora umurimo mugari kandi riduha icyizere cyo kwinjiza umutungo igihe gusa bafite umuganga w'umuhanga ndetse bakaba bashobora kubona uwo muganga w'umuhanga igihe bahembye amadorari magana atatu cyangwa magana atanu gusa

yiyongera ku rugero rw'umushahara rugenwe. Baravuga bati, « Muturetse tukishyura amadorari amagana make yiyongera ku yo mwagennye, dushoboragutanga amadorari magana atanu kugira ngo twishyure iyi nyongera nto ku mishahara. » Kandi ni uko bimeze turamutse tubirebeye mu rwego rw'ubucuruzi.

Ellen G. White : Murabona ko hari ukwikaniza kwihishe inyuma y'ibyo kandi Imana ntikwishimira. Tugomba gukora mu bwumvikane. Umurimo wacu ugomba gukorwa binyuze mu bwumvikane kandi bamwe bizabakomerera. Abandi bamwe bizaborohera. Ariko ibi bintu byose bigomba kuzakirwa nk'uko byaje kandi abakozi bagomba kwibuka ibyo Yesu yatanze ubwo yazag ku isi yacu. Mbitekerezago incuro nyinshi kandi kuri njye bigaragara ko turamutse duhyizeho urugero rukwiye dushobora gukora umurimo w'agahebuzo. Ariko nitwifuza ibyo abenshi mu bavandimwe bacu badashobora kwakira, ibi bidutesha agaciro. Umuvandimwe umwe aravuga ati, « Runaka afite umushahara ungana utya, kandi nanjye ngomba kugira umushahara nk'uwe. » Ni muri ubwo buryo imishahara izazamuka kandi ikomeze kuzamuka. Ikigaragara ni uko imishahara ya bamwe ikwiriye kugabanyuka ndetse ikarushaho kugabanywa kugira ngo tubashe kugera kuri byinshi umurimo uri imbere yacu udusaba mu kuburira isi….

Mu myaka yashize igihe iyi ngingo y'imishahara yazirikanwaga, nabwiye abavandimwe banjye ko Uwiteka azi ibyerekeye umwuka uduhatira kugira icyo dukora kandi ko igihe tudatekereza ashobora gutuma ibintu bitugedekera neza. Iyo dushyizeho urugero rukwiye, umugisha w'Uwiteka uzaba kuri twe.

Nabonye ko Uwiteka akora mu nzira nyinshi kandi agakorera ahantu henshi kugira ngo afashe abantu bafata ibi bibazo mu mucyo ukwiye kandi bagashyiraho urugero rwo kwitanga. Kandi bavandimwe uko mukora mushishikaye, musenga, mwicishije bugufi, mu mwuka wa Kristo, Imana izakingura amarembo imbere yanyu. Abantu bazabona kwiyanga kwanyu.

Incuro nyinshi ubwo abavandimwe banjye mu kwizera bansanze bangisha inama niba bakwiye gusaba imishahara yo hejuru, nababwiye ko

igihe basabye umushahara munini bashobora kunguka bike cyane nyamara ko umugisha w'Imana uzaba ku badasaba umushahara wo hejuru. Imana ibona abiyanga; Uwiteka Imana ya Isiraheli ireba impamvu yose itera umuntu gukora ikintu runaka kandi iyo ugeze ahakomeye abamarayika b'Imana baza kugufasha kandi bakaguha guhora unesha.

Nagiye mvuga neruye ngira inama abavandimwe banjye dusangiye kwizera mbabwira ko badakwiriye gusaba imishahara yo hejuru kubera ko iyi atari yo mpamvu iduhata ikadutera gukoresha imbaraga zacu mu murimo wo gukiza imitima.

Ntabwo dukwiriye gutuma ikibazo cy'umushahara kiba inkomyi mu nzira yo kwitaba inshingano twahamagariwe aho ari ho hose dushobora gukenerwa. Uwiteka ashobora gutuma ibintu bigenda ku buryo umugisha uzabana n'imihati yacu kandi ukaza uruta cyane igihembo dushobora kubona cyangwa ntitubone ; kandi Uwiteka azaha abagaragu be amagambo yo kuvuga afitiye abarimbuka agaciro katagereranywa.

Abantu bafite inzara kandi bishwe n'inyota bakeneye ubufasha buturutse mu ijuru. Nagerageje gushyira mu bikorwa aya mahame yo kwitanga, kandi iyo mvuga ko umugisha w'Imana uzakubaho nugira nyambere inshingano wahamagariwe, mba nzi neza ibyo mvuga. Nejejwe n'aya mahirwe yo guhamiriza imbere yanyu muri iki gitondo ko Uwiteka yagiye ahindura ibintu incuro nyinshi ku buryo yagiye aduha ibirenze ibyo twashoboraga gusaba.

Uwiteka azagenzura abagaragu be kandi nibagaragaza ko ari abanyakuri imbere ye kandi bakabimuharira ibyabo byose, azabafasha igihe cyose babikeneye.

Ntabwo turi abakozi bakorana n'Imana kubw'ibihembo dushobora gukura mu murimo we. Bavandimwe ni iby'ukuri ko mugomba kubona ibihembo bikwiye kubafasha kunganira imiryango yanyu; nyamara nimutangira kunena ingano y'ibyo mukwiye kubona, mushobora kubera ibuye risitaza undi muntu utazi niba muzaba abanyabuntu kandi umusaruro uzavamo uzaba urujijo. Abandi bazatekereza ko abantu bose badafashwe

kimwe. Bidatinze muzabona ko umurimo w'Imana uzahazaharira kandi uyu atari wo musaruro mwifuza kubona. Mwifuza ko umurimo w'Imana wazamuka. Kubw'urugero mutanga kimwe n'amagambo yanyu, abantu bazagira icyizere kizima ko ukuri mwakiriye mu mitima kubyara umwuka wo kwiyanga. Kandi uko mukomeza kujya imbere muri uyu mwuka, hari benshi bazabakurikira.

Uwiteka yifuza ko abana be bakora muri ubwo buryo bwo kwiyanga no kwitanga buzatugeza ku kunyurwa no kuba twarakoze inshingano yacu neza kubera ko yari inshingano. Umwana w'Imana w'ikinege yaritanze apfa urupfu rukojeje isoni ku musaraba, mbese dukwiriye kwivovotera kwitanga duhamagarirwa kugira?

Mu masaha nabaga ndi maso mu bihe by'amajoro, ningingaga Uwiteka kugira ngo arinde abavandiwe bacu mu kwizera ingeso yo gushaka gukubira hirya o hino bagamije kubona umushahara wisumbuyeho gato k'uwo bafite. Nibagendera mu mwuka wo kwitanga, biringiye Uwiteka, nawe azabaha imbaraga yo kubakomeza mu ntekerezo no mu mico kandi umusaruro uzaba kugera ku nsinzi.

Mu gihe kizaza umurimi wacu ugomba kuzakoranwa kwiyanga no kwitanga birenze ibyo twabonye mu myaka yashize. Imana yifuza ko tuyegurira imitima yacu kugira ngo ibashe gukorera muri twe mu buryo bwa kimuntu. Ibi ndabyumva cyane. Bavandimwe, nimucyo tugendane ubugwaneza no kwicisha bugufi mu mitima kandi duhe abatwungirije urugero rwo kwitanga. Nidukora uruhare rwacu mu kwizera, Imana izakingura amayira imbere yacu tutigeze dutekereza….

Nihagira umuntu utanga icyifuzo kiahuje n'amahame yo kwiyanga umurimo wacu ushingiyeho, nimureke twibuke ko Imana ikoresheje ukuboko kwayo rimwe gusa ishobora gukuraho ibyo bisa n'inyungu bitewe n'uko bitashatswe kubw'ikuzo ry'izina ryayo. – Manuscript 12, 1913.

GUKEMURA ICYIHUTIRWA

Igihe muretse abakozi banyu bashoboye bakagenda bitewe n'uko umutungo ari muke kugira ngo mubahe ibyo bakeneye, mu kanya gato muzifuza ko bagaruka. Ikibazo kigendana n'imari kigomba gukemurwa neza niba abakozi bose bazaba bifuza kwemera umushahara muto igihe umutungo ukenewe cyane. Iri niryo hame Uwiteka yampishuriye kugira ngo rikoreshwe mu macapiro yacu. Hazabaho ibintu byinshi bigomba gukorwa kandi umurimo wanyu uzakanera abo bantu. Mbese ntitwari dukwiye kuba twiteguye kugabanya ibyo twifuza igihe amafaranga yabaye ingume?

Njye n'umugabo wanjye twakoze dukurikiza iri hame. Twaravuze tuti, « Icapiro ni ikigo cy'Uwiteka, kandi tuzakoresha umutungo neza dukora uko bishoboka kose tukagabanya ibyo dusohora.» Uwiteka asaba abagaragu be bose kwitanga kugira ngo umurimo we utere imbere kandi ugere ku musaruro ushimishije. Nimucyo buri mukozi wese akore ibimushobokera byose kugira ngo ashyigikire kandi arinde icapiro ryacu. Ntimutekereze ko Uwiteka azashimishwa no kubona uyu mwuka ari wo uganje mu bigo byacu byose. Tugomba kugira ihame tugenderaho mu murimo. Yesu yaravuze ati, « Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire » (Luka 9 :23). Mbese twiteguye gukurikira Kristo? –Letter 25, 1896.

Ibigo byacu bigomba kuba munsi y'ubuyobozi bw'Imana. Byashinzwe binyuze mu bwitange kandi muri ubwo bwitange niho umurimo wabyo ushobora kujya mbere ukagera ku ntego.- Letter 129, 1903.

Ubwenge bwa kimuntu buzamutandukanya no kwiyanga no kwitanga, kandi buzagambirira ibintu byinshi bituma ubutumwa bw'Imana buba imfabusa.-*The Review and Herald,* Dec.13, 1892.

IGICE CYA 22 :UBUFASHA MU BY'UBUKUNGU KU BUSHOBOZI BW'UMUKOZI

GUFASHA ABASORE BAGARAGAZA ICYIZERE CY'AHAZAZA

Gufasha mu guteza imbere abasore bagaragaza icyizere cy'ahazaza, abasore bagaragaraho ko bahatwa n'urukundo bakunda ukuri n'ubutungane, kandi ko urwo rukundo rubayobora kwiyegurira umurimo w'Imana nk'abavugabutumwa b'abaganga, ababwiririshabutumwa ibitabo n'abavugabutumwa, byagombye kuba umugabane umwe w'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Nimureka hashyirweho ikigega cy'umutungo wo gukora uyu murimo bityo ababonye ubufasha bagende bajye kwita ku bakene n'abababaye. Uko byagenda kose uyu murimo uzacira inzira amavuta yomora y'i Galeyadi yo kuvura imitima irembejwe n'ibyaha. –Manuscript 35, 1901.

UBUFASHA BWAHAWE ABANYESHURI BACU BA MBERE BIGAGA IBY'UBUVUZI

Njye n'umugabo wanjye twafatanyije gufata abasore batatu batangaga icyizere cy'ahazaza tubakura mu mirimo yoroheje bakoraga maze duha buri wese muri bo amadorari igihumbi kugira ngo bige iby'ubuvuzi. Uku kwabaye uguhitamo Uwiteka yashyize mu ntekerezo z'umugabo wanjye. Uwiteka yari yatanze umucyo kuri abo basore batatu yabahisemo, kandi bari biteguye kwitanga ngo bakore umurimo w'ubuganga. –Letter 322, 1905.

ABASHINGWABIKORWA N'ABABWIRIZABUTUMWA BASHOBOYE

Hakwiriye kubaho kugera ku rwego rwo hejuru, atari mu gushaka kubaka amazu manini ahubwo mu kubaka imbaraga n'abantu bafite

ubushobozi kugira ngo babashe kumenya uko bacunga izo nyungu zagutse. Hakwiriye kugira ibitangwa, umutungo ugakoreshwa, hakabaho ikigega kigenewe kwigisha abagabo n'abagore bo mu bindi bihugu ndetse n'abo mu gihugu cyacu kugira ngo babe abantu bakwiriye kugera ku rwego rwo hejuru. Mu mashami atadukanye y'umurimo dufitemo abakozi bake bafite impano kandi babishoboye. –Letter 44, 1887.

GUTANGA INGUZANYO MU MWANYA W'IMPANO

Ibi bintu byose bigomba gukorwa nk'uko mubyifuza kugira ngo dufashe abanyeshuri kwiga. Ariko ndababaza nti, "Mbese aho twese ntidukwiriye gukora nta kwikanyiza kubaye muri ibi, maze tugashinga ikigega, tukagiteganyiriza kujya tucyifashisha mu bihe nk'ibyo? " Igihe mubonye umusore yaba umuhungu cyangwa umukobwa utanga icyizere cy'ahazaza, mumugurize umubare akeneye, mufite igitekerezo ko ari inguzanyo atari impano. Byaba byiza bigenze bityo maze igihe iyo nguzanyo yishyuwe igakoreshwa mu kwigisha abandi. Ariko ntabwo aya mafaranga agomba gukurwa mu cyacumi, ahubwo gukurwa mu wundi mutungo uteganyirijwe uwo mugambi. Ibi byatera umwete mu bantu bacu bagakora ibintu bitunganye, bagafasha mu buryo bukwiriye kandi bakagirira umurimo ishyaka. Mu byiciro byose by'umurimo w'Imana, hagomba kubaho ubushishozi ndetse no gutunganya umurimo bikoranwe ubuhanga. Ariko nimureke he kuba za gahunda nto mu mikoreshereze y'umugabane weguriwe gushyigikira umurimo w'ivugabutumwa kuko nibiba bityo umutungo uzashira mu kanya gato. –
Letter 40, 1897.

IGICE CYA 23:INAMA YAHAWE UMUNTU WARI UFITE UMUGAMBI WO KUVA MU MURIMO W'IMANA BITEWE N'IMPAMVU Z'UBUKUNGU

[Ku itariki ya 3 Ugushyingo 1892, umuvungamutungo w'icapiro yandikiye madame Ellen G. White amumenyesha ko yafashe umwanzuro wo kuva mu icapiro akajya gukora ahatari mu murimo w'Imana bitewe n'ibibazo by'ubukungu yihariye. Yari yarananiwe kubasha kubaho akoresheje umutungo yinjiza, bityo yari afitiye icapiro umwenda ungana n'amadorari

1244 mu gihe cy'imyaka umunani. Muri icyo gihe kandi yari yaragiyemo imyenda myinshi y'ivuriro. Ibyo bigo byombi byamusabaga kwishyura iyo myenda. Yumvaga ari mu bihe bimuha urwitwazo rwo kuva mu murimo w'Imana akajya gukora hanze bamuhemba umushahara usumbyeho, aho yiringiraga ko azashobora kwishyura iyo myenda kandi afite igitekerezo cy'uko atazigera agaruka gukora mu murimo w'Imana. Iyi baruwa ikurikiraho ni iyo Ellen G. White yamwandikiye amusubiza. ABAKUSANYIJE IMYANDIKO]

Musaza wanjye, mu ibaruwa yawe uvuga ibyo kuva mu murimo w'icapiro ry'Urwibutso n'Integuza. Mbabajwe n'uko ushobora kwifuza kwitandukanya n'umurimo bitewe n'impamvu uvuga. Izo mpamvu zigaragaza ko ufite umenyereye cyane kwinjiza ibirenze ibyo ufite ubu. Ukwizera kwawe gufite intege nke cyane. Iyindi miryango, ndetse migari cyane kurusha uwawe, itungwa n'umushahara ungana na kimwe cya kabiri cy'uwawe kandi nta jambo na rimwe ryo kwivovota ivuga. Twigeze tujya mu bihugu bya kure, kankdi nzi ibyo mvuga. Biragaragara ko waguma mu icapiro ryacu cyangwa ukarivamo, ufite amasomo azakugirira akamaro cyane ukwiriye kwiga. Ntabwo numva mfite ubwisnzure bwo kukugira inama yo kuguma mu icapiro; keretse gusa nunywa ku Isoko y'amazi y'ubugingo ugashira inyota, naho ubundi umurimo wawe ntuzemerwa n'Imana.

Ntabwo nzi umuntu ushobora kugusimbura uramutse ugiye, ariko niba umurimo Uwiteka yagambiriye kandi yifuza gukora warakorewe itorero ry' i Battle Creek, nemera ntashidikanya ko Uwiteka azafasha iryo torero mu mage ayo ari yo yose. Ntabwo ashaka umukorera ahatwa. Keretse gusa amagambo y'Uwiteka niyinjira mu mutima maze agatera umuntu kwiyegurira Kristo, naho ubundi igihe umuntu ashutswe kandi akageragezwa, azahitamo gukurikiza ibyo yishakira mu mwanya wo gukurikira inzira z'Uwiteka. Nari nariringiye ko guhera igihe cy'inama yabereye i Minneapolis, ukuri kwakomeje kukurasira mu myambi yako yaka kandi igaragara y'umucyo kwaba kwarasabye umutima wawe. Ariko mpereye ku nzandiko wanditse, nzi ko utagendera mu mucyo….

Umwanya wose umuntu yaba akoramo ufitanye isano n'umurimo wo kwandika ibitabo, ntabwo agomba guhembwa umushahara munini bikabije kubera ko Imana idakora muri ubu buryo. Wabuze amaso ya Mwuka kandi wari ukeneye gusigwa amavuta n'ijuru kugira ngo ubashe kubona ko umurimo w'Imana washinzwe binyuze mu kwitanga kandi ko kubwo kwitanga gusa uyu murimo ubasha gukorwa ukajya mbere….

Hariho abantu bakora mu icapiro batazi kandi badashaka kumenyera icyo byasabye abababanjirije kugira ngo batangize umurimo. Igihe aba bakozi binjiye nyuma bemeraga kugira uruhare muru uyu murimo, ntabwo bigeze binjira mu gukorana n'Imana. Ntabwo bazi amahame n'ibisabwa bigomba kuyobora umuntu ukorana n'Imana. "Imana yaunze abari mu isi cyane, bituma itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Nta muntu n'umwe udafite kuri uru rukundo rwitanga witeguye gukorera Imana. Abantu benshi baragenda badandabirana, bagundiriye umutwaro wabo wo kwikanyiza nk'aho ari ubutunzi bw'agaciro kenshi, bagakurikira inzira yabo bwita badakebakeba. Igihe bazakomanga ku muryango w'ijuru bagira bati, "Nyakubahwa we, Nyakubahwa we dukingurire", abenshi bazumva amagambo ngo, "Nta muntu winjira aha keretse abashobora kwakira umugisha w'ijuru, 'Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike najye nzakwegurira byinshi: injira mu munezero wa shobuja.' Ariko wowe wakoranye ubudahemuka wikorera, ukorera inyungu yawe bwite yo kwikunda, wigiriye umumaro. Ntiwigeze ubika ubutunzi mu ijuru."

Nta mwanya na muto tubasha kumva dutuje igihe tugundiriye kwirengagiza no kutita kuby'agakiza kacu. Abantu benshi nibakizwa, bazahaguruka maze bahindure imikorere yabo. Akaga ko mu minsi y'imperuka karatwuagarije. Komatana n'imbaraga y'Imana binyuze mu kwizera gushikamye, kuzima kandi gukora, nibyo byonyine bishobora gutuma tuba abakozi bakorana n'Imana. Abantu birangagiza uruhande rwo kwiyanga no kwitanga rw'iby'iyobokamana, ntibazasangira na Kristo ikuzo rye. Hagomba kubaho kwigana gusenga ndetse n'umwete udakebakeba mu ruhande rw'abantu bose bazatsindira ikamba ry'ubugingo.

Nimucyo he kugira umuntu n'umwe wibwira ko ashobora gusaba ibyo akwiriye runaka bitewe n'uko yavutse cyangwa umwanya afite cyangwa amashuri yize. Mbese ayo mahirwe yose bayahawe bate? Ni muri Kristo gusa. Imana irahamagara abantu bose bifuza kuzahabwa ubugingo buhoraho
kwigana Kristo: [Icyitegererezo twahawe]. Ukuri n'ubutungane ni yo mahame ya mbere y'ubtumwa bwiza, kandi ni yo mahame yonyine Kristo azabona mu muntu wese umukorera. Hagomba kubaho kwegurira Imana ubushake bwacu tubikuye ku mutima; tugomba kureka ibyo twibwira twagezeho maze tukareba ku musaraba w'i Kaluvari. Uku kwiyegirira Imana gusaba umuhati ku ruhande rw'umuntu kugira ngo akorane n'ingabo zo mu ijuru. Ishami rigomba komatana n'umuzabibu. ..

Abantu benshi ndetse benshi cyane mu bizera bafite ibyokurya bike cyane byo kubatunga, nyamara mu bukene bwabo bazana icyacumi
n'amaturo mu butunzi bw'Uwiteka. Abantu benshi bazi icyo gushyigikira umurimo w'Imana mu bihe bikomeye kandi biruhanya bisobanuye, bashyize umutungo mu murimo w'icapiro. Bihanganiye umuruho n'ubukene kandi bategereje ndetse banasengera ko umurimo wagera ku musaruro mwiza. Impano zabo no kwitanga kwabo bigaragaza guhimbaza no gushima gukomeye kw'imitima yabo bashimira uwabahamagaye akabakura mu mwijima akabageza mu mucyo utangaje. Nta wundi mubavu uhumura neza ubasha kuzamuka mu ijuru. Amasengesho yabo n'ubufasha batanga birazamuka bikaba urwibutso imbere y'Imana.

Ariko umurimo w'Imana mu mashami yawo yose yagutse ni umwe kandi amahame amwe niyo agomba kuyobora, umwuka umwe akaba ari wo ugaragara mu mashami yose y'uwo murimo. Ni cyo kigomba kuranga umurimo wo kwamamaza ubutumwa. Buri cyiciro cyo mu murimo gifitanye isano n'imigabane yose y'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, kandi umwuka uyobora icyiciro kimwe ni wo uzagaragara mu byiciro byose.
Nihagira umugabane umwe w'abakozi uhabwa umushahara munini cyane, mu mashami atadukanye y'umurimo hazabaho abandi bazasaba imishahara minini cyane, kandi umwuka wo kwitanga uzazima mu mutima ukomeye w'umurimo. Ibindi bigo nabyo bizakira uwo mwuka , kandi ubuntu bw'Imana

buzabakurwamo kubera ko idashobora na gato kwemera kwikanyiza. Bibaye bityo, umurimo wacu wari ufite umusaruro mwinshi wahagarara. Birashoboka kuwukora ugakomeza gutera imbere binyuze gusa mu kwitanga ubudacogora.
Mu mpande zose z'isi hari guturuka ihamagara risaba abantu n'ubutunzi byo guteza imbere umurimo. Mbese tuzumva duhatirwa kuvuga tuti, "Mugomba gutegereza; nta mafaranga dufite mu bubiko"?

Musaza wanjye X azi amateka ya kera y'umurimo mu icapiro; azi ibihamya Uwiteka yamwoherereje ndetse n'ibindi yamuhaye ku byerekeye kwiyanga no kwitanga. Ntabwo ayobewe ahantu hashya henshi hatangizwa umurimo aho ibendera ry'ukuri rgomba kuzamurwa, kandi hakaba hakenewe ubutunzi kugira ngo umurimo utangizwe. Niba afite umwuka wa Kristo, yagombye kugaragaza umutima wari muri Kristo.

ABATOROTSE BAVA MU NGABO ZA KRISTO

Mu kwitandukanya n'umurimo w'Imana ava mu murimo w'ubucungamari, musaza wanjye yakoze icyo nari naratinye ko yakora. Iyaba yari yaranze inarinjye, akaguma mu mwanya we yumvira ubushake bw'Imana kandi ibi bitewe n'uko ari umurimo w'Imana, agashyira umutima we wose mu murimo kandi akihanganira inshingano zawo n'imitwaro iwurimo nk'uko abandi babyihanganiye mbere ye, nubwo atakunguka umutungo mwinshi nk'uwo yabona aramutse yikoreye ku giti cye, iyo aba yarakoze ibi, yagombye kuba yaragaragaje ko akora adashaka. Nyamara se mbega uburyo yabaga ashishikariye umurimo, iyo yashoboraga kujya hanze igihe yabishakiraga ubwo byagaragaraga ko akora atyo kubw'inyungu ze? Mbese abasirikare bo mu ngabo za Kristo bakwiriye gukora batya? Mbese abasirikari bo mu ngabo z'igihugu baramutse bakoze batya, ko bafatwa nk'abataye urugamba none ni mu buhe buryo ijuru rireba abasirikari bo mu ngabo za Kristo bifata batyo? Nta muntu n'umwe wiyemeza kujya mu murimo w'Imana asobanukiwe neza no kwera kwawo, ukwiye gusubira inyuma akava muri uwo murimo kugira ngo agere ku nyungu z'iby'isi uko zaba ziri kose.

Musaza wanjye Y, Imana yakugiriye imbabazi nk'uko yazigiriye musaza wanjye X. Imana yarokoye ubuzima bwanyu bwari buri mu kaga gakomeye.

Mwahawe iminsi myinshi, amezi ndetse n'imyaka myinshi, mugira amahirwe yo gukuza imico yanyu. Imana yabashyize mu murimo wayo kugira ngo mubashe kuzurwa n'umwuka wa Kristo. Buri munsi na buri saha mubihabwa nk'amahirwe yaguzwe amaraso kugira ngo mwe gusohoza iby'agakiza kanyu bwite gusa, ahubwo mube igikoresho cyo kuzana abantu kuri Kristo, mwubaka ubwami bwe kandi mugaragaza ikuzo ry'Imana. Imana ishaka ko uyirundurira umutima kandi ukiyegurira umurimo wayo.

Abantu bakorana n'Imana mu by'ukuri, bazikorera umutwaro w'umurimo wayo, kandi nk'abagabura Imana izatuma, baziyumvamo aya magambo ngo, "Nzabona ishyano ninanirwa guhagarara mu mwanya w'inhingano ikomeye nahawe ndi indahemuka n'umunyakuri."

Musaza wanjye, niba umutima wawe utagishimishijwe n'umurimo ku buryo bigaragara ko ushobora kuwuvamo mu buryo bworoshye butyo, nta kinti mfite navuga, ntabwo nshobora kukwinginga kugira ngo ugume mu murimo, cyangwa musaza wanjye X ngo mwingingire kuwugarukamo. Mwembi mugaragaza ko mutari abantu bashobora kwishingikirizwaho kandi urugero rwatangwa muramutse muhawe igihembo cy'inyongera kugira ngo mwe kugenda, ntabwo rwaba urugero rushimisha Imana.

Yaba mwe cyangwa undi muntu wese sinshobora na gato kubaha ruswa y'amadorari cyangwa uduceri na duto kugira ngo mugume mu murimo w'Imana nubwo hari ingaruka uwo murimo wahura nazo ukozaba ziri kose bitewe no kuwuvamo kwanyu. Kristo ahagaze ku ruhembe rw'imbere. Niba Mwuka wa Kristo atabatera kugira icyo muba cyo n'icyo mukora kubwo kugira ngo ukuri kwamamare, mushobora kwiga icyo cyigisho gusa munyuze mu bigeragezo. Imana izagerageza ukwizera kwa buri muntu wese. Kristo yatuguze atanze igiciro kitagira akagero. Nubwo yari umutunzi, yahindutse umukene ku bwacu kugira ngo ubukene bwe buduheshe ubutunzi bw'iteka ryose. Ibyo dufite byose byaba ubushobozi n'ubwenge ni ibyo Uwiteka yaturagije kugira ngo tubimukoreshereze. Ni amahirwe yacu gufatanya na Kristo mu gitambo cye niba tubishaka.

Abantu bari bafite ubunaribonye n'ubutungane, bafashe iya mbere muri uyu murimo bakanga inarinjye kandi ntibagingimiranye gutanga icyo ari cyo cyose kugira ngo ugere ku ntego, ubu basinziriye mu gituro. Bari imiyoboro
yashyizweho n'Imana iyo amahame y'imibereho y'ibya Mwuka yanyuzwagamo akagera ku itorero. Ibyo banyuzemo ni iby'agaciro kenshi cyane. Ntibashoboraga kugurwa cyangwa ngo bagurishwe. Kubonera kwabo no kwitanga kwabo, kwitanga kwabo no komatana n'Imana kuzima bari bafite, byabaye umugisha ku guteza imbere umurimo. Ibigo byacu byarangwaga n'umwuka wo kwitanga.

Ariko mu mpande zimwe umurimo wagiye utakaza isura yawo. Nubwo wakuze ukaguka kandi ukabona n'ibyo kuwunganira ngo ukorwe neza, watakaje imbaraga mu butungane. Mu minsi twari duhanganye n'ubukene, abantu babonye uburyo butangaje Uwiteka yakoze ngo umurimo utere imbere, bumvise nta kindi cyubahiro bahabwa kiruta komatana n'inyungu z'umurimo w'Imana binyuze mu isano yera yabahuzaga n'Imana. Mbese bashoboraga gushyira umutwaro bafite hasi maze bagasezera ku gukorera Uwiteka biturutse ku mpamvu y'amafaranga? Oya, oya rwose. Iyo umuntu wese wakoraga adashaka areka inshingano ye, ntibashoboraga na rimwe gusiga umurimo w'Imana. Ahubwo bashoboraga kuvuga bati, "Niba Uwiteka yaranshyize aha hantu, yifuza ko mba igisonga kidahemuka, kandi umunsi ku wundi nkamwigiraho uko nakora umurimo mu buryo bwemewe. Nzakomeza guhagarara mu mwanya wanjye kugeza igihe Imana izansezerera. Nzamenya icyo kuba Umukristo ugaragarira mu bikorwa kandi ukorana ubwuzu bisobanuye. Nizigiye ingororano yanjye."

Mu mateka y'itangira ry'umurimo, abizera bitanze kugira ngo umurimo w'Imana utere imbere bari buzuwe n'umwuka nk'uwo. Bumvaga ko Imana isaba abantu bose bafitanye isano n'umurimo wayo kugira kwitanga k'umutima, umubiri n'umwuka batizigamye ndetse no kwitanga mu mirimo yabo yose n'ubushobozi bwabo bwose kugira ngi umurimo ugere ku ntego. Bagezweho n'ibihamya, imbaraga zabo zose bazikoresherza Imana bafatanyije n'ingabo zo mu ijuru kandi bungutse kongerwa ubushobozi binyuze mu gukoresha impano yose bari bafite.

KUGARAGAZA INGARUKA KWIKANYIZA N'UMURURUMBA

Abantu bashobora gukuraho isano bafitanye n'umurimo w'Imana babitewe no gukururwa n'inyongera z'iby'isi bashobora gutekereza ko hari urwego runaka bazirikanaho umurimo w'Imana; nyamara ukwikanyiza no kurarikira byubikiriye mu mutima w'umuntu ni byo byifuzo bifite imbaraga cyane kandi ikizavamo ntabwo ari ikintu cyoroshye na hato. Keretse gusa umuntu ahoze atungwa n'umubiri wa Kristo buri munsi kandi akanywa ku maraso ye, nibitaba bityo umugabane w'ubumana uri mu muntu uzasimburwa na Satani. Ukwikanyiza no kurarikira bazakuraho insinzi. Umuntu ufite umwuka wo kwiyemera no kuba icyigenge ntabwo abasha kuzinjira mu bwami bw'Imana. Abafatanyije na Kristo mu kwiyanga no kwitanga kwe nibo gusa bazasangira nawe ikuzo rye.

Abantu basobanukirwa icyo gucungurwa gusobanuye kuri bo ndetse no kuri bagenzi babo, n'ubwo rwaba ku rwego ruto, nibo bazagendera mu kwizera kandi ku rwego runaka bazasobanukirwa ubukene bukomeye bw'inyokomuntu. Iyo bitegereje ubukene bwabaye gikwira muri iyi si, imitima yabo ikangukira kugirira impuhwe abantu ibihumbi byinshi bakeneye ibyokurya n'imyambaro kandi iyo ugereranyije ubukene bw'imico mbonera mu bantu batabarika bari munsi y'igicucu cy'urupfu n'imibabaro y'umubiri, usanga iyi mibabaro ihindutse ubusa. Idini ya Yesu Kristo yanesheje bitangaje ukwikanyiza kwa muntu. Kwiyanga no kwitanga bya Kristo bihora imbere y'abakorana na we kandi ubushake bw'umuntu buzimirira mu bushake by'Imana….

Imana yifuza ko abakorana nayo basobanukirwa bikomeye urukundo rwayo n'imbaraga yayo ikiza. Ntabwo dukwiriye kuvuga tuti, "ntabwo nsobanukiwe," kuko ya Mana yahaye Pawulo kumenya izihishurira umuntu wese uzayishaka abikuye ku mutima. Mbese Imana yavuze iki kuri Aburahamu? Imana igenzura imitima yaravuze iti, "Kuko icyatumye mumenya, ari ukugira ngo ategeke abana be n'abo mu rugo rwe bazakurikiraho, gukomeza mu nzira y'Uwiteka, bakora ibyo gukiranuka baca

imanza zitabera” (Itangiriro 18:19). Aburahamu yagombaga gutoza abo mu rugo rwe kuyoboka Imana kandi kubaha Uwiteka byari gutera abantu imibereho irangwa n’ubupfura. Uha umugisha ubuturo bw’intungane aravuga ati, “Naramumenye kugira ngo ategeke.” Nta kugoreka ibyiringirwa byera, nta gushidikanya hagati y’icyiza n’ikibi. Imana izira inenge yatanze amategeko yo kuyobora abantu bose- ari yo rugero rw’imico umuntu atagoreka ngo abure kuba ahamwa n’icyaha. Ubushake bw’Imana bugomba kwiganwa ubushishozi kandi bugomba kurutishwa ibintu byose byo mu buzima. Amategeko umuntu wese agomba kubaha aturuka mu mutima w’urukundo rutagira iherezo.

Wa Wera witegereza hose wavuze ati, “Nzi Aburahamu,” yamenye na Koruneliyo, kandi atuma umumarayika we ajyanira ubutumwa umuntu wari yarakiriye kandi agakoresha neza umucyo wose Imana yari yaramuhaye. Umumarayika yaravuze ati, “Gusenga kwawe n’ubuntu bwawe byazamukiye kuba urwibitso imbere y’Imana. Kandi none tuma abanti i Yopa, utumire umuntu witwa Simoni wahimbwe Petero.” Noneho ibyerekezo byihariye biratanzwe ngo, “Acumbitse kwa Simoni w’umuhazi, urugo rwe ruri iruhande rw’inyanja: arababwira icyo mukwiriye gukora” (Ibyakozwe n’Intumwa 10:46). Uko ni ko umumarayika w’Uwiteka yakoze kugira ngo ahuze Koruneliyo n’umuntu yagombaga kuboneramo umucyo mwinshi. Iga igice cya 10 cy’Ibyakozwe n’intumwa witonze maze urebe uburyo icyo gikorwa cyagenze. Bityo, zirikana ko Uwiteka azi buri muntu wese mu izina rye, azi aho tuba, azi umuwuka dufite kandi igikorwa cyose cyo mu mibereho yacu. Abamarayika batwitaho bagenda banyura mu matorero, bandika ubudahemuka bwa buri wese mu nshingano ye.

Banandika kandi uburyo dusuzugura inshingano. Nimurebe ibya Ananiya na Safira. Mu gushaka kwerekana ko umutungo wabo wose baweguriye Imana, babeshye Mwuka Muziranenge, kandi ingaruka z’uko kubeshya ntabwo zabaye gutakaza ubuzima bari bafite ubwo ahubwo banatakaje ubugingo buzaza. Ni bibi cyane ku muntu uwo ari we wese gukora mu bintu byera nyamara akazana mu murimo imico ye yihariye, agatuma

Imana ikorana n’ibyaha bye. Imana yifuza ko abantu nk’abo bari mu myanya y’icyubahiro bagaragaza umutima wari muri Kristo, nyamara imico yabo mibi yivanga n’umurimo wose bakora bityo umurimo wera w’Imana ukangizwa no kwikanyiza kwabo. Uwiteka azi niba abantu bafite inshingano ari ibisonga byiringirwa, abantu bakomera ku budahemuka badakebakeba mu kintu cyose kandi ibi bakabigaragariza mu byo bakora byose….

Umutima wawe urababaye kandi urashavuye, ariko ntukongere kwishuka ngo wiringire ko abagabo n’abagore bazaha agaciro umucyo Imana yabahaye uturutse mu butungane bwayo batari bakingurira Yesu imitima yabo. Yesu aravuga ati, “Nimunyishingikirizeho, munyiringire: Sinzigera mbatererana, nzababera umufasha igihe cyose mubikeneye.”

Neretswe ko ubu abantu bose bari mu myanya ikomeye mu icapiro ry’Urwibutso n’Integuza bazageragezwa. Nibemera Kristo akababera icyitegererezo, azabaha ubwenge no kumenya no gusobanukirwa. Bazakurira mu buntu no mu bushobozi mu nzira ya Kristo kandi imico yabo izahinduurwa ise n’iye. Nibadakurikiza inzira y’Uhoraho, undi mwuka no wo uzategeka inetkerezo zabo no gushyira mu gaciro kwabo kandi bazafata ingamba Uhoraho atarimo, bazakurikira inzira yabo bwite maze bave mu myanya bari barimo. Bahawe umucyo; nibatandukana nawo maze bagakurikira inzira yabo bwite, nimureke he kugira umuntu ubaha impongano kugira be bahagume. Bazaba imbogamizi n’umutego. Igihe kirageze ubwo ikintu cyose gishobora kunyeganyezwa kigomba kunyeganyezwa, kugira ngo ibitabasha kunyeganyezwa bisigare. –Letter 20a, 1893.

UMUGABANE WA 5

GUHUMURIZA NO GUTERA UBUTWARI

IJAMBO RY'IBANZE

Ellen G. White, intumwa y'Imana yari asobanukiwe icyo umubabaro ari cyo. Ibyiringiro yari afite mu bwana bwe byangirijwe n'impanuka afite imyaka icyenda, kandi iyi mpanuka yendaga kumuhitana. Yanyuze mu bihe bigoye by'umubyeyi incuro enye. Incuro ebyiri yapfushije abana b'abahungu. Hafi kimwe cya kabiri cy'ubuzima bwe yakimaze ari umupfakazi. Yari azi ubusobanuro bwo kubana n'uburwayi igihe kirekire. Ubutumwa bwo gukomeza abantu bari bafite umubabaro, ababaga bapfushije, abari bageze mu za bukuru ndetse n'abari bashavujwe n'ababo bapfuye byamukoraga ku mutima kubw'ibyamubayeho ku giti cye.

Nta muntu n'umwe ushobora amayobera y'Imana, ariko abantu biringiye Imana mu bihe bikomeye n'umubabaro bazi ko Imana iri gusohoza umugambi wayo. Ibi Ellen White yari abizi kandi yabigaragarizaga mu kanyamakuru ke ka buri munsi mu mwaka wa 1892, aho mu magambo make ababaje yavuzemo ku mezi icumi y'umubabaro yagiriye mu gihugu cy'amahanga. Ugucika intege kwe bitewe no kuba atarakize uburwayi nyuma yo gusenga no gusigwa amavuta, ndetse no kwiringira Imana kwe kutagwaguza haba mu buzima cyangwa mu rupfu byose bigaragazwa muri aka kanyamakuru.

Ubutumwa bwihariye bwanditswe na madame White ari mu bihe bitandukanye kandi bukaba bwaratanzwe kugira ngo buhumurize abantu bahura n'umubabaro, buzasubiza ibibazo bikurikira: Niba Imana ari Imana y'urukundo ni mpamvu ki abantu bayo bagomba kubabazwa n'uburwayi igihe kirekire? Ni mpamvu ki abantu bayo kubabarira ku buriri barwaye? Guhumuriza no gukomeza bizaba ku muntu unyura mu mibereho imeze nk'ivugwa muri izi mpapuro zikurikira. Gusubiramo amagambo amwe uko ari ko kosekwabaho, ni kubw'impamvu yo guhumuriza abantu mu byo banyuramo byinshi bishoboka bihariye. ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA ELLEN G.WHITE.

IGICE CYA 24 :AMAGAMBO YABWIWE ABAGEZE MU ZA BUKURU

IZUBA RY'IGICAMUNSI- RIROROHEJE KANDI NI INGIRAKAMARO

Umugabura nyakuri wa Kristo akwiye guhora atera imbere. Izuba ry'igicamunsi ry'imibereho ye rishobora kuba ryoroheje kandi rikera imbuto kurusha izuba ry'agasusuruko. Rishobora gukomeza kwiyongera mu bunini ndetse no kumurika kugeza ubwo rirengeye mu misozi y'iburengerazuba. Musaza wanjye dufatanyije umurimo, ni byiza ndetse ni byiza bihebuje gupfa wishwe no gukora cyane haba mu murimo w'ivugabutumwa mu turere tumwe tw'iwanyu cyangwa mu mahanga, kuruta ko kugwa umugese ugashengurwa no kwicara ubusa. Ntubabazwe n'ingorane; ntukishimire kwicara utiga kandi utivugurura. Iga Ijambo ry'Imana ubishishikariye ushaka ingingo zizahugura abaswa kandi zikagaburira umukumbi w'Imana.
Uzura ubwenge kugira ngo uzabashe gukura mu nzu y'ubutunzi y'Ijambo ryayo ibintu bishya n'ibya kera.

Ntabwo ubunararibonye bwawe bukwiye kuba ubw'imyaka icumi, makumyabiri cyangwa mirongo itatu, ahubwo wari ukwiriye kugira ubunariribonye bwa buri munsi kandi buhoraho kugira ngo ubashe gushobora guha buri muntu wese umugabane w'ibyokurya bye mu gihe gikwiriye. Reba imbere nturebe inyuma. Ntuzigere na rimwe ukururwa n'ibyo wibuka kugira ngo uvuge bimwe mu byabaye kera. Mbese ibyo ubu bikongereyeho iki cyangwa abandi? Nubwo waha agaciro ibintu byose byiza mu byakubayeho mu gihe cyashize, ukeneye ibyo uhura nabyo bishya kandi bimurika uko ubinyuramo. Ntukirate ibyo wakoze mu gihe cyashize, ahubwo erekana ibyo ushobora gukora ubu. Reka ibikorwa byawe abe ari byo biguhesha icyubahiro mu mwanya w'amagambo yawe. Hamya isezerano ry'Imana rivuga ko "ubwo batewe mu rugo rw'Uwiteka, bazashishira mu bikari by'Imana yacu. Bagumya kwera no mu busaza, bazagira amakakama menshi n'itoto, kugira ngo byerekane yuko Uwiteka atunganye, ni we gitare cyanjye, ntarimo gukiranirwa na guke" (Zaburi 92:13-15). Rinda umutima wawe n'intekerezo zawe bikomeze kuba nk'iby'umusore wifashishije kubikoresha ubudasiba. –*The Review and Herald*, April 6, 1886.

NTA RWITWAZO KUBWO KUREKA KWITEGEKA

Numvise abantu banambye ku kwizera imyaka myinshi bavuga ko bari baramenyereye kwihanganira ibigeragezo n'ingorane, ariko kuva ubumuga buzanwa n'imyaka y'ubukuru bitangira kubisukaho, ubwo bahabwaga amabwiriza bagomba gukurikiza barahangayitse cyane. Mbese ibi bisobanuye iki? Mbese bisobunuye ko Yesu yaretse kuba Umukiza wanyu? Mbese bisobanuye ko iyo ugeze mu za bukuru warameze imvi, ufite amahirwe yo kugaragaza ibyifuzo byawe bidatunganye? Bitekerezeho. Kuri iyi ngingo
,mwari mukwiye gukoresha imbaraga zanyu zo gushyira mu gaciro nk'uko mubikora mu bintu by'igihe gito. Mwari mukwiye kwitandukanya n'inarijye maze umurimo mukorera Imana mukawugira nyambere mu mibereho yanyu. Ntimugomba kwemerera ikintu icyo ari cyo cyose guhungabanya amahoro yanyu. Ibyo ntibikenewe. Hagomba kubaho gukura no gutera imbere bihoraho mu mibereho y'ibyumwuka.

Kristo niwe rwa rwego Yakobo yabonye. Rwari rushinze ku isi kandi umutwe warwo wari ugeze ku ijuru; kandi intambwe ku ntambwe, mugomba kuzamuka uru rwego kugeza ubwo mugeze mu bwami buzahoraho iteka. Nta rwitwazo rwo kurushaho guhinduka nka Satani, cyangwa nka kamere muntu.
Imana yadushyize imbere urwego rurerure rw'amahirwe y'Umukristo kandi rugomba "gukomezwa cyane mu mitima yanyu kubw'Umwuka we; kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu kubwo kwizera, kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamye, muahbwe imbaraga zo kumenyera hamwe n'abera bose ubugari n'uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'igihagararo , n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo, mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa, ngomwuzure kugera ku kuzura kw'Imana" (Abefeso 3:16-19). –*The Review and Herald,* Oct. 1, 1889.

GUHAGURUKA TUKABITA ABAHIRIWE

Hari saa munani n'igice z'amanywa maze mvugana n'abantu bari buzuye inzu mu kigo cyitiriwe Adamu kiri New York…Icyo gihe twari dushimishijwe no guhura n'abagaragu b'Imana bageze mu za bukuru. Kuva mu itangira ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, twari twarahuye n'umukuru Frederick Wheeler, ubu akaba ari hafi kugira imyaka mirongo inani y'ubukuru. Twagiye duhura n'abakuru nka H. H. Wilxon na O. Taylor mu myaka mirongo ine yari ishize. Imyaka y'ubukuru iragenda icogoza abo bagaragu batwaraga ibendera ndetse nanjye ubwanjye ni uko. Nituba indahemuka kugeza ku iherezo, Uwiteka azaduha ikamba ry'ubugingo ritabasha kwangirika.

Ntabwo abo bagaragu batwaraga ibendera ry'ukuri bageze mu za bukuru ari imburamumaro cyangwango bashyirwe ku ruhande. Bafite uruhare rwabo bagomba gukora mu murimo rumeze nk'urwo Yohana yakoze. Bashobora kuvuga bati, "Uwahozeho uhereye mbere na mbere, uwo twumvise, uwo twiboneye n'amaso yacu, kandi uwo twitegereje intoki zacu zikamukoraho, ari we Jambo ry'ubugingo kandi ubwo bugingo bwarerekanywe turabubona, turabuhamya kandi none turababwira iby'ubwo Bugingo buhoraho, bwahoranye na Data wa twese tukabwerekwa. Ibyo twabonye tukabyumva ni byo tubabwira kugira ngo namwe mufatanye natwe, kuko ubwacu dufatanije na Data wa twese n'Umwana we Yesu Kristo. Ibyo nibyo tubandikiye, kugira ngo umunezero wanyu ube mwinshi. Ubu ni bwo butumwa twumvise buvuye kuri we tukababubabwira, yuko Imana ari umucyo kandi ko muri yo hatari umwijima na muke. Nituvuga yuko dufatanyije nayo tukagendera mu mwijima, tuba tubeshye tudakurikiza ukuri, ariko rero iyo tugendeye mu mucyo nk'uko na yo iri mu mucyo, tuba dufatanije ubwacu kandi amaraso ya Yesu Umwana wayo atwezaho ibyaha byose" (1Yohana 1:1-7).

Uyu niwo wari umwuka n'ubugingo by'ubutumwa Yohana yabwiye abantu bose ubwo yari ageze mu za bukuru, igihe yari hafi kuzuza imyaka ijana y'ubukuru. Abatwara ibendera [ry'ukuri] bagundiriye amabendera yabo.

Ntabwo babasha kurekura ibendera ry’ukuri, kugeza igihe bashoje urugamba.

Amajwi y’izo ntwari ku rugamba zigeze mu za bukuru, agenda aceceka umwe umwe. Aho zari zihagaze hasigariye aho. Ntabwo tukibabona nyamara n’ubwo bapfuye baracyavuga, kuberako imirimo yabo ibakurikiye. Nimucyo twite ku bagenzi bake bageze mu za bukuru basigaye dufite umutima w’impuhwe, tubahe agaciro gakomeye kubera imirimo bakoze. Uko imbaraga zabo zigenda zicogora kandi zigacika intege, ibyo bavuga bifite agaciro gakomeye. Nimucyo he kugira abasore cyangwa abakozi bashya basuzugura cyangwa mu buryo ubwo ari bwo bwose bagaragaza kutita ku basaza bameze imvi, ahubwo mureke bahaguruke babite abahiriwe. Abo basore n’abo bakozi bashya bakwiriye kuzirikana ko binjiye mu mirimo yakozwe n’abo bsaza. Turifuza ko mu mitima y’abizera bacu habamo urukundo rwa Kristo rwinshi bakarugaragariza ababaye nyambere mu kwamamaza ubutumwa. –Manuscipt
33, 1890.

INAMA YAGIRIWE ABAGEZE MU ZA BUKURU BARI MU MURIMO

UMUBURO WAHAWE S. N. Haskell

Nubwo uhangayikishijwe cyane no gukora ibyo ushobora gukora byose, mwene data Haskell ibuka ko ari kubw’imbabazi z’Imana zikomeye n’ubuntu bwayo warinzwe muri iyi myaka myinshi kugira ngo utange ubuhamya bwawe.

Wikwikorera imitwaro ishobora kwikorerwa n’abandi bakiri bato.

Ufite inshingano yo kwigengesera mu ngeso zo mu mibereho yawe. Ukwiriye kuba umunyabwenge mu mikoreshereze y’imbaraga zawe z’umubiri, z’ubwenge n’iza Mwuka. Twebwe abanyuze mu bikomeye byinshi kandi bitandukanye, tugomba gukora ibyo dushoboye gukora byose

tubungabunga imbaraga zacu kugira ngo dushobore gukorera Umwami wacu igihe cyose akitwemereye guhagarara mu mwanya wacu ngo dufashe guteza imbere umurimo we.

Umurimo ukeneye ubufasha bw'amaboko y'abagezemu za bukuru, abakozi ba kera bagize ubunararibonye bw'imyaka myinshi mu murimo w'Imana; abantu babonye benshi bajya mu bwaka, bagatwarwa n'ubuyobe bw'inyigisho z'ibinyoma kandi barwanyije imbaraga zose zakoreshwaga kugira ngo umucyo nyakuri umurikire mu mwijima maze uhishure inyigisho z'ubupfumu zazaga kujijisha intekerezo nzima, kandi zihindure ubusa ubutumwa bw'ukuri muri iyi minsi iheruka bugomba kuvuganwa gutungana kwabwo bukagezwa ku bwoko bw'Imana bwasigaye.

Abenshi mu bagaragu b'Imana bahuye n'bigeragezo basinziririye muri Yesu. Dushimira cyane ubufasha bw'abakiriho muri iki gihe. Duha agaciro ubuhamya bwabo. Soma igice cya mbere cy'urwandiko rwa mbere rwa Yohana maze nurangiza ushimire Imana ko nubwo ufite ubumuga bwinshi ugishobora kuyihamya…

ABAKURU SMITH NA LOUGHBOROUGH

Mu buryo bworoshye, dushobora kubara abikoreye umutwaro ba mbere bakiriho ubu [1902]. Umukuru Uriah Smith yakoranaga natwe mu itangira ry'umurimo wo kwandika ibitabo. Yakoranye n'umugabo wanjye. Twiringira ko igihe cyose tuzajya tubona izina rye mu *Rwibutso n'Integuza* ari we ubanza ku rutonde rw'abanditsi; kuko uko ari ko byari bikwiriye kuba. Abatangije umurimo bakarwanana ubutwari igihe urugamba rwari rukomeye, ntabwo bagomba gutakaza ikibakomeza ubu. Bagomba kubahwa n'abinjiye mu murimo nyuma y'ubukene bukomeye cyane bihanganiye.

Ndumva mfitiye impuhwe cyane umukuru Smith. Gushishikarira umurimo wo kwandika ibitabo kumbaho mu mibereho yanjye komatanye n'ukwe. Yadusanze ari umusore, afite impano zamushoboje guhagarara mu nshingano ye no mu mwanya we nk'umwanditsi. Mbega uburyo nezerwa

cyane iyo nsomye ingingo yanditse mu *Rwibutso n'Integuza!* Ziba ari nziza bitavugwa, zuzuye ukuri kw'ibya Mwuka. Nshima Imana kubw'izo ngingo. Numva ngiriye ubwuzu bwinshi umukuru Smith, kandi nizera ko izina rye ryari rikwiye guhora riboneka mu *Rwibutso n'Integuza* nk'izina ry'umwanditsi mukuru. Uko ni ko Imana yifuza ko byaba. Mu myaka ishize, ubwo izina rye ryari ryashyizwe ku mwanya wa kabiri, numvise mbabaye. Ubwo bongeraga kurishyira ku mwanya wa mbere, nararize maze ndavuga nti, "Imana ishimwe." Iyaba izina rye ryahoraga kuri uwo mwanya, nk'uko Imana yagambiriye ko ari ko bikwiriye kuba igihe cyose ukuboko kw'iburyo kwa Smith kugishobora gufata ikaramu. Kandi n'igihe imbaraga z'ukuboko we zinaniwe, nimureke avuge maze abahungu be bandike ibyo ababwira.

Nshimishijwe n'uko umukuru J. N Loughborough agishobora gukoresha ubushobozi bwe n'impano ze mu murimo w'Imana. Mu mugaru n'ibigeragezo yahagaze ari indahemuka. Afatanyije na Smith, umugabo wanjye, umuvandimwe dusangiye kwizera Bulter waje kudufasha bitinze ndetse nawe ubwawe S. N. Haskell; J. N Loughborough ashobora kuvuga ati, "Uwahozeho uhereye mbere na mbere,….Ibyo twabonye tukabyumva ni byo tubabwira kugira ngo namwe mufatanye natwe, kuko ubwacu dufatanyije na Data wa twese n'Umwana we Yesu Kristo" (1Yohana 1:1-3).

UMUKURU BULTER,UMUKOZI W'INGIRAKAMARO CYANE

Twumva tunyuzwe kandi dushimira Imana kuba twongera kubona Bulter mu murimo. Umusatsi we wabaye imvi uhamya ko asobanukiwe n'icyo ibigeragezo ari cyo. Twongeye kumwakira muri twe no kumufata nk'umwe mu bakozi bacu b'ingirakamaro cyane.

Uwiteka afashe abavandimwe bacu mu kwizera batanze ubuhamya bwabo mu minsi ya mbere y'ubutumwa kugira ngo babe abanyabwenge mu byerekeye kubungabunga imbaraga zaboz'umubiri, iz'ubwenge n'iz'ibya Mwuka. Nabwirijwe n'Uwiteka kuvuga ko yaguhaye imbaraga zo gushyira mu gaciro kandi yifuza ko usobanukirwa n'amategeko agira ingaruka ku

buzima bw'umuntu kandi ukagambirira kuyumvira. Ayo mategeko ni amategeko y'Imana. Imana yifuza ko umukozi wese ahagarara mu itsinda rye no mu mwanya we, kugira ngo abashe gukora inshingano ye mu kurinda abantu gutembanwa bakarimburwa n'imbaraga ikomeye y'ikibi yo gusubira inyuma mu by'umubiri, ubwenge n'ibya Mwuka. Bavandimwe, Imana yifuza ko ukomeza gufata intwaro zawe kugeza intambara irangiye. Ntukabe umuntu utigengesera; ntugakore ngo urenze urugero. Fata ibihe byo kuruhuka. Itorero ryambariye urugamba si itorero rinesheje. Uhoraho yifuza ko, igihe cyose bakiriho, abagaragu be bageragezwa bashyigikira ivugurura mu kwirinda. Bakarambura ibendera ryo kwirinda. Mwigishe abantu gushyira mu bikorwa ukwirinda kudakebakeba mu bintu byose, ndetse no kuba nyambere mu byo kumvira amategeko agenga umubiri. Muhagararire ukuri kw'Imana mushikamye. Nimuzamure imbere y'abantu ibendera ryanditsweho ngo, "Aho niho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu" (Ibyahishuwe 14:12).

KUBAHA NO GUSHIMIRA ABATANGIJE UMURIMO

Bake cyane mu batwaraga ibendera ry'umucyo ba kera baracyariho. Ndifuza cyane ko basaza banjye na bashiki banjye bazajya bubaha abo batangije umurimo. Tubashyize imbere yanyu nk'abantu bazi icyo ibigeragezo ari cyo. Nabwirijwe kuvuga nti, 'Nimureke buri mwizera wese yubahe abantu bagize uruhare rukomeye mu minsi ya mbere y'ubutumwa, kandi bihanganiye ibigeragezo, imiruho n'ubukene bwinshi. Imvi z'abo bantu zabaye uruyenzi bari mu murimo. Vuba aha bidatinze bazahabwa ingororano yabo…'

Imana yifuza ko abagaragu bayo bamereye imvi mu kwamamaza ukuri bahagarara ari indahemuka n'abanyakuri, bagatanga ubuhamya bwabo bashyigikiye amategeko y'Imana.

Ntabwo abagaragu b'Imana bahuye n'ibigeragezo bakwiriye gushyirwa ahakomeye. Abantu bakoreye Umwami wabo igihe umurimo wari ugoye, abihanganiye ubukene kandi bagakomeza kuba indahemuka bakunda ukuri

igihe twari tukiri umubare muto, bagomba guhabwa icyubahiro. Nimucyo abayobotse ukuri mu myaka ya vuba aha bumvire aya magambo. Imana yifuza ko abantu bose bumvira uyu muburo. –Letter 47, 1902.

ABAKOZI BAGEZE MU ZA BUKURU BAGOMBA KUBA ABIGISHA N'ABAJYANAMA

Imana ihamagarira abagaragu bayo bageze mu zabukuru gukora nk'abajyanama, bakigisha abakiri bato icyo bakwiriye bakwiriye gukora mu bihe hari ibyihutirwa. Nk'uko Yohana yabigenje, abakozi bageze mu za bukuru bagomba gutanga ubuhamya buzima bw'imibereho nyakuri. Kandi igihe aba bakozi b'indahemuka bapfuye bakaruhuka, bakajyana n'aya magambo ngo, "Hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu", mu mashuri yacu hakwiriye kubonekamo abagabo n'abagore bashobora gufata ibendera maze bakarizamura ahantu hashya.

Igihe aba bakozi bageze mu zabukuru batwara ibendera ry'ukuri bari aho umurimo ukorerwa, nimucyo abunguwe n'imihati yabo babiteho kandi babubahe. Mwe kubakorera imitwaro yo kubagusha hasi. Nimushime inama zabo n'amagambo yabo yo kubahugura. Nimubafate nk'ababyeyi b'abagabo n'abagore bihanganiye imitwaro y'umurimo. Abakozi mu gihe cyashize babonaga ubukene bw'umurimo mbere y'igihe, bakora umurimo w'agaciro kenshi iyo aho kugira ngo bikorere imitwaro yose bonyine ahubwo

bayikoreza abasore n'inkumi, ndetse bakabigisha nk'uko Eliya yigishije Elisa.

Dawidi yavuze amagambo yo gushimira Imana kubw'inyigisho no kuyoborwa nayo yari yarabonye. Yaravuze ati, "Mana, ni wowe wanyigishije uhereye mu buto bwanjye" (Zaburi 71:17). Abantu bihanganiye umuruho n'ubushyuhe bwotsa bwa ku manywa mu mateka y'ubutumwa, bagomba kwibuka ko ya Mana yabigishije kuva bakiri bato ikabararika igira iti, "Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho" (Matayo 11:29), kandi ikabaha umucyo w'ukuri, ni yo yifuza kwigisha abasore n'inkumi muri iki gihe nk'uko nabo yabigishije.

GUKURWAHO IMITWARO IREMEREYE

Ni iby'ubwenge ku bantu bikoreye imitwaro iremereye ko bajya ahitaruye bagafata akanya ko kuruhuka. Aba bakozi b'indahemuka bakwiriye kuruhurwa imitwaro yose iremereye. Umurimo bashobora gukora nk'abatanga impanuro ukwiriye kwishimirwa. Imana ubwayo izakorana nabo mu mwete wabo wo kwigisha abandi. Ibigoye cyane bakwiriye kubirekera abakiri bato; umurimo wo mu gihe kizaza ugomba gukorwa n'abasore bafite imbaraga. Umurimo uhagarikiwe n'Imana yo Muhanzi w'ukwizera kwacu kandi akaba ari nayo igusohoza. Ishobora kandi izaha ubushobozi abantu bagambirira. Izahagurutsa abantu bashobora kurwana urugamba rwayo. Ntabwo yigera irekera umurimo wayo mu kaga. Uyu murimo urakomeye kandi ni uw'agaciro, bityo ugomba kujya mbere. Ntabwo ari ubushake bw'Imana ko abakurambere mu murimo wayo bakagombye gukoresha imbaraga basiraganye bikorera imitwaro iremereye. Nimureke abasore bakore inshingano yose bashoboye kandi bahagarare kigabo barwane intambara nziza yo kwizera. Uwiteka azi neza abo yahitamo kugira ngo bakore umurimo we kurusha uko abantu b'abahanga babikora uko baba babishishikariye kose.

Imana ni yo ishyira Mwuka Muziranenge mu mitima y'abasore, ikabayobora kuyirwanira barwana urgamba rukomeye. Uko niko yahumekeye kuri Pawulo w'i Taruso warwanishije ubushobozi bwose yahawe aharanira ukuri kwahishuwe n'Imana ahangana n'abahakanyi bari bakwiriye kumushyigikira. Muri iyi minsi, abagaragu b'Imana bazahura n'ingorane nk'izo Pawulo yahuye nazo. Ibi ni byo bamwe mu bazamuye ibendera ry'ukuri muri iki gihe banyuzemo. Abantu nk'abo nibo bashobora guhagarara bakarwanira ukuri. Nibakomeza kuba abigishwa, Imana ishobora kubakoresha bagahamya amategeko yayo.

ABASORE BAGOMBA GUKORANA N'ABAKOZI BAFITE UBUNARARIBONYE

Nimucyo he kugira abakozi bageze mu za bukuru batekereza ko bagomba gukora inshingano zose no kwikorera imitwaro yose. Ahandi hantu hashya ho gukorera hahora higaragaza imbere yacu. Nimureke abasore bifatanye n'abakozi bafite ubunararibonye basobanukiwe n'Ibyanditswe, bamaze igihe kirekire bakora ibyo Ijambo ry'Imana rivuga, abantu bagaragarije ukuri mu byo bagoraga mu mibereho yabo, bakishingikiriza kuri Kristo uko bukeye n'uko bwije kandi bagasenga Uhoraho nk'uko Daniyeli yabigenzaga. Daniyeli yasengaga Imana gatatu ku munsi. Yari azi ko Imana yo ifite ubushobozi bwo guhugura ari yo soko y'ubwenge n'imbaraga. Ukuri nk'uko kuri muri Yesu- inkota ya Mwuka ityaye amugi yombi- ni ko kwari intwaro ye ku rugamba.

Mu mvugo, mu mwuka no mu mahame, abantu bagize Imana ibyiringiro byabo ni intangarugero ku bakiri bato bakorana nabo. Aba bagaragu b'Imana b'indahemuka bagomba kwifatanya n'abasore, bakababakuruza imirunga y'urukundo kubera ko nabo ubwabo bakururwa n'imirunga y'urukundo rwa Kristo ngo babasange. –*The Review and Herald,* March 20, 1900.

KUGERA MU ZA BUKURU ARIKO UGAKOMEZA GUHAMYA IMANA

KURI MUSAZA WANJYE G. I. BULTER:

…Nifuza cyane ko abasirikari bageze mu zabukuru, bamereye imvi mu murimo w'Umwami wacu bakomeza gutanga ubuhamya bwabo kugeza ubwo abakiri bato mu byo kwizera basobanukirwa ko ubutumwa Uhoraho yaduhaye mu gihe cyashize ari ingirakamaro cyane muri iki gihe amateka y'isi agezemo. Nta kintu na kimwe cyabayeho mu gihe cyashize cyatakaje n'agace gato k'imbaraga zacyo. Ndashimira Uhoraho kubw'ijambo ryose n'ingingo nkuru yose yanditswe mu Ijambo Ryera. Ntabwo nshobora guhunga ibikomeye byatubayeho.

Ntabwo ugomba gukora ibirenze imbaraga zawe. Ndibwira ko mu gihe kizaza ibizaba byaratubayeho bizaba bitandukanye; ariko ntekereza ko igihe wowe nanjye dusazira mu murimo wa Kristo dukora ibijyanye n'ubushake bwe, tuba tugira ubunararibonye bwo mu rwego rwo hejuru kandi bw'agaciro gakomeye cyane.

Imanza z'Uhoraho ziri mu gihugu. Tuomba gukorana ubudahemuka bwacu bwose, tukarundurira ubuzima bwacu bwose mu byo dukora kugira ngo dufashe abandi gutera intambwe bajya mbere kandi bazamuka. Reka turwane urugamba twerekeza ku marembo. Reka twitegure kuvuga amagambo yo gutera ubutwari abahagarika gukora umurimo n'abananiwe. Dushobora kugenda nta kituziga igihe gusa tugendana na Kristo. Reka he kugira igicogoza ubutwari bwawe. Fasha abo muhura kugira ngo bakorane ubuubudahemuka.

Ndiringira ko mu gihe kiri imbere nshobora kuzahurira nawe muri amwe mu materaniro yacu. Wowe nanjye turi bamwe mu bantu bakuru cyane bakiriho bakomeye ku kwizera igihe kirekire. Nibidashoboka ko dukomeza kubaho tukabona ukuza k'Umwami wacu, nyamara kubera ko twakoze umurimo twashinzwe, tuzarambika intwaro zacu dufite ishema rizira amakemwa. Reka dukore uko dushoboye kose kandi tubikore mu kwizera n'ibyiringiro. Umutima wanjye wuzuye gushima Imana kubera ko yarinze ubugingo bwanjye igihe kirekire. Ukuboko kwanjye kw'iburyo kuracyashobora kwandukura ingingo z'ukuri kwa Bibiliya kudasusumira. Bwira abantu bose ko ukuboko kwa mushiki wabo Ellen G. White kugishobora kwandika amagambo yo guhugura abantu. Ubu ndi kurangiza ikindi gitabo kivuga ku mateka yo mu Isezerano rya Kera. [Aha yerekezaga ku gitabo cyitwa *Abahanuzi n'Abami*]

Uhoraho aguhire kandi agukomereze mu byiringiro n'ubutwari. –Letter 130, 1910.

GABANYA GUHORA UKORA UMURIMO UVUNANYE

Ndakugira inama yo kudakora ibirenze ubushobozi bwawe. Wari ukwiriye kugabanya umurimo uhoraho kandi ugoye cyane kugira ngo ube ubashe kubaho uruhutse. Ukwiriye gufata ibihe cyo kuryama ugasinzira ku manywa bityo ushobora kurushaho gutekereza neza kandi intekerezo zawe zizarushaho gusobannukirwa kandi amagambo uvuga arusheho kwemeza imitima y'abantu. Zirikana kandi komatanya imibereho yawe yose n'Imana. Emera Mwuka Muziranenge kugira ngo akumurikire mu bya Mwuka, kandi umukurikire akuyobore ku kumenya Umwami wacu. Komeza ujye aho Uhoraho akuyobora, ukore ibyo agutegeka. Tegereza Uhoraho, nawe azavugurura imbaraga zawe.

Nyamara ntabwo yaba njyewe cyangwa wowe dusabwa guhora ku munaniro udatuza. Dukwiriye guhora twemera ibyo Imana idusaba kandi izatwereka isezerano ryayo. "Ibihishwe by'Uwiteka bihishuriwe abamwubaha" (Zaburi 25:14). Tuzamenyeshwa byimbitse amabanga y'Imana Data wa twese n'aya Yesu Kristo. Tuzerekwa Umwami mu bwiza bwe, kandi imbere yacu hazakinguka ikiruhuko kibikiwe ubwoko bw'Imana. Bidatinze tuzinjira mu murwa wubatswe kandi waremwe n'Imana-umurwa twavuzeho igihe kirekire. –Letter 78, 1906.

IRINGIRE IMANA- UYISHINGIKIRIZEHO

Ku muvandimwe wanjye S. N. Haskell:

….Muri iki gihe ubwo udashobora rwose kugira icyo ukora kandi ubumuga bukaba bukugarije, ibyo Imana igusaba gusa ni ukuyiringira. Yegurire kurindwa k'ubugingo bwawe yo Muremyi udahemuka. Imbabazi ze ni ukuri kandi isezerano rye rihoraho iteka. Hahirwa umuntu ufite ibyiringiro mu Uhoraho Imana ye, agakomera ku kuri iteka ryose. Reka intekerezo zawe zakire amasezerano y'Imana kandi ziyashikameho. Niba udashobora

kwibuka neza ibyiringiro biri mu masezerano y'agahozo, yategere amatwi igihe undi ayavuga. Mbega ukuzura, mbega urukundo n'ibyiringiro biboneka muri ayo magambo yavuye mu kanwa k'Imana ubwayo, ivuga urukundo rwayo, imbabazi zayo n'ibyo yifuza ku bana bayo yitaho:

"Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ibabarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha" (Kuva 34:6,7).

Uhoraho yuzuye imbabazi agirira abe bababazwa. Ni ibihe byaha bikomeye cyane atababarira? Ni umunyambabazi kandi ahora yiteguye ndetse anezezwa cyane no kubabarira aho guca iteka. Ni umunyabuntu, ntabwo ashakisha ikibi muri twe ; aratuzi ; yibuka ko turi umukungugu musa. Mu mbabazi ze zitagira akagero n'impuhwe adukiza gusubira inyuma kwacu, akadukunda igihe tukiri abanyabyaha, ntatwime umucyo we ahubwo ukaturasira ku bwa Kristo.

Mbese muvandimwe wanjye uziringira Yesu iteka, we gukiranuka kwawe?
Urukundo rw'Imana rusakazwa mu mutima wawe na Mwuka Muziranenge uhererwa ubuntu. Uri umwe na Kristo kandi azakugirira ubuntu ngo ube umwiringirwa, azakugirira ubuntu kugira ngo utsinde kubura umutuzo. Azasusurukisha umutima wawe Mwuka we, azabyutsa ubugingo bwawe buve mu ntege nke burimo. Dusigaranye iminsi mike cyane yo kuba muri iyi si turi abagenzi n'abimukira, dushaka igihugu kirushaho kuba cyiza ari cyo cyo mu ijuru. Iwacu ni mu ijuru. Kubw'ibyo, komereza ubugingo bwawe mu kwiringira Imana. Imitwaro yawe yose yikoreze Imana.

Mbega uburyo umutima wawe wakozweho n'ubwiza bwo mu maso y'Umukiza inshuro nyinshi, ukareshwa n'ubwiza bw'imico ye, kandi ukoroshywa no gutekereza imibabaro ye! Ubu ashaka ko umwikoreza impagarike yawe yose.
Ndaguha igice cyo kugukomeza iminsi yose. "Uwo munsi uzavuga uti, 'Uwiteka, ndagushima yuko nubwo wandakariraga, uburakari bwawe bushize ukampumuriza. Dore Imana ni yo gakiza kanjye nzajya niringira ne gutinya, kuko Uwiteka Yehova ari we mbaraga zanjye n'indirimbo yanjye

agahinduka agakiza kanjye.’ Nicyo gituma muzavomana ibyishimo mu mariba y’agakiza” (Yesaya 12:1-3). (Yesaya 12:1-3). –Letter 14b, 1891.

IGICE CYA 25 :UBUTWARI MU MIBABARO

NI MPAMVU KI HARI UYU MUBABARO?

[Ahagana mu mpera z’umwaka wa 1891, mu rwego rwo kubahiriza ibyari byasabwe n’Inteko Nkuru Rusange, Ellen G. White yagiye muri Australia gufasha mu gukomeza umurimo wari uhatangiye vuba. Yahamaze imyaka icyenda. Nyuma y’igihe gito agezeyo yafashwe n’indwara yarwaye igihe kirekire kandi imubabaza. Amagambo akurikira agaragaza ubutwari bwe muri uyu mubabaro. Zirikana amasomo yigiye muri ibi byamubayeho-ABAKUSANYIJE INYANDIKO.]

Buri butumwa bwose bwatwaraga kuva ku ipaji imwe kugera kuri magana abiri, kandi ubwinshi muri bwo bwagiye bwandikwa igihe kimwe negamiye umusego ndi mu buriri, ntaryamishije umubiri wose, cyangwa nsa n’uwicaye, cyangwa se negamye mu ntebe ndende.

Kumera nk’uryamye kandi nicaye bimbabaza cyane amayunguyungu ndetse n’umugabane wo hasi w’uruti rw’umugongo. Iyaba za ntebe nziza mufite mu ivuriro zabonekaga muri iki gihugu {Australia}, bakagombye guhita bangurira imwe n’ubwo yagura amadorari mirongo itatu…Nshobora kwicara neguye umutwe maze bikananiza cyane. Ngomba kuwuruhura negamiye umusego w’intebe, meze nk’uberamye. Uko ni ko merewe ubu.

Nyamara ntabwo nshitse intege rwose. Ndumva ko buri munsi nshigikiwe. Mu masaha maremare ananije ya nijoro, igihe gusinzira byabaga byananiranye, mfata umwanya munini nsenga; kandi igihe imyakura yose isa

n’itabaza kubera uburibwe, igihe iyo nitekerejeko bisa n’aho nakavugije induru kubera kubabara, icyo gihe amahoro ya Kristo yagiye aza mu mutima wanjye ku buryo nagiye nuzura gushima. Nzi ko Yesu ankunda kandi nanjye ndamukunda. Hari amajoro amwe nagiye nsinzira amasaha atatu, ayandi ngasinzira amasaha ane, kandi akenshi nasinziraga amasaha abiri gusa. Nyamara muri ayo majoro maremare yo muri Australia, mu mwijima, ibintu byose byamberaga nk’umucyo maze ngashimishwa no gusabana n’Imana kunejeje. Ubwo ubwa mbere nisangaga mu mibereho yo kubura hepfo no haraguru,
nicujije cyane kuba narambutse inyanja ngari. Naribazaga nti, ‘Ni kuki ntari muri Amerika? Ni kuki ndi muri iki gihugu mbabara bene aka kageni?’ Incuro nyinshi nashoboraga kubika umutwe mu gitanda maze nkarira bikomeye. Nyamara sinamaze igihe kirekire mbogoza amarira.

Naribwiye nti, “Ellen G. White, mbese umaze iki? Mbese aho ntiwaje muri Australia bitewe n’uko wumvise ko yari inshingano yawe kujya aho inama yabonye ko ari byiza ko wajya? Mbese uko si ko wabigenje?”

Naravuze nti, “Yego.”

“None se kuki wumva umeze nk’uwatereranwe kandi wacitse intege? Mbese ibi si umwanzi uri kubitera?”

Naravuze nti, « Niringiye rwose ko ari we.»

Nahanaguye amarira yanjye vuba vuba maze ndavuga nti, “Birahagije; Sinzongera kureba ku ruhande rw’ibibi na rimwe. Kwaba kubaho cyangwa gupfa, ubugingo bwanjye mburagije uwampfiriye.”

Bityo, niringiye ko Uhoraho yari gukora ibintu byose bikagenda neza, kandi muri aya mezi umunani yo kubabara gukabije, ntabwo nigeze ngira guhagarika umutima cyangwa ngo nshidikanye. Ubu mbona iki kibazo nk’umugabane umwe wa gahunda ikomeye y’Imana, kubw’inyungu z’abantu bayo muri iki gihugu, ku bari muri Amerika ndetse no ku nyungu zanjye.
Ntabwo nshobora gusobanura impamvu n’uko bimeze ariko ndabyizera kandi mu mubabaro wanjye ndanezerewe. Niringiye Data wo mu ijuru.

Sinzashidikanya urukundo rwe. Mfite umurinzi uhora anyitaho amanywa na nijoro kandi nzasingiza Uwiteka kuko ishimwe rye riri ku minwa yanjye kubera ko rituruka mu mutima wuzuye gushima. –Letter 18a, 1892.

KWIHERERANA N'IMANA MU MINSI Y'UMUBABARO

ISENGESHO NO GUSIGA AMAVUTA NYAMARA NTUHITE UKURA

Kuwa 21 Gicurasi, 1892. Ijoro ribi, hafi ya ryose rishize nta gusinzira rirakeye. Ejo hashize ku gicamunsi, umukuru A. G. Daniells n'umugore we, G. C. Tenney n'umugore we ndetse na bene data Stockton na Smith bari baje iwacu mu rugo ari njye ubisabye kugira ngo bansengere Uwiteka abashe kunkiza. Twagize igihe cyiza cyane cyo gusenga kandi twese twagize umugisha cyane. Nagaruye ubuyanja ariko sinakize. Nakoze ibyo nshobora gukora byose ngo nkurikize amabwiriza ya Bibiliya, kandi nzategereza Uhoraho akore, niringiye ko azankiza igihe ashaka kigeze. Ukwizera kwanjye kwishingikirije kuri iri sezerano ngo, "Musabe muzahabwa" (Yohana 16:24).

Nizera ko Uhoraho yumvise amasengesho yacu. Niringiye ko kwigunga kwanjye kugomba kurangira, kandi nkurikije inyumvire yanjye ifite iherezo, Uwiteka yari akwiriye guhabwa ikuzo muri ubwo buryo. Nagize umugisha mwinshi muri icyo gihe cyo gusenga, kandi nzakomera ku isezerano nahawe icyo gihe ngo: "Ndi Umucunguzi wawe; nzagukiza." –Manuscript 19, 1892.

"NTABWO NZAHAGARIKA UMUTIMA"

Kuwa 23 Kamena 1892.Irindi joro ryari rikeye. Nasinziriye amasaha atatu gusa. Ntabwo nari mfite uburibwe nk'uko byari bisanzwe ariko nta mutuzo nari mfite kandi nari mpagaritse umutima. Nyuma yo kumara umwanya runaka ndyamye ariko ndi maso ngerageza gushakisha ibitotsi, naretse ibyo gushakisha ibitotsi maze ibitekerezo byanjye byose mbyerekeza ku gusenga

Uhoraho. Mbega uburyo iri sezerano ryari irya agahozo ngo, “Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa” (Matayo 7:7). Nasenze Uhoraho mbishishikariye cyane musaba guhumurizwa n’amahoro, ibyo Umwami Yesu wenyine ashobora gutanga. Ndifuza umugisha w’Imana kugira ngo igihe mbabazwa n’uburibwe ne kuzahagarika umutima ngo nte umutwe. Sinshobora guhangara kwiyiringira njye ubwanjye n’akanya na gato.

Petero yakuye amaso ye kuri Yesu akanya gato maze muri ako kanya atangira kurohama mu nyanja. Ubwo yabonaga ko ibe birangiye maze akubura amaso ye akazamura n’ijwi rye abyerekeza kuri Yesu agataka ati, ‘Mwami nkiza ntapfa’, ukuboko guhora kwiteguye gukiza abarimbuka kwaramufashe maze ararokorwa…

Mu rugo rwanjye, ngomba gushaka amahoro no kuyakurikira buri munsi…Kandi n’ubwo umubiri ubabara, ndetse n’ubwonko bukaba bufite intege nke, ntabwo tugomba gutekereza ko dufite umudendezo wo kuvugana ubwoba cyangwa ngo dutekereze ko tutitaweho mu buryo bwose dukwiriye kubona. Iyo duhaye urwaho kutuhangana, tuba twirukanye Mwuka w’Imana mu mutima maze tukimika imico ya Satani.

Iyo dutanze inzitwazo ku kwikanyiza kwacu, kubw’imitekerereze mibi ndetse no kuvuga nabi, tuba dutoza ubugingo kuba mu bibi, kandi iyo dukomeje gukora ibi kwemera igishuko bizaduhindukira akamenyero. Icyo gihe tuba turi ku rubuga rwa Satani, twatsinzwe, twacitse intege nta butwari tugifite.

Nitwiyiringira, tuzatsindwa nta kabuza. Kristo aravuga ati, “Mugume muri njye, nanjye ngume muri njye. Nk’uko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye ku muzabibu, ni ko namwe mutabibasha nimutaguma muri njye” (Yohana 15:4).

Mbese ni uruhe rubuto tugomba kwera? “Ariko imbuto z’Umwuka ni urukundo n’ibyishimo n’amahoro, no kwihangana no kugira neza, n’ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda. Ibimeze bityo nta mategeko abihana” (Abagalatiya 5:22, 23).

Uko natekerezaga kuri ibi, narushagaho kumva mfite icyaha cyo kwirengagiza
gukomeza kurindira ubugingo bwanjye mu rukundo rw'Imana. Ntacyo Uhoraho akora tudakoranye. Igihe Kristo yasengaga ati, 'Data ubarindire mu izina ryawe', ntabwo yari avuze ko natwe dukwiye kwirengagiza kwirindisha mu rukundo no kwizera Imana. Turi bazima mu Mana, binyuze mu isano nzima tugirana na Kristo, twiringira amasezerano ye, kubwo kumwitegereza duhora twunguka imbaraga zirushaho kuba nyinshi. Mbese ni iki gishobora guhindura umutima cyangwa ngo kinyeganyeze ibyiringiro by'umuntu wahindutse agasa n'Umukiza bitewe no kumwitegereza? Mbese umuntu nk'uwo azarangamira ibyubahiro? Mbese intekerezo ze zizerekera ku narijye? Mbese azemerera utuntu duto kurimbura amahoro y'umutima afite? Umuntu Kristo atuye mu mutima ntazashaka kugawa. Nta kibi atekereza kandi anezezwa n'izeserano ry'uko Yesu azi kandi agaha agaciro mu buryo bukwiye umuntu wese yapfiriye.
Imana iravuga iti, "Nzatubya abantu babe ingume kurusha izahabu nziza, ndetse umuntu azaba ingume arushe izahabu nziza ya Ofiri" (Yesaya 13:12).
Reka ibi bihaze kwifuza k'ubugingo ndetse bitume twitonda kandi twirinde, twiteguye kubabarira abandi kubera ko natwe Imana yatubabariye.

Umunezero w'umuntu ugizwe n'utuntu duto. Gushyira mu bikorwa ubwitonzi nk'ubwa Kristo biri mu bushobozi bwa buri wese. Ntabwo kugira impano z'akataraboneka ari byo bizadufasha gutsinda, ahubwo ni ugukora inshingano zacu za buri munsi tubikuye ku mutima. Indoro irimo ubwitonzi, umwuka wo kwiyoroshya, imico yo kwishima, gushimishwa n'imibereho myiza y'abandi bivuye ku mutima - ibyo ni byo bifasha mu mibereho ya Gikristo. Iyo urukundo rwa Kristo rwuzuye umutima w'umuntu ruzagaragarira mu mibereho ye. Ntabwo tuzerekana kugambirira kugira inzira yacu bwite, ubushake buke mu kwikanyiza no kwinangira tudashaka kwishima cyangwa kunezerwa.
Imibereho myiza y'umubiri ishingiye cyane ku kumererwa neza k'umutima kuruta uko abantu benshi bibwira.

Umuntu umwe ashobora kwibwira ko acishijwe bugufi, mutekereze ko atari mu mwanya ukomeye akwiriye kubamo, maze ku bw'ibyo yikururire akaga

ko kwicwa yitwa ko azize ibyo yemera. Arababara ariko se ni nde ugomba kugawa? Hari ikintu kimwe kigaragara: ubwitonzi n'umutima ukundana bizakora ibikomeye kugira ngo bimushyire hejuru kuruta kumva ko yababajwe hamwe n'umuvumo wo kudakunda abandi.- Manuscript 19, 1892.

YESU AZI INTIMBA N'IMIBABARO BYACU

Kuwa 26 Kamena, 1892. Nejejwe cyane no kubona umuseke itambitse, kubera ko amjoro ambera maremare kandi andushya. Ariko igihe ntashobora gusinzira, gushima kuzura umutima wanjye iyo ntekereje ko wa wundi utajya agoheka andinda ngo mbone ibyiza. Mbega igitekerezo gitangaje kuba Yesu azi imibabaro n'intimba duhura nabyo. Yababajwe mu buryo bwose natwe tubabazwa. Bamwe mu ncuti zacu ntacyo bazi cyerekeye ibyago by'umuntu cyangwa umubabaro w'umubiri. Ntibigera barware kandi kubw'ibyo ntibashobora kumva mu buryo bwuzuye uko abarwayi bumva bamerewe.

Nyamara Yesu we ababazwa n'uburwayi bwacu. Ni umuvugabutumwa w'umuganga ukomeye. Yambaye ubumuntu, kandi yishyize ku buyobozi bwa gahunda nshya kugira ngo abashe guhuza ubutabera n'imbabazi. – Manuscript 19, 1892.

"NGIRA ISHAMI RIZIMA KANDI RYERA IMBUTO"

Kuwa 29 Kamena 1892. Isengesho nasengaga nkangutse ni iri ngo, "Yesu, rinda umwana wawe uyu munsi. Unjyane munsi y'uburinzi bwawe. Ungire ishami rizima ryo ku muzabibu ryera imbuto." Kristo aravuga ati, "Nta cyo mubasha gukora mutamfite" (Yohana 15:5). Muri Kristo tubashishwa gukora ibintu byose.

Uwo abamarayika baramyaga, uwari yarumvise indirimbo z'abaririmbyi bo mu ijuru, ubwo yari kuri iyi si yakozwe ku mutima n'agahinda n'imibabaro by'abana kandi yahoraga yiteguye kubumva bamubwira inkuru z'umubabaro

wabo ukomeye. Akenshi yahanaguraga amarira yabo, akabahumurisha ibambe ryarangwaga mu magambo ye yacecekeshaga agahinda kabo maze bigatuma bibagirwa intimba yabo. Ikimenyetso cy'ishusho y'inuma yagaragaye hejuru ya Yesu igihe yabatizwaga kigaragaza ubugwaneza bw'imico ye. –Manuscript 19, 1892.

"HE KUGIRA AMAGAMBO Y'UBUPFAPFA MVUGA"

Kuwa 30 Kamena 1892. Irindi joro rigoye rirakeye. Nubwo nkomeje nkubabara cyane, nzi ko Umukiza wanjye atantereranye. Nsenga ngira nti, "Yesu mfasha kugira ngo ne kugukoresha isoni iminwa yanjye. He kugira amagambo y'ubupfapfa mvuga." –Manuscript 19, 1892.

"*NTABWO NZIVOVOTA*"

Kuwa 6 Nyakanga, 1892. Nshimishijwe cyane no n'uko nshobora kubwira Umwami wanjye ibinteye ubwoba n'ibimpangayikishije byose. Numva ko ndi munsi y'uburinzi bwe. Umunsi umwe umuntu utizera yabajije umusore wubaha Imana ati, "Mbese Imana musenga ikomeye bingana iki?" Umusore yarasubije ati, "Irakomeye cyane ku buryo ikwiriye hose, nyamara kandi ni into cyane ku buryo itura mu mutima wose wejejwe."

Oh, Mukiza utangaje, nifuza agakiza kanjye. "Nk'uko imparakazi yahagizwa no kwifuza imigezi, ni ko umutima wanjye wahagizwa no kukwifuza Mana" (Zaburi 42:1). Ndifuza gusobanukirwa neza na Yesu. Nkunda gutekereza ku mibereho ye izira ikizinga, no gutekereza byimbitse ku byo yigishije. Mbega uburyo aya magambo nyasubiramo incuro nyinshi ngo, "Mwese abarushye n'abaremerewe nimuze munsange ndabaruhura" (Matayo 11:28).

Akenshi umubiri wanjye uba wuzuye uburibwe, ariko kubwo kwivovota

sinzakorwa n'isoni zo kwitwa Umukristo. Nzi neza ko iri somo ry'umubabaro rizahesha Imana ikuzo, rikaba uburyo bwo kuburira abandi kwirinda gukora ubutaruhuka bari mu bihe bikomeye bitamereye neza ubuzima bw'imibiri yabo. –Manuscript 19, 1892.

"UHORAHO ARANKOMEZA"

Kuwa 7 Nyakanga, 1892. Kubw'ubuntu bwe Uhoraho anyongera imbaraga kugira ngo nandike amabaruwa y'ingirakamaro. Incuro nyinshi abavandimwe baransanze kugira ngo mbagire inama. Ndumva mfite icyizere gikomeye ko uyu mubabaro ukabije ubereyeho guhesha Imana ikuzo. Ntabwo nzivovota kubera ko iyo nkangutse nijoro, mbona bisa nk'aho Yesu ampanze amaso. Igice cya mirongo itanu na kimwe cya Yesaya ni icy'agaciro gakomeya kuri njye. Umukiza yikorera imitwaro yacu yose. Nsoma iki gice mfite icyizere n'ibyiringiro. –Manuscript 19, 1892.

NTA GITEKEREZO CYO GUFATA IKIRUHUKO

Kuwa 10 Nyakanga, 1892. Ku isaha ya saa kumi n'imwe za mu gitondo, nakanguye Emily Campbell [*Uyu yari yaraherekeje Ellen G. White mu rugendo kandi akamubera n'umunyamabanga*]. Naramukanguye kugira ngo ancanire umuriro kandi amfashe kwambara. Nshimira Uhoraho ko icyo gihe nagize ikiruhuko cyiza cya nijoro kuruta uko byari bisanzwe. Amasaha narii ndi maso nayakoresheje nsenga kandi ntekereza. Ikibazo cyakomeje kundwaniramo kiti, "Ni iyihe mpamvu ntabona umugisha wo gusubirana magara mazima? Mbese aya mezi maremare y'uburwayi nzayafata ko ari ibihamya byo kutishimirwa n'Imana bitewe n'uko naje muri Australia?" Nasubije nkomeje nti, "Oya. Sinshobora guhanga guhangara gukora ibi." Incuro nyinshi mbere y'uko mva muri Amerika natekereje ko Uhoraho atigeze ansaba kujya mu gihugu cya kure bene aka kageni n'uku ngana kandi no mu gihe nanijwe cyane no gukora birenze urugero. Nyamara nk'uko incuro nyinshi nari narageregeje gukora igihe njye ubwanjye nabaga ntafite umucyo uhagije, numviye ijwi ry'Inteko Nkuru Rusange. Naje muri Australia, kandi

mpasanga abizera bari mu bihe bagomba kubona ubufasha. Mu gihe cy'ibyumweru byinshi nyumayo kugera ahangaha nakoze nakoranye umwete kurusha uko nigeze nkora mu buzima bwanjye. Nahwe amagambo yo kuvuga ku byerekeye kuba hakenewe ubudahemuka bwa buri muntu ku giti….

Ndi muri Australia kandi nizera ko ndi aho Uhoraho ashaka ko mba. Kubera ko imibabaro ari umugabane wanjye, nta gitekerezo mfite cyo kujya mu kiruhuko. Nahawe ibyiringiro by'umugisha ko Yesu ari uwanjye kandi ko ndi umwana we. Imyambi yaka ya Zuba ryo gukiranuka yirukanye umwijima. Ni nde ushobora kumva uburibwe mfite uretse Yesu Kristo ubabazwa n'imibabaro yanjye? Ni nde nabwira uretse we ushengurwa n'uburwayi bwanjye kandi akaba azi gufasha abageragezwa?

Iyo nsaba gukira mbishishikariye kandi bigasa n'aho Uhoraho atansubiza, numva nshitse intege bikomeye. Icyo gihe niho Umukiza unkunda anyibutsa ko ari iruhande rwanjye. Arambira ati, "Mbese ntabwo ushobora kwiringira uwakuguze amaraso ye? Nakwanditse mu kiganza cyanjye nk'uca imanzi." Bityo umutima wanjye ugahemburwa n'uko Imana iri iruhande rwanjye. Numva ntwawe nk'uri imbere y'Imana. –Manuscript 19, 1892.

IMANA IZI ICYIZA KIRUTA IBINDI

Kuwa 14 Nyakanga, 1892. Igihe umubabaro namaranye amezi menshi wangeragaho, natangajwe n'uko utahise unkurwaho ngo bibe igisubizo ku isengesho nasenze. Nyamara nasohorejwe isezerano rivuga ngo, "Ubuntu bwanjye buraguhagije" (2 Abakorinto 12:9). Ku ruhande rwanjye sinshobora gushidikanya. Amasaha namaze mfite uburibwe yabaye amasaha yo gusenga kubera ko nari naramenye uwo nkwiriye gutura imibabaro yanjye. Mfite amahirwe yo gusubiza imbaraga intege nke zanjye nishingikiriza ku mbaraga z'Imana zitagira iherezo. Uko bukeye bukira mpagarara ku rutare rukomeye rw'amasezerano y'Imana.

Umutima wanjye urangamira Yesu wuzuye ibyiringiro bitavugwa. Yesu azi ikimbereye cyiza cyane. Amajoro nararaga yari kuba amajoro y'ubwigunge iyo ntaza gusaba gusohorezwa iri sezerano ngo, "Kandi unyambaze ku munsi w'amakuba no ku w'ibyago , nzagukiza nawe uzanshimisha" (Zaburi 50:15).Manuscript 19, 1892.

IBYIGISHO BYIGIWE MU MEZI MENSHI Y'UMUBABARO

Nagiye nyura mu bigeragezo bikomeye mu buribwe n'umubabaro ndetse n'amakuba, nyamara muri ibyo byose nungutse ibikomeye by'agaciro kenshi kuri njye kurusha izahabu. Igihe ubwa mbere nemezwaga ko ngomba kureka imigambi nari nkomeyeho yo gusura amatorero muri Australia no muri New Zealand, numvise nibaza bikomeye niba byari inshingano yanjye kuva muri Amerika maze nkaza muri iki gihugu cya kure. Imibabaro yanjye yari ikabije. Namaze amasaha menshi y'ijoro ntasinzira ntekereza cyane ku byatubayeho kuva igihe twaviriye mu Burayi tukajya muri Amerika, kandi byakomeje kuba uruhererekane rwo guhangayika, umubabaro no kwikorera ibirushya. Bityo naravuze nti, 'Ibyo byose bisobanuye iki?'

Naritonze nsubiramo amateka yaranze imyaka mike yari ishize kandi nongera gutekereza ku murimo Uhoraho yampaye gukora. Nta na rimwe yigeze antererana kandi akenshi yaranyiyeretse mu buryo bukomeye, kandi nabonye ko nta kintu nkwiriye kwivovotera ahubwo mu ibyambayeho byose byarangwagamo ibintu by'agaciro kenshi nk'izahabu. Uhoraho yandushaga gusobanukirwa neza n'ibyo nari nkeneye, kandi numvaga ko yankururaga anyiyegereza cyane. Ngomba kwitonda kugira ngo ntategeka Imana ibyo ikwiriye kunkoresha. Intambara nk'iyi yabayeho mu itangira ry'imibabaro yanjye no kwiheba kwanjye, nyamara ntiyamaze igihe kugeza ubwo numvise ko umubabaro wanjye ari umugabane umwe muri gahunda y'Imana. Kubwo kuryamisha igice kimwe cy'umubiri no kwicaza by'igice, nasanze ko nashoboraga kwifata mu buryo nabashaga gukoresha ikiganza cyanjye kiremaye, kandi nubwo nari mfite uburibwe bwinshi nabashaga kwandika ibintu byinshi by'ingirakamaro. Kuva igihe nagereye muri iki gihugu nanditse impapuro igihumbi na magana atandatu.

«NZI UWO NIZEYE UWO ARI WE »

Mu mezi icyenda ashize namaze amajoro menshi ntabasha gusinzira keretse amasaha abiri mu ijoro, kandi incuro nyinshi umwijima warangotaga; ariko narasengaga maze ngakura guhumurizwa kwinshi mu kwiyegereza Imana.

Nasohorejwe amasezerano avuga ngo, “Mwegere Imana nayo izabegera” (Yakobo 4:8), “Ni bwo bazubaha izina ry’Uwiteka uhereye iburengerazuba, bakubaha icyubahiro cye uhereye aho izuba rirasira, kuko azaza nk’umugezi uhururа ujyanwa n’Umwuka w’Uwiteka” (Yesaya 59:19). Numvise merewe neza mu Mwami. Yesu yari hafi yanjye, kandi nasanze ngiriwe ubuntu busaze kubera ko umutima wanjye wakomeje komatana n’Imana ndetse nari nuzuye indirimbo zo gushima Yesu wankunze akanyitangira. Nashoboraga kuvuga mbikuye ku mutima nti, “Nzi uwo nizeye uwo ari we” (2Timoteyo 1:12).

“Imana ni iyo kwizerwa kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n’ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira” (1Abakorinto 10:13). Kubwa Yesu Kristo nduta umuneshi kandi nsobanukiwe mu buryo bwihariye.

Sinshobora kubona umugambi w’Imana mu mubabaro wanjye, ariko izi icyiza kiruta ibindi. Bityo nzegurira Imana ubugingo bwanjye, umubiri wanjye n’umwuka wanjye kuko ari Umuremyi wanjye w’indahemuka. “Kuko nzi uwo nizeye uwo ari we, kandi nzi neza yuko abasha kurinda ikibitsanyo namubikije kugeza kuri urya munsi” (2Timoteyo 1:12). Niba twarigishije kandi tugatoza imitima yacu kugira ukwizera n’urukundo biruseho, urukundo no kwihangana kwinshi ndetse no kugira ibyiringiro nyakuri muri

Data wa twese wo mu ijuru, nzi ko twagira amahoro n’umunezero biruseho umunsi ku munsi igihe tunyura ntambara zo muri ubu buzima.

Ntabwo Uhoraho ashimishwa no kubona duhangayitse twivanye mu biganza bya Yesu. Icyo dukeneye cyane ni ukwihangana dutuje kandi turi maso. Twibwira ko ari ngombwa kumva ko turi mu nzira nziza, maze tugahora

dushaka ibimenyetso bihuye n'ibyo turimo; nyamara ukuzirikana si uk'uko twiyumva ahubwo ni uk'ukwizera.

KUGENDERA KU KWIZERA

Igihe dukora ibihuje n'Ijambo ry'Imana dukurikije ubumenyi bwacu bwose, icyo gihe tuzagendera ku kwizera twaba twumva tunyuzwe mu buryo bwihariye cyangwa tutanyuzwe. Tuba dukojeje Imana isoni iyo twerekana ko tutayiringiye nyuma y'uko iduhereye ibihamya bitangaje by'urukundo rwayo rwinshi cyo gutanga Umwana wayo w'ikinege Yesu kugira ngo apfe, atubere igitambo ngo tubashe kumwizera, tumwiringire kandi ngo twizere n'Ijambo rye tutabanje kubaza cyanga gushidikanya.

Mukomeza muhange Yesu amaso, mumusenge bucece mu kwizera, mwishingikirize ku mbaraga ze. Mukomeze mujye mbere mumeze nk'aho isengesho ryose musenga ryakiriwe ku ntebe y'ubwami y'Imana kandi ryasubijwe na wundi watanze amasezerano atabura gusohora. Mukomeze mugende muririmba kandi musingiza Imana mu mitima yanyu ndetse n'igihe muhangayikishijwe no kumva muremerewe kandi mubabaye. Ndababwira k'umuntu ubizi, muzabona umucyo, tuzagira ibyishimo kandi ibihu n'ibicu bizazingwa bikurweho. Kandi tuva mu mbaraga zibabaza z'umwijima tukinjira mu mucyo w'agatangaza w'uko Imana iri kumwe natwe.

Iyaba twarushagaho kugaragaza ukwizera kwacu, tukishimira imigisha tuzi ko dufite ari yo imbabazi nyinshi, ukwihangana ndetse n'urukundo rw'Imana, buri munsi twarushaho kongerwa imbaraga. Mbese amagambo y'agaciro kenshi yavuzwe Kristo, Umwana w'Imana, avuga ko Data wo mu ijuru yifuza cyane guha Mwuka Muziranenge abamumusabye kurusha uko ababyeyi bifuza guha abana babo impano nziza, ntabwo adutera ibyiringiro n'imbaraga byagombye kugira icyo biduhinduraho cyane?

Twari dukwiye kwiyegurira Imana buri munsi kandi tukizera ko yemeye igitambo cyacu tutabanje kugenzura niba dufite urwo rwego rw'uko twiyumva bihuje no kwizera kwacu. Uko twiyumva no kwizera birahabanye nk'uko uburengerazuba bwitaruye uburasirazuba. Ntabwo ukwizera gushingiye ku kuntu umuntu yiyumva cyangwa amarangamutima. Tugomba gutakira

Imana tubikuye ku mutima mu kwizera maze tukabaho dukurikije uko twasabye.
Ibyiringiro byacu n'icyo dushingiyeho ni ijambo ry'Imana, knadi nyuma yo gusaba tugomba kwizera tudashidikanya. Ndagusingiza Mana, ndagusingiza. Ntabwo wigeze intererana mu gusohoza Ijambo ryawe. Waranyiyeretse kandi ndi uwawe kugira ngo nkore ibyo ushaka.

Mutegereze nk'uko Aburahamu yabigenje nibitaba bityo ibikona bizaza kurya igitambo n'ituro mwatuye Imana. Dukwiriye kwirinda igitekerezo cyose cyo gushidikanya ku buryo kidakwiriye kumvikana mu mvugo yacu. Igihe cyose umucyo uhunga ahari amagambo ahesha icyubahiro imbaraga z'umwijima. Imibereho y'Umwami wacu wazutse wagombye kugaragarira muri twe buri munsi.

INZIRA IJYA MU IJURU IRAFUNGANYE KANDI IRARUHIJE

Mbese inzira yacu ijya mu ijuru ni iyihe? Mbese ni umuhanda urimo ibitworoheye byose? Oya. Ahubwo ni inzira ifunganye kandi igaragara ko iruhije. Ni inzira irimo intambara, ibigeragezo, kurenganywa n'umubabaro. Nta kintu Umuyobozi wacu Yesu Kristo yaduhishe cyerekeranye n'urugamba tugomba kurwana. Arambura ikarita imbere yacu kandi akatwereka inzira. Aravuga ati, « Mugire umwete wo kunyura mu irembo rifunganye. Ndababwira yuko benshi bazashaka kurinyuramo ntibabibashe » (Luka 13 :24). « Kuko irembo ari rigari, n'inzira ijyana abantu kurimbuka ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi. » (Matayo 7 :13). « Mu isi mugira umubabaro, ariko muhumure nanesheje isi » (Yohana 16 :33). Intumwa Pawulo asubiramo amagambo ya Kristo ati, « Dukwiriye guca mu makuba menshi, niba dushaka kwinjira mu bwami bw'Imana » (Ibyakozwe n'intumwa 14 :22). None se ibiduca intege ni byo tugomba gushyira imbere y'intekerezo zacu ?....

Uyu ni Yesu, we soko y'ubuntu bwose, isoko y'isezerano ryose, isoko y'itegeko ryose akaba n'isoko y'umugisha wose. Yesu ni we fatizo, ni we kuzo ni we mpumuro nziza; ni we buziba ubwabwo. "Unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w'ubugingo" (Yohana 8:12). Bityo ntabwo inzira ya cyami yaharuriwe abacunguwe ngo bayigenderemo ari umwijima w'urucantege. Urugendo rwacu rwakabaye urwo kwigunga iyaba atari Yesu urutuyoboramo. Aravuga ati, "Sinzabasiga nk'imfubyi" (Yohana 14:18). Bityo mureke dushyire hamwe amasezerano yose. Nimucyo tujye tuyasubiramo buri munsi kandi tuyatekerezeho nijoro kandi twishime.

"Uwo munsi uzavuga uti, 'Uwiteka, ndagushimira yuko nubwo wandakariraga, uburakari bwawe bushize ukampumuriza. Dore Imana ni yo gakiza kanjye, nzajya niringira ne gutinya, kuko Uwiteka Yehova ari we mbaraga zanjye n'indirimbo yanjye agahinduka agakiza kanjye.' Ni cyo gituma muzavomana ibyishimo mu mariba y'agakiza. Kandi uwo munsi muzavuga muti, 'Nimushime Uwiteka mwambaze izina rye, mwamamaze imirimo ye mu mahanga, muvuge yuko izina rye rishyizwe hejuru. Muririmbire Uwiteka yuko yakoze ibihebuje byose, ibyo nibyamamare mu isi yose. Wa muturage w'i Siyoni we shyira ejuru uvuge cyane, kuko Uwera wa Isirayeri uri hagati yawe akomeye'" (Yesaya 12:1-6).

Mbese iyi si yo nzira ya cyami tunyuramo, inzira yaharuriwe abacunguwe n'Uhoraho kugira ngo bayigenderemo? Mbese aho hashobora kuba inzira irushijeho kuba nziza? Oya! Oya! Ahubwo nimucyo dushyire mu bikorwa amabwiriza twahawe. Nimucyo Umukiza wacu atubere ubuhungiro, ingabo idukingira iri mu kaboko kacu k'iburyo kugira ngo idukingire imyambi ya Satani. Ibigeragezo biziyungikanya, guhangayika n'umwijima nabyo bizatwugariza. None se igihe umutima n'umubiri biri hafi kudohoka ni nde uturamiza amaboko ye y'iteka? Ni nde usohoza isezerano rikomeye? Ni nde utwibutsa amagambo y'icyizere n'ibyiringiro? Ni nde nyir'ubuntu butangwa ku rugero rutagerwa bugahabwa ababusaba babikuye ku mutima kandi mu kuri? Ni nde utubaraho ubutungane bwe kandi akadukiza icyaha? Ni nde

nyir’umucyo utamurura ibihu n’ibicu maze akatugeza mu mucyo w’itangaza w’aho ari? Ni nde utari Yesu? Bityo muze tumukunde kandi tukusingize. “Mujye mwishimira mu Mwami wacu iminsi yose. Yewe nongeye kubivuga nti,
‘Mwishime’” (Abafilipi 4:4). Mbese Yesu uyu munsi ni Umukiza uriho? “Nuko rero niba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari, yicaye iburyo bw’Imana” (Abakolosayi 3:1). Twazuranywe na Kristo. Kristo ni we bugingo bwacu. Binyuze mu mbabazi ze n’urukundo rwe, twitwa abatoranyijwe, abagizwe abana b’Imana, abababariwe kandi bagizwe intungane. Kubw’ibyo, nimucyo twerereze Umwami wacu. –Letter 7, 1892.

IGICE CYA 26 :IBYIRINGIRO BYHAWE ABUGARIJWE N'URUPFU

Ubutumwa bwo guhumuriza bwandikiwe umukazana wa Ellen G White.

[Mary Kelsey White, umugore wa Wm. C. White, akaba yari umukazana wa Ellen G. White, kuva akiri umukobwa w'inkumi yari yarabaye umukozi w'umunyakuri kandi kandi ufite ubuhanga wakoreraga *Urwibutso n'Integuza* mu icapiro rya Pacific Press mu gihugu cya Switzerland. Yanduye igituntu ari mu Burayi, maze nyuma y'imyaka itatu y'uburwayi aza kugwa ahitwa Boulder muri Colorado, apfa afite imyaka mirongo itatu n'itatu. Ibivugwa aha ni uduce duto tw'ubutumwa yandikiwe mu mwaka wa nyuma w'uburwayi bwe. ABAKUSANYIJE INYANDIKO.]

Battle Creek Kuwa 4 Ugushyingo 1889

Ku mukobwa wanjye nkunda Mary:

Mwana wanjye nkunda, ntitwigera ducogora kugusengera kandi ukugira neza kw'Imana n'imbabazi zayo birangaragarira cyane ku buryo igihe cyose nsenze mbona biza n'aho Umukiza agucigatiye mu maboko ye kandi akaba ari ho uruhukiye. Ibyawe ndabyizeye. Nizera ko Umwami wacu yumvise amasengesho tugusabira, kandi ko azagira icyo akora kubwo kukugirira neza no kubw'ikuzo ry'izina rye. Yaravuze ati, "Musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa" (Yohana 15:7). "Kandi ibyo muzasaba mwizeye muzabihabwa byose" (Matayo 21:22).

Nzi ko imbere yacu hari ibihe by'umugaru, bityo tugomba kumenya uko dukwiye kwiringira no kwishingikiriza ku isoko y'imbaraga zacu. Uhoraho abereye mwiza abamwiringira kandi ntibazatsindwa. Ku byerekeye ibyawe, njya ntekereza ku magambo y'umuhanuzi agira ati, "Mutima wanjye ni iki

gitumye wiheba? Ni iki gitumye umpagararamo? Ujye utegereza Imana kuko nzongera kuyishima, ni yo gakiza kanjye n'Imana yanjye" (Zaburi 43:5).

Mary mukobwa wanjye, turiza mu Mwami. Tegereza Uhoraho wihanganye. Azakubera umufasha igihe cyose ubikeneye. Uhoraho ni mwiza. Singiza izina rye ryera. Imana ikunda kubona tuyiringira kandi tukiringira amasezerano yayo. Izere gusa, ahasigaye tuzabona imirimo y'Imana.- Letter 71, 1889.

Battle Creek, Michgan Kuwa 6 Ukuboza 1889.

Kuri Mary nkunda,

Mwana wanjye ubabaye nkunda, ntabwo twigera tukwibagirwa. Buri munsi tugusengera tubikuye ku mutima. Dufite umudendezo wo gusenga. Ntabwo tujya twibagirwa abavandimwe bacu A. D. Olsen na J. G. Matteson ndetse n'abandi bababazwa. Turabasengera kuko ibyo ari byo byonyine dushobora gukora. Dufite ibyiringiro twicishije bugufi, tugushyize mu biganza by'ugukunda urukundo ruruta urwo umubyeyi yakunda umwana we. Gundira Yesu kandi umushyiremo ibyiringiro byawe byose kuko akwitaho kandi ntabwo azagukuraho ikiganza cye, ahubwo we ubwe ni we uzakwiyoborera.

Mary nkunda, mbega uburyo kubona Umwami mu bwiza bwe butagereranywa no kuzaba ahatazaba uburibwe, umubabaro, indwara n'agahinda bizaba binejeje. Ndiyumvamo rwose neza ko tuzaba turi abaneshi kandi ndumva hagati yawe n'Imana hafunguye uburyo bwo kuvuganiramo. Kuri njye ndumva neza rwose ko Imana iri kumwe nawe kandi ko Yesu ari umufasha wawe udahwema. Yesu aragukunda, aragukunda kandi akurebana umutima w'impuhwe. Ntukamushidikanyeho n'akanya na gato. Mwegurire ibyawe wizeye ko azagukorera ikirushijeho kukubera cyiza ku bw'inyungu yawe y'iteka ryose….

Buri munsi mwese mbasabira nkomeje. Uhoraho ni muzima, kandi Uhoraho yumva akanasubiza amasengesho. Komera, mwana wanjye nkunda.

Komera igire ubutwari, iringire Uhoraho kuko ari we mufasha wawe, umuganga wawe n'Umukiza wawe. –Letter 75, 1889.

Battle Creek, Michgan Kuwa 12 Gashyantare 1890

Kuri Mary nkunda,

Iyo ngutekereje mbona uko urwaye, ufite intege nke kandi uri wenyine….Mary ufite ugukunda bikomeye, umunyambabazi ndetse ni we Zuba ryo Gukiranuka ryo kukurasira. Reba mu ijuru, reba mu ijuru. Ntekereza ko kuri njye kuruhukira mu gituro bitambera ikintu kibi. Iyo nitegereje inarijye, nkabona cyane umwuka wa Satani ndetse n'ibyo akora, birananiza cyane kandi bikansha intege. Nyamara ndeba Yesu maze nkabonera amahoro muri we gusa….

Kubwo kwizera ngushyize mu gituza cya Yesu Kristo. Aragukunda. Nzi ko utari kure ya Kristo ahubwo umwegere ufite kwizera kose, wishingikirije ku maraso n'ubutungane bwa Kristo wicishije bugufi. Wemere agakiza nk'impano y'ubuntu bwe, wiringire isezerano rye kuko yaritanze. Hanga Yesu amaso kuko ari ryo humure ryanjye ryonyine n'ibyiringiro. Umwami wacu yagiye akuyobora mu nzira y'umubabaro wo gucishwa bugufi. Yagiye akuyobora intambwe ku ntambwe iyo kure ndetse kure cyane mu kibaya, ariko ibi byose ari ukugira ngo ufatanye na Yesu mu mibereho ye yo gucishwa bugufi.

Mbese mwana wanjye nkunda hari intambwe Yesu atigeze agendana nawe? Mbese hari umubabaro wawe na muke atumva? Mbese hari icyaha na kimwe atigeze atsinda, cyangwa ngo habe umusaraba atikoreye cyangwa umubabaro atababajwe? Ababazwa n'uburwayi bwacu bwose. Ugenda usobanukirwa n'icyo gusangira imibabaro ya Kristo ari cyo. Usangiya na Kristo imibabaro ye. Yewe mwana wanjye w'intwari kandi witanga, byose Imana irabizi. Kristo aguhaye igikombe asutsemo igitonyanga cy'umubabaro

we ubwe. Ashyize uruhande rutaremereye rw'umusaraba we ku ntugu zawe; aretse umwijima ngo ukubundikire….

Irundurire mu biganza bya Yesu. Humura. Witekereza ko Imana yibagiwe kuba inyampuhwe. Yesu ni muzima kandi kandi ntabwo azigera agusiga. Uhoraho akubere inkoni wicumba, urwishingikirizo, akubere umurinzi imbere n'inyuma.-Letter 56, 1890.

Battle Creek, Michgan Kuwa 13, 1890

Mwana wanjye nkunda,

Uhoraho aguhe umugisha kandi azagukomeze kandi aguhe guhumurizwa gukomeye n'amahoro muri we. Yifuza ko uruhukira mu biganza bye witurije, kandi ko wizera ko ibintu byose azabikora neza….

Gira ubutwari. Komeza urebe hejuru. Yesu ni we byiringiro rukumbi twese dufite. Ntabwo azagusiga cyangwa ngo agutererane. Amasezerao y'Imana ni ay'agaciro kenshi. Tuzayagundira ntabwo tuzayareura. –Letter 57, 1890.

St. Helena, California Kuwa 28, 1890

Bana banjye nkunda,

Ndabazirikana kandi nkabasabira mwese. Iyaba Mary yoroherwaga, mbega uburyo byanezeza umutima wanjye. Uhoraho azabamurikishiriza umucyo we. Azaba umugisha, abakomeze kandi abahumurize muri iki gihe murimo cy'ibigeragezo n'umubabaro. Umucunguzi n' umunyambabazi, yuzuye ibambe n'urukundo. Ubu niigihe cyo kwegurira Imana ubugingo bwanyu yo Muremyi w'indahemuka. Mbega ibyiringiro by'umugisha dufite! Ni ibyiringiro bigenda birushaho kwiyongera uko ibigeragezo n'umubabaro byiyongera. Noneho shyira ibyiringiro byawe mu watanze ubugingo bwe ku bwawe.

Mary, shima Imana kuko imibabaro yoroheje y'igihe gito, irushaho kukuzanira ikuzo ryinshi ritagira akagero kandi ry'iteka ryose. Uzi uwo wizeye uwo ari we kandi wemera neza ko ashobora kurinda icyo wamubikije kugeza kuri urya munsi. Ibigeragezo bishobora gukomera cyane, ariko hanga Yesu amaso buri gihe nyamara atari ukurwana ahubwo ari ukugira ngo uruhukire mu rukundo rwe. Akwitaho.

Tuzi ko uko ibigeragezo birushaho kudusatira ari ko ibyiringiro birushaho kwiyongera. Imyambi ya Zuba ryo Gukiranuka izarasira mu mutima wawe ifite imbaraga yo gukiza. Ubura amaso urebe hirya y'ibicu urebe umucyo, ndetse ari wo mucyo wa Zuba ryo Gukiranuka. Shimira Imana ko mu muraba w'ibigeragezo igitsikabwato gikomera. Dufite Umuvugizi uhoraho iteka, udusabira imbere ya Data wa twese. Kuzishimira ingororano y'iteka ryose byaguzwe igiciro kitagira akagero.

Isengesho mpora nusabira buri munsi ni iri ngo 'Umwami wacu aguhumurize, agukomeze kandi aguhire.' Mbega uburyo kuzabona Umwami mu bwiza azaba ari umunsi w'ibyishimo. Tuzaruhukira mu masezerano akomeye y'Imana. Ntabwo azigera adutererana, ahubwo azatubera umufasha utuba iruhande mu gihe cyose cy'akaga. –Letter 77, 1890.

Battle Creek, Michgan Kuwa 16 Kamena 1890

Ku uwo nkunda Willie,

Ndahangayitse ku bwanyu mwese ariko by'umwihariko kubwa Mary. Musengera buri munsi kandi buri joro ndavuga nti, 'Nzi ko Umwami wacu amufashe mu biganza bye.' Ubungubu Mary ashobora kuvuga ashize amanga ati, "Nzi uwo nizeye uwo ari we, kandi nzi neza ko abasha kurinda ikibitsanyo namubikije kugeza kuri urya munsi" (2Timoteyo 1:12).

Nta gushidikanya cyagwa kutizera mfite ku byerekeye Mary. Umwami wacu aramukunda. "Urupfu rw'abakunzi be, ni urw'igiciro cyinshi mu maso y'Uwiteka" (Zaburi 116:15). Mary ashobora kuvugira hamwe na Pawulo ati,

“Narwanye intambara nziza, narangije urugendo,narinze ibyo kwizera. Ibisigaye mbikiwe ikamba ryo gukiranuka, iryo Umwami wacu, umucamanza utabera azampa kuri urya munsi, nyamara si njye nyenyine, ahubwo ni abakunze kuzaboneka kwe bose ” (2Timoteyo 4:7, 8).

Mbese mu isaha yo kugeragezwa k’ubugingo bwacu twakora iki tudafite Umukiza? Abamarayika batwitaho baratugota bakaduha kunywa ku mazi y’ubugingo yo guhembura ubugingo bwacu mu bihe biheruka byo kubaho.

Hari isezerano ryatanzwe na Yesu we kuzuka n’ubugingo rivuga ko abasinzirira muri Yesu Kristo bazakurwa nawe mu gituro. Impanda izavuga, abapfuye bakangukire kubaho ubutazongera gupfa. Bazaba babonye igitondo gihoraho kuko nta joro rizaba mu murwa w’Imana.

Mary yaciye mu bishuko n’ibigeragezo abicamo gitwari. Yakoze ibyo yagombaga gukora. Kubw’ubuntu bwa Kristo, Mary yagize uruhare mu kugorora imico y’abandi akoresheje amagambo ye ndetse n’ibikorwa bye.
Arerekeza mu rupfu afite kwizera, nyamara imirimo ye iriho.- Letter 78, 1890.

UBUTUMWA BWUJE IMPUHWE N’IBYIRINGIRO BWANDIKIWE UMUFASHA W’INDAHEMUKA

[Umukobwa witwaga Marian Davis yagije kwifatanya na Ellen G. White murimo we mu mwaka wa 1879. Yafatanyije nawe muri uwo murimo muri Amerika, mu Burayi no muri Australia mu gihe cy’imyaka 25. Yanduye igituntu mu mwaka wa 1903 maze mu gihe kitarenze umwaka aba arapfuye. Davis yari umufasha mu byerekeye indimi n’inyandiko wa Ellen G. White. Yari indahemuka kandi yariringirwaga ndetse E. G. White akamukunda cyane.
Ibivugwa aha ni ubutumwa bwuzuye impuhwe n’ibyiringiro ndetse n’inama bwanditswe mu mezi abiri aheruka ubuzima bwa Davis. Ubu butumwa bwakuwe mu mabaruwa E. G. White yagiye amwandikira. – ABAKUSANYIJE INYANDIKO.]

Melrose, Massachusetts Kuwa 17, 1904

Ku muvandimwe wanjye nkunda MARIAN DAVIS,

Nanezezwa no kuba ndi mu rugo, nyamara ya materaniro nari kuzajyamo ntabwo igihe azabera kizwi. Bityo rero tuzakora ibyo dushoboye byose….

Nsaba Umwami wacu ngo agukomeze. Twiringiye ko umerewe neza. Komeza ugundire Umwami wacu, ikiganza cyawe gikomeze gufata mu cya Kristo.

Marian, ntabwo ugomba gucika intege. Ibyawe biri mu biganza by'Umwami wacu, kandi ubu ugomba kureka uburwayo bwawe bukavurwa maze ukareka ba muganga bakagukorera ibigomba gukorwa. Dufite ibindi bitabo tuzaguha ukandika ubwo uzaba wakize iyo ndwara urwaye. Kora ibihoboka byose urye nubwo byaba bigutera uburibwe. Uko umara igihe kirekire utarya ni ko urushaho gucika intege….Dushobora kwibaza tuti, "Ni mu buhe buryo Uwiteka adukeneye?" Mbese Imana yacu ntiyuzuye imbaraga? Mbese ntabwo uzishingikiriza ku mbaraga ye? Nta muntu ushobora kugufasha nk'uko Umwami Yesu abishoboye. Umwiringire. Azakwitaho. – Letter 378, 1904.

Melrose, Massachusetts Kanama kuwa 24, 1904.

Muvandimwe wanjye nkunda MARIAN DAVIS

Reka he kugira n'igitekerezo na kimwe cyo guhangayika cyinjira mu bitekerezo byawe. Mbabajwe n'uko urwaye utyo, ariko kora icyo ushobora gukora cyose kugira ngo uzahure ubuzima bwawe. Nzareba ko ibyo ukoresha byose bizishyurwa. Ntabwo merewe neza; ntabwo nshobora

gufata urugendo uretse kugenda intera ntoya ndi mu igare rikururwa n'ifarasi. Sinshobora kwiyemeza gukora urugendo rurerure ndi mu modoka. Igihe cyose njye na we tukiriho, urugo rwanjye ruzaba urwawe…..

Marian, hafi y'igihe cyose nabaga naragiye kure sinigeze ndyoherwa n'ibyokurya nyamara sinigeze mpagarika kurya kuko iyo biba bityo nta kintu nari kubasha gukora. Igihe numvaga ibyokurya bitandyoheye nararyaga kugira ngo mbashe kubaho. Naryohewe n'ibyokurya ngeze aha ndi. Niringiye Imana kandi ndayinginga ku bwawe ndetse no kubwanjye bwite. Ntabwo dukwiye guhangayika no guhagarika umutima. Iringire Umwami wavu gusa. Ibyo njye na we dukeneye gusa ni ukwizera no kwiringira Imana yo ishobora gukiza rwose abayisanga kandi bakayiringira. Yesu arabwira wowe nanjye ati, "Komeza umfate ukuboko". Ndagutera ubutwari bwo kugira intekerezo nziza ku byerekeye Kristo Umukiza wacu – Umukiza wanjye akaba n'uwawe. Wagiye wishimira amahirwe yose wagiye ugira yo gukora ibyo wari ushoboye kugira ngo wamamaze ikuzo rye, kandi ubwo impanda iheruka y'Imana izavuga, uzajyanwa mu murwa w'Imana kandi tuzakiranwa ibyishimo nyakuri.

Mariane wafatanyije nanjye kugeza inyigisho nzima ku bantu kugira ngo babashe kwakira ijambo ryahumetswe kandi bagire imikorere myiza.
Amagambo meza agomba kuruta izahabu n'ifeza ndetse n'ibirangaza byose byo ku isi. Wakunze ukuri. Akenshi wagiye wumva gusuzugurwa gukomeye Umwami n'Umukiza wacu yagiye ahura nako. Mbega guhuza umutima n'Imana! Ibi nibyo wifuzaga. Nta kuzahura umuntu nyakuri gukiza keretse gusa uguturutse ku mu kuri kw'Imana.

"Mutima wanjye himbaza Uwiteka, mwa bindimo byose mwe, nimuhimbaze izina rye ryera" (Zaburi 103:1). Noneho ubu nyabuna reka buri munsi njye nawe tugire umwanya wo gushimira Imana. Mbese uko gushima ntigukwiriye Imana yo yarinze ubugingo bwawe muri iyi myaka myinshi mu rwego rwo gusubiza isengesho risabanywe kwizera? Mu ntege nke zawe ishyire mu biganza bye kandi umwiringire rwose. Ijambo ry'Imana tuzarifata nt'itegeko risumba ayandi rigenga imibereho yacu, kandi rikaba n'umuti w'ibibazo byose watanzwe n'Imana ukaba uri mu biganza byacu. Njye nawe

dufatanyije twagerageje kubwira abantu inyigisho nzima, dukmatanyiriza hamwe ubutungane, ubuntu, ukuri n'urukundo. Ibyo byose twagerageje kubyigisha twicishije bugufi kugira nago abantu babashe kwakira urukundo n'ubutungane bivanze, ari byo Bukristo buri mu mutima. Twakoze ibo twashoboraga gukora kugira ngo tugaragaze ko Ubukristo ari ikamba n'ikuzo by'imibereho y'umuntu kuri iyi si, akaba ari umwiteguro wo kuzinjira mu murwa w'Imana tukibera incuti zayo, abacunguwe b'agaciro kenshi bazaba mu mazu yagiye kudutegurira. Noneho, singiza Umwami wacu. Nimucyo tumusingize.

Mariam ndakwinginze, jya urya kubera ko umuganga wawe wo ku isi yagusabye kurya, kandi na Yesu Umuvugabutumwa ukomeye uvura yifuza ko urya, kandi umuvandimwe wacu M. J. Nelson azaguha icyo uzasaba cyose.

Nta muntu n'umwe ushobora gushimishwa no kubona ubuzima bwawe burokorwa kugira ngo ukomeze gukora umurimo nk'uko byanshimisha. Ariko niba igihe cyanjye nawe kigeze ngo dusinzirire muri Yesu, ntabwo tugomba tugomba kurangiza ubuzima bwacu vuba twanga guha umubiri ibiwutunga. Ubu noneho nshuti yanjye ihangane urye, nubwo waba ubishaka cyangwa utabishaka rangiza uruhare rwawe kugira ngo uzanzamuke. Kora ibigushobokera byose kugira ngo woroherwe, kandi niba Uhoraho ashima ko wiruhukira, wakoze ibyo wagombaga gukora. Nshima cyane ibyo wakoze. Marian, shimira Uhoraho, mushimire ko Yesu Umuganga mukuru ashobora kugukiza. Nkwandikiye n'urukundo rwinshi.- Letter 379, 1904.

College View, Nebraska Kuwa 16 Nzeri 1904

Ku muvandimwe nkunda Marian

Mpora nzirikana ibyawe, kandi mbabazwa cyane n'uko ubuze amahoro mu ntekerezo. Iyaba nari mbishoboye nagombye kugukomeza. Mbese inshuro nyinshi Yesu Umukiza mwiza ntiyakubereye umufasha uhoraho mu bihe by'akaga? Ntutere agahinda Mwuka Muziranenge, ahubwo reka guhangakayika. Ibi ni byo wagiye ubwira abandi ibihe byinshi. Reka amagambo y'abantu batarwaye nk'uko umeze agukomeze, kandi Uhoraho agufashe. Iryo ni ryo sengesho ryanjye.

Niba ari ubushake bw'Imana ko wapfa, wagombye kumva ko ari amahirwe yawe kwegurira ubuzima bwawe bwose, umubiri, ubugingo n'umwuka mu biganza by'Imana itabera kandi y'inyambabazi. Nta migambi yo kuguciraho iteka nk'uko ubitekereza. Ndifuza ko wahagarika gutekereza ko Imana itagukunda. Iyegurire amasezerano y'imbabazi yatanze. Imana itegereje ko wumvira irarika ryayo….Ntabwo ukwiriye gutekereza ko hari ikintu wakoze cyatera Imana kukubabaza. Ndabizi neza. Izere urukundo rwayo kandi wiringire icyo yavuze….Nta gushidikanya cyangwa kutizera kugomba kwigarurira intekerezo zacu. Nta gusobanukirwa ugukomera kw'Imana kugomba kujijisha ukwizera kwacu. Imana idufashe kwicisha bugufi mu bugwaneza no kwiyoroshya. Kristo yiyambuye ikanzu ye ya cyami n'ikamba rye kugira ngo yifatanye n'inyokomuntu kandi agaragaze ko abantu bashobora kuba intungane. Yambaye imyambaro y'imbabazi agira imibereho itunganye ari muri iyi si yacu kugira ngo aduhe igihamya cy'urukundo adukunda. Yakoze ibitarashoboraga gutuma kutizera kurangwa muri we. Yavuye ku ntebe ye y'icyubahiro mu ijuru aca bugufi kugira ngo yambare kamere muntu. Imibereho ye ni icyitegererezo cy'uko iyacu ishobora kuba. Kristo yahindutse umunyamibabaro n'umuntu wamenyereye intimba kugira ngo hatabaho gusobanukirwa gukomera kw'Imana kwakuraho uburyo twizera urukundo rw'Imana. Umutima w'umuntu niwegirirwa Kristo, uzahinduka inanga itunganye yumvikanisha indirimbo zitunganye. –Letter 365, 1904.

College View, Nebraska Kuwa 26 Nzeri, 1904

Muvandimwe wanjye MARIAN,

Turasaba ngo ubuzima bwawe burindwe kugeza ubwo tuzongera kukubona, ntabwo uzaba warapfuye ahubwo uzaba uriho….

Hanga amaso kuri Yesu. Iringire Yesu, wabaho cyangwa wapfa. Ni we Mucunguzi wawe. Ni we uduha ubugingo. Nusinzirira muri Yesu, azagukangura agukure mu gituro akugeze ku kudapfa. Kristo aguhe amahoro, gukomezwa, ibyiringiro n'ibyishimo kuva ubu.

Shyira ibyiringiro byawe byose muri Yesu. Ntabwo azagusiga cyangwa ngo agutererane. Aravuga ati, 'Nakwanditse mu biganza byanjye nk'uca imanzi.' Marian nuramuka ugiye mbere yanjye, nitugera ha handi tuzamenyana.

Tuzabona nk'uko twabonywe kandi tuzamenya nk'uko twamenywe. Reka amahoro ya Kristo abe mu bugingo bwawe. Ba indahemuka mu kwizera kwawe kuko Kristo ari indahemuka ku isezerano rye. Rambika ikiganza cyawe gitengurwa mu kiganza cye gishikamye maze umureke agufate agukomeze, akugaruremo imbaraga kandi aguhumurize. Niteguye kuva aha hantu. Iyaba nari kumwe nawe muri uyu mwanya! Urukundo rwinshi.- Letter 382, 1904.

UBUTUMWA BWANDIKIWE ABANDI BARI BAGEZE MU MAHENUKA Y'UBUZIMA BWABO

Tubabaranye namwe nubwo turi kure yanyu. Nakwifuza kubabwira nti, 'Ntimureke kwiringira, ahubwo munambe kuri iri sezerano ngo,' "Musabe muzahabwa" (Luka 11:9). Nyamara niba wa wundi ushobora gukiza, wa wundi umenyera iherezo mu itangiriro yemeye ko umwana we apfa kugira ngo azazuke muri cya gitondo cy'umuzuko, mwe gucika intege. Muvuge muti, "He kubaho ubushake bwanjye, ahubwo ubwawe Mana abe ari bwo bubaho."….Umugore wawe nageramu mubabaro ukomeye, wibuke ko hari

ubuzima buzaza. Impanda ya nyuma izahamagara abantu bose bakiriye Kristo, baramwizera kandi baramwiringira ngo ababere agakiza.

Muvandimwe nkunda, tuzajya tugusengera. Tukugirira ibambe. Uburwayi bwawe tuzajya tubwereka Umuganga Mukuru. Nzi neza ko ibi byamaze gukorwa. Komeza ugundire ikiganza cya Kristo we ushobora kuguha umugisha kandi akagukiza niba abona ko ari kubw'ibyiza bya none n'iby'iteka ryose kuri wowe. Noneho rero musaza wanjye nawe muvandimwe gihe mukiri bazima, nimufate uyu mwanya w'igiciro cyinshi maze kubwo kwizera mufate amasezerano meza cyane ari mu Ijambo ry'Imana muyagire ayanyu. Nshimishijwe n'uko mwembi mugaragara ko mushaka imbababazi z'ibyaha byose mwicishije bugufi. Aya ni yo mahirwe mufite. Mwe kugira kutizera.

Umukiza wacu mwiza yatangiye ubugingo bwe ibyaha by'abo mu isi bose, kandi yasezeranishije Ijambo rye ko azakiza abamusanga bose. « Imana yakunze abari mu is cyane, bituma itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho » (Yohana 3 :16). Ibi ni byo byangombwa byo kubona ubugingo buhoraho. Nimukore ibijyanye nabyo bityo ibyiringiro byanyu bizaba bishinganye, mwabaho cyangwa mwapfa. Nimwiringire Umucunguzi ukiza ubugingo.
Mumwegurire ubugingo bwanyu bw'impezamajyo bityo azabakira, abahe umugisha kandi abakize. Mwizere gusa. Mumwakire n'umutima wanyu wose kandi mumenye ko yifuza ko mutsindira ikamba ry 'ubugingo. Nimureke iki abe ari cyo kiba icyifuzo cyanyu gikomeye cyane kandi kivuye ku mutima. Nimwitange mwese bityo azabezaho imyanda yose kandi abagire ibikoresho bimuhesha icyubahiro. Mushobora kuhagirwa mukagirwa umweru mu maraso ya Ntama w'Imana. Muri ubwo buryo mugera ku nsinzi….Shikama mu kwizera. –Letter 45, 1905.

UBUTUMWA BWANDIKIWE UMUGABURA WARI HAFI KWICWA NA KANSERI.

Ntabwo tujya tukwibagirwa; turakwibuka mu masengesho yacu ku gicaniro cy'imuhira. Mara amajoro menshi nkwingingira Imana.

Numva nkugiriye imbabazi cyane. Nzakomeza gusenga kugira ngo umugisha w'Imana ube kuri wowe. Ntabwo Imana izagusiga itaguhumurije. Iyi si ni iy'igihe kimwe, ariko musaza wanjye nawe muvandimwe, Yesu aravuga ati,

«Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa » (Matayo 7 :7). Ndagusabira kugira ngo usohorezwe iri sezerano….

Musaza wanjye, ijoro rimwe bisa n'aho nari nguhagaze iruhange mvuga nti, « Ihangane umwanya muto, urakomeza kugora uburibwe mu gihe gitoya, urakomeza kubabazwa mu gihe cy'amasaha make, hanyuma uruhuke ikiruhuko cyiza. Uzabona amahoro mu buryo bwihariye. Buri muntu wese agomba kugeragezwa . Twese tugomba kunywera ku gikombe kandi tukabatizwa mu mubabaro. Ariko Kristo yasogongereye buri wese urupfu mu kubabaza kwarwo gukomeye. Azi kugira impuhwe no kubabarana natwe. Turiza mu maboko ye gusa; aragukunda kandi yaucunguje urukundo ruhoraho. Jya ukiranuka ugeze ku gupfa, uzahabwa ikamba ry'ubugingo.

"Abantu bose batuye iyi si yacu kuva ubu bazamenya icyo ibigeragezo bivuze. Nzi ko Imana izakugirira ubuntu kandi ko itazaguhana. Ibuka isezerano ry'Imana rivuga ngo, 'Andika uti, 'Uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami.'Umwuka nawe aravuga ati, 'Yee, ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye na bo ibakurikiye' (Ibyahishuwe 14:13). Mugire ubutwari. Nari nkwiriye kuba ndi kumwe nawe ubu iyaba nari mbishoboye, ariko tuzahura muri cya gitondo cy'umuzuko.". …

Nabwiraga mushiki wacu C. amagambo yo kumukomeza. Namuteraga ubutwari, kandi icyumba cyasaga n'icyuzuye abamarayika b'Imana. Reka wowe na we mugire ubutwari. Ntabwo Umwami wacu azagusiga cyangwa ngo agutererane. –Letter 312, 1906.

IGICE CYA 27: ABAPFUSHIJE ABABO

GUPFUSHA ABAWE BITERA KOROHA MU MUTIMA

Nagiye mpura n'imibabaro bityo intera koroha mu mutima, inkuramo urwango maze uwuzuza impuhwe n'urukundo. Imibereho yanjye yo gupfusha abo nkunda, no kugira uburubwe n'umubabaro ntabwo nayinyuzemo ntahishurirwa mu buryo bukomeye ko Umukiza wanjye ari iruhande rwanjye. [2] Amaso yanjye yarangamiye ijuru rirabagirana ubwiza hejuru yacu.

Narabutswe isi izahoraho ndetse n'ingororano ikomeye. Igihe ibintu byose byasaga n'umwijima, mu bicu habonetsemo umwezi, kandi imirasire y'izuba iturutse ku ntebe y'ubwami y'Imana yirukanye umwijima. Ntabwo

Imana yishimira ko hagira umuntu n'umwe muri twe ukomeza guheranwa n'agahinda, afite umutima ubabaye kandi ushengutse. Yifuza ko twese twubura amaso kugira ngo turebe umukororombya w'isezerano kandi dusakaze umucyo ku bandi.

Oh, Umukiza mwiza ahagaze iruhande rw'abantu benshi bahumwe amaso n'amarira ku buryo badashobora kumubona. Yifuza cyane kudufata ibiganza adukomeje igihe tumukomeyeho mu kwizera koroheje, tumutakambira kugira ngo atuyobore. Kwishimira mu Mana ni amahirwe yacu. Nitureka guhumuriza n'amahoro bya Yesu bikaba mu mibereho yacu, tuzarindirwa hafi y'umutima we wuje urukundo. –*The Review and Herald*, Nov. 25, 1884.

TUZONGERA KUBONA ABANA BACU

Amagambo yo guhumuriza yandikiwe umubyeyi igihe umwana we yari yapfuye Igihe wavugaga ibyakubayeho mu rupfu rw'umwana wawe, n'uburyo wapfukamaga ugasenga maze ubushake bwawe ukabwegurira

[2] Babiri mu bahungu be bari bapfuye ari bato. Uwari mukuru witwaga Henry yapfuye afite imyaka 16, naho umuhererezi apfa amaze amezi 3. Urupfu rwatwaye umugabo we James White mu mwaka wa 1881 maze igihe gito arwaye, apfa afite imyaka 60. Muri iki gice dusangamo ibyo Ellen. G. White yagiye avuga kuri ibyo byamubayeho. – ABAKUSANYIJE INYANDIKO.

ubushake bwa So wo mu ijuru, ukamutura ikibazo cyawe, numvise umutima wanjye wa kibyeyi ukozweho. Na njye nahuye n'ibyo wanyuzemo.

Ubwo umuhungu wanjye w'imfura yari afite imyaka 16, yararwaye araremba. Yari amerewe nabi cyane maze araduhamagara tujya iruhande rw'uburiri bwe aratubwira ati, "Data nawe Mama, bizabakomerera cyane gutandukana n'imfura yanyu. Niba Umwami wanjye abona ko ari byiza kurokora ubugingo bwanjye, byanezeza ku bwanyu. Niba kandi ari kubw'inyungu zanjye no kubw'ikuzo ry'Umwami wanjye ko ubuzima bwanjye bwarangira ubu, navuga nti, 'Nguwe neza mu mutima.' Data genda wenyine, na we Mama ugende wenyine; maze musenge. Bityo muri buze kubona igisubizo kijyanye n'ubushake bw'Umukiza wanjye mukunda kandi nanjye nkunda." Yatinyaga ko nidupfukama tugasengera kamwe, impuhwe zacu zari kuturusha imbaraga maze tugasaba ibitari kuba byiza byo gutangwa n'Umwami wacu.

Twakoze nk'uko yabidusabye, kandi amasengesho yacu yari ahwanye rwose n'ayo wasenze. Nta gihamya twabonye cy'uko umwana wacu ashobora koroherwa. Yarapfuye, apfa ashyira ibyiringiro bye byose mu Mukiza Yesu. Urupfu rwe rwaratubabaje bikomeye ariko byari insinzi no mu rupfu kubera ko ubugingo bwe bwari buhishanwe na Kristo mu Mana.

Mbere y'urupfu rw'umuhungu wanjye w'umuhererezi, ako kana kanjye kararwaye kugeza gapfuye. Twarasenze kandi twibwiraga ko Imana ishobora gukiza akana twakundaga nyamara twamuhombetse amaso amaze gupfa maze tumushyingura aho aruhukuira muri Yesu kugeza ubwo Umutangabugingo azazira gukangura abakunzi be bagahabwa kudapfa mu ikuzo.

Na none umugabo wanjye, umugaragu w'indahemuka wa Yesu Kristo, yari yarabaye iruhande rwanjye mu gihe cy'imyaka mirongo itatu n'itandatu, yarapfuye aransiga maze nsigara nkora njyenyine. Asinziriye muri Yesu. Nta marira mfite yo gusuka ku gituro cye. Ariko, mbega uburyo mukumbura! Mbega uburyo nkumbura amagambo ye yo kungira inama kandi yuzuye ubwenge! Mbega uburyo nkumbura kumva amasengesho ye afatanyije n'ayanjye dusaba guhabwa umucyo no kuyoborwa, dusaba ubwenge bwo kumenya uburyo bwo gufata ingamba no gutegura umurimo w'Imana!

Ariko Uhoraho yambereye Umujyanama kandi na we azaguha imbaraga zo kwihanganira gupfusha uwo ukunda.

Wibaza ni umwana wawe azabona agakiza. Amagambo Kristo yavuze akubere igisubizo: “Mureke abana bato bansange, ntimubabuze kuko abameze batyo ubwami bw’Imana ari ubwabo” (Luka 18:16).

Ibuka ubuhanuzi, “Uku ni ko Uwiteka avuga ati, ‘Ijwi ryumvikaniye i Rama ry’umuborogo no kurira gushavuye: Ni irya Rasheli yaririraga abana be yanga guhozwa….’Uku ni ko Uwiteka avuga ati, ‘Hoza ijwi ryawe we kuboroga, n’amaso yawe ye gushokamo amarira kuko umurimo wawe uzaguhesha ingororano, ni ko Uwiteka avuga, kandi bazagaruka bave mu gihugu
cy’ababisha. Kuko hariho ibyiringiro by’amaherezo yawe, kandi abana bawe bazagaruka mu rugabano rwabo. Ni ko Uwiteka avuga’”(Yeremiya 31:15-17).

Iri sezerano ni iryawe. Ushobora guhumurizwa kandi ukiringira Uhoraho. Inshuro nyinshi Uhoraho yambyiye ko abana bato benshi bazapfa mbere y’igihe cy’akaga. Tuzongera kubona abana bacu. Tuzongera duhure nabo kandi tuzabamenya tugeze mu ijuru. Iringire Uhoraho kandi ntugire ubwoba. –Letter 196, 1899.

ABANA MU GIHE CY’UMUZUKO

Amagambo yanditswe ku munsi w’urupfu rw’umwana w’umuvandimwe wa Ellen G. White

Muri iyi si ibyiringiro byacu akenshi bigenda byangirika. Urupfu rugenda rudutwara abacu dukunda. Tubombeka amaso yabo kandi tukabambika bakajyanwa mu gituro maze tukajya kubashyingura. Nyamara ibyiringiro bitera ubutwari imitima yacu. Ntabwo dutandukana by’iteka ryose, ahubwo tuzabona abacu dukunda basinziriye muri Yesu. Bazazuka bave mu gihugu

bw'umwanzi. Umutangabugingo araje. Ibihumbi byinshi by'abamarayika bera baramuherekeje uko aza. Aciye ingoyi z'urupfu, amenye iminyururu y'igituro, abo yagize imbohe bazutse bafite amagara mazima kandi bambaye ubwiza budapfa.

Igihe abana bato bava mu bituro byabo bakazuka bambaye kudapfa, bahita baguruka berekeza mu maboko y'ababyeyi babo. Bongera guhura ubutazongera gutandukana. Nyamara benshi muri abo bana nta babyeyi bahabonye. Dutegereza indirimbo yo kunesha iririmbwa n'abo babyeyi nyamara turayibura. Abamarayika bakiriye abana babuze ababyeyi babo maze babajyana ku giti cy'ubugingo.

Yesu atamiriza umucyo w'izahabu ari ryo kamba ku mitwe mito y'abo bana. Imana izafashe umubyeyi wa "Eva" kugira ngo azahaboneke bityo ka kana ke gato kazashobore kuguruka kigire mu gituza cye. –*The Youth's Instructor*, April, 1858.

YESU ARAVUGA ATI, "MUNYISHINGIKIRIZEHO"

Amagambo yabwiwe ababyeyi bari bapfushije abana babo baguye mu Nyanja.

Nabatekerejeho inshuro nyinshi cyane….Amagambo yo guhumuriza ari mu Byanditswe arakomeye; yuzuye guhoza abafite intimba n'abapfushije ababo, abarwaye n'abababazwa. Babyeyi bisa n'aho mbona Yesu ababwira ati, "Munyishingikirizeho cyane. Nzabakomeza. Ntabwo ukuboko kwanjye kuzigera kubarekura. Gufite imbaraga yo kubatera ubutwari mukabasha guca ahakomeye. Nimunyiringire gusa bityo muzayoborwa mu mutuzo kandi muhabwe gushikama."

Mbega uburyo Bibiliya ihebuje, ukuri kwayo kuzuye ubugingo. Dukwiriye kuzirikana no kwishimira umucyo uva mu masezerano. Ni amagambo

anejeje yavuzwe n'Imana itagira iherezo. Ijwi ryayo rivuganira natwe mu Ijambo ryayo. Niringiyeko ufite ubutwari bukomeye.

Ntimushobora gusobanura uyu mubabaro mwagize. Ibintu byose bishobora gukomeza kuba amayobera akomeye kugeza igihe inyanja izaruka abo yamize.
Ariko mureke umutima wanyu we gucogozwa n'agahinda kubera ko abo bapfuye ari ab'Imana kandi izakora ibyo ishaka kuri ku bayo. Ibi tubizi neza ko urukundo rw'Imana rukomeye cyane kuruta urwacu, kandi Yesu yarabakunze ku buryo byatumye atanga ubugingo bwe kugira ngo abacungure. Kubw'ibyo rero, nimureka biruhukire kandi mureke imitima yanyu irusheho kurangamira Yesu kugira ngo ahaze inzara n'icyifuzo cy'umutima wose.

Uko mwaba mumerewe kose, uko inzira z'Imana zaba zijimye cyangwa ari amayobera kose, nubwo yaba inyura imuhengeri, kandi ibigeragezo no gupfusha abacu bikabasha kutubabaza byiyongeranya, dukomeza guhabwa ibyiringiro ngo, "Ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza" (Abaroma 8:28). "Nzi uwo nizeye uwo ari we, kandi nzi neza yuko abasha kurinda ikibitsanyo namubikije kugeza kuri urya munsi" (2Timoteyo 1:12). –Letter 32, 1893.

HAHIRWA ABAPFA BAPFIRA MU MWAMI WACU

Ubutumwa bwo guhumuriza bwandikiwe umukobwa wari wapfushije umubyeyi we

Muvandimwe nkunda,

Nasomye ibaruwa ……ivuga ku rupfu rw'umubyeyi wawe, kandi icyo nshobora kuvuga gusa ni iki, "Hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu" (Ibyahishuwe 14:13). Nyoko yamaze igihe kirekire afite intege nke cyane. Wahoraga umwitaho. Kutazongera kumubona bizagushengura umutima cyane. Iyaba twari dutuye hafi yawe, twakakubwiye kuza ukaruhuka akanya

gato. Nyamara inshingano zawe zisaba ko utanga igihe cyawe. Icyo nakubwira ni iki, ‘Iringire Umwami wacu.’

Uzababazwa cyane n’urupfu rwa nyoko; ariko reka nkubwire ko ntajya nterwa agahinda n’intungane zapfuye, ibiri amambu nterwa agahinda n’abazima. Nzi ko washyinguye umubyeyi wawe ufite ibyiringiro bishyitse ko azazuka ubwo impanda y’Imana izavuga. ….Nzi icyo gushyingura abo ukunda bivuze….Data, mama, basaza banjye n’abavandimwe banjye, umugabo wanjye n’abana banjye babiri b’abahungu, abo bose basinziriye mu bituro byabo. Njye n’umuvandimwe wanjye Mary ndetse n’abahungu banjye babiri ni twe dusigaye gusa.- Letter 98, 1903.

TEGEREZA IGIHE UMURYANGO UZONGERA GUHURA WISHIMYE

Ubutumwa bwo guhumuriza bwandikiwe umugabo wari wapfushije umugore we

Muvandimwe wanjye nkunda,

Twumvise amakuru y’urupfu rw’umugore wawe, nyamara ntabwo amakuru asesenguye yerekeye uburwayi bwe.

Tubabaranye nawe. Turasaba Imana ngo iguhumurize kandi iguhe ku buntu bwayo kugira ngo we kuzashengurwa n’intimba. Reka dushimire Imana ko amaso yacu arangamiye umurage twasezeraniwe. Reka tuyishimire ko agakiza kayo kari bugufi katari kure.

Uko witegereza abana bawe abo umufasha wawe yakoreye inshingano ze akiranutse nk’umubyeyi, ukwiriye kugira impamvu yo kwishimira ko yakoze ibyo yari ashoboye gukora kugira ngo abarere abitaho kandi abagira inama ziva ku Mwami wacu. Umukiza mwiza wacigatiye abana bato mu maboko ye akababaha umugisha, ntabwo azigera asiga abana bawe na we ubwawe atabahumurije. Ubu ugize inshingano ebyiri. Uhoraho agenderere imitima

y’abazita kuri izi ntama zo mu cyanya cya Kristo, kugira ngo bazazifate neza, mu bwitonzi n’urukundo kugira ngo intambwe zazo zikiri nto kandi zitarasobanukirwa byinshi zibashe kuyoborwa mu kugendera mu bitunganye.

Bana nkunda, Ellen. G. White arabakunda kandi azabasabira Umukiza abahe umugisha, kubera uwo Mukiza abakunda nk’abana be.

Musaza wanjye E, nzi ko uzababara cyane kubera ko washyinguye uwo umutima wawe wakundaga cyane. Ariko se Ibyanditswe bivuga iki?

“Aho niho kwihangana kw’abera kuri, bitondera amategeko y’Imana bakagira kwizera nk’ukwa Yesu. Numva ijwi rivugira mu ijuru rimbwira riti, ‘Andika uti, ‘Uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu.’ Umwuka nawe aravuga ati, ‘Yee, ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye nabo ibakurikiye.’ ” (Ibyahishuwe 14:12-13).

Tuzakomeza kugsabira wowe n’abana bawe ukunda kugira ngo kubwo gukomeza gukora ibyiza mwihanganye, mubashe gukomeza kwerekeza amaso yanyu n’intambwe zanyu mu ijuru. Tuzasaba ngo mu kuyobora abana bawe uzabashe kugira ubushobozi kandi ugere ku ntego, kugira ngo wowe na bo muzahabwe ikamba ry’ubugingo, kandi ngo mu rugo rwo mu ijuru turi gutegurirwa, wowe n’umufasha wawe n’abana bawe muzabe umuryango wongeye guhurira hamwe wishimye kandi unezerewe ubutazongera gutandukana. –Letter 143, 1903.

AZAHAMAGARWA MU MUZUKO WIHARIYE

Amagambo yandikiwe umugabo n’abana be ubwo umugore we yari yapfuye

Musaza wanjye nkunda,

Birankomereya cyane kumenya icyo nakubwira. Inkuru y’urupfu rw’umugore wawe yarambabaje cyane. Kubyemera byarankomereye cyane kandi na n’ubu birankemereye cyane. Hari icyo nzandika Imana yanyeretse mu ijoro ryo ku Isabato ishize….

Nabonye ko yashyizweho ikimenyetso kandi ko azazuka impanda y'Imana ivuze agahagarara ku isi, ndetse akazaba hamwe n'abantu 144000. Nabonye ko tudakwiriye kumuborogera; mu gihe cy'umubabaro ukomeye azaba yiruhukiye kandi ibyari kudutera kurira ni igihombo twagize cyo kuba tutari kumwe. Nabonye ko urupfu rwe rwari kuzana ibyiza.

Ndaburira F ndetse n'abandi bana basigaye kwitegura gusanganira Yesu, bityo bazongera kubona umubyeyi wabo ubutazongera gutandukana. Mbese bana muzumvira umuburo umubyeyi wanyu yabahaye igihe yari akiri kumwe namwe, kandi ngo mutume amasengesho yose yabasabiye ku Mana aba nk'amazi aseseka ku butaka? Nimwitegure gusanganira Yesu bityo ibintu byose bizagenda neza. Nimwegirire Imana imitima yanyu kandi ntimuruhuke n'umunsi n'umwe mutazi ko mukunda Yesu.

Musaza wanjye nkunda, twasabye Imana kugira ngo igukenyeze igukomeze ubashe kwihanganira icyo gihombo. Imana izabana nawe igutere guhagarara ushikamye. Izere gusa…..

Ntushavure nk'abatagira ibyiringiro. Igituro kibasha kumugumana nyamara by'akanya gato. Musaza wanjye nkunda, iringire Imana , ukomere kandi mu kanya gato uzamubona. Ntabwo tuzacogora gusaba imigisha y'Imana kuba kuri wowe n'umuryango wawe. Imana izakubera umucyo n'ingabo igukingira. Muri uyu mubabaro ukomeye n'ikigeragezo urimo, Imana izakuba iruhande. Ihanganire ibikugerageza bityo uzahabwa ikamba ry'ubwiza uri kumwe n'umufasha wawe igihe Yesu azazira. Komera ku kwizera bityo wowe n'umufasha wawe muzatamirizwa ikuzo, icyubahiro, kudapfa ndetse n'ubugingo buhoraho. –Letter 10, 1850.

KURIRA SI ICYAHA

Ubutumwa bwo guhumuriza bwandikiwe umupfakazi

Muvandimwe nkunda,

Tubabarana nawe muri uko kubura uwo ukunda no mu mibereho yawe yo gupfusha uwo mwashakanye. Nanjye nanyuze muri icyo gihugu uri kugendamo ubu kandi nzi icyo bisobanuye. Mbega uburyo muri iyo si yacu harimo agahinda kenshi! Kubwira abashavujwe no gupfusha ababo bakunda ngo,

“Mwirira; kurira si byo” ibyo ntabwo ari byo. Nta guhoza kuri mu magambo nk’ayo. Kurira nta cyaha kirimo. Nubwo umuntu wapfuye yaba yaramaze imyaka myinshi ababara bitewe no gucika intege n’uburibwe, ibyo ntibihanagura amarira mu ku maso yacu.

Abo dukunda barapfa. Uko babanye n’Imana byashyizweho ikimenyetso. Nyamara igihe tuzirikana ko gupfa ari ikintu gikomeye, tunagomba kuzirikana ko kubaho ari ikntu gikomeye kurushaho. Umunsi wose tubaho utuzanira inshingano tugomba kuzuza. Ibyo turangamiye twihariye, amagamboyacu n’ibikorwa byacu bigira icyo bihindura ku bo tubana nabo.

Guhumurizwa kwacu tugomba kukubona muri Yesu Kristo. Umukiza mwiza! Yagezweho n’umubabaro ukomeye umuntu ahura na wo….Komera ku Isoko y’imbaraga zawe. –Letter 103, 1898.

ASINZIRIYE MURI YESU

Ubutumwa bwandikiwe umugore wari wapfushije umugabo we n’abana bari

bapfushije se

Muvandimwe wanjye ubabaye,

Mbabaranye nawe mu mubabaro ufite. Nubwo ntari niteze kuzongera kubona umugabo wawe muri ubu buzima, nababajwe no kumva iby’urupfu rwe, ndetse n’iby’inshingano zikomeye zo kwita ku muryano ibi

byaushyizeho. Tubabaranye nawe kandi akenshi tuzajya tugusabira wowe n'abana bawe.
Umugabo wawe asinziriye muri Yesu. "Andika uti, 'Uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu.' Umwuka nawe aravuga ati, 'Yee, ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye nabo ibakurikiye'" (Ibyahishuwe 14:13).

Data wa twese akunda abantu bose b'abizera mu bikorwa no mu kuri, abantu bagize ingingo z'umubiri Kristo abereye umutwe. Ukwiriye kwicara mu gicucu cya Kristo bityo ukibonara amahoro ye. Tekereza Kristo. Muhange amaso ufite kwizera, wiringiye ko amasezerano ye. Umutima wawe ukomeze kwiringira. Kristo azakubera ubwugamo. Mwishingikirizeho, ugengwe na we. Ntutwarwe n'agahinda bikabije, ahubwo ihangane kuko ufite umutwaro uremereye. Iringire wa wundi ufite ukuboko kutazigera kukurekura.

Nanjye napfushije umugabo wanjye, kandi nkurikije ibyambayeho nzi icyo umubabaro wawe uvuze. Ariko nureba kuri Yesu uzagira ubutwari. Umugisha w'Umwami wacu ube kuri wowe buri munsi. Muvandimwe nkunda, ndagusabira ngo Uhoraho aguhe umugisha kandi agukomeze.

Burijimye cyane simbasha kureba, bityo reka nkubwire nti, 'ugire ijoro ryiza.' Gira ubutwari uko ushoboye kose kubw'abana bawe. –Letter 167, 1905.

Bana nkunda,

Ngomba kubandikira mu mirongo mike cyane. Turifuza kuza iwanyu maze tugarirana namwe kandi tugapfukama hamwe tugasenga. Mbese buri wese muri mwe aziyambaza Uhoraho kandi amukorere? Muzabera nyoko umugisha ukomeye nimudakora ikintu kibabaza umutima we. Nimwegurira Umwami Yesu imitima yanyu azabakira. Nimukore ibishoboka byose kugira ngo murinde umubyeyi wanyu guhangayika kose n'umutwaro wose.

Umwami wacu yasezeranye kuba Se w'impfubyi. Nimumwegurira imitima yanyu, azabaha imbaraga zo kuba abahungu n'abakobwa b'Imana. Abakuru muri mwe nibahumuriza umubyeyi musigaranye bikorera imitwaro myinshi bashoboye yose kandi bagafata neza abato mu bwitonzi, babigisha gukora ibitunganye no kudatera nyoko guhangayika, Umwami wacu azabahira mu buryo bukomeye.

Nimwegurire imitima yanyu Umukiza ubakunda, kandi mukore gusa ibishimishije mu maso ye. Ntimukagira icyo mukorera gushavuza nyoko. Mwibuke ko Umwami wacu abakunda kandi ko buri wese muri mwe ashobora kuba umwe mu bagize umuryango w'Imana. Niba muri indahemuka muri iyi si, muzabona so kandi mwongere guhurira hamwe muri umuryango ubwo Umwami wacu azaza ku bicu byo mu ijuru.

Mbandikiye n'urukundo rwinshi. –Letter 165, 1905.

UMWAMI WACU AKWIYE UMUHUMURIZA WAWE

Ubutumwa bwandikiwe umugore wari wapfushije umugabo

Muvandimwe nkunda,

Nakiriye ibaruwa izanwe n'umuvandimwe G, imbwira uko umerewe muri ako gahinda ko kubura uwo ukunda. Muvandimwe wanjye mbabaranye nawe mu buryo bukomeye. Iyaba nari ndi aho nshobora kugusura nari kubikora…. Reka nkubwire muvandimwe; ntabwo Uhoraho yifuza ko ushengurwa n'intimba ubabaye. Warindiwe umugabo wawe imyaka myinshi cyane kuruta uko nabitekerezaga. Mu mbabazi zayo Imana yaramurinze, kandi nyuma yo kubabara cyane, Imana mu mbabazi zayo yaramuretse aruhukira muri Yesu….Umugabo wnjye n'uwawe bararuhutse. Nta buribwe bagifite, nta n'umubabaro. Bararuhutse.

Muvandimwe, mbabajwe n'uko ufite agahinda n'umubabaro. Ariko Yesu, Umukiza mwiza ariho. Ariho ku bwa we. Ashaka ko uhumurizwa n'urukundo rwe. Ntuhangayike, iringire Uhoraho. Ibuko ko nta gishwi na kimwe kigwa hasi

So wo mu ijuru atabizi. …

Muvandimwe, komerera mu Mwami. "Nuko ubwo Kristo yababarijwe mu mubiri mube ari ko namwe mwambara uwo mutima" (1Petero 4:1). Ndakwinginze, mu mubabaro wawe ukomeze kwerekeza umutima wawe ku Mana. Umwami wacu azakubera umufasha, imbaraga no guhumurizwa. Bityo, muhange amaso kandi umwiringire. Guhumurizwa kwacu tugomba kugukura kuri Kristo. Jya uhigira ubugwaneza bwe no kwiyoroshya mu mutima kwe mu ishuri rye. Reka ijambo ryose uvuga rigaragaze ko uzirikana ubugwaneza, imbabazi n'urukundo rw'Imana. Gambirira guhumuriza no kubera umugisha abari mu rugo bose. Utume mu rugo rwawe hagaragara umwuka mwiza w'urukundo….

Kingura umutima wawe uwerekeze mu ijuru, maze ureke umucyo wa Zuba ryo Gukiranuka winjire. Ntiwivovote. Nturire ngo uboroge. Nturebe ku ruhande

rubi. Reka amahoro y'Imana aganze mu mutima wawe. Bityo uzagira imbaraga zo kwihanganira imibabaro yawe yose, kandi uzanezezwa n'uko ufite amahirwe yo kwihangana. Singiza Umwami wacu, vuga ku kugira neza kwe; vuga ku mbaraga ze. Utume umwuka uzengurutse umutima wawe ugira impumuro nziza.

Ntugasuzuguze Imana uvuga amagambo yo kwivovota, ahubwo uyisingize n'umutima wawe, n'ubugingo bwawe n'ijwi ryawe. Reba ku ruhande rwiza rw'ikintu cyose. Ntukigere uzana igicu cyangwa umwijima mu rugo rwawe. Yisingize yo mucyo wo mu maso hawe kandi ikaba Imana yawe. Kora utya maze urebe uburyo ibintu byose bizagenda neza.

Nkwandikiye mu rukundo ngukunda n'umukobwa wawe. –Letter 56, 1900.

Ubwo mperutse gupfusha uwo nkunda, nabaye nk'uwerekwa iby'ubugingo buhoraho. Nk'uko bisanzwe bimbaho negerejwe intebe y'Imana, noneho mbona ubugingo bwanjye nk'uko buzahagaragara. Nta cyo nshobora kubona nakwirata, nta cyo mbona ko nkwiriye. Ndataka nti, "Mbega ukuntu ntakwiriye na gato ubuntu bwawe, Mana yanjye." Ibyiringiro byanjye rukumbi biri mu Mukiza wabambwe kandi wazutse. Nishingikiriza ku byo amaraso ya Kristo yakoze. Yesu azakiza rwose abantu bose bamwiringira.

Rimwe na rimwe iyo umutima wanjye wuzuye agahinda, kugaragaza mu maso ko nkomeye bijya binkomerera cyane. Nyamara ntabwo nzemerera agahinda mfite gutera umwijima abankikije bose. Akenshi ibihe by'umubabaro no kubura abacu bijya bitubabaza kandi bikaduhangayikisha cyane kurusha uko byari bikwiye bitewe n'uko twagize akamenyero ko gutwarwa no kurira nta kwifata. Kubwo gufashwa na Yesu, niyemeje kurwanya iki kibi; ariko umwanzuro nafashe wagiye ugeragezwa bikomeye. Urupfu rw'umugabo wanjye rwaranzahaje cyane kubera ko rwantunguye cyane. Igihe namurebaga mu maso yenda gupfa, nananiwe kwihangana. Nashatse gutaka cyane kubera ishavu nari mfite. Nyamara namenye ko ibyo bitabasha kurokora ubugingo bw'umugabo wanjye nkunda, maze ntekereza ko kureka ngatwarwa n'agahinda bitaba ari ibya Gikristo. Nasabye ubufasha no guhumurizwa bivuye mu ijuru kandi amasezerano y'Imana yaransohorejwe. Ukuboko kw'Imana kwarankomeje. Kuririra abacu tuboroga no kuganya nta kwifata ni icyaha. Kubw'ubuntu bwa Kristo, dukwiye gutuza ndetse tukagira ubutwari igihe turi mu kigeragezo gikomeye cyane.

Nimucyo twige isomo ry'ubutwari no kwikomeza dukura mu kiganiro giheruka Kristo yagiranye n'abigishwa be. Bari bari bari hafi gutandukana. Umukiza wacu yari agiye kunyura mu nzira isize amaraso yari kugeza i Kaluvari. Ntihari harigeze kubaho ibikomeye biruta ibyo yari agiye kunyuramo bidatinze.

Abigishwa bari barumvise amagambo ya Kristo avuga iby'umubabaro we n'urupfu rwe mbere y'uko biba, kandi imitima yabo yari iremerejwe n'umubabaro naho intkerezo zabo zatwawe no gushidikanya n'ubwoba.

Nyamara nta gutaka kumvikana kwahabaye cyangwa guheranwa n'intimba. Ayo masaha akomeye aheruka, Umukiza wacu yayamaze avuga amagambo yo gukomeza no gutera ibyiringiro abigishwa be, maze arangije bose bafanyiriza hamwe kuririmba basingiza…..

Igihe cyo gusenga no gusingiza

Igihe ingorane n'ibigeragezo bidukikije, dukwiriye guhungira ku Mana, kandi tukaba tuyiringiyeho ubufasha yo ifite imbaraga zo gukiza kandi ishobora kurokora. Tugomba gusaba umugisha w'Imana niba twiteguye kuyakira. Gusenga ni inshingano kandi birakenewe; ariko se ntitujya twirengagiza gusingiza Imana? Mbese akenshi ntitwari dukwiriye gushimira uduha imigisha yose tubona? Dukeneye kwimenyereza gushima. Dukwiriye guhora dutekereza kandi tuvuga imbabazi z'Imana, ndetse tugasingiza twerereza izina ryayo ryera n'igihe turi mu gihe by'agahinda n'umubabaro. …

Ubugwaneza bw'Umwami wacu ni bwinshi kuri twe. Ntabwo azigera ahana cyangwa ngo atererane abamwiringira. Iyaba twabashaga kutavuga cyane ku bitugerageza ahubwo tukavuga ku mbabazi n'ubugwaneza by'Imana, twasanga intekerezo zacu zarenze kutiringira no guhangayika kwacu. Bavandimwe mwe mutekereza ko muri kwinjira mu nzira yijimye, kandi ko mumeze nk'abatwawe ho iminyago i Babuloni mugomba kumanika inanga zanyu ku biti. Nimucyo ibigeragezo tubihinduremo indirimbo yo kunesha.
Mushobora kuvuga muti, 'Nshobora kuririmba nte imbere yanjye hari umwijima, mu mutima wanjye nikoreye uyu mutwaro w'umubabaro no gupfusha abanjye?' Ariko se agahinda n'imibabaro byo ku isi bitwambura Incuti y'Ubushobozi bwose dufite ari we Yesu? Mbese urukundo rw'Imana rutangaje yagaragaje mu mpano y'Umwana wayo ikunda ntirwari rukwiye kuba ipfundo ry'ibyishimo bihoraho? Igihe tuzanye ibyifuzo byacu imbere

y’intebe y’ubuntu, nimucyo twe kwibagirwa kuririmba indirimbo zo gushima. “Untambira ishimwe wese aba anyubahiriza” (Zaburi 50:23). Ubwo Umukiza wacu ariho, dufite impamvu yo kumushima ubudasiba no kumusingiza. –*The Review and Herald,* Nov. 1, 1881.

IGITONDO CYIZA CY’UMUZUKO

Ubutumwa bwandikiwe incuti zari ku kirwa cya Pitcairn

Kuwa gatanu w’icyumweru gishize twababajwe cyane no kumva iby’umubabaro wanyu ukomeye. Imitima yacu ibabajwe no kumva iby’imfu z’ab’umuryango wa mwene data J. R. MacCoy. Umubabaro wacu werekeye abantu bose bashavujwe n’aka kaga. Ariko tugiriye impuhwe cyane abana ndetse n’abagize umuryango babuze ababo mu buryo bubabaje cyane butyo, nyamara turifuza kubereka Yesu we wenyine byiringiro byanyu no guhumurizwa. Umufasha wa mwene data MacCoy ubabaye cyane yakundaga kandi akaba n’umubyeyi w’abana, ubu aturije mu gituro. Nyamara nubwo turirana n’abarira, turishimye mu mitima kubera ko uyu mubyeyi dukunda ndetse n’umukobwa we, ndetse na mwene data Young wari umukuru w’itorero n’abandi bashobora kuba baratwawe n’urupfu, abo bose bizeraga Yesu kandi bakamukunda.

Nimucyo amagambo y’intumwa Pawulo abahumurize, “Ariko bene Data, ntidushaka ko mutamenya iby’abasinziriye, mutababara nka ba bandi badafite ibyiringiro. Ubwo twemeye yuko Yesu Kristo yapfuye akazuka, abe ari ko twizera yuko Imana izazanana na Yesu abasinziriye muri we. Iki ni cyo tubabwira tukibwirijwe n’ijambo ry’Umwami wacu yuko twebwe abazaba bakiriho, basigaye kugeza ku kuza k’Umwami, tutazabanziriza na hato abasinziriye. Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n’ijwi rya marayika ukomeye n’impanda y’Imana, nuko abapfiriye muri Yesu nibo bazabanza kuzuka, maze natwe abazaba bakiriho basigaye duhereko tujyananwe na bo, tuzamuwe mu bicu gusanganira

Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose. Nuko muranishe imibabaro kubwirana ayo magambo" (1Abatesalonike 4:13-18).

Ntabwo tumeze nk'abapagani ngo dufate iminsi n'amajoro turira nta kindi cyumvikana uretse kuborogera abapfuye kugira ngo tubyutse impuhwe za kimuntu. Ntabwo tugomba kwambara imyambaro yo kwirabura kandi ngo twijime mu maso nk'aho dutandukanye n'incuti zacu n'abavandimwe bacu by'iteka ryose. Yohana aravuga ati, "Aho niho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu. Numva ijwi rivugira mu ijuru rimbwira riti, 'Andika uti, 'Uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu.' Umwuka nawe aravuga ati, 'Yee, ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye nabo ibakurikiye'" (Ibyahishuwe 14:12, 13).

Mbega uburyo amagambo ya Yohana akwiranye n'abo dukunda basinziriye muri Yesu. Umwami wacu arabakunda, kandi amagambo bavuze bakiriho, imirimo bakoranye urukundo izibukwa, ibyo byose abandi bazajya babisubiramo. Kwitanga kwabo babikuye ku mutima bagiraga mu murimo w'Imana bisigiye abandi urugero bagomba gukurikiza, kubera ko Mwuka Muziranenge yabashyizemo kwifuza no gukora ibimushimisha.

"Ariko niba umwuka w'Iyazuye Yesu aba muri mwe, Iyazuye Kristo Yesu izazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'Umwuka wayo uba muri mwe" (Abaroma 8:11). Mbega uburyo aya magambo ari ay'agaciro kenshi ku muntu wese ushavujwe no gupfusha uwe! Kristo ni we Muyobozi wacu n'Umuhumuriza wacu, uduhumuriza mu mibabaro yacu yose. Iyo aduhaye igikombe gisharira tugomba kunywa, anafatira igikombe cy'umugisha ku minwa yacu. Yuzuza umutima kwiyoroshya, ibyishimo n'amahoro mu kwizera, kandi adushoboza kuvuga twiyoroheje tuti, "Mwami wanjye, he kubaho ubushake bwanjye ahubwo ubushake bwawe abe ari bwo bubaho."

"Uwiteka ni we wabimpaye,kandi Uwiteka ni we ubintwaye. Izina ry'Uwiteka rishimwe" (Yobu 1:21). Muri uku kwiyoroshya, ibyiringiro birabyuka kandi ikiganza cyo kwizera kigakomeza ikiganza cy'Imana ihoraho. "Iyazuye Kristo Yesu izazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'Umwuka wayo uba muri mwe" (Abaroma 8:11)".

Imibiri yahambanywe kubora izazuranwa kutabora. Uwahambanye igisuzuguriro uzazukana ikuzo; uwahambanywe intege nke, uzazukana imbaraga, uwahambanywe umubiri usanzwe wa kamere, uzazukana umubiri wa Mwuka. Imibiri ipfa izasubizwamo ubuzima na Mwuka w'Imana uba muri mwe.

Kristo avuga ko abizeye izina rye bose ari abe. Imbaraga itanga ubuzima ya Mwuka wa Kristo uba mu mubiri upfa, yomatanya na Yesu Kristo umuntu wese wizera. Abizera Yesu bose ni inkoramutima ze kubera ko ubugingo bwabo buhishanwe na Kristo mu Mana. Itegeko rizaturuka ku
Mutangabugingo rivuga riti, "Ababa mu mukungugu mwe, nimukanguke muririmbe kuko ikime cyawe kimeze nk'igitonda ku byatsi , kandi ubutaka buzajugunya abapfuye" (Yesaya 26:19).

Mu muzuko wa mbere, Umutangabugingo azahamagara abe yacunguye, kandi kugeza igihe iyo saha yo kunesha izagerera ubwo impanda iheruka izavuga maze ingabo nyinshi zikazazukira insinzi y'iteka ryose, buri ntungane yose isinziriye izakomeza kurindirwa mu mutuzo kandi izarindwa nk'ibuye ry'agaciro rizwi izina n'Imana. Kubw'imbaraga y'Umukiza yababagamo igihe bari bakiri bazima kandi kubera ko bari basangiye kamere y'Imana, bazazurwa mu bapfuye.

Kristo yavuze ko ari Umwana w'Imana w'ikinege, ariko abantu bari bapfukiranwe mu kutizera, baboshwe n'urwikekwe, banze Uwera kandi Ukiranuka. Bamureze gutuka Imana maze bamucira urubanza rwo gupfa urupfu rubi nyamara yaciye iminyururu y'igituro maze azuka mu bapfuye anesheje, kandi ubwo yari asohotse mu mva ya Yozefu yaravuze ati, "Ni njye kuzuka n'ubugingo" (Yohana 11:25). Yari yahawe ubutware bwose mu ijur no mu isi, kandi intungane nazo zizava mu bituro zifite umudendezo muri Yesu. Bazaba ari abantu bakwiriye kuragwa ya si ndetse no kuzurwa mu bapfuye.
"Icyo gihe abakiranutsi bazarabagirana nk'izuba mu bwami bwa Se" (Matayo 13:43).

Mbega uburyo igitondo cy'umuzuko azaba ari cyiza! Mbega ibirori bitangaje bizatangira ubwo Kristo azaba aje gusanganirwa n'abizera! Abafatanyije na

Kristo mu gucishwa bugufi kwe no mu mibabaro ye bazafatanya na we mu ikuzo rye. Kubera ko Kristo yazutse mu bapfuye, intore y'Imana yose yizera isinzirira muri Yesu izazuka ive mu nzu ifungiwemo ifite kunesha. Intore z'Imana zizaba zizutse zizavuga ziti, "Wa rupfu we, urubori rwawe ruri he? Wa rupfu we kunesha kwawe kuri he?" (1Abakorinto 15:55)….

Yesu yanesheje urupfu amena ibihindizo by'igituro kandi abasinziriye mu bituro bose bazasangira uko kunesha. Bazava mu bituro byabo nk'uko Kristo Umuneshi yavuyemo….

NTABWO IMANA YABASIZE

Ncuti zanjye mubabajwe cyane no kubura abanyu, ntabwo Imana yabatereranye ngo urubuga rw'ibigeragezo bya Satani. Nimureke imitima yanyu ibabaye ikingukire kwakira amagambo yo kubahoza aturuka ku Mucunguzi w'umunyambabazi. Yesu arabakunda. Nimwakire imirasire irabagirana ya Zuba ryo Gukiranuka maze muhumurizwe. Nimushime uwazutse mu bapfuye kandi akaba ahoraho iteka ryose abasabira. Yesu Kristo ni Umukiza muzima. Ntabwo ari mu yindi mva nshya ya Yozefu. Yarazutse, yarazutse! No muri uyu munsi w'agahinda kanyu no gupfusha abanyu, nimwishimire ko mufite Umukiza ubabarana namwe mu ntimba zanyu zose. Yaririye ku mva ya Lazaro, kandi ababarana n'abana be bababazwa.

Mu ntambara zose muhura nazo, mu bigeragezo byose no guhagarika umutima biba mu mibereho yanyu, nimugishe Imana inama. Inzira yo kubaha Imana imeze nk'umucyo urabagirana urushaho kumurika mu munsi utunganye. Mukomeze mu nzira yo gukora inshingano yanyu intambwe ku ntambwe. Mushobora kuba mugomba kunyura mu bihanamanga, ariko mukomeze mugende mu nzira yo kwicisha bugufi, kwizera no kwiyanga, musige ibicu byo gushidikanya inyuma yanyu. Ntimukagire agahinda mu buryo bukabije kuko abakiriho bakeneye urukundo rwanyu no kubitaho.

Mwanditswe mu ngabo z'Umwami wacu; nimube abasirikari b'intwari ba Yesu

Kristo. Nimureke amagambo yo kwihana n'indirimbo yo gushima bizamuke bigere imbere y'Imana bimeze nk'umubavu uhumura neza mu buturo bwayo bwo mu ijuru.

Mushobora kutabona ibyo mwiteze, kandi ibyo mushaka n'inzira yanyu ntibyemerwe; nyamara mumenye neza ko Imana ibakunda. Mushobora kugerwaho n'umuriro w'itanura rigurumana, ariko si iryo kubarimbura ahubwo ni iryo gukongora inkamba kugira ngo mubashe kurivamo mumeze nk'izahabu yacishijwe mu muriro incuro ndwi. Muzirikane ko Imana izabaha kuririmba mu ijoro. Bishobora kugaragara ko umwijima ubagose, ariko ntimukwiye kureba ku bicu bibagose. Hirya y'igicu cyijimye hari umucyo umurika iteka. Imana yateguriye umucyo buri muntu wese. Mukingurire urugi rw'umutima ibyiringiro, amahoro n'ibyishimo. Yesu aravuga ati, "Ibyo mbibabwiriye kugira ngo umunezero wanjye ube muri mwe, kandi n'umunezero wanyu ube wuzuye" (Yohana 15:11).

Imana ifitiye buri wese umurimo wihariye agomba gukora, kandi buri wese muri twe ashobora gukora neza umurimo Imana yamushinze. Ku ruhande rwacu ikintu kimwe rukumbi dukwiye gutinya ni uko tutakomeza guhanga

Yesu amaso, ni uko tutakomeza gutumbira ubwiza bw'Imana, ku buryo nituba duhamagariwe kurambika intwaro zacu maze tugasinzirira mu rupfu twazaba tutiteguye kumurika ibyo twakoresheje icyizere twagiriwe.

Ntumuzigere mwibagirwa n'akanya na gato ko muri aba Kristo, baguzwe igiciro kitagira akagero, kandi ko mugomba kumuhesa ikuzo mu mitima yanyu n'imibiri yanyu kuko ari ibye.

NIMUKOMERE

Ndashaka kubwira abashavuye nti, "Nimukomerere mu byiringiro by'igitondo cy'umuzuko." Amazi mwagiye munywaho arabashaririye nk'uko amazi y'I Mara yasharirye abana ba Isirayeli mu butayu, ariko Yesu kubw'urukundo

rwe ashobora gutuma aryoha. Igihe Mose yabwiraga Uhoraho ingorane zibabaje z'abana ba Isirayeli, ntabwo yatanze ibisubizo bimwe kuri izo ngorane, ahubwo yabararikiye guhanga amaso icyari kigiye gukurikiraho kubera ko hariho ibyatsi yari afite yagombaga kujugunya muri ayo mazi kugira ngo iyo soko iryohe kandi ihumanuke. Igihe ibyo byari bimaze gukorwa, abantu bari bababaye babashije kunywa amazi batuje kandi banezerewe.

Imana yatanze umuti womora uruguma rwose. I Gileyadi hari umuti womora kandi hari n'umuvuzi. Mbese ubu ntabwo muziga Ibyanditswe Byera kuruta uko mwabyigaga mbere? Musabe Imana ubwenge mu bibatunguye byose. Mu kigeragezo cyose muhura na cyo, nimusabe Yesu abereke uburyo bwo kuva muri ako kaga, bityo amaso yanyu azahumuka mubashe kubona umuti kandi mu ngorane zanyu mwishingikirize ku masezerano yo gukiza yanditswe mu Ijambo ry'Imana. Muri ubu buryo, ntabwo umwanzi azabona umwanya wo kubatera kubogoza amarira no kutizera, ahubwo muzagira ukwizera, ibyiringiro n'ubutwari mu Mwami wacu. Mwuka Muziranenge azabaha kwitegereza neza kugira ngo mubashe kubona no kwakira umugisha wose uzahindura ubusa intimba, uzaba umeze nk'ishami riryoshya igikombe cyose gisharira kiri ku minwa yanyu. Igikombe cyose gisharira kizavangwa n'urukundo rwa Yesu kandi mu mwanya wo kwivovotera ubusharire, muzabona ko urukundo rwa Yesu n'ubuntu bwe bivanzwe n'umubabaro ku buryo uwo mubabaro wahindutse ibyishimo bizira inenge kandi bitunganye.

Igihe Henry White, umuhungu wacu w'imfura yari aryamye yenda gupfa, yaravuze ati, "Uburiri umuntu aryamyemo ababara cyane ni ahantu heza cyane iyo Yesu akuri iruhande." Iyo bibaye ngombwa ko tunywa amazi arura, zibukira ibirura urebe ibiryoshye n'ibirabagirana. Mu bigeragezo, ubuntu bw'Imana bushobora guha ibyiringiro umutima w'umuntu, kandi iyo duhagaze ku buriri bw'umuntu uri gusamba maze tukareba uburyo Umukristo ashobora kwihanganira umubabaro kandi agaca mu gikombe cy'urupfu, dushyira hamwe imbaraga n'umuhati kugira ngo dukore kandi ntiducogora cyangwa ngo ducike intege kuyobora abantu kuri Yesu. – Letter 65a, 1894.

ABAHUMURIZA BEZA

Abantu bihanganiye agahinda gakomeye akenshi nibo bahumuriza abandi mu buryo bukomeye, bakajyana umucyo aho bajya hose. Abantu nk'abo batewe kwiyoroshya n'imibabaro yabo. Ntabwo bigeze bareka kwiringira Imana igihe ibyago byari bibugarije ahubwo barushijeho komatana n'urukundo rwayo rubarinda. Abantu nk'abo ni igihamya gihoraho cyo kwitabwaho n'Imana mu rukundo yo ihindura umwijima umucyo kandi ikaducyaha igambiriye kutugirira neza. Kristo ni umucyo w'isi; muri we nta mwijima ubamo! Nimusezere ku mubabaro no kwivovota. Mwishimire mu Mwami iminsi yose, nongeye kubivuga nti, 'Mwishime.' –*Health Reformer*, vol. 12, No, 10, October, 1877.

UMUGABANE WA VII

GUKORESHA IBIKENERWA MU BUVUZI

IJAMBO RY'IBANZE

Nyuma y'igihe gito hashinzwe Inteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi muri Gicurasi, 1863, ubwo itorero ryari rifite abizera 3500, Ellen G. White yagize iyerekwa rirarikira Abadiventisiti kwita ku kamaro k'ubuzima buzira umuze ndetse no ku isano ya bugufi iri hagati yo kugubwa neza mu by'umubiri n'ibya Mwuka. Umucyo watanzwe wavuze ku bintu byinshi by'ingenzi mu kubaho k'umuntu, hakubiyemo imirire, akamaro k'umwuka mwiza, gukoresha amazi, imyambaro ituma umuntu agira amagara mazima, imyitozo ngororangingo, ikiruhuko n'ibindi. Ingingo ikomeye yari muri uku guhishurirwa kw'ingenzi kwabaye ku ya 6 Kamena 1863, yari umucyo ku byerekeye ingaruka mbi ziterwa n'imiti y'uburozi abaganga bakunze gutanga.

Mu myaka yakurikiyeho, iyerekwa rikomeye ry'ingenzi ku ivugurura mu buzima ryakurikiwe n'andi mayerekwa menshi agaragaza mu buryo busesenguye amahame yagombye gukurikizwa mu byerekeye kubungabunga amagara mazima, kwita ku barwayi, guhamagarirwa gushinga ibigo by'ubuvuzi ndetse n'uburyo Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bakwiriye kuyobora ibyo bigo hiyongereyeho n'uko ayo mahame yakoreshwa.

Ellen White yanditse byinshi byerekeye izi ngingo. Ibyo yanditse bwa mbere byasohotse mu mwaka wa 1864 mu gitabo cyitwa "*Impano za Mwuka*" (*Spiritual Gifts,* vol 4, pp 120 -151) mu ngingo ifite umutwe uvuga ngo "Ubuzima." Ellen White yongeye kuvuga kuri iyi ngingo y'amapaji mirongo itatu mu zindi nyandiko 6 zitandukanye zagombaga kwandikwa zifite umutwe rusange uvuga "Indwara n'Ibizitera." Mu mwaka wa 1865, izi ngingo zakusanyirijwe mu dutabo duto dutandatu twagiye dukurikirana bikozwe na Ellen White n'umugabo we. Utwo dutabo twari dufite umutwe uvuga ngo, "*Ubuzima n'Uburyo bwo kubaho.*" Uko ibihe byahaga ibindi mu myaka myinshi yakurikiyeho ibinyamakuru byinshi byo mu itorero byagiye bigaragaramo ingingo zanditswe na Ellen G. White avuga ku buzima. Mu mwaka wa 1890, yatanze ubutumwa bwumvikana bwerekeye ubuzima abwandika mu mugabane wa mbere w'igitabo cyitwaga, '*Ukwirinda kwa Gikristo n'Isuku*
ivugwa muri Bibiliya.' Mu mwaka wa 1905 yanditse *Rengera*

Ubuzima ari cyo gitabo cye gihebuje ibindi kivuga ku buzima. Yari agambiriye ko iki gitabo gikwirakwizwa cyane muri Amerika no bindi bihugu.

Muri buri ngingo rusange Ellen White yagiye yandika ku buzima, yavuze ku miti irimo uburozi ndetse n'imikoreshereze yayo mu kuvura abarwayi. Iyi ngingo (yagaragaraga cyane mu iyerekwa rye ku ivugurura mu buzima) yavugwaga mu mapaji umunani muri mirongo itatu yari agize inyandiko ye ya mbere y'*Impano za Mwuka.* Ingingo ivuga ku miti yayihaye igice cyose mu byo yanditse ku "Ndwara n'Ibizitera."

Ntabwo icyo gihe Ellen White ari we wavugaga wenyine. Hariho abaganga bamwe bo hakurya no hakuno y'inyanja ya Atalantika bavuze ko iyo miti itagenzuwe neza kandi batunga agatoki imikoreshereze y'imiti irimo uburozi ikunze gukoreshwa. Umusaruro wavuyemo ni uko hagiye haba impinduka buhoro buhoro mu byerekeye gukoresha imiti bavura abarwayi. Izi mpinduka zarihuse cyane kandi ziza gukomera mu myaka yakurikiye itangira ry'ikinyejana cya makumyabiri ubwo imyigire mu buvuzi bugezweho yateraga imbere ijyanirana n'ubuhanga buhanitse n'ubucukumbuzi. Mu nyandiko yanditse mbere, by'umwihariko Ellen White yavuze ingingo zikomeye ku byerekeye abaganga bo muri icyo gihe no ku mikoreshereze y'imiti. Kugira ngo tugenzure ibyo neza, tugomba kugira ibyo tumenya ku byerekeye imikorere y'ubuvuzi y'icyo gihe izo ngingo zavugwaga. Ubwo bumenyi twabukura mu gusoma ibyanditswe ku buvuzi muri ibyo bihe, ndetse no mu gitabo kiriho ubu cyanditswe na D. E. Robinson cyitwa *Igitekerezo cy'Ubutumwa bwacu ku Buzima (Story of Our Health Message, pp 13-27).*

Mu bitabo yanditse avuga by'umwihariko ku bibazo by'itorero, umurimo waryo n'abizera baryo, Ellen White akoresha umwanya munini avuga ku buzima no kwita ku barwayi kurusha uko atinda ku yindi ngingo. Izi nama yanditse zakwirakwijwe mu bantu benshi zanditswe ku mapaji asaga ibihumbi bibiri y'ibitabo bikurikira: *Rengera Ubuzima, Umurimo w'Ubuvuzi (Medical Ministry), Inama ku Mirire no ku Byokurya (Counsels on Health and Foods), Inama ku Buzima (Counsels on Health), Kwirinda (Temperance)* ndetse no mu ngingo zimwe zo Bihamya by'Itorero *(Testimonies for the Church).* Umusomyi arangiwe ibyo bitabo kugira ngo agire ishusho ishyitse kandi itunganye y'ubutumwa ku ivugurura mu by'ubuzima.

Muri iki gitabo hashyizwemo ibice bine bigizwe n'amagambo yakuwe mu nyandiko zitandukanye (zimwe zashyizwe ahagaragara naho izindi ntizirasohoka) zandikirwaga cyane cyane abakozi mu by'ubuvuzi bo mu bigo byacu. Izo nyandiko zigaragaza uburyo Ellen G. White ubwe akoresha amahame yahishuriwe mu iyerekwa yagize. Mu magambo atandukanye yanditse ku ngingo yo kwita ku barwayi, yadushyize imbere intego twari dukwiriye guharanira kugeraho. Na none kandi nk'uko bigaragazwa

n’amagambo akoresha, Ellen White azirikana ko hagiye habaho ibihe bidasanzwe aho byumvikanaga kandi bikaba byari ngombwa gukoresha imiti ndetse n’iyari izwi ho kuba ifite uburozi.

Ni iby’agaciro kubona Ellen White atwizeza ko Kristo n’abamarayika baba bari mu cyumba cy’ibagiro bafasha kandi bayobora umuganga w’Umukristo wejejwe igihe akora umurimo we wo kubaga. Mbere yo kubaga umuntu bamusinzirije wese, umubiri wose uba wuzuye umuti ufite imbaraga, ndetse mu magambo make ni umuti wangiza kugeza ku rwego rw’uko umuntu aba atumva byose. Muri ubwo buryo kandi, nyuma yo kubaga umuntu umuganga ashobora kubona ko ari ngombwa gutera umurwayi imiti kugira ngo amuzanzamure cyangwa ngo amurinde kugwa agacuho, uburibwe bukabije, guhungabana bitewe no kubagwa ndetse rimwe na rimwe no kuba yapfa. Igihe baharanira kumenya no gukurikiza ubusha ke bw’Imana, ntabwo ari abantu benshi muri iki gihe basaba ubufasha bumeze nk’ubwo tubona mu magambo umunyeshuri wigaga iby’ubuvuzi yandikiye Ellen G. White amubaza ku byerekeye gukoresha imiti. Mu rwandiko rw’uwo munyeshuri yaravuze ati:

“Duhereye ku byo twize mu *Bihamya* ndetse no mu gatabo gato kitwa *How to Live (Uburyo bwo Kubaho)*”, dusanga ko Uhoraho arwanya cyane ko dukoresha imiti mu murimo wacu w’ubuvuzi……Abenshi mu banyeshuri bafite ugushidikanya ku busobanuro bw’ijambo “imiti” nk’uko ryavuzwe muri ka gatabo kitwa *Uburyo bwo Kubaho.* Mbese ririya jambo ryerekeje ku miti ikomeye nka merikire (mercury), sitirikinine (strychnine), arisenike (arsenic) n’ubundi burozi nk’ubwo twebwe abiga iby’ubuvuzi twita “imiti”, cyangwa se iryo jambo ryaba rinavuga ku miti yoroheje nka potasiyumu, iyodine n’indi? Tuzi ko kugera ku ntego kwacu kuzajyanirana n’uko dukurikiza inzira zatanzwe n’Imana.”

Ingingo ya mbere y’umugabane wa 28 w’iki gitabo ari nawo ugiye guhita ukurikiraho, igizwe n’igisubizo Ellen White yahaye uriya munyeshuri wigaga iby’ubuvuzi. –ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA E. G. WHITE.

IGICE CYA 28 :IBYAVUZWE KU GUKORESHA IMITI

IGISUBIZO CYATANZWE KU BIBAZO CYEREKEYE IMITI

Ndakubwira ko ibibazo wabajije byasubijwe mu buryo burambuye, ariko budaheraheje mu gitabo cyitwa *Uburyo bwo Kubaho.'* Imiti y'uburozi isobanuye iriya miti wavuze. Imiti idakomeye nta ngaruka nyinshi itera ugereranyije no koroha kwayo, ariko akenshi iyi miti ikoreshwa iyo nta kindi cyakorwa. Hariho ibyatsi n'imizi buri muryango wose ushobora kwikoreshereza bityo ntibakenere kwitabaza umuganga nk'uko bakenera umucamanza. Ntabwo ntekereza ko nshobora kukubwira imiti runaka yakozwe n'abaganga yaba itangiriza na gato. Nyamara na none byaba ari ubupfapfa kujya impaka kuri iyi ngingo.

Abaganga baba bakorana umutima mwiza rwose iyo bakoresha iyo miti, ari njye sinshyigikiye rwose kuyikoresha. Ntabwo ikiza, ahubwo ishobora gutuma ikibazo cyari gihari gishobora kurushaho kuba kibi. Abantu benshi batanga iyo miti ntibashobora kuyikoresha bo ubwabo cyangwa ngo bayihe abana babo.

Niba bafite ubumenyi nyakuri ku byerekeye umubiri w'umuntu, niba basobanukiwe imiterere yoroshye kandi itangaje y'umubiri w'umuntu, bagomba kumenya ko twaremwe mu buryo butangaje kandi ko nta gace na gato k'iyo miti ikaze kagombye kwinjizwa muri uyu mubiri w'umuntu.

Ubwo iki kibazo cyari kiri imbere yanjye kandi mfite n'umutwaro uremereye w'ingaruka z'imiti y'uburozi, nahawe umucyo uvuga ko Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi bakwiriye gushinga ibigo by'ubuvuzi bakirengagiza iyo miti yangiza ubuzima, kandi abaganga bakwiriye kuvura abarwayi bashingiye mu mahame y'isuku. Inshingano ikomeye ikwiriye kuba iyo kugira abaforomo babitojwe neza ndetse n'abaganga babishoboye bo gutoza "itegeko rikurikirwa n'irindi, itegeko ku itegeko, umurongo ku murongo, n'umurongo ku murongo, aha bikeya na hariya bikeya" (Yesaya 28:10).

Mutoze abantu gukosora ibyo bamenyereye ndetse n'imikorere ikwiye mu by'ubuzima muzirikana ko kwirinda biruta kwivuza. Gusoma no kwiga ibyerekeye iyi ngingo bizaba ingirakamaro cyane. –Letter 17a, 1893.

IZINDI NGINGO ZITANGA UBUSOBANURO

Mbese iyo miti yaba itera ingaruka mbi mu mubiri? –Nta kintu gitera ingaruka mbi gikwiriye gushyirwa mu mubiri w'umuntu. –*Medical Ministry*, p 228 (Manuscript 162, ingingo ivuga "Uburyo bwo kuyobora amavuriro," 1897).

Imiti iva mu bimera ishobora gufasha imikorere isanzwe y'umubiri kandi ntiwusigire ingaruka mbi hanyuma yo kuyikoresha. –Ibaruwa 82, 1897 (Yandikiwe Dogiteri J. D. Kellogg).

Imiti ishyira uburozi mu maraso.

Mu mavuriro yacu, dutanga inama ko hakoreshwa imiti yoroheje ikomoka ku bimera. Ntabwo dushyigikira gukoresha imiti yo mu nganda kubera ko ihumanya amaraso. Muri ibyo bigo by'ubuvuzi hakwiriye gutangwa amabwiriza yumvikana yerekeye imirire, iminywere, imyambarire ndetse n'uburyo bwo kubaho butuma umuntu akomeza kugira amagara mazima. Counsels on Diet and Foods, p.303 (Ikibwirizwa cyabwiririjwe i Lodi, muri California, ku wa 9 Gicurasi 1908).

Ntimukagerageze gukemura ibibazo by'umubiri muwongerera umutwaro wo kuwushyiramo imiti irimo uburozi. –*Ministry of Healing*, p. 235 (1905).

Umuti wose waba ugira ingaruka zikomeye ku mubiri.- Iyo umuti ugira ingaruka mbi ku mubiri ushyizwe mu gifu cy'umuntu, waba ufashwe hakurikijwe amabwiriza y'abaganga cyangwa umuntu awihaye ku giti cye, ugirira nabi umubiri w'umuntu ukangiza imikorere yose y'umubiri. –Manuscript 3, 1897 (General Manuscript).

Kwangiza imbaraga zibeshaho umubiri. Igihe cyose imiti irimo uburozi ishobora kwangiza no gusenya imbaraga zibeshaho umubiri. –*Medical Ministry*, p.223.

Imiti irimo uburozi isiga ingaruka mbi. –Abagaragu b'Imana ntibari bakwiye gutanga imiti bazi neza ko izasiga ingaruka mbi ku mubiri nubwo iyo miti yaba yoroshya ububabare bw'ako kanya. Buri muti wose urimo uburozi uboneka mu bimera cyangwa mu bindi biba mu butaka iyo ushyizwe mu mubiri, uzasigamo ingaruka zawo mbi, byangiza umwijima n'ibihaha maze bigahungabanya umubiri wose muri rusange. –*Spiritual Gifts*, vol.4, p.140 (1864).

Ingaruka zishobora guteza urupfu z'imiti irimo uburozi. – Imiti yoroheje iva mu byaremwe izafasha mu gukiza umuntu idasize ingaruka zishobora kwica umubiri zikunze akenshi kugaragara ku bakoreshya imiti irimo uburozi. Iyo miti isenya ubushobozi bw'umubiri w'umurwayi bwo kurwanya indwara ubwawo. Abarwayi bagomba kwigishwa gukoresha ubu bushobozi bw'umubiri bitoza kurya ibyokurya byoroheje kandi bitera amagara mazima, banga kuzuza igifu ibyokurya by'amoko menshi mu igaburo rimwe. Ibi bintu byose byari bikwiriye kugaragara mu nyigisho zihabwa abarwayi. Hari hakwiye gutangwa ibiganiro bigaragaza uburyo bwo kubungabunga ubuzima, kwirinda indwara ndetse n'uburyo bwo kuruhuka igihe ikiruhuko gikenewe. – Ibaruwa 82, 1908 (Iyi ni ibaruwa yandikiwe abaganga n'umuyobozi bo ku bitaro bya Loma Linda).

INAMA YATANZWE KU GUKORESHA IMITI

Ikenewe rimwe na rimwe- Muyikoreshe incuro nke cyane. – Kuvurisha imiti nk'uko muri rusange bikunze gukorwa, ubwabyo ni umuvumo. Mwigishe abantu kudakoresha imiti irimo uburozi. Muyikoreshe incuro nke cyane, ahubwo mwite cyane ku byerekeye isuku; bityo ibyaremwe bizunganira abaganga Imana yateganyije ari bo umwuka mwiza, amazi meza, imyitozo ngororangingo ikwiye ndetse n'intekerezo zitunganye. Abantu bakomeza gukoresha icyayi, ikawa n'inyama bazakenera imiti, nyamara abantu benshi bashobora gukira uburwayi batiriwe bakenera n'ikinini kimwe iyaba

bumviraga amategeko agenga ubuzima. Imiti ikenewe gukoreshwa rimwe na rimwe.[3] –*Counsels on Health*, p. 261 (1890).

Mushake uko mugabanya gukoresha iyo miti. Mu murimo wabo abaganga bari bakwiriye gushaka uburyo barushako kugabanya gukoresha imiti irimo uburozi mu mwanya wo kuyongera. Igihe muganga A yazaga mu mwiherero wigaga iby'ubuzima yirengagije ibyo yari azi ku isuku n'imikoreshereze yayo, maze kuri buri burwayi bwose yajyaga avura akajya atanga umuti muke ugira ingaruka ku mubiri. Ibi byari bihabanye n'umucyo Imana yatanze. Muri ubwo buryo, abantu bacu bari barigishijwe kwirinda imiti yafi ya yose bahabwaga inyigisho itandukanye n'iyo bari bazi. Ibaruwa 26a, 1889 (Iyi baruwa yandikiwe umuganga ukomeye wakoraga mu kigo cyacu cy'ubuvuzi)
.

Ntabwo imiti ikaze ikeneye gukoreshwa. Imirimo ya mbere umuganga yari akwiye gukora ni ukwigisha abarwayi inzira bakwiye gukurikiza kugira ngo birinde indwara. Ikintu kiruta ibindi twakora ni ukugerageza gusobanurira abantu bose duhura nabo inzira nziza bakurikiza kugira ngo birinde indwara n'umubabaro, ubuzima bufite umuze ndetse n'urupfu rw'imburagihe.
Nyamara abantu batita ku gukora umurimo ubasaba imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge bazaba biteguye gutanga imiti iba urufatiro mu mubiri w'umuntu rw'ingorane zikomeye kuruta izo bibwiraga ko bashaka gukiza.

Umuganga ufite ubutwari bwo gushyira mu kaga uko abantu bamuzi asobanurira abantu akoresheje ingero zigaragara yerekana imiterere y'indwara n'uburyo bwo kuyirinda kandi akagaragaza n'imikorere mibi yo

[3] Amagambo yuzuzanya n'aya ni inama Ellen White yatanze igihe bamubazaga ibyerekeye gukoresha kinini mu kuvura malariya. Umuhungu we bagendanaga amufasha yaranditse ati: "Igihe kimwe ubwo twari muri Australia, hari umumisiyoneri wabwirizaga muri icyo kirwa wabwiye mama iby'uburwayi n'urupfu rw'umuhngu we w'imfura. Uwo mwana yarembejwe na malariya maze umubyeyi we agirwa inama yo kumuha kinini, ariko agendeye ku nama yatanzwe mu *Bihamya by'Itorero* ivuga ibyo kwirinda gukoresha kinini, yanze kuyimuha maze umwana arapfa.Ubwo uyu mubyeyi yahuraga na Ellen White yaramubajije ati: 'Mbese nari kuba nkoze icyaha iyo nza guha umwana wanjye kinini mu gihe nta bundi buryo nari nzi bwo kuvura malariya kandi bikaba byagaragaraga ko aramutse adahawe kinini yapfa?' Ellen White yarasubije ati, 'Oya, twitezweho gukora ibyiza dushobora byose.'" – Ibaruwa yanditswe na W.C.White kuwa 10 Nzeri, 1935. –ABAKUSANYIJE INYANDIKO.

kwifashisha imiti, bizamusaba gukoresha imbaraga nyinshi cyane ariko azakomeza kubaho kandi abesheho abandi…..Niba ari umuntu uharanira ivugurura, azavuga yeruye ku byerekeye irari ribi ry'inda, no kwinezeza kurimbura mu birebana n'imyambarire, imirire, iminywere, gukora birengeje urugero mu gihe runaka bifite ingaruka mbi ku myifatire, ku mbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge…..

Ibyo umuntu yamenyereye gukora byiza kandi bitundanye bishyizwe mu bikorwa mu bushishozi no kwihangana, bizajya bikuraho intandaro z'uburwayi kandi imiti ikaze ntizakenerwa kwifashishwa. Abantu benshi bakomeza kugenda barushaho gusayisha mu buryo budasanzwe maze uko byagenda kose nabyo bigateza imibereho idasanzwe. –*Medical Ministry*, pp. 221, 222.

Nk'uko bikorwa muri rusange. Nk'uko bikorwa muri rysange kuvurisha imiti irimo uburozi ni umuvumo. –*Healthful Living*, p.246 (1887).

Iteza ingorane nke iyo ikoreshejwe neza. Ntimugakoreshe imiti irimo uburozi. Ni iby'ukuri ko idashobora guteza ingorane nk'uko isanzwe izitera iramutse ikoreshejwe neza. Nyamara mu maboko ya benshi iyo miti izatera ububabare abantu b'Imana. –Ibaruwa 3, 1844 (Iyi baruwa yandikiwe abakozi bakoraga ku ivuriro ry'ahitwa St. Helena).

Iyo miti yari ikwiye kurekwa burundu. Ibigo byacu byashinzwe kugira ngo abarwayi babashe kuvurwa hifashishijwe uburyo bw'isuku, gukoresha imiti irimo uburozi bikarekwa hafi burundu. …Abantu baha agaciro gake ubuzima bw'umuntu bavura umubiri ntacyo bitayeho mu gutanga imiti irimo uburozi, bafite ibyo bazamurikira Imana bibabaje. …Nta rwitwazo dufite niba kubera kwirengagiza dusenya inzu y'Imana dushyira mu bifu byacu imiti irimo uburozi ifite amazina atandukanye tudasobanukiwe. Ni inshingano yacu kwanga imiti nk'iyo yose.

Turifuza kubana ivuriro muri Australia aho indwara zishobora kuvurwa hifashishijwe ibyo dukura mu byaremwe gusa kandi abantu bakigishwa uburyo bwo kwivura baramutse barwaye, aho bazigira kurya bakurikije amategeko yo kwirinda bakarya ibiribwa bifitiye umubiri akamaro, kandi

bakigishwa kuzibikira ibiyobyabwenge by'amoko yose nk'icyayi, ikawa, ibinyobwa bisembuye ndetse n'ibikabuzi by'ubwoko bwose. Bazigishwa kandi kureka inyama z'inyamaswa zapfuye. –*Temperance*, pp 88, 89.

Bikwiye bitunganye- Amaherezo nimureke gukwirakwiza imiti irimo uburozi.-

Nimusobanukirwa neza n'imikorere y'umubiri neza, impapuro mugurishirizaho imiti zizarushaho kugabanyuka kandi amaherezo muzahagarika gutanga imiti. Umuganga wishingikiriza ku kuvurisha imiti mu muriwe, aba agaragaza ko aba adasobankiwe n'imikorere y'umubiri w'umuntu. Aba ashyira muri uwo mubiri imbuto itazigera itakaza ubushobozi bwayo bwo kwangiza mu gihe cyose cyo kubaho k'umuntu. Ndababwira ibi kubera ko ntahangara kubiceceka. Kristo yatanze igiciro kitagerwa kugira ngo acungure umuntu ku buryo bidakwiriye gufata umubiri we muri ubwo buryo butagize icyo bwitaho nk'uko byagiye bigenda mu kuvurisha imiti.

Mu myaka yashize Uhoraho yampishuriye ko ibigo by'ubuvuzi byagombye gushingirwa kuvura abarwayi hadakorejwe imiti. Umuntu ni umutungo w'Imana kandi kurimbura kwagiye gukorerwa umubiri w'umuntu ndetse n'umubabaro uterwa n'imbuto z'urupfu zibibwa muri uwo mubiri, ibyo byose ni icyaha ku Mana. –*Medical Ministry,* p. 229 (Ubutumwa bwandikiwe umuganga n'umugore, 1896).

IMANA MU CYUMBA CY'IBAGIRO

Kristo mu cyumba cy'ibagiro. Mbere yo gukora igikorwa cyo kubaga gikomeye, nimucyo umuganga abanze asabe gufashwa na Yesu we Muganga ukomeye. Nimureke yizeze umurwayi ko Imana ishobora kumukura muri icyo ikorwa gikomeye kandi ko mu bihe byose by'umubabaro ari yo buhungiro nyakuri bw'abayiringira. –*Ministry of Healing*, p. 118 (1905).

Umukiza aba ari mu cyumba cy'umurwayi no mu cyumba cy'ibagiro kandi kubw'ikuzo ry'izina rye, imbaraga ye izakora ibikomeye.- Manuscript 159, 1899.

Kubaga umurwayi si uguhakana kwizera. –Ni amahirwe yacu gukoresha uburyo bwose Imana yashyizeho mu bijyanye no kwizera kwacu, maze igihe twamaze gusaba gusohorezwa isezerano ryayo tukayiringira. Niba ari ngombwa ko habaho kubaga umurwayi kandi umuganga akaba ashaka gukora icyo gikorwa, kubikora si uguhakana kwizera. Igihe umurwayi amaze kwegurira ubushake bwe mu bushake bw'Imana, nimumureke yizere, yegere Umuganga Mukuru, Umuvuzi uruta abandi kandi nawe ubwe yitange yizeye rwose. Imana izagororera ukwizera k'uwo murwayi mu buryo ibona ko buhesha izina ryayo ikuzo. "Ugushikamijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye. Mujye mwiringira Umwami iminsi yose, kuko Umwami Yehova nyine ari we Rutare ruhoraho iteka ryose" (Yesaya 26:3, 4)-Manuscript 67, 1899.

YESU YAYOBOYE IBIGANZA BYAWE

Ni nde wakubaye iruhande ubwo wakoraga ibyo bikorwa bikomeye byo kubaga? Ni nde watumye ukomeza gutuza no gushyitsa umutima hamwe igihe byari bikomeye maze akaguha gusobanukirwa vuba, akaguha kwitegereza neza, umubiri wawe ukagira gutuza kandi akaguha ubuhanga bwo guhamya neza intego wabaga ushaka kugeraho? Umwami Yesu yohereje marayika we ngo akube iruhande akwereke ibyo ukwiriye gukora. Yarambikaga ikiganza cye ku cyawe. Si wowe ahubwo Yesu ubwe ni we wayoboraga ibikoresho yakoreshaga. Igihe wasobanukirwaga ibi wahitaga ugira gutuza bitangaje. Ntiwahangaraga guhubuka, ariko kandi wakoraga wihuse uzi ko nta gahe na gato ko gupfusha ubusa. Umwami wacu yaguhaye umugisha mu buryo bukomeye.-*Testimonies,* vol.8, pp. 187, 188. (Ubu bwari ubutumwa bwandikiwe umuganga mukuru wo ku ivuriro rya Battle Creek mu 1899).

Ubwo wahangaga Imana amaso ubwo wari mu gikorwa gikomeye cyo kubaga,
abamarayika b'Imana bari bahagaze iruhande rwawe, kandi ibiganza byabo byagaragaye ubwo ikiganza cyawe cyakoraga umurimo mu buryo butunganye bigatangaza ababyitegerezaga. –Ibaruwa 73, 1899 (Yandikiwe umuganga wavuzwe haraguru).

Ijuru riba iruhande rw'umuganga rimwitegereza.- Kristo ni we muvugabutumwa w'umuganga uruta abandi wigeze ubaho. Ntabwo yigeze agira uburwayi bumunanira gukiza. Asobanukiwe neza uburyo bwo guha imbaraga no kuyobora abaganga muri uyu murimo. Igihe bakora umurimo wo kubaga bitaboroheye aba ahaze iruhande rwabo. Tuzi ko uko ari ko bimeze. Yakijije ubugingo bwa benshi bwashoboraga gupfa iyo icyuma kiyoba akanya gato kangana n'agasatsi kamwe. Abamarayika b'Imana bahora bita ku bo Kristo yatangiye ubugingo bwe.

Imana iha abaganga bakora uyu murimo ubuhanga no gukora neza kubera ko baba bayikorera. Bazi ko ubuhanga bafite atari ubwabo bwite ko ahubwo buturuka mu ijuru. Basobanukirwa ko iruhande rwabo hari Ubitegereza aturutse mu ijuru, agaha ubwenge abaganga bamukorera, akabashoboza kugendana ubwenge n'ubushishozi mu murimo wabo. –Manuscript 28, 1901 (Aya magambo yandikiwe abakozi bo ku ivuriro rya St. Helena).

IGICE CYA 29:GUKORESHA IMITI ITURUKA MU BIMERA

KOROSHYA UBURIBWE NO KUZAHURA UBUZIMA

Mukoreshe uburyo bwose bworoheje. –Ntabwo byaba ari uguhakana kwizera hakoreshejwe imiti nk'iyo ituruka mu bimera nk'uko Imana yayitanze kugira ngo yoroshye uburibwe kandi ifashe ibyaremwe mu murimo wabyo wo kuzahura ubuzima. Ku barwayi basaba gusengerwa kugira ngo bakire, gukorana n'Imana no kwifata mu buryo bubafasha kuzahuka ntabwo ari uguhakana kwizera. Imana yashyize mu bushobozi bwacu uburyo bwo kwakira ubumenyi bwerekeye amategeko agenga ubuzima. Ubu bumenyi buri aho dushobora kugera kugira ngo tubukoreshe. Dukwiriye gukoresha uburyo bwose dufite kugira ngo tuzahure ubuzima, tugakoresha amahirwe yose ashoboka dufite, tugakora dukurikije amategko agenga ibyaremwe. – *Ministry of Healing*, pp231, 233 (1905).

Gukoresha ibyangombwa bitwegereye. - Igitekerezo ufite cy'uko nta miti ikomoka mu bimera yari ikwiye guhabwa abarwayi ni igitekerezo kitari ukuri. Ntabwo Imana ikiza abarwayi itifashishije ibyangombwa byo kuvura biri hafi y'umuntu ; cyangwa ngo ikize abarwayi kandi banga gukoresha uburyo bworoheje Imana yatanze buri mu mwuka mwiza no mu mazi meza.

Ubwo Yesu yari ku isi ndetse no mu bihe by'intumwa hariho abaganga. Luka yitwa umuganga ukundwa. Yizeraga Imana ngo imuhe ubuhanga bwo gukoresha imiti ikomoka mu bimera.

Igihe Imana yabwiraga Hezekiya ko imwongeye imyaka cumi n'itanu yo kubaho, yamuhaye ikimenyetso cyerekena ko izasohoza isezerano ryayo maze ituma izuba risubira inyuma ho intambwe cumi. Ni kuki Imana itahise imushyiramo imbaraga yayo ikiza ? Imana yamubwiye gushyira umubumbe w'imbuto z'umutini mu kirashi yari arwaye kandi uwo muti uvuye mu bimera wahawe umugisha n'Imana maze uramukiza. Imana yo nkomoko y'ibyaremwe muri iki gihe iyobora abantu gukoresha imiti ikomoka mu bimera.

Musaza wanjye nari nkwiriye kuvuga byinshi kuri iki kibazo, ariko mpagarariye ku ngeronke ntanze. Bityo rero kurikiza ibivugwa ku buryo bubiri bwo gukoresha amakara. (Birebe mu mugabane ukurikiyeho wa 30).

Ibi bintu byose bitwigisha ko tugomba kugira ubushishozi cyane. Ngomba kubaha ibitekerezo ufite ku byerekeye kuvurisha imiti yo mu nganda ; nyamara no muri ibi ntabwo iteka ugomba gutuma abarwayi bamenya ko utemera rwose imiti ikorerwa mu nganda bataragira ubumenyi buhagije kuri iyi ngingo. Iyo uvuga ibyo wemera byose, akenshi uba ushyira mu kaga icyizere abantu bagufitiye kandi nta cyiza na kimwe bizana. Kubw'ibyo uba witadukanije n'abantu. Wari ukwiye guhindura imyumvire yawe ikomeye. –Ibaruwa 182, 1899. (Iyi baruwa yandikiwe umukozi wari mu murimo mu gihugu cya kure).

Uburyo bw'Imana bwo kuvura. –Hariho uburyo bwinshi bwo kuvura, ariko kandi hari ho uburyo bumwe rukumbi Imana yemera. Uburyo bw'Imana ni ibyangombwa byoroheje dusanga mu byaremwe bitazasaba imbaraga kandi ngo bice intege imikorere y'umubiri binyuze mu miterere yabyo ikaze. Umwuka mwiza, isuku, indyo itunganye, ugutungana k'ubugingo no kwirigira Imana udakebakeba ni uburyo bwo kuvura abantu ibihumbi byinshi bapfa nyamara bari babukeneye. Nyamara ubwo buryo bugenda buva ku gihe bitewe n'uko imikoreshereze yabwo igengwa n'ubwitonzi isaba umurimo abantu badakunda. Umwuka mwiza, imyitozo ngororangingo, amazi meza kandi asukuye ndetse n'amasezerano meza y'Imana biri aho abantu bose babishyikira kandi bibasabye ikintu gito cyane. Nyamara imiti ikorerwa mu nganda irahenda byaba ku mafaranga ayitangwaho no ku ngaruka itera umubiri. –*Testimonies*, vol. 5, p.443 (1885).

Gukoresha imiti uburyo bworoheje. –Ibyaremwe bizakenera ubufasha bumwe kugira ngo bitume ibintu bigenda uko bikwiriye. Ubwo bufasha bushobora kuboneka mu byangombwa byoroheje cyane, ariko by'umwihariko mu gukoresha ibitangwa n'ibyaremwe ubwabyo harimo umwuka mwiza n'ubumenyi buhagije bwerekeye uburyo bwo guhumeka; amazi meza n'ubumenyi bwo kuyakoresha, umucyo w'izuba uhagije muri

buri cyumba cy'inzu aho bishoboka ndetse n'ubumenyi buhagije bwerekeye inyungu ziva mu gukoresha uwo mucyo. Ibi byose bifite imbaraga mu mikorere myiza yabyo kandi umurwayi ufite ubumenyi bwerekeye uburyo bwo kurya no kwambara imyenda imutera amagara mazima, ashobora kubaho atuje, afite amahoro n'amagara mazima kandi ntabwo azagera aho ashyira imiti irimo uburozi mu kanwa ke yangiza imbaraga z'umubiri mu mwanya wo kuwufasha. Iyaba abarwayi n'abababaye babashaga gukora uko bazi mu byerekeye kubaho bakurikiza amabwiriza y'ivugurura mu buzima bihanganye, habaho abarwayi icyenda mu icumi bakira uburwayi bwabo. – *Medical Ministry,* pp.223, 224.
(Manuscript 22, 1889).

IBYANGOMBWA BYO KWIVUZA BIRI MU BYAREMWE

Kuvurisha amazi n'ibimera byoroheje. Uhoraho yatwigishije ko uburyo bukomeye bugera ku ntego yo kuvura buri mu gukoresha amazi neza. Ubwo buryo bwo kuvura bwari bukwiye gukoreshwa mu bwitonzi. Twahawe amabwiriza ko mu buryo bwacu bwo kuvura abarwayi twari dukwiriye kwirengagiza gukoresha imiti ikorerwa mu nganda. Hari ibimera byoroheje bishobora gukoreshwa mu kuvura umurwayi bifite ingaruka ku mubiri itandukanye cyane n'iy'imiti ishyira uburozi mu maraso kandi igashyira ubuzima mu kaga.- *Manuscript* 73, 1908.

Imiti isukura umubiri. – Ntabwo Kristo yigeze abiba imbuto y'urupfu mu mubiri. Satani ni we wateye izo mbuto ubwo yashukaga Adamu akarya ku giti kimenyekanisha ubwenge ibyo bikaba byari bisobanuye gusuzugura Imana.
Nta kimera na kimwe kibamo uburozi cyari kiri mu ngobyi y'Imana, ariko Adamu na Eva bamaze gucumura ibyatsi birimo uburozi byarameze. Mu mugani w'umubibyi, umutware nyiri umurima yabajijwe iki kibazo ngo, « Mutware, ntiwabibye imbuto nziza mu murima wawe ? None urukungu rwavuyemo rwavuye he ? » Yarabasubije ati, "Umwanzi ni we wagize atyo"

(Matayo 13: 27,28). Urukungu rwose rwabibwe n'umwanzi. Icyatsi cyose kirimo uburozi cyabibwe n'umwanzi kandi binyuze muri ubu buryo bwuzuye uburiganya bwo kuvangavanga umwanzi yangije isi ayikwirakwizamo urukungu.

None se abaganga bazakomeza kwifashisha imiti isiga ingaruka zica mu mubiri, igasenya ubuzima Kristo yaje kuzahura? Uburyo bwo kuvura bwa Kristo busukura umubiri nyamara Satani yashutse umuntu amutera gushyira mu mubiri ibica intege imikorere y'umubiri w'umuntu, bikabuza amahwemo kandi bigasenya uburyo bwiza butunganye bwakozwe n'Imana. Ntabwo imiti irimo uburozi ihabwa abarwayi izahura ahubwo irangiza. Imiti irimo uburozi ntiyigera ikiza ahubwo ishyira mu mubiri imbuto zera umusaruro mubi….

Umukiza wacu ni we wongera kubaka ishusho y'Imana mu muntu. Mu byaremwe yahashyize ibyangombwa byo kuvura uburwayi bw'umuntu kugira ngo abayoboke be babashe kugira ubugingo busendereye. Dushobora kwirinda uruvangavange rw'imiti umuntu yagiye akoresha mu gihe cyashize nta kibazo
dufite. [4]

Imana yatanze ibirwanya uburozi bivura indwara ibishyira mu bimera byoroheje, kandi ibyo bimera bishobora gukoreshwa kubwo kwizera, hatabayeho guhakana ukwizera; kubera iyo dukoresha imigisha yatanzwe n'Imana kubw'inyungu zacu tuba dukorana nayo. Mu kuvura indwara zikomoka ku burangazi bw'umuntu cyangwa iziza ku bw'impanuka, Imana ishobora gukoresha amazi, umucyo w'izuba n'ibyatsi yamejeje. Igihe dusaba Imana guhira uburyo bwo kuvura yashyizeho ntabwo tuba tugaragaje ukutizera. Ukwizera nyakuri kuzashimira Imana ubwenge yatanze bwo gukoresha iyo migisha ikomeye mu buryo buzavugurura imbaraga z'ubwenge n'iz'umubiri.

[4] Ni igihamya gitangaje ko ubushakashatsi mu by'ubuvuzi bwo mu kinyejana cya 20 bwagaragaje ko abaganga bagiye banga cyane imyinshi mu miti yakoreshwaga muri icyo gihe ivugwa muri iyi myandiko. Biragaragara ko umugabane munini w'imiti abaganga bandikira abarwayi muri iki gihe irimo ibikomoka mu bimera, kandi ibyinshi muri byo nta burozi bubirangwamo. –ABAKUSANYIJE INYANDIKO.

Umubiri ugomba kwitabwaho mu bushishozi, kandi mu gukora ibi Imana ishaka gukorana n'umuntu. Umuntu agomba kumenya ubwenge mu byerekeye kuvura no gukoresha ubwonko, amagufa n'imihore.

Ubunararibonye bukomeye dushobora kugira ni ukwimenya ubwacu. – *Manuscript* 65, 1899.

BOSE BAKWIYE GUSOBANUKIRWA IBYO BAKWIKORERA

Ikibazo cyawe ni iki ngo, … "Mbese mu burwayi bwihutirwa dukwiye guhamagara umuganga utizera Imana bitewe n'uko abaganga bo ku ivuriro ryacu bafite imirimo myinshi ku buryo batabona igihe cyo kuvurira hanze y'ivuriro ryacu ?".....Niba abaganga bafite imirimo myinshi ku buryo badashobora kuvura abarwayi bari hanze y'ivuriro, mbese ntibyaba byiza ku bantu bose kwiyigisha uburyo bwo gukoresha imiti yoroheje ikomoka ku bimera aho kugira ngo bihutire gukoresha imiti yahawe izina rirerire kugira ngo hahishwe imiterere yayo bwite. Ni mpamvu ki hari umuntu wasuzugura ibyangombwa Imana yateganyije birimo gukandisha amazi ashyushye n'ayakazuyazi. Ni byiza kumenya inyungu zo kurya mu buryo bukwiye igihe cy'uburwayi. Abantu bose bari bakwiriye gusobanukirwa ibyo bagomba kwikorera ubwabo. Bashobora kwifashisha umuntu usobanukiwe iby'ubuvuzi, ariko buri wese akwiriye kugira ubumenyi bwerekeye inzu atuyemo (umubiri we). Abantu bose bakwiriye gusobanukirwa n'ibyo bakora mu gihe habayeho uburwayi.

Ndamutse ndwaye, uko nakwihutira guhamagara umuganga ni nk'uko nahamagara umucamanza mu bandi banyamyuga muri rusange. [5]

[5] Igihe avuga atya, Ellen White aba yerekeje ku "bavuzi muri rusange" bo mu 1897 babaga mu byaro byo muri Australia ari naho yandikiye aya magambo. Umusomyi agomba kuzirikana ko kugeza mu myaka makumyabiri yatangiye ikinyejana cya 20 ntabwo kwigisha abaganga byakorwaga cyane mu buryo butagenzurwa kandi akenshi ntibyari bihagije. Akenshi byakorwaga uwiga arebera ku muganga ubimenyereye akajya amuhemba ufufaranga

Sinshobora gukora ku miti yabo batagaragaza ibyo ikozwemo bakayiha amazina y'ikilatini. Niyemeje kumenya amazina (mu cyongereza cyumvikana) y'ikintu cyose nshira mu mubiri wanjye.

Abantu barya imiti irimo uburozi baba batumviye umutimanama wabo kandi bashyira mu kaga imibereho yabo yose isigaye. Hariho ibyatsi bitangiza umubiri kandi kubikoresha bizakiza uburwayi bwinshi bugaragara ko bukomeye. Nyamara iyaba abantu bose bashakaga uko baba abanyabwenge mu byerekeye ibyo umubiri wabo ukeneye, indwara zaba nke cyane ako kugira ngo zibe gikwira. Kwirinda biruta kwivuza. –Manuscript 86, 1897.

IMITI YOROHEJE MURI GAHUNDA Y'IVURIRO

Nahawe amabwiriza menshi ku byerekeye aho amavuriro akwiriye kuba. Akwiriye kuba mu birometero bike witaruye imijyi minini kandi akwiriye kugira umurima uyakikije. Imbuto n'imboga bikwiriye guhingwa muri iyo mirima kandi abarwayi bagomba gushishikarizwa gukora imirimo yo hanze mu murima. Abantu benshi barwaye indwara z'ubuhumekero bashobora gukira baramutse babaye ahantu baba hanze y'amazu igihe kirekire cy'umwaka. Abantu benshi bishwe n'igituntu baba barabayeho iyo baba barahumetse umwuka mwiza kurusha uko byababagaho. Umwuka mwiza wo hanze uvura nk'umuti kandi nta ngaruka mbi usiga mu mubiri….

Amagambo akurikira agaragaza neza ko ibyo Ellen White yavuze bidakwiriye gukoreshwa batesha agaciro imirimo ikorwa n'umuganga uzi umwuga we wabyize neza:

1. Ibyo yavuze byinshi bifitanye isano n'umuhamagaro ukomeye ndetse n'inshingano itoroshye y'umuganga;
2. Yagiye ajya kwivuza ku baganga babifitiye ubushobozi nk'uko bihamywa n'ibyo yanditse ndetse n'abo mu muryango we;

duke, maze byaba byiza uwo munyeshuri akazabyongeraho igihe gito cyo kwigishirizwa mu ishuri ry'aba Orutodogisi ryigishaga iby'ubuvuzi. Ntabwo umwuga w'ubuvuzi wari ufite amahame yateguwe neza ugenderaho. Umugabane munini w'imiti yatangwaga n'umuganga usanzwe wabaga ugizwe n'imiti irimo uburozi, kandi akenshi abantu bakayihabwa irengeje urugero bakeneye.

3. Inama yahaye umukozi wamufashaga wari urwaye amubwira "kureka abaganga bakamukorera ibikwiriye gukorwa", amwingingira kurya amubwira ati, "umuganga wawe wo kuri iyi si ashaka ko urya." (Ibyo byose biri muri iki gitabo).
4. Inama nyinshi yatanze aziha abaganga nk'uko ziri muri *Rengera ubuzima, Counsels on Health,* no muri *Medical Ministry.*
5. Amabwiriza yanditswe igihe hashingwaga ishuri ry'ubuvuzi ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi rya Loma Linda ryagombaga gutanga "ubumenyi mu by'ubuvuzi buzabashisha" abarangije kuri iryo shuri "gutsinda ibizamini bisabwa n'amategeko y'abaganga babikora babifitiye ubushobozi." –Ellen G. White Manuscript 7, 1910. (Published in *Pacific Union Recorder*, Feb. 3, 1910).

Biba byarabaye byiza iyo kuva mu itangiriro imiti yose ikorerwa mu nganda iba itarinjiye mu mavuriro yacu ahubwo hakaba harakoreshejwe uburyo bworoheje bwo kuvura nk'uko tubusanga mu mazi meza, umwuka mwiza, urumuri rw'izuba ndetse na bimwe mu byatsi byoroheje bimera mu murima. Ibyo byagira umumaro nk'imiti ikoreshwa ifite amazina y'amayobera kandi yavangavanzwe n'ubuhanga bw'umuntu. Ikindi kandi ni uko bitasiga ingaruka mbi mu mubiri.

Abantu ibihumbi byinshi bababaye bashobora kugarukana amagara mazima iyaba bazibukiraga imiti yose ikorerwa mu nganda aho kwishingikiriza ku mazu agurisha imiti kugira babeho, maze bakabaho mu buryo bworoheje badakoresha icyayi, ikawa, inzoga zikaze cyangwa ibikabuzi ibyo byose bibuza igifu amahwemo maze bikagisiga cyacitse intege kidashobora kugogora n'ibyokurya byoheje kitabonye ibigikangura. Umwami wacu ashaka gutuma umucyo we wakira mu myambi yaka igaragarira abafite intege nke kandi badandabirana. –Manuscript 115, 1903.

IGICE CYA 30:UKO ELLEN G. WHITE YAKORESHAGA UBURYO BWOROHEJE BWO KWIVURA

[Ellen G. White avuga cyane ku buryo bworoheje bwo kwivura. Atubwira mu buryo bwumvikana icyo aba yerekejeho iyo avuze umwuka mwiza, umucyo w'izuba, kwirinda ibinyobwa byangiza umubiri, ikiruhuko, imyitozo ngororangingo, indyo ikwiriye, gukoresha amazi no kwiringira imbaraga y'Imana. Ikiyongora kuri ibi ni uko hamwe na hamwe Ellen G. White mu mabaruwa ye bwite yagiye yandika yagiye avuga ku miti yoroheje yari azi kandi yakoresheje. Akenshi buri muti wagiye uvugwaho rimwe gusa. Mu nyandiko yanditse kandi yagiye avuga ku burwayi bwihutirwaga bwabagaho rimwe na rimwe bwatumye akoresha imiti atashoboraga gukoresha keretse gusa igihe amerewe nabi cyane.

Mu kugenzura ibyo yagiye avuga ku miti runaka, hari ingingo enye umusomyi yabona :

1. Aya mapaji akurikiraho agaragaza amagambo afite agaciro gakomeye aho Ellen G. White avuga imiti runaka yoroheje ku rwego rw'uko ibyo yavugaga byari bizwi mu gihe izi nyandiko zakusanywaga.

2. Amapaji make cyane ashyira ku mugaragaro ibyo yavuze. Amapaji cumi n'imwe uyagereranyije n'andi menshi arenga 2000, yakoreshejwemo kugaragaza mu buryobwumvikana inama ku buzima nk'uko tuzisanga mu bitabo bya Ellen G. White.

3. Mu gihe cy'imyaka 40 Ellen White yanditse byinshi byagombaga gusohorwa mu bitabo, abyandika avuga ku ngingo y'ubuzima no kwita ku barwayi. Nyamara ni igihamya gitangaje kandi gikomeye ko, uretse aho yavuze mu magambo make ku «mubumbe w'imbuto z'umutini » wo kuvura ikibyimba cya Hezekiya, n'uko yakomoje ku buryo yakoresheje « ibyatsi byoroheje » mu burwayi bw'umwana we w'umuhungu ntibigire icyo bimara (soma *Spiritual Gifts*, volume II, P.104), ntabwo yavuze ku kuvura hifashishijwe ibimera cyangwa ngo avuge ku bundi buryo bwihariye kandi bworoheje bwo kuvura mu byo

yanditse. Mu magambo make, ibi ntabwo bitanga uburenganzira bwo gufata umwanzuro ko gukoresha ibimera ari byo by'ingenzi muri gahunda yose y'iby'ubuzima Ellen White yagaragaje muri ubwo buryo burambuye.

4. Mu kuvuga kuri iyo miti yoroheje, nta hantu na hamwe Ellen G. White avuga ko nta yindi miti irushijeho kuba ingirakamaro ishobora kuboneka.

Bitewe n'ibyo abantu bamwe bemera ko inyandiko za Ellen White zidashigikira ibimera gusa ko ahubwo izi nyandiko zibifata nk'aho ari bwo buryo shingiro bwo guhangana n'indwara, kandi ko hari inyandiko nyinshyi zitarajya ahagaragara zivuga kuri iyi ngingo, abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White bizera ko intekerezo z'abadiventisiti b'umunsi wa karindwi zizafashwa kandi ko izo nyandiko zabikwa neza hasohowe ingingo zikurikira mu nyandiko. Mu kuri kose, ntabwo umusomyi akwiriye guha agaciro gakomeye cyane izo ngingo kuruta ako umwanditsi ubwe yazihaye (mu bitabo yanditse), we wandikiye abantu bose muri rusange amahame yagutse agomba gukurikizwa mu kuvura abarwayi. ABAKUSANYIJE INYANDIKO]

NTABWO NSHOBORA KUYISHYIGIKIRA

Maze kubona ingorane nyinshi ziterwa no gukoresha imiti ikorerwa mu nganda, sinshobora kuyikoresha kandi sinshobora kuyikoresha. Ngomba gukurikiza umucyo Uhoraho yampaye.

Ubuvuzi twakoreraga abantu igihe ivuriro ryashingwaga bwa mbere bwasabaga gukorana umuhati kugira ngo turwanye indwara. Ntabwo twakoreshaga imvange z'imiti; twakurikizaga uburyo bw'isuku. Imana yahiriye uyu murimo. Wari umurimo umuntu yagombaga gukorana n'Imana kugira ngo ubuzima bw'abantu bukizwe. Nta kintu cyari gikwiye gushyirwa

mu mubiri w'umuntu kiwusigira ingaruka mbi. Impamvu nahawe zituma dukwiriye kugira amavuriro ahantu hatandukanye, ni ukugira ngo dutange umucyo uri iyi ngingo, dushyire mu bikorwa kuvura hifashishijwe isuku ndetse no kwigisha ku buryo bwinshi bwo kuvura abarwayi.

Narababaye ubwo abenshi mu banyeshuri bacu bakanguriwe kujya ku ishuri kugira ngo bige gukoresha imiti ikorerwa mu nganda. Umucyo nahawe wanyeretse imiterere itandukanye ku mikoreshereze y'imiti kurusha uko ivugwa kuri iryo shuri cyangwa ku ivuriro. Tugomba kuba dusobanukiwe kuri izi ngingo. Amazina agoye gusobanukirwa ahabwa iyo imiti, akoreshwa kugira ngo bahishe imiterere yayo, bityo he kugira umuntu umenya icyo ahabwa nk'umuti keretse gusa abaye abonye inkoranyamagambo agashakamo ubusobanuro bw'ayo mazina.

Uhoraho yatanze ibyatsi bimwe byoroheje byo ku gasozi akenshi bigira umumaro ; kandi iyaba buri muryango wose wari warigishijwe uburyo bwo gukoresha ibyo byatsi mu gihe cy'uburwayi, imibabaro myinshi yakwirindwa kandi nta muganga wakenerwa guhamagarwa. Ibyo byatsi byakoreshwaga kera kandi byoroheje, iyo biza kuba byarakoreshejwe mu bushishozi, biba byarakijije abarwayi benshi bapfuye bazize imiti ikorerwa mu nganda.

Bumwe mu buryo bw'ingenzi cyane bworoheje bwo kuvura ni ugukoresha amakara aseye, agashyirwa mu gatambaro maze agakoreshwa ku buribwe bwo ku mubiri nk'ibibyimba. Ubu ni uburyo bwo kuvura bugira akamaro cyane. Iyo atohejwe mu mazi ashyushye aba ari meza. Nategetse ko bakoresha ubu buryo igihe abarwayi bari bafite uburibwe bukomeye n'igihe umuganga yabaga yameneye ibanga ko atekereza ko umurwayi asigaje igihe gito agapfa. Natanze igitekerezo ko baha umurwayi amakara maze arasinzira, arazanzamuka maze amaherezo aza gukira. Igihe abanyeshuri babaga bakomeretse ibiganza bayabo byajemo amabavu, n'igihe bababazwaga no kubyimba, nabahaye uyu muti woroheje, maze barakira. Uburozi bwari bwateye ibibyimba bwahinduwe ubusa, uburibwe buvamo maze habaho gukira mu buryo bwihuse. Kubyimba amaso bibabaza cyane bizakizwa n'igitambaro gipfunyitsemo amakara, kigashyirwa mu kantu

kameze nk’agafuka maze bakakinika mu mazi ashyushye cyangwa akonje hakurikijwe ibijyanye neza n’uko uburwayi bumeze. Ibi byoroshya uburibwe.

Niteze ko ibi nimubyumva muzabiseka ; ariko ndamutse mpaye uyu muti izina ridasanzwe ritazwi n’umuntu uwo ari we wese uretse njye, ibyo mwabyemera cyane….Ariko umuti woroheje cyane uva mu bimera ushobora gufasha umubiri kandi ntuwusigire ingaruka ziwangiza.- Ibaruwa 82, 1897 (Yandikiwe Muganga J. H. Kellogg).

IGIHE NAGISHWAGA INAMA, NABABWIYE GUKORESHA IMITI IKOMOKA MU BYAREMWE

Hariho ibimera byoroheje byinshi, iyaba abaforomo bacu bamenyaga agaciro kabyo, bakayikoresheje mu mwanya w’imiti ikorerwa mu nganda kandi babona ko ari ingirakamaro. Incuro nyinshi nagishijwe inama ku byerekeye ibikwiye gukorwa mu gihe cy’uburwayi cyangwa impanuka. Navuze imwe muri iyo miti yoroheje ikomoka ku bimera kandi yagaragaye ko ari ingirakamaro.

Igihe kimwe umuganga yansanze ahangayitse cyane. Yari yahamagariwe gufasha umukobwa w’inkumi wari urembye cyane. Yari yafashwe no kugira umuriro mwinshi ubwo yari yagiye mu mwiherero mu ikambi maze bamuzana ku ishuri ryacu ryari riri hafi ya Melbourne muri Australia. Nyamara yarushijeho kuremba ku buryo abantu bagize ubwoba ko uwo mukobwa ashobora gupfa. Muganga witwa Merrit Kellogg yaransanze arambwira ati, « Mushiki wanjye White, mbese hari umucyo wampa kuri iki kibazo? Uyu mushiki wacu aramutse atavuwe yabaho ariko akamara amasaha make cyane. » Naramusubije nti, « Jya aho umucuzi acururiza ibintu bye, maze uzane amakara y’ifu, uyahambire mu gitambaro maze ugishyire ku nda ye no mu mbavu. » Uwo muganga yarihuse ajya gushyira mu bikorwa amabwiriza muhaye. Bidatinze yagarutse agira ati, « Mu gihe kitageze ku gice cy’isaha maze gukoresha cya gitambaro kirimo amakara, wa mukobwa

yarazanzamutse. Ubungubu asinzira nk'uko yari asanzwe asinzira mu minsi myinshi. »

Ubwo buryo bwo kuvura nabutegetse n'abandi bantu bari bafite uburibwe bukabije, kandi byaraborohereje biba uburyo bwo gukiza ubuzima bwabo.

Mama yambwiye ko kurumwa n'inzoka no kudwingwa n'ibindi bikururanda ndetse n'udukoko tugira ubumara akenshi gukoresha igitambaro gihambiyemo amakara bishobora gutuma uko kurumwa cyangwa kudwingwa bitagira icyo bitwara umuntu. Igihe abakozi bahingaga mu murima ahitwa Avondale muri Australia, akenshi abakozi bagiraga amabavu mu biganza bakanakomeretsa imirundi yabo kandi akenshi ibi byateraga ibibyimba bikomeye ku buryo umukozi yahagarikaga akazi ke mu gihe runaka. Umunsi umwe umukozi umwe yansanze ibiganza bye bipfutse. Yari ababajwe cyane n'ibyo kubera ko yari akenewe mu gutunganya umurima. Naramubwiye nti,

« Jya aho wahoze utwikira ibiti maze unzanire amakara y'igiti cy'inturusu, maze usye ayo makara, maze nanjye ndambika ukuboko kwanjye. » Ibi yarabikoze maze mu gitondo cyakurikiyeho avuga ko uburibwe bwagiye. Bidatinze yari yiteguye gusubira ku kazi.

Nanditse ibi kugira ngo mubashe kumenya ko Imana itaturetse ngo tudakoresha uburyo bwo kuvurisha ibyaremwe byoroheje bitazasiga biciye intege umubiri kandi akenshi gukoresha imiti iva mu nganda biwuca intege. Dukeneye abaforomo bize neza bashobora gusobanukirwa uburyo bwo gukoresha ibimera byoroheje biri mu byaremwe kugira ngo bizahure ubuzima. Abo baforomo kandi bashobora kwigisha abantu badasobanukiwe amategeko y'ubuzima agaragaza uburyo bwo gukoresha ubwo buryo bwo kuvura bworoheje nyamara bw'ingirakamaro.

Uwaremye abagabo n'abagore yita ku bababaye. Yatuyoboye mu gushinga amavuriro yacu no mu iyubakwa ry'amashuri hafi y'amavuriro yacu kugira ngo abashe kuba inzira nziza mu gutoza abagabo n'abagore gukora umurimo wo kwita ku nyokomuntu ibabaye. Ntabwo imiti irimo uburozi ikwiriye gukoreshwa mu kuvura abarwayi. Ibisindisha (alukolo) cyangwa itabi uko byaba bimeze kose ntibigomba kwemererwa guhabwa abantu, nibitaba

bityo abantu bamwe bazayoboka kunywa ibyo bintu bibi.-Ibaruwa 90, 1908 (Iyi baruwa yandikiwe J. A. Burden n'abandi bafite inshingano i Loma Linda).

UBURYO BWOROHEJE BUDATEZA INGORANE

Ku byerekeye ibyo tugomba kwikorera ubwacu, hari ingingo isaba kuzirikananwa ubushishozi no kwitonda. Ngomba kwimenya jye ubwanjye. Igihe cyose ngomba kuba umunyeshuri ushaka kumenya uburyo bwo kwita kuri iyi nyubako ari wo mubiri Imana yampaye, nkawubungabunga ukagira amagara mazima. Ngomba kurya ibintu bizagirira umubiri wanjye akamaro, kandi ngomba kwitonda mu buryo bwihariye butuma imyambaro yanjye iba iteye ku buryo ituma amaraso atembera neza. Ntabwo ngomba kwigomwa imyitozo ngororangingo n'umwuka mwiza. Ngomba kubona umucyo w'izuba wose nshobora kugeraho.

Ngomba kugira ubwenge bwo kuba umurinzi udahemuka w'umubiri wanjye. Naba nkoze ikintu cy'ubupfapfa ndamutse ninjiye mu cyumba gikonje kandi mbira ibyuya, naba igaragaje ko ndi igisonga kibi ndamutse nicaye mu mbeho y'ubutita bityo nkaba nakwitera kurwara ibicurane. Naba mbaye umupfapfa nicaye ahatuma ibirenge byanjye n'imirundi bikonja maze bigatuma amaraso asubira inyuma ntagere mu mpera z'umubiri agasubira mu bwonko cyangwa mu myanya y'imbere mu mubiri. Igihe cyose nifuza kurinda ibirenge byanjye mu gihe cy'ubukonje.

Ngomba kurya kuri gahunda ibiribwa byiza bizatuma ngira amaraso meza, kandi ntabwo nzakora ndenza urugero nibiramuka biri mu bushobozi bwanjye kubyirinda.

Niba nica amategeko Imana yashyize mu mubiri wanjye, ngomba kwihana no guhindura kandi nkabaho imibereho myiza igengwa n'abaganga Imana yatanze ari bo umwuka mwiza, amazi asukuye ndetse n'umucyo w'izuba.

Amazi ashobora gukoreshwa mu buryo bwinshi kurira ngo agabanye uburibwe. Kumywa amazi meza ashyushye mbere yo kurya (hafi igice cya litiro cyangwa arengaho gato), ntabwo bizigera bigirira nabi umubiri ahubwo bizawugirira neza.

Igikombe cy'ikinyobwa gishyushye gikozwe mu byatsi byitwa teyi kizatuma imyakura imererwa neza. Icyayi gikozwe mu mwenya kizatera gusinzira neza.
Ifu y'umwenya ipfunyitse mu gitambaro maze kigashyirwa ku nda izakiza uburibwe.

Niba amaso arwaye akaba arimo uburibwe cyangwa aryaryatwa, igitambaro cyinitswe mu mazi ashyushye avanzwemo umunyu kizakiza uburibwe mu buryo bwihuse.

Igihe umutwe ubabara maze ibirenge n'imirundi bigashyirwa mu mazi avanzemo ifu y'utubuto twa sinapi, ibyo bizakiza uburibwe.

Hariho ibundi buryo bwinshi bwo kuvura bwifashishwa buzagira umumaro mu gutuma umubiri wongera gukora neza. Uhoraho yiteze ko twikoreshereza ubwo buryo bwose bworoheje nyamara ibyo umuntu asuzugura agashyira kure ye ni byo Imana ikoresha kugira ngo igire icyo imukorera. Niba dusuzugura gukora ibyo hafi ya buri muryango wose ushobora kwigereraho, maze tugasaba Imana kudukiza uburibwe kandi tutitaye ku gukoresha ubwo buryo bwo kwivura bwifashisha ibyaremwe biri hafi yacu, ibyo byaba ari ugukerensa. Uhoraho yiteze ko dukora kugira ngo tubone ibyokurya. Ntabwo ateganya ko twazasarura tutabanje guhinga ubutaka, tukabutunganya maze tugateramo imbuto. Bityo Imana yohereza imvura umucyo w'izuba n'ibicu kugira ngo ibyatsi bimere. Imana irakora maze umuntu akifatanya nayo. Amaherezo haza igihe cy'umwero n'umusaruro.

Imana yatumye ibyatsi bimera mu butaka kugira ngo umuntu abikoreshe, kandi turamutse dusobanukiwe imiterere y'iyo mizi n'ibyo byatsi ndetse tukabikoresha neza, ntabwo habaho kwirukira hashakishwa umuganga kenshi kandi abantu babaho bafite ubuzima bwiza kurusha uko bamerewe ubu. Nizera ko twakwitabaza Umuganga ukomeye igihe twamaze gukoresha

uburyo navuze. –Ibaruwa 35, 1890 (Yandikiwe umukozi wari mu murimo mu gihugu cya kure).

INAMA YAHAWE UMUYOBOZI W'ABAGANGA W'IVURIRO RISHYA

Kora ibyo ushobora gukora byose kugira ngo utunganye icyo kigo imbere muri cyo n'inyuma. Menya ko ibitekerezo ushingiraho imikorere yawe biri kuri gahunda. Ntugatume bibamo ikintu kizagaragarira nabi intekerezo z'abarwayi.

Shishikariza abarwayi kugira imibereho izira umuze no gukora imyitozo ngororangingo myinshi. Ibi bizagira akamaro cyane mu gutuma basubirana amagara mazima. Reka intebe zishyirwe munsi y'ibiti kugira ngo abarwayi babashe gushishikarizwa kumara umwanya munini hanze. Hagomba kubaho kandi ahantu hakikijwe n'ihema cyangwa ibirahure, ahantu hafutse abarwayi bashobora kwicara ku zuba ariko batagerwaho n'umuyaga….

Umwuka mwiza,umucyo w'izuba, umunezero mu ivuriro no hanze yaryo, amagambo meza n'ibikorwa by'ubugwaneza, ubwo ni bwo bufasha abarwayi bakeneye kandi Imana izatuma umuhati wawe wo guha ubwo bufasha abarwayi baza ku ivuriro ugera ku ntego. Kubw'umunezero, ubutwari, kugaragariza abandi impuhwe n'ibyiringiro, bizatuma umutima wawe ubwawe wuzura umucyo n'amahoro. Kandi ntukigere wibagirwa ko umucyo w'umugisha w'Imana ukubiyemo byose kuri twe.

Igisha abaforomo n'abarwayi agaciro k'ibyo byangombwa bibungabunga ubuzima bitangwa n'Imana nta kiguzi, kandi unabigishe akamaro k'ibintu byoroheje biboneka mu buryo bworoheje.

Ndakubwira bike ku byerekeye umumaro amakara yamariye nk'uburyo bworoheje bwo wivura. Igihe habayeho kumererwa nabi mu gifu, amakara ni ingirakamaro cyane kurusha imiti yo mu nganda. Utuvuta duke twa olive tuvanze n'ifu y'amakara, iyo mvange isukura igifu kandi igakiza kumererwa nabi mu gifu. Mbona ari ingirakamaro cyane. Igihe habagaho ibibyimba, twagiye dukoresha ifu y'amakara y'igiti cy'inturusu….

Igihe cyose jya wiga kandi wigishe gukoresha, uburyo bworoheje cyane bwifashisha ibyaremwe, kandi witege ko umugisha wihariye w'Imana ubasha gukurikira imikoreshereze y'ubwo buryo abantu boroheje babasha kwigereraho. –Ibaruwa 100, 1903.

UBUNDI BURYO AMAKARA YAKORESHEJWE

Gukira mu buryo bwihuse.- Mwene data umwe yazanywe arwaye yabyimbye amara kandi yituma ibivanze n'amaraso. Ntabwo uwo mugabo yakurikizaga impinduka mu byo kwitungira ubuzima ahubwo yategekwaga n'inda. Twiteguraga kuva i Texas aho twari tumaze amezi menshi dukorera, kandi twari dufite amagare akururwa n'amafarashi yari yiteguye gutwara uyu mwene data n'umuryango we ndetse n'abandi benshi bari barwaye malariya. Njye n'umugabo twatekerejo ko tugomba kwishyura ikiguzi ibyo byari gutwara aho kugira ngo tubone abatware b'imiryango myinshi bapfa maze bagasiga abagore n'abana batagira kivurira.

Abagabo babiri cyangwa batatu bajyanywe baryamishijwe mu igare rinini. Nyamara wa mugabo wari wabyimbye amara yantumyeho ngo njye kumureba.

Njye n'umugabo wanjye twafashe umwanzuro ko kumwohereza ntacyo bimaze. Abantu bafashwe n'ubwoba ko yamaze gucika intege. Byabaye nk'aho ijwi ry'Imana rimvugiyemo maze ngira igitekerezo cyo gufata ifu y'amakara maze nkayivanga n'amazi nkabiha uyu mugabo akabinywa. Nafashe kandi igitambaro gihambiyemo ifu y'amakara maze ngishyira ku nda y'uwo mugabo. Twari tugeze hafi ku kirometero kimwe n'igice ngo twinjire mu mujyi wa Denison maze umwana w'umuhungu w'uwo mugabo wari urwaye ajya ku iduka ry'umucuzi, agurayo amakara arayasya akajya ayakoresha akurikije amabwiriza namuhaye. Umusaruro wavuyemo wabaye ko mu gihe cy'igice cy'isaha hari hamaze kubaho impinduka wa mugabo atangiye koroherwa. Byabaye ngombwa ko dukomeza urugendo rwacu maze uwo muryango tuwusiga inyuma. Nyamara twaje gutagazwa n'uko ku munsi wakurikiyeho twabonye igare ryabo rije riduhitaho. Wa mugabo wari urwaye yari aryamye muri iryo gare. Umugisha w'Imana wari wakoranye

n'uburyo bworoheje bwakoreshejwe. Ibaruwa 182, 1899 (Iyi baruwa yandikiwe umukozi wari mu murimo mu gihugu cya kure).

Amakara n'imbuto z'ikimera cyitwa falakisi (flax).- Dukeneye ibitaro cyane. Hari kuwa gatanu maze Sara McEnterfer[6] ahamagarirwa kujya kureba niba hari icyo ashobora gukorera akana k'agahungu k'uwitwaga B. kari kamaze umwaka n'igice. Uwo mwana yari amaze imyaka myinshi ababazwa no kubyimba mu ivi bakekaga ko yaba yararumwe n'agasimba kagira ubumara. Igitambaro gifungiyemo ifu y'amakara ivanzwe n'imbuto z'ikimera cyitwa flakisi cyashyizwe kuri icyo kibyimba maze umwana ahita yoroherwa. Uwo mwana yararaga aborozwa no kubabara ijoro ryose ariko igihe ibyo byakoreshwaga yarasinziye. Uwo muforomo yagiye kureba uwo mwana incuro ebyiri. Yapfukuye icyo kibyimba kabiri maze gisesa amashyira n'amaraso. Uwo mwana yakize ubwo bubabare bukomeye yari afite. Turashima Imana ko dushobora kuba abanyabwenge dukoresha ibintu byoroheje biri hafi yacu kugira ngo tworoshye uburibwe kandi impamvu zibutera zikurweho. – Manuscript 68, 1899.

IBINDI BIMERA BIVURA BYAVUZWE

Umubumbe w'imbuto z'umutini zakoreshejwe kuri Hezekiya.- Igihe Hezekiya yari arwaye, umuhanuzi w'Imana yamuzaniye ubutumwa bumubwira ko agiye gupfa. Umwami Hezekiya yaririye Imana, maze Imana iramwumva imuha isezerano ko yongerewe imyaka cumi n'itanu yo kubaho. Ijambo rimwe riturutse ku Mana, gukozwaho urutoki rumwe n'Imana byari bihagije kugira ngo Hezekiya ahite akira. Nyamara aho kugira ngo bibe bityo, yahawe amabwiriza yo gukora umubumbe w'imbuto z'umutini maze akawushyira ku rugingo rwari rurwaye. Ibi byarakozwe maze Hezekiya arakira. Byaba byiza guha agaciro uyu muti Imana yategetse ko ukoreshwa, tukawukoresha kuruta uko tuwukoresha. –Manuscript 29, 1911.

[6] Uyu yari umuforomo wabyigiye kandi wari ufite ubunarirobonye muri uyu murimo. Yaherekezaga Ellen White kandi yamufashaga mu ngendo ze akanamubera umunyamabanga wihariye. –ABAKUSANYIJE INYANDIKO.

Akamaro k'amavuta y'inturusu.- Mbabajwe no kumenya ko mushiki wacu C atamerewe neza. Nta bundi bufasha namugiraho inama kuri iyo nkorora ye kirenze umutobe w'inturusu n'ubuki. Mu karahuri k'ubuki shyiramo ibitonyanga bike by'umutobe w'inturusu, ubivange neza maze igihe cyose inkorora ije ujye unywaho. Nagiye ngira ibibazo bikomeye mu mihogo ariko igihe cyose nakoreshaga iyi mvange mpita nkira mu buryo bwihuse. Nkoresha uwo mutobe incuro nke gusa maze inkorora igakira. Nukoresha uyu muti, uzihindukira umuganga. Nugerageza ubwa mbere ntukire, uzongere ugerageze. Igihe cyiza cyo kunywa uwo mutobe ni mbere yo kuryama. Ibaruwa 348, 1908.

Namaze kukubwira ku muti nkoresha igihe ndwaye mu mihogo. Nywa ikirahuri cy'ubuki butetsemaze nkavangamo ibitonyanga bike by'umutobe w'inturusu. Igihe ngiye gukorora, mfata ikiyiko cy'iyi mvange maze nkoroherwa mu buryo bwihuse. Igihe cyose nagiye mbikoresha kandi bigatanga umusaruro mwiza. Ndagusaba gukoresha uwo muti igihe umerewe nabi n'inkorora. Uyu muti ushobora kugaragara ko woroheje ku buryo wumva nta cyizere uwufitiye, ariko nawugerageje imyaka myinshi kandi nshobora kugira abantu inama yo kuwukoresha nkomeje.

Na none kandi jya wogesha ibirenge amazi ashyushye yatekanywe n'ibibabi by'inturusu. Ibyo bibabi bifite umumaro ukomeye, kandi nubigerageza uzabona ko ibyo nkubwira ari ukuri. Umutobe w'ibibabi by'inturusu ni ingirakamaro by'umwihariko igihe hari uburwayi bw'inkorora n'igihe umuntu ababara mu gituza n'ibihaha. Nshaka ko ugerageza uyu muti woroheje kandi utagira ikiguzi ugusaba. Ibaruwa 20, 1909. (Iyi baruwa yandikiwe umukozi wandikiwe iyi iri haraguru).

Ibiti bifite ibyangombwa byo kuvura.- Uhoraho yagiye ampa umucyo ku byerekeye ibintu byinshi. Yanyeretse ko amavuriro yacu akwiriye kubakwa ahantu hirengeye kugira ngo agere ku musaruro mwiza, ndetse akwiriye gukikizwa n'imirima migari irimbishijwe uburabyo n'ibiti.

Ahantu hamwe, hari imyiteguro yakorwaga yo gutunganya ahantu ho kubakwa ivuriro. Nahawe umucyo ko mu mpumuro y'ibiti by'amasederi, n'amasipure. Hari andi moko menshi y'ibiti bifite ibyangombwa byo kuvura

indwara bikaba intandaro y'ubuzima bwiza. Ntimugatume ibiti nk'ibyo bitemwa mutabyitayeho….Mubireke bibeho. –Ibaruwa 95, 1902 (Iyi baruwa yandikiwe abakozi bakoreraga mu majyepfo).

« Ikinyobwa cyanjye gikorwa mu byatsi » - Ntabwo dukeneye kujya mu Bushinwa ngo tuboneyo icyayi dukeneye, cyangwa ngo tujye i Java ngo tuboneyo ikawa. Abantu bamwe baravuze bati, « Mushiki wacu akoresha icyayi, akibika mu nzu ye; » kandi bavuze ko yakibahaye ngo bakinywe. Ntabwo bavuze ukuri kubera ko ntajya nywa icyayi, kandi nta n'ubwo nkibika mu nzu yanjye. Igihe kimwe ubwo nambukaga inyanja nari ndwaye kandi nta kintu nashoboraga kurya. Nk'umuti, nanyoye icyayi gike cyane kidakarishye, ariko ntabwo nshaka ko hagira umuntu n'umwe muri mwe wongera kuvuga ko mushiki wabo White anywa icyayi. Nimuza iwanjye mu rugo nzabereka agafuka gato karimo ibyatsi nywa. Ndatuma bakanshakira i Michgan mu misozi, maze nkabona romarini. Ku byereke ikawa, sinshobora rwose kuyinywa. Bityo abantu bavuze ko mushiki wabo Ellen White anywa ikawa bakoze ikosa. –Manuscript 3, 1888 (Ikibwirizwa cyabwiririjwe ahitwa Oakland, California).

Romarini cyangwa timu. Hari icyo nshaka gusaba. Mbese bariya bana bazankusanyiriza romarini cyangwa timu nyinshi kuruta uko babikoze mu mwaka ushize? Nibashobora kubinkorera bazaba bangiriye neza. Aha ndi sinshobora kubikora. Ntabwo ku butaka bw'iwacu romarini cyangwa timu Imbuto zayo za mbere ni zo zaba nziza, ariko izo mbuto nizitinda, izizera ubwa kabiri zizabikwe. Ibaruwa 1, 1872 (Yandikiwe umuryango wari utuye i Michgan).

Icyayi gikoreshwa nk'umuti, si ikinyobwa.-Ntabwo nywa icyayi cyaba icyatsi cyangwa urukara. Nta n'ikiyiko na kimwe cyinjiye mu kanwa kanjye mu myaka myinshi uretse igihe nambukaga inyanja, kandi kuva ubwo mbereye aha inshuro imwe gusa ni yo nanyoye icyayi ndi kugikoresha nk'umuti ubwo nari ndwaye ndi kuruka. Mu bihe nk'ibyo icyayi kirafasha.

Ntabwo nigeze nkoresha icyayi igihe mwari kumwe natwe. Igihe cyose nagiye nkoresha romarini cyangwa timu nk'uko nababwiye. Narayibahaye kandi nababwiye ko ari ikinyobwa cyiza, cyoroheje kandi cy'ingirakamaro.

Ntabwo nigeze ntanga n'igiceri na kimwe ngura icyayi mu myaka myinshi. Kubera ko nzi ingaruka zacyo, ntabwo nari guhangara kugikoresha uretse igihe naba nduka cyane ni bwo nakinyoye nk'umuti atari ikinyobwa.. ….

Ntabwo mbwiriza abantu ikintu kimwe ngo nkore igihabanye nacyo. Ntabwo nigisha abanyumva amategeko y'ubuzima bakwiriye gukurikiza mu gihe njyewe nkora ibihabanye n'ibyo…..

Nta kosa rimpama ryo kunywa icyayi icyo ari cyo cyose uretse igikozwe muri timu kandi ndamutse nkunda inzoga, icyayi, n'ikawa, sinshobora kunywa ibyo binyobwa bikangura umubiri bikawangiza, kubera mpa agaciro ubuzima kandi ngashyigikira gutanga urugero rwiza muri ibyo byose. Nshaka kuba icyitegererezo cyo kwirinda no kugirira abandi neza. –Ibaruwa 12, 1888 (Yandikiwe umugabura wari ku Nkengero y'Uburengerazuba).

Ikawa nk'Umuti.- Ntabwo nigeze nywa igikombe cy'ikawa mbizi mu gihe cy'imyaka makumyabiri. Keretse gusa nk'uko nabivuze, nanyweye igikombe cy'ikawa ngifata nk'umuti igihe nari ndwaye. Yari ikaze imeneyemo amagi mabisi.-Ibaruwa 20, 1882 (Yayandikiye incuti ze).

Umutobe w'imizabibu n'amagi. – Nahawe umucyo ko mwangiza umubiri wanyu muwugaburira indyo nkene….Kubura ibyo kurya bikwiriye ni byo byabateye cyane bene ako kageni. Ntabwo mwariye ibyokurya bikenewe byo kubaka imbaraga z'umubiri wanyu ufite intege nke. Ntabwo mugomba kwigomwa ibyokurya byiza kandi by'ingirakamaro…..Mujye murya amagi y'inkoko zifite ubuzima bwiza. Mujye muyarya atetse cyangwa ari mabisi. Mujye muyavanga mu kinyobwa cyiza kidasembuye mushobora kubona. Ibi bazaha umubiri wanyu ibyo ukeneye. Amagi arimo ibyangombwa bifasha mu kurwanya uburozi.- *Counsels on Diet and Foods*, pp. 203, 204 (Bwari ubutumwa bwandikiwe Dr. D. H. Kress, 1901).

KWEMERA IMIKORERE IGEZWEHO Y'UBUVUZI

Guhabwa amaraso.- Hari ikintu kimwe cyakijije ubuzima. Icyo ni ugufata amaraso y'umuntu umwe agahabwa undi; ariko ibi bishobora kugukomerera ndetse ahari ntibinashoboke ko wabikora. Icyo nakoraga gusa ni ugutanga

inama yo gukoresha ubwo buryo. –*Medical Ministry,* pp. 286, 287 (Ubutumwa bwandikiwe Dr. D. H. Kress).

Guhabwa urukingo.[7] – [Soma ibiri ku mpera yo hasi y'iyi paji].

Kuvurisha imirasire y'urumuri bita X i Loma Linda. – Mu gihe cy'ibyumweru byinshi, navurishijwe iyo mirasire bita X kubera igiheri cy'umukara nari ndwaye mu maso. Muri rusange navurishijwe ubwo buryo inshuro makumyabiri n'eshatu kandi ibi byageze ku ntego bikuraho cya giheri. Nejejwe cyane n'ibi. –Ibaruwa 30, 1911 (Iyi baruwa E. G. White yayandikiye umuhungu we J. E. White).

[7] Kwikingiza ubushita: Kuwa 12 Kanama 1931 uwitwa D. E. Robinson, umwe mu banyamababnga ba Ellen G. White yanditse amagambo akurikira ku byerekeye uko Ellen White yabonaga urukingo. Yaranditse ati: "Mushaka kumenya amakuru nyayo kandi yumvikana yerekeye ibyo mushiki wacu White yanditse ku byerekeye urukingo na serumu. Iki kibazo gishobora gusubizwa mu magambo make cyane kubera ko nta hantu dufite yabyanditse. Mu nyandiko ze zose nta hantu yavuze ku kwikingiza na serumu. Nyamara muzanezezwa no kumenya ko igihe hariho icyorezo cy'ubushita aho yari atuye, Ellen White ubwe yarikingije kandi anabisaba abafasha be bakoranaga. Mu kwikingiza Ellen White yazirikanaga ko byaragaye ko urukingo rutuma umuntu atarwara ubushita cyangwa rukoroshya ingaruka zabwo igihe umuntu yaburwaye. Yari azi kandi akaga byagira ku bandi igihe abo bafasha be badasashe izo ngamba." (Uwabyanditse ni D. E. Robinson).

IGICE CYA 31:IBYAMUBAYEHO BYIHARIYE IBYABAYE MU MYUZO YA MBERE MU KUVURA UMUSONGA

Mu itumba ry'umwaka wa 1864, akana kanjye kitwa Willie kafashwe n'umuriro utewe n'umusonga mu buryo butunguranye kandi bukomeye. Twari twaramaze gushyingura umuhungu wacu w'imfura azize iyi ndwara, kandi twari duhangayikishijwe cyane na Willie dutinya ko nawe ashobora gupfa. Twafashe umwanzuro ko tutagomba gutumira umuganga ko ahubwo twe ubwacu tumukorera ibyo dushoboye byose dukoresheje amazi kandi tukingingira Imana umwana wacu. Twatumiye abantu bake bari bafite kwizera kugira ngo baze bafatanye natwe gusenga. Twumvaga dufite icyizere ko Imana iri kumwe natwe kandi ko dufite imigisha yayo.

Ku munsi wakurikiyeho Willie yari arembye cyane. Yaravugaguzwaga. Igihe navuganaga nawe, yasaga n'utambona cyangwa ngo anyumve. Umutima we ntiwateraga uko bisanzwe, ahubwo wateraga wihuta cyane. Twakomeje kumusabira ku Mana, kandi dukomeza gushyira amazi ku mutwe we ndetse dukajya tunakandakanda ku gatuza ke. Bidatinze yabaye nk'ugaruye ubwenge nka mbere. Yaribwaga cyane mu ruhande rw'iburyo kandi ntiyashoboraga kururyamira n'akanya gato. Ubwo buribwe twabworoheje dukoresheje gukandisha amazi akonje, tugenda duhindura ubushyuhe bw'amazi dukurikije uko umuriro afite umeze. Twarigengeseraga cyane kugira ngo ibiganza bye n'ibirenge bikomeze gushyuha.

Twari twiteze ko ubwo burwayi buzageza ku munsi wa karindwi. Muri icyo gihe cy'uburwayi bwe twagize igihe gito cyane cyo kuruhuka, kandi mu ijoro rya kane n'irya gatanu byabaye ngombwa ko tumuha abandi ngo bamwiteho. Ku munsi wa gatanu njye n'umugabo wanjye twarahangayitse cyane. Wa mwana yarutse amaraso kandi arakorora cyane. Umugabo wanjye yatwaye umwanya munini asenga. Iryo joro umwana wacu twamweguriye ibiganza by'Imana. Mbere yo kuryama umugabo wanjye yasenze isengesho rirerire kandi ashimikiriye. Mu buryo butunguranye wa mutwaro wo gusenga yari afite wamuvuyeho,kandi byasaga nk'aho hari ijwi rivuganye nawe riramubwira riti, "Genda uryame, umwana ndamwitaho."

Nari nananiwe nabaye nk'umurwayi kandi sinashoboraga gusinzira bitewe no guhangayika amasaha menshi. Nananiwe guhumeka neza. Nubwo nari ndyamye mu cyumba kigari, narabyutse mfungura urugi maze mpita numva nsubijwemo imbaraga bityo mu kanya gato ndasinzira. Narose umuganga w'inararibonye ahagaze iruhande rw'umwana wanjye, areba umwuka wose ahumeka ukuboko kumwe kurambitse ku mutima w'umwana naho ukundi kuri kumva uko umutima utera. Yaraduhindukiriye aratureba maze aravuga ati, "Kwa kumererwa nabi kwarangiye. Amajoro mabi cyane yarangiye. Mu kanya kihuse umwana arahaguruka kubera ko adafite ingaruka mbi z'imiti agomba gukira. Imbaraga ikorera mu byaremwe yakoze umurimo wayo irinda umubiri ibyawanduza." Namubwiye uko nacitse intege, uko nananiwe guhumeka neza ndetse n'uburyo nasubijwemo intege kubwo gukinguraga urugi.

Yaravuze ati, "Icyagusubijemo intege kirazahura umwana wawe. Akeneye umwuka. Watumye agira ubushyuhe bwinshi. Umwuka ushyushye waturukaga mu ifuru/imbabura uteza ingorane, kandi iyo hataba umwuka winjira unyuze mu myenge y'amadirishya, uriya mwuka uva mu ifuru wari kuba uburozi maze ukica abantu. Ubushyuhe bw'ifuru cyangwa imbabura bwica ubushobozi bw'umwuka bwo kubeshaho abawuhumeka maze ugaca ibihaha intege. Ibihaha by'umwana wawe byaciwe intege n'uko icyumba cyari gishyushye cyane. Abantu barwaye bacibwa intege n'indwara kandi bakeneye umwuka wose ubasubizamo imbaraga kugira ngo babashe gutuma imyanya y'umubiri ikomeye ishobobora ihangana n'uburwayi. Nyamara kandi akenshi umwuka n'umucyo bikunze kutemererwa kwinjira mu cyumba cy'abarwayi nk'aho ari abanzi gica kandi ari cyo gihe bikenewe cyane." Izi nzozi ndetse n'ibyabaye ku mugabo wanjye byaraduhumurije twembi. Bukeye twabonye umwana wacu yamaze ijoro atagohetse. Yasaga n'uwari ufite umuriro mwinshi cyane kugeza ku manywa y'ihangu. Hanyuma wa muriro wamushizemo maze amererwa neza uretse ko yari afite intege nke. Mu minsi itanu yari amaze arwaye yari yarariye akagati gato cyane. Yakize mu buryo bwihuse, kandi yagize ubuzima kurusha uko yari ameze mu myaka myinshi yari ishize. Ibi byabaye ni ingirakamaro kuri twe. –*Spiritual Gifts*, vol 4, pp. 151-153 (1864).

GUKIRA KWA JAMES WHITE[8]

Mu myaka myinshi ishize mu 1865, igihe umugabo wanjye yari afite inshingano zikomeye i Battle Creek, yatangiye kuremererwa n'akazi. Ubuzima bwe bwacitse mu buryo bwihuse. Amaherezo yaje gutentebuka rwose mu ntekerezo n'umubiri maze aba atakibasha kugira ikintu na kimwe akora. Incuti zanjye zarambyiye ziti, " Madamu White, ntabwo umugabo wawe ashobora kubaho." Niyemeje kumujyana ahantu hameze neza hamufasha koroherwa. Mabukwe yarambwiye ati, "Ellen, ugomba gusigara ukita ku muryango wawe."

Naramusubije nti, "Mubyeyi, sinzemerera na gato buriya bwenge butagereranywa bw'umugabo wanjye buserengetera burundu. Nzakorana n'Imana kandi n'Imana izakorana nanjye kugira ngo dukize uwonko bw'umugabo wanjye."

Kugira ngo tubone ibyo kudufasha mu rugendo rwacu, nazinze imikeka myiza
(amatapi) yanjye maze ndayigurisha. …Amafaranga yavuyemo nayaguze igare ritwikiriye rikururwa n'indogobe maze nitegura urugendo, nsasa umufariso/ matora muri iryo gare kugira ngo umugabo wanjye aryameho. Twafashe urugendo twerekeza Wright, i Michgan duherekejwe na Willie agahungu kacu kari gafite imyaka cumi n'umwe.

Igihe twari mu rugendo, Willie yagerageje gushyira mu kanwa k'indogobe ibyuma bifasha kuyiyobora ariko aza gusanga atabishoboye. Nabwiye umugabo wanjye nti, " Shyira ukuboko kwawe ku rutugu rwanjye maze uze ushyiremo biriya byuma."

Yavuze ko atabishobora. Naramusubije nti, " Yego wabishobora, haguruka maze uze." Yarabikoze maze abasha gushyira bya byuma mu kanwa k'indogobe. Kuva ubwo yamenye ko azabikora n'ubutaha.

Iteka nakomezaga gutuma umugabo wanjye akora ibintu bito nk'ibyo. Sinari kumwemerera gukomeza gutuza ntacyo akora, ahubwo natumye akomeza

[8] Aya ni amagambo yavugiwe mu nama yabereye ahitwa Elms-haven, St. Helena, California kuwa 13 Mata 1902.

kujya agira icyo akora. Iyi ni gahunda abaganga n'abafasha babo bari bakwiriye gukurikiza mu mavuriro yacu. Muyobore abarwayi mugendane intambwe ku ntambwe mutume intekerezo zabo zigira ibyo zihugiramo ku buryo batabona igihe cyo gutekereza ku burwayi bwabo.

UMURIMO UKORESHWA IMBARAGA N'UBWENGE WARASHYIGIKIWE

Inshuro nyinshi abavandimwe bacu mu kwizera bazaga kutugisha inama. Ntabwo umugabo yashakaga kugira umuntu n'umwe abona. Akenshi iyo abantu benshi bazaga yahitagamo kujya mu kindi cyumba. Nyamara akenshi mbere y'uko abona ko hari umuntu waje, namuzaniraga umushyitsi dufite maze nkamubwira nti, « Mugabo wanjye, dore umuvandimwe mu kwizera uje kutubaza ikibazo kandi kubera ko ushobora kugisubiza neza kundusha, ndamukuzaniye. » Birumvikana ko atashoboraga kwicecekera ngo ye kugira icyo akora. Yegamaga ku cyumba maze agasubiza ikibazo yabajijwe. Muri ubu buryo ndetse no mu bundi bwinshi natumye akoresha intekerezo ze. Iyo ataza gufashwa gukoresha intekerezo ze, ziba zaraserengeteye burundu mu gihe gito.

Buri munsi umugabo wanjye yajyaga kugendagenda hanze y'imihira. Mu muhindo haje imvura ikaze ivanze n'amahindu maze yibwira ko adashobora kujya hanze mu mugaru n'amahindu. Nasanze umuvandimwe wacu mu kwizera witwa Root maze ndamubwira nti, « Root, mbese waba ufite inkweto za bote udakoresha ? »

Yaransubije ati, « Yego ».

Naramubwiye nti, « Nashimishwa n'uko wazintiza muri iki gitondo. »
Nambaye izo nkweto maze njya gutembera hanze y'imuhira. Nagenze hafi metero magana ane ngenda mu rubura rwinshi. Ngarutse nasabye umugabo wanjye kugendagenda. Yavuze ko adashobora kujya hanze ikirere kimeze gityo. Naramusubije nti, « Ni byo, wabishobora, rwose washobora kunyura aho nanyuze.» Yari umugabo wubaha abagore cyane maze abonye aho nanyuze atekereza ko niba umugore ashobora kugenda muri urwo rubura, nawe arabishobora. Icyo gitondo, yakoze urugendo rwe nk'uko bisanzwe.

Mu itumba ahariho ibiti byera imbuto byagombaga kubagarirwa kandi hari n'ubusitani bwagombaga gukorwa. Nabwiye umuhungu wacu nti, « Willie, ndagusabye ugure amasuka atatu na rato ["*rato*" *ni kimwe mu bikoresho byifashishwa mu buhinzi*] eshatu. Ubyiteho ugure bitatu bitatu kuri buri bwoko. » Igihe yabinzaniraga , namubwiye gufata isuka imwe na se akamuha indi. Umugabo wanjye yashatse kwanga ariko afata isuka imwe. Nanjye nafashe indi maze dutangira gukora, kandi n'ubwo ibiganza byanjye byarwaye amabavu narabikoresheje ndahinga. Ntabwo umugabo wanjye yashoboraga gukora byinshi, ariko yashyigikiye ibitekerezo byacu. Uburyo nk'ubwo nibwo nakoresheje maze ngerageza gukorana n'Imana mu gutuma umugabo wanjye agarukana amagara mazima. Mbega uburyo Uhoraho yaduhaye umugisha!

Igihe cyose iyo ngiye ntwaye imodoka njyana n'umugabo wanjye. Kandi igihe najyaga kubwiriza ahantu aho ari ho hose najyanaga nawe. Nagiraga amateraniro ahoraho agenda akurikirana. Sinashoboraga kumwemerera kujya kwicara mu ntebe igihe nabwirizaga. Amaherezo nyuma y'amezi menshi naramubwiye nti, « Noneho mugabo wanjye, uyu munsi urajya kwicara mu ntebe y'umubwiriza.» Ntiyashakaga kugenda ariko sinamwemereraga. Nramufataga tukazamukana tukajyana muri iyo ntebe. Uwo munsi yabwirije abantu. Nubwo inzu yaberagamo amateraniro yari yuzuye abatizera,
sinashoboraga kwihangana igice cy'isaha ntasheshe amarira. Umutima wanjye wabaga wasabwe n'ibyishimo no gushima. Nari nzi insinzi yagezweho.

KUGORORERWA KUBERA UMWETE UDATEZUKA

Nyuma y'amezi cumi n'umunani yo gukorana n'Imana ubudatuza mu muhato wo gutuma umugabo wanjye asubirana amagara mazima, namusubije mu imuhira. Igihe namushyikirizaga ababyeyi be naravuze nti, «Data na we Mama, dore umuhungu wanyu.»

Mabukwe yaravuze ati, “Ellen, nta wundi ufite ukwiriye gushima uretse Imana nawe ubwawe kubera uku gukira gutangaje. Imbaraga zanyu zarabikoze.”

Nyuma yo gukira kwe umugabo wanjye yamaze imyaka myinshi kandi muri icyo gihe yakoze umurimo mwiza cyane wo mu mibereho ye. Mbese iyo myaka yiyongeyeho yo kuba ingirakamaro ntiyanshumbushe byinshi kuri ayo mezi cumi n’umunani yo kumwitaho mu buryo bukomeye?

Nababwiye muri make iyi nkuru y’ibyambayeho ku giti cyanjye kugira ngo mbereke ko hari ibyo nzi ku byerekeye gukoresha uburyo kamere mu kuzahura abarwayi. Imana izakorera ibitangaje umuntu wese muri twe niba dukora twizeye, tugakora twiringiye ko igihe dukorana nayo iba yiteguye gukora uruhare rwayo. Ndifuza gukora icyo nshoboye cyose kugira ngo nyobore abavandimwe banjye mu kwizera bakurikire inzira yo gushyira mu gaciro kugira ngo imihati yabo ibashe kugera ku ntego. Abantu benshi bari mu bituro bagombye kuba uyu munsi bakiriho iyo baba barakoranye n’Imana. Nimucyo ku byerekeye izi ngingo tube abagabo n’abagore bashyira mu gaciro. –Manuscript 50, 1902.

UMUGABANE WA VIII

INAMA RUSANGE

Iteka ryose inama zo mu mwuka w’ubuhanuzi ni ingirakamaro. Mu byo Ellen White yanditswe dusangamo inama n’amabwiriza bivuga hafi kuri buri gice cyose cy’imibereho ya Gikristo n’ibyo abantu banyuramo muri iyo mibereho. Nubwo amabwiriza menshi yatanzwe avugwa mu *Bihamya* no mu bindi bitabo bya Ellen G. White, ishakiro rishya ry’ibitabo bitagisohorwa ubu ndetse n’iry’inyandiko zandikishijwe intoki zitarasohorwa mu bitabo ryagaragaje ingingo zirimo inama mu mirongo imwe n’imwe. Muri iki gihe izo nama zigenda ziba ingirakamaro cyane bijyanye n’uko ibintu bishya kandi bikomeye bigenda bibaho. Izo ngingo zizagira icyo zongera mu buryo bufatika ku mutungo w’amabwiriza Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi bafite ubu.

Nk'urugero twatanga ni amagambo atarasihiwe mu gitabo yavuzwe mbere ku kibazo cyo gusinziriza abarwayi. Mu bigo bimwe by'ubuuzi uko gusinziriza abarwayi bifatwa nk'uburyo bwiza bwo kuvura. Inama zihariye kandi zumvikana Ellen G. White yatanze ku byerekeye gukoresha gusinziriza mu gihe cyo kuvura abarwayi ndetse n'ingorane zo gukoresha ubwo buryo, ibyo byose ni ingirakamaro cyane muri iki gihe.

Uyu mugabane w'iki gitabo usoresha inama zirarikira Abadiventisiti b'Umunsi wa karindwi kuzirikana agaciro ko kubaka ingo zabo ahantu h'icyaro. Izo nama zakuwe mu zindi nyandiko zitari ibitabo byashyizwe ku mugaragaro, nyamara zazavuzwe mbere mu gatabo gato kiswe Imibereho yo mu cyaro [*Country Living*] gashyimangira cyane akamaro ko kugendana ubwitonzi n'ubushishozi mu guhitamo aho umuntu akwiriye gutura mu cyaro

ndetse n'ahitaruye imijyi ituwe cyane. Izo nama zigaragara muri iki gitabo kandi zibasha kwifashishwa. ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA ELLEN G. WHITE.

IGICE CYA 32 :INYIFATO IKWIRIYE MU GIHE CYO GUSENGA

Nkiriye amabaruwa menshi ambaza ku byerekeye inyifato umuntu akwiriye kugira igihe asenga Umwami Imana umwami w'ijuru n'isi. Ni hehe abavandimwe bacu mu kwizera bakuye igitekerezo ko bakwiriye guhagarara igihe basenga Imana? Umuntu umwe wari warigiye i Battle Creek imyaka itanu yasabwe gusenga mbere y'uko mushiki wacu Ellen G. White abwiriza abantu. Nyamara igihe namwitegerezaga ahagaze yemye ubwo yari hafi kubumbura akanwa ke ngo asenge Imana, umutima wanjye wangurumaniyemo kugira ngo mucyahe ku mugaraagaro. Namuhamagaye mu izina rye maze ndavuga nti, "Pfukama." Iyo ni yo nyifato ikwiriye igihe cyose.

"Atandukana na bo umwanya ungana n'ahaterwa ibuye, arapfukama arasenga" (Luka 22:41).

“Petero abaheza bose, arapfukama arasenga, ahindukirira intumbi ati, ‘Tabita haguruka.’ Arambura amaso abonye Petero arabyuka aricara ” (Ibyakozwe n’Intumwa 9:40).

“Bakimutera amabuye arambaza aravuga ati, ‘Mwami Yesu, akira mwuka wanjye.’ Arapfukama avuga ijwi rirenga ati, ‘Mwami, ntubabarho iki cyaha.’ Amaze kuvuga atyo arasinzira” (Ibyakozwe n’Intumwa 7:59, 60).

“Amaze kuvuga atyo, arapfukama asengana nabo bose” (Ibyakozwe n’Intumwa 20:36).

“Tumaze iyo minsi tuvayo turagenda, bose baduhererekanya n’abagore n’abana batugenza umududgudu, dupfukama mu kibaya cy’inyanja turasenga” (Ibyakozwe n’Intumwa 21:5).

“Ituro rya nimugoroba rituwe mpaguruka aho nari ndi nibabaje, umwambaro wanjye n’umwitero byari bishishimutse, mperako nkubita amavi hasi ntegera Uwiteak Imana yanjye ibiganza ndavuga nti, ‘Ayi!! Mana yanjye, nkozwe n’isoni mu maso hanjye haratugengeza bimbuza kukuburiraho amaso. Mana yanjye kuko ibicumuro byacu bigwiriye, bikaturengerana, dutsinzwe n’imanza nyinshi zarundanyijwe zikagera mu ijuru’” (Ezira 9:5, 6). “Nimuze tumuramye
twunamye, dupfukamire Uwiteka Umuremyi wacu” (Zaburi
95:6).

“Ni cyo gituma mpfukamira Se w’Umwami wacu Yesu Kristo” (Abefeso 3:14). Niba umutima w’umuntu witeguye kwakira, iki gice kizaba icyigisho cy’ingenzi dushobora kwiga.

Inyifato ikwiriye igihe umuntu asenga Imana ni ugupfukama. Abasore batatu b’Abaheburayo bari baratwawe ari imbohe i Babuloni basabwe gukora iki gikorwa….Nyamara igikorwa nk’icyo cyagaragazaga icyubahiro kigomba guhabwa Imana yonyine yo Mwami ukomeye utegeka isi, Umutegetsi w’ibyaremwe byose. Abo Baheburayo batatu banze guha icyubahiro nk’icyo ikigirwamana icyo ari cyo cyose nubwo cyaba kigizwe n’izahabu nziza. Iyo babigenza batyo, mu migambi yose, bari kuba bapfukamiye umwami w’i Babuloni. Kubera kwanga ibyo umwami yari yategetse babonye igihano,

kandi bajugunywe mu itanura rigurumana. Nyamara Kisto ubwe yariyiziye agendana nabo muri uwo muriro maze ntibagira icyo baba.

Haba mu ruhame cyangwa mu rwiherero, ni inshingano yacu gupfukamisha amavi yacu imbere y'Imana igihe tuyibwira ibyifuzo byacu. Iki gikorwa kigaragaza ko tugengwa n'Imana.

Igihe cyo kwegurira Imana ingoro yayo y'i Yerusalemu, Salomo yahagaze areba urutambiro. Mu rugo rw'iyo ngoro harimo uruhimbi rukozwe mu muringa rwo guhagararaho, kandi Salomo amaze kuruzamuka yarahagaze, azamura ibiganza bye abitunga mu ijuru mazi aha umugisha iteraniro rinini ry'Abisiraheli, nuko iteraniro ryose ry'Abisiraheli rirahaguruka……

"Salomo yari yarakoresheje uruhimbi mu muringa rungana na metero ebyiri n'igice z'uburebure, na metero ebyiri n'igice z'ubugari, na metero imwe n'igice z'ubuhagarike, barushyira mu rugo rw'Ingoro. Nuko Salomo ararwurira apfukama imbere y'ikoraniro ryose ry'Abisiraheli, arambura amaboko ayerekeje hejuru" 2Amateka 6:13.

Isengesho rirerire yasenze ryari rikwiranye n'icyo gihe barimo. Yari yarihumekewe n'Imana, ryari ryuje impuhwe zivanze no kwicisha bugufi gukomeye.

KUTABYITAHO KUGENDA GUKURA

Mvuze aya masomo atanga ubuhamya mbaza nti, "Ni hehe umuvandimwe wacu H yakuye uburere afite?" –Ni i Battle Creek. Mbese urebye umucyo Imana yahaye ubwoko bwayo ku byerekeye kwicisha bugufi, bishoboka ko abagabura, abayobozi b'amashuri yacu n'abarezi mu mvugo yabo n'urugero batanga bakwigisha urubyiruko guhagarara bemye igihe basenga nk'uko Abafarisayo babigenzaga? Mbese ibi ntitwabifata ko bumva bihagije kandi ari ingirakamaro? Mbese iyi mico ikwiye kwemerwa.

"Uyu mugani yawuciriye abiyiringira ubwabo ko bakiranuka, bagahinyura abandi bose. Ati, 'Abantu babiri bazamutse bajya mu rusengero gusenga, umwe yari Umufarisayo undi ari umukoresha w'ikoro. Umufarisayo arahagarara, asengera mu mutima we ati, 'Mana ndagushimiye yuko

ntameze nk'abandi b'abanyazi n'abakiranirwa n'abasambanyi, cyangwa ndetse n'uyu mukoresha w'ikoro. Mu minsi irindwi hose niyiriza ubusa kabiri, ntanga kimwe mu icumi mu byo nungutse byose'" (Luka 18:9-12). Zirikana ko Umufarisayo wigiraga intungane ari we utaricisha bugufi kandi utarubahaga Imana; ahubwo yahagaze mu bwirasi bwe bwo kumva yihagije maze abwira
Imana ibikorwa bye byiza. "Umufarisayo arahagarara, asengera mu mutima we" (Luka 18:11); kandi isengesho rye ntiryarenze igihagararo cye.

"Naho uwo mukoresha w'ikoro ahagarara kure, ntiyahangara no kubura amaso ngo arebe mu ijuru, ahubwo yikubita mu gituza ati, 'Mana, mbabarira kuko ndi umunyabyaha.' Ndababwira yuko uwo muntu yamanutse ajya iwe, ari we utsindishirijwe kuruta wa wundi, kuko uwishyira hejuru azacishwa bugufi, ariko uwicisha bugufi azashyirwa hejuru" (Luka 18:13, 14).

Twiringira ko igihe bene data begera Imana imwe rukumbi nyakuri kandi ihoraho batazagaragaza kwicisha bugufi no kubaha bitageze ku rugero nk'urwo abapagani bagaragariza ibigirwamana byabo. Nibitaba bityo abo bapagani bazaducira urubanza ku munsi w'amateka. Ndashaka kubwira abantu bose bigisha mu mashuri yacu. Bagabo namwe bagore, ntimugasuzugure Imana kubera kuticisha bugufi kwanyu no kwishyira hejuru. Ntimikigere muhagarara mu bufarisayo bwanyu ngo musenge Imana. Ntimwiringire imbaraga zanyu bwite. Ntimukazishingikirizeho; ahubwo akenshi mujye mupfukama imbere y'Imana maze muyiramye.

KU MAVI MUPFUKAMYE

Kandi nimuterana kugira ngo muramye Imana, muzirikane kandi mupfukame imbere yayo. Nimureke iki gikorwa kigaragaze ko umutima wose, umubiri n'umwuka byose byumvira Mwuka w'ukuri. Ni nde wasomye
Ijambo ry'Imana abyitondeye ngo akuremo ingero n'amabwiriza ku byerekeye iyi ngingo? Ni ba nde dukwiriye kwiringira tukabagira abarezi mu mashuri yacu muri Amerika no mu bihugu by'amahanga? Mbese nyuma y'imyaka myinshi yo kwiga abanyeshuri bazasubira mu bihugu byabo bafite ibitekerezo bigoretse ku byerekeye icyubahiro n'ikuzo bikwiriye guhabwa

Imana, kandi bakumva nta nshingano bafite yo kubaha abageze mu za bukuru, abantu bafite ubunararibonye, abagaragu batoranyijwe n'Imana bamaze hafi imyaka yose yo kubaho kwabo bakora umurimo w'Imana? Ndagira inama abiga muri Amerika cyangwa ahandi aho ari ho hose nti, 'Ntimukakire umwuka wo kutubaha. Mumenye neza ko musobanukiwe uburere mukeneye kugira ngo mushobore kwigisha abandi kugira imico ikwiye izabasha gutsinda ikigeragezo kiri hafi kugera ku batuye isi bose. Mukomeze kwifatanya n'Abakristo b'indakemwa. Ntimugahitemo abarimu cyangwa abanyeshuri biyoberanya, ahubwo mugitemo abafite ubutungane bwimbitse, abantu bafite umwuka w'ubwenge mu byerekeye Imana.'

Turiho mu bihe bishishana. Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi bavuga ko ari ubwoko bw'Imana bwumvira amategeko; nyamara bagenda batakaza umwuka wabo wo kuramya. Uyu mwuka wo kubaha Imana wigisha abantu uburyo bwo bakwiriye kwegera Umuremyi wabo bafite ubutungane no kwiyoroshya mu kwizera, nyamara atari ukwiyizera ubwabo ahubwo bizera Umuhuza wabo n'Imana. Muri ubwo buryo umuntu akomezwa mu byo yanyuramo uko byaba bimeze kose. Umuntu akwiriye kuza agapfukama, yiringiye guhabwa ubuntu, akaza asaba yegereye intebe y'ubuntu. Uko buri munsi yakira ubuntu buva mu biganza by'Imana, mu mutima we ahora ashima kandi abigaragariza mu magambo yo gushima no guhimbaza kubw'ineza yagiriwe atayikwiriye. Abamarayika bagiye barinda inzira anyuramo mu mibereho ye yose, kandi ntabwo yigeze abona imitego myinshi yarokowe. Kubw'uku kurindwa no kwitabwaho n'amaso atigera agoheka kandi ngo asinzire, muri buri sengesho asenga umuntu agomba kuzirikana umurimo Imana imukorera.

Mu mibereho yabo y'impezamajyo no mu byo kakenera buri munsi abantu bose bari bakwiriye kwishingikiriza ku Mana. Bakwiriye gukomeza kwicisha bugufi, bakaba maso kandi basenga. Gusingiza no gushima bikwiriye guturuka imbere mu mutima byuzuye gushima n'urukundo nyakuri umuntu akunda Imana.

Abantu bakwiriye gusingiza Imana isumba byose bari mu iteraniro no mu mbaga y'abagenda batunganye. Abantu bose bazirikana umubano muzima

bafitanye n'Imana bakwiriye guhagarara imbere y'Uwiteka bamuhamya, bavuga urukundo, imbabazi n'ubugwaneza by'Imana. Nimureke amagambo avuzwe avuganwe ukuri, abe yoroheje, avuye ku mutima, yuzuye ubwenge, umutima ugurumana urukundo rw'Imana, iminwa yereshejwe ikuzo ry'Imana atari ukugira ngo amenyekanishe imbabazi z'Imana gusa ahubwo ari no kugira ngo ayibere umuhamya ahantu hose. Abatuye isi bagomba kumenya ko Uhoraho ari Imana nyakuri yonyine kandi nzima.

Hakwiriye kubaho ubwenge bw'uburyo bwo kwegera Imana mu kwiyorosha no kuyubaha bijyanirana n'urukundo rwo kuramya. Kubaha Umuremyi wacu bigenda birushaho kubura, kandi kwirengagiza gukomera kwe n'icyubahiro cye birushaho kwiyongera. Nyamara Imana ivugana natwe muri iyi minsi ya nyuma. Twumva ijwi ryayo mu mugaru no mu nkuba zihinda.
Twumva ibiza yemera ku bibaho mu bishyitsi, mu gusandara kw'amazi ndetse no ku bindi birimbura ibintu byose bigenda imbere yabyo. Twumva iby'amato arohama mu nyanja ihorera. Rimwe na rimwe Imana ibwira imiryango yanze kuyimenya ibinyujije mu muyaga wa serwakira n'ishuheri, rimwe na rimwe ikavugana nayo imbona nkubone nk'uko yavuganye na Mose. Na none kandi yongorera urukundo rwayo umwana muto uyiringira ndetse n'umukambwe. Bityo umunyabwenge wo ku isi agira ubwenge iyo yitegereje ibitabonwa.

Igihe ijwi rituje ryakurikiye umuyaga w'ishuheri na serwakira yanyeganyeje ibitare ryumvikanye, nimucyo abantu bose bipfuke mu maso kuko Imana iri hafi. Nimucyo bihishe muri Yesu Kristo kuko ari we bwihisho bwabo. Ubusate bwo mu rutare buhishwa n'ikiganza cye cyatewemo imisumari mu gihe umushaka yicishije bugufi amutegereza yunamye ngo yumve ibyo Uhoraho abwira umugaragu we.- Manuscript 84b, 1897.

NTA HANTU HADAKWIRIYE GUSENGERWA

Nta gihe cyangwa ahantu bidakwiriye ko umuntu yabwira Imana ibyifuzo bye….Haba mu mbaga y'abantu mu nzira, kaba mu iguriro, dushobora kubwira Imana ibyifuzo byacu, kandi tugasaba kuyoborwa nayo nk'uko

Nehemiya yabikoze ubwo yasabaga ari imbere y'umwami Aritazerusi. –*Step to Christ* (Pocket ed.), p. 99.

Dushobora kuvugana na Yesu igihe tugenda mu nzira, kandi aravuga ati, 'Ndi iburyo bwawe.' Dukwiriye gusabana n'Imana mu mitima yacu; kandi dukwiriye kugendana na Kristo. Igihe dukora imirimo yacu ya buri munsi, dukwiriye gusohora icyifuzo cy'umutima wacu kitumvwa n'umuntu uwo ari we wese; nyamara ntabwo iryo jambo ryayisoba cyangwa ngo rizimire. Nta kintu gishobora guhaza icyifuzo cy'umutima. Icyo cyifuzo kiratumbagira kikarenga urusaku rwo mu nzira n'urw'ibyuma bisakuza. Imana niyo tuba tubwira kandi isengesho ryacu rirumvwa. –*Gospel Workers*, p. 258.

Ntabwo igihe cyose ari ngombwa gupfukama kugira ngo usenge. Imenyereze kuvugana n'Umukiza igihe uri wenyine, igihe ugenda n'igihe uhugiye mu mirimo yawe ya buri munsi. –*The Ministry of Healing,* pp. 510, 511.

IGICE CYA 33 :"NTUKAGIRE IZINDI MANA MU MASO YANJYE"

Buri mwana w'Imana nyakuri wese azashungurwa nk'uko bashungura ingano, kandi mu gikrwa cyo gushungura buri binezeza byose byabase umuntu bigateshura umutima ku Mana bigomba gukurwaho. Mu miryango myinshi ububiko, ibitereko n'ameza byuzuye imitako n'amashusho. Ibitabo bibikwamo amafoto byuzuye amafoto y'umuryango n'incuti zawo bishyirwa aho abashyitsi bazagira ubwuzu bwo kubireba. Bityo intekerezo zari zikwiriye kwerekezwa ku Mana no ku by'ijuru zerekezwa ku bintu bisanzwe. Mbese ubu ntabwo ari
uburyo bumwe bwo kuramya ibigirwamana? Mbese amafaranga yabitanzweho ntiyari akwiriye gukoreshwa guhesha umugisha inyokomuntu, agahembura abababaye, akambika abambaye ubusa kandi akagaburira abashonji? Mbese ntiyari akwiriye gushyirwa mu mutungo w'Imana kugira ngo ateze imbere umurimo wayo kandi yubake ubwami bwayo mu isi?

Iki kibazo kirakomeye cyane kandi murakibajijwe kugira ngo mutandukane n'icyaha cyo kuramya ibigirwamana. Mwagira umugisha mu mitima yanyu

muramutse mwumviye ijambo ryavuzwe n'Uwera wa Isiraheli agira ati, "Ntukagire izindi mana mu maso yanjye" (Kuva 20:3). Abantu benshi bari kwishyiriraho ibibahangayikisha bitari ngombwa batakaza igihe n'intekerezo ku mitako itari ngombwa yuzuye amazu yabo. Hakenewe imbaraga y'Imana kugira ngo ibakangure bave muri uku gutwarwa kubera ko mu migambi yako yose ari uburyo bwo kuramya ibigirwamana.

Ugenzura umutima ashaka kurokora ubwoko bwe mu buryo ubwo ari bwo bwose bwo kuramya ibigirwamana. Nimucyo Ijambo ry'Imana, igitabo cyahawe umugisha cyubaka imibereho abe ari cyo kijya ku meza ubu yuzuye imitako idafite akamaro. Nimukoreshe amafaranga yanyumugura ibitabo bizifashishwa mu kukurikira ubwenge ku byerekeye ukuri kw'iki gihe. Igihe mutakaza mwimura kandi muhanagura imitako y'ubwoko bwinshi yo mu mazu yanyu, nimugikoreshe mwandikira incuti zanyu imirongo mike, mwohereza impapuro cyangwa udutabo duto umuntu waba utazi ukuri.

Nimufate Ijambo ry'Imana nk'ubutunzi bw'ubwenge n'urukundo bitagira iherezo. Iyi ni igitabo cyerekana inzira igana mu ijuru. Kitwereka Umukiza ubabarira ibyaha kitubwira kiti, "Dore Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi" (Yohana 1:29).

Iyaba mwasomaga Ibyanditswe byera mufite imitima isenga n'umwuka wo kwiyegurira Imana! Iyaba mwagenzuraga imitima yanyu mwifashishije itara ryaka, maze mukavumbura kandi mugaca urudodo rukomeye rubaziritse ku ngeso z'ab'isi ziteshura intekerezo ku Mana! Nimusabe Imana ibereke imikorere yose itwara ibitekerezo byanyu n'urukundo rwanyu bikayivaho.
Imana yahaye umuntu amategeko yayo yera ngo abe igipimo cy'imico ye. Hifashishijwe aya mategeko, mushobora kubona no gutsinda inenge yose iri mu
mico yanyu. Mushobora kwitandukanya n'ikigirwamana cyose kandi mukifatanya n'intebe y'ubwami y'Imana mukoresheje umunyururu w'izahabu w'ubuntu n'ukuri. –*The Review and Herald,* May 14, 1901.

UMUBURO WEREKEYE IMYANYA Y'ICYUBAHIRO

Hariho abantu bamwe bari bafite ubushobozi bwo kunganira itorero, nyamara bari bakeneye kubanza bashyira imitima yabo kuri gahunda.
Bamwe bagiye bazana ibipimo by'ibinyoma, kandi bagiye bagira ibitekerezo byabo n'ibyo bazi urugerongenderwaho, bagatubura ingingo zoroheje maze bakazigira ibipimo by'ubuyoboke bwa Gikristo bityo bagakoreza abandi imitwaro iremereye. Muri ubwo buryo ni bwo umwuka wo kunenga, gushaka amakosa ku bandi no kwirema ibice waje, kandi wakomerekeje itorero cyane. Bityo abatizera beretswe isura ko Abadiventisiti bubahiriza Isabato ari itsinda
ry'abaka n'abahezanguni, kandi ko kwizera kwabo kudasanzwe kwabahinduye abantu batagira impuhwe, badakundana ndetse batari Abakristo mu mico. Muri ubwo buryo imikorere y'abahezanguni bake yabijije imbaraga y'ukuri kugera ku bantu.

Bamwe bashyiraga imbere ikibazo cy'imyambarire, bagahinyura imyambaro abandi bambara kandi bakaba biteguye guciraho iteka umuntu wese utarakoraga ibihuje n'ibitekerezo byabo. Bamwe baciraho iteka amafoto bavuga ko abuzanyijwe n'itegeko rya kabiri, kandi bakavuga ko ikintu cyose kimeze gityo gikwiriye gukurwaho.

Abo bantu batava ku izima nta kindi kintu bashobora kubona uretse gushimangira ikintu kimwe kiba mu ntekerezo zabo. Mu myaka myinshi yashize, twahanganye n'umwuka nk'uyu n'imikorere nk'iyi. Hahagurutse abantu bavuga ko boherejwe bahawe ubutumwa buciraho iteka amafoto kandi basaba ko ikintu cyose kimeze gityo gikwiriye gukurwaho. Barakabije kugeza ubwo baciraho iteka n'amasaha manini ashushanyijweho.

Dusoma muri Bibiliya ko hariho abantu bafite imitekerereze myiza kandi hariho n'abagira imitekerereze mibi. Hari bamwe bakabya muri byose bagatuma Ubukristo buba umutwaro nk'uko Abayahudi bari baragenje kubahiriza Isabato. Imiburo Yesu yahaye abanditsi n'Abafarisayo ireba n'iri tsinda ry'abantu: "Ariko muzabona ishyano Bafarisayo, kuko mutanga kimwe mu icumi cy'isogi na nyiragasogereza n'imboga zose, mukirengagiza gukiranuka no gukunda Imana!" (Luka 11:42). Umuntu umwe w'umwaka ufite umwuka wo kwikakaza n'ibitekerezo bitava ku izima, bazaremerera

intekerezo z’abashaka kuba intungane kandi bazateza ingorane ikomeye. Itorero rikeneye kwezwaho ibyo byose.

AMASHUSHO YAKORESHEJWE N’IMANA

Itegeko rya kabiri ribuzanya kuramya ibishushanyo, nyamara Imana ubwayo yakoresheje amashusho n’ibimenyetso kugira ngo ihe abahanuzi bayo ibyigisho yifuzaga ko bazabwira ubwoko bwayo, kandi muri ubwo buryo izo nyigisho zari kumvikana neza kurusha igihe zari gutangwa mu bundi buryo. Imana
yavuganye n’intekerezo binyuze mu kurebesha amaso. Amateka y’ubuhanuzi yeretswe Daniyeli na Yohana binyuze mu bishushanyo cyangwa ibimenyetso kandi ibyo bishushanyo byagombaga kugaragazwa neza mu nyandiko kugira ngo umuntu usoma abashe gusobanukirwa.

Ni iby’ukuri ko hari amafaranga menshi akoreshwa ku mashusho kandi ko atari ibintu bike byari bikwiriye kujya mu mutungo w’Imana nyamara bigahabwa umunyabukorikori. Ariko akaga kazaba ku itorero gaturutse ku mikorere y’aba bahezanguni karakomeye cyane kuruta ibyo bagerageza gukosora. Rimwe na rimwe kuvuga aho itandukaniro riri, cyangwa se aho gukora amashusho bihinduka icyaha bijya biba ikibazo gikomeye. Nyamara abakunda Imana kandi bakifuza gukurikiza amategeko yayo n’imitima yabo, bazayoborwa nayo. Ntabwo Imana izabemerera kwishingikiriza ku ntekerezo z’undi muntu. Umuntu wemera ibitekerezo byose n’imyumvire by’abantu badafite intekerezo zitunganye azagwa mu rujijo n’urungabangabo. Ni umugambi wa Satani guteshura intekerezo z’abantu ku butumwa bwa marayika wa gatatu maze zikarangamira ibibazo kugira ngo intekerezo n’imitima byagombye gukurira mu buntu no kumenya ukuri bisigingire kandi bicike intege bityo be kubasha guhesha Imana ikuzo.- *Historical Sketches of the Foreign Mission of the Seventh-day Adventists,* pp.211, 212.

IGICE CYA 34 :UMURIMO W'INGIRAKAMARO URUTA IMIKINO[9]

Nimwigishe abagabo n'abagore kurera abana babo babarinda imikorere y'uburiganya kandi igezweho, babigishe kuba ingirakamaro. Abakobwa bakwiriye kwigishwa naba nyina gukora umurimo w'ingirakamaro, atari imirimo yo mu rugo gusa ahubwo n'ikorerwa hanze y'imuhira. Ku kigero cy'ubukuru runaka, ababyeyi b'abagore bakwiriye kandi kwigisha abahungu gukora ibintu by'ingirakamaro haba imuhira cyangwa ahandi.

Hariho ibintu byinshi by'ingenzi kandi by'ingirakamaro bigomba gukorwa muri iyi si yacu byatuma bitaba ngombwa ko abantu bishimisha mu bitagira umumaro. Ubwonko, amagufa n'imihore bizagira gukomera n'imbaraga igihe nbikoreshwa hari ikigamijwe, umuntu atekereza cyane mu buryo bwiza no gutegura imigambi izatoza urubyiruko gukuza ubushobozi bw'ubwenge n'imbaraga z'ingingo z'umubiri, ari byo bizakoresha impano bahawe n'Imana bakwiriye kuyiheshesha ikuzo.

Ibi byasobanuriwe mu buryo bwimvikana mbere yo kubaho kw'ibigo byacu by'ubuvuzi n'amashuri yacu nk'impamvu ikomeye ikwiriye gutuma bishingwa. Nyamara nk'uko byari bimeze mu minsi ya Nowa na Loti, ni nako bimeze muri iki gihe cyacu. Abantu bavumbuye ibintu byinshi kandi batandukiriye cyane imigambi y'Imana n'inzira zayo.

INGORANE ZIRI MU MIKINO

Ntabwo ndwanya imyitozo yoroheje yo gukina umupira; nyamara uyu mukino n'ubwo woroheje ushobora gukorwa birengeje urugero. Iteka nterwa ubwoba n'ingaruka zikurikira uko kwinezeza. Bijyana ku gusesagura umutungo wari ukwiriye gukoreshwa mu kugeza umucyo w'ukuri ku bantu barimbuka bari kure ya Kristo. Kwinezeza no gusesagura umutungo kugira ngo umuntu yishimishe, ari byo biyobora buhoro buhoro ku kwihimbaza, kandi no kwigisha abantu iyo mikino kugira ngo abantu binezeze, ibyo bibyara

[9] Uyu ni umugabane umwe w'ibaruwa yandikiwe umunyeshuri wigaga mu mashuri yisumbuye. Yandikiwe ahitwa Napier muri New Zealand kuwa 2 Ukwakira, 1893.

gukunda no gutwarwa n'ibyo bintu bidakwiriye mu kuboneza imico ya Gikristo.

Ntabwo uburyo urwo rubyiruko rwigishijwe ku ishuri burangwamo imico y'ijuru. Ntabwo buha ubwenge imbaraga. Ntabwo butunganya kandi ngo buboneze imico. Hari imirunga ifatanya imico n'imikorere y'ab'isi, kandi abakora iyo mikino baratwarwa ku buryo mu ijuru bafatwa ko bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana. Aho kugira ngo ubwenge bugire imbaraga zo gukora umurimo mwiza kurushaho nk'abanyeshuri, kandi ngo babe Abakristo bujuje ibyangombwa byo gukora inshingano za Gikristo, gukina iyo mikino byuzuza ubwonko bwabo ibitekerezo birangaza intekerezo zabo zikibagirwa ibyo biga.

UBURYO BURUSHIJEHO KUBA BWIZA

Izo mbaraga zikoresha intekerezo n'imihore y'umubiri zikwiriye kuvumbura uburyo n'inzira byo gukora umurimo wo mu rwego rwo hejuru haba mu gukora umurimo w'ivugabutumwa watuma urubyiruko ruba abakozi bakorana n'Imana ndetse byaba no kurutoza kuba ingirakamaro cyane muri ubu buzima bakora umurimo w'ingirakamaro kuko iryo ari ryo shami ry'ingenzi cyane mu burezi.

Hariho uburyo bwinshi urubyiruko rushobora gukoresha impano rwahawe n'Imana, rwubaka umurimo w'Imana atari ukugira ngo binezeze ahubwo ari ikugira ngo baheshe Imana ikuzo. Umutware wo mu ijuru, Umwami w'icyubahiro yatanze igitambo kitagerwa aza kuri iyi si kugira ngo abashe kuzahura no gusubiza icyubahiro inyokomuntu. Yari umukozi wihangana kandi w'umunyamwete. Dusoma ko "yagendaga agirira abantu bose neza" (Ibyakozwe n'Intumwa 10:38).

Mbese uyu si wo murimo buri musore wese yagombye guharanira gukora, agera ikirenge mu cya Yesu? Mufite ubufasha bwa Kristo. Ibitekerezo by'abanyeshuri bizaguka. Bazakuza amajyambere kandi imbaraga zo kuba ingirakamaro, haba no mu mibereho y'abanyeshuri banyu, zizagenda ziyongera. Amaboko n'ibiganza Imana yatanze bigomba gukoreshwa ibyiza

bizemerwa n'ijuru ku buryo ku iherezo muzumva mubwirwa ngo, "Nuko nuko mugaragu mwiza" (Matayo 25:21).

Nkurikije uko nagejejweho ikibazo, ntabwo ntekereza ko imikino yanyu y'umupira ikorwa ku buryo abanyeshuri bazabwirwa nk'ariya magambo mu maso y'ugenzura ibikorwa bizahesha ingororano ababikoze.

Nihabeho ikigo gikozwe hakurikijwe gahunda igaragaza umuhati wa Gikristo, kandi buri muntu wese agire uruhare muri icyo kigo hakurikijwe ubushake bwo gukorera Umwami. Afite uruzabibu buri muntu wese ashobora gukoreramo umurimo mwiza. Hirya no hino abantu babaye bakeneye
ubufasha. Abanyeshuri bashobora gusabana n'abantu mu biruhuko bakoresheje amagambo akenewe, bagirira neza abakeneye gufashishwa amaboko. Ntabwo ibi bizatesha agaciro umuntu n'umwe muri mwe, kandi bizatuma umuntu yumva ko yemewe n'Imana. Ibi bizatuma impano mwahawe zitera imbere kandi zigirire akamaro abo mufasha. Bizazongera binyuze mu kuzikoresha.

Hariho uburyo bwiza bw'imyitozo ishobora guteganywa ikazaba ingirakamaro ku bugingo n'umubiri. Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa, kandi ni ingenzi ko buri muntu wese wiyumvamo inshingano azimenyereza gukora uyu murimo mu buryo bushimwa n'Imana. Abantu bose bafite ibintu byinshi bakwiriye kwiga kandi ntihashobora kubaho uburyo burushijeho kuba bwiza bwo gukoresha ubwonko, amagufa
n'imihore y'umubiri buruta kwemera ubwenge bw'Imana mu gukora ibyiza no gukurikiza uburyo bumwe bwashyizweho n'abantu bwo gushakira umuti ibibi biriho muri iki gihe cyo kwaya no gusesagura.
Ni inshingano yacu guhora dushaka gukora neza mu mikoreshereze y'imihore y'umubiri n'ubwonko Imana yahaye urubyiruko kugira ngo babashe kugirira abandi akamaro, batume imihati yabo yoroha, abafite agahinda bahumurizwe, abacitse intege bakomezwe, urubyiruko ruvuge amagambo yo guhumuriza abihebye, dukure intekerezo z'abanyeshuri mu bikino byo kwishimisha by'ubupfapfa akenshi bituma batiyubaha bya kigabo kandi bya kibyeyi ahubwo bakikoza isoni n'ikimwaro. Uhoraho ashaka ko intekerezo

zijya ku rwego rwo hejuru, zigashaka inzira zisumbuyeho kandi zubashwe zo kuba ingirakamaro.

AKAGA BITEZA KU MIBEREHO Y'IBYA MWUKA

Mbese muri iyi mikino ijisho riba ritumbiriye ikuzo ry'Imana? Nzi ko ibi atari ko bimeze. Habaho gukura amaso ku nzira z'Imana n'imigambi yayo. Mu gihe cyo kwakira imbabazi, gukoresha abanyabwenge bigenda bisimbura ubushake bw'Imana bwahishuwe, maze bikabusimbuza ibyo umuntu yibwira ndetse n'ibihimbano bye na Satani amuri iruhande ngo amwuzuze umwuka we.
Nimugumane Ijambo ry'Imana hafi yanyu. Nimuyoborwa naryo muzaba abanyabwenge, muzashikama, mutanyeganyezwa kandi iteka murushaho kugwira mu murimo w'Imana. Muri iyi minsi ya nyuma tugomba kuba maso dusenga. Umwami Imana yo mu ijuru irwanya icyifuzo kigurumana kiza muntu aharanira kuba nyambere mu mikino itwara abantu.

Nta gihe na kimwe mu mibereho yawe wigeze umenyekana mu buryo bukomeye nk'igihe ukurikiranye amasomo yawe y'iby'ubuvuzi i Ann Arbor. Satani aba ari maso mu nzira zose ashobora kuboneramo urwaho rwo kwinjirana ibishuko bye bikomeye kugira ngo yangize umuntu. Uzahura n'ibitekerezo bitizera Imana biri mu bantu b'abanyabwenge biyita Abakristo. Komera ku bwenge wahishuriwe mu Ijambo ry'Imana, kuko niwumvira ibyo ryigisha, azagufatanya n'intebe y'ubwami y'Imana.

Kurusha ikindi gihe cyose, ubu mfite ubwoba ko Abakristo, nk'abantu bihariye, bashobora gutandukana n'Imana bitewe n'uko bakura amaso ku Cyitegererezo bahawe, Yesu Kristo, maze bagatekereza ko ari byiza kugendera

mu marangamutima yabo bwite, bashukisha umutima gutekereza ko ari yo nzira y’Imana.-Ibaruwa 17a, 1893.

IGICE CYA 35 :GUSHAKA INAMA Y'ICYO WAKORA WIFASHISHIJE UBUFINDO

[Iyi ni inama yagiriwe umucuruzi ku byerekeye uburyo yakoreshaga afata imyanzuro ikomeye.]

Ugerageza kugera ku myanzuro itunganye ku byerekeye inshingano mu by 'iyobokamana, ndetse no gufata imyanzuro yerekeye ubucuruzi ukoresheje kunaga igiceri hejuru maze uko kiguye hasi akaba ari byo biguha umwanzuro w'icyo uzakora. Nabwiwe ko ngomba kuvuga ko tutagomba gushyigikira uburyo nk'ubwo. Ubwo buryo buramenyerewe cyane, bumeze nko gukoresha ikiganza mu buriganya. Ntabwo ari uburyo bwemewe n'Imana kandi abantu babwishingikirizaho ngo babone amabwiriza y'icyo bakora bazatsindwa banacike intege. Uretse ko ubwo buryo nta kindi buvuze kitari ubufindo, kubwifashisha mu byerekeye inshingano bikorerwa kuobora intekerezo kwishingikiriza ku gufinda mu gihe umurimo wacu wose n'imigambi dufatira umurimo w'Imana bikwiriye kuba bishingiye ku rufatiro nyakuri rw'Ijambo ry'Imana.

Ubwoko bw'Imana bushobora kugera ku gusobanukirwa neza inshingano yabwo binyuze gusa mu gusenga bivuye ku mutima no gushakana umwete gutunganywa na Mwuka Muziranenge. Nibashaka neza amabwiriza yerekeye icyo bakwiriye gukora, ntabwo bazemera izo nzira zidasanzwe kandi zitizewe.
Ntabwo bazakora umurimo urimo gufindafinda, kandi ntibazahura n'urujijo ruhora iteka ari umusaruro wo kwishingikiriza ku migambi y'abantu….

Abizera bacu ndababwira nti, 'Nimucyo he kugira umuntu n'umwe utandukira amahame mazima kandi yumvikana yatanzwe n'Imana kugira ngo ayobore ubwoko bwayo, ngo yishingikirize ku buryo nk'ubwo bwo kunaga igiceri igihe ashaka inama.' Imikorere nk'iyo inezeza umwanzi w'abantu kuko akora kugira ngo ayobore igiceri bityo bitewe n'icyo gikoze agasohoza imigambi ye. Nimucyo he kugira umuntu ushukwa mu buryo bworoshye nk'ubwo ngo yiringire ibipimo nk'ibyo. Nimucyo he kugira umuntu utesha agaciro ibyo azi

yitabaza izo nzira z'agaciro gake mu gushaka inama ku ngingo z'ingenzi zifitanye isano n'Umurimo w'Imana.

Ntabwo Imana ikora mu buryo bw'ubufindo. Yishake ubishishikariye mu isengesho. Izamurikira intekerezo kandi izaguha icyo uvuga. Ubwoko bw'Imana bugomba kwigishwa kutiringira ibihimbano by'abantu n'ibipimo bitizewe nk'uburyo bwo kumenya ubushake bw'Imana kuri bo. Satani n'abakozi be bahora biteguye kwinjira aho babona hose hakinguye hazateshura abantu ku mahame atunganye y'Ijambo ry'Imana. Abantu bayoborwa kandi bigishijwe n'Imana ntibazigera baha umwanya imigambi itarangwamo iri jambo ngo, "Uku ni ko Uhoraho avuga."

Nimureke abantu bose bavuga ko biteguye kugaruka k'Umukiza bicishe bugufi maze bamusabe kubamenyesha ubushake bwe, kandi bamusabe umwuka ufite ubushake bwo kugendera mu mucyo wose atanga. Nk'ishyanga, twahawe amabwirizamenshi yerekeye inshingano yacu yo kwishingikiriza ku Mana ngo iduhe ubwenge kandi itugire inama. Nimucyo tugishe inama

Ijambo ry'Imana. Umukiza aravuga ati, "Nimurondore mu byanditswe."…..Dukeneye gucisha bugufi imitima yacu kandi tukeza ubugingo bwacu buri munsi, igihe cyose tukiga kugendera mu kwizera k'Umwana w'Imana.

Bavandimwe, nimureke ibipimo bito mushobora gushukishwa gukora, maze mupimishe umwuka wanyu ubuhamya bwo mu Ijambo ry'Imana. Nimwige iryo Jambo kugira ngo mubashe kumenya ubushake n'imico by'Imana. Ni ngombwa ko umwizera wese afata ukuri kwa Bibiliya kukamubera umuyobozi n'umurinzi. Ndahamiriza umusore wese n'inkumi ndetse n'abakuze ko kwiga Ijambo ry'Imana ari yo ngabo ikingira umuntu uzahagarara ashikamye kugeza ku iherezo. – *Special Testimonies,* Series B, No. 17, pp 25-29.

W. C. White: Utekereza iki ku byerekeye ngingo yogufata umwanzuro ku bibazo by'ubucuruzi ndetse no ku bibazo by'ibyo umuntu akora buri munsi n'imyanzuro afata akoresheje kubaza Imana kumusubiza "Yego" cyangwa "Oya" ku kibazo afite mu ubu buryo? Yandika "Yego" imbere ku gapapuro gato na "Oya" inyuma, maze akakarekura, bityo akemera igisubizo akurikije uko agapapuro kaguye, akizera ko muri ubwo buryo Imana yerekanye ko ishaka ko akora ikintu runaka cyangwa ntagikore.

E. G. White: [Ni inzira y'ubufindo Imana itemera. Ndabwira abantu batanga inama yo gukoresha inzira nk'izo nti, "Oya." Ibintu byera byerekeye umurimo w'Imana ntibigomba gukorwa hifashishijwe izo nzira. Ntabwo Imana itwigisha ko tugomba kumenya ubushake bwayo binyuze mu nzira nk'iyo.

Mbese kuri twe kumenya ubushake bw'Imana dukoresheje kunaga agapapuro cyangwa igiceri maze tukareba uko kigwa, byaduha imibereho izahesha Imana ikuzo? Oya rwose. Ibipimo bimeze nk'icyo bizangiza imibereho yo kuyoboka
Imana y'ubikoresha. Umuntu wese wishingikiriza ku bintu nk'ibyo ngo abone inama yakurikiza, akeneye kongera guhinduka.[10]]

Nyuma yo gucika intege gukomeye kwanaye ku Badiventisiti mu mwaka wa 1844, twahanganye n'ibintu nk'ibyo incuro nyinshi. Icyo gihe nahagurukijwe aho nari ndwariye maze noherezwa bwo gucyaha ubwo bwaka. Bakoreshaga uburyo bwinshi. Bashoboraga gutoranya ikimenyetso runaka maze bagakurikiza icyo kiberetse.

Igihe kimwe hari ubwo batahambaga umwana wabaga yapfuye babitewe n'uko babaga basobanukiwe ko uwo mwana ari buzuke babikuye ku kimenyetso babaga bashyizeho.

Noherejwe gutanga ubuhamya bwanjye ku byerekeye ubuyobe buri muri ibyo bintu bakoreshaga nk'ibimenyetso. Nkurikije umucyo nahawe n'Imana,

[10] Aya magambo yongewemo na madame White ubwo yasomaga iyi nyandiko.

nta buhungiro dufite uretse gufata ijambo rivuga ngo, “Uku ni ko Uhoraho avuga.”….

W. C.White: Reka tuvuga ko ari ibijyana n’ubukungu. Nshobora kubona ikintu runaka nkabona kimbereye cyiza maze ngasaba Imana kumbwira niba nakigura cyangwa nkakireka. Bityo ngakoresha uburyo bwo kunaga igiceri maze uruhande narebaga rwagwa hasi runyerekeye nkakigura bitaba bityo sinkigure.

E.G.White: Imana yampaye ubutumwa buvuga ko nta kintu nk’icyo kigomba kuza mu murimo wayo. Ikintu nk’icyo cyawutesha agaciro. Uko ni ko nabyeretswe. Ibyo byateshura intekerezo ku Mana, ku mabaraga zayo n’ubuntu bwayo maze zikaranagamira ibintu bisanzwe kandi umwanzi yakoresha ibyo bintu akerekana ikintu gitangaje kikagaragara ko gikomotse mu gukurikiza izo nzira zahimbwe n’abantu. ….

W. C.White: Umugore wa Harris avuga ko igihe cyose umugabo we abanza gusenga mbere yo kunaga igiceri. Mbese ibyo ntibitandukanye n’ibindi?

E.G.White: Nta tandukaniro na rito rihari. Mbese abaka navuzeho ibihe byinshi ntibajyaga basenga mbere yo gukora ibintu bibi bibabaje muri Leta ya Maine? Uyu mugambi uyobora mu kwiringira ibyo umuntu abasha gukora. Icyo dukeneye ntabwo ari imbaraga z’Imana ku rugero ruto, ahubwo ni ku rugero rusumbyeho. Dukeneye ukudakebakeba kuzaturuka ku Mana yo mu ijuru yonyine. Bityo tuzakora dukurikije inyigisho zayo mvajuru….

Twakoresheje imbaraga zacu zose kugira ngo dushishikarize abavandimwe bacu kwegera Imana bafite kwizera, kandi bakizera ko bazahabwa Mwuka Muziranenge wayo ngo ababere umwigisha n’umuyobozi, kandi ko kubwo gufashwa na we bashobora kumenya ubushake bw’Imana. –Ibid., pp. 16-20.

GUKORESHA UBUFINDO MU GUTORANYA ABAYOBOZI B’ITORERO

Ntabwo nizera ibyo gufinda. Ku byerekeye inshingano zose z’itorero, muri
Bibiliya dufitemo ijambo ryumvikana ari ryo iri ngo, “Uku ni ko Uhoraho avuga.”….

Ndabwira abagize itorero nti, “Musome Bibiliya zanyu musenga cyane. Ntumugerageze gucisha abandi bugufi ahubwo mwe ubwanyu mwicishe bugufi imbere y’Imana, kandi mukorerane mu bugwaneza. Gukoresha ubufindo mu gutoranya abayobozi b’itorero ntabwi biri muri gahunda y’Imana. Nimureke abantu bakora inshingano zabo neza bahamagarwe kugira ngo batoranye abayobozi b’itorero.” Ibaruwa 37, 1900.

IGICE CYA 36:GUTEGANYITIZA IGIHE CY'UBUKENE

KUGIRWA INAMA KU KUZIGANA BUHORO BUHORO

Buri cyumweru mwagombye gufata amadorari atanu cyangwa se icumi mukayabika ahantu hari umutekano kugira ngo azakoreshwe mu gihe habayeho uburwayi gusa. Kubera gucunga umutungo neza mushobora kubitsa aho muzungukirwa kandi mukagira icyo muzigama nyuma yokwishyura amadeni mwafashe. – Ibaruwa 29, 1884.

Nari nzi umuryango winjizaga amadorari makumyabiri buri cyumweru maze ukayakoresha yose mu gihe hariho undi muryango ufite abawugize bangana n'uwa mbere nyamara wo ukinjiza amadorari cumi n'abiri gusa ariko ukazigama idorari rimwe cyangwa abiri buri cyumweru. Ibi babigeragaho kubera kereka kugura ibintu byasaga nk'aho ari ngombwa ariko byashoboraga kurekwa ntibigire icyo bitwara. –Ibaruwa 156, 1901.

KWITEGURA IGIHE UMUTUNGO WINJIRA UZAGABANYUKA

Iyaba mwarazigamye nk'uko bikwiriye, ubu mwagombye kuba mwari mufite umutungo wo gukoresha mu gihe habayeho ibyihutirwa cyane no mu gufasha umurimo w'Imana. Buri cyumweru umugabane umwe w'umushahara wanyu wagombye kubikwa kandi ntukorweho uko byagenda kose keretse gusa igihe habayeho igikenerwa mu buryo bukomeye cyangwa se igihe cyo kwitura uwabahaye mutura Imana amaturo…..

Ntabwo umutungo mwinjije wakoreshejwe neza ku buryo hari icyo mwazigamye cyabunganira muramutse murwaye cyangwa muramutse mutacyinjiza mu muryango ibyawunganiraga. Umuryango wanyu wagombye kugira icyo wifashisha muramutse mugeze mu gihe cy'amage mutakibona amafaranga. –Ibaruwa 5, 1877.

UMUSORE AGIRWA INAMA YO GUKORESHA UMUTUNGO NEZA NO KUZIGAMA

Biragaragara ko utigeze ukoresha umutungo neza mu bintu byose iyo bitaba bityo wagombye kuba ufite icyo werekana ko ari umusaruro wavuye muri

uwo mutungo ukwiye gushimwa kuri buri musore wese. Byagombye kuba itegeko kuri wowe kubika umugabane umwe w'ibihembo byawe bya buri cyumweru kandi ukazigama umubare runaka w'amafaranga atagomba gukorwaho……

Ubushishozi n'umurava mu by'ubutunzi, kwifata mu kurarikira ibinezeza, ndetse no kwigomwa ku buryo ubuzima butajya mu kaga, ibyo byose byagombye kugirwa n'umusore umerewe nka we, kandi wagombye kuba ufite umutungo udakorwaho wakwifashisha uramutse urwaye kugira ngo we kuba wakwishingikiriza ku bufasha bw'abandi. Wasesaguye umutungo mwinshi mu bidakenewe kandi uwo mutungo wagombye kuba warabikijwe aho wunguka ubu ukaba ukuzanira inyungu…..

Ndetse no mu mushahara wawe muto, wagombye kuba waragize icyo wizigamira cyo kugufasha igihe hari igikenewe. Wagombye kuba warakoresheje uwo mutungo ugura isambu nini yagombye kuba iri kongera agaciro. Nyamara ku musore gukoresha amafaranga yose yinjiza kugeza ku ifaranga rya nyuma bigaragaza cyane kutabara neza no kutagira gushira mu gaciro.

Kubera ko abantu bafite imibiri, imitwe n'imitima bigomba kugira icyo bihabwa, ibikorerwa umubiri bimwe bigomba gukorwa kugira ngo umuntu agumane umwanya ukwiriye mu isi. Nyamara si ukugira ngo umuntu agere ku rugero rw'ab'isi. Oya rwose. Ahubwo ni ukugira ngo abe imbaraga ihindurira ab'isi gukora icyiza. Urukundo, impuhwe n'ubugwaneza bya kivandimwe bikwiriye gushyirwa mu bikorwa. –Ibaruwa 41, 1877.

IGICE CYA 37:ABAGEZE MU ZA BUKURU BADAFITE AHO BABA[11]

Hari saa tatu za mu gitondo maze duteranira mu ihema rinini turi ku mwe na bake mu bavandimwe bacu mu kwizera kugira ngo tuganire ku kibazo

[11] Amabwiriza avugwa aha yatanzwe na Ellen G. White mu nama yatumijwe mu materaniro makuru yaberaga ahitwa Brisbane muri Australia. Izindi nama kuri iyi ngingo zishobora kuboneka gitabo cyitwa Welfare Ministry, pp.237-238.- ABAKUSANYIJE INYANDIKO.

cyahoraga kituremereye cyerekeye abageze mu za bukuru badafite aho baba.

Hari ikibazo ngo, ‘Mbese bazakorerwa iki?’

Umucyo Uhoraho yampaye wasubiwemo ngo: Nimureke buri muryango wite ku bawukomokamo, ubakorere ibibakwiriye. Niba ibi bidashoboka, ni ho itorero rishobora kwishyiraho icyo kibazo. Uhoraho azaha umugisha itorero rye igihe rikora ibikorwa by’ubugwaneza. Abantu nk’abo ni abakene b’Imana, kandi ntabwo bakwiriye kurekwa ngo babeho batishimye ari impezamajyo.

Niba itorero ridashobora kubikora, asosiyasiyo/ konferanse igomba kubikora maze igafasha ku bantu b’Imana bakennye. Ubufasha bukwiriye nanone guhabwa n’imfubyi. Niba abo bose badashobora kwitabwaho n’abo mu miryango yabo, icyo gihe itorero cyangwa asosiyasiyo/ konferanse bigomba kubitaho maze bagashyirwa ahantu hakwiriye. –Manuscript 151, 1898.

IGICE CYA 38 :IBYEREKEYE IKIBAZO CY’ABASIRIKARI

INTAMBARA MU BIHE BYO MU ISEZERANO RYA KERA

Uhoraho yategetse Mose kwibasira Abamidiyani no kubarimbura kubera ko bari baragiriye nabi Abisirayeli bakoresheje uburiganya bwabo maze babatera kugomera amategeko y’Imana.

Uhoraho yategetse Mose guhorera abana ba Isiraheli ku Banyamidiyani, agakoranyiriza hamwe ubwoko bwe. Mose yategetse abagabo b’intwari ku rugamba ngo bitegure kurwanya Abanyamidiyani. Bityo barabarwanyije nk’uko Uhoraho yabitegetse, nuko bica ab’igitsina gabo bose ariko abagore n’abana babatwaraho iminyago. Balamu yicanwe n’Abanyamidiyani.

“Mose na Eleyazari umutambyi n’abatware b’iteraniro bose, babasanganirira inyuma y’aho baganditse. Mose arakarira abatware b’ingabo, abatware b’ibihumbi n’ab’amagana batabarutse. Arababaza ati, “Ko mwakijije abagore

bose ntibapfe? Dore abo nibo bacumuje Abisirayeli ku Uwiteka mu by'i Pewori babitewe n'inama za Balamu, bituma mugiga itera iteraniro ry'Abisirayeli" (Kubara 31:13-16).

Mose yategetse abagabo b'intwari kurimbura abagore n'abana b'abahungu. Balamu yari yaragurishije abana ba Isirayeli kugira ngo abone ingororano, bityo yarimbukanye n'abantu bari baramugororeye bigatuma arimbuza Abisirayeli ibihumbi makumyabiri na bine.

Mu gusaba ubwoko bwayo kurwanya andi mahanga bituma abantu benshi babona Imana nk'umugizi wa nabi. Bavuga ko ibyo bihabanye n'imico yayo y'ubugiraneza. Nyamara Uwaremye isi akarema n'umuntu ngo ayitureho afite ububasha butagira iherezo ku mirimo y'intoki zayo, kandi ni uburenganzira bwe gukora ibyo ashatse kandi bishimisha umurimo w'intoki ze. Nta burenganzira umuntu afite bwo kubwira umuremyi we ati, "Kuki ukoze utya?" Nta kurenganya kuri mu mico y'Imana. Ni umutegetsi w'isi, kandi umugabane munini w'abo ategeka baramugomeye kandi basuzuguye amategeko ye barayakandagira. Yabasesekajeho imigisha itagerwa kandi abakikiza ikintu cyose bakeneye, nyamara bapfukamiye ibishushanyo bikozwe mu biti n'amabuye, ifeza n'izahabu baremesheje intoki zabo bwite. Bigisha abana babo ko ibyo bishushanyo ari imana zibaha kubaho n'amagara mazima, kandi zigatuma imirima yabo irumbuka, bityo bikababahesha ubukire n'icyubahiro. Bakwena Imana ya Isirayeli. Basuzugura ubwoko bw'Imana kubera ko ibikorwa byabwo bizira inenge. Umupfapfa ajya yibwira ati, 'Nta Mana iriho.' Barononekaye, bakoze imirimo yo kwangwa urunuka. Ntawe ukora ibyiza " (Zaburi 14:1). Imana yarabihanganiye kugeza ubwo bujuje urugero rwo gukiranirwa kwabo, kandi bizaniye kurimbuka vuba. Imana yagiye ikoresha ubwoko bwayo nk'ibikoresho bigaragaza umujinya

wayo kugira ngo ihane amahanga y'abapagani yababujije amahwemo kandi akabashuka abashora mu gusenga ibigirwamana.

Ifoto yerekana imiterere y'umuryango yashyizwe imbere yanjye. Abana bamwe basa n'abahangayikishijwe no kumenya ndetse no gukurikiza ibyo se abasaba mu gihe abandi basuzugura ubutware bwe kandi bagasa n'abanejejwe no kwerekana ko basuzuguye ubutware bw'umuryango. Bagabana ku nyungu zo mu rugo rwa se kandi bagahora bakira ineza ye. Ibyo babona byose babikomora kuri we nyamara ntibashima ahubwo bagendana ubwibone nk'aho ibyiza byose bakiriye biturutse ku mubyeyi wabo w'umunyambabazi baba ari bo babyihaye. Umubyeyi wabo abona ibikorwa byose by'agasuzuguro bikorwa n'abana be batumvira kandi b'indashima ariko akabihanganira.

Iyo bitinze, abo bana b'ibyigomeke bageza ubwo bashaka kureshya no gutuma abo mu muryango w'umubyeyi wabo basanzwe ari indahemuka nabo bigomeka. Amaherezo icyubahiro n'ubutware bya se bimutera kugira icyo akora maze akirukana mu rugo rwe abo bana b'ibyigomeke batasuzuguye urukundo rwe n'imigisha ye gusa ahubwo bagerageje kugandisha abandi bake basigaye bumvira amategeko meza kandi atunganye yo mu rugo rwa se.

Kubwa bake b'indahemuka, abo umunezero wabo wibasiwe n'imbaraga y'ubushukanyi ya bamwe b'ibyigomeke bo mu rugo rwe, uwo mubyeyi akura mu muryango we abana be badakora inshingano zabo mu gihe kandi na none yiyegereza kurushaho abasigaye b'indahemuka kandi b'abizerwa. Bose bari bakwiriye kubaha imikorere myiza kandi itunganye y'umubyeyi umeze atyo igihe ahana yihanukiriye abana be badakora inshingano zabo kandi b'ibyigomeke.

Uko niko Imana yagenjereje abana bayo. Ariko umuntu mu buhumyi bwe, azirengagiza ibizira by'abatubaha Imana no kudashima bihoraho no kwigomeka n'ibyaha biba imbogamizi yo kujya mu ijuru by'abakandagira amategeko y'Imana kandi bagasuzugura ububasha bwayo. Ntabwo bahagararira aho ahubwo bashimishwa no koreka ubwoko bw'Imana, kandi bakabakuruza ubuhendanyi bwabo kugira ngo bice ndetse bagaragaze kwanga ku mugaragaro ibyiza Yehova abasaba.

Abantu bamwe bashobora kubona gusa ukurimbuka kw'abanzi b'Imana, ibyo bakabibona ko nta mbabazi zibirimo kandi ko harimo ubukana. Ntabwo bareba ku rundi ruhande. Nyamara nimucyo gushima kutagira iherezo kuvugwe. Uwo muntu uhutiraho kandi uhindagurika, no kugira neza kwe kurangwa no kwirata, ntabwo ari we ugena kandi ngo agenzure ibibaho. "Imbabazi z'umunyabyaha ni umwaga" (Imigani 12:10).-*Spiritual Gifts*, vol. 4, pp.49-52.

UMUCYO WATANZWE KU BYEREKEYE IGISIRIKARI

Mubaza ibyerekeye inzira yakurikizwa kugira ngo abantu bacu bagire uburenganzira bwabo bwo gusenga hakurikijwe ibyo umutimanama wabo ubabwira. Ibi byabaye umutwaro ku bugingo bwanjye igihe runaka, nibaza niba ibi byaba guhakana ukwizera kwacu cyangwa kandi bikaba n'igihamya kigaragaza ko ibyiringiro byacu bitari bishyitse mu Mana. Ariko nibuka ibintu byinshi Imana yanyeretse mu gihe cyashize ku byerekeye ibintu biteye bityo, nk'igisirikari n'ibindi bintu. Ndavuga mfite kubaha Imana nti, 'ni ukuri ko dukwiriye gukoresha imbaraga zose uko dushoboye kugira ngo tubuze igitugu kigirirwa abantu bacu'- Ibaruwa 55, 1886.

IMYITOZO YA GISIRIKARE YASABWE

Twamaze gusezera ku bantu batatu mu bantu b'ingirakamaro bakoraga bari bahamagawe n'ubutegetsi bwa leta kugira ngo bamare ibyumweru bitatu bakora imyitozo ya gisirikare. Yari intambwe y'ingirakamaro cyane y'umurimo wacu mu icapiro, nyamara guhamagara k'ubutegetsi bwa leta ntigutuma tubabona uko dushaka. Basaba ko abasore bamaze kwemerwa nk'abasirikari batazirengagiza imyitozo n'indirimbo za ngombwa mu murimo wa gisirikari. Twashimishijwe no kubona ko abo bagabo n'amatsinda yabo bari bafite impeta z'icyubahiro kubwo kuba indahemuka mu murimo wabo. Bari abasore biringirwa.

Ntabwo abangaba bagiye babyihitiyemo ahubwo ni uko amategeko y'igihugu cyabo yabisabye. Twababwiye ijambo ryo kubakomeza kugira ngo bazasangwe ari abasirikari nyakuri b'umusaraba wa Kristo. Amasengesho yacu azakurikira abo basore, kugira ngo abamarayika bo mu ijuru bazabashe kujyana nabo kandi babarinde igishuko cyose. –Manuscript 33, 1886 (Byandikiwe ahitwa Basel muri Switzerland, ku wa 2 Nzeri, 1886).

IGICE CYA 39:INAMA KU BYEREKEYE GUTORA

Umurimo wacu ni uwo kuba maso, gutegereza no gusenga. Nimwige Ibyanditswe. Kristo yababuriye kutivanga n'ab'isi. Tugomba kubasohokamo tukitandukanya, "kandi ntimugakore ku kintu gihumanye; nanjye nzabakira, kandi nzababera so, namwe muzambere abahungu n'abakobwa; ni ko Uwiteka ushobora byose avuga " (2 Abakorinto 6:17, 18). Ibitekerezo byose mushobora gutanga ku byerekeye gutora mu bibazo bya politiki, ntabwo mugomba kubivuga mwaba mukoresheje kwandika cyangwa kuvuga. Abantu bacu bakeneye kwicecekera ku byerekeye ibibazo bidafitanye isano n'ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Niba harigeze habaho abantu bakeneye kwiyegereza Imana ni Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi. Hagiye habaho uburyo n'imigambi bitangaje. Icyifuzo kigurumana cyagiye kiba mu bagabo cyangwa abagore kugira ngo bagire icyo batangaza cyangwa bagire icyo bifatanya nacyo ariko batazi icyo ari cyo. Nyamara guceceka kwa Kristo ku ngingo nyinshi nibyo byabaye kuvuga weruye nyakuri…..

Bavandimwe mbese muribuka ko nta muntu n'umwe muri mwe wikorejwe umutwaro uwo ari wo wose n'Umwami wacu wo kwandika amahitamo yanyu mu bya politiki mu nyandiko zacu, cyangwa kugira icyo abivugaho mu materaniro igihe abantu bahujwe no kumva Ijambo ry'Imana……

Nk'ishyanga ntabwo tugomba kwivanga mu bibazo bya politiki. Abantu bose bakwiriye guharanira kumvira Ijambo ry'Imana ngo 'Namwe ntimukaremererwe n'imyivumbagatanyo ya politiki nk'abatizera cyangwa ngo mwomatane nabo mu byo bashyiraho umutima. Nta hantu hatuje

bashobora guhagarara ngo bakorere hamwe. Indahemuka ku Mana n'abatayumvira ntabwo bafite urubuga rumwe bahuriraho.

Umuntu wica itegeko rimwe ryo mu mategeko y'Imana aba yishe amategeko yose. Nimwigumanire ugutora kwanyu. Ntimukumve ko ari inshingano kugira uwo muhatira gukora nk'uko. Ibaruwa 4, 1898.

ABATUBANJIRIJE BAGEZE KU MWANZURO W'INGIRAKAMARO[12]

Nagiye mu nama nimugoroba. Twagize inama iri mu bwisanzure kandi inejeje. Inama irangiye cyari igihe cyo gusoza, ingingo yo gutora yavuzweho kandi itindwaho. Yakobo yavuze bwa mbere, maze mwene data [J.N] Andrews nawe aravuga kandi batekerezaga ko ari byiza kuri bo ko bashyigikira iby'ukuri bakarwanya ibibi. Batekerezaga ko ari byiza gutora bagashyigikira abantu birinda kugira ngo bajye mu buyobozi bw'umujyi wacu aho kugira ngo bicecekere maze bajye mu kaga ko kuyoborwa n'abantu batirinda. Mwene data David Hewitt yavuze ibyamubayeho mu minsi mike yari ishize maze avuga ko bikwiriye ko atora. Mwene data Josiah Hart nawe yavuze atyo. Mwene data [Henry] Lyon we yarabivuguruje. Nta kundi kuvuguruza gutora kwabayeho ariko mwene data [J. P] Kellogg atangira kumva ko bikwiriye. Bene data bose basabwe n'ibyishimo. Oh, iyaba bose babashaga gukora bubaha Imana.

Abantu batirinda bagiye mu buyobozi muri iki gihe mu buryo bwo kubashyeshya bagaragaza ko bemewe bitewe n'imikorere yo kudatora y'abubahiriza Isabato ndetse bakanavuga ko bazakomera ku mikorere yabo ndetse ko nk'itsinda ry'Abakristo babana nk'inshuti barwanya ihohotera n'intambara batazigera batora. Muri iki gihe Satani n'abamarayika be babi

[12] Iyi nyandiko yakuwe mu gitabo E. G. White yandikagamo ibikorwa bya buri munsi mu mwaka wa 1859.

bakora ubudatuza, kandi afite abakozi ku isi. Ndasaba ngo Satani akorwe n'isoni. –E. G. White diary, Sunday, March 6, 1859.

IGICE CYA 40:URUMOGI, ITABI N'INGURUBE

Mu rwego rwo gusubiza ibibazo byinshi byabajijwe, dushaka kuvuga ko twizera ko hari ubucuruzi Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bakora kugira ngo babone amafaranga kandi buhuje no kwizera kwabo aho guhinga urumogi, itabi cyangwa korora ingurube.

Turasaba ko batazongera guhinga imirima y'urumogi n'itabi, kandi ko bagabanya umubare w'ingurube zabo. Bakwiriye kubona ko ari inshingano yabo kutazorora nk'uko abizera badakebakeba babikora. Ntabwo twifuza kugira umuntu duhatira iki gitekerezo. Ntabwo twafata inshingano cyane yo kuvuga ngo, "Murandure imirima yanyu y'urumogi n'itabi kandi ingurube zanyu muzigaburire imbwa."

Nubwo tubwira abagerageza guhoza ku nkeke abahinzi b'urumogi, itabi ndetse n'aborora ingurube bari mu bizera bacu ko nta burenganzira babifitiye, kuko bidindiza umushyikirano wa Gikristo, twongera tukabwira n'abahinga ibyo bintu tuti, "Muramutse mubiretse ntibibashyire mu gihombo gikomeye kimwe na bariya bandika ibitabo kandi bakigisha ibyerekeye ubugorozi, byaba byiza mubiretse vuba bidatinze. "[13] –*The Review and Herald*, March 24, 1868.

[13] Iyi ni imwe mu nyandiko nke cyane zanditswe na James afatanyije na Ellen White. Muri ubwo buryo nk'uko iyi nyandiko yashyizweho umukono na bo bombi, biragaragara ko ibitekerezo byatanzwemo byemewe rwose na Ellen G. White. ABAKUSANYIJE INYANDIKO.

IGICE CYA 41:INAMA ZATANZWE KU BYEREKEYE GUSHYINGIRANWA

AHO GUSHYINGIRWA BWA KABIRI BYASHYIGIKIWE

Ku byerekeye gushyirwa k'umukobwa wawe washyingiranwe na J, ndabona ahaguhagaritse umutima. Nyamara ugushyingiranwa kwabayeho ubyemeye, kandi umukobwa wawe ibyerekeye J byose, yaramwemeye ngo amubere umugabo, none ubu ntabwo ukwiriye kugira ikikuremerera kuri iki kibazo. Umukobwa wawe akunda J, kandi birashoboka ko uku gushyingiranwa kwemewe n'Imana kugira ngo J n'umukobwa wawe babashe kugira imibereho ya Gikristo irushijeho gukungahara kandi babashe kubakwa aho bafite intege nke. Umukobwa wawe ubwe yarahiriye kuba umugore wa J, kandi kwica indahiro ye yo gushyingirwa byaba bihabanye cyane n'ukuri. Ntabwo ubu ashobora gusesa amasezerano yamuhaye…..Njye ubwanjye nzi imibanire ye n'umugore we wa mbere witwaga K. J yaramukundaga cyane bikomeye kubera ko atari akwiriye kumufata muri ubwo buryo. Yakoze ibyo ashoboye byose kugira ngo amufashe kandi yakoresheje inzira yose ishoboka kugira ngo amugumane nk'umugore we.

Ntabwo yashoboraga gukora ibirenze ibyo yakoze.

Naramwinginze kandi ngerageza kumwereka guhuzagurika kw'imikorere ye ndetse naramwinginze ngo ye kwaka ubutane nyamara yari yamaramaje, abishaka kandi yinangiye bityo yabashaga gukurikira inzira ye. Igihe uwo mugore yabanaga na J, yashakaga uko amukuraho ifaranga ryose uko abishoboye, nyamara ntiyabashaga kumufata neza nk'uko umugore yagombye gufata umugabo we.

Ntabwo J yirukanye umugore we. Umugore yaramusize aramuta maze ashaka undi mugabo. Ntacyo mbona mu Byanditswe byera kimubuza kongera gushyingirwa mu Mwami wacu. Afite uburenganzira bwo gukunda umugore….

Ntabwo mbona ko uku gushyingirwa gushya gukwiriye guseswa. Gutandukanya umugabo n'umugore we ni ikibazo gikomeye. Nta kintu cyashingirwaho mu byanditswe kugira ngo iyo ntambwe iterwe kuri iki kibazo. Ntabwo umugabo ari we wataye umugore ahubwo umugore ni we wamusize. Ntabwo yigeze yongera kurongora kugeza igihe yaboneye ubutane. Igihe uriya mugore K yatanaga na J, uyu mugabo byaramubabaje cyane, kandi ntiyigeze yongera gushyingirwa undi keretse nyuma y'uko K yari yaramaze gushaka undi mugabo. Nibwira ko uwo yahisemo azamubera umufasha nawe akamubera undi…..Nta kintu mbona mu ijambo ry'Imana cyasaba ko umukobwa wawe yatandukana nawe. Nk'uko wansabye inama ndayiguha ntacyo nishisha. –Ibaruwa 50, 1895.

INAMA YAHAWE UMUKOBWA WARI URANGAMIYE GUSHYINGIRWA UMUGABO WATANYE N'UMUGORE WE.

[Muri iki kibazo, umugabo witwaga L yari yarataye umugore we n'umuryango we maze ajya ahantu ha kure bityo sebukwe asigara yita kuri uwo muryango. Igihe gishize umugore we yaje gusaba ubutane ashingiye ku kuba umugabo yaramutaye. Mbere y'uko ubutane bwemerwa, wa mugabo yatangiye gukunda umukobwa ari na we wandikiwe ubu butumwa.- ABAKUSANYIJE INYANDIKO].

NTA BURENGANZIRA UWATEJE IKIBAZO AFITE BWO KONGERA GUSHYINGIRWA

Nagiye nzirikana ibyawe na L, kandi nta yindi nama mfite yo gutanga iruta iyo natanze. Ndabona ko nta burenganzira ufite bwo gushyingirwa L; kandi nawe nta bwo afite bwo kukurongora. Yataye umugore we amaze kumubabaza cyane. Yataye uwo yari yararahiriye imbere y'Imana ko azamukunda kandi akamukundwakaza igihe cyose bombi bazaba bakiriho. Mbere y'uko umugore we abona ubutane, ubwo yari akiri umugore we wemewe n'amategeko, umugabo yaramutaye amara imyaka itatu bityo amukura mu mutima we akugaragariza urukundo. Wagiranye umushyikirano mu buryo burambuye n'umugabo ufite umugore igihe mu buryo bwemewe n'amategeko yari agihambiriye ku mugore babyaranye abana babiri.

Nta kantu na gato kabacira akari urutega kari mu Byanditswe ngo mushyingiranwe nubwo umugore we yasabye ubutane. Uhereye ku bushotozi yagiriye umugore we, imikorere ye bwite ni yo yateje izi ngaruka kandi ntabwo nshobora kubona umucyo na muke umwemerera kugira uburenganzira bwemewe n'amategeko bwo gufatanya inyungu ze n'izawe cyangwa ngo wowe ufatanye izawe n'ize…..

Ntangajwe n'uko washyira mu ntekerezo zawe ikintu nk'icyo n'akanya gato, maze ukegurira urukundo rwawe umugabo wataye umugore we n'abana akabasiga mu bibazo bimeze bityo. Ndakugira inama yo kureka ibitekerezo byawe n'imigambi yawe ku byerekeye iki kibazo nk'uko biri imbere y'abavandimwe bacu bafite inshingano kugira ngo ubashe kwakira inama baguha, kandi ubareke bakwereke mu mategeko y'Imana ikosa waguyemo. Wishe amategeko ndetse no kuba waratekereje ko ukwiriye gushyingiranwa

na we. Wari ukwiriye kuba warirukanye icyo gitekerezo kikikugeraho bwa mbere. – Ibaruwa 14, 1895.

IKIBAZO KITAKEMURWA NO GUTANA K'UMUGABO N'UMUGORE BABANA UBU

[Iyi ni inama yatanzwe kubera umuhati umugabo umwe yari afite wo gutanya umuhungu we n'umugore we wa kabiri bari bamaranye igihe kirekire kubera ko mu myaka myinshi yari ishize uwo muhungu yari yaratanye n'umugore we wa mbere, nta shingiro rya Bibiliya afite, kugira ngo abashe kurongora bwa kabiri mu buryo bwemewe n'amategeko- ABAKUSANYIJE INYANDIKO]

Nasomye ibaruwa yawe ku byerekeye M. Ikibazo nkibona nk'uko ukibona, kandi ngifata ko ari ubugome bukomeye kubona se wa M abasha gukora ibyo ari gukora….Ndashaka kuvuga ko ibye bitarushaho kugenda neza ari uko atandukanye n'umugore babana ubu. Gusubirana na wa mugore wundi nabyo ntibyatuma ibintu bigenda neza.

Mfata imikorere y'uwo mubyeyi nk'imikorere yihariye, kandi ku munsi w'Imana kubona ibyo akora ntabwo bizaba binejeje. Akeneye kwihana umwuka we n'amagambo ye imbere y'Imana. Ikintu cyiza kurushaho akwiriye gukora ni ukurekera aho guteza amakimbirane….Nimucyo uwo mubyeyi n'umuhungu we bakore umurimo usaba ubushishozi n'umuhati. Bombi bakeneye imbaraga ihindura y'Imana. Ndasaba ngo Imana ifashe abo banyantege nke gukura umwanda n'ikizinga biri mu mico yabo, bihane ibyaha byabo maze bwana M asigarane n'Imana.

Mbabajwe cyane n'uwo mugabo; kubera ko ibyo akora biteye ku buryo bitazagira icyo bihindura kuko atabishinzwe, ahubwo byazateza ingorane ziyongera ku zindi. Nshaka kuvuga ko Uhoraho asobanukiwe neza n'icyo

kibazo, kandi bwana M namushakana umutima we wose, azamubona. Nakora ibimushobokera byose, Imana izamubabarira kandi izamwakira.

Mbega uburyo ari iby'agaciro kumenya ko dufite Imana izi kandi isobanukiwe, ndetse izafasha ba bandi b'impezamajyo bari hanyuma y'abandi. Nyamara Imana icyaha uwo mubyeyi na mwene data bashobora kurimbuza no kuzimiza umuntu uri mu ruhande rw'Imana kandi udaciriweho iteka nka bo. Nyamara bazakoresha impano zabo zo kuvuga kugira ngo bace intege kandi batere bwa M kwiheba.

Bwana M ashobora kwiringira Imana kandi agakora ibyo ashoboye byose kugira ngo akorere Imana afite kwicisha bugufi kose mu mutima, umutima we w'umunyantege nke akawutura Umukiza. Ntabwo nandikiye n'ijambo na rimwe uwo mubyeyi cyangwa umuhungu we. Nashimishwa no kugira icyo nkora ngo mfashe bwana M gukemura ibibazo nyamara nk'uko ibintu bimeze ntabwo ibi bishobora gukorwa kandi nta muntu wariganyijwe. –Ibaruwa 175, 1901.

BOSE NI UMWE MURI KRISTO

Abantu bose biyegurira Kristo, abantu bose bumva ukuri kandi bakakumvira bahinduka abana bo mu muryango umwe. Abaswa n'abanyabwenge, abakire n'abakene, abapagani n'inkoreragahato, abera n'abirabura abo bose Yesu yishyuye igiciro cy'ubugingo bwabo. Nibamwizera, amaraso ye yeza azabuhagira. Izina ry'umwirabura ryandikwa mu gitabo cy'ubugingo iruhande rw'iry'umwera. Bose ni umwe muri Kristo. Aho umuntu yavukiye, urwego ariho, ubwenegihugu cyangwa ibara ry'umubiri we ntibishobora gushyira abantu ku rwego rwo hejuru cyangwa kubatesha agaciro. Imico ni yo igize umuntu. Iyo uw'ibara ritukura (umuhindi w'umunyamerika),

umushinwa cyangwa umunyafurika yeguriye Imana umutima we afite kumvira no kwizera, Yesu amukunda atitaye ku ibara rye. Amwita umuvandimwe we ukundwa.- Manuscript 6, 1891.

IGICE CYA 42:INAMA YEREKEYE GUSHYINGIRANWA KW'ABADAHUJE IBARA RY'URUHU[14]

Turi bavandimwe. Icyo twaba twunguka cyangwa duhomba cyose, tugomba gukorana ishema n'ubutwari imbere y'Imana n'Umukiza wacu. Nk'abakristo bemera ihame ry'uko abantu bose, baba abera n'abirabura, bafite umudendezo kandi bangana, nimucyo dushyigikire iri hame kandi twe kuba ibigwari mu maso y'ab'isi n'abatuye ijuru. Dukwiriye gufata umwirabura tumwubashye nk'uko tubigenzereza umwera. Kandi ubu, kubwo kubigira ihame no kubitangaho urugero dushobora gutuma abandi nabo bajya mu ruhande rwacu.

Nyamara hari ukudashyigikira gushyingiranwa k'umwera n'umwirabura. Bose bakwiriye kuzirikana ko badafite uburenganzira bwo gushyira urubyaro rwabo mu bizabateza ingorane. Nta burenganzira bafite bwo kubaraga umurage uzatuma bagira imibereho yo kugira ipfunwe. Abana bavuka muri uko gushyingiranwa kw'abadahuje ibara bumva batanezerewe ababyeyi babaraze uwo murage w'ubuzima bwose. Kubera iyi mpamvu, niba nta yindi

[14] Ubu butumwa bwanditswe na Elle G. White mu mwaka wa 1896 no mu 1912. Ibyo yagiye yandika byagiye bisubirwamo ku byerekeye imibanire hagati y'amoko byerekana neza ko inama atanga ku gushyingiranwa kw'abantu bo mu moko atandukanye atari ikibazo cyo kutaringanira kw'amoko. Ibiri amambu, ni ikibazo cyo kwemera inama cyangwa kutazemera ku byerekeye guhagarika ibishobora kubaho byatera amakimbirane, urujijo no gusharira. Soma amagambo y'inyongera igice cya kabiri kivuga "Ingingo z'ingenzi mu guhitamo uwo muzabana." Ellen G. White yagiye asubiramo inshuro nyinshi ahamya uko asobanukiwe kandi yizera ko amoko yose angana kandi ko inyokomuntu ari abavandimwe. Soma amagambo y'inyongera, igice cya 3 kivuga ngo, "Ubuvandimwe bw'abantu bose." ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA ELLEN G. WHITE.

ihari, ntabwo hari hakwiriye kubaho gushyingiranwa hagati y’umwera n’umwirabura.Manuscript 7, 1896.

IGISUBIZO KU KIBAZO CYABAJIJWE

Ku ncuti nkunda:

Mu rwego rwo gusubiza ibibazo byabajujwe ku byerekeye gushyingiranwa hagati y’abasore b’Abakristo b’abera n’abirabura, nshaka kuvuga ko mu byo nahuye nabyo kera nigeze nzanirwa iki kibazo kandi umucyo nahawe n’Imana wari uko iyi ntambwe idakwiriye guterwa kubera ko iteza amakimbirane n’urujijo. Igihe cyose nagiye ntanga iyo nama. Nta gushyigikira ugushyingiranwa nk’uko gukwiriye kuba mu bizera bacu. Nimucyo mwene data w’umwirabura ashyingiranwe na mushiki wacu w’umwirabura bakwiranye, ukunda Imana kandi wubahiriza amategeko yayo. Nimucyo mushiki wacu w’umwera ugambiriye gushyingiranwa na mwene data w’umwirabura areke gutera iyi ntambwe kubera ko Uhoraho atamuyoboye muri iyi nzira.

Igihe gifita agaciro kenshi cyane ku buryo kidakwiye gutabwa mu makimbirane azavuka kuri iki kibazo. Nimucyo ibibazo byo muri uru rwego bye guhamagaza abagabura bacu ngo bave ku murimo wabo. Gutera iyo ntambwe bizatera urujijo n’imbogamizi. Ntabwo bizateza umurimo imbere cyangwa ngo biheshe Imana ikuzo. –Ibaruwa 36, 1912.

Uhoraho arebana impuhwe ibiremwa yaremye atitaye ku bwoko bishobora kuba bibarizwamo. Imana “yaremye amahanga yose y’abantu ngo bature ku isi ibaremye mu maraso amwe.”… Ubwo Umukiza yavuganaga n’abigishwa be yaravuze ati, “Mwese muri abavandimwe.” Imana ni Data wa twese, kandi

buri wese muri twe ni umurinzi w'umuvandimwe we.- *The Review and Helard*, Jan.

21, 1896.

IGICE CYA 43:GUKIRA MU BURYO BW'IGITANGAZA[15]

IKIBAZO GIKOMEYE

Ku byerekeye ingingo yo gusengera abarwayi, hatangwa ibitekerezo byinshi biyobya. Umwe aravuga ati, «Umuntu wasengewe agomba kugendera mu kwizera, agaha Imana ikuzo maze ntakoreshe imiti. Niba ari ku bitaro akwiriye guhita abivaho agataha. »

Nzi ko ibyo batekerezo atari ukuri, kandi ko biramutse byemewe byazateza akaga kenshi.

Ku rundi ruhande, ntabwo nifuza kugira icyo mvuga gishobora gusobanurwa ko kwaba ari ukutagira kwizera imbaraga y'isengesho.

Inzira yo kwizera yegeranye cyane n'inzira yo gushidikanya. Satani ahora ashaka kutuyobora mu nzira ziyobya. Abona ko gusobanukirwa nabi n'abigize kwizera bizajijisha abantu kandi bikabaca intege. Anezezwa n'igihe abashije kwemeza abagabo n'abagore gutekereza bahereye ku ngingo z'ibinyoma.

Nshobora gusengera abarwayi mu buryo bumwe gusa nti,- « Mwami niba bihuje n'ubushake bwawe,kubw'ikuzo ryawe n'ibyiza by'uyu muntu urwaye,

[15] Ingingo zigaragara muri iki gice ni inyongera ku nama nyinshi zatanzwe ku byerekeye gusabira abarwayi. Soma ibi bitabo bikurikira: Rengera Ubuzima pp225-233; Counsels on Health, pp. 373-382; Medicinal Ministry, pp.195196.ABAKUSANYIJE INYANDIKO.

turagusabye ngo umukize. He kubaho ibyo dushaka ahubwo ubushake bwawe abe ari bwo bubaho.

Ntabwo igihe Nehemiya yari amaze kuririra no gusengera imbere y'Uwiteka yabonye ko inshingano ye irangiye. Ntabwo yasenze gusa. Yarakoze, akomatanya gusaba no kwinginga ndetse no gukorana umuhati.

Ntabwo gukoresha imiti mu buryo bwiza bwatekerejweho ari uguhakana ukwizera. –*Manuscript* 31, 1911.

BISHOBORA KUGARAGARA NK'IBISANZWE

Ntabwo igihe cyose ibitangaza by'Imana biba bifite isura igaragara inyuma nk'iy'ibitangaza. Akenshi bibaho mu buryo busa n'ubw'ibintu bisanzwe. Iyo dusabiye abarwayi tunagira icyo tubakorera. Dusubiza amasengesho yacu ubwacu dukoresha uburyo bwo kuvura bworoheje dushobora kugeraho. Iyo amazi akorehejwe neza, ni umuti ukomeye cyane. Iyo akoreshejwe mu buryo bukwiye, haboneka umusaruro mwiza. Imana yaduhaye ubwenge kandi yifuza ko dukoresha imigisha yayo iduhesha amagara mazima. Dusaba ko Imana yaha abashonje ibyokurya. Bityo rero tugomba gukora nk'ibiganza byayo bifasha mu guhembura abashonje. Tugomba gukoresha umugisha wose Imana yashyize hafi yacu kugira ngo turokore abari mu kaga.

Iyo ibyangombwa bikoreshwa mu kuvura biboneka mu byaremwe bikoreshejwe nk'uko ubushake bw'Imana buri, butuma habaho umusaruro mwiza w'indengakamere. Dusaba gukorerwa igitangaza maze Imana ikayobora intekerezo zacu mu buryo bwo kuvura bworoheje. Dusaba kurindwa muginga irimbura igenda nijoro, igendana imbaraga nyinshi mu isi. Kubw'ibyo rero tugomba gukorana n'Imana twumvira amategeko y'ubuzima n'ubugingo. Igihe tumaze gukora ibyo dushoboye gukora byose, tugomba

gukomeza gusabana ukwizera dusaba kugira amagara mazima n'imbaraga. Tugomba kurya ibyokurya bizarinda ubuzima bw'umubiri. Ntabwo Imana yigera idusezeranira ko izadukorera ibyo dushobora kwikorera twe ubwacu. Amategeko agenga ibyaremwe agomba kubahirizwa. Ntabwo tugomba kunanirwa gukora ibitureba ku ruhande rwacu. Imana iratubwira iti, "Mube ari ko musohoza agakiza kanyu mutinya, muhinda umushyitsi, kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira" (Abafilipi 2:12, 13).

Ntabwo dushobora kwirengagiza amategeko agenga ibyaremwe tutirengagije n'amategeko y'Imana. Ntabwo dushobora kwitega ko Imana izadukorera ibitangaza mu gihe dusuzugura uburyo bworoheje bwo kwivura yaduhaye ngo dukoreshe kandi buzabyara umusaruro utangaje nituramuka tubukoresheje neza no mu gihe gikwiriye.

Ku bw'ibyo, musenge, mwizere kandi mukore. –Ibaruwa 66, 1901.

UGUKIRA KWABAYEHO

Hari ibyo nagejejweho byerekeye umugabura woherejwe ahantu hareshya na kilometero cumi n'ebyiri ngo ajye gusengera mushiki wacu wari wamutumyeho akurikije ibyo Yakobo yigishije. Yaragiye maze asenga amaramaje. Wa mushiki wacu nawe yarasenze; yizeraga ko uwo mugabura ari umuntu w'Imana, umuntu ufite kwizera. Abaganga bari baramuretse ngo yipfire. Yahise akira ako kanya. Yarabyutse ategura ibyokurya , icyo kikaba cyari igikorwa atari yarakoze mu myaka icumi yari ishize. Uwo mugabura yari umuntu mubi, imibereho ye yari yanduye nyamara habayeho umurimo ukomeye. Uwo mugabura yiheshaga ikuzo.

Ibyo byabaye byongeye kunyura imbere yanjye. Nabonye ko uwo mugore yari umwigishwa nyakuri wa Kristo; yari afite ukwizera ku buryo yagombaga

gukira. Neretswe amasengesho yabo: isengesho rimwe ryari nk'igihu, ryijimye, kandi rigwa hasi. Irindi sengesho ryo ryari rivanze n'umucyo kandi ririho utumenyetso twari tumereye nka diyama kandi ryazamukaga ryerekeza kuri Yesu maze akaryohereza kwa Se rimeze nk'umubavu uhumura neza, kandi umwambi w'umucyo wahise woherezwa kuri wa murwayi bityo kubw'imbaraga zawo arongera aba muzima kandi ahabwa imbaraga. Umumarayika yaravuze ati, 'Imana izashyira hamwe uduce twose tw'ukwizera nyakuri kandi kuvuye ku mutima; utwo duce tuzakusanyirizwa hamwe nka diyama kandi mu kuri hazaboneka igisubizo; kandi Imana izatandukanya iby'agaciro kenshi n'ibidatunganye. Nubwo yihanganira indyarya n'umunyabyaha, amaherezo izamugaragaza. Nubwo umunyabyaha yahirwa akagira icyubahiro mu gihe gito nk'igiti gitoshye cyo ku nkombe y'umugezi, igihe kizagera ubupfapfa bwe bushyirwe ahagaragara, maze ajye mu rujijo.' Ibaruwa 2, 1851.

IGIHE GUKIRA BITABA BYIZA

Tuzi ibihe byagiye bibaho aho Imana yagiye yemera ko mu bwoko bwayo habamo umuntu urwaye maze igashyira icyifuzo mu mitima yabo bityo bagasenga babikuye ku mutima kugira ngo akire, ndetse bakanibwira ko bafite uburenganzira bwo gusaba gusohorezwa isezerano, nyamara wa murwayi akarengaho agapfa. Uwiteka we ubonera iherezo mu itangiriro, yari asobanukiwe ko aramutse akoresheje imbaraga ze ngo akize, byatuma ubushake bw'Imana busobanurwa nabi.

Incuro nyinshi, gukira bishobora kutaba byiza haba ku ncuti cyangwa ku itorero, ahubwo kukabyara gutwarwa gukabije n'ubwaka bituma bamwe

bafata umwanzuro ko ukwizera kwacu gushingiye ku marangamutima. Inzira imwe rukumbi itunganye ni ugukurikiza Ijambo Imana yandikishije. Igihe mumaze gukorera umurwayi ibyo mushobora kumukorera byose, nimushyire icyo kibazo mu biganza by'Imana. Bishoboka ko urupfu rw'uwo murwayi rwaberaho guhesha Imana ikuzo. Imana yemera ko abantu bamwe bamaze amezi n'imyaka runaka bababazwa n'uburwayi bapfa. Ibona ko ari byiza guha ikiruhuko abayo bababazwa.- Manuscript 67, 1899.

IGICE CYA 44 :AKAGA GATERWA NO GUSINZIRIZA ABANTU[16]

UMUBURO WAHAWE ABAGANGA BAKORESHA UBURYO BWO GUSINZIRIZA

ABARWAYI

Muvandimwe N, na mushiki wacu, mu izina ry'Umwami wacu ndabasaba kwibuka ko nimudahindura ibyo muzi ku byerekeye ubumenyi bwo kuvura intekerezo kandi mwe mwembi muga.Naho ubundi muzaba amabuye asitaza, mube ibishungero muteje imbabazi abamarayika n'abantu.

Ukuri kwabahinduyeho agace gato. Ni akaga ku muntu uwo ari we wese, uko yaba ari mwiza kose, gushishikarira gutera impinduka intekerezo z'undi muntu kugira ngo abone uko azikoresha icyo ashatse. Reka mbabwire ko kuvura intekerezo ari ubuhanga bwa Satani. Mwamaze kugera kure bikabije

[16] Izi ni inama ziyongera ku zatanzwe mu bitabo bikurikira : *Medical Ministry*, pp 110-117 ; *Testimonies*, vol. 1, pp.290302 ; *The Minitry of Healing,* pp. 241-258.

muri ibyo kugeza ubwo mwashyize mu kaga mu buryo bukomeye ahazaza hanyu. Kuva igihe byinjiriye mu ntekerezo zanyu bwa mbere kugeza ubu byabaye iterambere riteza akaga. Keretse gusa mubashije kubona ko Satani ari we nyirabayazana wahimbye ubu buhanga, naho ubundi ntabwo bizababera ikibazo cyoroshye nk'uko muteganya kwitandukanya nabyo nk'uko imizi n'amashami bitandukanye. Ubwenge bwose buhanitse buri muri ubu bumenyi ni ubuhanga bukomeye bw'ubushukanyi bwa Satani. Kubw'inyungu z'ubugingo bwanyu, nimwitandukanye n'ikintu cyose giteye gityo. Igihe cyose mushyize ibitekerezo byerekeye ubu buhanga mu ntekerezo z'undi muntu, kugira ngo mwigarurire intekerezo ze, muba muri mu ruhande rwa Satani, mwamaramaje gukorana nawe. Kubw'inyungu z'ubugingo bwanyu nimwitandukanye n'uyu mutego w'umwanzi.

Nta n'umwe muri mwe wari ukwiye kwiga ubuhanga mwashishikariye kumenya. Kwiga ubu buhanga ni ugusoroma imbuto ku giti kimenyekanisha icyiza n'ikibi. Imana ibuza mwe ndetse n'undi muntu wese kwiga no kwigisha ubuhanga nk'ubwo. Kuba hari icyo wakoresheje ubu bumenyi ubwabyo byagombye kuba bihagije kugira ngo bikwereke kuba uri umuntu udahamye mu kaba umuganga uyobora abandi ku ivuriro…..

Ubwo wajyaga mu buganga bwo kuvura intekerezo, wariye ku giti cy'ubwenge kimenyekanisha icyiza n'ikibi Imana yakubujije gukoraho. Igihe kirageze ngo utangire kureba kuri Yesu, kandi ngo kubwo kwitegereza imico ye muhindurwe muse n'ab'ijuru.

Nimwitandukanye n'ikintu cyose gifitanye isano no gusinziriza intekerezo, kuko ubu ari ubuhanga abakozi ba Satani bifashisha. –Ibaruwa 20, 1902.

INAMA YATANZWE KU BYEREKEYE GUSOHORA IBITABO BIVUGA KU GUSINZIRIZA ABANTU

[Mu gihe cy'imyaka myinshi, mu muhati wariho wo kubyaza umusaruro ibikoresho byo mu macapiro yacu

(twubatse kugira ngo dusohore inyandiko z'ubutumwa), hari imirimo imwe yerekeye ubucuruzi yaje kwemerwa. Habayeho igihe amacapiro yacu yemeye gusohora inyandiko zitari zikwiriye. Ibi bintu bibabaje byabayeho byavuzweho mu *Bihamya*, umuzingo wa 7, p. 164-168, ndetse no magambo ari muri iki gice yerekeye inyandiko zivuga ku gusinziriza abantu.- ABAKUSANYIJE INYANDIKO.]

Mbese abacunga amacapiro bazemera kuba abakozi ba Satani basohora ibitabo bivuga ku ngingo yo gusinziriza abantu? Mbese ibi bibembe bizinjizwa mu murimo?....Satani n'abakozi be basanzwe bakora kandi baracyakorana umuhati. Mbese Imana izaha umugisha wayo amacapiro niba yemera ubushukanyi bw'umwanzi? Mbese ibigo byashyizwe imbere y'abantu ngo bibe ari ibyera ku Mana bizahinduka amashuri abakozi bigiramo kurya imbuto z'igiti cyabuzanyijwe kimenyekanisha ubwenge? Mbese twatiza Satani umurindi mu buryo yinjira anyonyomba mu gihome cy'ukuri kugira ngo ahashyire ubumenyi bwe bwo mu irimbukiro nk'uko yabigenje muri Edeni? Mbese abantu bari ku isonga ry'umurimo ntabwo bashobora gutandukanya ukuri n'ikinyoma? Mbese ntabwo ari abantu bashobora kubona ingaruka zikomeye zo gutiza umurindi ikibi?

Niba mushobora kunguka za miliyoni nyinshi z'amafaranga kubwo gukora umurimo nk'uyu, mbese iyi nyungu yaba ifite gaciro ki muramutse mukagereranyije n'igihombo gikomeye kibaho kubwo kwamamaza ibinyoma bya Satani maze mugatuma abatuye isi babasha kuvuga ko ibitabo birimo

ibinyoma byasohorewe mu icapiro ry'Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi, bigakwirakwizwa hirya no hino ku isi?

Nimukanguke maze mubone ko amacapiro yanyu yasohoye ibinyoma by'umwanzi. Nimureke abantu bazi ukuri bakore nk'abanyabwenge, imbaraga zabo zose bazishyire ku ruhande rw'ukuri n'ubutungane.- Ibaruwa 140, 1901 (Iyi baruwa yandikiwe abacungaga amacapiro yacu, yandikwa ku wa 16 Ukwakira,
1901).

UBUHANGA BWIBANDA KU NTEKEREZO

Muri iyi minsi aho guhakana Imana no kutizera bigaragara cyane byitwikiriye umwenda w'ubuhanga buhanitse, dukeneye kurindwa impande zose. Binyuze muri ubwo buhanga umwanzi wacu ukomeye agenda ashuka benshi kandi akabagira imbohe akurikije ubushake bwe. Uko yifashisha ubuhanga buhanitse, ari bwo buhanga bwibanda ku ntekerezo z'umuntu birakomeye cyane. Muri ubu buryo agenda anyonyomba atagaragara nk'inzoka kugira ngo yangize umurimo w'Imana.

Uku kwinjira kwa Satani anyuze mu buhanga buhanitse byateguwe neza. Binyuze mu miyoboro yo kwiga imiterere y'amagufa agize umutwe bashingiye ku kwizera ko imiterere yayo iranga ubushobozi bw'ubwenge n'imico, binyuze mu kwiga imiterere n'imyifatire bya muntu, kandi binyuze no mu gutwara intekerezo z'umuntu ku buryo nta kindi atekereza, Satani arushaho kugera ku bantu b'iki gihe adakebakeba, kandi akoresha imbaraga zigomba kuranga umuhati we mu gihe cyegereje irangira ry'imababazi. Muri ubwo buryo intekerezo za benshi zarangiritse kandi ziyoborwa mu kutizera Imana. Mu gihe bizwi ko intekerezo z'umuntu umwe zigira ingaruka ku wundi

mu buryo bukomeye, Satani witeguye gukoresha amahirwe yose abonye ariyoberanya, kandi agakorera mu mpande zombi haba iburyo n'ibumoso. Igihe abantu birunduriye muri ubwo buhanga bishima bakishyira hejuru kubera imirimo itangaje kandi myiza bagezeho, ntabwo bamenya imbaraga y'ikibi bimakaje; nyamara ni imbaraga izakoresha ibimenyetso byose n'ibitangaza by'ubushukanyi, n'ubuhendanyi bwose bwo gukiranirwa. Musomyi nkuda zirikana imbaraga y'ubwo buhanga n'ubumenyi kubera ko intambara hagati ya Kristo na Satani itararangira….

Gusuzugura isengesho biyobora abantu kwishingikiriza ku mbaraga zabo bwite kandi bikingurira ibishuko urugi. Ibihe byinshi imitekerereze y'umuntu itwarwa n'ubushakashatsi mu by'ubuhanga, kandi abantu bashimagizwa kubwo kumenya ubushobozi bwabo bwite. Ubuhanga bwiga ku ntekerezo z'umuntu buhabwa agaciro cyane. Ubwabwo ni bwiza nyamara bwigarurirwa na Satani akabwifashisha nk'ibikoresho bye bikomeye kugira ngo ashuke kandi arimbure imitima y'abantu. Ubuhanga bwe bwemerwa nk'ubuturutse mu ijuru, maze muri ubwo buryo akaramywa mu buryo bumukwiriye. Isi yagombye kunguka byinshi biturutse mu kwiga imiterere y'amagufa yo mu mutwe n'uburyo inyamaswa zimenya aho izindi ziri, ntabwo yigeze iba mbi nko muri iki gihe. Binyuze muri ubwo bumenyi, ubupfura bwarashenywe maze imfatiro zo kwizera imyuka zirashingwa. –*The Signs of the Times*, Nov. 6, 1884.

UKO IMBARAGA ZIYOBYA ZAKWIRINDWA

Akenshi Satani abona igikoresho gikomeye cyo gukoresha ibibi mu mbaraga umuntu umwe ashobora gukoresha ku ntekerezo z'undi. Iyi mbaraga ni iyo

gushukana ku buryo akenshi umuntu ugenda uhindurwa na yo atamenya ibyayo. Imana yantegetse gutanga imiburo ndwanya iki kibi kugira ngo abagaragu bayo batazagwa mu mbaraga y'ubushukanyi bwa Satani. Umwanzi ni umukozi ukomeye, kandi niba ubwoko bw'Imana budahora iteka buyobowe na Mwuka w'Imana, buzagwa mu mutego bufatwe.

Mu gihe cy'imyaka myinshi Satani yagiye akora igerageza ku miterere y'intekerezo z'umuntu, kandi yabashije kuzimenya neza. Yifashishije imikorere ye yihishe yo muri iyi minsi iheruka, ahuza intekerezo z'umuntu n'ize bwite,akazuzuza ibitekerezo bye; kandi uyu murimo awukora mu buryo bw'ubushukanyi ku buryo abemera kuyoborwa na we batamenya ko bari kuyoborwa na we bagendera mu bushake bwe. Uko ni ko umushukanyi ukomeye yiringira kuyobya intekerezo z'abagabo n'abagore ku buryo nta rindi jwi rishobora kuzumvikana uretse irye gusa.

Igihe Kristo yahishuriraga Petero igihe cy'umubabaro no kugeragezwa byari imbere ye, maze Petero agasubiza ati, "Biragatsindwa Mwami, ibyo ntibizakubaho na hato" (Matayo 16:22), Umukiza yaramutegetse ati, "Subira inyuma yanjye Satani" (Matayo 16:23). Satani yavugiraga muri Petero, akamutera gukora umurimo w'umushukanyi. Ntabwo Petero yabashaga gukeka ko Satani ari kumwe na we, nyamara Kristo we yabashaga kumenya ko umushukanyi ahari, kandi mu gucyaha Petero kwe yabwiraga umwanzi nyawe.

Igihe kimwe ubwo umukiza yavuganaga n'abigishwa cumi na babiri kandi akerekeza kuri Yuda yaravuze ati, "Umwe muri mwe ni umwanzi" (Yohana 6:70). Inshuro nyinshi mu minsi y'umurimo we ku isi, Umukiza yahanganaga n'umwanzi we yitwikiriye ishusho y'umuntu igihe Satani yihangaga mu bantu mu buryo bw'umwuka mubi. Muri iyi minsi Satani yigarurira intekerezo

z’abantu. Mu mirimo nakoze nkorera Imana, nagiye mpura kenshi n’ababaga bahanzweho na Satani muri ubwo buryo, kandi nacyashye umwuka mubi mu izina ry’Umwami Yesu.

Ntabwo Satani yigarurira intekerezo z’umuntu akoresheje imbaraga. Iyo abantu basinziriye, umwanzi abiba urukungu mu itorero. Igihe abantu basinziriye mu bya Mwuka, umwanzi asohoza umurimo we w’ubugome. Iyo umuntu yumvise ijambo rya Kristo “ntarimenye” ni ho umwanzi atoragura imbuto yabibwe mu mutima.

Iyo abagabo n’abagore bameze batya, iyo imibereho yabo y’ibya Mwuka idahora igaburirwa na Mwuka w’Imana, Satani ashobora kubuzuza umwuka we kandi akabatera gukora imirimo ye….

Ndasaba ninginga ngo mu mibereho yacu habeho kuzibukira igikorwa cyose kitemewe n’Imana. Twegereje iherezo ry’amateka y’isi kandi buri munsi urugamba rurushako gukomera. –Ibaruwa 244, 1907.

IGICE CYA 45 :GUHAMAGARIRWA GUTURA MU CYARO

Sinashoboye gusinzira kugeza saa munani z’iri joro ryakeye. Muri iryo joro nari ndi mu nama. Ningingiraga imiryango imwe kwikoreshereza uburyo Imana yashyizeho maze bakava mu mijyi kugira ngo bakize abana babo. Bamwe barazariraga ntibakoreshe imbaraga badakebakeba.

Abamarayika b’abanyampuhwe bihutishije Loti n’umugore we n’abakobwa be babafashe mu biganza. Iyo Loti aza kuba yarihuse nk’uko Uwiteka yabyifuzaga, ntabwo umugore we aba yarahindutse inkingi y’umunyu. Loti

yari afite umwuka wo gutindiganya cyane. Nimucyo twe kuba nka we. Rya jwi ryaburiye Loti kuva muri Sodomu natwe riratubwira riti, «Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye….kandi ntimugakore ku kintu gihumanye » (2Abakorinto 6 :17). Abantu bumvira uyu muburo bazabona ubuhungiro. Reka buri muntu wese akanguke rwose ku bwe maze agerageze gukiza umuryango we. Reka akenyere kugira ngo ajye ku murimo. Uko intambwe zizajya zisimburana Imana izahishura igikwiye gukorwa ku ntambwe ikurikiraho.

Nimwumve ijwi ry'Imana rivugira mu ntumwa Pawulo: "Musohoze agakiza kanyu mutinya, muhinda umushyitsi, kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira " (Abafilipi 2:12, 13). Loti yagenze mu kibaya agenda adashaka kandi yikereza. Yari amaze igihe kirekire yarifatanyije n'inkozi z'ibibi ku buryo atashoboraga akaga arimo kugeza ubwo umugore we yahindukiye inkingi y'umunyu mu kibaya.- *The Review and Herald,* Dec. 11, 1900.

Nimureke abana be kongera gushyirwa imbere y'ibishuko byo mu mijyi yiteguye kurimbuka. Imana yatwoherereje imiburo n'inama zo kuva mu mijyi. Ku bw'ibyo nimucyo twe kugira ibyo dushora mu mijyi. Babyeyi ni mu buhe buryo mubonamo imitima y'abana banyu? Mbese muri gutegurira abagize imiryango yanyu guhindurirwa kuzaba mu bikari byo mu ijuru? Mbese muri kubategurira kuba abagize umuryango wa cyami? Abana b'Umwami w'ijuru? "Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo ku isi, niyakwa ubugingo bwe?" (Mariko 8:36). Ni mu buhe buryo kubaho ubuzima bworoheje, bunejeje, buhuje n'imigambi yanyu n'ibyo mwifuza byagereranywa n'agaciro k'ubugingo bw'abana banyu? –Manuscript 76, 1905.

UBUHUNGIRO BW'AHANTU HO MU CYARO

Nimuereke ababyeyi basobanukirwe ko kurera abana babo ari umurimo w'ingenzi mu gukiza imitima. Mu cyaro bazahasanga imyitozo myinshi kandi y'ingirakamaro bazabona igihe bakora ibintu bakeneye gukora, kandi bizatuma bagira imibiri ifite amagara mazima igihe imyakura n'imihore by'umubiri bizaba bikura. "Musohoke mu mijyi" ubu nibwo butumwa mbaha kugira ngo abana bacu babone uburere.

Imana yahaye ababyeyi bacu ba mbere ibyabafasha kugira ngo habeho uburere nyakuri igihe yababwiraga guhinga ubutaka kandi bakita ku busitani bari batuyemo. Icyaha kimaze kuza bitewe no kutumvira ibyo Uhoraho yari yarabasabye, umurimo wagombaga gukorwa bahinga ubutaka wariyongereye bikomeye kubera ko bitewe n'umuvumo isi yamejeje ibitovu n'amahwa. Nyamara ntabwo umurimo ubwawo watanzwe bitewe n'icyaha. Umutware ukomeye ubwe yatanze yahiriye umurimo wo guhinga ubutaka.

Ni umugambi wa Satani gurehereza abagabo n'abagore kuba mu mijyi, kandi kugira ngo agere ku ntego ye ahimba amoko yose y'ibintu bishya n'ibirangaza ndetse n'ibituma abantu batwarwa. Kandi imijyi yo muri iki gihe igenda ihinduka nk'uko imijyi ya mbere y'umwuzure yari imeze……

Ni nde uzaburirwa? Twongeye kuvuga tuti, " Musohoke mu mijyi." Ntimugafate ko kuba mwajya kuba mu misozi ari igihombo gikomeye, ahubwo mushake aho hantu ho kuruhukira aho mushobora kwihererana n'Imana mwenyine, mukiga ubushake n'inzira yayo….

Ndagira inama abantu bacu ngo gushaka ibya Mwuka babigire akamenyero mu mibereho yabo. Kristo ageze ku rugi. Iyi ni yo mpamvu mbwira abantu

bacu nti, “Ntimugafate ko ari igihombo igihe muhamagarirwa kuva mu mijyi maze mugasohoka mukajya mu cyaro. Aho mu cyaro hari imigisha myinshi itegereje abazayakira. Kubwo kwitegereza ibiba mu byaremwe, kubwo kwiga umurimo w’intoki z’Imana, muzahindurwa muse na yo mu buryo butabagaragarira.”Manuscript 85, 1908.

NTIMWITEGE KUBONA IGITANGAZA CYO GUKURAHO INGARUKA ZO GUTERA INTAMBWE MBI

Nitegereza izi ndabo, kandi igihe cyose nzibonye ntekereza kuri Edeni. Zigaragaza urukundo Imana idukunda. Uko ni ko muri iyi si Imana idusogongeza ho gato ku byiza bya Edeni. Ishaka ko twishimira ibyiza yaremye kandi tukabibonamo imvugo itugaragariza ibyo izadukorera.

Imana yifuza ko tuba ahantu dushobora kubona aho tugendagenda. Ntabwo abantu b’Imana bagomba kwirundanya mu mijyi. Imana ishaka ko bajyana imiryango yabo hanze y’imijyi kugira ngo babashe kwitegura ubugingo buhoraho neza. Bidatinze bazava mu mijyi.

Imijyi yuzuye ibibi by’amoko yose- imyigaragambyo, ubwicanyi no kwiyahura. Satani ari muri iyo mijyi ayobora abantu mu murimo wabo wo kurimbura. Bayobowe n’imbaraga ye barica kubwo gushaka kwica gusa, kandi ibi bazarushaho kugenda babikora…..

Mbese iyo twishyize mu butware bw’imbaraga z’ubugome, twabasha kwitega ko Imana izakora igitangaza cyo gukuraho ingaruka z’intambwe mbi twateye?- Oya rwose. Nimuve mu mijyi vuba uko bibashobokera maze mugure umurima muto aho mushobora kugira ubusitani kandi abana banyu

bakitegereza uko indabo zikura maze bakazigiramo amasomo yo kwiyoroshya no kubonera. – *General Conference Bulletin,* March 30, 1903.

AHANTU H'ICYARO HAKWIRIYE IBIGO

Amabwiriza aracyakomeza gutangwa ngo, "Muve mu mijyi. Nimwubake amavuriro yanyu, amashuri yanyu n'amazu mukoreramo kure y'imijyi." Ubu abantu benshi bazasaba kuguma mu mijyi, nyamara igihe kizagera bidatinze ubwo abantu bose bifuza kwirinda kubona no kumva ibibi bazajya mu cyaro kubera ko ubugome no kwangirika biziyongera kugera ku rwego rw'uko umwuka urangwa mu mijyi uzaba wanduye. –Ibaruwa 26, 1907.

Imana yagiye yohereza imiburo ikurikirana ivuga ko amashuri yacu, amacapiro yacu n'amavuriro yacu agomba kubakwa ahatari mu mijyi, ahantu urubyiruko rushobora kwigishwa neza icyo ukuri ari cyo. Nimucyo he kugira umuntu n'umwe ugerageza gukoresha Ibihamya ngo ashyigikire gushyingwa kw'ibigo bigari bizana inyungu mu mijyi. Ntimuhindure ubusa umucyo watanzwe kuri iyi ngingo.

Hazahaguruka abantu bazaza bavuga amagambo mabi, kugira ngo basenye amatsinda Uwiteka ayoboye abagaragu be ngo bakore. Nyamara igihe kirageze ngo abagabo n'abagore batekereze ku mpamvu yabyo n'ingaruka bitera. Igihe cyo gushinga ibikorwa byagutse mu mijyi cyarashize rwose, kandi guhamagarira abasore n'inkumi kuva mu cyaro bakajya mu mijyi byarangije igije cyabyo. Mu mijyi hagenda haduka imibereho izatuma bikomerera cyane abo duhuje kwizera ngo babe bayigumamo. Bityo byaba ari ikosa rikomeye gushora amafaranga mu gushinga ibikorwa ubizana mu mijyi.- Manuscript 76, 1905.

GUKORERA MU MIJYI UTURUTSE HANZE YAYO

Uko bishoboka kose ibigo byacu bikwiriye kuba kure y'imijyi. Tugomba kugira abakozi bakora muri ibyo bigo, kandi niba ibi bigo biri mu mujyi, ibyo bisobanuye ko imiryango y'abantu bacu bagomba gutura hafi yabyo. Nyamara ntabwo ari ubushake bw'Imana ko ubwoko bwayo butura mu mijyi ahahora akajagari n'umuvurungano. Abana babo bakwiriye kurindwa ibyo; kubera ko imibereho yabo yose itakaza icyizere bitewe no kwihuta, kutagira umutuzo ndetse n'urusaku. Uhoraho yifuza ko ubwoko bwe bujya mu cyaro, aho babasha gutura mu masambu maze bagahinga imbuto zabo n'imboga kandi abana bakabasha kwibonera imirimo y'Imana mu byaremwe. Ubutumwa mbabwira ni ubu ngo mukure imiryango yanyu mu mijyi.

Ukuri kugomba kuvugwa, abantu bakumvira cyangwa batakumvira,imijyi yuzuyemo ibishuko. Dukwiriye gutegura gahunda y'umurimo wacu ku buryo dukora uko dushoboye kose tukarinda urubyiruko rwacu kwanduzwa n'ibi bishuko.

Imijyi igomba kuburirwa abantu baturutse hanze yayo. Intumwa y'Imana iravuga iti, "Mbese imijyi ntizaburirwa? Yego. Nyamara ntabwo izaburirwa n'abantu bayituyemo, ahubwo bazajya bayisura kugira ngo bayiburire ibigiye kuba ku isi."Ibaruwa 182, 1902.

MU MIJYI HAKWIRIYE KUBA INSENGERO MU MWANYA W'IBINDI BIGO

Inshuro nyinshi Uhoraho yaduhaye amabwiriza ko tugomba kuburira imijyi duturutse hanze yayo. Tugomba kugira amazu yo gusengerwamo muri iyo mijyi, kugira ngo abe inzibutso z'Imana; ariko ibigo by'amacapiro y'inyandiko zacu, ibigo bivurirwamo abarwayi n'ibyo abakozi bigishirizwamo bigomba

gushingwa hanze y'imijyi. By'umwihariko ni ingenzi ko urubyiruko rwacu rugomba kurindwa ibishuko by'imibereho yo mu mujyi.

Kuba amazu yo guteraniraniramo yaraguzwe kandi akongera kwegurirwa Imana muri Washington no muri Nashville bihuje n'aya mabwiriza, mu gihe amacapiro ndetse n'ibigo by'ubuvuzi byo muri iyo mijyi byakuwe hagati muri yo, bigashingwa aho bikorera hanze y'umujyi. Iyi ni yo gahunda yakurikijwe mu gukura andi macapiro n'amavuriro bikajyanwa mu cyaro, kandi ubu iyo gahunda iri gukurikizwa mu Bwongereza ku byerekeye icapiro ry'i London ndetse n'ishuri ryaho. Ubu dufite amahirwe yo kujya mbere aho ubuntu bw'Imana

budukingiriye inzira dufasha abavandimwe bacu bari muri iyo mijyi ndetse no mu yindi myinshi ikomeye kugira ngo dutangize umurimo tuwushinge ku rufatiro rukomeye ku buryo ubasha gutera imbere utanyeganyega.-*Special Testimonies*, Series B, No. 8, pp. 7,8 (1907).

Mu mihati yacu yo kugira imitungo mu cyaro ikaba ku rugero rudakabije, tugomba kuba abanyabwenge nk'inzoka kandi tukaba abanyamahoro nk'inuma, ndetse tugomba kujya gukora mu mijyi duturutse mu cyaro. Ibid., No.14, p.7 (1902).

KWITEGURA AKAGA KAZATERWA N'ITEGEKO RYO KURAMYA KU MUNSI WA

MBERE (KU CYUMWERU)

Ntabwo tugomba kuba aho tuzahatirwa kugirana isano ya bugufi n'abatubaha Imana. ….Akaga kerekeranye no kubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru kari hafi kuza…

Uruhande rw'abizihiza umunsi wa mbere ruragenda rwikomeza mu kwigamba ibinyoma, kandi bizaba bisobanuye akarengane ku bantu baziyemeza kubahiriza Isabato y'Uhoraho. Tugomba kuba aho dushobora kubahiriza itegeko ry'Isabato uko ryakabaye ryose. Uhoraho aravuga ati, «Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho » (Kuva 20 :9,10). Kandi tugomba gushishoza kugira ngo tutishyira aho kubahiriza Isabato bizadukomerera twe n'abana bacu.

Iyaba mu buntu bw'Imana twabashaga kubona ahantu hitaruye imijyi, Uhoraho yakwifuza ko twayitarura. Imbere yacu hari ibihe bishishana.- Manuscript 99, 1908.

Iyo imbaraga zikoreshwa n'abami zifatanya n'ibyiza, biterwa n'uko umutware wabo ari munsi y'ubuyobozi bw'Imana. Iyo imbaraga yifatanyije n'icyaha, iba yifatanyije n'ibikoresho bya Satani, kandi izakorera kurimbura ab'Imana. Abaporotesitanti bashyize isabato y'ikigirwamana aho Isabato y'Imana yagombaga kuba kandi baragera ikirenge mu cy'Ubupapa. Kubera iyi mpamvu, mbona ko ari ngombwa ko ubwoko bw'Imana busohoka mu mijyi bukajya mu cyaro ahitaruye aho bubasha guhinga imirima kandi bukishakira umusaruro wabwo. Muri ubwo buryo bashobora kurera abana babo babatoza imyitwarire yoroheje kandi myiza. Ndabona ko ari ngombwa kwihuta kugira ngo hitegurwe igihe cy'akaga. –Ibaruwa 90, 1897.

IGICE CYA 46 :KUYOBORWA N'UBUNTU BW'IMANA

Igihe kirageze, uko Imana ifunguye inzira, ubwo imiryango ikwiriye kuva mu mijyi. Abana bakwiriye kujyanwa mu cyaro. Ababyeyi bakwiriye gushaka ahantu heza hakwiriye bakurikije uko babishoboye. Nubwo inzu babamo

yaba nto ariko hakwiriye kuba umurima ufatanye nayo ushobora guhingwa. Manuscript 50, 1903.

Ababyeyi bashobora kugira inzu nto mu cyaro n'umurima wo guhinga aho babasha kugira uturima tw'imbuto kandi bakaba bahinga imboga n'imbuto nto zo gusimbura inyama zangiza ubuzima uko amaraso atembera mu miyoboro yayo. Ahantu nk'aho ntabwo abana bazazengurukwa n'ibyangiza byo mu mibereho yo mu mujyi. Imana izafasha ubwoko bwayo kugira ingo nk'izo hanze y'imijyi.-*Medical Ministry*, p.310.

Uko igihe gihita, abantu bacu bazaba bagomba kuva mu mijyi. Mu gihe cy'imyaka myinshi twagiye duhabwa amabwiriza ku abavandimwe bacu, ariko by'umwihariko imiryango ifite abana, bakwiriye gufata ingamba zo kuva mu mijyi uko babonye inzira ibafungukira ngo babikore. Abantu benshi bazakorana umuhati mwinshi kugira ngo bafashe mu gufungura inzira. Nyamara igihe kitaragera ngo kugenda bibashobokere, igihe bakiri mu mijyi, bakwiriye kugira umuhati mwinshi mu gukora umurimo w 'ibwirizabutumwa, nubwo aho bashobora kugeza ubushobozi bwabo haba ari hato.- *The Review and Herald,* Sept. 27, 1906.

INAMA N'UMUBURO BYAHAWE ABARI BITEGUYE KUVA MU MIJYI[17]

Muvandimwe ibaruwa yawe imbwira ko hari abantu benshi bakangaranye biteguye kuva i Battle Creek. Hari ubukene bukomeye bw'uko uyu murimo ukwiriye gukorwa ubu. Reka ku bantu bumvise ko bakwiriye kugenda he kubaho kwihuta cyane mu gutwarwa cyangwa mu buryo bwo guhubuka nta

[17] Ubu ni ubutumwa bwanditswe ku wa 22 Ukuboza 1893. Bwaje busubiza ibaruwa y'umuyobozi wakoreraga I Battle Creek amenyesha Ellen White ko kubera umuburo yari yatanzwe uvuga ko abizera bacu bakwiriye kuva I Battle Creek, abantu bari hagati ya 100 na 200 biteguraga kuhava ikitaraganya.-ABAKUSANYIJE INYANDIKO.

kubitekerezaho, cyangwa se mu buryo buzatuma nyuma y'aho bicuza cyane ko bavuye i Battle Creek….

Itondere kugira ngo he kubaho kugenda kw'ikubagahu gukozwe mu rwego rwo kumvira inama yo kuva i Battle Creek. Ntukagire icyo ukora utabajije Imana yasezeranye gutangana ubuntu igaha abantu bose basaba bativovota. Ibyo buri muntu wese ashobora gukora ni ugutanga inama maze akarekera abemeye inshingano yo kugenda munsi y'ubuyobozi bw'Imana, kandi imitima yabo yugururiye kumenya no kumvira Imana.

Ndatangara cyane iyo mbonye hashobora kubaho bamwe bo mu barimu bacu bakeneye kugira imitekerereze myiza. Intumwa zashyiye abatuye iyi isi ubutumwa bw'imbabazi, kandi zifitiwe icyizere n'abantu zizifashisha ngo zitange inama. Ubushishozi bukomeye buzakoreshwa n'abo bantu badafite ubumenyi nyakuri mu bibaho mu buzima, kandi bazaba mu kaga ko gutanga inama badasobanukiwe n'ibyo iyo nama izayobora abandi gukora.

Abantu bamwe babasha kubona ibibazo kandi bafite ubushobozi bwo gutanga inama. Iyi ni impano y'Imana. Igihe umurimo w'Imana ukeneye amagambo mazima, yumvikana kandi akomeye, abo bantu babasha kuvuga amagambo azayobora abantu bahangayitse kandi bari mu mwijima kugira ngo mu buryo bwihuta nk'umucyo w'izuba, babashe kubona inzira bakwiriye gukurikira, bityo bibe igisubizo ku kibazo cyari cyabujuje guhangayika kandi kitasobanukiye intekerezo zabo mu gihe cy'ibyumweru byinshi n'amezi menshi bagitekerezaho. Inzira igenda itunganywa imbere yabo, kandi Uhoraho yayimurikishijemo umucyo we kandi babona ko amasengesho yabo asubizwa. Inzira bacamo iramurikiwe. Nyamara inama zimwe zitatekerejweho zishobora gutangwa ngo muve i Battle Creek hirengagijwe

ko nta kintu gisobanutse neza cyerekana ibyiza izo nama zizageraho mu iterambere mu bya Mwuka kuri abo bantu cyangwa ku bandi.

MUGENZURANE UBUSHISHOZI IGIKORWA CYOSE

Nimucyo buri muntu wese agenzurane ubushishozi ye kuba nk'umuntu uvugwa mu mugani watangiye kubaka kandi ntabashe kurangiza. Nta ntambwe n'imwe ikwiriye guterwa cyangwa ikindi cyose kijyana nayo bitagenzuranywe ubushishozi ngo ikintu cyose gishyirwe ku munzani … Umuntu wese yahawe umurimo agomba gukora uhuje n'ubushobozi bwinshi afite. Bityo nimucyo ye kugenda ashidikanya, ahubwo agende ashikamye kandi yicishije bugufi yiringiye Imana.

Hashobora kubaho abantu bazahubukira kugira icyo bakora, kandi bakagira ibyo bajyamo batagira icyo babiziho. Ntabwo ibi ari byo Imana isaba. Nimutekereze mu kuri, musenga mwiga Ijambo ry'Imana mufite ubushishozi bwose no gusenga, intekerezo n'umutima bikangukiye kumva ijwi ry'Imana….Gusobanukirwa ubushake bw'Imana ni ikintu gikomeye….

Ndabwira aya magambo itorero ry'i Battle Creek ngo rigendere mu nama z'Imana. Hakenewe ko benshi muri mwe bava i Battle Creek ariko na none hakenewe ko mugira gahunda isobanutse neza y'icyo muzakora nimuva I Battle Creek. Ntimukihutire kugenda mubihubukiye mutazi ibyo mukora…Ku bakwiye kujya ku ruhembe rw'imbere, nibabe abanyabwenge, bashishoza kandi b'ingirakamaro, abantu bafite ibitekerezo bizima bazaba abajyanama bizewe, abantu basobanukiwe kamere y'umuntu, bazi kuyobora no gutanga inama bafite kubaha Imana.

AKAGA KIBASIRA IMIKORERE MISHYA

Nabonye ko akaga kibasira buri ntambwe yose nshya y'ibibaho mu itorero, bitewe n'uko bamwe bumva ibintu bafite umwuka ukomeye. Nubwo abigisha bamwe bashobora abanyambaraga kandi bashoboye kwigisha mu magambo y'amahame ya Bibiliya, ntabwo bose bazaba abantu bafite ubumenyi bw'ibibaho mu buzima kandi ngo babe bashoboye kugira inama imitima ihagaze badakebakeba kandi batuje. Ntabwo babasha kumenya ibibasha kubaho bihangayikishije bigomba kuba kuri buri muryango uzagira icyo uhindura. Kubw'ibyo rero, nimucyo abantu bose bitondere ibyo bavuga. Niba batazi intekerezo z'Imana ku bibazo bimwe, nimureke be kugira icyo bavuga bakekeranya. Niba nta kintu gihamye bazi, nimubareke babivuge kandi mureke abantu bishingikirize ku Mana burundu. Nimureke habeho gusenga cyane ndetse no kwiyiriza ubusa kugira ngo hatazagira umuntu ugendera mu mwijima, ahubwo bagendere mu mucyo kubera ko Imana ari umucyo….

Nimureke he kugira ikintu gikorwa mu buryo budafite gahunda ku buryo habaho igihombo gikomeye cyangwa ngo hagire ibyangirika bitewe n'imvugo zityaye kandi zikomeye zituma habaho gutwarwa kudahuje na gahunda y'Imana kugira ngo insinzi yagombye kugerwaho itazahinduka gutsindwa bitewe no kubura gushyira mu gaciro, kwitegereza neza, amahame n'imigambi bizima. Nimucyo kuri iyi ngingo habeho kuyoboranwa ubushishoza kandi abantu bose bagendere munsi y'ubuyobozi bw'Umujyanama w'umunyabwenge utaboneshwa amaso ari we Mana. Ingingo ziturutse ku muntu zizahatanira gutwara kandi hashobora kugira umurimo ukorwa utemewe n'Imana. Ubu ndingingira buri muntu wese

kudashakisha abajyanama b'abantu abishimikiriye, ahubwo ashake Imana ashyizeho umwete, yo izi gutanga inama. Nimwegurire inzira zanyu n'ubushake bwanyu mu nzira z'Imana no mu bushake bwayo. ….

IBIKURIKIRA KWIMUKA HUTIHUTI

Haramutse hagize abimuka bakava i Battle Creek hanyuma bakazahura n'ingorane, ntabwo bayibaraho, kuko bimutse hutihuti, ahubwo bazabigereka ku bandi babashinja ko baba barabashyizeho igitutu. Ibibaruhije hamwe n'ingorane zabo babishinja abo badakwiriye kubyitirira……

Ubu muri iki gihe tugezemo, ni igihe akaga ko mu minsi iheruka kagenda katwizingiraho, kandi dukeneye abantu b'abanyabwenge bo kutugira inama. Ntabwo ari abantu bazumva ko ari ngombwa guteza umuvurungano, ahubwo ni abantu bazatanga inama nziza kandi bagategura ko ikibaho cyose cyazana gahunda ahari urujijo, kikazana ikiruhuko n'amahoro binyuze mu kumvira Ijambo ry'Imana. Nimucyo buri muntu wese abe mu mwanya we, agire icyo akorera Umwami we akurikije ubushobozi bwe bwinshi….

Ni mu buhe buryo ibi bizakorwa? Yesu Kristo wabaguze amaraso ye y'igiciro cyinshi, mukaba muri abagaragu be n'umutungo we yaravuze ati, «Mwikorere umutwaro mbaha, munyigireho ; kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima ; namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu. Kuko kunkorera bitaruhije n'umutwaro wanjye utaremereye» (Matayo 11 :29, 30). Umuntu wese uzasanga Yesu afite umwuka wo kwigishwa, afite umutima umenetse, uwo aba afite intekerezo zishobora kwigishwa no kwigira kuri Yesu ndetse no kumvira amabwiriza ye….

IMIGAMBI YOSE MUYISHYIRE IMBERE Y'IMANA

Ntabwo ubu dushobora kugira ukwizera kudakomeye; ntabwo dushobora kumererwa neza dufite inyifato yuzuye ubunebwe ubute ntacyo dukora. Buri bushobozi bwose bugomba gukoreshwa, kandi hakwiye kubaho gutekereza gukomeye, gutuje ndetse kwimbitse. Muri iki gihe ntabwo ubwenge bw'umuntu uwo ari we wese buhagije kugira ngo akore gahunda kandi afate ingamba. Imigambi yose muyishyire imbere y'Imana mwiyiriza ubusa, mucisha imitima bugufi imbere y'Umwami Yesu kandi inzira zanyu muzegurire Uhoraho. Isezerano ridashidikanywaho ni iri ngo, 'Azayobora inzira zanyu. Afite ubutunzi butagerwa. Uwera wa Isirayeli uhamagara ingabo zo mu ijuru mu mazina yazo, kandi agafatira inyenyeri zo mu kirere mu mwanya wazo, nawe arakubumbatiye mu biganza bye…. '

Nifuza ko abantu bose basobanukirwa inzira zishoboka zashyiriweho abantu bose bumva bahagijwe na Kristo kandi bamugira ibyiringiro byabo. Umuntu ubugingo bwe buhishanwe na Kristo mu Mana ahora afite ubuhungiro. Ashobora kuvuga ati, « Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga » (Abafilipi
4 :13) .

Iki kibazo ndakibahariye kubera yuko nagize ubwoba kandi mpagarika umutima bitewe n'ibyago byugarije abantu batuye i Battle Creek, kuko ntinya ko bazahava ku mugaragaro maze bagaha umwanzi icyuho. Ntabwo ibi bikwiriye kubaho kubera ko niba tugendana n'Imana twicishije bugufi, tuzagenda mu mahoro. – Ibaruwa 45, 1893.

UMUGABANE WA 9

IGIHE TWEGEREZA IHEREZO

IJAMBO RY'IBANZE

Mu gutegura igitabo gikubiyemo inama zitandukanye zashyizwe ahagaragara mu myaka myinshi nyuma y'urupfu rwa Ellen G. White, bikwiye kwitegwa ko impapuro zimwe zizibanda ku kaga kegereje ndetse n'ibyo itorero rizahura nabyo mu gihe twegereje ukugaruka kwa Kristo. Inama zikubiye muri iki gice zakomotse cyane mu ngingo zitandukanye zanditswe na Ellen G. White nk'uko zagiye ziboneka mu binyamakuru byacu bitandukanye ndetse mu ngingo zanditswe mu dutabo twItwa *Notebook Leafles.*

Ubu butumwa bukora ku mutima ntibugira icyo bwigisha gishya kidasanzwe, kandi harimo aho gitekerezo kimwe cyagiye gisubirwamo kenshi. Nyamara ku bantu biteguye gusanganira Umwami wabo bidatinze, buri gitekerezo cyose cyerekeje ku kaga kari imbere yacu kizasomanwa umuhati mwinshi cyane.

Igice giheruka kivuga, « Ubutumwa buheruka bwahawe Inteko Nkuru Rusange » kigaragaza ubutumwa bw'uburyo bubiri madamu Ellen White yateguye kandi akabwohereza ngo busomerwe inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1913 yabayeho bwa nyuma akiriho. Imigabane mito mito y'ubwo butumwa uko ari bubiri yagiye icapwa ikaboneka hirya no hino. Birakwiriye ko amagambo yose yavuze yari akwiriye gushyirwa muri iki gice akagaragaza icyizere Ellen G. White yari afitiye abayobozi b'itorero ndetse no kunesha kw'itorero guheruka.- ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA ELLEN G WHITE.

IGICE CYA 47:KWITEGURA AKAGA GAHERUKA[18]

Bavandimwe, ndabwira mwe nk'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi kugira ngo mube icyo iri zina risobanuye. Hari akaga ko kuva mu mwuka w'ubutumwa twahawe….

Ntabwo ubwoko bw'Imana bugomba kuyoborwa n'ibitekerezo n'imikorere by'isi. Nimwumve icyo Umukiza yabwiye abigishwa be agira ati, "Nanjye nzasaba Data, na we azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose, ni we Mwuka w'ukuri. Ntibishobka ko ab'isi bamuhabwa, kuko batamurora kandi batamuzi, ariko mwebweho muramuzi, kuko abana namwe, kandi azaba muri mwe" (Yohana 14:16, 17). "Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa bana b'Imana kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenye kuko batayimenye" (1Yohana 3:1).

Ijambo ry'Imana rivuga ryeruye ko amategeko yayo azasuzugurwa, agakandagirwa n'ab'isi. Hazabaho kwiganza kudasanzwe kw'ikibi. Abiyita abaporotesitanti bazifatanya n'umunyabugome, kandi itorero n'isi bizabafatinyiriza hamwe mu bugome.

Dore akaga gakomeye kaje ku isi. Ibyanditswe byera byigisha ko ubupapa bugomba kongera kugira ubutware bwabwo bwatakaje, kandi ko umuriro w'akarengane uzongera ugacanwa binyuze mu kuyoboka ubupapa kw'abiyita
Abaporotesitanti. Muri iki gihe cy'akaga dushobora gushikama gusa turamutse dufite ukuri n'imbaraga y'Imana. Abantu bashobora kumenya

[18] Aya ni amagambo yavuzwe na Ellen G. White ari mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu mwaka wa 1891.

ukuri gusa baramutse bafite umugabane kuri kamere n'Imana. Igihe dusoma kandi ducukumbura Ibyanditswe, muri iki gihe dukeneye ikirenze ubwenge bw'umuntu; kandi nidusanga ijambo ry'Imana dufite imitima yicishije bugufi, Imana izadukingira ikintu cyose kidakurikiza amategeko.

Birakomeye gushikama ku byiringiro twatangiranye ngo tubikoreho kugeza ku iherezo; kandi akaga kiyongera iyo hari imbaraga zihishe zikora ubudatuza ngo zinjize undi mwuka ukomoka kuri Satani urwanya Imana. Igihe akarengane katari kariho, muri twe hinjiye abantu bamwe basa n'abatunganye kandi n'Ubukristo bwabo ntibushidikanyweho. Nyamara akarengane nikaramuka kaje, bazatuvamo. Mu gihe cy'akaga bazabona imbaraga mu mitekerereze y'ibinyoma yahinduye intekerezo zabo. Satani yateguye imitego itandukanye yo gufata abantu benshi. Igihe amategeko y'Imana azahindurwa ubusa, itorero rizashungurwa n'ibigeragezo bikomeye kandi umugabane munini uruta uwo dushobora gutekereza ubu, uzumvira imyuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni. Aho kugira ngo bakomezwe igihe bageze ahakomeye, abantu benshi bagaragaza ko atari amashami mazima yo ku Muzabibu nyakuri. Nta mbuto bera maze uhingira uruzabibu agakuraho ayo mashami.

NTABWO ABUMVIRA NYAKURI BAZAGWA

Nyamara igihe ab'isi basuzuguye amategeko y'Imana, ingaruka izaba iyihe ku bumvira nyakuri kandi b'intungane? Mbese bazatwarwa n'inkubi y'ikibi? Bitewe n'uko abantu benshi binjira mu butware bw'umwami w'umwijima, mbese ubwoko bw'Imana bukomeza amategeko yayo buzatatira kumvira kwabwo?

Oya! Nta muntu n'umwe uri muri Kristo uzatsindwa cyangwa ngo agwe. Abayoboke ba Kristo bazaca bugufi bumvire ubutware bukomeye buruta umutware uwo ari we wese wo ku isi. Nubwo gusuzugura amategeko y'Imana biyobora abantu benshi guhinyura ukuri kandi ntibakumvire; mu muhati mwinshi ab'indahemuka bazerereza ukuri kutagereranywa kw'ayo mategeko. Ntabwo twaretswe ngo twiyobore. Mu nzira zacu zose dukwiriye kuzirikana Imana, kandi izatuyobora muri izo nzira. Dukwiriye kubaza Ijambo ryayo dufite imitima yicishije bugufi, tukagisha Imana inama kandi ubushake bwacu tukabwegurira ubushake bwayo. Ntacyo tubasha gukora tutari kumwe n'Imana.

Dufite impamvu ikomeye cyane idutera guha agaciro Isabato nyakuri ndetse no kuyishyigikira, kubera ko ari ikimenyetso gitandukanya ubwoko bw'Imana n'ab'isi. Kubera iyi mpamvu, itegeko ab'isi basuzugura ni ryo ubwoko bw'Imana buzubaha cyane. Igihe abatizera basuzugura Ijambo ry'Imana, ni ho ba Kalebu b'indahemuka bahamagarwa. Icyo gihe ni bwo bazashikama ku mwanya w'inshingano yabo, nta kwiyerekana, nta kugamburura bitewe no guhinyurwa. Abatasi batizeraga bari biteguye kwica Kalebu. Yabonye amabuye yari mu biganza by'abari bazanye inkuru mbi, nyamara ntabwo ibi byamucogoje. Yari afite ubutumwa kandi yagombaga kubutanga. Muri iyi minsi umwuka nk'uwa Kalebu uzagaragazwa n'abantu b'indahemuka ku Mana.

Umunyazaburi aravuga ati, "Bahinduye ubusa amategeko yawe. Ni cyo gituma nkunda ibyo wategetse, nkabirutisha izahabu nubwo yaba izahabu nziza" (Zaburi 119:126, 127). Iyo abantu biyegereje Yesu, iyo Kristo atuye mu mitima yabo kubwo kwizera, urukundo bakunda mategeko y'Imana rurakura cyane ku gipimo kiruta agasuzuguro ab'isi bagirira amategeko yera

y’Imana. Iki gihe ni cyo Isabato nyakuri igomba kubwirwa abantu binyuze mu nyandiko no mu mvugo. Ubwo itegeko rya kane n’abaryubaha basuzugurwa kandi bagateshwa agaciro, abantu b’indahemuka babona ko ari gihe cyo kudahisha ukwizera kwabo ahubwo ko ari igihe cyo kwerereza amategeko ya Yehova barambura ibendera ryanditsweho ubutumwa bwa marayika wa gatatu, amategeko y’Imana no kwizera kwa Yesu.

NTA KWIFATANYA N’AMAYOBERANE Y’UBUGOME

Nimucyo n’iyo haba mu guceceka kwabo, abafite ukuri nk’uko kuri muri Yesu be kwemera umurimo w’amayoberane y’ubugome. Nimucyo be gucogora kuvuga umuburo. Nimucyo kwigisha no guhugura abizera b’amatorero yacu bikorwe mu buryo abana n’urubyiruko baturimo babasha gusobanukirwa ko hadakwiriye kubaho kwifatanya n’iyi mbaraga, ari yo Sekibi. Mubigishe ko nubwo igihe kizagera tukarwana intambara dutakaza umutungo wacu n’umudendezo, urugamba rugomba kurwanwa mu mwuka n’ubugwaneza bya Kristo. Ukuri nk’uko kuri muri Kristo kugomba gukomerwaho kandi kugashyigikirwa. Ubutunzi, icyubahiro, kugubwa neza n’ikindi kintu icyo ari cyo cyose, bikwiriye guhabwa umwanya wa kabiri. Ntabwo ukuri kugomba guhishwa, ntabwo kugomba guhakanwa cyangwa ngo gutwikirirwe ahubwo gukwiriye kuvugwa mu buryo bwuzuye kandi kukamamazanywa gushira amanga.

Uhoraho afite abarinzi b’indahemuka bari ku nkike za Siyoni bagomba kurangurura ntibitangire, bakarangurura amajwi yabo nk’impanda, maze bakereka ubwoko bw’Imana ibicumuro byabwo, n’ab’inzu ya Yakobo ibyaha byabo. Uhoraho yemereye umwanzi w’ukuri gukoresha imbaraga ikomeye akarwanya Isabato yo mu itegeko rya kane. Binyuze muri ubu buryo, Uhoraho agambirira gukangura umugambi ushikamye kuri iki kibazo

cy'ikigeragezo cyo mu minsi iheruka. Ibi bizafungurira inzira ubutumwa bwa marayika wa gatatu kugira ngo buvuganwe imbaraga.

Nimucyo he kugira umuntu n'umwe wizera ukuri uceceka. Ubu nta muntu n'umwe ukwiriye kutagira icyo yitaho. Reka abantu bose berekeze amasengesho yabo ku ntebe y'ubuntu, basaba gusohorezwa iri sezerano ngo, "Icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikora" (Yohana 14:13). Ubu ni igihe cy'akaga. Niba iki gihugu cy'umudendezo w'ubwibone kiri gutegura kwirengagiza ihame ryose ryo mu Itegekonshinga ryacyo, kigatuma amategekoteka asimbura umudendezo mu by'iyobokamana, kandi kigatiza umurindi ubushukanyi n'ubuyobe bw'ubupapa, ubwoko bw'Imana bukeneye kubwira ibyifuzo byabwo Ishoborabyose bufite kwizera. Mu masezerano yatanzwe n'Imana harimo uguhumurizwa kose kugenewe abayiringira. Ntabwo kwitega ko umuntu ku giti cye azagira akaga bikwiriye gutera umubabaro no gucika intege, ahubwo bikwiriye gukangura imbaraga n'ibyiringiro by'ubwoko bw'Imana kubera ko igihe cy'akaga kabo ari cyo gihe Imana irushaho kubagaragariza imbaraga zayo.

Ntabwo tugomba kwicara dutuje dutegereje kurenganywa n'ibirushya, ngo twipfumbate tutagira icyo dukora ngo tubuze ibibi kubaho. Nimucyo amajwi yacu yo kwinginga ashyize hamwe azamurwe mu ijuru. Musenge kandi mukore, ndetse mukore kandi musenge. Ariko mureke he kugira umuntu ukora adatekereje. Mumenye ko mugomba kuba abagwaneza kandi mukaba mworoheje mu mitima kuruta uko bisanzwe. Ntabwo mugomba kugira uwo mwinubira mumurega, baba ari abantu bihariye cyangwa amatorero. Nimwige kwihanganira abantu nk'uko Kristo yabikoraga. Rimwe na rimwe ibintu bikomeye bigomba kuvugwa, ariko mumenye neza ko Mwuka Muziranenge w'Imana ari mu mitima yanyu mbere y'uko muvuga

ukuri kumvikana kandi kwahuranya. Bityo nimureke gukomeretsa kwahuranye kwishakira inzira.

Ntabwo mugomba gukomeretsa.

KUTIFATANYA N'AB'ISI

Ntabwo hagomba kubaho kumvikana n'abahindura ubusa amategeko y'Imana. Si byiza kubishingikirizaho ngo batubere abajyanama. Ntabwo ubuhamya bwacu bugomba kuba bufite imbaraga nke ugereranyije n'uko bwari bumeze mbere; ntabwo uruhande nyarwo duhagazemo rugomba guhishwa kugira ngo tunezeze abakomeye bo mu isi. Bashobora kwifuza ko twifatanya nabo kandi ko twemera imigambi yabo, ndetse bashobora gutanga ibyifuzo ku byerekeye imikorere yacu ibyo bikaba byaha umwanzi amahirwe yo kudutsinda. "Ntimuvuge ngo 'Baratugambaniye', nk'uko ubu bwoko buzavuga kuri ibyo byose buti, 'Baratugambaniye'" (Yesaya 8:12). Nubwo tudakwiriye gushoza urugamba kandi ntitugire uwo tubangamira tubigambiriye, tugombakuvuga ukuri mu buryo bwumvikana kandi tumaramaje, kandi tugashikama ku byo Imana yatwigishije mu Ijambo ryayo. Ntabwo mugomba kurebera ku b'isi kugira ngo mumenye ibyo mukwiye kwandika no gucapa cyangwa ibyo muzavuga. Nimureke amagambo yanyu n'ibikorwa byanyu byose bihamye bigira biti, "Burya ntitwakurikije imigani yahimbwe n'ubwenge" (2Petero 1:16). "Nyamara rero dufite ijambo ryahanuwe rirushaho gukomera, kandi muzaba mukoze neza nimuryitaho, kuko rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima" (2Petero

1:19).

Intumwa Pawulo iratubwira iti, "Kuko ubwo ubwenge bw'Imana bwategetse ko ab'isi badaheshwa kumenya Imana n'ubwenge bw'isi, Imana yishimiye gukirisha abayizera ubupfu bw'ibibwirizwa" (1Abakorinto 1:21). Ibi byari

ugusohozwa kwa gahunda y'Imana kubwo kwemezwa no guhinduka kw'abantu bahora bashaka gukuririza imbaraga zabo bwite. Uhoraho yashatse kwerekana niba abantu bifashishije ubwenge bwabo bufite iherezo bashobora kumenya ukuri, cyangwa se niba bashobora kumenya Imana Umuremyi wabo. Igihe Kristo yazaga kuri iyi si, igerageza ryari ryarakozwe mu buryo buhagije kandi ryagaragaje ko ubwenge bw'umuntu bwibona nta kindi buri cyo uretse kuba ari ubupfu. Ubwenge bufite aho bugarukira ntibwabashije kugera ku myanzuro itunganye ku byerekeye Imana, kandi kubw'ibyo umuntu ntiyabashije rwose gushyira mu gaciro ku byerekeye amategeko yayo. Imana yemeye ko muri iki gihe cyacu, mu kwerereza ikinyoma kikarutishwa ukuri, ingingo zimwe zigera aho bikomeye kugira ngo Yo Mana ya Isiraheli ibashe gukora mu buryo bukomeye ngo yerereze cyane ukuri kwayo kurusha uko ikinyoma cyererezwa.

Imana mu kwitegereza itorero, ibihe byinshi yemeye ko ibibazo bigera ahakomeye kugira ngo ubwoko bwayo mu kunanirwa kwabwo bibahe kuyiyambaza yo yonyine ngo ibufashe. Amasengesho yabo, ukwizera kwabo bifatanyirije hamwe n'umugambi wabo udacogora wo kuba abanyakuri, byatumye Imana ihagoboka kandi yasohoje isezerano ryayo. "Maze nutabaza Uwiteka azagutabara, nutaka azavuga ati, 'Ndi hano'" (Yesaya 58:9). Ukuboko k'Uwiteka gukomeye kwarambukiye kurokora ubwoko bwe. Imana izigama kubagoboka kwayo kuzuye ubuntu kugeza igihe bananiriwe; bityo igatuma kurokorwa kwabo kurushaho kugaragara ndetse n'insinzi yabo ikarushaho kuba ishimishije. Igihe ubwenge bw'umuntu bwose bwatsinzwe, ukugoboka kw'Imana kuzarushaho kugaragara kandi izahabwa ikuzo riyikwiriye. Ndetse n'abanzi bo kwizera

kwacu, abadutoteza, bazabona ko Imana iri gukorera ubwoko bwayo ibukura mu bubata.

ISENGESHO, UKWIZERA NO KWISHINGIKIRIZA KU MANA

Igikenewe muri iki gihe turimo cy'akaga ni ugusenga tumaramaje, bivanze no kwizera nyakuri no kwishingikiriza ku Mana igihe Satani abundikiza ubwoko bw'Imana umwijima we. Nimucyo buri muntu wese azirikane ko Imana yishimira kumva gusenga k'ubwoko bwayo kubera ko ikibi kiganje gisaba ko habaho gusenga kumaramaje, kandi Imana yasezeranye ko izahorera intore zayo ziyitakira ku manywa na nijoro nubwo izihanganira.

Abantu babogamiye ku gusuzugura kwihangana kw'Imana, nyamara bakakwishingikirizaho. Nyamara hari igihe kigera mu mibereho y'icyaha y'umuntu maze Imana ikagoboka bityo ingaruka zikaba mbi bikomeye. "Uwiteka ntiyihutira kurakara, afite ububasha bwinshi, kandi ntabwo yatsindishiriza utsinzwe n'urubanza" (Nahumu 1:3). Ukwihangana kw'Imana kuratangaje, kubera ko igenga imico yayo. Nyamara uko byagenda kose igihano ntikizabura kubaho. Buri kinyejana cyose cyo gusayisha cyagiye kibikira uburakari umunsi wabwo; kandi ubwo igihe kizaba kigeze, kandi ubugome bukaba bugwiriye, ubwo ni bwo Imana izakora umurimo w'inzaduka. Bizagaragara ko ari ikintu giteye ubwoba kubona kwihangana kw'Imana kutakiriho; kubera ko umujinya w'Imana uzasukwa mu buryo bukomeye cyane ku buryo bizagaragara ko utarimo imbabazi; kandi isi izaba umusaka. Igihe cy'ubuhakanyi ku rwego rw'igihugu, ubwo abayobozi b'igihugu bazaba bagengwa n'amategeko ya Satani ubwo nibwo bazajya mu ruhande rwa sekibi. Iki gihe nibwo urugero rwo gukiranirwa ruzuzura. Ubuhakanyi ku rwego rw'igihugu ni ikimenyetso cyo kurimbuka kwacyo.

Imana yahamagariye ubwoko bwayo gusiba icyuho, ngo bube uruzitiro, kugira ngo bwubake urufatiro rw'ibisekuru byinshi. Abamarayika bo mu ijuru bafite imbaraga nyinshi kandi bumvira amategeko y'Imana bategereje gufatanya n'abantu; kandi Uhoraho azagoboka igihe ibibazo bizaba bigeze aho nta muntu ushobora guhangana n'abakozi ba Satani bazaba bari ku murimo uretse imbaraga y'Imana gusa. Igihe ubwoko bw'Imana buzaba buri mu kaga gakomeye, bigaragara ko butabasha guhangana n'imbaraga za Satani ni bwo Imana izagira icyo ibukorera. Aho ubushobozi bw'muntu burangirira ni ho Imana ibona inzira yo gukora.

Ubu ni igihe abantu b'indahemuka kandi b'abanyakuri bagomba guhaguruka bakarabagirana kubera ko ikuzo ry'Imana ribarasiye. Ubu ntabwo ari igihe cyo guhisha amabara yacu, nta gihe cyo guhinduka abagambanyi. Urugamba rurakaze, nta gihe cyo kurambika intwaro zacu z'urugamba. Abarinzi bo ku nkike z'i Siyoni bagomba kuba maso.

Ndashima cyane ko muri iki gihe dushobora gukura intekerezo zacu ku ngorane zituzengurutse, ndetse no ku kurenganywa kugiye kuba ku bwoko bw'Imana maze tukareba hejuru mu ijuru ry'umucyo n'ubushobozi. Nitujya mu ruhande rw'Imana, urwa Kristo n'abamarayika bo mu ijuru, ingabo ngari y'Ishoborabyose izadutwikira, Imana ikomeye ya Isiraheri ni yo mufasha wacu, bityo ntidukwiriye gutinya. Abakora ku bwoko bw'Imana, baba bakoze ku mboni y'ijisho ryayo…..

Bavandimwe, mbese muzagendana umwuka wa Kristo ubwo muzaba musubiye mu ngo zanyu no mu matorero yanyu? Mbese muzareka kutizera no kunenga? Tugeze mu gihe ubwo dukwiriye komatana, tugakorera hamwe kurusha uko byigeze bibaho mbere. Mu bumwe hari imbaraga. Mu macakubiri no kutifatanya hari intege nke gusa. Ntabwo Imana yigeze

itegura ko umuntu umwe, cyangwa bane cyangwa makumyabiri bakwiharira umurimo w'ingenzi mu biganza byabo maze bakawukora badafatanyije n'abandi bakozi bo mu murimo w'Imana. Imana ishaka ko ubwoko bwayo bujya inama, bukaba itorero ryunze ubumwe, rikaba itsinda ritunganye muri Kristo. Ubuhungiro rukumbi dufite ni ukugendera mu nama duhabwa n'ijuru, tugahora dushaka gukora ibihuje n'ubushake bw'Imana, tugahinduka abakozi bakorana na yo. Nta tsinda rikwiriye kwishyira hamwe ngo rivuge riti, "Tugiye gufata uyu murimo maze tuwukore mu buryo bwacu bwite; kandi nibitaba uko tubishaka, ntabwo tuzatanga imbaraga zacu kugira ngo ukomeze." Iri ni ijwi rya Satani, si iry'Imana.Ntimukumvire ibyongorerano nk'ibyo.

Icyo dukeneye ni umwuka wa Yesu. Nituba dufite uyu mwuka tuzakundana. Ibi ni byo bimenyetso dukwiriye gutwara: "Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana" (Yohana 13:35)….

MWOMATANE! MWOMATANE!

Mutekereze ko buri munsi tugerageza guhuriza hamwe imitima yacu mu rukundo rwa Gikristo. Umuhamya Nyakuri aravuga ati, "Mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere" (Ibyahishuwe 2:4). Na none kandi aravuga ati, "Nuko ibuka aho wavuye ukagwa wihane, ukore imirimo nk'iya mbere kuko nutabikora nzaza aho uri, nkure igitereko cy'itabaza cyawe ahacyo nutihana" (Ibyahishuwe 2:5). Impamvu ni iyihe? Ni uko mu kwitandukanya tuba dutandukanye na Kristo. Dukeneye gukorera hamwe. Mbega uburyo inshuro nyinshi ubwo nasaga n'uri imbere y'Imana n'abamarayika bera, numvise umumarayika avuga ati, "Mwomatane, Mwomatane, Mwomatane. Mwe kwemerera Satani gushyira umwijima we

wo mu irimbukiro hagati y'abavandimwe. Mwomatane; mu bumwe hari imbaraga."

Nongeye kubasubiriramo ubu butumwa. Igihe muraba mugiye mu ngo zanyu, mwiyemeze komatana; mushake Imana n'umutima wose muzayibona, kandi urukundo rwa Kristo ruruta ibyo mwamenya ruzaza mu mitima yanyu no mu mibereho yanyu.-*General Conference Daily Bulletin,* April 13, 1891.

AKAGA KAZAKOMOKA KU ITEGEKO RYO KURUHUKA KU CYUMWERU

Mu gihe cya nijoro mu ntekerezo zanjye nasaga n'aho ntondekanya ibihamya dufite byo gushyigikira ukwizera kwacu. Tubona ko abashukanyi bakomeza kugenda bakaza umurego. Tubona ko isi iri gukora yifashishije itegeko kugira ngo ishyireho isabato y'ikinyoma, kandi iyigire igipimo gipima abantu bose. Iki kibazo kigiye gushyirwa imbere yacu bidatinze. Isabato y'Imana izakandagirwa, kandi isabato y'ikinyoma izererezwa. Mu itegeko ryo kuruhuka ku cyumweru, bishoboka ko ku bantu bubahiriza Isabato yo ku munsi wa karindwi hazabaho umubabaro ukomeye. Ishyirwa mu bikorwa ry'imigambi ya Satani rizazanira akarengane ubwoko bw'Imana. Nyamara ntabwo abagaragu b'Imana b'indahemuka bakeneye gutinya ingaruka z'iyo ntambara. Nibakurikiza urugero bahawe mu mibereho ya Kristo, nibaba indahemuka ku byo Imana ibasaba, ingororano yabo izaba ubugingo buhoraho, ubugingo bugereranywa n'ubw'Imana.

Muri iki gihe, umurimo ukomeye wo kubaka imico ukwiriye gukomeza gutera imbere mu bantu bacu. Tugomba kugaragariza abatuye isi imico iranga Umukiza. Ntibishoboka ko twanezeza Imana tudashyize mu bikorwa ukwizera nyakuri kandi kweza. Twe ubwacu dukwiye gukomera ku kwizera kwacu. Ukwizera nyakuri ntabwo ari ukwizera kuzatsindwa n'igishuko

n’ikigeragezo. Ni impano Imana iha ubwoko bwayo. –*The Review and Herald*, Sept, 30, 1909.

Niba hari igihe dukeneye kugaragaza ubugwaneza n’urugwiro nyakuri ni iki gihe. Dushobora gusaba twingingira imbere y’inama z’abacamanza dusaba uburenganzira bwo kuramya Imana dukurikije uko umutimanama wacu utubwira. Muri ubwo buryo, Imana mu kugira neza kwayo yagambiriye ko ibyo amategeko yayo asaba bizagezwa ku bantu bari mu myanya y’icyubahiro. Ariko igihe duhagaze imbere y’abo bantu, ntabwo tugomba kwerekana ubukana. Tugomba guhora dusaba ubufasha bukomoka ku Mana. Imana yonyine ni yo ibasha gufata imiyaga ine kugeza igihe abagaragu bayo bazarangiriza gushyirwa ikimenyetso mu ruhanga.-*The Review and Herald,* Feb. 11, 1904.

IGICE CYA 48:UMURIMO WO KWEZWA URAKENEWE

Basel, Switzerland Ku wa 8 Ukuboza, 1886.

Bavandimwe nkunda G. I. BULTER NA S. N. HASKELL:

Maze ibyumweru byinshi ntabasha gusinzira guhera saa cyenda n’igice za nijoro. Intekerezo zanjye ntizigoheka ku byerekeye uko tumeze nk’ishyanga. Dukwiriye kuba turi ku rwego ruruta urw’abandi bantu bose bo ku isi kubera ko dufite umucyo mwinshi ndetse no kumenya ukuri ku rwego rukomeye. Ibyo biduha inshingano ikomeye yo kumurika uwo mucyo, atari ukuvuga ko twizera ukuri gusa ahubwo ari no kugushyira mu bikorwa. Iyo dushyira ukuri

mu bikorwa, tuba dukurikiye Yesu we mucyo w'isi. Kandi niba twe nk'ishyanga tudahora dukura, ngo turusheho guhinduka ab'umwuka, tuba duhindutse nk'Abafarisayo-twigira intungane- kandi tudakora ibyo Imana ishaka.

Tugomba kwegera Imana cyane. Imibereho yacu ya buri munsi ikwiriye kuganzamo Yesu Kristo n'ubuntu bwe aho kugaragaramo inarijye. Turiho mu gihe gikomeye cy'amateka y'iyi si. Iherezo rya byose riri bugufi; igihe kirihuta vuba vuba, kandi bidatinze ijwi rigiye kuvugira mu ijuru ngo, "Birarangiye" (Ibyahishuwe 21:6). "Inkozi y'ibibi yose nigumye ikore ibibi, n'uwanduye mu umutima agumye yandure, naho intungane igumye ikore ibitunganye, n'umuziranenge agumye abe umuziranenge" (Ibyahishuwe 22:11).

Nimucyo ubuhamya bwacu bugaragare neza; nimucyo dushikame ku Mana. Ntabwo nshobora kudasenga Imana saa saba, saa munani na saa cyenda za mu gitondo kugira ngo Uhoraho akore ku mitima y'abantu. Ntekereza ko ijuru ryose ryitaye ku murimo uri gukorerwa ku isi. Abamarayika bategerereje iruhande rw'intebe y'ubwami, bahora bumvira itegeko rya Yesu Kristo kugira ngo basubize isengesho ryose risabwa rivuye ku mutima, isengesho ryo kwizera kuzima. Ntekereza uburyo abantu benshi bavuga ko bemera ukuri batakugira mu mibereho yabo. Ntabwo binjiza mu mitima yabo imbaraga yako yeza, itunganya kandi yuzuza abantu ibya Mwuka….

KUDAKORESHA AMAHIRWE TWAHAWE

Ntabwo turi abantu bari ku rugero Imana yifuza ko tugeraho kubera ko tudateza imbere ubugingo bwacu kandi ngo tuboneze ingeso zacu ngo bihure n'ukuri kw'Imana n'imigambi yayo. "Gukiranuka gushyira ubwoko

hejuru, ariko ibyaha bikoza isoni amoko yose" (Imigani 14:34). Icyaha kibuza amahwemo. Igihe cyose icyaha cyimakajwe –haba mu mutima w'umuntu, mu muryango no mu itorero- haba umuvurungano, gutandukana, urwango, kurarikira, ishyari kubera ko umwanzi w'abantu n'Imana afite imbaraga igenga intekerezo. Ariko rero nimucyo ukuri gukundwe kandi kugaragarire mu mibereho, gushyigikirwe kandi umugabo cyangwa umugore yange icyaha bityo abe intumwa nzima igaragariza Yesu Kristo abatuye isi.

Ntabwo abantu bavuga ko bizera ukuri bazacirwaho iteka bitewe n'uko batari bafite umucyo, ahubwo bizaterwa n'uko bari bafite umucyo mwinshi kandi ntibagenzuze imitima yabo igipimo cy'amahame y'imico mbonera y'ubutungane bw'Imana. Idini nyakuri ya Bibiliya igomba guhindura ubugingo, igatunganya kandi igakuza imico, igatuma irushaho kugera ku rugero rw'ijuru. Icyo gihe ni ho urugo ruzumvikanamo gusenga, gushima no gusingiza Imana. Abamarayika bazakorera mu rugo kandi baherekeze umuntu ugiye kuramya bajyane mu nzu yo gusengeramo.

Nimucyo amatorero avuga ko yizera ukuri kandi ko ashyigikiye ku amategeko y'Imana, yubahirize ayo amategeko kandi atandukane n'ubugome bwose. Nimucyo abagize itorero barwanye ibishuko bibakururira gukora ibibi no kwishimira mu byaha. Nimucyo itorero ritangire umurimo wo kwerezwa imbere y'Imana binyuze mu kwihana, kwicisha bugufi no kwinira kubera ko turi mu munsi ushushanya umunsi w'impongano- mu isaha ikomeye yuzuye ingaruka z'iteka ryose.

Reka abantu bose bigisha ukuri bakwigishe nk'uko kuri muri Yesu. Bayobowe n'imbaraga y'ukuri kw'Imana, imbaraga yeza kandi itunganya bameze nk'ibikoresho bitunganye. Nimureke basabwe n'idini yigishwa na Bibiliya, maze babere urugero abatuye isi yose. Nimureke abagize itorero

babe baboneye, bashikamye, batanyeganyezwa, bahore basabwe n'urukundo rwa Yesu, kandi ubwo ni bwo bazabera umucyo abatuye isi. Nimucyo abantu bafite inshingano yo kuba abarinzi n'abungeri b'umukumbi bavuge ukuri guhoraho, bavuge amagambo yo kuburira abantu bo mu moko yose, amahanga yose no mu ndimi zose. Nimureke babe intumwa nzima zihagarariye ukuri bahagarariye, kandi bubahe amategeko y'Imana bagendera mu byo asaba badakebakeba kandi batunganye, bagendera imbere y'Imana bafite kubonera n'ubutungane kandi imbaraga izafasha kwamamaza ukuri kuzakwiza umucyo ahantu hose.

GUTERA AGAHINDA MWUKA W'IMANA

Ntabwo Imana yigera itererana abantu batarayireka ubwabo. Ntabwo kurwanya Imana mu buryo bugaragara bizatuma ukwizera k'ubwoko bwayo bwubahiriza mategeko yayo kuzima. Kwirengagiza gukurikiza ukuri no kuba abaziranenge bishavuza Mwuka w'Imana kandi bituma bahinduka abanyantege nke kubera ko Imana itari hagati muri bo ngo ibahire. Kujya mu bidafite umumaro kwabo kuzabatera kurekwa n'Imana nk'uko byagendekeye ab'i Yerusalemu. Nimureke amajwi yo kwinginga n'isengesho rivuye ku mutima byumvikane, kugira ngo abantu babwiriza abandi be kuba mu bwigunge. Bavandimwe, ntabwo tuzi ibiri imbere yacu kandi ubuhungiro bwacu rukumbi buri mu gukurikira Umucyo w'isi. Nitudakora ibyaha nk'ibyatumye umujinya w'Imana usukwa ku isi ya kera, kuri Sodomu na Gomora ndetse no kuri Yerusalemu ya kera, Imana izakorana na twe kandi idufashe.

Kwica amategeko y'Imana n'iyo haba mu buryo bworoheje bishyira uwayishe ho urubanza, kandi nihatabaho kwihana kumaramaje no kuzinukwa icyaha, uwo muntu azahinduka umuhakanyi byanze bikunze…..Nimucyo uko bishoboka kose nk'ishyanga dutunganye aharangwa ukwangirika kw'imico n'ibyaha bikomeye. Igihe icyaha cyidegembya mu bantu bavuga ko berereza amahame y'ubutungane, ni mu buhe buryo dushobora kwitega ko Imana yadutabaza imbaraga yayo kandi ikadukiza nk'ishyanga rikora ibyo gukiranuka?....Twebwe nk'ishyanga nituramuka tutagumye mu kwizera, maze tugahoza iby'amategeko y'Imana ku minwa yacu na mu nyandiko gusa, ntidukomeze amategeko y'Imana ngo twe kugira iryo twica tubigambiriye, icyo gihe kurimbuka n'intege nke bizatuzaho. Umurimo dukwiriye gukorera buri torero mu matorero yacu ni uko umuntu wese agomba kuba Umukristo.

KWITANDUKANYA N'ICYAHA

Nimureke icyaha cy'ubwibone kizibukirwe. Nimureke gukabya kose mu myambarire gutsindwe kandi kwihana ku Mana bikorwe kubwo kuyiba umutungo wagombye kuba warashyizwe mu bubiko bwayo kugira ngo ushyigikire umurimo w'Imana aho ukorerwa. Nimureke umurimo wo kuvugurura, umurimo wo guhinduka nyakuri ugirwe nyambere kandi ukorerwe abantu. Nimureke ibikorwa byacu n'inyifato yacu bihuze n'umurimo ugomba gukorwa muri iki gihe bitume tubasha kubwira abantu tuti, "Nimunkurikire nk'uko nkurikira Kristo." Nimucyo tworoshye imitima yacu imbere y'Imana ku bwo kwicisha bugufi, kwiyiriza ubusa no gusenga, kwihana icyaha no kukizinukwa.

Ubu ijwi ry'umurinzi nyakuri rikwiriye kumvikana muri aya magambo ngo, "Bugiye gucya bwongere bwire" (Yesaya 21:12). Impanda igomba kuvuga ijwi ryihariye kubera ko turi mu munsi ukomeye wo kwitegura Uwuteka…..Hari inyigisho nyinshi z'inzaduka muri iyi si yacu. Hari amadini menshi y'inzaduka afite abayoboke ibihumbi byinshi cyane, nyamara hariho rimwe gusa rifite ikimenyetso cy'Imana. Hari idini y'umuntu n'idini y'Imana. Imitima yacu igomba kuba ishikamye ku Rutare rw'iteka. Ikintu cyose kiri mu isi yaremwe n'Imana, byaba abantu n'inyigisho ndetse n'isanzure ubwaryo, gisohoza ijambo ry'ubuhanuzi nyakuri ry'Imana kandi kigasohoza umurimo wayo ukomeye kandi uheruka wo muri aya mateka y'isi.

Tugomba kwitegura no gutegereza amabwiriza y'Imana. Amahanga azahuriza hamwe. Gushyigikira abamamaza amabwiriza rukumbi y'Imana yerekeye ubutungane, ari na cyo gipimo rukumbi cy'imico bizakurwaho. Kandi abantu bose batazumvira iteka ryaciwe n'inama z'igihugu ndetse ntibanumvire amategeko y'igihugu yo kwerereza isabato yashyizweho n'umunyabugome asuzuguye umunsi wera w'Imana, ntabwo bazagerwaho n'imbaraga irenganya y'ubupapa yonyine, ahubwo bazanagerwaho n'Ubuporotesitanti ari bwo gishushanyo cy'inyamaswa.

Satani azakora ibitangaza bye kugira ngo ayobye abantu; azakoranyiriza imbaraga ze hamwe ngo zirute izindi. Itorero rishobora kugaragara nk'iryenda kugwa, nyamara ntiryigera rigwa. Rigumaho igihe abanyabyaha bo muri Siyoni bagosorwa maze umurama ugakurwa mu ngano nziza. Iki ni ikintu gikomeye kandi kibabaje nyamara uko byagenda kose kigomba kubaho. Nta bantu bazabaranwa n'indahemuka n'abanyakuri, badafite ikizinga cy'icyaha cyangwa ngo bagire uburiganya mu kanwa kabo uretse abaneshesheje amaraso y'Umwana w'intama n'ijambo ryo guhamya kwabo.

Tugomba kwamburwa ubutungane bwacu twihangiye maze tukambikwa ubutungane bwa Kristo.

KWAMBARA UBUTUNGANE BWA KRISTO

Abasigaye bejesha ubugingo bwabo kumvira ukuri bakura imbaraga mu bigeragezo, bagaragariza ubwiza bw'ubutungane mu buhakanyi bubazengurutse. Abo bose Uhoraho arababwira ati, "Naguciye mu biganza byanjye nk'uca imanzi" (Yesaya 49:16). Bari mu rwibutso rw'iteka ryose kandi rutangirika. Ubu dukeneye ukwizera kuzima. Dukeneye kugira ubuhamya buzima buzahuranya bukagera ku mutima w'umunyabyaha. Hari ukubwiriza kwinshi gukabije nyamara kwita ku bantu kuriho ni uke cyane. Dukeneye gusigwa amavuta yera. Dukeneye umwuka n'imbaraga by'ukuri. Abenshi mu bagabura baremajwe uruhande rumwe n'inenge zabo bwite zo mu mico yabo. Bakeneye imbaraga ihindura y'Imana.

Icyo Imana yasabye Adamu mbere y'uko acumura kwari ukumvira amategeko yayo mu buryo butunganye. Icyo Imana isaba muri iki gihe ni icyo yasabye Adamu. Ni ukumvira gutunganye, ubutungane buboneye rwose, butarangwaho ikosa mu maso yayo. Imana idufashe kuyigaragariza ibyo amategeko yayo asaba byose. Ntabwo dushobora gukora ibi tudafite kwa kwizera kuzana ubutungane bwa Kristo mu mikorere ya buri munsi.

Bavandimwe nkunda, Umwami araje. Nimuzamure intekerezo zanyu mwubure n'imitwe yanyu maze mwishime. Dutekereza ko abantu bumva amakuru anejeje, abantu bavuga ko bakunda Yesu bashobora kuzura ibyishimo bitavugwa kandi byuzuye ikuzo. Iyi ni inkuru nziza inejeje yagombye gususurutsa umuntu wese, kandi yagombye gusubirwamo mu

ngo zacu ndetse ikabwirwa abo duhura na bo mu nzira. Nta yindi nkuru ishimishije ishobora kuvugwa! Kujya impaka no guhakana n'abizera cyangwa abatizera si umurimo Imana yaduhaye gukora.

Niba Kristo ari Umukiza wanjye, igitambo natangiwe n'inshungu yanjye, ntabwo nzarimbuka. Kubera kumwizera mfite ubugingo buhoraho. Iyaba abantu bose bizera ukuri bizeraga ko Yesu Kristo ari Umukiza wabo bwite. Ntabwo nshatse kuvuga kwa kwizera kw'agaciro gake kudashyigikiwe n'imirimo. Ahubwo ndavuga kwa kwizera nyakuri, kuzima, kudahinduka kandi guhoraho; ukwizera kurya umubiri w'Umwana w'Imana kandi kukanywa amaraso ye. Ntabwo nshaka gusa kubabarirwa kwica amategeko yera y'Imana, ahubwo nshaka no kuzamurwa ngashyirwa imbere y'umucyo wo mu maso h'Imana. Ntabwo ari ukwemererwa kujya mu ijuru gusa ahubwo no kugira umuryango mugari ninjiriramo.

AGAKIZA NI UKUNGA UBUMWE NA KRISTO

Mbese nk'abantu badasanzwe, ishyanga ryera, ntabwo twitaye ku rukundo rutabona uko ruvugwa Imana yatugaragarije? Ntabwo agakiza ari ukubatizwa, ntabwo ari ukugira amazina yacu yanditswe mu bitabo by'itorero, nta n'ubwo ari ukubwiriza ukuri. Ahubwo ni ubumwe buzima tugirana na Yesu Kristo, ni ukugirwa mushya mu mutima, gukora imirimo ya Kristo mu kwizera ndetse n'umurimo wuje urukundo ukoranywe kwihangana, kwiyoroshya n'ibyiringiro. Umuntu wese wunze ubumwe na Kristo azahinduka umuvugabutumwa muzima ku bamuzengurutse bose. Azita ku bari hafi n'abari kure. Ntabwo azagira imyumvire irema ibice, ntabwo azashishikarira guteza imbere ishami rimwe ry'umurimo ayoboye ngo maze umuhati we ube uhagarariye aho. Abantu bose bazakora

bagamije gutuma amashami yose akomera. Ntabwo hazabaho kwikunda, nta no kwikubira. Umurimo ni umwe kandi ukuri ni ko pfundo ryako rikomeye.

Iyaba abantu bibazaga iki kibazo bafite imitima ibishishikariye bati, “Mbese igomwa n’ishyari byahawe icyicaro mu mutima wanjye?” Niba ari uko bimeze, ntabwo Kristo ari mu mutima. “Mbese nkunda amategeko y’Imana, mbese urukundo rwa Kristo ruri mu mutima wanjye?” Niba dukundana nk’uko Kristo yadukunze, icyo gihe tuba twitegura ijuru ryiza ry’amahoro n’uburuhukiro. Aho mu ijuru nta kurwanira kuba imbere y’abandi, no gushaka isumbwe. Abantu bose bazakunda bagenzi babo nk’uko bikunda. Iyaba Imana yafunguraga intekerezo z’abantu kandi igavugana n’imitima y’abagize itorero kugira ngo abantu bakanguke…….

Abari I Siyon bidamarariye bakeneye gukanguka. Abafite ukuri nyamara ntibumve ko bafite umutwaro wo kukugeza ku bandi bazabazwa byinshi. Iyaba abagabo n’abagore bavuga ko bemera ukuri bahagurukaga, bakikorera umutwaro Kristo abaha. Hakenewe abantu batanejejwe no kuba ibyitiriro ahubwo basa na Kristo, batikanyiza- abantu bafite umuhati mwinshi utazadohoka mu ngorane cyangwa ngo ucogore bitewe n’uko ikibi kiganje.

Nshaka kubwira abizera bacu bari mu matorero yose muri Amerika. Nimukanguke muve mu bapfuye, bityo Kristo azabaha ubugingo. Abantu benshi barimbuka batagira umucyo w’ukuri nk’uko kuri kuri Yesu. Duhagaze ku mbibi z’isi izahoraho. Ntabwo Abakristo bakunda kudamarara bazaba bakenewe muri uyu murimo. Iyobokamana rishyingiye ku marangamutima no kureshya abantu ntirikenewe muri iki gihe. Hari imbaraga zigomba kuza mu kwizera kwacu ndetse no mu kwamamaza ukuri. Ndababwira ko hari imibereho mishya ituruka ku bakozi ba satani kugira ngo ikorane imbaraga tutigeze tubona kugeza ubu. Mbese ntabwo imbaraga nshya ivuye mu ijuru

izuzura ubwoko bw'Imana? Ukuri kweza mu mbaraga zako kugomba kubwirwa abantu. Hagomba kubaho gusenga Imana kuvuye ku mutima, ndetse n'isengesho ryuzuye umubabaro kugira ngo ibyiringiro byacu nk'ishyanga bye kuba bishingiye ku bihimbano, ahubwo bibe bishingiye ku kuri kw'iteka ryose. Kubw'ubuhamya bw'Ijambo ry'Imana, tugomba kwimenyera niba turi mu kwizera, niba twerekeje mu ijuru cyangwa atari ko bimeze. Urugero mbonera rw'imico ni amategeko y'Imana. Mbese duhuza n'ibyo asaba? Mbese ubwoko bw'Imana buzana umutungo wabwo, igihe cyabwo n'impano zabwo ndetse n'imbaraga zabwo mu murimo ugomba gukorwa muri iki gihe? Nimucyo dukanguke. "Nuko rero niba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari, yicaye iburyo bw'Imana" (Abakolosayi 3:1). –Ibaruwa 55, 1886.

Uko twegereza iherezo ry'ibihe amashyirahamwe azongera umubare n'imbaraga. Ayo mashyirahamwe azashyiraho imbaraga zirwanya ukuri, ashyireho amatsinda mashya y'abiyita abizera bazashyira mu bikorwa inyigisho zabo z'ibinyoma. Ubuhakanyi buziyongera. "Bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni "(1Timoteyo 4:1). Abagabo n'abagore bishyiriye hamwe kurwanya Uhoraho Imana yo mu ijuru, kandi itorero rikangukiye ibi mu buryo bw'igice. Mu bavuga ko bizera hakenewe kubaho kurushaho gusenga ndetse n'umuhati mwinshi.

Ingabo za Satani zambaye ishusho y'umuntu zizagira uruhare muri uru rugamba ruheruka kandi rukomeye kugira ngo zirwanye kubakwa k'ubwami bw'Imana. Abamarayika bo mu ijuru bihinduye nk'abantu bazaza aho ibyo bikorerwa. Ayo matsinda abiri ahanganye azakomeza kubaho kugeza ku iherezo ry'umugabane wa nyuma w'amateka y'iyi si. Abakozi ba Satani bari

muri buri mujyi. Ntabwo dukwiriye guhangara kutaba maso n'umwanya na muto. Abizera nyakuri bazarushaho gusenga kandi bazavuga buhoro cyane ku ngingo z'agaciro gake. Mu kanwa kabo hazavamo ubuhamya bukomeye bwo gutera ubutwari abanyantege nke n'abakene. Iki ntabwo ari cyo gihe cyo kuba abanyantege nke ku bwoko bw'Imana. Nimureke abantu bose babe abigishwa badakebakeba b'Ijambo ry'Imana. Tugomba gukomerera mu Uwiteka no mu mbaraga z'ubushobozi bwe. Ntabwo dushobora kubaho ubuzima buhuzagurika kandi ngo tube Abakristo nyakuri.-*The Review and Herald*, Aug. 5, 1909.

IGICE CYA 49 :IZINA RYIHARIYE N'ABANTU BIHARIYE

NTABWO DUTEWE ISONI N'IZINA RYACU

Turi Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Mbese duterwa isoni n'izina ryacu? Igisubuzo cyacu ni, "Oya, oya! Ntabwo duterwa isoni na ryo. Ni izina Uhoraho yaduhaye. Ryerekana ukuri kugomba kuba igipimo cy'amatorero."-Ibaruwa 110, 1902.

Turi Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi kandi ntidushobora na hato guterwa isoni n'iri zina. Nk'ishyanga tugomba gushikama ku kuri n'ubutungane. Ubwo ni bwo tuzahesha Imana ikuzo. Tugomba kurokorwa mu bibi, ntitugwe mu mitego cyangwa ngo twanduzwe n'abantu. Tugomba guhora duhanze amaso Yesu we Nkomoko yo kwizera kwacu kandi akaba ari na we ukunonosora. –Ibaruwa 106, 1903.

IKIMENYETSO CYIHARIYE KITURANGA

Ibendera rya marayika wa gatatu ryari ryanditsweho ngo, “Amategeko y’Imana no kwizera Yesu.” Ibigo byacu byafashe izina rigaragaza imiterere y’ukwizera kwacu kandi ntabwo tugomba guterwa isoni n’iri zina na gato. Neretswe ko iri zina risobanuye byinshi, kandi mukuryemeza twayobowe n’umucyo twahawe uvuye mu ijuru…Isabato ni urwibitso Imana yashyizeho rwerekaana umurimo wayo w’irema kandi ni ikimenyetso kigomba gushyirwa imbere y’abatuye isi. Ntabwo hagomba kubaho kwifatanya n’abaramya isabato y’ikigirwamana. Ntabwo tugomba gupfusha igihe cyacu ubusa tujya impaka n’abantu bazi ukuri kandi barasiwe n’umucyo wako igihe bima ukuri amatwi bagahindukirira imigani y’ibihimbano. Nabwiwe ko abantu bazakoresha ubushobozi bwose kugira ngo batume itandukaniro riri hagati y’ukwizera kw’Abadiventisiti b’umunsi wa karindwi n’abubahiriza umunsi wa mbere w’icyumweru ritagaragara neza. Isi yose izajya muri uru rugamba kandi igihe ni kigufi. Ntabwo iki ari igihe cyo kurambika hasi ibituranga.

Neretswe itsinda ryari rifite izina ry’Abadiventisiti b’umunsi wa karindwi batangaga inama ko ibendera cyangwa ikimenyetso gituma tuba abantu bihariye kidakwiriye gushyirwa ahagaragara; kuko bavugaga ko atari gahunda nziza yatuma ibigo byacu bigera ku ntego. Iri bendera ridutandukanya n’abandi rigomba kujyanwa mu isi yose kugeza ku iherezo ry’igihe cy’imbabazi. Mu kuvuga ibiranga ubwoko bw’Imana bwasigaye Yohana yaravuze ati, “Ni ngombwa rero ko intore z’Imana zigumya kwihangana zigakurikiza amategeko yayo, zigakomeza kwizera Yesu” (Ibyahishuwe 14:12). Aya ni amategeko n’ubutumwa bwiza. Isi n’amatorero birifatanyiriza hamwe mu kwica amategeko y’Imana, mu gukuraho ikimenyetso cy’Imana, ndetse no kwerereza isabato yashyizweho ikimenyetso cy’umunyabugome. Nyamara Isabato y’Uhoraho Imana yawe

igomba kuba ikimenyetso cyerekana itandukaniro hagati y'abumvira n'abatumvira. Nabonye bamwe baramburira amaboko yabo gukuraho ibendera ry'Imana no gukuraho ubusobanuro bwaryo….

Iyo abantu bemeye kandi bakerereza isabato y'ikinyoma kandi bagatuma abantu batizera kandi ngo bayoboke Imana, abo bantu bazagera aho abo mu gihe cya Yesu bageze. ….Mbese none hari umuntu uzahitamo guhisha ibendera rye no kureka ukwitanga kwe? Mbese abantu Imana yahaye icyubahiro, ikabaha umugisha no kumererwa neza bazanga gutanga ubuhamya bwerekeye urwibutso rw'Imana igihe ubuhamya nk'ubwo buzaba bugomba gutangwa? Mbese ntabwo amategeko y'Imana azarushaho guhabwa agaciro cyane igihe abantu bayasuzugura?- Manuscript 15, 1896.

Abantu bubahiriza amategeko y'Imana bavugwa n'umuhanuzi ko ari "abantu abandi batangarira." Tugomba kuba abantu batandukanye n'ab'isi. Ab'isi baduhanze amaso kandi twitegerezwa n'abantu benshi tutazi. Hari abafite icyo bazi ku nyigisho tuvuga ko twizera kandi bareba ingaruka ukwizera kwacu kugira ku mico yacu. Bategereje kubona imbaraga ihindura tugaragaza kandi ndetse n'uburyo twitwara imbere y'abatizera. Abamarayika bo mu ijuru baratwitegereza. "Twahindutse ibishungero by'ab'isi n'iby'abamarayika n'abantu" (1Abakorinto 4:9). *The Review and Herald,* June 18, 1889.

AHAZAZA H'UBWOKO BW'IMANA

Abantu bacu bagiye bafatwa nk'abatagira agaciro ku buryo bakwitabwaho, nyamara hazabaho impinduka; kandi hari ibiri gukorwa ubu. Ubu isi ya Gikristo hari ibyo iri gukora bizatuma uko byagenda kose abakomeza abantu bubahiriza amategeko y'Imana bagaragara. Buri munsi habaho gusimbuza

ukuri kw'Imana amagambo n'inyigisho z'ibinyoma zahimbwe n'abantu. Hari za gahunda n'ibikorwa biri gushyirwaho kugira ngo bigire imbata intekerezo z'abari bakwiriye kuba indahemuka ku Mana. Imbaraga zishyiraho amategeko zizarwanya ubwoko bw'Imana. Buri muntu wese azageragezwa. Iyaba nk'ubwoko bw'Imana twabaga abanyabwenge maze kubw'amabwiriza n'urugero dutanga tukageza ubwo bwenge ku bana bacu! Buri ruhande rwose rwo kwizera kwacu ruzagenzurwa, kandi niba tutari abigishwa bashishoza ba Bibiliya, bashikamye, bakomeye kandi batanyeganyezwa, ubwenge bw'abahanga bo ku isi buzadusaba.- Ibaruwa 12, 1886.

IGICE CYA 50 :INKINGI ZO KWIZERA KWACU[19]

Mu myaka mirongo itanu ishize yo kubaho kwanjye, nagiye ngira amahirwa atangaje yo kugira ibyo nsobanukirwa. Nagize ibyo nsobanukirwa byerekeye ubutumwa bwa marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu. Abo bamarayika bavugwa ko baguruka baringanije ijuru, bamenyesha abatuye isi ubutumwa bw'imbuzi kandi buteza impinduka ku bantu bariho mu minsi iheruka amateka y'iyi si. Nta muntu n'umwe wumva ijwi ry'abo bamarayika kubera ko ari ikimenyetso gihagarariye ubwoko bw'Imana bukorana n'ijuru. Abagabo n'abagore bamurikiwe na Mwuka w'Imana kandi bereshejwe ukuri, bamamaza ubutumwa butatu muri gahunda yabwo.

Nagize uruhare muri uyu murimo ukomeye. Hafi imibereho yanjye yose ya Gikristo yomatanye na wo. Hari abantu ubu bakiriho bagize imibereho nk'iyanjye. Basobanukiwe ukuri kuvugwa muri iki gihe; bakomeje kugendana n'Umuyobozi ukomeye, Umugaba w'ingabo z'Uhoraho.

[19] Ubu butumwa bwanditswe igihe yari mu rugendo yerekeje Lynn muri Massachusetts mu Kuboza 1890.

Mu kwamamaza ubutumwa, ikintu cyose cyavuzwe n'ubuhanuzi cyarasohoye. Abari bafite amahirwe yo kugira uruhare mu kwamamaza ubu butumwa bungutse ibikomeye by'agaciro kenshi kuru bo; none ubu iyo dukikijwe n'akaga ko muri iyi minsi iheruka, ubwo hirya no hino hazumvikana amajwi avuga ngo "Kristo ari hano," "Ukuri kuri hano," igihe umutwaro wa benshi ari uwo gukuraho urufatiro rwo kwizera kwacu kwadukuye mu matorero no mu isi kugira ngo duhagarare nk'abantu badasanzwe mu isi, nk'uko byagendekeye Yohana ubuhamya bwacu buzatangwa ngo:

"Uwahozeho uhereye mbere na mbere, uwo twumvise, uwo twiboneye n'amaso yacu, kandi uwo twitegereje, intoki zacu zikamukoraho, ari we Jambo ry'ubugingo;…Ibyo twabonye tukabyumva ni byo tubabwira kugira ngo na mwe mufatanye na twe" (1Yohana 3:1-3).

Mpamya ibyo nabonye, ibyo numvise, ibyo intoko zanjye zakozeho biva mu Ijambo ry'ubugingo. Kandi nzi ko ubu buhamya ari ubwa Data wa twese n'Umwana we. Twabonye kandi duhamya ko imbaraga ya Mwuka Muziranenge yaherekeje kwamamazwa k'ukuri, hatangwa imiburo mu nyandiko no mu magambo kandi ubutumwa butangwa muri gahunda yabwo. Guhakana uyu murimo kwaba guhakana Mwuka Muziranenge, kandi ibyo byadushyira mu itsinda ryaretse ukwizera rikumvira imyuka iyobya.

IBYIRINGIRO BYIBASIRWA

Umwanzi azakoresha ibintu byose kugira ngo arandure ibyiringiro y'abizera bive mu nkingi zo kwizera kwacu dufite mu butumwa bwo mu gihe cyashize bwadushyize ahirengeye h'ukuri kw'iteka ryose, kandi bwashinze ndetse butuma umurimo ugira ikiwuranga. Uhoraho Imana ya Isiraheli yayoboye ubwoko bwayo, ibuhishurira ukuri kwakomotse mu ijuru. Ijwi ryayo

ryarumvikanye kandi na n’ubu riracyumvikana rivuga riti, “Mujye mbere muva ku mbaraga imwe musingira indi, mukura mu buntu no ku ikuzo.” Umurimo uragenda ukomera kandi waguka kubera ko Uhoraho Imana ya Isiraheli ari yo murinzi w’ubwoko bwe.

Abantu bakiriye ukuri mu magambo gusa, bakagufatisha imitwe y’intoki, abantu batinjije amahame yako mu ngoro y’umutima ahubwo bagashyira ukuri guhesha ubugingo inyuma y’ingoro, abo bantu nta kintu bazabona gitunganye kiri mu mateka yashize y’ubu bwoko, ikintu cyatumye buba icyo buri cyo, kandi cyabukomeje bukaba abakozi bavuga ubutumwa mu isi b’abanyamwete kandi bamaramaje.

Ukuri kw’iki gihe ni ukw’agaciro kenshi, ariko abo imitima yabo itigeze igwira urutare Yesu Kristo ngo imeneke, ntabwo bazabona cyangwa ngo basobanukirwe icyo ukuri ari cyo. Bazemera ibinezeza ibitekerezo byabo, kandi bazatangira guhimba urundi rufatiro rutari urwashyizweho. Bazashimagiza ubwibone bwabo no kwishyira hejuru batekereza ko bashobora gukuraho inkingi zo kwizera kwacu maze bakazisimbuza inkingi bihimbiye.

Ibi bizakomeza kubaho kugeza ubwo igihe kizarangirira. Umuntu wese wabaye umwigishwa ubishishikarira wa Bibiliya azabona kandi asobanukirwe uruhande nyakuri rw’abantu bariho mu bihe biheruka by’amateka y’iyi si. Bazumva ko badashyitse kandi ko ari abanyantege nke, bityo umurimo wabo w’ingenzi uzaba uwo kutagira ishusho yo kubaha Imana, ahubwo uzaba uwo kugirana isano nzima n’Imana. Ntabwo bazahangara kuruhuka kugeza igihe Kristo we byiringiro by’ubwiza azaba ababamo. Inarijye izapfa; ubwibone buzirukanwa mu mutima bityo bazagira ubugwaneza no kwiyoroshya bya Kristo. –Manuscript 28, 1890.

NTA TSINDA RISHYA

Nyuma yo kurangira kw'igihe, Imana yaragije abayoboke bayo b'indahemuka amahame y'ingenzi y'ukuri kw'iki gihe. Ntabwo aya mahame yahawe abantu batagize uruhare mu kwigisha ubutumwa bwa marayika wa mbere n'uwa kabiri. Yahawe abakozi bagize uruhare mu murimo kuva mu itangiriro.

Abantu banyuze muri ibyo bihe bagomba gushikama nk'urutare bagakomera ku mahame yatumye tuba Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi. Bagomba kuba abakozi bakorana n'Imana, bakomatanya ubuhamya kandi bashyira ikimenyetso ku mategeko mu bigishwa batoranyijwe n'Imana. Abantu bagize uruhare mu gushinga umurimo wacu ku rufatiro rw'ukuri kwa Bibiliya, abantu bazi ibimenyetso biranga inzira byerekanye inzira y'ukuri, bagomba gufatwa nk'abakozi bafite agaciro kenshi. Bashobora kuvuga ibyababayeho byerekeye ukuri babikijwe. Ntabwo aba bantu bagomba kwemera ko ukwizera kwabo kwahinduka kukaba ugushidikanya; ntabwo bagomba kwemera ko ibendera rya marayika rikurwa mu biganza byabo. Bagomba gushikama ku byiringiro batangiranye kugeza ku iherezo.

Uhoraho yavuze ko uko twinjira mu murimo uheruka amateka y'igihe cyashize azongera gusubirwamo. Ukuri kose Uhoraho yatanze ngo kuvugwe mui iyi minsi iheruka kugomba kubwirwa abatuye isi. Ntabwo dushobora gutambuka urufatiro Imana yashinze. Ntabwo dushobora kwinjira mu itsinda rishya iryo ari ryo ryose kuko ibi byaba bisobanuye guhakana ukuri. –Manuscript 129, 1905.

NTIDUKWIRIYE KUGIRA UBWOBA

Ntidukwiriye kugira ubwoba cyangwa ngo dushidikanye ko umurimo utazagera ku nsinzi. Imana ni yo iyoboye umurimo kandi izashyira ibintu byose kuri gahunda. Niba hari ingingo zikeneye gutunganywa ku ruhembe rw'imbere rw'umurimo, Imana izahashyira ubufasha kandi igire icyo ikora ngo ikosore amafuti yose. Nimucyo twizere ko Imana igiye gutwara ubwato bw'agaciro kenshi butwaye ubwoko bw'Imana bukabugeza ku mwaro mu mahoro.

Mu myaka myinshi yashize ubwo navaga i Portland muri Maine nerekeza i Boston, twahuye n'umugaru maze imiraba ikomeye idukoza hirya no hino. Amatara yatumurikiraga yaraguye kandi amasanduku yarimo ibintu byacu yikozaga hirya no hino nk'imipira. Abagenzi bagize ubwoba kandi benshi bavuzaga induru biteguye urupfu.

Hashize akanya gato umuyobozi w'ubwato yaraje. Umusare mukuru yahagaze hafi y'uwayoboraga ubwato ubwo yari afashe uruziga ruyobora ubwato maze akavuga ibiteye ubwoba ku byerekeye akaga ubwato bwari bwerekejeho. Uyoboye ubwato yarabajije ati, " Mbese urayobora ubwato?" Ntabwo umusare mukuru yari yiteguye gukora ibyo kubera ko yari azi ko nta bunararibonye afite.

Bityo bamwe mu bagenzi barasakuje, bavuga ko batinya ko uwo musare mukuru [udafite ubunararibonye] ashobora gutuma basekura ibitare. Uwo musare mukuru yarababajije ati, "Mbese murafata uruziga?" Nyamara bari bazi ko badashobora gukora kuri urwo ruziga.

Igihe mutekereza ko umurimo uri mu kaga, nimusenge muti, “Mwami, hagarara ku ruziga ruyobora ubwato. Tuyobore mu biduhangayikisha. Tugeze ku mwaro amahoro.” Mbese nta mpamvu dufite yo kwizera ko Uhoraho azabitunyuzamo tunesheje?

Imbere yanjye hari benshi bamaze igihe mu murimo. Nzi bamwe bo muri mwe kuva mu myaka mirongo itatu ishize. Bavandimwe mbese ntitwabonye akaga kaza gakurikiye akandi kaba mu murimo, kandi ntabwo Uhoraho yakatunyujijemo kandi akagira icyo akora kubw’ikuzo ry’izina rye? Mbese ntimushobora kumwizera? Mbese ntimushobora kumuragiza umurimo? Ntimushobora gusobanukirwa imikorere y’ubuntu bwose bw’Imana mwifashishije intekerezo zanyu zifite iherezo. Nimureke Imana ubwayo yite ku murimo wayo.- *The Review and Herald*, Sept. 20, 1892.

“UKUBOKO KWANJYE KURI KU RUZIGA RWEREKEZA UBWATO”

Kugaruka k’Umwami kuregereje kuruta igihe twizereye mbere. Mbega igitekerezo gitangaje cy’uko intambara ikomeye yegereje iherezo ryayo! Mu murimo uheruka tuzahura n’akaga tutazi uko twakitwaramo ubu; nyamara nimucyo twe kwibagirwa ko imbaraga eshatu zikomeye zo mu ijuru ziri gukora, twe kwibagirwa ko ukuboko kw’Imana gufashe uruziga rwerekeza ubwato, kandi ko Imana izasohoza imigambi yayo. Imana izakoranya mu isi yose abantu bazayikorera mu butungane.

Akaga gateye ubwoba kugarije abantu bafite inshingano mu murimo w’Imana. Gutekereza iby’aka kaga bintera kudagadwa. Nyamara ijambo ryangezeho rivuga riti, “Ukuboko kwanjye kuri ku ruziga rwerekeza ubwato,

kandi mu neza yanjye nzasohoza gahunda yanjye.” *The Review and Herald,* May 5, 1903.

IMANZA Z’IMANA HIRYA NO HINO

Ibihe bishishana biri imbere yacu. Imanza z’Imana ziri hirya no hino. Amakuba agenda asimburana mu buryo bwihuta. Bidatinze Imana igiye guhaguruka mu cyicaro cyayo kugira ngo inyeganyeze isi mu buryo bukomeye no guhana abaturage bayo kubw’ibyaha byabo. Bityo izahagararira ubwoko bwayo kandi izaburinda. Izabagotesha amaboko yayo y’iteka ibarinde ibyago byose.- *The Review and Herald*, April 14, 1904.

IGICE CYA 51 :KUBA INDAHEMUKA CYANGWA ICYIGOMEKE

UBUHAKANYI

Ndemerewe umutima cyane kubw’abantu bacu. Turi mu bihe by’akaga byo mu minsi iheruka. Kwizera kw’amajyejuru kubyara imibereho y’amajyejuru. Hari ukwihana gukeneye kubaho. Gusobanukirwa nyakuri n’inyigisho z’iyobokamana bizerekana Yehova. Abantu bose bari bakwiriye kumenya ko ari ngombwa ko bo ubwabo basobanukirwa n’ukuri. Tugomba gusobanukirwa inyigisho ziganwe ubushishozi no gusenga. Nahishuriwe ko mu buryo bukomeye mu bantu bacu habuzemo kumenya ubwenge ku byerekeye guhaguruka no gutera imbere kw’ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Hari ubukene bukomeye bwo gusesengura igitabo cya Daniyeli n’icy’Ibyahishuwe, no kwiga ibirimo tubishimikiriye kugira ngo tubashe kumenya ibyanditswemo.

Umucyo nahawe wari ukomeye cyane ku buryo abantu benshi bazadusohokamo, bakumvira imyuka iyobya n’inyigisho z’abadayimoni.

Uhoraho yifuza ko umuntu wese uvuga ko yizera ukuri yamenya neza icyo ukuri ari cyo. Abahanuzi b'ibinyoma bazaduka kandi bazayobya benshi. Ikintu cyose gikwiye kunyeganyezwa kigomba kunyeganyezwa. None se mbese buri muntu wese ntiyasobanukirwa n'impamvu zo kwizera kwacu? Aho kugira ngo habeho ibibwirizwa byinshi, hakwiriye kubaho kurushaho kwiga Ijambo ry'Imana, gufungura Ibyanditswe, ijambo ku ijambo ndetse no gushaka ibihamya bikomeye bishyigikira inyigisho shingiro zatumye tugera aho turi ubungubu ku rugero rwo hejuru rw'ukuri guhoraho.

GUKURURWA N'UBUTUNGANE BW'URWIYERURUTSO

Umutima wanjye ubabajwe cyane no kubona uburyo abantu bamwe bigeze kugira umucyo n'ukuri bazemera ibinyoma bya Satani vuba kandi bagakururwa n'ubutungane bwurwiyerurutso. Igihe abantu bateye umugongo ibirango Imana yashyizeho kugira ngo tubashe gusobanukirwa aho tugeze nk'uko hagaragazwa mu buhanuzi, baba bajya aho batazi.

Nibaza niba kwigomeka nyako kujya gushira. Nimusome mu *Bakurambere n'Abahanuzi* ibyerekeye kwigomeka kwa Kora, Datani na Abiramu. Uku kwigomeka kwakwiriye hose gufata abantu barenze aba babiri. [20] Kwari kuyobowe n'abatware b'iteraniro magana abiri na mirongo itanu, bari abagabo b'ibyamamare. Kwigomeka mukwiye kuguha izina rikwiye n'ubuhakanyi mubwite uko buri, hanyuma muzirikane ko ibyo abantu b'Imana ba kera banyuzemo ari byo bikomeza kwisubiramo mu mateka y'isi. Ibyanditswe biravuga biti, "Ibyo…byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe" (1Abakorinto 10:11). Niba abagabo

[20] Iri gereranya ryakozwe aha rihereye ku kwigomeka kwa Kora ndetse n'ubuhakanyi bwari buyobowe n'abagabo babiri ahantu hamwe.

n’abagore bazi ukuri bitandukanyije cyane n’Umuyobozi wabo ukomeye kandi bakazafata umuyobozi ukomeye w’ubuhakanyi bakamwita Kristo gukiranuka kwacu, bizaterwa n’uko batacukumbuye ngo barengerwe mu birombe by’ukuri. Ntabwo bashobora gutandukanya amabuye y’agaciro n’ibindi bidafite akamaro.

Nimusome imiburo yatanzwe ku rugero runini mu Ijambo ry’Imana yerekeye abahanuzi b’ibinyoma bazadukana ibinyoma byabo kandi byashoboka bakayobya n’intore. Mu gihe hari iyo miburo ni mpamvu ki itorero ridatandukanya ukuri n’ibinyoma. Abantu baba barigeze kuyobywa mu buryo ubwo ari bwo bwose bakeneye kwicisha bugufi imbere y’Imana,kandi bakihana bamaramaje kubera ko bayobejwe mu buryo bworoshye butyo. Ntabwo babashije gutandukanya ijwi ry’Umwungeri nyakuri n’iry’undi. Nimureke abo bose bongere bagenzure iki gice cy’imibereho yabo.

Mu gihe kirenga imyaka mirongo itanu, Imana yagiye iha ubwoko bwayo umucyo binyuze mu buhamya bwa Mwuka wayo. Mbese nyuma y’iki gihe byashoboka ko haba ahasigaye abagabo bake n’abagore babo bayobya itorero ryose ry’abizera bavuga ko Ellen G. White ari umuriganya numushukanyi? “Muzabamenyera ku mbuto zabo” (Matayo 7:20).

Abantu bashobora kwirengagiza ibihamya byose Imana yabahaye, maze uwo mugisha bakawuhinduramo umuvumo, bakwiriye guhindishwa umushyitsi n’amahoro y’imitima yabo. Keretse gusa nibihana naho ubundi ibitereko byabo by’amatabaza bizakurwa ahabyo. Uhoraho yaratutswe. Ibendera ry’ukuri ry’ubutumwa bwa marayika wa mbere uwa kabiri n’uwa gatatu ryarambitswe mu mukungugu. Niba abarinzi baremerewe kuyobya abantu bene ako kageni, Imana izaryoza abantu bamwe kuba barananiwe kumenya ubwoko bw’ibyo kurya bagaburiraga umukumbi wayo.

Habayeho ubuhakanyi kandi Imana yemeye ko ibintu nk'ibi bibaho mu gihe cyashize kugira ngo yerekane uburyo ubwoko bwayo buzayobywa mu buryo bworoshye igihe bwishingikiriza ku magambo y'abantu aho kwiyigira Ibyanditswe ku giti cyabwo nk'uko ab'i Beroya babigenzaga kugira ngo barebe niba ibyo bintu ari ukuri. Imana yemeye ko ibintu nk'ibi bibaho kugira ngo imiburo ibashe gutangwa ivuga ko ibintu nk'ibyo bizabaho.

KWIGOMEKA N'UBUHAKANYI

Kwigomeka n'ubuhakanyi biri mu mwuka duhumeka. Nituterekeza imitima yacu y'impezamajyo kuri Kristo kubwo kwizera, ibyo bizagira icyo biduhinduraho. Niba abantu babasha kuyobywa mu buryo bworoshye muri iki gihe, mbese bazabasha gushikama bate ubwo Satani azihindura nka Kristo maze agakora ibitangaza? Ni nde utazatembanwa n'uko kwiyoberanya kwe agaragaza ko ari Kristo kandi ari Satani wigize nka Kristo, kandi mu buyo bugaragara agakora ibikorwa nk'ibya Kristo? Ni iki kizarinda ubwoko bw'Imana kumvira ba kristo b'ibinyoma? "Ntimuzabakurikire" (Luka 17:23).

Abantu bagomba gusobanukirwa inyigisho mu buryo bwuzuye. Abantu bemerewe kubwiriza ukuri bagomba kuba bashikamye ubwo ni bwo ubwato bwabo buzabasha guhangana n'umugaru n'umuraba kubera ko igitsikabwato kibakomeje. Ubushukanyi buziyongera, kandi tugomba kuvuga ubwigomeke mu izina ryabwo nyakuri. Tugomba guhagarara twambaye intwaro zose. Ntabwo muri iyi ntambara duhangana n'abantu gusa, ahubwo duhangana n'abatware n'abanyabushobozi. Ntabwo dukirana n'abafite umubiri n'amaraso. Nimucyo mu matorero yacu Abefeso 6:10-18 hasomanwe ubwitonzi kandi bishishikariwe.

Abantu bazana ubuhakanyi bavuga amagambo y'ikiyoka. Tugomba guhangana n'abakozi ba Satani bajya kurwanya intore z'Imana. "Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu" (Ibyahishuwe 12:17). Abantu bayoboka ubuhakanyi bava mu bwoko bw'Imana nyakuri kandi bw'indahemuka maze bakunga ubumwe n'abari mu mwanya wa Baraba. "Muzabamenyera ku mbuto zabo" (Matayo 7:20).

Nandika ibi bitewe n'uko mbona ko abenshi mu itorero babona abantu nk'aho ari ibiti bigenda. Bakeneye kugira ubundi bumenyi bwimbitse mbere y'uko basobanukirwa imitego itezwe ngo ibafatire mu rushundura rw'umushukanyi. Ubu ntihakwiye kubaho umurimo ukozwe by'igice. Umwami wacu arahamagara abagabo n'abagore bashikamye, bamaramaje kandi batunganye mu mitima kugira ngo basibe icyuho kandi babe uruzitiro. (Yesaya 58:12-14).

Hari ubuhamya budakebakeba bugomba gutangwa n'abagabura bose mu matorero yacu yose. Imana yemeye ko ubuhakanyi bubaho kugira ngo yerekane uburyo nta kwishingikiriza ku muntu gukwiye kubaho. Tugomba guhora iteka duhanze Imana amaso. Ntabwo Ijambo ryayo ari Yego na Oya, ahubwo ni Yego na Amena.- Updated Manuscript 148.

IGICE CYA 52 :ITORERO RINESHA[21]

IBYIRINGIRO BYASUBIWEMO KENSHI

[21] Mu mwaka wa 1893 mu rwego rwo guhangana n'ikirego cyavugaga ko itorero ryahindutse Babuloni, Ellen G. White yaranditse ati, "Itorero ry'irinyantegenke kandi ridatunganye, rikeneye gucyahwa, kuburirwa no kugirwa inama, ni cyo kintu cyonyine ku isi Kristo ahozaho ijisho."-*Testimonies to Ministers*, p.49. Isubirwamo ry'aya

Muri iki gihe Data wa twese akunda ubwoko bwe nk'uko akunda Umwana we.

Umunsi umwe tuzagira amahirwe yo kumubona amaso ku maso. – Manuscript 103, 1903.

Dukwiriye kwibuka ko nubwo itorero ryaba irinyantegenke ndetse rikaba ridatunganye, ni cyo kintu cyonyine ku isi Kristo ahozaho ijisho. Ahora aryitayeho kandi akarikomeresha Mwuka we Wera. –Manuscript 155, 1902. (Nov. 22, 1902).

Mwiringire uburinzi bw'Imana. Itorero ryayo rigomba kwigishwa. Nubwo ryaba irinyantegenke kandi ntiribe ritunganye, ni ryo kintu ihozaho ijisho.- Letter 279, 1904. (Aug. 1, 1904.)

GUHORA RINESHA

Itorero rigomba kwiyongera mu mikorere kandi rikagura imbibi zabwo. Umuhati wacu w'ivugabutumwa ugomba kwaguka; tugomba kwagura imbibi zacu. ….Nubwo hagiye habaho gutsindwa gukomeye mu muhati wo kugumana ikituranga kidutandukanya n'abandi, nk'Abakristo bemera Bibiliya, twakomeje kujya tunesha. –Letter 170, 1907. (May 6, 1907.)

Bavandimwe mbandikiye ibi nubwo mwese mudashobora kubisobanukirwa. Iyaba ntarizeraga ko ijisho ry'Imana rihora ku bwoko bwayo ntabwo nashoboraga kugira ubutwari bwo kwandika ibintu bimwe inshuro nyinshi…Imana ifite ubwoko iyoboye kandi yigisha. – Letter 387, 1907. (Nov. 11, 1907).

magambo ahantu henshi mu myaka yakurikiyeho byagiye bitera ubutwari kandi bikagira umumaro. – ABAKUSANYIJE INYANDIKO.

Nahawe amabwiriza yo kubwira Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi ku isi yose ko nk'ishyanga, Imana yaduhamagariye kuyibera ubutunzi bwihariye. Yateguye ko itorero ryayo ku isi rizashikama ritunganye mu Mwuka n'inama z'Uhoraho nyir'ingabo kugeza ku mperuka y'ibihe.-Letter 54, 1908. (Jan. 21, 1908).

Nta kintu kuri iyi si Imana ikunda cyane nk'itorero ryayo. Mu kubitaho mu buryo bukomeye, Imana irinda abayishaka. Nta kintu cyibasira Imana nk'abagaragu ba Satani barwanira kwambura ubwoko bw'Imana uburenganzira bwabwo. Ntabwo Uhoraho yatereranye abantu be. Satani yerekana amakosa bakoze, kandi agerageza kubatera kwizera ko muri ubwo buryo bitandukanyije n'Imana. Abamalayika babi bashakisha mu nzira zose uko baca intege abantu baharanira kunesha icyaha. Bashyira imbere yabo ibibi byabo by'igihe cyashize maze bakerekana ko ibyabo nta garuriro bifite. Nyamara dufite Umucunguzi ushobora byose. Kristo yavuye mu ijuru yihinduye umuntu kugira ngo abe kuri iyi si ashyira mu bikorwa amahame y'ubutungane. Yari yarahawe imbaraga zo gukorera abantu bose bari kumwemera nk'Umucunguzi wabo no gutabara abantu bihana babaga bemeye ububi bw'icyaha. "Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha" (Abaheburayo 4:15).Letter 136, 1910. (Nov. 26, 1910.)

IGICE CYA 53 :UBUTUMWA BUHERUKA BWAHAWE INTEKO NKURU RUSANGE[22]

Ivuriro rya ‘Elmshaven’ i California Kuwa 4 Gicurasi 1913

Ku bateraniye mu Nteko Nkuru Rusange, ndabaramukije!

Bavandimwe nkunda,

“Ubuntu bube muri mwe n’amahoro biva ku Mana Data wa twese no ku Mwami Yesu Kristo. Hashimwe Imana y’Umwami wacu Yesu Kristo ari yo na Se, ari yo Data wa twese w’imbabazi n’Imana nyir’ihumure ryose, iduhumuriza mu makuba yacu yose kugira ngo na twe tubone uko duhumuriza abari mu makuba yose, tubahumurisha ihumure twahawe n’Imana” (2Abakorinto 1:2-4).

“Ariko Imana ishimwe kuko ihora iturangaje imbere, ikaduha kuneshereza muri Kristo no gukwiza hose impumuro nziza yo kuyimenya, kuko turi impumuro nziza ya Kristo ku Mana hagati y’abakira n’abarimbuka” (2Abakorinto 2:14,15).

“Kuko tutabwiriza abantu ibyacu, ahubwo tubabwiriza ibya Kristo Yesu ko ari we Mwami, natwe tukaba abagaragu banyu ku bwa Yesu. Imana yategetse umucyo kuva uturutse mu mwijima, ni yo yaviriye mu mitima yacu, kugira ngo imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw’Imana buri mu maso ha Yesu Kristo. Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z’ibumba, kugira ngo

[22] Mu mwaka wa 1913, Ellen G. White yoherereje inama y’Inteko Nkuru Rusange ubutumwa bubiri. Ubwa mbere bwasomewe inama na W. C. White ku isabato nyuma ya saa sita kuwa 17 Gicurasi.

imbaraga zisumba byose zibe iz’Imana zidaturutse kuri twe” (2 Abakorinto 4:5-7).

“Ni cyo gituma tudacogora, kandi nubwo umuntu wacu w’inyuma asaza, umuntu wacu w’imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye, kuko kubabazwa kwacu kw’igihwayihwayi kw’akanya ka none kwiyongeranya, kuturemera ubwiza bw’iteka ryose bukomeye. Natwe ntitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ari iby’igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby’iteka ryose” (2 Abakorinto 4:16-18).

IBYIRINGIRO N’UBUTWARI

Ni amahirwe y’abantu baduhagarariye bari mu nama y’Inteko Nkuru Rusange kugira ngo bakunde umwuka w’ibyiringiro n’ubutwari. Bavandimwe, Umukiza yabihishuriye mu nzira nyinshi. Yujuje mu mitima yanyu umucyo wo kubana namwe kwe igihe mwakoreraga mu bihugu bya kure n’iwanyu. Yabarinze mu byago bigaragara n’ibitagaragara, kandi ubu ubwo mwongeye guhurira n’abavandimwe banyu mu nama, ni amahirwe yanyu kwishimira mu Mwami, no kunezezwa no kumenya ubuntu bubakomeza. Nimureke urukundo rwe rwigaruririre intekerezo n’umutima. Mwirinde kuremererwa, gucika intege no guhangayika. Nimutange ubuhamya buzahura. Nimutere umugongo ibyijimye kandi bica intege maze mwitegereze Yesu, umuyobozi wacu ukomeye uwo kubw’uburinzi bwe umurimo wo kwamamaza ukuri kw’iki gihe ugomba kunesha mu ikuzo ryinshi. Uko kuri ni ko dutangira ubuzima bwacu n’ibyacu byose.

Inyifato abaduhagarariye bagira mu nama izagira imbaraga igira icyo ibwira abantu b’aho umurimo ukorerwa kimwe no ku ntumwa ubwazo. Bavandimwe nimureke bigaragare ko Yesu atuye mu mutima, agashyigikira,

agakomeza kandi agahumuriza. Ni amahirwe yanyu ko buri munsi mwahabwa Mwuka wera Muziranenge ku rugero rwinshi, kandi mukagira ibitekerezo byagutse byerekeye akamaro ndetse n'ubugari bw'ubutumwa turi kubwira abatuye isi. Uhoraho yifuza kubahishurira ibintu bitangaje bivuye mu mategeko ye. Nimumutegereze mufite umutima wicishije bugufi. Musengere cyane gusobanukirwa n'ibihe turimo, kugira ngo dusobanukirwe mu buryo bwuzuye n'umugambi we ndetse no kurushaho kugera ku ntego mu murimo wo gukiza imitima.

Inshuro nyinshi mu nzozi za nijoro ntegekwa kugira inama abavandimwe bacu bari mu myanya y'ubuyobozi kugira ngo bakorane umuhati mwinshi ngo barusheho kumenya Umwami wacu mu buryo butunganye. Igihe abakozi bacu bazasobanukirwa n'agaciro k'ibihe turimo bazagaragara ko bafite umugambi udakebakeba wo kuba mu ruhande rw'Uhoraho, kandi mu kuri bazahinduka abakozi bakorana n'Imana. Igihe bazegurira umutima n'ubugingo bwabo mu murimo w'Imana, bazabona ko nibanesha icyaha hari ubumenyi bwimbitse bw'ingenzi bazunguka batigeze bagira.

Bizatubera byiza kuri twe kuzirikana ibigiye kuba ku isi vuba. Iki ntabwo ari igihe cyo gupfusha ubusa cyangwa kwishakira ibitunezeza. Niba ibihe turimo bitabasha gukora ku ntekerezo zacu mu buryo bukomeye, ni iki cyatugeraho? Mbese ntabwo Ibyanditswe bisaba ko habaho umurimo urushijeho gutungana kandi wera kurusha uwo twigeze tubona?

GUHAMAGARIRWA KONGERA KWIYEGURIRA IMANA

Ubu hakenewe abantu basobanukiwe neza. Imana irahamagara abantu bifuza kuyoborwa na Mwuka Muziranenge kugira ngo bajye ku ruhembe rw'imbere mu murimo w'ivugurura. Ndabona ibihe bikomeye imbere yacu,

kandi Uhoraho arahamagara abakozi be ngo baze mu murimo. Buri muntu wese akwiriye guhagarara mu mwanya wo kwiyegurira Imana mu buryo bwimbitse kandi nyakuri kurusha uko byabayeho mu myaka yashize.

Mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1909 hari umurimo uba warakozwe mu mitima y'abari bayirimo nyamara ntiwakozwe. Amasaha menshi aba yarahariwe kwinira no kwigenzura, ibyo bikaba byari gutuma habaho kumeneka gushya kw'imitima y'abari mu nama. Ibi biba byarabahaye ubwenge bwo gusobanukirwa umurimo w'ingenzi cyane bagomba gukora bihannye kandi bicujije. Nyamara nubwo hari amahirwe yatanzwe ngo abantu bature ibyaha, bihane babikuye ku mutima kandi ngo habeho ivugurura nyakiri, nta murimo utunganye wakozwe. Abantu bamwe bumvise imbaraga ya Mwuka Muziranenge maze baritaba, nyamara bose ntibaretse ngo batwarwe n'iyi mbaraga. Intekerezo za bamwe zirukiraga mu nzira zabuzanyijwe. Iyo haza kubaho kwicisha bugufi mu mutima ku ruhande rw'abari bari mu nama bose, hari kugaragara umugisha utangaje.

Mu gihe cy'amezi menshi nyuma y'irangira ry'iyo nama, nari mfite umutwaro uremereye, kandi namenyesheje abavandimwe bari mu nshingano ibyo bintu Uhoraho yantegekaga gushyira imbere yabo neruye. Amaherezo bamwe mu bari bari mu myanya y'ubuyobozi ifitanye isano n'umurimo rusange, bamaze gusenga cyane no kwigana ubushishozi ubutumwa butandukanye bwatanzwe, ku bwo kwizera bashishikariye gukora umurimo bahamagariwe-umurimo batashoboraga gusobanukirwa mu buryo bwuzuye; kandi uko bakomezaga kujya mbere bubaha Imana, babonye imigisha myinshi.

Umutima wanjye wanejejwe cyane no kubona guhinduka gutangaje kwabaye mu mibereho ya bamwe, ku bwo kwizera bahisemo gutera

intambwe bajya mbere mu nzira y'Uhoraho aho kugira ngo bakurikire inzira yabo bihitiyemo. Iyo abo bavandimwe bari bari mu nshingano bakomeza kubona ibintu mu buryo butari bwo, baba baratumye habaho ibintu byari kwangiriza umurimo cyane; ariko igihe bumviraga amabwiriza bari bohererejwe kandi bagashaka Uhoraho, Imana yabagezaga mu mucyo w'itangaza kandi ikabashoboza gukora umurimo ukwiriye no gutuma habaho ivugurura mu bya Mwuka.

Igihe Imana irambuye ukuboko kwayo kugira ngo itegure inzira imbere y'abagabura yatoranyije,inshingano yabo ni ugukurikira aho ibayoboye. Ntabwo izigera itererana cyangwa ngo irekere abantu bakurikira inzira ibayoboye n'umutima wose ngo babe mu gushidikanya.

KUGARAGAZA IBYIRINGIRO

"Nishimiye yuko muri byose nshobora kubiringira rwose ntashidikanya" (2Abakorinto 7:16). Kandi nubwo numva mbabajwe cyane n'inyifato abantu bamwe bafite ku byerekeye ingamba z'ingenzi zifitanye isano n'iterambere ry'umurimo w'Imana ku isi, ariko kandi mfite no kwizera gukomeye kubw'abakozi bari hirya no hino, kandi nizera ko ubwo bahurira hamwe bakicisha bugufi imbere y'Uhoraho maze bakongera kwiyegurira umurimo we, bazashobozwa gukora ibyo ashaka. Na n'ubu hari bamwe batabona ibintu nk'uko biri, ariko abo bakwiriye kwigira ku kurebera ku bakozi bagenzi babo, kandi bakwiriye kwirinda gukora amakosa akomeye kubwo gushaka Uhoraho by'ukuri muri iki gihe no kwegurira ubushake bwabo bwose mu bw'Imana.

Natangajwe cyane n'ibyo mperutse kubona mu nzozi za nijoro. Hasaga n'ahariho gutera intambwe gukomeye. Wari umurimo w'ububyutse wajyaga

mbere ahantu henshi. Abantu bacu bazaga mu murongo bitaba guhamagara kw'Imana. Bavandimwe, Uhoraho ari kuvugana natwe. Mbese ntabwo tuzumvira ijwi rye? Mbese ntabwo tuzacana amatara yacu, kandi ngo dukore nk'abategereje ko Umwami wabo aza? Iki ni igihe gisaba gutwara umucyo ngo hagire igikorwa.

"Nuko ndabinginga,…ngo mugende uko bikwiye ibyo mwahamagariwe, mwicisha bugufi rwose, mufite ubugwaneza bwose no kwihangana, mwihanganirana mu rukundo, mugire umwete wo gukomeresha ubumwe bw'Umwuka umurunga w'amahoro" (Abefeso 4:1-3).-*General Conference Bulletin*, May 19, 1913, pp. 33,34.

UBUTWARI MU MWAMI[23]

Vuba aha mu nzozi za nijoro, ubwenge bwanjye bwujujwe igitekerezo na Mwuka Muziranenge ko niba Umwami agiye kuza vuba bidatinze nk'uko tubyizera, twari dukwiriye kurushaho kugira umuhati kurusha uko twabigenje mu myaka yashize tumenyesha abantu ukuri.

Ku byerekeranye n'iyi ngingo intekerezo zanjye zerekeye ku gikorwa cy'abizera bitwaga Abategereje mu mwaka wa 1843 no mu 1844. Icyo gihe hariho gusura urugo ku rundi kwinshi, kandi hakoreshwa umuhati udacogora ngo abantu baburirwe ku bivugwa mu Ijambo ry'Imana. Twari dukwiriye gukoresha umuhati uruseho kurenza uwakoreshejwe n'abamamaje ubutumwa bwa marayika wa mbere bakiranutse. Turi kwegera iherezo ry'amateka y'iyi si mu buryo bwihuse; kandi uko tubona ko Yesu agiye kuza bidatinze, tuzahagurukira gukora kurusha uko kwakoze mbere. Dutegekwa

[23] Ubu butumwa bwa kabiri Ellen G. White yandikiye inama y'Inteko Nkuru Rusange yabaye mu 1913, bwasomewe inama na n'umuyobozi mukuru witwaga A. G. Daniells, kuwa 27 Gicurasi mu gitondo.

kuvuza impanda y'imbuzi tubwira abantu kandi mu mibereho yacu bwite, tugomba kugaragaza imbaraga z'ukuri n'ubutungane. Abatuye isi bari hafi gucirwa urubanza n'ukomeye watanze amategeko kubera amategeko ye bishe. Abantu bava mu bwigomeke maze bakumvira nibo gusa bashobora kwiringira imbabazi n'amahoro.

Tugomba kuzamura ibendera ryanditsweho ngo, "Amategeko y'Imana no kwizera Yesu." Kubaha amategeko y'Imana ni ingingo ikomeye. Nimureke twe kuyirengagiza. Tugomba gushishikarira gukangura abagize itorero n'abatagira icyo bizera kugira ngo barebe kandi bumvire ibyo amategeko y'Imana asaba.
Tugomba kwerereza aya mategeko kandi tukayubahisha.

Kristo yadutumye kujya kubiba imbuto z'ukuri no kumenyesha abantu bacu akamaro k'umurimo ugomba gukorwa n'abantu bari muri ibi bihe biheruka amateka y'iyi si. Mu gihe amagambo y'ukuri agenda yamamazwa mu nzira nyabagendwa no mu tuyira duto, hagomba kubaho guhishurwa k'umurimo wa Mwuka w'Imana mu mitima y'abantu.

Mbega ibintu byinshi byiza biba byaragezweho iyaba abantu bose bafite ukuri, ari ko Jambo ry'ubugingo baba barakoze kugira ngo bamurikire abadafite uko kuri. Igihe Abasamariya basangaga Kristo bahamagawe n'umugore w'umusamariya, Kristo yabavuzeho abwira abigishwa be ko abo ari umurima weze utegereje gusarurwa ati, "Mbese ntimuvuga ngo, 'Hasigaye amezi ane isarura rigasohora?' Dore ndababwira nimwubure amaso murebe imirima yuko imaze kwera ngo isarurwe " (Yohana 4:35). Kristo yagumanye n'abasamariya iminsi ibiri kubera bari basonzeye kumva ukuri. Mbega uburyo iyo minsi ibiri yari irimo imirimo myinshi! Umusaruro wavuye mu murimo w'iyo minsi ni uko

“abantu benshi baruta aba mbere bizeye kuko biyumviye ijambo rye” (Yohana 4:41). Dore ubuhamya batanze, “Noneho si amagambo yawe yonyine aduteye kwizera, kuko natwe twiyumviye tukamenya ko uyu ari we Mukiza w’abari mu isi koko” (Yohana 4:42).

Ni nde wo mu bantu bavuga ko ari ubwoko bw’Imana uzakora uyu murimo wera kandi bakita ku barimbuka kubera kubura ubwenge? Isi igomba kuburirwa. Nerekwa ako ahantu henshi hakeneye gukoranwa umuhati wera, utunganye kandi udacogora. Kristo agenda afungura imitima n’intekerezo by’abantu benshi mu mijyi yacu minini. Abo bantu bakeneye ukuri kw’ijambo ry’Imana; kandi nitwegera Kristo mu butungane kandi tugaharanira kwegera abo bantu, hazabaho gukangukira ibyiza. Dukeneye gukanguka maze tugashyikirana na Kristo n’abagenzi bacu. Imijyi minini n’imito, haba hafi na kure hagomba kugira ikihakorwa kandi mu bwenge. Ntumukigere musubira inyuma. Nidukora twunze ubumwe na Mwuka w’Imana, Imana izatera impinduka nziza mu mitima y’abantu.

Bavandimwe mfite amagambo yo kubatera ubutwari. Tugomba kujya mbere dufite kwizera n’ibyiringiro, twiteze kubona ibintu bikomeye biva ku Mana. Mu buryo bwose umwanzi azashaka uko abera imbogamizi umuhati uri gukoreshwa kugira ngo ukuri kujye mbere, nyamara mubasha kugera ku nsinzi muri mu mbaraga y’Uhoraho.

Nimureke he kugira amagambo y’urucantege avugwa, ahubwo havugwe amagambo azatera ubutwari kandi agakomeza abakozi bagenzi banyu.

IJAMBO RYIHARIYE

Njye ubwanjye numva nifuza gukora umurimo ushimishije nkagera iyo umurimo ukorerwa, kandi koko nari nkwiriye gukora umurimo ukomeye uretse ko nibwira ko ku myaka ngezemo atari byiza kwibeshya ku mbaraga z'umubiri mfite. Mfite umurimo ngomba gukora nkageza ku itorero n'abatuye isi umucyo nagiye mpabwa kenshi mu myaka yose ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwabwirizwaga. Umutima wanjye wuzuye icyifuzo gikomeye cyo kumenyesha ukuri abantu bose bashobora kugerwaho. Kandi ndacyafite uruhare mu gutegura ingingo zo kwandikaho. Ariko kandi ngomba kugendana ubushishozi, nibitaba bityo mba nishyira aho ntashobora kwandika. Ntabwo nzi igihe nshobora kumara nkiriho, ariko ntabwo mbabara mu mubiri nk'uko nari mbyiteze.

Nyuma y'Inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1909, namaze ibyumweru byinshi njya mu materaniro makuru ndetse n'andi materaniro rusange, kandi ngasura ibigo bitandukanye muri New England, mu bihugu byo hagati no mu burengerazuba bwo hagati.

Igihe nari ngarutse mu rugo rwanjye muri California nongeye gukomeza umurimo wo gutegura ingingo zigomba gusohorwa mu nyandiko. Mu myaka ine ishize nanditse amabaruwa make. Imbaraga nagiye ngira nagiye nzikoresha cyane mu kurangiza umurimo wo kwandika igitabo cy'ingenzi.

Rimwe na rimwe nagiye njya mu materaniro kandi nasuye ibigo muri California, ariko kuva igihe cy'Inama y'Inteko Nkuru Rusange igihe kinini nagiye nkimara nandika inyandiko zandikisheje intoki ndi aho ntuye hitwa "Elms-haven" hafi ya Saint Helena.

Ndashima kubera ko Imana irinda ubuzima bwanjye kugira ngo nongererwe igihe cyo gukora ku bitabo byanjye. Mbega uburyo nari mfite imbaraga zo gukora ibyo mbona ko ari ngombwa gukorwa! Ndasaba ko Imana yampa ubwenge kugira ngo ukuri abantu bacu bakeneye cyane kubashe kuvugwa mu buryo bwumvikana kandi bwemerwe. Mfite ubutwari bwo kwizera ko Imana izanshoboza kubikora.

Gushishikarira umurimo rusange ugomba gukorwa biracyafite agaciro gakomeye nka mbere, kandi ndifuza cyane ko umurimo w'ukuri kw'iki gihe wazagera mu mpande zose z'isi. Nyamara mbona ko ari byiza ko ntakwiriye gukora imirimo myinshi ndi kumwe n'abantu benshi mu ruhame mu gihe umurimo ugomba gukorwa ku bitabo ukeneye ko nawuhagarikira. Mfite bamwe mu bakozi beza cyane, abakoranye na njye muri Australia ku bw'ineza y'Imana, kimwe n'abandi bafatanyije najye kuva igihe nagarukiye muri Amerika. Nshimira Imana kubw'abo bafasha. Twese dufite imirimo myinshi cyane, dukora ibyo dushoboye dutegura ingingo zishobora gusohorwa mu nyandiko. Nifuza ko umucyo w'ukuri umurika ahantu hose, kugira ngo ubashe kumurikira abadasobanukiwe impamvu zo kwizera kwacu. Rimwe na rimwe amaso yanjye arambabaza cyane. Nyamara ndasingiza Uhoraho kuko yarinze amaso yanjye nkaba nkireba. Ntabwo byaba bidasanzwe mbaye kuri iyi myaka yanjye nari nkwiriye kuba ntagikoresha amaso yanjye na hato.

Ndashima kuruta uko nashobora kubivuga kubwo kuzahurwa na Mwuka w'Imana, kubwo gukomezwa ndetse n'ubuntu Imana ikomeza kumpa, kandi ko impa imbaraga n'amahirwe yo gutera ubutwari no gufasha ubwoko bwayo. Igihe cyose Uhoraho akirinze ubugingo bwanjye, nzamubera indahemuka n'umunyakuri, mparanire gukora ibyo ashaka no guhesha ikuzo

izina rye. Ndasaba ngo Imana yongere ukwizera kwanjye kugira ngo mbashe gukomeza kuyimenya no kurushaho gukora neza ibyo ishaka. Uhoraho ni mwiza kandi akwiriye gusingizwa cyane.

IMBARAGA Z'ABAKOZI BAGEZE MU ZA BUKURU

Nifuza cyane ko ingabo z'umusaraba zigeze mu za bukuru, ba bandi bamereye imvi mu murimo w'Umwami, bakomeza gutanga ubuhamya bwabo bwahuranyije kugira ngo abakiri bato mu kwizera babashe gusobanukirwa ko ubutumwa Uhoraho yaduhaye mu gihe cyashize ari ingenzi cyane kuri uru rwego amateka y'isi agezeho. Ntabwo ibyatubayeho kera byigeze bitakaza n'agace gato k'imbaraga zabyo.

Nimureke abantu bose bigengesere be guca intege abajya ku ruhembe rw'imbere mu murimo cyangwa ngo babatere kumva ko hari umurimo muto bashobora gukora. Imbaraga zabo ziracyashobora gukoreshwa cyane mu murimo w'Uwiteka. Ubuhamya bw'abagabura bageze mu za bukuru buzahora ari ubufasha n'umugisha ku itorero. Haba ku manywa na nijoro Imana izarinda abatwaramucyo bageragejwe kandi b'indahemuka, kugeza ubwo igihe kizagera maze bakarambika hasi intwaro zabo. Nimureke bagire ibyiringiro ko bari munsi y'uburinzi bwa wa wundi udahunikira cyangwa ngo asinzire; bizere ko barindwa n'abarinzi batajya bananirwa. Igihe bamenye ibi kandi bakabona ko bari muri Kristo , bashobora kuruhuka biringiye ineza y'Imana.

KUGEZA KU IHEREZO

Nsabana umwete ngo umurimo dukora muri iki gihe uzakore ku mutima, ubwenge n'ubugingo. Ibitera guhangayika biziyongera; nyamara nimureke twe nk'abizera Imana duterane ubutwari. Nimucyo twe kumanura ibendera, ahubwo mukomeze kurizamura, duhange amaso Yesu we Banze ryo kwizera kwacu kandi ni we Ukunonosora. Igihe ndi mu nzozi za nijoro sinshobora gusinzira, nzamura umutima wanjye nkawegereza Imana nsenga, kandi Imana irankomeza ndetse ikampa ibyiringiro ko iri kumwe n'abakozi bayo bayikorera umurimo iwabo no mu bihugu bya kure. Iyo mbonye ko Imana ya Isiraheli ikiyobora ubwoko bwayo kandi ko izakomeza kubana nabwo kugeza ku iherezo, numva ngize ubutwari n'umugisha.

Nahawe amabwiriza yo kubwira abavandimwe bacu bari mu murimo nti, 'Nimureke ubutumwa buva mu kanwa kanyu bube bufite imbaraga ya Mwuka w'Imana.' Niba hari igihe cyigeze kibaho twigeze dukenera ubuyobozi bwihariye bwa Mwuka Muziranenge ni iki. Dukeneye kwezwa burundu. Igihe kirageze kugira ngo twereke abatuye isi kwigaragaza kw'imbaraga ya Mwuka w'Imana mu mibereho yacu no mu murimo wacu.

Uhoraho yifuza kubona umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu kujya mbere kurushaho kugera ku ntego. Nk'uko yakoze mu myaka yose agaha ubwoko bwe kunesha ni nako muri iki gihe yifuza cyane kugeza ku nsinzi imigambi afitiye itorero rye. Abwira intore ze zimwizera kujya mbere zishyize hamwe zigenda zongera imbaraga, ziva ku ntambwe imwe yo kwizera zigana byiringiro n'icyizere biruseho mu kuri no mu butungane bw'umurimo we.

Tugomba guhagarara nk'urutare tugashikama ku mahame y'Ijambo ry'Imana, twibuka ko Imana iri kumwe na twe kugira ngo iduhe imbaraga zo guhangana n'ibintu bishya byose bitubaho. Nimucyo mu mibereho yacu tugumane amahame y'ubutungane, kugira ngo tubashe kujya mbere twongerwa imbaraga mu izina ry'Uhoraho. Ukwizera kwashyigikiwe n'amabwiriza ndetse no kwemerwa na Mwuka w'Imana kuva mu byatubayeho kera kugeza iki gihe, tugomba kugufata ko kwera cyane. Tugomba gukunda umurimo Uhoraho yagiye akorera mu bwoko bwubahiriza amategeko ye tukawufata ko ari uwa agaciro kenshi, kandi binyuze mu mbaraga z'ubuntu bwe, uwo murimo uzarushaho kugira imbaraga no kugera ku musaruro mwiza uko igihe kizajya gihita. Umwanzi ashaka kwijimisha ubwenge bw'ubwoko bw'Imana no guca intege ubushobozi bwabo. Nyamara nibakora uko Mwuka w'Imana azabayobora, Imana izakingurira imbere yabo inzugi z'amahirwe kugira ngo bubake amatongo ya kera. Imibereho yabo izaba iyo guhora bakura kugeza igihe Uhoraho azamanuka avuye mu ijuru afite imbaraga n'ikuzo ryinshi kugira ngo ashyire ikimenyetso cye cyo kunesha guheruka ku ndahemuka kuri we.

ISEZERANO RYO KUNESHA GUHERUKA

Umurimo uri imbere yacu ni umurimo uzakoresha imbaraga zose z'ikiremwamuntu. Uzasaba gukoresha ukwizera kutajegajega ndetse no guhora bari maso. Ingorane tuzahangana na zo incuro myinshi zizaba ari urucantege mu buryo bukomeye. Ugukomera kw'inshingano kuzadutera gukangarana. Nyamara hamwe no gufashwa n'Imana, abagaragu bayo amaherezo bazanesha. "Ni cyo gituma bavandimwe mbinginga ngo mudacogora" (Abefeso) bitewe n'ibyo kubagerageza biri imbere yanyu. Yesu azabana namwe, azajya imbere yanyu kubwa Mwuka we

Muziranenge, ategure inzira kandi azababera umufasha mu igihe cyose mu bibakomereye byose.

“ni cyo gituma mfukamira Data wa twese, uwo imiryango yose yo mu ijuru n’iyo mu isi yitirirwa, ngo abahe nk’uko ubutunzi bw’ubwiza bwe buri gukomezwa cyane mu mitima yanyu kubw’Umwuka we, kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu ku bwo kwizera, kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamye, muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n’abera bose ubugari n’uburebure bw’umurambararo, n’uburebure bw’igihagararo, n’uburebure bw’ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo mumenye n’urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa, ngo mwuzure kugeza ku kuzura kw’Imana.

“Nuko ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n’ibyo twibwira byose nk’uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo , icyubahiro kibe icyayo mu itorero no muri Kristo Yesu , kugeza iteka ryose ry’ibihe bidashira, Amen” (Abefeso 3:1421).

–*General Conference Bulletin,* May 27, 1913, pp. 164, 165.

UMUGEREKA 1

INDWARA N’IBIZITERA

(Ingingo E. G. White yanditse zakuwe mu nyandiko ze zitwa ‘*Uburyo bwo Kubaho*’)

IJAMBO RY'IBANZE

Inyandiko zigabanyijemo ingingo esheshatu zifite umutwe w'amagambo uvuga ngo "Indwara n'Ibizitera" zigize zimwe mu nyandiko nyinshi zirambuye zanditswe mbere na Ellen G. White ku ngingo y'ubuzima. Dore amateka yazo: Mbere na mbere habayeho inzozi zabaye amateka zo ku wa 6 Kamena 1863 zerekeye ivugurura ku buzima. Icyakurikiyeho ni uko mu 1864 Ellen G. White yasohoye inyandiko ye ya mbere avuga kuri iyo ngingo ayishyira mu nyandiko y'amapaji 30 yitwaga "Ubuzima" maze ishyirwa mu gitabo cyitwa "Impano za Mwuka" (*Spiritual Gifts*, volume IV). Hanyuma y'aho mu 1865, yanditse ingingo imwe imwe kuri buri gatabo gato mu dutabo dutandatu twari twarakusanyijwe twanditswe n'abanditsi batandukanye maze izo ngingo zisohoka zifite umutwe uvuga ngo *Ubuzima*, cyangwa *Uburyo bwo Kubaho*. Izo ngingo esheshatu zandirswe na Ellen G. White zari amagambo arambuye y'ingingo yari yanditswe mu mapaji 30 yo mu gitabo cyitwa *Impano za Mwuka* cyo mu 1864. Ellen G. White nta yandi magambo y'inyongera yashyize ku dutabo duto twitwaga *Uburyo bwo Kubaho (How to Live).*

Kugira ngo huzuzwe inyandiko zose Ellen G. White yanditse mbere zigasohoka zivuga ku buzima, ingingo ziri muri iki gice zongeye kwandukurwa nta gihindutseho. Kubera ko zagiye zandukurwa ijambo ku ijambo ndetse na buri nteruro, zirimo amakosa amwe y'ikibonezamvugo yagiye yinjiramo mu buryo butari bwitezwe bwerekeranye n'uburyo bwo gucapa inyandiko bw'icyo gihe.

Bigaragara ko nubwo Ellen G. White atigeze asaba ko izo ngingo zakongera gucapwa, zongeye gusohoka mu migabane mito mito y'ikinyamakuru cyitwaga *Urwibutso n'Integuza (Review and Herald)* mu 1899 no mu 1900. Izo nyandiko zo 1900 ari zo Ellen G. White yasobanuyemo mu buryo bwimbitse ku ngingo y'ubuzima, zagejejwe ku musozo mu gitabo cyitwa *Rengera Ubuzima* mu 1905, gisimbura ingingo nyinshi zagiye zandikwa mbere ndetse n'izavugaga ku Ndwara n'Ibizitera.

Umusomyi agomba kuzirikana uko imikorere mu buvuzi yari imeze igihe izo nyandiko zategurwaga. By'umwihariko ingingo ya nyuma igomba gusomwa mu mucyo w'uko ibihe byari bimeze mu gihe cyo kwandikwa. Kugira ngo wongere umenye uko ibihe byari bimeze wasoma ibi bitabo bikurikira: *The Story of our Health Messages,* 1955, pp.112-130, 166-169, 427-431; *Ellen G. White and Her Critics,* pp.

136-160; *Believe His Prophets,* pp. 253-267.- ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA ELLEN G. WHITE.

IGICE CYA 1

Kuva habaho kugwa kwabereye muri Eden, inyokomuntu yagiye isigingira. Ubumuga, gusigingira mu bwenge, indwara ndetse n'imibabaro bya muntu byagiye birushaho gukomera bikaremerera buri gisekuru cyagiye gikurikiraho kuva umuntu yacumura, nyamara kandi abantu benshi barisinziriye ntibitaye ku mpamvu nyakuri zibitera. Ntabwo bazirikana ko bo ubwabo ari bo ba nyirabayazana, ku rwego rukomeye, b'iyi miterere ibabaje cyane y'ibintu. Muri rusange imibabaro yabo bayishyira ku Mana, maze bagafata ko Imana ari yo nkomoko y'imibabaro yabo. Nyamara haba ku rwego runini cyangwa ruto, kutirinda ni ko iyi mibabaro yose ishingiyeho.

Ntabwo Eva yirinze mu kwifuza kwe ubwo yaramburaga ukuboko kwe agasoroma ku mbuto z'igiti cyabuzanyijwe. Kuva Adamu na Eva bacumura, kunezeza kwifuza byahawe intebe biba nk'umutware mu mitima y'abagabo n'abagore. By'umwihariko, irari ry'inda ryahawe icyicaro maze rirabategeka aho gutegekwa n'ubwenge. Kubwo gushaka kunezeza irari ry'inda, Eva yishe itegeko ry'Imana. Imana yari yaramuhaye ibyo akeneye byose, nyamara ntiyanyuzwe. Kuva icyo gihe, urubyaro rwe rwacumuye rwagiye rukurikira ibyifuzo by'amaso yabo ndetse n'irari ryabo ry'inda. Nk'uko byagendekeye Eva, basuzuguye ibyo Imana yabuzanyije maze bakurikiza inzira yo kutumvira, kandi nka Eva bagiye bibwira ko ingaruka itazaba mbi cyane nk'uko byavuzwe.

Umuntu yasuzuguye amategeko agenga imibereho ye maze bituma indwara zigenda ziyongera. Icyagiye gikorwa cyakurikiwe n'ingaruka. Ntabwo umuntu

yanyuzwe n’ibyokurya byiza bimuhesha amagara mazima, ahubwo yanejeje irari rye ndetse yemera gushyira ubuzima bwe mu kaga.

Imana yashyizeho amategeko agenga ubuzima bwacu. Niba turenze kuri ayo mategeko, bitinde cyangwa bitebuke, tugomba kubona igihano. Ntabwo amategeko agenga ubuzima bwacu yakwicwa birenze kuzuza mu bifu byacu ibyokurya byangiza ubuzima bitewe no gutwarwa n’irari ribi ry’ibyokurya. Kurya ukarenza urugero, ndetse n’iyo byaba ari ibyokurya byoroheje, uko byagenda kose bizangiza imyanya y’igogorwa ry’ibyokurya. Ariko kandi icyiyongera kuri ibi ni uko kurya ibyokurwa byinshi cyane kandi bidatunganye bizongera akaga mu buryo bukomeye. Umubiri ugomba kuhangirikira.

Umuryango wa mwene muntu wagiye urushaho gukuza kunezeza irari ryawo kugeza ubwo ubuzima bwatambwe ku rutambiro rw’irari ryo kwifuza guhaza inda. Abari batuye isi yakera ntibirindaga mu mirire no mu minywere. Baryaga inyama nubwo Imana nta burenganzira yari yarabahaye bwo kuzirya. Barariye kandi banywa birengeje urugero maze irari ribi ryabo ry’inda ntiryagira aho rigarukira. Biyeguriye gusenga ibigirwamana. Bahindutse abanyamahane n’abanyarugomo, kwibwira kw’imitima yabo kuba kubi ku buryo byageze aho Imana itagishoboye kubihanganira. Igikombe cyo gucumura kwabo cyari cyuzuye maze Imana itunganya isi iyikuraho guhumana mu mico mbonera ikoresheje umwuzure. Abantu bamaze kugwira ku isi nyuma y’umwuzure bibagiwe Imana, maze bangiza inzira zabo imbere yayo. Kutirinda k’uburyo bwose kwariyongereye cyane.

Uhoraho yakuye ubwoko bwe mu Misiri mu buryo bukomeye. Yabayoboye mu butayu kugira ngo ibagerageze. Inshuro nyinshi yerekanye imbaraga ye itangaje ubwo yabakizaga abanzi babo. Yasezeranye kubishyira nk’umutungo wayo wihariye igihe cyose bari kumvira ijwi ryayo kandi

bakubahiriza amategeko yayo. Ntabwo yababujije kurya inyama z'amatungo ariko yarazibarinze mu buryo bukomeye. Yabahaye ibyokurya byari byiza cyane. Yabamanuriraga imigati ivuye mu ijuru kandi ikabaha amazi meza cyane avuye mu rutare. Yagiranye na bo isezerano ko izabarinda indwara nibayumvira muri byose.

Nyamara ntabwo Abaheburayo banyuzwe. Basuzuguye ibyokurya bahawe bivuye mu ijuru, kandi bifuza gusubira mu Misiri aho bagombaga kwicara bakikije inkono z'inyama. Bihitiyemo ko baba mu buretwa ndetse bakaba banapfa aho kugira ngo babure inyama. Imana byarayibabaje maze ibaha inyama kugira ngo bahaze irari ryabo ry'inda maze bituma benshi muri bo bapfa ubwo baryaga inyama bari bifuje.

Nadabu na Abihu bishwe n'umuriro uvuye ku burakari bw'Imana bitewe no kutirinda kwabo mu kunywa inzoga. Imana yashakaga ko ubwoko bwayo busobanukirwa ko buzajya bugendererwa hakurikijwe kumvira kwabwo cyangwa ibicumuro byabwo. Mu gisekuru cyose cyagiye gikurikiraho, icyaha n'indwara byagiye byiyongera. Kutirinda mu mirire no mu minywere ndetse no guhaza kwifuza kubi byari byaratumye ubushobozi bwo gukora ibyiza bugwa ikinya. Irari ry'inda ryategekaga intekerezo ku rwego rw'indengakamere.

Inyokomuntu yahaye intebe kwifuza ibyokurya bikize guhora kwiyongera kugeza ubwo kuzuza igifu ibyokurya bishoboka byose bihenze kandi bidakunze kuboneka byabaye akamenyero. By'umwihariko mu birori byo kwinezeza irari ry'inda rirahazwa nta kwifata. Abantu basangira ibyokurya bikungahaye bya nimugoroba n'ibya nijoro bigizwe n'inyama, isupu y'uruvange rw'ibintu byinshi, imigati, ibinure n'ibindi.

Abavuga ko ari Abakristo akenshi bafata iya mbere muri ibyo biterane bigezweho. Amafaranga menshi atangwa ku bigirwamana byibigezweho n'irari ry'inda, hategurwa ibirori birimo ibyokurya biryoshye byangiza ubuzima byo kugerageza irari ry'inda ku buryo binyuze muri iyi nzira hari icyagaragara mu migambi yo kwizera. Muri ubwo buryo, abagabura n'abavuga ko ari Abakristo bagiye babigiramo uruhare kandi bagaragariza imbaraga yabo iyobya abandi mu magambo no mu ngero batanga, baha intebe kutirinda mu mirire no kuyobora abantu mu kurya bakagwa ivutu byangiza umubiri. Aho gukangura intekerezo nziza z'umuntu, ubugwaneza bwe, ubumuntu bwe ndetse n'ubushobozi bwe bwiza, ikangura ry'ingenzi rishobora gukorwa rikorwa ku irari ry'inda.

Kunezeza irari ry'inda bizayobora umuntu gutanga ibye mu gihe atajyaga kugira icyo akora iyo bitaba bityo. Mbega isura ibabaje ku Bakristo! Mbese muri uko kwitanga kumeze gutyo Imana iranezerwa? Imana yemeye agafu gake k'umupfakazi. Abantu bakurikiza urugero rw'uriya mupfakazi babikuye ku mutima bazabona ibintu bigenda neza. Kuba umuntu afite imigisha ikomoka ku Mana bizatuma igera ku gitambo cyatanzwe, kandi bibasha gutuma ituro rito riba iry'igiciro cyinshi.

Akenshi abagabo n'abagore bavuga ko ari abayoboke ba Kristo ni imbata z'ibigezweho no gutwarwa n'irari ry'inda bakagwa ivutu. Mu kwitegura gusangirira hamwe bigezweho, igihe n'imbaraga byagombye gukoreshwa mu migamkbi myiza kandi y'ingirakamaro kurushaho, bikoreshwa hatekwa ibyokurya by'amoko menshi byangiza umubiri. Kubera ko ari ibigezweho, abantu benshi bakennye babeshwaho n'imiruho bagira buri munsi, nabo biba ngombwa ko bategurira abashyitsi amoko atandukanye y'imigati ihenze, ibyokurya bikozwe mu mbuto cyangwa mu mboga ndetse n'andi moko

atandukanye y'ibyokurya kandi ibyo nta kindi bimara uretse kwangiza ababirya; mu gihe na none abo bakene bakeneye amafaranga yakoreshejwe kugira ngo bigurira imyambaro ndetse bagurire n'abana babo. Iki gihe gikoreshwa mu guteka ibyokurya byo kunezeza irari ry'inda kugeza ubwo byangiza igifu, cyari gikwiriye gukoreshwa bigisha abana babo iby'imico mbonera no kwizera.

Uburyo bugezweho bwo gusurana bwahindutse ibihe byo kurya abantu bakagwa ivutu. Ibyokurya n'ibinyobwa byangiza umubiri biraribwa kugeza ku rugero rw'uko binaniza urwungano rw'igogora. Imbaraga z'ubuzima zikoreshwa mu bitari ngombwa, ibyo bigatera kunanirwa cyane kandi bigahungabanya itembera ry'amaraso bityo ingaruka ikaba, umubiri wose ugakenera ingufu ziwubeshaho. Imigisha yagombye kuva mu gusurana mu mibanire y'abantu n'abandi akenshi ntiboneka bitewe n'uko aho kugira ngo ushinzwe kubaganiriza yungurwe n'ibiganiro byanyu aba akora cyane atetse abategurira ibyokurya by'amoko menshi muri bukorereho inkera. Abagabo n'abagore b'Abakristo ntibakwiriye na rimwe kwemera gushyigikira ibyo barya ku byokurya byateguwe muri ubwo buryo. Nimureke basobanukirwe ko umugambi wo kubasura kwanyu Atari uwo kunezeza irari ry'inda, ahubwo ko kwifatanya na bo no kungurana ibitekerezo bikwiriye kubabera umugisha mwese. Ikiganiro gikwiriye kuba giteye ku buryo kizahura intekerezo kandi gihesha agaciro ku buryo nyuma y'aho abantu bashobora kucyibuka bakumva bacyishimiye cyane.

Abantu bakira abashyitsi bakwiriye kugira ibyokurya by'ingirakamaro kandi byubaka umubiri bivuye mu mbuto, impeke n'imboga byateguwe mu buryo bworoheje kandi kandi bikaba biryoshye. Ibyokurya nk'ibyo ntibizasaba imbaraga nyinshi zidasanzwe mu kubitegura cyangwa kubitakazaho

umutungo, kandi nibiribwa ku rugero rukwiye nta muntu n'umwe bizangiza. Niba ab'isi bahitamo gutakaza igihe, amafaranga n'ubuzima kugira ngo banezeze irari ry'inda, nimubareke babikore kandi babone igihano cyo kwica amategeko agenga ubuzima. Ariko Abakristo bo bakwiriye guhagarara mu ruhande rwabo muri ibi bintu kandi bagakoresha imbaraga yabo ihindura mu cyerekezo cyiza. Bashobora gukora byinshi mu guhindura iyo mico igezweho irimbura ubuzima n'ubugingo.

Abantu benshi birundurira mu ngeso mbi yo kurya mbere yo kuryama. Bashobora kuba bafashe amafunguro atatu asanzwe nyamara kubera bumva basa n'abashonje bagera ubwo bafata ifunguro rya kane. Kubera guha intebe iyi ngeso mbi, byahindutse akamenyero, kandi bumva bameze nk'aho batashobora gusinzira badafashe irindi funguro mbere y'uko baruhuka. Akenshi impamvu y'uko gucika intege iterwa n'uko urwungano rw'igogora ruba rwamaze gukoreshwa cyane mu munsi wose bitewe no kugira ibyokurya bidatunganye bikunda gushyirwa mu gifu kandi ari na byinshi. Kubera ibyo urwungano rw'igogora rwakoreshejwe cyane rurananirwa kandi rukenera igihe gihagije cyo kuruhuka umurimo kugira ngo rwongere kugarura ingufu rwatakaje. Ifunguro rikurikira irindi ntirikwiriye kuribwa igifu kitarabona igihe cyo kuruhuka umurimo wo kugogora ibyokurya byabanjirije ibyo bigiye kuribwa. Niba ifunguro rya gatatu riri bufatwe, rikwiriye kuba ryoroheje kandi rigafatwa mu masaha menshi mbere yo kujya kuryama.

Nyamara ku bantu benshi, igifu kinaniwe kibasha gutakishwa n'umunaniro ntibabyiteho. Gishyirwamo ibindi byokurya, bigatuma imyanya y'igogorwa ry'ibiryo ikora, ikongera gukora umurimo nk'usanzwe no mu masaha yo gusinzira. Muri rusange gusinzira nk'uko kurangwa n'inzozi mbi, maze mu

gitondo abantu bakabyuka bataruhutse. Habaho gucika intege no gutakaza ubushobozi bwo gushaka ibyokurya. Umubiri wose utakaza imbaraga. Mu gihe gito imyanya y'igogorwa ry'ibiryo irasaza kubera ko itigeze igira igihe cyo kuruhuka. Abantu nk'abo bagenda bababara mu gifu maze bakibaza icyabibateye. Icyakozwe kiba kibyaye ingaruka nyayo. Iyo iyi mikorere ibayeho igihe kirekire cyane, ubuzima buzahazaharira cyane. Amaraso arandura, mu maso h'umuntu hagahindura isura kandi akenshi mu maso hagasesa uduheri. Akenshi uzumva abantu nk'abo bivovota bitewe no guhora bababara mu gifu, kandi igihe hari umurimo bakora igifu kirananirwa ku buryo biba ngombwa ko bahagarika umurimo bakaruhuka. Gusobanura iyo myitwarire yabo birabananira, nyamara iyo baretse iyo ngeso bagira ubuzima buzira umuze.

Abantu bari guhindura gahunda yo kurya amafunguro atatu bagasigarana rimwe, ku ikubitiro bazumva bahangayitse bacitse intege, by'umwihariko ubwo igihe baba baramenyereye gufata ifunguro rya gatatu kizaba kigeze. Ariko iyo bihanganye igihe gito, uko gucika intege kuzashira.

Igihe turyamye ngo turuhuke, igifu cyari gikwiriye kuba cyarangije umurimo wacyo kugira ngo kibashe kuruhuka neza kimwe n'ibindi bice by'umubiri. Umurimo wo kugogora ibyokurya ntiwari ukwiriye gukomeza mu gihe cyose cy'amasaha yo gusinzira. Nyuma y'uko igifu [cyakoreshejwe cyane] cyarangije gukora umurimo wacyo, kirananirwa ibyo bigatera gucika intege. Ahangaha abantu benshi barahibeshya bagatekereza ko gukenera ibyokurya ari byo bitera uko gucika intege maze ntibahe igifu umwanya wo kuruhuka bakongera kurya. Ibyo bikuraho kwa gucika intege by'akanya gato. Uko irari ry'ibyokurya rihabwa icyicaro, ni ko rizarushaho gusaba guhazwa. Muri rusange uku gucika intege ni ingaruka yo kurya inyama no kuryagagura

ndetse no kurya byinshi. Igifu kinanizwa no guhora gikora ubutaruhuka, kirimo ibyokurya bidatera amagara mazima. Kubera kutagira igihe cyo kuruhuka, imyanya y'urwungano rw'igogora icika intege ibyo bigatera kwifuza kuryagagura. Umuti ibyo bisaba ni ukurya bike kenshi kandi umuntu akanyurwa n'indyo yuzuye, yoroheje, kurya akenshi kabiri cyangwa gatatu mu munsi. Igifu kigomba kugira igihe cyacyo gisanzwe cyo gukora n'icyo kuruhuka kubera ko kurya bidakurikije gahunda no kurya hagati y'amafunguro ni ukwica amategeko y'ubuzima mu buryo bukomeye. Kubera kugira akamenyero kadahinduka no kurya ibyokurya bikwiye, igifu kizagenda gikira buhoro buhoro.

Kubera ko ari ibigezweho, bijyanye no kwifuza guhaza irari ry'inda, imigati ikungahaye, ibyokurya birimo inyama ndetse n'ibindi byose byangiza ubuzima, ibyo byose byuzuzwa mu gifu. Ameza agomba kuzuzwa amoko menshi y'ibyokurya bitaba bityo iryo rari ry'ibyokurya ntiribashe guhazwa. Mu gitondo, izo mbata z'irari ry'inda akenshi ziba zihumeka umwuka mubi ndetse n'ururimi rwahinduye ibara. Ntabwo bagira ubuzima bwiza maze bakibaza impamvi bagira uburibwe, bakababara umutwe n'ubundi burwayi butandukanye. Inyifato bagize iba ibyaye ingaruka nyakuri.

Kugira ngo umuntu agumane ubuzima buzira umuze, kwirinda muri byose ni ngombwa. Kwirinda mu mirimo ukora, kwirinda mu mirire n'iminywere.

Abantu benshi birunduriye mu kutirinda ku buryo uko byagenda kose batazahindura imikorere yabo yo kurya bakagwa ivutu. Bidatinze bazatanga ubuzima bwabo maze bapfe imburagihe aho kugira ngo bareke irari ry'inda ryo kutirinda. Hariho n'abantu benshi batazi ingaruka imirire n'iminywere byabo bigira ku buzima. Abantu nkabo baramutse bamurikiwe, bagira ubutwari mu kwitandukanya n'irari mu mirire maze bakajya barya birinda

kandi bakarya ibyokurya bitera amagara mazima, bityo kubw'imikorere yabo bakirinda imibabaro myinshi.

Hakwiriye gukoreshwa umuhati mwinshi kugira ngo imbaraga zibeshaho umubiri zisigaye zibungabungwe, kandi ibyo bigakorwa binyuze mu gukuraho ibiwuremerera byose. Igifu gishobora kudakira burundu ariko imirire myiza izarinda ubundi bumuga, kandi abantu benshi bazagarura ubuyanja mu buryo bukomeye cyangwa bworoheje keretse gusa nibaba barageze kure mu kwiyahura barya bakagwa ivutu.

Akenshi abantu bemera kuba imbata zo gutwarwa n'irari ry'inda bitesha agaciro baha intebe ibyifuzo byabo bibi byakanguwe no kutirinda mu mirire no mu minywere. Ntabwo bategeka ibyifuzo byabo bibatesha agaciro kugeza ubwo ubuzima n'ubwenge bihangirikira cyane. Mu buryo bukomeye ubushobozi bwo gutekereza neza burimburwa n'ibyo bamenyereye bibi.

Nibajije igituma abatuye isi batarimbuwe nk'uko byagendekeye ab'i Sodomu n'i Gomora. Nabonye impamvu nyinshi zo gusigingira n'impfu ziri ku isi muri iki gihe. Ibyifuzo bibi byuzuye ubuhumyi ni byo bitegeka ubwenge, kandi kuri benshi kwiha agaciro byaguranwe irari.

Ikibi cya mbere gikomeye cyabayeho cyabaye kutirinda mu mirire n'iminywere. Abagabo n'abagore bigize imbata zo gutegekwa n'irari ry'inda.

Nubwo ingurube ari imwe mu bikunze kuboneka mu biribwa, ni n'imwe mu byangiza mu buryo bukomeye cyane. Ntabwo Imana yabujije Abaheburayo kurya inyama z'ingurube ari ukugira ngo ibereke ububasha bwayo, ahubwo byatewe n'uko bitari ibyokurya bikwiriye umuntu. Izo nyama zagombaga kuzuza umubiri imbuto zindwara z'ibibyimba ndetse by'umwihariko muri ibyo bihe bishyushye by'ubutayu barimo zikabatera ibibembe ndetse n'izindi

ndwara z’amoko menshi. Ingaruka z’izonyama ku mubiri ahantu hameze hatyo zari mbi cyane kurusha ahantu hakonje. Nyamara ntabwo Imana yagenye ko ingurube igomba kurimbwa mu bihe uko byaba bimeze kose. Abapagani baryaga inyama z’ingurube mu byokurya byabo, kandi n’Abanyamerika bagiye bayirya uko bishakiye nka kimwe mu bigize indyo yabo. Ntabwo inyama z’ingurube muri kamere yazo zishoboraga kuryoha. Zinezeza abazirya iyo zishyizwemo ibirungo byinshi cyane kandi ibyo bituma ibyari bibi birushako kuba bibi cyane. Inyama z’ingurube zirusha izindi nyama zose kuba zituma amaraso aba mabi. Abarya inyama z’ingurube bashobora kwandura indwara. Abantu bakora imirimo myinshi bakoresha umubiri batari mu ngo ntibabona ingaruka mbi zo kurya inyama z’ingurube kimwe n’abibera mu rugo akenshi, n’abagira akamenyero ku kuba ahantu hamwe ndetse n’abakoresha ubwenge.

Nyamara ntabwo ari ubuzima bw’umubiri gusa bwangizwa no kurya ingurube. Ubwenge nabwo burangirika kandi utwanya dutwo tw’ibyumviro tugwabizwa no kurya ibyo byokurya by’ibinure. Ntibishobokera umubiri w’ikiremwa kizima cyose ko cyagira ubuzima bwiza igihe bwuzuye umwanda ndetse n’igihe kizarya ibintu bibi byangwa byose. Inyama z’ingurube zigizwe n’ibyo zirya. Iyo abantu bariye inyama zazo, amaraso yabo n’imibiri yabo bizangirizwa n’imyanda yinjiyemo binyuze mu ngurube.

Kurya inyama z’ingurube byagiye bitera ibibyimba by’imvumba zo mu mihogo n’ahandi, ibibembe ndetse n’ibimungu (kanseri). Kurya inyama z’ingurube biracyateza inyokomuntu imibabaro ikomeye cyane. Irari ribi ry’inda rirarikira ibyo bintu byangiza ubuzima cyane.Umuvumo wageze ku isi mu buryo bukomeye kandi ukanagera ku nyokomuntu yose, wageze no ku

nyamaswa. Inyamaswa zasigingiye mu gihagararo no kurama. Zigenda zibabazwa cyane birenze uko byari kuba kubera ingeso mbi z'umuntu.

Nyamara hariho inyamaswa nke cyane zitarwaye. Inyinshi zigirirwa nabi cyane abantu bashakisha umucyo, amazi meza ndetse n'ibyokurya bitera amagara mazima. Iyo amatungo amwe yorowe akagaburirwa akabyibuha cyane, akenshi afungirwa aho yororerwa ntiyemererwe gukora imyitozo ngororangingo no kubona umwuka mwiza. Amatungo menshi ahumeka uburozi bwo mu mwanda uba aho zifungiranwa zororwa. Ibihaha byazo ntibizamara igihe kirekire ari bizima mu gihe bihumeka iyo myanda. Imbuto z'indwara zijyanwa mu mwijima maze umubiri wose w'itungo ukarwara. Aricwa maze akajyanwa ku isoko nuko abantu bakarya uko bishakiye kuri izo nyama z'amatungo zirimo uburozi. Indwara nyinshi zandura muri ubu buryo. Nyamara ntabwo abantu bashobora kwemezwa ko inyama bariye ari zo zashyize uburozi mu maraso yabo kandi zabateye kumererwa nabi. Abantu benshi bicwa n'indwara ziterwa no kurya inyama, nyamara ntabwo abatuye isi basa n'abashaka kuba abanyabwenge.

Kubera ku abarya inyama badahita bumva ingaruka zazo, ntabwo icyo ari igihamya cy'uko zitabangiriza. Zigomba kuba ziri gukora umurimo wazo mu mubiri nyamara muri icyo gihe abantu ntibagire icyo babimenyaho.

Amatungo apakirwa mu modoka zifunganye maze ntabone umwuka mwiza n'umucyo, ibyo arya n'amazi, bityo akajyanwa kure cyane agenda ahumeka umwuka mubi uva mu myanda. Iyo agejejwe aho ajyanywe agakurwa mu modoka, amenshi aba yenda gupfa, afite inzara kandi iyo bayaretse aba ashobora kwipfisha. Nyamara umubazi arangiza umurimo maze agategura inyama zo kugurisha.

Amatungo yicwa akenshi aba yakoreshejwe urugendo rurerure cyane ajyanwa kubagwa. Amaraso yayo aba yashyushye. Aba afite inyama nyamara aba yarabujijwe kugira imyitozo ituma agira ubuzima bwiza, bityo iyo agomba kujyanwa kure arananirwa cyane maze akicwa muri uwo munaniro inyama zikagurishwa. Amaraso yayo aba ashushye cyane ameze nk'ayasaze, bityo abayarya bakarya uburozi. Abayariye bamwe ntibahita bagerwaho n'ingaruka mu gihe abandi bafatwa n'uburibwe bukabije, bakicwa no kugira umuriro mwinshi, impiswi cyangwa indwara zitazwi. Amatungo menshi agurishwa ku masoko yo mu mujyi, aba yandujwe n'abayagurishije ndetse n'abayagura kubera ko akenshi amasoko ataburamo uburwayi. Mu mujyi minini by'umwihariko ibi birakorwa cyane, kandi abarya inyama ntibamenya ko bari kurya amatungo arwaye.

Amatungo amwe ajyanwe ku muntu uyasogota asa n'amenya ibigiye kubaho, bityo ararakara cyane agasa n'asaze. Yicwa ameze atyo maze inyama zayo zikajyanwa ku isoko. Inyama zayo ni uburozi kandi zitera abazirya kubabara mu mitsi (imihore y'umubiri), kwikayura kwayo bidategetswe n'ubwonko, no kubabara cyane ndetse no gupfa bitunguranye. Nubwo bimeze bityo inkomoko y'iyo mibabaro yose ntishyirwa ku nyama. Iyo amatungo amwe ajyanwe ku muntu uyabaga afatwa mu buryo butari ubwa kimuntu. Yicwa urw'agashinyaguro maze akabagwa nyuma yo kubabazwa mu buryo bukomeye. Ingurube zagiye zibagwa zikagurishwa ndetse n'igihe zari zirwaye, bityo inyama zazo zirimo uburozi zagiye zikwirakwiza indwara zandura maze hagakurikiraho impfu nyinshi.-*How to Live,* No. 1, pp.51-60.

IGICE CYA 2

Kubwo kunezeza irari ry'inda barya ibyokurya bikize kandi byuzuye ibirungo, by'umwihariko inyama no kunywa ibinyobwa kikangura umubiri nk'icyayi n'ikawa, abagabo n'abagore bakuza irari ry'inda ry'indengakamere. Umubiri urarwara, imyanya y'urwungano rw'igogora ikangirika, ubushobozi bw'ubwenge bukijimishwa mu gihe ibyifuzo bibi bikangurwa maze bikarusha imbaraga ubushobozi bw'imico mbonera. Irari ry'inda rirushaho kurenga kamere kandi kuritegeka bikarushaho gukomera. Gutembera kw'amaraso ntikuba kukigenda neza kandi kugahumana. Umubiri wose ubura amahwemo kandi gutwarwa n'irari ry'inda birushaho kurenga urugero, kwifuza kubi ntigutegekwe, ibintu byangiriza bikinjira kugeza ubwo umuntu asayisha mu bibi.

Kuri benshi, irari ryabo ry'inda ribasaba itabi, n'inzoga zikaze zahinduwe zityo n'imvange zirimo uburozi n'ibyangiza ubuzima. Benshi ntibahagararira aho. Irari ryabo ry'inda ryangiritse ribasaba inzoga z'ibikatu zigusha ubwonko ikinya. Bityo biyegurira kurya no kunywa bakarenza urugero kugeza ubwo irari ry'inda ritegeka ubushobozi bwo gutekereza neza, maze umuntu waremwe mu ishusho y'Imana akitesha agaciro akajya hasi y'inyamaswa. Ubumuntu n'icyubahiro byose bikurwaho hakimikwa irari ry'inda. Byasabye igihe kirekire kugira ngo ubushobozi bw'intekerezo bwo kumva bugwe ikinya. Byagiye bikorwa ni ruto ni ruto ariko byageze ku ntego yabyo. Mu guha intebe irari ry'inda umuntu yatnguriye ku kurya ibyokurya byuzuye ibirungo byabyaye irari ry'inda ribi cyane, kandi byateguriye inzira ubwoko bwose bwo guhaza irari kugeza ubwo ubuzima n'ubwenge byangijwe maze irari ririmikwa.

Abantu benshi bagiye bashyingirwa nta mutungo bafite ndetse nta n'umurage bafite. Nta mbaraga z'umubiri cyangwa iz'ubwenge bari bafite kugira ngo babashe kugera ku mutungo. Uko ni ko byagiye bigendekera abantu bihutiye gushyingirwa bakishyiraho inshingano batari basobanukiwe. Ntabwo bari bafite ibyiyumviro bizima ndetse byagutse kandi ntacyo bari bazi ku nshingano yo kuba umugabo n'umubyeyi, ndetse n'icyo gukemura ibyo umuryango ukeneye bizabasaba. Ntabwo bagaragaje gushyira mu gaciro mu myiyongerere y'imiryango yabo ugereranyije n'imyiyongerere y'ibikorwa byabo mu byo gushaka umutungo. Abantu bari inyuma cyane mu by'umutungo no mu kumererwa neza mu isi, usanga muri rusange ari bo buzuza abana mu miryango yabo; mu gihe abantu bafite ubushobozi bwo kugera ku mutungo ari bo muri rusange badafite abana barusha umubare abo bashobora gutunga. Abantu badafite ubushobozi bwo kwiyitaho ntibari bakwiriye kugira abana. Byagaragaye ko urwo rubyaro rutabarika rw'abo bantu batabara neza rukura ari ibicamuke n'abanyamahane. Ntabwo bagaburirwa uko bikwiye cyangwa ngo bambikwe, kandi nta n'ubwo bahabwa imbaraga mu by'umubiri n'ubwenge ndetse haba mu magambo no mu bikorwa mu rugo nta gitunganye kiharangwa haba ku babyeyi cyangwa ku bana.

Gahunda yo gushyingiranwa yateguwe n'ijuru ngo ibere umuntu umugisha; nyamara muri rusange yarangirijwe cyane ku buryo yahindutse umuvumo ukomeye. Mu kwinjira mu mubano wo gushyingiranwa, abagabo n'abagore benshi bagiye bakora nk'aho ikibazo cyonyine bagomba gukemura ari ukuba bakundana gusa. Nyamara bari bakwiye kubona ko inshingano bafite muri iyo sano yo gushyingirwa irenze ibi. Bari bakwiriye kuzirikana niba urubyaro rwabo ruzagira ubuzima bwiza bw'umubiri kandi rukagira imbaraga

z’ubwenge n’iz’imico mbonera. Nyamara bake gusa nibo bateye intambwe bafite impamvu nyakuri, bafite kuzirikana ko mu rwego rwo hejuru ko umuryango w’abantu muri rusange ufite ibyo ubasaba badashobora kwirengagiza, kandi uburemere bw’impinduka ziterwa n’imiryango yabo zizagira icyo zigaragaza mu buryo bwiza cyangwa bubi.

Umuryango w’abantu muri rusange ugizwe n’imiryango kandi abatware b’imiryango bafite inshingano yo kugorora uwo muryango mugari w’abantu. Iyaba abahitamo kwinjira mu isano yo gushyingiranwa batabizirikanye ko bikwiriye ari bo bonyine byagiragaho ingaruka, ikibi nticyakabaye gikomeye muri ubwo buryo, kandi icyaha cyabo cyaba ari gito. Nyamara akaga gaturuka mu gushyingiranwa kubabaje kamenywa n’urubyaro rukomoka muri iyo mibano. Baraze abana babo imibereho yo kuba mu mibabaro kandi nubwo abo bana ari inzirakarengane, bahura n’ingaruka z’imikorere mibi y’ababyeyi babo. Nta burenganzira abagabo n’abagore bafite bwo gukurikiza imbaraga ibakoresha batayitegetse, cyangwa se ibyifuzo byuzuye ubuhumyi ngo bashyire abana b’inzirakarengane ku isi maze kubona ko ubuzima burangwamo ibyishimo bike cyane, n’umunezero muke bityo ku bw’ibyo bumve ko ubuzima ari umutwaro.

Muri rusange abana baragwa imico yihariye y’ababyeyi babo, kandi icyiyongera kuri ibi ni uko abenshi bakura nta mbaraga ibazengurutse yo kubakura muri iyo mico. Akenshi bahora bigungiye mu bukene no mu mwanda. Igihe bazengurutswe n’ahantu hameze hatyo n’ingero nk’izo, mbese icyo umuntu yakwitega kuri abo bana ni iki igihe bageze mu kigero cyo gufata imyanzuro, uretse ko bazajya ku rwego rwo hasi kurusha ababyeyi ku gipimo cyo kuba ingirakamaro, kandi intege nke z’abana mu bintu byose zikarushaho kugaragara kurusha iz’ababyeyi? Uko ni ko iri

tsinda ry'abantu ryagiye rihererekanya intege nke zaryo kandi rikanduza umuvumo urubyabo rwabo ribaraga ubukene, ubushobozi buke mu ntekerezo no gusigingira. Abantu nk'aba ntibari bakwiriye gushyingiranwa. Cyangwa se nibura, ntabwo baba barabyaye abana b'inzirakarengane kugira ngo basangire imibabaro yabo, kandi ngo babarage inenge zabo n'imibabaro yabo igenda yiyongera uva ku gisekuru kimwe ujya ku kindi kuko ibi ari bimwe mu mpamvu zikomeye zo gusigingira kw'inyokomuntu.

Iyaba abagore bo mu bihe byashize baragiye batera intambwe babizirikanye cyane, bakabona ko urubyaro ruzakurikiraho ruzagira agaciro cyangwa rukagata biturutse ku mikorere yabo, baba barihagazeho ku buryo batari gufatanya imibereho yabo n'abagabo bagaha intebe irari ry'inda ry'indengakamere birundurira mu binyobwa bisindisha n'itabi byo burozi bwica buhoro buhoro, bigaca intege imyakura kandi bigasigingiza ubushobozi bwiza bw'intekerezo. Niba abagabo barahisemo kwigumanira iyo mico mibi, abagore bagombye kuba barabasize muri uko kwibera bonyine bakanezererwa ibyo babana nabyo bihitiyemo. Ntabwo abagore bari bakwiriye kuba barihaye agaciro gake kugera ubwo bifatanya by'iteka n'abagabo badategeka irari ryabo ry'inda ahubwo umunezero wabo w'ibanze ukaba uwo kurya no kunywa no kunezeza irari ryabo rya kinyamaswa. Ntabwo igihe cyose abagore bagiye bakurikiza ibyo umutimanama ubabwiye ahubwo bakurikije imbaraga ibakoresha badategeka. Ntabwo ku rwego rwo hejuru bagiye bumva inshingano bafite kugira ngo binjire muri ayo masano mu buzima nk'aho atazahesha urubyaro rwabo urwego rwo hasi mu mico mbonera, ndetse n'ibyifuzo byo guhaza irari ribi ry'inda ku buryo bashyira ubuzima mu kaga ndetse n'ubugingo. Imana izabaryoza mu buryo bukomeye iby'iyo mibereho y'umubiri n'imico bokoje ababakomotseho.

Abagabo n'abagore bangirije imibiri yabo bakoresheje ingeso mbi, banatesheje agaciro ubwenge bwabo kandi barimbura ubushobozi bwo kumva bw'imitima yabo. Abenshi cyane muri iri tsinda barashyingiranwe maze baraga urubyaro rwabo ubusembwa bw'ubumuga bwabo mu mubiri ndetse n'imico yangiritse. Gutwarwa n'irari rya kinyamaswa ndetse n'irari ribi ni byo byabaye imico igaragara y'urubyaro rwabo, ibyo bikaba byaragiye biva ku gisekuru kimwe bijya ku kindi, byongera imibabaro y'umuntu ku rwego rukomeye kandi bikihutisha guta agaciro kw'inyokomuntu.

Abagabo n'abagore bagiye bagira intege nke bakanarwara, akenshi bagiye binjira mu mubano wo gushyingiranwa bafite ibitekerezo byo kwikunda bigamije umunezero wabo bwite. Ntabwo bagiye bifata bashingiye ku mahame atunganye kandi yo ku rwego rwisumbuye, ngo batekereze ku byo bashobora kwitega ku rubyaro rwabo. Ahubwo bagabanyije imbaraga z'umubiri n'intekerezo, ibyo bikaba bitabasha kuzahura umuryango w'abantu muri rusange ahubwo birushaho kuworeka.

Akenshi abagabo barwaragura bagiye babasha gukundwa n'abagore bagaragara ko bafite amagara mazima, kandi kubera ko bakundanaga, bumvise ko bafite umudendezo wo gushyingiranwa batigeze bazirikana ko kubwo kubana kwabo umugore ashobora kubibabariramo byaba mu buryo bukomeye cyangwa bworoheje abitewe n'uwo mugabo urwaye. Akenshi umugabo urwaye agenda agarura amagara mazima mu gihe umugore afatwa n'uburwayi bw'umugabo. Umugabo abaho afite imbaraga mu gihe bidatinze umugore aba ababazwa n'ubuzima bw'intege nke. Wa mugabo yongera kurama kwe agabanya uk'umugore we. Abantu bashyingiranwa muri ubwo buryo bakora icyaha bafata mu buryo bworoheje amagara n'ubuzima bahawe n'Imana kugira ngo babikoreshe bayihesha ikuzo. Ariko

iyaba abashyingiranwa batyo ari bo byagiragaho ingaruka gusa, ntabwo icyo cyaha cyakomera gityo. Urubyaro rwabo biba ngombwa ko rubabazwa n'indwara rwandujwe n'abo babyeyi. Uko ni ko indwara zagiye zihererekanywa ziva mu gisekuru kimwe zijya mu kindi. Igihe imikorere yabo mibi ibyaye ingaruka zayo nyazo, abantu benshi bagereka uyu mutwaro w'ingorane z'umuntu ku Mana. Binjije mu muryango mugari w'abantu abandi b'abanyantegenke, kandi bagize uruhare mu gusigingiza inyokomuntu batuma indwara ziba akarande maze muri ubwo buryo bagwiza imibabaro y'inyokomuntu.

Iyindi mpamvu y'intege nke mu mbaraga z'umubiri n'iz'imico mbonera biranga ab'iki gihe, ni ugushyingiranwa kw'abagabo n'abagore bafite imyaka y'ubukuru ihabanye cyane. Bikunze kubaho ko abagabo bakuze cyane bashaka abagore bakiri bato cyane. Mu gukora batyo, akenshi umugabo arushaho kurama mu gihe umugore we yagiye yumva akeneye imbaraga aha umugabo we ugeze mu za bukuru. Ntabwo byigeze biba inshingano y'umugore gushyira mu kaga ubugingo bwe n'ubuzima nubwo yaba yarakundaga cyane umuntu umurusha ubukuru cyane kandi akumva ashaka kwitanga nk'uko. Ibyiza ni uko aba yarategetse ayo maranagamutima y'urukundo rwe. Yari afite ibyo agomba kuzirikana birenze inyungu ze bwite. Uwo mugore yagombye kuzirikana iki kibazo: Nitubyara abana bazaba bameze bate? Ni na bibi cyane ku bahungu bakiri bato gushyingiranwa n'abakobwa babaruta ubukuru cyane. Akenshi urubyaro rukomoka muri uko gushyingiranwa (aho bashyingiranwa bahabanye mu bukuru) usanga badafite ubwenge buteye neza. Usanga ari n'abanyantegenke ku mubiri. Mu miryango nk'iyo akenshi hagiye hakunze kugaragara imico itandukanye, idasanzwe kandi ibabaje. Akenshi abana nk'abo bapfa imburagihe kandi

n’abakura akenshi ari abanyantege nke ku mubiri no mu bwenge ndetse no mu gushyira mu gaciro.

Wa mubyeyi w’umugabo ufite imbaraga nke ntabwo aba yiteguye kurera uko bikwiye abana be bakiri bato. Abo bana bagira imico mibi idasanzwe ikeneye akenshi imbaraga iyirwanya bitaba bityo bagana ku irimbukiro. Ntabwo barezwe uko bikwiye. Ntabwo ikinyabupfura cyabo akenshi cyagiye kiyoborwa uko bikwiye no gushyira mu gaciro karanga ubukuru bw’uwo mugabo. Uwo mubyeyi w’abo bana yagiye atwarwa n’imyumvire ihindagurika. Ku ruhande rumwe abasha kubarera bajeyi mu gihe ku rundi ababera umunyabukana. Mu miryango imwe nk’iyo usanga ibintu byose bimeze nabi maze kutishimamu muryango kukiyongera cyane. Uko ni ko abantu babyarwa bagashyirwa ku isi ari umutwaro ku muryango mugari w’abantu. Ku rwego rukomeye ababyeyi babo ni bo ba nyirabayazana b’imico abana babo bagize, igenda iherererekanywa iva ku gisekuru kimwe ijya ku kindi.

Abantu bakomeza kongera umubare w’abana babo batabanje gutekereza ngo bashyire mu gaciro, bagomba kumenya ko intege nke z’umubiri n’iz’ubwenge by’abana babo bigomba kuba umurage babaha. Abantu nk’abo baba bica amategeko atandatu aheruka yo mu mategeko y’Imana asobanura neza inshingano umuntu afite kuri mugenzi we. Baba bakora uruhare rwabo mu kongera gusigingira kw’inyokomuntu ndetse no koreka umuryango w’abantu muri rusange bityo bakangiza abaturanyi babo. Niba Imana yita ityo ku burenganzira bw’abaturanyi mbese ntabwo yitaye ku isano ya bugufi kandi itunganye [yo gushyingiranwa no kubyara]? Niba nta gishwi kigwa hasi itabizi, mbese ntabwo izita ku bana bavukira mu isi bafite uburwayi ku mubiri n’ubwenge, bababara mu mibereho yabo yose ku rwego rukomeye cyangwa

rworoheje? Mbese ababyeyi yahaye imbaraga zo gutekereza ntizabaryoza kuba barirengagije ubwo bushobozi bukomeye bafite maze bagahinduka imbata z'irari mu gihe ingaruka izaba iy'uko ibisekuru bikurikiraho bizarangwaho ibimenyetso by'intege nke ku mubiri, mu bwenge no mu mico mbonera? Ikiyongera ku mibabaro bateza abana babo, usanga nta wundi mugabane babaha uretse ubukene basigira uwo mukumbi wabo uteye imbabazi. Ntibashobora kubigisha kandi abenshi ntibanabona ko ari ngombwa. N'iyo babishobora, ntibabona igihe cyo kubarera no kubagira inama ndetse no kugabanya uko bashoboye kose umurage mubi bakiriye. Ntabwo ababyeyi bari bakwiriye kongera umubare w'abana babo batazirikanye ko abana babo bashobora kwitabwaho neza kandi bakigishwa (bagashyirwa mu mashuri). Guhora umubyeyi acigatiye uruhinja buri mwaka ni ukumuhohotera. Bigabanya ndetse akenshi bagakuraho kunezerwa mu mibereho ye n'abandi maze bikongera umubabaro mu muryango. Bituma abana batitabwaho, ntibigishwe, ntibishime kandi ababyeyi bagombye kumva ko kubikorera abo bana ari inshingano yabo.

Umugabo atatira indahiro yo gushyingiranwa ndetse akanica inshingano ahabwa n'ijambo ry'Imana iyo atitaye ku buzima n'umunezero by'umugore we akoresheje kumwongerera imitwaro n'ibimurushya kubwo kubyara abana benshi. "Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze Itorero akaryitangira." "Uko ni ko abagabo bakwiriye gukunda abagore babo nk'imibiri yabo . Ukunda umugore we aba yikunda, kuko ari nta muntu wakwanga umubiri we, ahubwo yawugaburira akawukuyakuya nk'uko Kristo abigirira itorero" (Abefeso 5:25, 28,29).

Tubona ko iri tegeko ryera hafi ya ryose ryirengagizwa ndetse n'abavuga ko ari Abakristo. Ahantu hose mushobora kureba, mushobora kubona abagore

bijimye mu maso, barwaragura, bananiwe kandi bababaye, batentebutse, badafite ibyiringiro kandi bacitse intege. Muri rusange imbaraga z'ubuzima zabashizemo bitewe no guhora batwite. Isi yuzuye abantu badafite icyo bamariye umuryango mugari w'abantu. Abenshi bafite ubwenge budashyitse, kandi abandi benshi bafite ubuhanga kavukire ntibabukoresha mu migambi iyo ari yo yose igira icyo yungura. Ntabwo bajijutse kandi impamvu imwe ikomeye ni uko abana bagiye babyarwa vuba vuba ku buryo batashoboraga kurerwa, kandi bagiye barekwa bagakura bameze nk'ibihanda.

Muri iki gihe, mu buryo bworoheje cyangwa bukomeye, abana n'ababyeyi babo bagerwaho n'igihano cyo kwica amategeko agenga ubuzima. Inzira banyujijwemo kuva mu bwana bwabo ikomeza kuba ihabanye n'amategeko y'ubuzima bwabo. Mbere y'uko bavuka bahatiwe kwakira umurage mubi w'indwara n'ubumuga bwatewe n'imyifatire mibi y'ababyeyi babo; ibyo bikazabagiraho ingaruka mu buzima bwabo ku rwego ruto cyangwa runini. Iyi miterere mibi y'ibintu irushaho kugirwa mibi cyane n'ababyeyi bakomeza kugendera mu nzira mbi batoza imibiri y'abana babo igihe bakiri bato.

Ababyeyi bagaragaza ubujiji butangaje, kutagira icyo bitaho no kwirengagiza mu byerekeye ubuzima bw'imibiri y'abana babo ari byo birimbura imbaraga nke umwana aba asigaranye maze bikamwica imburagihe. Muzumva kenshi abantu baborogera Imana bavuga ko yabakuye abana babo mu biganza. Data wo mu Ijuru ni umunyabwenge ku buryo buhagije ku buryo atakwibeshya, kandi ni mwiza cyane ku buryo atatugirira nabi. Ntabwo yishimira kubona ibiremwa bye bibabara. Ibihumbi byinshi by'abantu bagiye bapfa kubera ko ababyeyi batakoze bakurikije amategeko agenga ubuzima. Bagiye bakoreshwa n'imbaraga batategetswe aho kugira ngo bakurikize ibyo

babwiwe n’imitekerereze mizima bahora bazirikana imibereho myiza y’ahazaza h’abana babo.

Intego ya mbere ikomeye ikwiriye kugerwaho mu kurera abana, ni ukugira imibiri mizima ari byo ku buryo bukomeye bizategura inzira yo kwigishwa mu by’ubwenge n’imico mbonera. Ubuzima bw’umubiri n’ubw’ubwenge biromatanye cyane. Mbega uburyo tubona inshingano iremereye ababyeyi bafite mbere yo kuvuka kw’abana babo, iyo tuzirikanye ko ibyo bakora bifite uruhare rukomeye ku iterambere ry’imico yabo bamaze kuvuka!

Abana benshi bararekwa bagakura batitabwaho ku buryo bukwiye n’ababyeyi babo ku rwego rurutwa n’urwo umworozi mwiza yita ku matungo ye atavuga. By’umwihariko, ababyeyi b’abagabo akenshi bafite icyaha cyo kutita ku buryo bukwiriye ku bagore n’abana babo kuruta uko bita ku matungo yabo. Umworozi w’umunyambabazi azafata igihe maze atekereza ku buryo bwiza bwo kwita ku mukumbi we, kandi bizaba umwihariko ko indogobe ze aha agaciro yazirinda kunanizwa, zikagaburirwa nabi cyangwa zikagaburirwa zishwe n’inyota.

Bitabaye bityo zapfa. Azafata igihe kandi yite ku mukumbi we, nibitaba bityo uwo mukumbi uzangizwa no kutawitaho cyangwa ukundi kuwufata nabi, kandi amatungo mato avuka azagenda atakaza agaciro. Azagenda yitegereza ibihe bidahindagurika byo kuzigaburira kandi azamenya umurimo zishobora gukora ntizimererwe nabi. Kugira ngo agere kuri ibi, azaziha ibyokurya bituma zigira amagara mazima, azigaburire ku rugero rukwiriye ndetse no mugihe kigenwe. Mu gukora batyo bakurikiza ibyo umutimanama ubabwira, aborozi bagera ku ntego yo kurinda imbaraga z’amatungo yabo. Iyaba buri mugabo yitaga ku mugore we n’abana be nk’uko yita ku matungo ye, kubera ko ubuzima bwabo burusha agaciro cyane amatungo atumva,

muri buri muryango habaho impinduka kandi imibabaro y'umuntu yaba mike cyane.

Ubushishozi bukomeye bwari bukwiye kugaragazwa n'ababyeyi bigaburira ibyokurya bitera amagara mazima kandi bakanabiha n'abana bano. Kandi nta na rimwe bari bakwirye gushyira imbere y'abana babo ibyokurya ubwenge bwabo bubabwira ko bidatera amagara mazima ahubwo bishobora gukangura umubiri kandi bikabuza amahoro imyanya y'urwungano rw'igogora. Ku byerekeye abana babo ntabwo ababyeyi basesengura ngo barebe igikozwe n'ingaruka kizatera nk'uko babigenza ku matungo atumva kandi ntabwo batekereza ko gukora birengeje urugero, kurya nyuma yo gukora imyitozo isaba imbaraga nyinshyi, umuntu ananiwe cyane, cyangwa ashyuhiranye bizangiza ubuzima bw'abantu kimwe n'uko byangiza ubuzima bw'amatungo atavuga, kandi bikazaba umusingi wo kugira ubuzima bufite intege nke haba ku muntu kimwe no ku matungo.

Niba ababyeyi cyangwa abana barya kenshi cyane, ntibakurikize gahunda kandi bakarya ibyokurya byinshi nubwo byaba ari ibibatera amagara mazima, bizangiza umubiri. Ariko nanone, niba ibyokurya bidakwiriye kandi bikaba byateguranywe ibinure ndetse n'ibirungo birushya igogora, ingaruka yabyo izarushaho kuba mbi cyane. Imyanya y'urwungano rw'igogora izakoresha imbaraga nyinshi maze kunanirwa bisige nta mahirwe yo kuruhuka ashoboka bityo kugarura imbaraga bizananirana ndetse n'imyanya ikomeye mu mubiri icike intege maze igwe agacuho. Niba kwitabwaho no kugendera kuri gahunda bikenewe ku matungo atavuga, birushijeho gukenerwa cyane ku bantu baremwe mu ishusho y'Imana kubera ko barusha agaciro ibindi biremwa.

Akenshi umubyeyi w'umugabo ntabwo atekereza cyane ndetse ngo yite cyane ku mugore we no ku bana babo mbere y'uko bavuka nk'uko abigenzereza amatungo ye akiri mato. Akenshi mbere yo kuvuka kw'abana be, umubyeyi w'umugore akoresha imbaraga nyinshi haba mbere na nyuma, amaraso agashyuha igihe ategura ibyokurya bitandukanye bidatera kugira amagara mazima kugira ngo ahaze irari ry'inda ryangiritse ry'ab'umuryango ndetse n'iry'abashyitsi. Imbaraga ze zari zikwiriye gukundwa no kwitabwaho mu mutima w'impuhwe. Gutegura ibyokurya bitera amagara mazima biba byagombye kumutwara kimwe cya kabiri cy'ibyo yakoresheje n'umurimo yakoze kandi biba byarushaho gutunga umubiri mu buryo bukomeye.

Mbere yo kuvuka kw'abana be, akenshi umubyeyi w'umugore akoreshwa birenze imbaraga ze. Imitwaro ye n'ibimuhangayikisha ntabwo akenshi bigabanywa kandi icyo gihe cyari gikwiriye kumubera icyo kuruhuka mu bantu bose, ariko kimubera igihe cy'umunaniro, umubabaro n'umwijima. Kubwo gukora cyane ku ruhande rwe, ntabwo abasha guha abazamukomokaho indyo bagenewe kuva kera, kandi kubwo gukora cyane amaraso agashyuha, aha urubyaro rwe amaraso mabi. Urubyaro rwe rutakaza amagara mazima n'imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge. Umubyeyi w'umugabo akwiriye kwiga uko yanezeza umugore we. Ntabwo akwiriye kwinjira mu rugo yijimye mu maso. Keretse gusa niba ari ngombwa kujya inama n'umugore we naho ubundi niba ahangayikishijwe n'ubucuruzi bwe, ntabwo yari akwiriye kumubuza umunezero kubera ibyo bibazo. Uwo mubyeyi afite ibihagaritse umutima n'ibimugerageza bye bwite agomba kwikorera bityo yari akwiriye kurindwa imitwaro itari ngombwa.

Akenshi umubyeyi w'umugore kandi ahura n'ibimurushya bikomotse ku mugabo we. Iyo ibintu byose bitagenda mu buryo bumushimishije nk'uko

yabyifuzaga, wa mugabo anenga umugore kandi agasa n'aho atitaye ku bimuhangayikisha n'ibimurushya bya buri munsi. Abagabo bakora ibi baba babangamira inyungu zabo bwite ndetse n'umunezero wabo. Wa mubyeyi acika intege. Ibyiringiro no kugira ubutwari bikamuvamo. Ajya gukora imirimo ye nta kubitekerezaho azi ko igomba gukorwa gusa. Bidatinze ibyo biremaza ubuzima bw'umubiri n'ubw'ubwenge. Abana babavukaho baba bafite uburwayi butandukanye kandi ibyo Imana ibibara ku babyeyi ku rwego rukomeye bitewe n'uko ari ingeso zabo mbi zoretse uburwayi ku bana babo bari bataravuka kandi ibyo bikabatera kubaho mu mibabaro mu mibereho yabo yose. Bamwe bamara igihe gito cyane muri ubwo bumuga. Umubyeyi w'umugore yitegerezanya agahinda ubuzima bw'ako kana ke kandi asabwa n'intimba iyo igihe kigeze agapfuka amaso y'ako kana kamaze gupfa, bityo akenshi agafata ko Imana ari yo nkomoko y'uwo mubabaro wose nyamara mu by'ukuri ababyeyi ari bo biyiciye umwana wabo.

Umubyeyi w'umugabo akwiriye kuzirikana ko uko afata umugore mbere yo kuvuka k'urubyaro rwabo bizagira ingaruka ku mubiri w'uwo mubyeyi muri icyo gihe, kandi akazagomba kuba afite umurimo utoroshye ku mico umwana azagaragaza amaze kuvuka. Abagabo benshi bagiye bahangayikishwa cyane no kugwiza ubutunzi mu buryo bwihuse ku buryo ibintu by'ingenzi bagombaga kuzirikana babyirengagije, kandi abagabo bamwe bagiye baba abagome birengagiza umubyeyi w'umugore n'abana be, kandi akenshi ubuzima bw'umubyeyi n'ubw'abana bwagiye buguranwa icyifuzo gikomeye cyo kurundanya ubutunzi. Ntabwo abenshi bahita babona igihano gikomeye kubw'iyo mikorere yabo mibi kandi bameze nk'abasinziriye ntibazi ingaruka z'iyo nyifato. Imibereho y'umugore rimwe na rimwe ntabwo iruta iy'inkoreragahato, kandi rimwe na rimwe uwo mubyeyi agibwaho urubanza

nk’umugabo we kubwo gukoresha imbaraga z’umubiri mu buryo bukabije kugira ngo babone ibyo kwifashisha mu mibereho yo kujyana n’ibigezweho. Ku bantu nk’abo kubyara abana ni icyaha kubera akenshi urubyaro rwabo rutazaba rushyitse mu mubiri, mu bwenge no mu mico mbonera kandi bazarangwa n’ubuhanya no kwihugiraho by’ababyeyi babo bityo isi izavumwa kubw’ubugugu bwabo.

Ni inshingano y’abagabo n’abagore gukoreshwa n’intekerezo nzima ku byerekeye umurimo wabo. Ntabwo bari bakwiriye kumara imbaraga zabo bitari ngombwa, kubera ko iyo bakoze batya sibo ubwabo gusa baba bizanira imibabaro, ahubwo kubw’amakosa yabo, bateza abo bakunda guhangayika, kuremererwa n’imibabaro. Ni iki gitera gukora kuri urwo rugero? Kutirinda mu mirire no mu minywere ndetse no kurarikira ubutunzi byateje uku kutirinda mu mikorere. Irari ry’inda niritegekwa kandi hakaribwa gusa ibyokurya bitera umubiri kugira amagara mazima, hazabaho byinshi bizigamwa ku buryo abagabo n’abagore batazahatirwa gukora birenze imbaraga zabo ngo bibatere kwica amategeko y’ubuzima. Icyifuzo cy’abagabo n’abagore cyo kurundanya ubutunzi si icyaha niba mu muhati wabo wo kugera ku ntego yabo batibagirwa Imana kandi ngo bice amategeko atandatu aheruka mu mategeko ya Yehova avuga inshingano umuntu afite kuri mugenzi we, kandi ngo bishyire aho bitabashobokera guhesha Imana ikuzo mu mibiri yabo ndetse n’umwuka kuko ari ibyayo. Niba mu kwihutira kuba abakire bakoresha imbaraga zabo mu buryo bw’indengakamere kandi bakica amategeko y’ubuzima, baba bishyize aho batabasha gukorera Imana mu buryo butunganye kandi baba bakurikiye inzira y’icyaha. Ubutunzi bugezweho muri ubwo buryo buba buri mu kaga.

Gukora cyane no guhangayika akenshi bitera umugabo kurakazwa n'ubusa, no kutihangana. Ntabwo abona umunaniro w'umugore we kandi yakoresheje imbaraga ze zisanzwe ari nke nyamara agakora cyane nk'uko uwo mugabo yakoze kandi we akoresha imbaraga nyinshi asanganwe. Yigirira nabi yihutira gushaka ubutunzi kandi binyuze muri uko guhangayikishwa no kuba umukire, atakaza mu buryo bukomeye guzirikana inshingano afite ku muryango we kandi ntabwo abona neza imbaraga zo kwihangana k'umugore we. Akenshi yagura imirima ye ibyo bigasaba gukoresha abamufasha bahembwa maze nabyo bikongera imirimo yo mu rugo. Buri munsi umugore abona ko akora imirimo myinshi irenze imbaraga ze nyamara arihangana akinaniza bitewe no gutekereza umurimo ugomba gukorwa. Akomeza kugenda amara imbaraga z'igihe kizaza, agakoresha imbaraga z'igihe kizaza bityo agakoresha inguzanyo. Iyo igihe kigeze agakenera za mbaraga, asanga atakizifite bityo iyo adapfuye umubiri we urangirika ntube ugishobora kuzahurwa.

Iyaba umugabo yari asobanukiwe amategeko agenga ibyaremwe, yagasobanukiwe neza n'inshingano ze. Yabona ko ahamwa n'icyaha cyo kwica abana be binyuze mu kubabaza umugore amukorera imitwaro myinshi, amuhatira gukora birenze imbaraga ze mbere yo kuvuka kw'abana kandi ibyo abikorera gushaka kugera ku byo azabasigira. Barerera abo bana mu mibereho yabo ibabaje kandi akenshi babashyingura imburagihe, badasobanukiwe ko imikorere yabo mibi ari yo iteje izo ngaruka. Mbega uburyo byaba byiza arinze nyina w'abana be imirimo imunaniza ndetse no kumuhangayikisha mu bwenge maze akareka abana bakaragwa imibiri mizima, kandi akababaha amahirwe yo kwishakishiriza mu buzima ntibishingikirize ku mutungo w'umubyeyi wabo ahubwo bagakoresha

imbaraga zabo bwite. Ibyo bageraho muri ubwo buryo byaba bifite agaciro kuri bo kuruta amazu n'amasambu baguze bashyize mu kaga ubuzima bw'umubyeyi w'umugore n'ubw'abana.

Bisa nk'aho ku bagabo bamwe byabaye akarande ko batishima, bikanyiza kandi birarira. Ntabwo bigeze biga isomo ryo kwitegeka, kandi uko ingaruka zizaba kose ntabwo bazigera bahagarika ibyiyumviro byabo bidafite ishingiro. Abagabo nk'abo bazabona ingaruka babonye abafasha babo barwaye, batakaje ibyiringiro kandi n'abana babo barangwa n'imico yabo mibi.

Ni inshingano y'abantu bose bashakanye ko buri wese agomba kwirinda kwangiza amarangamutima y'undi. Bakwiriye gutegeka uko bareba kose ndetse n'uko bagaragaza ibibahangayikishije kimwe n'ibibababaza. Buri wese akwiriye kwiga ibinezeza undi mu tuntu duto kimwe no mu dutunini, bakagaragaza kuzirikanana bita ku bikorwa byiza byakozwe ndetse no kugaragarizanya urukundo mu tuntu duto. Ibintu bito nkibyo ntibikwiriye kwirengagizwa kubera ari ingirakamaro ku munezero w'umugabo n'umugore nk'uko ibyokurya ari ngombwa kugira ngo umuntu agumane imbaraga z'umubiri. Umugabo akwiriye gutuma umugore we yishingikiriza ku rukundo rwe rwagutse. Amagambo meza, atera ubutwari kandi ahumuriza akomoka ku wo yeguriye ibyishimo byo mu mibereho ye, azaba ingirakamaro kuri uwo mugore kurusha umuti uwo ari wo wose, kandi amagambo nk'ayo yuzuye urukundo azazana mu mutima w'uwo mugore imirasire y'umucyo yo kumuhumuriza bityo yongere agarure imyambi yo guhumuriza yerekeye no ku mugabo.

Igihe umugore akora kugira ngo ategure ibyokurya binyura irari ry'inda ryangiritse, akenshi umugabo we azabona uwo mugore ananiwe kandi

ahangayitse, yaremaye ndetse anasaza imburagihe. Uwo mugabo aha icyicaro irari ry'inda kandi azarya ananywe ibyo byateguwe bitwaye igihe kirekire n'umurimo uvunanye ndetse bituma abarya ibyo byokurya bidatera amagara mazima bahangayika kandi bakarakazwa n'ubusa. Wa mubyeyi w'umugore akenshi ahora ababara umutwe ndetse n'abana bakagerwaho n'ingaruka zo kurya ibyo kurya byangiza umubiri, bityo usanga nta kwihangana n'urukundo birangwa mu babyeyi n'abana. Bose baba bababarira hamwe kubera ubuzima bwaguranwe irari ry'ibyokurya. Umwana utaravuka yandujwe indwara ndetse n'irari ribi ry'inda. Bityo kurakazwa n'ubusa, guhangayika, kubabara no gutentebuka byagaragaye ku mubyeyi bizaranga imico y'abana be.

Iyaba mu gihe cyashize ababyeyi b'abagore bariyigishije ibyerekeye amategeko agenga ubuzima bwabo, baba barasobanukiwe ko imbaraga zabo kimwe n'urwego rw'imico mbonera yabo ndetse n'ubushobozi bwabo bw'ubwenge, bizagaragara ku rubyaro rwabo mu buryo bukomeye. Kwirengagiza kwabo ku byerekeye iyi ngingo ni ubugizi bwa nabi. Abagore benshi ntibaba barabaye ababyeyi. Amaraso y'abo bana yari yuzuyemo imbuto z'indwara y'igituntu bandujwe n'ababyeyi kandi zikongerwa n'uburyo bubi babaho. Ubwenge bwacishijwe bugufi maze buba imbata yo kumvira irari ry'inda rya kinyamaswa, bityo abana bavutse ku babyeyi nk'abo baba abanyamibabaro ikabije kandi ntibagire icyo bamarira umuryango w'abantu.

Kuva mu bisekuru byo mu gihe cyashize kugera ubu impamvu zikomeye zo gusigingira zabaye uko ababyeyi b'abagore bagombye kuba imbaraga y'ingirakamaro ihindura umuryango mugari w'abantu binyuze mu kuzahura mahame y'imico mbonera, bagiye baba inzimizi mu muryango w'abantu biturutse ku bwinshi bw'ibyo bahugiramo mu ngo bitewe n'uburyo bwo

guteka bujyana n'ibigezweho kandi bateka ibyangiza ubuzima, na none kandi bitewe no gutwita kenshi. Uwo mubyeyi w'umugore byabaye ngombwa ko ababazwa bitari bikwiriye, umubiri we uratentebuka ndetse n'ubwenge bwe bucibwa intege n'amapfa akomeye yateye mu buzima bwe. Urubyaro rwe ruhura n'ingorane z'ubwo bumuga bwe ndetse n'umuryango w'abantu muri rusange ushyira abo bana mu rwego rusuzuguritse rudakwiriye bitewe n'uko uwo mubyeyi adashoboye kubarera (kubigisha) kugira ngo nibura bagire icyo bamara.

Iyaba abo babyeyi barabyaye abana bake kandi bagashishoza bagatungwa n'ibyokurya birinda ubuzima bw'umubiri n'imbaraga z'ubwenge kugira ngo imico mbonera n'ubwenge bitegeke kamere ya kinyamaswa, baba barareze abana babo bakaba ingirakamaro ku muryango mugari w'abantu.

Iyaba mu bihe byashize ababyeyi baragambiriye badakebakeba ko umubiri utegekwa n'ubwenge maze ntibemerere ubwenge kuba imbata y'irari rya kinyamaswa, muri iki gihe ibintu byagombye kuba bigenda mu buryo butandukanye n'uko bimeze. Kandi iyaba umubyeyi w'umugore yari afite kwitegeka mbere y'uko abyara abana, akazirikana ko ari gushyira ikimenyetso cy'imico ye ku rubyaro ruzakurikiraho, ntabwo umuryango w'abantu wakabaye warasigingiye mu mico nk'uko umeze muri iki gihe.

Buri mugore wese witegura kuba umubyeyi, uko ahamukikije haba hameze kose, yari akwiriye guhora ashyigikiye imico yo kwishima n'ubutwari, azi ko kubwo uwo muhati we muri iyo nzira, azagororerwa incuro cumi mu mbaraga no mu mico mbonera y'urubyaro rwe. Ibi byose ntibihagije. Agomba kwimenyereza kugira imitekerereze y'ubutwari maze muri ubwo buryo agakuza umutima unezerewe bityo iyo mico y'umwuka unezerewe akayanduza abo mu muryango we ndetse n'abo ahura nabo bose. Ikindi

kandi imbaraga ze z'umubiri zizavugururwa ku rwego rukomeye. Amasoko y'ubuzima bwe azahabwa imbaraga, ntabwo amaraso ye azagabanya umuvuduko nk'uko byamugendekera aramutse yiyeguriye gucika intege, kubabara no gucura igihunya. Ubuzima bwe bw'ubwenge n'imico mbonera bihabwa imbaraga no kunezerwa bimuranga. Imbaraga z'ubushake bwe zishobora gutsinda gutwarwa kw'intekerezo kandi izo mbaraga zizatuma imyakura ye ituza mu buryo bukomeye. Abana batabona iyi mbaraga bagombye kuragwa n'ababyeyi babo bakwiriye kwitabwaho ku rwego rukomeye. Habayeho kumvira amategeko agenga ubuzima ku rwego rukomeye, ibintu bishobora kurushaho kugenda neza.

Igihe umwana afata ibimutunga biturutse mu mubyeyi we ni igihe gikomeye cyane. Igihe bonsaga abana babo, ababyeyi benshi bagiye bakora birengeje urugero kandi bagatuma amaraso yabo ashyuhirana igihe batetse bityo amashereka akangirika bikomeye. Ntabwo ari ku mashereka atameze neza gusa, ahubwo n'amaraso y'umwana yandujwe uburozi n'imirire mibi y'umubyeyi yateye umubiri wose guhora ukangutse bityo bikangiza ibyokurya (amashereka) by'umwana. Umwana azanagerwaho n'ingaruka ziturutse ku miterere y'intekerezo z'umubyeyi we. Niba umubyeyi w'umugore atanezerewe, ari igikange, arakara ubusa kandi agaragaza umubabaro vuba vuba bizatuma amashereka umwana yonka mu mubyeyi we aba agurumana, akenshi atume haba uburibwe mu gifu no mu mara, kwikaya kudasanzwe kw'imikaya (imyama z'umubiri) kandi rimwe na rimwe bitere kwinyeganyeza kw'imikaya kudasanzwe ndetse no kugwa ikinya (muri koma).

Imico y'umwana nayo yangizwa n'ibimutunga biva mu mubyeyi we (amashereka) ku buryo bworoshye cyangwa bukomeye. Mbega uburyo ari

ingenzi ko igihe umubyeyi yonsa umwana we yari akwiriye kurinda imiterere y'intekerezo ze agategeka neza ubugingo bwe. Iyo akoze atyo, ntabwo amaraso y'umwana yangirika kandi imibereho yo gutuza no kwitegeka umubyeyi agira afata umwana we bigira uruhare rukomeye mu kurema intekerezo z'umwana. Niba umwana arakazwa n'ubusa kandi akaba igikange, uburyo umubyeyi amwitaho yitonze buzaba imbaraga yoroshya iyo mico kandi buyikosore bityo ubuzima bw'umwana bushobore kurushako kuba bwiza.

Abana bagiye bangizwa no gufatwa uko bidakwiriye. Niba umwana agira ubwoba agahangayika, usanga muri rusange yarigishijwe kubiceceka mu gihe akenshi impamvu zitera iyo nyifato zaraturutse ku guhabwa ibyokurya byinshi cyane, akaba yaragizwe mubi n'ingeso mbi z'umubyeyi we. Kumwongera ibyokurya bituma ibintu birushaho kuba bibi kubera ko igifu cy'uwo mwana cyari gisanzwe cyuzuye.

Muri rusange barerwa bigishwa kunezeza irari ryabo ry'inda kuva ari bato baba mu mariri yabo, kandi bigishwa babereyeho kurya. Umubyeyi w'umugore akora ibintu byinshi birebana no kurema imico y'abana be kuva bakiri bato. Ashobora kubigisha gutegeka irari ryabo ry'inda cyangwa akabigisha kuriha intebe no guhinduka abanyanda nini. Akenshi umubyeyi w'umugore ategura gahunda ze kugira ngo agire ibyo ageraho mu munsi wose maze igihe umwana amubujije amahwemo aho kugira ngo afate umwanya amuhoze kandi amukinishe, agira icyo amuha ngo arye kugira ngo atuze. Ibyo bikemura ikibazo by'akanya gato nyamara mu by'ukuri bituma ibintu birushaho kuba bibi. Ibifu by'abana bipakirwamo ibyokurya mu gihe bitari bibikeneye na mba. Icyari gisabwa gusa cyari igihe gito cy'umubyeyi no kumwitaho gusa. Nyamara uwo mubyeyi afata ko igihe cye

gifite agaciro cyane ku buryo atagikoresha akinisha umwana we. Bishoboka ko gutunganya ibyo mu rugo bukwiriye kugira ngo ashimishe abashyitsi ndetse no kugira ngo ibyokurya bye bibe bitetswe mu buryo bugezweho ari byo bihabwa agaciro cyane kurusha umunezero n'ubuzima bw'abana be.

Kutirinda mu mirire no mu mikorere bimugaza ababyeyi, akenshi bikabatera guhangayika bityo bigatuma batabasha gusohoza inshingano bafite ku bana babo. Inshuro eshatu ku munsi abana n'ababyeyi babo bahurira ku meza yuzuye ibyokurya by'amoko menshi agezweho. Barya kuri buri byokurya byose.

Bishoboka ko umubyeyi w'umugore aba yakoze cyane kugera ubwo amaraso ashyuha kandi imbaraga zikamushiramo bityo akaba adashobora no kurya utwokurya duke kugeza ubwo aguye agacuho. Ibyokurya yagokeye ategura ntacyo byamumariye rwose igihe icyo ari cyose, ahubwo by'umwihariko bikananiza imyanya y'igogora ry'ibiryo mu gihe amaraso yo aba yashyushye n'umubiri wose ukananirwa. Abantu bagiye binangira muri ubwo buryo bica amategeko y'ubuzima bwabo, bagiye bagera igihe mu mibereho yabo bakagerwaho n'igihano.

Hari impamvu zifatika z'uko mu isi hari abagore benshi bahangayitse, bahora baganyishwa no kuribwa mu gifu ndetse n'ibindi bibi bijyana nabyo. Icyakozwe cyagiye gikurikirwa n'ingaruka. Kwihangana ntibishobokera abantu batirinda. Bagomba mbere na mbere guhindura ibyo bagize akameneyero bibi, bakiga kugira imibereho irangwa n'amagara mazima, bityo ntabwo kuba abantu bihangana bizabakomerera. Abantu benshi basa n'abadasobanukiwe n'ingaruka intekerezo zigira ku mubiri. Iyo umubiri wangijwe n'ibyokurya byanduye, bigira ingaruka ku bwonko no ku myakura bityo utuntu duto tukabuza amahwemo abantu bangiritse muri ubwo buryo.

Ibibazo byoroheje bibabera nk'akaga kangana n'umusozi. Abantu bageze ahantu nk'aho baba batagishoboye kurera abana babo mu buryo bukwiriye. Imibereho yabo izarangwa no gukabya, rimwe na rimwe babe abantu batagira icyo bitaho maze ubundi babe abantu bashaririye, bakurikirana utuntu duto tudafite agaciro ku buryo twakwitabwaho.

Akenshi umubyeyi w'umugore yirukana abana be ngo bamuve iruhande bitewe n'uko atekereza ko adashobora kwihanganira urusaku rutewe n'imikino yabo yo kwinezeza. Nyamara iyo umubyeyi atabitegereza ngo abashimire cyangwa ngo abacyahe ku gihe, akenshi havuka ibibatandukanya bibabaje. Ijambo rivuye ku mubyeyi rikemura impaka hagati yabo. Bidatinze barananirwa maze bagashaka guhindura ibyo bakoraga bityo bakigira mu nzira gushaka ibibanezeza. Muri ubwo buryo, abana bari bafite intekerezo zitunganye kandi ziboneye bashaka abo babana bafite imico mibi, bityo amagambo y'urukozasoni yinjira mu matwi yabo akangiza imico yabo myiza. Akenshi umubyeyi wabo asa n'usinziriye atitaye ku bana be kugera ubwo akangurwa no kwigaragaza kw'ingeso mbi ababaye cyane. Imbuto z'ikibi zabibwe mu ntekerezo zabo zikiri nto kandi zizatanga umusaruro munini. Bityo biramutangaza cyane kubona ko abana be bakururirwa gukora ibibi. Ababyeyi bakwiriye gutangira hakiri kare bagacengeza amahame meza kandi atunganye mu ntekerezo z'abana bakiri bato. Umubyeyi w'umugore akwiriye kubana n'abana be inshuro nyinshi uko bishoboka kose, kandi akabiba imbuto nziza mu mitima yabo.

Mu buryo bwihariye, igihe cy'umubyeyi w'umugore ni icy'abana. Bafite uburenganzira ku gihe cye kurusha uko abandi bose babugira. Akenshi ababyeyi b'abagore bagiye birengagiza gutoza abana babo ikinyabupfura bitewe n'uko byari kubatwara igihe cyabo kinini bibwiraga ko kigomba

gukoreshwa mu guteka cyangwa mu gutegura imyambaro yabo n'iy'abana babo kugira ngo ijyane n'igihe kigezweho bashyigikira ubwibone mu mitima yabo ikiri mito. Kugira ngo batume abana babo badatuza bagiye babaha imigati cyangwa ibindi bibaryohera kandi hafi kuri buri saha iyo ari yo yose y'umunsi, niko babigenza bityo ibifu by'abo bana byuzuzwa ibintu byangiza ubuzima mu bihe bitandukanye. Mu maso habaye urwirungu hahamya ko ababyeyi babo bari gukora ibyo bashoboye kugira ngo barimbure imbaraga zisigaye z'abana babo.

Imyanya y'urwungano ngogozi ihora ikoreshwa cyane kandi ntihabwe umwanya w'ikiruhuko. Umwijima unanirwa gukora, amaraso akandura bityo abana bakarwaragura, bakajya barakazwa n'busa bitewe n'uko bagerwaho n'ingaruka zo kutirinda, kugaragaza ukwihangana ntibijya bibashobokera.

Ababyeyi bibaza impamvu abana babo basigaye bagoye cyane kuyobora kurusha uko bari bameze mbere mu gihe akenshi uko babafashe mu buryo bw'ubugome ari byo byabagize gutyo. Ibyokurya bazana ku meza yabo maze bagakangurira abana babo kubirya, bihora bikangura irari ryabo rya kinyamaswa maze bigaca intege ubushobozi bw'imico mbonera n'ubw'ubwenge. Abana benshi mu buto bwabo bahindurwa abarwayi b'igifu babitewe n'ibibi ababyeyi bagiye babagirira mu bwana bwabo. Imana izabaza ababyeyi iby'imikorere nk'iyo bagiye bagirira abana babo.

Ababyeyi benshi ntibigisha abana babo amasomo yerekeye kwitegeka. Baha intebe irari ryabo ry'inda maze mu buto bwabo bakarema ingeso z'abana babo babatoza kurya no kunywa bakurikije ibyifuzo byabo. Uko ni ko bizaba

mu mico yabo rusange mu buto bwabo. Ntabwo ibyifuzo byabo byagiye bitegekwa, kandi uko bagenda bakura ntabwo bazakabya mu ngeso zisanzwe zo kutirinda, ahubwo bazajya kure cyane mu kuyoboka ibyo bashatse byose. Bazihitiramo abo babana n'ubwo baba ari babi. Ntabwo bashobora kwihanganira gutegekwa n'ababyeyi babo. Ntabwo bazategeka irari ryabo ribi bityo ntibite ku butungane n'ubugwaneza. Iyi ni yo mpamvu nta kubonera n'imico mbonera biri mu rubyiruko rwo muri iyi minsi, kandi ni nayo mpamvu ikomeye ituma abagabo n'abagore bumva badafite inshingano ikomeye yo kubaha amategeko y'Imana. Ababyeyi bamwe ntibitegeka. Ntabwo bategeka irari ryabo ribi ry'inda, cyangwa imico yabo yo kurarikira, bityo ku bw'ibyo ntibashobora kwigisha abana babo ibyerekeye kudatwarwa n'irari ryabo ry'inda cyangwa ngo babigishe kwitegeka.

Ababyeyi benshi b'abagore bumva ko badafite igihe cyo guha abana babo amabwiriza bityo kugira ngo babakure mu miharuro kandi be kumva urusaku rwabo n'impagarara bateza, bakabohereza ku ishuri. Icyumba cy'ishuri ni ahantu hakomereye abana barazwe imibiri ifite intege nke. Akenshi ibyumba by'ishuri byagiye byubakwa hatitawe ku buzima ahubwo hitawe ku buryo bihendutse. Ntabwo ibyo byumba byateguwe ku buryo bishobora kwinjizamo umwuka nk'uko bikwiriye hatabayeho gutuma abana bagerwaho n'imbeho nyinshi. Ikindi kandi ni uko akenshi intebe zagiye zubakwa ku buryo abana bashobora kwicara bisagaguye kandi imibiri yabo ikiri mito ndetse igikura ikaba iri mu mwanya ukwiye kugira ngo habeho imikorere myiza y'ibihaha n'umutima. Abana bato bashobora gukuza igihagararo icyo ari cyo cyose, kandi bitewe n'akamenyero ko gukora imyitozo ngororangingo ndetse n'inyifato y'umubiri, abana bashobora kugira imibiri izira umuze. Kwicaza abana amasaha atatu kugera kuri atanu bari mu cyumba cy'ishuri ku ntebe

zikozwe nabi, bahumeka umwuka mubi utewe n'imyuka myinshi bahumeka byangiza amagara n'ubuzima by'abana bato. Abafite ibihaha bidafite imbaraga nyinshi barangirika, ubwonko buturukamo imbaraga zitegeka imyakura yose y'umubiri bucika intege bitewe no guhamagarirwa gukora mbere y'uko imbaraga z'imyanya igenga ubwenge ziba zikuze ku rwego ruhagije ku buryo zihanganira kunanizwa.

Mu byumba by'amashuri hashingiwe urufatiro rw'indwara z'amoko menshi. Nyamara by'umwihariko, ubwonko ari bwo rugingo ry'umubiri rworoshye kurusha izindi, akenshi rwagiye rwangizwa mbere y'igihe no gukoreshwa cyane. Ibi akenshi byagiye biteza ibibyimba, hagakurikiraho kugira amazi menshi mu mutwe ndetse no kwikayura gutunguranye kw'imihore y'umubiri kujyanirana n'ingaruka zako mbi cyane. Uko ni ko ubuzima bw'abantu benshi bwagiye bushyirwa mu kaga n'ababyeyi b'abagore bahora bahangayikishijwe no kugera kuri byinshi. Muri abo bana bagaragaraga ko bafite imbaraga z'umubiri zo kubarokora uko bafatwa, harimo benshi cyane mu mibereho yabo babana n'ingaruka z'uko bafashwe. Imbaraga z'ubwonko zikoresha imyakura zicika intege ku buryo iyo abana bamaze gukura baba batabasha kwihanganira gukoresha ubwenge cyane. Imbaraga z'imwe mu myanya yoroheje y'ubwonko ziba zimeze nk'izashize.

Ntabwo gusa ubuzima bw'abana bw'umubiri n'ubw'ubwenge bwashyizwe mu kaga no koherezwa ku ishuri hakiri kare cyane, ahubwo banagiye batakaza mu byerekeye imico mbonera. Bagiye bagira umwanya wo guhura n'abana bafite imico mibi mu mikorere yabo. Bajugunywe mu bandi batagira ikinyabupfura, babeshya, bavuga amagambo mabi, biba, bashukana kandi bishimira kwigisha ingeso zabo mbi abakiri bato kuri bo. Iyo abana bakiri bato baretswe bakaba bonyine biga ibibi cyane mu buryo bworoshye kurusha uko

biga ibyiza. Ingeso mbi zihuza rwose n'umutima wa kamere, kandi ibintu babona n'ibyo bumva ari impinja no mu bwana bwabo byiyandika cyane mu ntekerezo zabo, bityo imbuto mbi yabibwe mu mitima yabo bakiri bato izashinga imizi maze izabe amahwa atyaye yo gukomeretsa imitima y'ababyeyi babo.

Mu myaka itandatu cyangwa irindwi ibanza y'ubuzima bw'umwana, uburere bwe mu by'umubiri bwari bukwiriye kwitabwaho mu buryo bwihariye kurusha ubwenge. Niba umubiri we umeze neza nyuma y'iki gihe, kurera iby'umubiri n'ubwenge bikwiriye kwitabwaho. Ikigero cy'ubwana kigera ku myaka itandatu cyangwa irindwi. Kugeza kuri iki kigero, abana bari bakwiriye kurekwa bakaba nk'utwana tw'intama bagakina bazenguruka inzu n'urugo bishimye mu mitima, basimbagurika bidagadura ntacyo bikanga.

Ababyeyi, by'umwihariko ababyeyi b'abagore nibo bakwiriye kuba abigisha bonyine b'utwo twana duto. Ntabwo bakwiriye kubigisha bakoresheje ibitabo. Muri rusange abana bazakenera kwiga ibyo mu byaremwe. Bazabaza ibibazo ku byerekeye ibyo babona n'ibyo bumva, kandi ababyeyi bakwiriye guhera kuri ibyo bibazo bakabahugura, kandi bagasubiza ibyo bibazo byabo bito bafite kwihangana. Muri ubu buryo bashobora kurwanya umwanzi maze bagakomeza intekerezo z'abana babo babiba imbuto nziza mu mitima yabo, ntibagire umwanya na muto basiga ikibi cyashoreramo imizi. Icyo abana bakeneye mu kuremwa kw'imico yabo ni impuguro zuje urukundo ziva ku mubyeyi wabo bahabwa bakiri bato.

Isomo rya mbere ry'ingenzi abana bagomba kwiga ni ukuzinukwa gutwarwa n'irari ry'inda. Ni inshingano y'ababyeyi kugera ku byifuzo by'abana babo bakoresheje guturisha intekerezo zabo zibabaye aho kubaha ibyokurya maze bakabigisha ko kurya ari wo muti w'ibibababaza mu buzima.

Iyaba ababyeyi baragiye bagira imibereho izira umuze, bakanyurwa n'imirire yoroheje,umutungo mwinshi watakajwe uba warazigamwe. Ntabwo biba byarabaye ngombwa ko umubyeyi w'umugabo akora birenze imbaraga ze kugira ngo ahaze ibyifuzo by'umuryango we. Ntabwo ibyokurya byoroheje biba byarateje ingaruka yo gukangura ubwonko n'irari rya kinyamaswa bityo bigatera kubabara no kurakazwa n'ubusa. Iyaba uwo mugabo yarariye indyo yuzuye, umutwe we uba waratunganye, imyakura ye igakomera, igifu cye kikamererwa neza kandi n'umubiri ukaba utunganye. Ntabwo aba yarageze ubwo yumva adashaka kurya kandi abariho muri iki gihe bakabaye bamerewe neza kurusha uko bameze ubu. Nyamara n'ubu muri iki gihe cy'ubukererwe hari igishobora gukorwa kugira ngo uko tumerewe birusheho kuba byiza. Kwirinda muri byose ni ngombwa. Ntabwo umubyeyi w'umugabo wirinda azivovota natabona ibyokurya by'amoko atanduknye ku meza ye. Uburyo bwo kubaho butuma abantu bagira amagara mazima buzatuma imibereho y'umuryango irushaho kugenda neza mu buryo bwose kandi bizatuma umubyeyi w'umugore abona igihe cyo kwita ku bana be. Isomo rikomeye ababyeyi baziga rizaba uburyo bashobora kurera abana babo neza kugira ngo bazabe ingirakamaro muri iyi si kandi ngo na nyuma y'ubu buzima bazabe bakwiriye kuba mu ijuru. Bazanezezwa no kubona abana babo bambaye imyenda myiza ibakwiriye nyamara idafite imitako. Bazakorana umuhati kugira ngo babone abana babo bafite umurimbo w'imbere, umurimbo w'umutima w'ubugwaneza kandi utuje ari wo w'agaciro kenshi mu maso y'Imana.

Mbere y'uko umubyeyi w'umugabo w'Umukristo ava mu rugo rwe agiye ku murimo, azakoranyiriza ab'umuryango we iruhande rwe, maze apfukame imbere y'Imana abaragize Umwungeri mukuru. Bityo azajya ku murimo we

yuzuye urukundo n’umugisha by’umugore we ndetse n’urukundo rw’abana be bityo bimutere ubutwari mu masaha yose y’umurimo we. Na none kandi uwo mubyeyi w’umugore wakanguriwe gukora inshingano ye, azabona inshingano afite ku bana mu gihe umugabo we adahari. Azumva ko abereyeho umugabo we n’abana be. Kubwo gutoza abana be abayobora mu nzira nziza, abigisha imico yo kwirinda no kwitegeka, akanabigisha inshingano bafite ku Mana, ubwo aba abaha ubushobozi bwo kuba ingirakamaro mu isi, kuzahura amahame y’imico mbonera mu muryango mugari w’abantu ndetse no kubaha no kumvira amategeko y’Imana. Umubyeyi wubaha Imana azigisha abana be yihanganye kandi yitonze, abigishe umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko adakoresheje uburyo bwo guhubuka no kubahata, ahubwo mu rukundo n’ubugwaneza. Muri ubwo buryo azabigarurira. Bazazirikana ibyigisho bye by’urukundo kandi bazatega amatwi amagambo ye yokubahugura bishimye.

Aho kugira ngo yirukane abana be ngo bamuve iruhande bityo ntabashe kubuzwa amahwemo n’urusaku rwabo cyangwa kubitaho bakeneye, azumva ko igihe cye kidashobora gukoreshwa neza kuruta kugikoresha aturisha intekerezo zabo zikora ubutaruhuka akoresheje kubakinisha cyangwa uturimo tworoheje kandi tunejeje. Uwo mubyeyi w’umugore azabona ubwishyu bw’uwo muhati akoresha afata igihe agashaka ibinezeza abana be.

Abana bato bakunda abandi bantu muri rusange. Ntabwo bashobora kwishima ubwabo bari bonyine, kandi akenshi umubyeyi akwiriye kumva ko aho bakunda kunezererwa bari mu nzu ari mu cyumba. Bityo ashobora kubitegereza neza kandi akitegura gukemura impaka zabo, igihe abagezeho agakosora ingeso zabo mbi cyangwa kwigaragaza ko kwikanyiza cyangwa

irari bityo akagarura intekerezo zabo mu nzira nziza. Ibishimisha abana kandi batekereza ko binanezeza umubyeyi wabo, ni ukwitabaza umubyeyi wabo mu tuntu duto tubahangayikisha. Ikintu gishobora kuba ari gito ku mubyeyi, kuri bo kiba ari kinini cyane. Bityo ijambo ryo kubereka inzira cyangwa kubagira inama rivuzwe igihe gikwiriye, rizababera iry'agaciro kanini. Kubareba ukerekana ko ushyigikiye ibyo bakora, ijambo ryo kubatera ubutwari no kubashima rivuye ku mubyeyi wabo rizarasa umucyo w'izuba mu mitima yabo umunsi wose.

Uburere bwa mbere abana bakwiriye gukura ku mubyeyi wabo mu buto bwabo bukwiriye kuba bwerekeye ubuzima bw'umubiri wabo. Bakwiriye guhabwa indyo yuzuye gusa, ituma bagira amagara mazima kandi bikwiriye kuribwa gusa igihe kigenwe bitarenze inshuro eshatu ku munsi ndetse amagaburo abiri yaba meza kurusha atatu. Niba abana baratojwe ikinyabupfura neza, bidatinze bazamenya ko nta kintu bazahabwa bitewe no kurira cyangwa kurakara. Umubyeyi w'umugore ushyira mu gaciro, azagira icyo akora mu kurera abana be atari ukugira ngo yumve amerewe neza we ubwe icyo gihe, ahubwo abikore kubw'ibyiza byabo mu gihe kizaza. Kubwo gushaka kugera kuri iyi ntego, azigisha abana be gutegeka irari ryabo ry'inda, abigishe kwiyanga kugira ngo babashe kurya no kunywa ndetse no kwambara bazirikana ubuzima.

Umuryango ugendera kuri gahunda, ukunda kandi ukumvira Imana, uzagira ubutwari kandi wishime. Igihe umubyeyi w'umugabo agarutse avuye mu mirimo ye ya buri munsi, ntabwo azazana ibimuhangayikishije mu muryango. Azumva ko umuryango utunganye rwose ku buryo udakwiriye kwangizwa n'ibihangayikisha bibabaje. Igihe yavaga mu rugo iwe, ntabwo yigeze asiga inyuma Umukiza we ndetse n'imyizerere ye. Yagendanaga n'Umukiza we

n’imyizerere ye. Umunezero wo mu rugo rwe, umugisha w’umugore we n’urukundo rw’abana be bituma imitwaro ye yoroha maze akagaruka yuzuye amahoro mu mutima kandi afite amagambo anejeje atera ubutwari umugore we n’abana be baba bategereje kumwakirana ibyishimo. Igihe apfukamanye n’ab’umuryango we ku rutambiro rw’isengesho kugira ngo ashime Imana kuba yamwitayeho ndetse n’abo akunda muri uwo munsi wose. Abamarayika b’Imana bahagarara muri icyo cyumba maze bakajyana mu ijuru amasengesho avuye ku mutima y’ababyeyi bubaha Imana ameze nk’umubavu uhumura neza. Ayo masengesho asubizwa abo babyeyi bahabwa imigisha.

Ababyeyi bakwiriye kwigisha abana babo ko gutwarwa n’irari ry’inda kugeza ubwo igifu cyangiritse ari icyaha. Bakwiriye kwigisha intekerezo zabo ko igihe bishe amategeko agenga ubuzima bwabo baba bacumuye ku Muremyi wabo. Abana bigishijwe batyo ntibazananirwa kwitegeka. Ntabwo bazagira inyifato yo kurakara ubusa no guhindagurika kandi bazagira imibereho myiza cyane yo kwishimira ubuzima. Abana nk’abo bazaba basobanukiwe cyane inshingano zabo mu byerekeye imico mbonera. Abana bigishijwe kwegurira ababyeyi babo ubushake bwabo n’ibyifuzo byabo, nibo bazegurira Imana ubushake bwayo mu buryo bworoshye kandi bazaba bicishirije bugufi kugengwa na Mwuka wa Kristo. Impamvu abantu benshi bavuga ko ari Abakristo bafite ibigeragezo bitabarwa bikomeza kuremerera itorero, ni uko mu bwana bwabo batigeze bigishwa mu buryo bukwiriye ahubwo bagiye barekwa bo ubwabo bakiremera imico yabo ku rwego rukomeye. Ntabwo imico yabo mibi, ibyo barangamira bidasanzwe kandi bibabaje byigeze bikosorwa. Ntabwo bigishijwe kwegurira ababyeyi babo ubushake bwabo. Imibereho yabo yose mu byo kwizera igerwaho n’ingaruka z’uburere bahawe

mu bwana bwabo. Ntabwo bigeze bagengwa. Bakuze batagira ikinyabupfura none ubu mu mibereho yabo yo kwizera, kwiyegurira inyifato itunganye yigishwa mu Ijambo ry'Imana birabakomerera. Kubw'ibyo, ababyeyi bari bakwiriye kubona inshingano bafite yo kurera abana babo bafatiye ku mibereho yabo yo kwizera.

Abantu bafata isano yo gushyingiranwa nka rimwe mu mategeko yatanzwe n'Imana, nibarindwa n'amategeko yayo atunganye, bazagengwa n'ibyo umutimanama ubabwiye. Bazazirikanana ubushishozi ingaruka izanwa n'amahirwe yose y'isano yo gushyingiranwa. Abantu nk'abo bazumva ko abana babo ari amasaro y'agaciro kenshi baragijwe n'Imana ngo bayiteho kugira ngo bayakureho igice gihanda bifashishije kubatoza ikinyabupfura bityo kurabagirana kwabo kubashe kugaragara. Bazumva bafite inshingano ikomeye cyane yo kugorora imico y'abana babo ku buryo babasha gukora ibyiza mu mibereho yabo, bagahesha abandi umugisha babamurikira, bityo isi izarushaho kugirwa nziza no kuba bayirimo kandi amaherezo bazaba bakwiriye kuzaba mu buzima buruta ubu, mu isi iruta iyi, barabagirana imbere y'Imana n'Umwana w'intama iteka ryose.- *How to live*, No. 2, pp.25-48.

IGICE CYA 3

Inyokomuntu yizaniye indwara z'amoko menshi binyuze mu byo bagize akamenyero bibi. Ntabwo bize uburyo kubaho bafite amagara mazima, bityo kwica amategeko agenga ubuzima bwabo kwabo byabyaye imiterere ibabaje y'ibintu. Akenshi abantu ntibagiye babasha guhuza imibabaro yabo n'impamvu nyakuri ziyitera. Impamvu nyakuri ni imikorere yabo mibi. Bahaye icyicaro kutirinda mu mirire kandi irari ryabo ry'inda barigira ikigirwamana. Mumyifatire yabo yose, bagiye bagaragaza kutagira icyo bitaho ku byerekeye ubuzima n'ubugingo, bityonk'ingaruka, iyo uburwayi bubagezeho bizera ko Imana ari yo nkomoko yabwo mu gihe imikorere yabo mibi ari yo yabyaye uwo musaruro. Igihe bari mu kaga batuma ku muganga maze ubuzima bw'imibiri yabo bakabushyira mu biganza bye, biteze ko azabakiza. Abaha imiti batazi imiterere yabo, bityo mu byiringiro byabo byuzuye ubuhumyi bamira ikintu cyose umuganga abasha guhitamo kubaha. Ni muri ubwo buryo uburozi bukomeye akenshi butangwa bukabuza umubiri gukoresha imbaraga zawo zo guhangana n'ingorane ziwugarije bityo umurwayi agahuhurwa.

Umubyeyi w'umugore wari ufite uburwayi bworoheje kandi wagombye gukira hifashishijwe kwirinda ibyokurya mu gihe gito, ndetse no guhagarika gukora akaruhuka, aho kugira ngo akore atyo atuma ku muganga. Kandi wa muganga wagombye kuba yiteguye gutanga inama zoroheje akagira n'ibyo amubuza mu mirire amuyobora mu nzira nziza, nawe ntabwo aba yitaye ku gukora ibi cyangwa se akaba arangamiye kubona amafaranga.

Afata ubwo burwayi ko bukomeye cyane maze akamuha uburozi bwe nawe atakinisha kunywa aramutse ari we urwaye. Wa murwayi arushako kuremba, maze akarushaho guhabwa imiti irimo uburozi kugeza ubwo imbaraga z'ubushobozi kamere bw'umubiri zinanirwa zigahagarika kurwanya indwara

bityo umubyeyi agapfa. Yahawe imiti irimo uburozi iramwica. Umubiri we washyizwemo uburozi. Yarishwe. Abaturanyi n'abo mu muryango batangarira ibikorwa by'Imana mu gukora ityo ikura umubyeyi aho yari ingirakamaro, igihe abana be bari bakeneye cyane kwitabwaho na we. Iyo abantu bashyira uyu mutwaro w'ibyago by'umuntu kuri Data wo mu ijuru mwiza kandi w'umunyabwege, baba bamuharabika. Ijuru ryifuzaga ko uwo mubyeyi yabaho, kandi urupfu rwe rw'imburagihe rwasuzuguje Imana. Akamenyero kabi k'uwo mubyeyi ndetse no kutita ku mategeko agenga ubuzima bwe byamuteye kurwara. Kandi n'uburozi bugezweho yahawe na muganga bukinjizwa mu mubiri we, bwashyize iherezo ku kubaho kwe maze asiga umukumbi utagira gifasha, ubabaye kandi utagira umubyeyi.

Ntabwo ibyo tubonye haruguru iteka ari ingaruka zikurikira imiti yatanzwe na muganga. Abantu barwaye bafata iyo miti irimo uburozi basa n'aborohewe. Bamwe bafite imbaraga kamere z'umubiri zihagije kugira ngo zizasohore ubwo burozi mu mubiri ku buryo iyo umurwayi abonye igihe cyo kuruhuka, arakira. Nyamara imiti yafashwe ntiyari ikwiriye gushimwa kuko icyo yakoze gusa ari ukubangamira imikorere kamere (y'umubiri) mu gukoresha imbaraga kwayo. Gushyigikira kose kwari gukwiye guhabwa imbaraga za kamere (y'umubiri) zo kuzahura umuntu.

Nubwo umurwayi yakohorerwa, imbaraga nyinshi byatwaye umubiri kugira ngo hakorwe igikorwa cyo kunesha uburozi bwawinjiyemo, ziba zangirije umubiri kandi bikihutisha ubuzima bw'umurwayi. Hariho abantu benshi baticwa n'ingaruka z'imiti, nyamara hariho benshi cyane basigara ari ibisenzegeri, nta byiringiro bafite, bashavuye kandi bababara cyane, ari umutwaro kuri bo ubwabo no ku muryango w'abantu muri rusange.

Iyaba abantu bafata iyo miti ari bo bonyine bahababariraga, ntabwo ingorane yaba ikomeye. Nyamara mu kurya iyo miti irimo uburozi ntabwo ababyeyi baba bihemukiye ubwabo gusa ahubwo baba banahemukiye abana babo. Amaraso yabo acitse intege, uburozi bwakwirakwiye mu mubiri wose, umubiri wangiritse ndetse n'indwara nyinshi ziterwa n'imiti ziza ari ingaruka z'uburozi bwo mu miti, ibyo byose babyanduza urubyaro rwabo maze bakabasigira umurage ubabaje ari yo mpamvu yindi ikomeye yo gusigingira kw'inyokomuntu.

Kubwo gutanga imiti irimo uburozi, abaganga bakoze ibintu byinshi mu kongera gusigingira kw'inyokomuntu ku mubiri, mu bwenge no mu mico mbonera. Aho mubasha kujya hose, muzahabona ubumuga, indwara n'ubushobozi buke bw'ubwenge bishobora akenshi kugirana isano no gukoresha imiti irimo uburozi yatanzwe n'umuganga nk'uburyo bwo kuvura indwara zimwe z'umubiri. Kubwo kugira uburibwe bukomeye, iyo ngirwamuti yigaragarije umurwayi mu buryo buteye ubwoba ko ari mibi cyane kurusha indwara iyo yafatiwe ngo ivure. Abantu bose bafite ubushobozi bari bakwiriye gusobanukirwa ibyo imibiri yabo ikeneye. Kwiga ibyerekeye ubuzima byari bikwiriye kuba mu nyigisho z'ingenzi zihabwa abana bacu. Ni ingenzi ko imiterere y'umubiri w'umuntu yumvikana neza maze abagabo n'abagore b'abanyabwenge bakabasha kwihindukira abaganga. Iyaba abantu batekerezaga ibikorwa n'ingaruka bitera kandi bagakurikira umucyo ubamurikira, bakurikira inzira yatuma bagira ubuzima buzira umuze, kandi umubare w'abapfa waba muto cyane. Nyamara abantu bishakira cyane kwigumira mu bujiji budafite ishingiro, maze imibiri yabo bakayegurira abaganga aho kugira inshyingano yihariye bikorera bo ubwabo kuri icyo kibazo.

Ingero nyinshi kuri iyi ngingo ikomeye zashyizwe imbere yanjye. Urwa mbere ni urw'umuryango wari ugizwe n'umugabo n'umukobwa we. Uwo mukobwa yari arwaye maze bituma se ahangiyikishwa cyane n'icyo kibazo cye bityo atumiza umuganga. Igihe se yajyanaga uwo muganga mu cyumba uwo mukobwa yari arwariyemo, yagaragaje guhangayika gukomeye. Wa muganga yasuzumye umurwayi maze asa n'utagize icyo avuga. Bombi basohotse mu cyumba cy'uwo murwayi. Se w'uwo mokobwa yabwiye muganga ko aherutse gushyingura nyina w'uwo mukobwa, musaza we ndetse n'umuvandimwe we kandi ko uwo mukobwa ari we wenyine asigaranye mu muryango we. Yabajije uwo muganga ahangayitse cyane niba atekereza ko uburwayi bw'uwo mukobwa nta cyizere cyo gukira butanga.

Uwo muganga yamubajije ibyerekeye imiterere y'uburwayi bw'abo bapfuye ndetse n'igihe bwamaze. Uwo mugabo yavuganye amarira maze amubwira ibyaranze uburwayi bw'abo yakundaga. Yaravuze ati, "Umuhungu wanjye yabanje guhinda umuriro. Nahamagaye umuganga. Umuganga yavuze ko ashobora kumuha umuti washoboraga kugabanya uwo muriro vuba. Yamuhaye umuti ukomeye, nyamara yaciwe intege n'ingaruka zawo. Umuriro waragabanutse, ariko umuhungu wanjye yarushijeho kuremba cyane. Yongeye guhabwa wa muti nyamara nta mpinduka nziza wateye. Wa muganga yakoresheje indi miti irushijeho gukomera, nyamara umuhungu wanjye ntiyorohewe. Wa muriro wamushizemo nyamara ntiyorohewe. Yarembye mu buryo bwihuse maze arapfa.

"Urupfu rw'umuhungu wanjye rwaje rutunguranye rwaduteye intimba ikomeye cyane, ariko by'umwihariko kuri nyina. Kumwitaho no guhangayika mu burwayi bw'uwo mwana, ndetse n'intimba yatewe n'urupfu rwe

rutunguranye, byarenze ubwonko bwe maze bidatinze umugore wanjye aba ararwaye araryama. Ntabwo nanyuzwe n'uburyo uyu muganga yakoresheje. Icyizere nari mfite mu buhanga bwe cyari cyanyeganyejwe, bityo sinashoboraga kumukoresha bwa kabiri. Nahamagaye undi muganga ngo aze kuvura umugore wanjye wababaraga. Uyu muganga wa kabiri yamuhaye imiti yavugaga ko ari iyo kugabanya uburibwe, igatuma imyakura ye ituza, bityo akabona ikiruhuko yari akeneye cyane. Ya miti yamuciye intege aba nk'uguye ikinya. Yarasinziye kandi nta kintu cyashoboraga kumukangura muri uko guta ubwenge ameze nk'uwapfuye. Akenshi umutima we warateraga cyane, bityo ukagenda urushaho gucika intege mu mikorere yawo kugeza ubwo yahagaritse guhumeka. Bityo yapfuye atongeye kureba umuryango we. Uku gupfusha bwa kabiri byasaga n'ibirenze ibyo dushobora kwihanganira. Twese twagize agahinda cyane nyamara njyewe nagize intimba ku buryo ntashoboraga guhumurizwa.

"Umukobwa wanjye yaje gukurikiraho araremba. Intimba, guhangayika no kuba maso byari byashenguye imbaraga ze zo kwihangana maze aratentebuka. Bityo yaryamishijwe aho yababariraga. Nta cyizere nari ngifite muri ba baganga bombi nari nakoresheje. Narangiwe undi muganga mbwirwa ko ashoboye kuvura abarwayi kandi n'ubwo yari atuye kure, niyemeje kumushaka ngo amfashe.

"Uyu muganga wa gatatu yavuze ko asobanukiwe neza n'iby'uburwayi bw'umukobwa wanjye. Yavuze ko yacitse intege cyane kandi ko ubwonko bwe bwahungabanye kandi ko afite umuriro, ibyo bikaba byarashoboraga gukemuka, nyamara ko byagombaga gutwara igihe kirekire kugira ngo akurwe muri uko gutentebuka. Uwo muganga yagaragaje ko yizeye ubushobozi bwe bwo kumuzahura. Yamuhaye umuti ukomeye kugira ngo

agabanye umuriro yari afite. Ibi byagezweho. Nyamara ubwo umuriro wamuvagamo, hagaragaje ibindi bimenyetso biteye ubwoba ndetse birushaho gukomera cyane. Uko ibimenyetso byahindukaga, ni ko n'imiti yagendaga ihinduranywa kugira ngo ihangane n'ikibazo. Rimwe na rimwe igihe yahabwaga imiti mishya, yasaga n'ugaruye ubuyanja maze tukagarura ibyiringiro ko ashobora gukira. Ibyo byaberagaho kongera kuduca intege ubwo yongeraga akaremba.

"Umuti wa nyuma umuganga yitabaje ni uwitwa "*calomel.*" Ibihe bimwe yabaga nk'ugiye kuvamo umwuka. Imikaya ye yarinyeganyezaga. Igihe icyo byatuzaga, twababazwaga no kubona ko ubwenge bwe bwacitse intege. Yatangiye kugarura ubuyanja buhoro buhoro n'ubwo yari amerewe nabi cyane. Amaboko ye n'amaguru ye byari byaremaye biturutse ku burozi bukaze yari yahawe. Yamaze imyaka mike amerewe nabi, ababara mu buryo buteye agahinda maze apfa afite umubabaro mwinshi."

Nyuma y'uwo mubabaro, uwo mugabo yitegereje uwo muganga maze amwingingira kurokora umwana we umwe wari usigaye. Uwo muganga yasaga n'ubabake kandi ahangayitse, ariko nta muti yatanze. Yarahagurutse ngo agende, avuga ko azahamaraga ku munsi ukurikiraho.

Hari urundi rugero nabonye. Najyanwe kureba umuntu w'igitsina gore wagaragaraga ko afite imyaka mirongo itatu y'ubukuru. Umuganga yari amuhagaze iruhande avuga ko ubwonko bwe bwangiritse, ko amaraso ye yanduye kandi atembera buhoro cyane ndetse ko igifu cye gikonje kitari gukora. Uwo muganga yavuze ko aramuha imiti yo gutuma amererwa neza vuba bidatinze. Yamuhaye agafu akuye mu gacupa kari kanditseho "*Nux vomica*". Naritegereje kugira ngo ndebe impinduka uyu muti wari gutera uyu

murwayi. Byagaragaye ko ukora neza. Yabaye nk'umerewe neza. Umubiri we wongeye gukora neza.

Nongeye kubona urundi rugero. Ninjijwe mu cyumba cyari kirwariyemo umuhungu w'umusore wari ufite umuriro mwinshi cyane. Umuganga yari ahagaze iruhande rw'igitanda cy'uwo murwayi afite umuti muke akuye mu gacupa kanditsweho ngo "*Calomel.*" Yamuhaye uwo muti w'uburozi maze bisa n'aho habayeho impinduka nyamara ntiyari nziza.

Nongeye na none kubona urundi rugero. Yari umuntu w'igitsina gore wasaga n'ubabara cyane. Umuganga yari ahagaze iruhande rw'aho uwo murwayi yari arwariye kandi yamuhaga umuti akuye mu gacupa kari kanditsweho ngo, "Opium." Ku ikubitiro uyu muti wabaye nk'uteje ingaruka mu ntekerezo z'umurwayi. Yaravugagujwe ariko amaherezo araceceka maze arasinzira.

Intekerezo zanjye zongeye gusubira kuri rwa rugero rwa mbere rwa wa mugabo wari warapfushije umugore we n'abana be babiri. Umuganga yari mu cyumba cy'umurwayi, ahagaze iruhande rw'igitanda cy'uwo mukobwa wababaraga cyane. Yongeye kuva muri icyo cyumba nta muti amuhaye. Uwo mubyeyi w'umugabo ubwo yari imbere y'uwo muganga bari bonyine yananiwe kwihangana maze aramubaza ati, "Ushaka kutagira icyo ukora? Mbese urareka umukobwa wanjye wenyine nsigaranye na we apfe?" Wa muganga yaravuze ati,-

"Numvise igitekerezo kibabaje cy'urupfu rw'umugore wawe wakundaga ndetse n'urw'abana bawe babiri, kandi wowe ubwawe wambwiye ko uko ari batatu bapfuye hari abaganga bari kubitaho, babaha imiti yemewe kandi bayibihera. Ntabwo imiti yakijije abo wakundaga, kandi nk'umuganga nizera ntashidikanya ko nta n'umwe muri bo uba yayapfuye. Baba barakize iyo

bataza guhabwa imiti muri ubwo buryo ngo imbaraga kamere z'umubiri zicike intege maze amaherezo zigakendera." Uwo muganga yabwiye uwo mugabo wari urakaye ati, "Ntabwo nshobora guha imiti umukobwa wawe. Icyo nzakora gusa ni ugushaka uko nafasha imikorere y'imbaraga kamere z'umubiri, nkuraho inkomyi zose, maze ndeke umubiri ubwawo wisubize imbaraga watakaje." Yahaye uwo mubyeyi amabwiriza make maze amusaba kuyakurikiza neza. Yaramubwiye ati:

"Rinda uyu murwayi ibimusakuriza ndetse n'ibindi byamutera guhangayika. Abamwitaho bakwiriye kugira ubutwari n'ibyiringiro. Uyu murwayi agomba guhabwa ibyokurya byoroheje, kandi akwiriye guhabwa amazi akonje yo kunywa. Mumwuhagire kenshi mu mazi afutse meza maze narangiza mumusige amavuta mwitonze. Mureke umucyo n'umwuka byinjire mu cyumba cye nta nkomyi. Agomba kubona ikiruhuko gituje kandi ntawe umuhungabanya."

Uwo mubyeyi yasomye agapapuro kariho amabwiriza yitonze maze yibaza kuri ayo mabwiriza make yoroheje yariho, kandi yasaga n'ufite gushidikanya ku mpinduka nziza yari guturuka kuri ubwo buryo bworoheje. Wa muganga yaravuze ati:

"Wari ufituye ubuhanga bwanjye icyizere ubwo wanshingaga ubuzima bw'umukobwa wawe. Witakaza icyizere cyawe. Nzajya nsura umukobwa wawe buri munsi kandi nkuyobore mu buryo ukwiye kumufata.Kurikiza amabwiriza nguha ufite icyizere kandi niringiye ko mu byumweru bike nzamuguha ubuzima bwe burushijeho kumererwa neza nubwo yaba atakize burundu."

Wa mugabo yari ababaye kandi afite gushidikanya, nyamara yumvira umwanzuro muganga yari yamuhaye. Yatinyaga ko umukobwa we ashobora gupfa igihe nta muti ahawe.

Urugero rwa kabiri rwongeye kuza imbere yanjye. Umurwayi yari yamerewe neza bitewe na wa muti witwa Nux vomica. Yari ahagaze akenyeye umwenda, yivovota kubera uburyaryate. Umwuka wari mu cyumba wari wanduye kuko wari ushyushye kandi watakaje imbaraga zawo zikomeza ubuzima. Hafi y'imyenge yose aho umwuka mwiza wagombaga kwinjirira yari ifunzwe kugira ngo uwo murwayi arindwe ububabare yumvaga mu gikanu ahagana inyuma. Iyo urugi rwakingurwaga buhoro, uwo murwayi yaburaga amahoro kandi agahangayika maze agasaba ko rwafungwa kubera ko yari akonje. Ntiyashoboraga kwihanganira n'akayaga gake kanyuze mu rugi cyangwa mu madirishya. Umusore wari ujijutse yari ahagaze yitegereza uwo murwayi amufitiye impuhwe maze abwira abari aho ati,

"Iyi ni ingaruka ya kabiri ya wa muti witwa Nux vomica. Izo ngaruka zumvikana cyane ku myakura kandi zikagera ku nyanya ikoreshwa n'ubwonko yose. Mu gihe cy'akanya gato harabaho kwiyongera ko gukoreshwa cyane kw'imyakura.

Nyamara iyo imbaraga z'uyu muti nizishira, harabaho kuribwa no kongera kurambarara. Urwego rwo gukangura uwo muti wagejejeho ni narwo ingaruka ziri bukurikireho ziteye ubwoba no kugagara ziri bugereho."

Nongeye kubona rwa rugero rwa gatatu. Rwari urw'umusore wari wahawe umuti witwaga "calomel." Yari amerewe nabi mu buryo bukomeye cyane. Iminwa ye yari yabaye urukara kandi yabyimbye. Imbere mu kanwa hari

habyimbye. Ururimi rwe narwo rwari uko kandi amacandwe yashokaga ava mu kanwa ke ari menshi. Wa musore wari ujijutse navuze haruguru yarebye uwo murwayi ababaye maze aravuga ati, -

Izi ni ingaruka z'imiti irimo merikire. Uyu musore yari afite imbaraga zihagije z'ubwonko zo gutangira guhangana n'uyu muti urimo uburozi kugira ngo izo mbaraga zibashe kubusobora mu mubiri. Abantu benshi ntibafite imbaraga z'umubiri zihagije zo gukora iki gikorwa bityo imbaraga kamere z'umubiri zikananirwa bityo zikareka gukora umurwayi agapfa. »

Umurwayi wa kane, wa wundi wahawe umuti witwa «opium » (umuti usinziriza) yongeye gushyirwa imbere yanjye. Yari yakangutse mu bitotsi yarimo yarushijeho gutentebuka. Ubwenge bwe bwari bwahungabanye. Ntiyabashaga kwihangana kandi yarakaraga ubusa, agacyocyora inshuti ze magara kandi agatekereza ko zitabashije kugerageza kugabanya umubabaro we. Ntiyategekaga amarangamutima ye kandi yavugaga nk'umusazi. Wa musore navuzeho mbere yitegereje uwo murwayi ababaye maze abwira abari aho ati, -

"Iyi ni ingaruka ya kabiri iterwa no guhabwa 'opium'" Umuganga wamuvuraga yarahamagawe. Wa muganga yamwongeye undi muti wa 'opium' maze ucecekesha amagambo nk'ay'umusazi ya wa murwayi nyamara umutera kuvugishwa cyane n'ibinezaneza. Yabanye amahoro n'abari bamukikije kandi akereka urukundo abo yabonaga ndetse n'abo mu muryango we. Bidatinze yaracwekeye maze ahinduka mu buryo buteye ubwoba. Wa musore navuze haruguru yaravuze ati,

"Uko amerewe ubu ni bibi cyane kurusha uko yari ameze ubwo yavugishwaga. Ararembye cyane. Uyu muti urimo uburozi witwa 'opium'

ugabanya uburibwe by'akanya gato nyamara ntabwo ukuraho impamvu zabwo. Icyo ukora ugusha ubwonko ikinya ntibushobore kwakira imbaraga ziturutse mu myakura. Igihe ubwonko bwaguye ikinya muri ubwo buryo, ubushobozi bw'umubiri bwo kumva, kuryoherwa no kureba birangirika. Iyo imbaraga z'uwo muti zishize maze ubwonko bugakanguka bukava muri uko kugagara, ya myakura itahanaga amakuru n'ubwonko itakishwa cyane n'uburibwe buri mu mubiri bitewe n'akandi kaga umubiri wihanganiye ubwo wakiraga ubu burozi. Buri muti wose wongerwa umurwayi waba usinziriza (opium) cyangwa ubundi burozi, uzatuma uburwayi burushaho gukomera, kandi utume nta byiringiro bibaho by'uko umurwayi yakira. Imiti itangwa kugira ngo isinzirize, uko yaba imeze kose, yangiza urwungano rw'imyakura. Ingorane yari yoroheje mu itangira ryayo, iyo imbaraga kamere y'umubiri yari yahagurukiye gutsinda kandi yari kuba yatsinze iyo iza kuba yaretswe ngo irwane, irushaho kugirwa mbi incuro cumi n'imiti irimo uburozi yinjijwe mu mubiri. Iyo miti ubwayo ni indwara irimbura, itera imbaraga z'umubiri gukora by'indengakamere kugira ngo zirwanye kandi zitsinde iyo miti yinjiye."

Nongeye gusubizwa mu cyumba cya wa murwayi wa mbere. Wa mubyeyi w'umugabo n'umukobwa we. Wa mukobwa yari yicaye iruhande rwa se yishimye kandi anezerewe, mu maso he hagaragaza ko ubuzima bwagarutse. Se yamurebaga anyuzwe yishimye, mu maso hagaragaza gushima kuzuye umutima we bitewe n'uko umukobwa yari asigaranye wenyine yari arokotse. Umuganga wamuvuraga yarinjiye maze amaze kubaganiza akanya agato bombi arahaguruka aragenda. Yabwiye uwo mubyeyi ati, -

"Nguhaye umukobwa wawe ari muzima. Nta muti nigeze muha kugira ngo ntamusiga afite umubiri wazahaye. Umuti ntiwashoboraga gukora ibyo.

Umuti wangiriza imikorere kamere y'umubiri maze ikawuzahaza kandi ikica, nyamara ntikiza. Umubiri ubwawo ni icyaremwe gifite imbaraga zo kwizahura. Wo ubwawo ushobora kubaka imbaraga zatakaye maze ugasana ibikomere watewe no kutita ku mategeko awugenga."

Muganga yabajije uwo mugabo niba anyuzwe n'ubwo buryo bwe bwo kuvura. Wa mugabo wari unezerewe yagaragaje gushima kwari kuzuye umutima we ndetse no kunyurwa nyako aravuga ati, -

"Nize isomo ntazigera nibagirwa. Byari bibabaje nyamara nta kiguzi byasabye. Ubu noneho nemeye ko umugore wanjye n'abana banjye baba batarapfuye. Ubuzima bwabo bwaducitse bwari mu maboko y'abaganga babahaga imiti irimo uburozi."

Nyuma y'aho neretswe wa murwayi wa kabiri wahawe umuti witwa, 'Nux vomica.' Yafatwaga n'abantu bariri bamukura aho yicaye bamujyana ku buriri bwe. Yari ameze nk'udashobora gukoresha amaguru n'amaboko ye. Imyakura y'urutirigongo yari yagagaye by'igice bityo amaguru yari yatakaje imbaraga zayo zo kwikorera uburemere bw'umubiri wose. Yarakororaga cyane kandi agahumeka bimugoye. Yaryamishijwe ku gitanda maze mu kanya gato ntiyaba acyumva cyangwa ngo arebe bityo arasamba arapfa. Wa musore navuze mbere yarebye uwo murambo ababaye maze abwira abari bari aho ati, -

"Nimurebe ingaruka ku mubiri ziza buhoro buhoro kandi zimara igihe za wa muti witwa 'Nux vomica'." Igihe washyirwaga mu mubiri, imbaraga z'imyakura zakanguriwe gukora by'indengakamere kugira ngo zirwanye uyu muti w'uburozi. Uko gukangurwa kw'indengakamere kwakurikiwe no gutentebuka bityo ingaruka iheruka iba kugagara kw'imyakura. Ntabwo uyu

muti ugira ingaruka zimwe ku bantu bose. Abantu bamwe bafite imibiri ifite imbaraga bashobora gukira kwangirika iyo miti itera umubiri mu gihe abandi bafite imibiri y'intege nke batigeze bakira akaga gatewe no kwakira n'umuti muke mu mubiri, kandi benshi bapfuye nta kindi bazize uretse ingaruka zo guhabwa ubu burozi inshuro imwe. Ingaruka zabwo akenshi ziganisha ku rupfu. Uko umubiri uba umerewe igihe ubwo burozi buwinjijwemo, ni byo bigena iby'ubuzima bw'umurwayi. Uyu muti witwa 'Nux vomica' ushobora kuremaza, ukagagaza, ukangiza ubuzima by'iteka ryose nyamara ntiwigera ukiza."

Urugero rwa gatati rwongeye kuza imbere yanjye, ari rwo rw'umusore wahawe umuti witwa 'calomel.' Yari ababaye biteye agahinda. Amaguru ye yari yaremaye kandi yari yabaye igisenzegeri mu buryo bukomeye. Yavuze ko uburibwe bwe burenze uko bwasobanurwa kandi ko kuri we kubaho bimubereye umutwaro. Wa musore ujijutse nakunze gusubiramo kenshi, yitegereje uwo murwayi ababaye kandi amugiriye impuhwe maze aravuga ati,-

"Izi ni ingaruka za wa muti witwa 'calomel'". Ubuza umubiri amahwemo igihe cyose hari uduce twawo tugisigaye mu mubiri. Igihe cyose ukiri mu mubiri w'umuntu muzima uhora ukora ntubashe gutakaza ibiwuranga. Ubabaza mu ngingo kandi akenshi ukohereza ububabare mu magufa. Akenshi nyuma y'imyaka myinshi winjijwe mu mubiri, wigaragariza mu bibyimba, udusebe n'ibimungu
(kanseri)."

Urugero rwa kane rwongeye kuzanwa imbere yanjye. Ni urwa wa murwayi wahawe umuti usinziriza (opium). Mu maso he hari habyimbye, ndetse amaso ye ntiyagohekaga kandi akanuye. Ibiganza bye byanyeganyegaga

nk'aho byagagaye kandi yasaga nk'ukangutse cyane atekereza ko abamuri iruhande bose bakoraniye kumurwanya. Intekerezo ze zari zangiritse rwose kandi yaravugishwaga mu buryo buteye agahinda. Umuganga yarahamagawe kandi yasaga n'udasobanukiwe ibyo yabonaga biteye ubwoba. Yahaye uwo murwayi undi muti wa opium urusha uwa mbere imbaraga. Yavugaga ko uwo muti uri butume umurwayi amererwa neza. Kwa kuvugishwa kwe ntikwigeze guhagarara kugeza ubwo yahindutse nk'utaye umutwe. Yahise amera nk'upfuye. Wa musore nagiye mvuga yarebye uwo murwayi maze avuga ababaye ati,-

"Iminsi ye irabazwe. Imbaraga umubiri wari wakoresheje wagiye akenshi urushwa ubushobozi n'ubu burozi, ku buryo imbaraga z'umubiri zamazwe no guhora zisabwa gukora mu buryo budasanzwe kugira ngo zikize umubiri uyu muti wuzuye uburozi. Imbaraga kamere z'umubiri ziri hafi guhagarara kandi amaherezo imibereho yo kubabara y'uyu murwayi iragera ku iherezo."

Impfu nyinshi zagiye ziterwa no guhabwa imiti kurusha uko zatewe n'izindi mpamvu zishyizwe hamwe. Iyaba mu gihugu harabayeho umuganga umwe mu mwanya w'ukohaba abaganga ibihumbi, umubare munini w'impfu z'imburagihe uba warahagaritswe. Abaganga ntabarwa ndetse n'imiti y'amoko menshi byagiye biteza umuvumo abatuye isi, kandi byajyanye abantu bihumbi byinshi mu bituro imburagihe.

Gukabya mu kuryagagura ndetse no kurya ibyokurya byinshi binaniza imyanya y'urwungano ngogozi kandi bigatera umubiri uburwayi. Amaraso arandura bityo hakabaho uburwayi bw'uburyo bwinshi. Umuganga atumwaho maze agategeka guhabwa imiti imwe ituma habaho koroherwa by'ako kanya nyamara itigera ikiza indwara. Iyo miti ishobora guhindura imiterere y'indwara nyamara ya ngorane nyakuri yikuba inshuro cumi.

Imbaraga kamere z'umubiri zakoraga uko zishoboye kose kugira ngo zikize umubiri ukwandura kuwuzuyemo, kandi iyo umubiri urekwa ugafashwa n'imigisha ikomoka ku Mana (nk'umwuka mwiza ndetse n'amazi meza), hari kubaho gukira kwihuse kandi kudateje ingorane.

Igihe bimeze bityo, abantu bababaye bashobora kwikorera ibyo abandi badashobora kubakorera. Bari bakwiriye gutangira gukura mu mubiri umutwaro bari bawikoreje. Bakwiriye gukuraho impamvu iteza ingorane bagahagarika kurya igihe gito kandi bagaha igifu umwanya wo kuruhuka. Bashobora kugabanya kwiyongera k'umuriro mu mubiri ndetse no gutera nabi k'umutima bakoresha kunywa amazi neza. Uwo muhati uzafasha umubiri mu rugamba urwana rwo gukura impanda muri wo. Nyamara muri rusange abantu bababazwa n'uburibwe bananirwa kwihangana. Ntabwo bashaka gukoresha kwiyanga no kumara akanya gato bashonje. Nta n'ubwo kandi bashaka gutegereza imikorere igenda buhoro y'umubiri kugira ngo wubake imbaraga zawo zakoreshejwe cyane. Ahubwo biyemeza gukira bavuwe rimwe maze bagafata imiti ikomeye bandikiwe n'abaganga. Umubiri wari uri gukora umurimo wawo neza kandi washoboraga kugera ku nsinzi, nyamara igihe wari uri gukora umurimo wawo, ujya kumva ukumva ikindi kintu kidasanzwe cy'uburozi kiwinjiyemo. Mbega ikosa! Ubu noneho umubiri wangiritse uba ufite ibyago bibiri ugomba kurwanya aho kuba icyago kimwe. Uhita uhagarika umurimo wari watangiye maze ugahita wihutira kwirukana icyo kintu kidasanzwe cyinjijwe mu mubiri bundi bushya. Umubiri urwana iyi ntambara y'uburyo bubiri ukoresheje imbaraga zawo bityo ugacika intege.

Ntabwo imiti (y'uburozi) yigera ikiza indwara. Icyo ikora gusa ni uguhindura imiterere y'indwara n'aho yafashe. Imbaraga kamere z'umubiri ubwazo ni zo zonyine zizahura zikagera ku ntego. Mbega uburyo izo mbaraga zarushaho

gukora neza umurimo ziramutse ziretswe zigakora zonyine. Nyamara aya mahirwe ntizijya zikunda kuyahabwa. Iyo umubiri wabaye igisenzegeri ubashije kwihanganira uwo mutwaro wakorewe maze amaherezo ugakora mu buryo bukomeye umurimo wawo w'amaharakubiri bityo umurwayi akabaho, byitirirwa umuganga. Nyamara iyo izo mbaraga kamere z'umubiri zinaniwe kwirukana uburozi mu mubiri maze umurwayi agapfa, byitirirwa imikorere itangaje y'Imana. Iyaba umurwayi yari yakoresheje inzira yo korohereza umubiri wananijwe muri icyo gihe maze agakoresha amazi meza afutse, izi mpfu zituruka ku miti ziba zitarabayeho rwose. Gukoresha amazi bishobora kugeza ku bintu bitari bike igihe umurwayi atabona ko ari ngombwa guhindura imirire ye mu buryo bukomeye.

Abantu benshi babaho bica amategeko agenga ubuzima, kandi ntabwo bitaye ku ngaruka akamenyero kabo mu mirire n'iminywere n'uburyo bakora bigira ku buzima bwabo. Ntabwo bazigera bamererwa neza uko bikwiye kugeza ubwo umubiri uzirinda kwangizwa kuwubabaza kubw'uburibwe buwurimo. Nubwo bimeze bityo, iyaba abarwayi batangiraga umurimo maze bakifashisha uburyo bworoheje bagiye basuzugura ari bwo gukoresha amazi n'indyo itunganye, imbaraga kamere y'umubiri yabona ubufasha isaba kandi yagombye kuba yari yarabonye mbere. Iyi nzira niramuka ikurikijwe, muri rusange umurwayi azakira bitabaye ngombwa ko amugara.

Igihe imiti yinjijwe mu mubiri, ishobora kugaragara ko izana ingaruka nziza mu gihe runaka. Hashobora kubaho impinduka nyamara ntabwo indwara iba yakize ahubwo izigaragaza mu bundi buryo. Iyo imbaraga kamere z'umubiri zikora kugira ngo zirukane umuti mu mubiri, rimwe na rimwe umurwayi yumva umubabaro mwinshi. Bityo ya ndwara yatangiwe umuti ngo ivurwe ishobora kugenda nyamara izongera kugaruka mu bundi buryo ari bwo

nk’uburwayi bw’uruhu, udusebe, kubabara mu ngingo kandi rimwe na rimwe bikaba bikomeye cyane kandi byateza urupfu. Umwijima, umutima n’ubwonko akenshi byangizwa n’imiti kandi akenshi n’ubundi iyi myanya y’umubiri yose iremererwa n’uburwayi kandi iyo abagize ubwo burwayi babayeho baba ari ibisenzegeri bakamara igihe bafite imibereho ibabaje. Mbega uburyo iyo miti irimo uburozi iba yahenze! Igihe iba itasabye igiciro cy’ubuzima, iba yahenze cyane. Umubiri uba waremajwe mu muhati wawo wose. Imikorere y’umubiri yose iba yavuye kuri gahunda kandi mu gihe kizaza mu mibereho ‘umuntu, ubwo iyi mikorere ikomeye yamaze kwangirika izaba yishingikirijweho ngo ikore umurimo ukomeye ifatanyije n’indi mikorere y’umubiri, bizagaragara ko idashobora gukorana umurimo wayo imbaraga bityo umubiri wose wumve hari ikibuze. Iyo myanya y’umubiri yagombye kuba ari mizima iba yaracitse intege maze amaraso akandura. Umubiri ukomeza kurwana maze umurwayi akagira uburwayi butandukanye kugeza ubwo habaho gutentebuka kw’imbaraga ze maze hagakurikiraho urupfu. Hariho abantu benshi bicwa no gukoresha imiti baruta abashoboraga kwicwa n’indwara umubiri uramutse uretswe ugakora umurimo wawo ubwawo.

Abantu benshi bapfuye bazize guhabwa imiti n’abaganga bavura indwara zitazwi. Nta bumenyi bafite bw’indwara nyakuri irembeje umurwayi. Nyamara abaganga bitezweho kumenya icyo bakora mu kanya gato, kandi iyo badahise bakora nk’aho basobanukiwe neza n’indwara, inshuti z’umurwayi zidashobora kwihangana ndetse n’umurwayi ubwe babafata ko ari abaganga badashoboye. Kubw’ibyo, kugira ngo banezeze ibitekerezo biyobye by’umurwayi n’inshuti ze, bagomba gutanga umuti, bagakora igerageza kugira ngo bavure umurwayi indwara badasobanukiwe neza. Imbaraga kamere z’umubiri zuzuzwamo imiti y’uburozi zidashobora kwirukana mu

mubiri. N'abaganga ubwabo akenshi bemera ko bakoresheje imiti ikomeye cyane bavura indwara itari iriho bityo ingaruka ikaba yabaye urupfu.

Abaganga baranengwa nyamara si bo bonyine bafite amakosa. N'abarwayi ubwabo, iyo baza kwihangana, bagahindura imirire kandi bagaha umubiri igihe cyo kwirwanaho, bari kugarura ubuyanja vuba cyane batigeze bakoresha umuti uwo ari wo wose. Umubiri ubwawo ufite imbaraga zo kwikiza. Nta mbaraga zo gukiza imiti ifite ahubwo akenshi muri rusange izabangamira umubiri mugukoresha imbaraga zawo. Nyuma y'ibyo, umubiri ugomba gukora umurimo wo kondora (kuzahura). Abarwayi baba bihutira gukira kandi n'inshuti zabo ntizihangana. Bazafata imiti maze nibatumva iyo mbaraga ikomeye mu mibiri yabo, ibitekerezo byabo biyobye bizabatera gutekereza ko bagombye kugira icyo bumva, maze mu kutihangana kwabo bahindure bajye gushaka undi muganga. Akenshi guhindura byongera akaga. Bajya gushaka imiti yangiza nk'iya mbere kandi birushaho kuba bibi cyane kubera ko iyo miti yombi idashobora gukorana, bityo umubiri ukarogwa mu buryo burenze ubwabonerwa umuti.

Nyamara abantu benshi bamenya ibyiza by'amazi kandi batinya gukoresha umwe mu migisha ikomeye Imana yatanze. Abantu bari bafite umuriro mwinshi bimwe amazi bitewe no kugira ubwoba bw'uko yabamerera nabi. Iyaba muri uko bari bamerewe barahawe amazi ngo banywe uko bashatse, kandi ayo mazi agakoreshwa inyuma ku mubiri haba ku manywa na nijoro ubwo bababaraga, baba barakize kandi ubuzima bwa benshi buba bwararokowe. Nyamara abantu ibihumbi byinshi bapfuye bafite umuriro mwinshi cyane wabatwikaga kugeza ubwo amazi yabashizemo, imbaraga zibabeshaho zikabashiaramo kandi bagiye bapfa bababara cyane ntibemererwe kunywa amazi yo koroshya icyaka babaga bafite. Amazi

akoreshwa ku nyubako itagira ubwenge kugira ngo azimye ibintu biri gushya, ntabwo ahabwa abantu ngo azimye umuriro uba utwika imbaraga zibeshaho ubuzima.

Abantu benshi bari mu bujiji budafite ishingiro ku byerekeye amategeko agenga umuzima bwabo. Bibaza impamvu ikiremwamuntu gifite intege nke, bakanibaza n'impamvu abantu benshi bapfa imburagihe. Mbese nta mpamvu ibitera ? Abaganga bavuga ko basobanukiwe umubiri w'umuntu, bandikira abarwayi uburozi bwica buhoro buhoro bwo kuvura indwara cyangwa gukiza utubazo tworoheje bakayandikira n'abana babo bakunda ndetse n'abagore babo. Mu by'ukuri ntabwo bashobora kubona ibibi by'ibi bintu iyo biba bityo ntibakora batyo. Ingaruka z'ubwo burozi zishobora kudahita zigaragara, nyamara buba bukora umurimo wabwo mu mubiri, busenya umubiri kandi bucengera umubiri mu mbaraga zawo. Baba bashaka gukosora ikibi nyamara bagatera ikikirushije kuba kibi akenshi kidashobora gukira. Abantu bagirirwa batyo, bahora barwaye kandi bagahora basinzira buri mwanya. Nyamara kandi uramutse wumvise ibiganiro byabo, akenshi uzumva baba basingiza imiti bagiye bakoresha kandi bayirangira abandi kubera ko yabagiriye akamaro. Byagombye kugaragarira abo bareba ibyakozwe n'ingaruka byateje, bitegereje mu maso h'abo bababwira ibyo habaye urwirungu, bakitegereza ukuntu bahora bataka uburwayi, ndetse no gutentebuka kw'abo bavuga ko iyo miti yabagiriye akamaro, ibyo byari bikwiriye kubabera ibihamya bihagije bw'imbaraga irimbura ubuzima y'imiti. Nyamara abantu benshi baba impumyi ntibabashe kubona ko imiti yose bafashe itabakijije ahubwo yabateye kurushaho kumererwa nabi. Abantu bamugajwe n'imiti baza mu mwanya wa mbere mu isi, barakazwa n'ubusa, bagahora barwaye, bakamara igihe kirekire bafite imibereho ibabaje kandi

basa n'ababaho bafashwa no kwihangana kw'abandi. Ntabwo imiti irimo uburozi yahise ibica kubera ko umubiri uba udashaka kureka kurwana ku buzima. Umubiri ntuba ushaka guhagarika kurwana. Nyamara abo bantu bafata imiti irimo uburozi ntibigera bamererwa neza.

Amoko atabarika y'imiti ari mu masoko, kwamamaza imiti mishya n'imvange byose bavuga ko bikiza mu buryo butangaje, nyamara bihitana amagana menshi bigakiza umwe. Abantu barwaye si indembe. Bazafata imiti y'amoko atandukanye, imwe muri yo ifite imbaraga cyane nubwo nta cyo bazi ku bigize izo mvange. Imiti yose batafa ituma gusa nta ibyiringiro birushaho gushira. Nyamara bakomeza guhora basinzira kandi bagakomeza kumererwa nabi kugeza ubwo bapfuye. Abantu bazajya bafata imiti igihe cyose. Nimubareke babarweho uko gufata izo mvange zangiza ndetse n'uburozi bwica bw'amoko menshi. Abagaragu b'Imana ntibari bakwiriye gutanga imiti bazi ko izagira ingaruka zangiza umubiri nubwo yaba yoroshya ububabare bw'ako kanya. –*How to Live*, No. 3, pp. 49-64.

IGICE CYA 4

Iyo uburwayi bukomeye bwinjiye mu muryango, buri muntu wese mu muryango aba akeneye cyane kwita ku isuku ye bwite no ku mirire kugira ngo akomeze kugira amagara mazima kandi iyo bakoze batyo baba baha imbaraga umubiri zo kurwanya indwara. Ni ingenzi cyane kandi ko icyumba umurwayi arwariyemo kigomba mbere na mbere kwinjizwamo umwuka mu

buryo bukwiye. Ibi bizagirira akamaro cyane wa muntu urwaye kandi ni ingenzi cyane mu gutuma ababa bafite inshingano yo kugumana n'uwo murwayi igihe kirekire bakomeza kuba bazima.

Ni ingenzi cyane ku murwayi ko mu cyumba cye habamo ubushyuhe budahindagurika. Ubu bushyuhe ntubushobora iteka kuba uko bugenwe iyo abamwitaho ari bo babugenzura, kubera ko bashobora kutamenya ubushyuhe bukwiriye. Abantu bamwe baba bashaka ubushyuhe bwinshi kurusha abandi kandi bashobora kumva bamerwe neza mu cyumba undi we yumva kitamutunganiye. Kandi igihe abo bantu bombi bafite umudendezo wo gucana umuriro kugira ngo bahuze n'ibitekerezo byabo kubyerekeye ubushyuhe bukwiriye, umwuka uranga cya cyumba cy'umurwayi uzaba ihindagurika. Rimwe na rimwe uzaba ushyushye cyane ku murwayi ikindi gihe ube ukonje cyane kandi ibyo bizagira ingaruka mbi ku murwayi. Inshuti z'umurwayi cyangwa abashinzwe kumwitaho abo kubwo guhangayika no kuba maso baba badasinzira kandi bagakangurwa bitunguranye mu gicuku bari basinziriye kugira ngo bagire icyo bakora mu cyumba cy'umurwayi akenshi bafatwa no kumva baryaryatwa. Abantu nk'abo ntabwo ari ibipimisho nyakuri by'ubushyuhe budateje ingorane ubuzima bukwiye kuba mu cyumba cy'umurwayi. Ibi bintu bishobora ko bifita agaciro gake nyamara bifite umugabane w'ingenzi mu gukira k'umurwayi. Incuro nyinshi ubuzima bwagiye burimburwa no guhindagurika gukomeye k'ubushyuhe bw'icyumba cy'umurwayi.

Igihe hari ikirere kinejeje, ntabwo abarwayi bari bakwiriye kubuzwa kubona umwuka mwiza. Ibyumba byabo ntibyari bikwiriye iteka kubakwa ku buryo inzugi n'amadirishya bikingurirwa imbere ntibitume umwuka ufutse uhita ubageraho kandi ngo babe bari aho akabeho kabageraho. Igihe bimeze bityo

amadirishya n’inzugi bikwiriye gukingurwa byegereye icyumba maze bigatuma umwuka mwiza winjira mu cyumba kirimo umurwayi. Umwuka mwiza uzab ingirakamaro cyane ku murwayi kurusha umuti, kandi uwo mwuka ni ingenzi kuri barwayi kurusha ibyokurya byabo. Badahawe ibyokurya, bamererwa neza, bagakiruka vuba nyamara ibyo ntibyashoboka badafite umwuka mwiza.

Abantu benshi barembye bagiye bafungiranwa mu byumba mu gihe cy’ibyumweru n’amezi menshi, bakarindwa umucyo ndetse n’umwuka mwiza wo mu kirere utera imbaraga nk’aho ibyo ari umwanzi wabo kirimbuzi, mu gihe ibyo byari umuti abarwayi bari bakeneye kugira ngo boroherwe. Umubiri wose waremajwe kandi uterwa uburwayi no kubura umwuka bityo ukomeza kuremererwa n’umutwaro wo kuzuzwamo imyanda yiyongera ku buozi bugezweho bahabwa na ba muganga kugeza igihe umubiri wananiwe maze ugacika intege bityo umurwayi agapfa. Abo barwayi ntibaba barapfuye. Ntabwo Ijuru ryashakaga ko bapfa. Bapfuye bazize ubujiji bwabo n’ubw’ibw’incuti zabo ndetse n’ubujiji bw’abaganga no kwihenda kwabo bo babahaye uburozi bugezweho maze bakabima amazi meza yo kunywa ndetse n’umwuka mwiza wo guhumeka kugira ngo bitere imbaraga imyanya y’umubiri y‘ingenzi cyane, bisukure amaraso kandi bifashe imbaraga kamere z’umubiri mu murimo wazo wo gutsinda ukumererwa nabi k’umubiri. Iyi yoroheje y’agaciro kenshi (amazi n’umwuka) Ijuru ryatanze nta mafaranga cyangwa ikindi kiguzi yarirengagijwe ntiyafatwa gusa nk’aho ari nta cyo imaze ahubwo ifatwa nk’abanzi bakomeye mu gihe uburozi abarwayi bandikiwe n’abaganga bwo bwariwe bafite ibyiringiro byuzuye ubuhumyi.

Abantu ibihumbi byinshi bapfuye bazize kubura amazi meza n’umwuka mwiza baba barabayeho. Kandi na none abandi ibihumbi byinshi

b’ibisenzegeri bakiriho babereye abandi umutwaro ndetse na bo ubwabo, batekereza ko ubuzima bwabo bushingiye ku kuba bafata imiti bahabwa na ba muganga. Bokomeza kwirinda kubona umwuka mwiza kandi ntibanywe amazi kandi iyo ari imigisha bakenye kugira ngo bamererwe neza. Iyaba bamurikirwaga, maze bakareka imiti ahubwo bakimenyereza gukorera imyitozo ngororangingo hanze ahantu hari umwuka uhagije kandi bakareak umwuka ukinjira mu byumba byabo igihe cyose, bagakoresha amazi afutse haba mu kuyanywano kwiyugahira, abao bantu bamererwa neza kandi bakanezerwa bikomeye aho kugira ngo bakomeze kugira imibereho ibabaje.

Ni inshingano y’abita ku barwayi ndetse n’abafasha ba muganga igihe bari mu cyumba cy’umurwayi ko bita ku buzima bwabo bwite mu buryo bwihariye ariko cyane cyane umurwayi afite umuriro mwinshi cyane n’igihe agenda ananuka cyane (by’umwihariko bitewe n’igituntu). Ntabwo umuntu yari akwiriye kuba ri we uhora mu cyumba cy’umurwayi. Ni byiza kugira abantu babiri cyangwa batatu bo kwifashisha, b’abafasha ba muganga bigengesera kandi basobanukiwe bityo bakajya bahinduranya kandi bagafatanya kwita ku cyumba cy’umurwayi. Buri wese muri bo yari akwiriye gukorera imyitozo ngororangingo ahantu hanze hari umwuka uhagije, akabikora incuro nyinshi cyane. Ibi ni ingirakamaro cyaneku barwaza ariko by’umwihariko igihe incuti z’umurwayi zibarizwa muri rya tsinda ry’abantu bafata ko umwuka ari umwanzi igihe wemerewe kwinjira mu cyumba cy’umurwayi, kandi akab ari ba bantu batemera ko idirishya cyangwa urugi by’icyumba cy’umurwayi bikingurwa. Iyo bimeze bityo, uko umunsi uhita undi ukaza, umurwayi n’abarwaza bahumeka umwuka urimo uburozi bitewe n’ubujiji butakwihanganirwa bw’incuti z’umurwayi.

Akenshi abarwaza birengagiza ibyo umubiri ukeneye ndetse n'uburyo guhumeka umwuka mwiza byunganira ubuzima kandi bakanirengagiza ingaruka zirimbura ubuzima ziboneka mu guhumeka umwuka wanduye wo mu cyumba cy'umurwayi. Iyo bimeze bityo, ubuzima bw'umurwayi bujya mu kaga kandi n'abarwayi ubwabo baba bashobora kwandura indwara bakaba babura amagara mazima ndetse n'ubuzima bwabo.

Iyo uburwayi bwo kugira umuriro mwinshi bwinjiye mu muryango, akenshi haba harimo abantu benshi bahuje uburwayi. Ibi ntibyari bikwiriye kubaho igihe abagize umuryango bitwara mu buryo bukwiriye. Iyo imirire yabo imeze uko bikwiriye, bakarangwa n'isuku kandi bakamenya uburyo umwuka ukenewe, ubwo burwayi bwo kugira umuriro ntibufata undi muntu mu bagize umuryango. Impamvu uburwayi bwo kugira umuriro mwinshi bwibasira imiryango kandi buagafata n'abarwaza ni uko icyumba cy'umurwayi kitarindwa udukoko tw'uburozi twanduza indwara hakoreshejwe kugira isuku no kubona umwuka mwiza.

Ihihe abarwaza bakangukiye ingingo y'ubuzima kandi bakamenya ko umwuka ukenewe kubw'inyungu zabo no kuz'umurwayi maze abavukana n'umurwayi ndetse na we ubwe bakarwanya kwinjiza umwuka n'umucyo mu cyumba cy'umurwayi, icyo gihe ntabwo abarwaza bari bakwiriye kudohoka ngo bareke icyo cyumba cy'umurwayi. Bari bakwiriye kumva ko bambuwe inshigano bafite kuri icyo cyumba. Ntabwo ari inshingano y'umuntu uwo ari we wese guha uburwayi icyuho ndetse no gushyira ubuzima mu kaga bahumeka umwuka urimo uburozi. Niba abarwayi bazapfa bazize ibitekerezo byabo biyobye kandi bagakingiranira hanze y'icyumba cyabo imigisha ikomeye cyane Ijuru ryatanze, nimureke babikore ariko bidahitana n'abagombye kubaho.

Kubera kuzirikana inshingano afite, umubyeyi umwe w'umugoreyavuye mu muryango we maze ajya kwita ku muryayi mu cyumba yari arwariyemo. Muri icyo cyumba nta mwuka winjiragamo maze uwo mugore ararwara bitewe no guhumeka umwuka wanduye wateje ingorane mu mubiri we wose. Nyuma y'igihe yamaze ababazwa cyane, yarapfuye siga abana be. Wa murwayi witaweho kandi akagirirwa impuhwe n'uyu mugore yarakize, nyamara yaba we cyangwa incuti ze ntibigeze basobanukirwa ko ubuzima bw'agaciro kenshi bwatakaye bitewe no kwirengagiza akamaro umwuka mwiza ufite ku buzima. Nta n'ubwo bumvise ko bafite inshingano ku mukumbi wari ushenguwe n'agahinda wari usigaye nta mubyeyi wo kuwitaho ufite.

Rimwe na rimwe ababyeyi b'abagore bemerera abakobwa babo kwita ku barwayi bari mu byumba bitageramo umwuka uhagije bityo ingaruka yabaye iy'uko bagiye babarwa nabo igihe runaka. Bitewe no guhangayika no kwita ku mwana we, umubyeyi yagiye yandura uburwayi kandi akenshi umwe muri bo cyangwa se bombi bagiye bapfa, cyangwa bagasigara ari ibisenzegeri, cyangwa bakaba ibimuga mu buzima bwabo bwose. Hari urutonde rubabaje rw'ibyago bifite inkomoko mu cyumba cy'umurwayi aho umwuka mwiza wo mu kirere utemererwa kugera. Abantu bose bahumeka uyu mwuka urimo uburozi bica amategeko y'ubuzima bwabo kandi bagomba kubona igihano.

Nk'ikintu kiri rusange, usanga abarwayi bananijwe n'ababasura benshi ndetse n'abababahamagara maze bakabananiza babaganiriza ku ngingo zitandukanye kandi bari bakeneye ikiruhuko gituje ntawe ubasagararira. Abantu benshi bagiye bitera kurwara kubera gukoresha imbaraga zabo birenze urugero. Iyo imbaraga zabo zishize bibatera guhagarika gukora maze bagashyirwa ku aho baryama bahababarira. Icyo bakeneye kugira ngo bamererwe neza gusa ni ikiruhuko, kureka ibibahangayikisha, umucyo,

umwuka mwiza, amazi meza ndetse n'ibyokurya bitunganye. Ubugwaneza bukoreshejwe nabi ni bwo butera abantu benshi, bakabya kugira urugwiro, kujya gusura abarwai. Akenshi abarwayi bamara amajoro menshi badasinziye ahubwo bababara nyuma yo kwakira ababasuye. Baba bakanguwe cyane cyangwa se ku rwego rworoheje maze ingaruka ikarushaho kuba mbi cyane ku mbaraga zumubiri wabo ziba zisanzwe zashengutse bityo ingaruka z'uko guhamagarwa kugezweho yabaye iy'uko bagiye barushaho kumererwa nabi cyane kandi ubuzima bwa benshi bwagiye buhatakarira kubera kubura ubwitonzi mu buryo buboneye.

Rimwe na rimwe gusurwa binezeza abarwayi ndetse no kumenya ko incuti zitigeze zibibagirwa mu mibabaro yabo. Nyamara n'ubwo uko gusura gushobora kuba kwaranejeje, akenshi guhamagarwa [k'umurwayi] kwagiye gusubiza ibintu irudubi igihe umurwayi yabaga ari koroherwa, maze ahubwo bikamumanura bikamugeza ku rupfu. Abantu badashobora kwigira ingirakamaro bari bakwiriye kwigengesera mu byerekeye gusura abarwayi. Nib anta kiza bashobora gukora, ntubakwiriye kwangiriza. Nyamara kandi abarwayi ntibakwiriye kwirengagizwa.

Bakwiriye kwitabwaho mu buryo bukomeye kandi bakabona urugwiro rw'incuti zabo n'abo mu miryango yabo.

Hari ingorane nyinshi zagiye ziba ku barwayi ziturutse ku muco wabaye akarande wo kugira ababaguma iruhande mu majoro yose. Ibi bishobora kuba ngombwa igihe umurwayi amerewe nabi cyane, nyamara akenshi iyi mikorere igirira nabi umurwayi kurusha uko imugirira neza. Gufungirana umwuka ntiwinjire mu cyumba cy'umurwayi byagiye biba umuco. Muri make umwuka wo mu byumba nk'ibyo uranduye cyane kandi ibyo bituma umurwayi arushaho kuremba. Icyiyongera kuri ibi ni uko kugira umurwaza umwe

cyangwa babiri maze bagakoresha wa mwuka muke mwiza ushobora kwinjira mu cyumba cy'umurwayi mu myenge y'amadirishya n'inzugi, ni ukugomwa abarwayi iyi mbaraga ikomeza ubuzima maze bagasigara babaye ibisenzegeri kurusha uko bari kumererwa iyo baza kuba baretswe bakaba bonyine. Ntabwo ako kaga gahagararira aho. Ndetse n'umurwaza umwe azateza ingorane nyinshi cyangwa nke, kandi ibyo bikabuza umurwayi amahemo. Nyamara akenshi ahari abarwaza babiri bashobora kuganira, ndetse rimwe na rimwe bakaganira buhoro. Ariko akenshi kongorerana birangiza cyane kandi bigakangura imyakuray'umurwayi kurusha kurusha kuvuga cyane.

Abarwayi barara amajoro menshi badasinziye babababara bitewe n'abarwaza. Iyaba bari baretswe bagasigara bonyine nta mucyo uri mu cyumba bazi ko abantu bose baruhutse, barushaho gusinzira kandi bakanguka mu gitondo basubijwemo imbaraga. Guhumeka umwuka mwiza winjira mu cyumba cy'umurwayi bifite agaciro gakomeye cyane nubwo abenshi mu barwayi batita cyane kuri iyi ngingo. Bumva bacitse intege cyane kandi ntibazi ikibazo icyo ari cyo. Umwuka mwiza winjiye mu cyumba cyabo wakabateye imbaraga mu buryo bunejeje.

Nyamara niba batinya umwuka maze bakikingirana ntibagerweho n'uyu mugisha, ntibyari bikwiye ko n'umwuka muke ubageraho wakoreshwa n'abarwaza cyangwa cyangwa umucyo w'amashanyarazi. Niba bishoboka, abarwaza bakwiriye kureka abarwayi bakaba ahantu hatuje kandi bakaruhuka mu ijoro maze abakajya mu cyumba cyegereye icy'umurwayi.

Amajwi atari ngombwa ndetse n'urusaku bikwiriye kurindwa kuba mu cyumba cy'umurwayi, kandi inzu yose yari ikwiriye kuba ituje mu buryo bwose bushoboka. Ubujiji, kwibagirwa no kwirengagiza byagiye biteza impfu

z’abantu benshi bagombaga kubaho iyo bitabwaho mu buryo bukwiye n’abarwaza bashyira mu gaciro kandi batekereza neza. Inzugi zigomba gukingwa kandi zigakinguranwa ubwitonzi kandi abarwaza bakwiriye kudahubuka, bagatuza kandi bakitwararika.

Niba bishoboka icyumba cy’umurwayi cyari gikwiriye kugira umwuka ucyinjiramo ku manywa na nijoro. Uwo mwuka ntukwiriya guhita ugera ku murwayi. Igihe umurwayi afite umuriro mwinshi, gutuma agerwaho n’akabeho nta kibi kinini cyaba gihari. Nyamara hakenewe ubwitonzi budasanzwe igihe ahinduriwe wa muriro ukamuvamo. Bityo kwita ku murwayi ubudatuza bishobora kuba ngombwa kugira ngo umubiri ukomeze kugira imbaraga zo kubaho. Umurwayi agomba kugira umwuka mwiza umutera imbaraga. Niba nta bundi buryo bwakoreshwa, aho bishoboka, umurwayi akwiriye kujyanwa mu kindi cyumba no ku kindi gitanda igihe icyumba cy’umurwayi ndetse n’igitanda cye biri gusukurwa hifashishijwe koherezamo umwuka. Niba abantu batarwaye baba bakeneye imigisha y’umucyo n’umwuka kandi bagakenera kugira akamenyero k’isuku kugira ngo bakomeze kumererwa neza, abarwayi bo babikeneye mu buryo bukomeye ugereranyije n’uburyo baba bamerewe nabi.

Iyaba abantu bose bakoraga kugira ngo bakumire uburwayi, imibabaro myinshi yakurwaho binyuze mu gukurikiza amategeko agenga ubuzima. Akamenyero ku kugira isuku gakwiye gukurikizwa nta gukebakeba. Igihe abantu benshi batarwaye ntibajya birinda akaga kababuza gukomeza kumererwa neza. Birengagiza kugira isuku ku mibiri yabo kandi ntibigengesera ngo bagire imyambaro isukuye. Imyanda ihora yinjira mu mubiri mu buryo butagaragarira amaso inyuze mu twenge tw’uruhu, kandi iyo inyuma ku ruhu hatarinzwe, umubiri uremererwa n’imyanda. Iyo imyenda

yambarwa itameswa kenshi kandi ngo igerwemo n'umwuka mwiza yuzura imyanda isohoka mu mubiri. Iyo imyenda yambarwa itameswa kenshi ngo ikurwemo iyo myanda, twa twenge tw'uruhu twongera kumira ya myanda yari yasohotse. Ya myanda yavuye mu mubiri iyo itemerewe kugenda, igaruka mu maraso maze ikajya mu myanya y'umubiri y'imbere. Kugira ngo imbaraga kamere z'umubiri zibashe kwikuraho iyi myanda y'uburozi, zirakora cyane kugira ngo zirengere umubiri kandi ibyo bigatera kugira umuriro mwinshi maze ibyo bikabyara uburwayi. Nyamara n'igihe bimeze bityo, iyaba abo barwaye babashaga gufasha imbaraga kamere z'umubiri mu rugamba rwazo bagakoresha amazi meza afutse, umubabaro mwinshi wakwirindwa. Nyamara aho kugira ngo abantu benshi bagenze batya kandi ngo bashae gukura imyanda y'uburozi mu mubiri bashyiramo ubundi burozi bwica (imiti) kugira ngo bakuremo ubusanzwe burimo.

Iyaba buri muryango wabonaga ibyiza byo kugira isuku, abawugize bakoresha imbaraga zidasanzwe kugira ngo bakure imyanda yose muri bo no mu mazu yabo, kandi izo mbaraga bazikoresha ku nyubako zabo no mu mirima yabo. Abantu benshi babona imboga zaboze ziguma mu mirima yabo. Ntabwo bakangutse ngo babone ingaruka z'ibyo bintu. Ibyo bintu byaboze bihora bicumba ibyuka binuka biroga umwuka. Kubwo guhumeka umwuka wanduye, amaraso nayo ajyamo uburozi, ibihaha bikangirika maze umubiri wose ukarwara. Indwara z'amoko hafi ya yose zizaterwa no guhumeka umwuka wandujwe n'ibyo bintu byaboze.

Imiryango myinshi yagiye ibabazwa n'indwara zo kugira umuriro mwinshi, abantu bamwe bagiye bapfa maze abasigaye mu muryango bagiye bivovotera Umuremyi wabo bitewe no kubabazwa no gupfusha ababo mu gihe impamvu nyayo y'ubwo burwayi n'impfu ari ukutagira icyo bitaho

kwabo. Imyanda iri mu mirima yabo ni yo yabateye indwara zandura ndetse n'imibabaro ikomeye bashyira ku Mana. Umuryango wese uha ubuzima agaciro wari ukwiriye gusukura amazu yawo n'ubusitani bwabo bakuramo ibintu byaboze.

Imana yategetse ko Abisirayeli badakwiye na gato kwemera imyanda mu bantu babo cyangwa mu ku myambaro yabo. Ababaga bafite ubwandu bwihariye ubwo ari bwo bwose bashyirwaga hanze y'inkambi kugeza nimugoroba, bityo bagasabwa kwiyuhagira no kumesa imyambaro mbere y'uko bongera kwinjira mu nkambi. Na none kandi bari barategetswe n'Imana kutagira imyanda iba aho babaga bambye amahema yabo kugira ngo Imana itahanyura maze ikabona umwanda wabo.

Mu byerekeye isuku, ntabwo ibyo Imana isaba abantu bo muri gihe biciye bugufi y'ibyo yasabye Abisirayeri ba kera. Kwirengagiza kugira isuku bizatera indwara. Uburwayi n'impfu z'imburagihe ntibiza nta mpamvu ibiteye. Indwara zo kugira umuriro mwinshi ndetse n'indwara z'ibikatu zagiye zirangwa mu midugudu no mu mijyi yagiye irangwa no kugira amagara mazima kandi abantu bamwe barapfuye mu gihe abandi bagiya basigara ari ibisenzegeri bararemajwe n'uburwayi mu buzima bwabo bwose. Akenshi ubusitani bwabo bwabaga burimo ibintu byangiza byohereza mu kirere uburozi bwica bwo guhumekwa n'ab'imiryango yabo ndetse n'abaturanyi. Rimwe na rimwe kujenjeka no kwirengagiza ni ibya kinyamaswa, kandi gusuzugura ingaruka ibyo bintu bifite ku buzima biratangaje. Ahantu nk'aho hari hakwiye gusukurwa mu mpeshyi hifashishijwe umuti usukura ubutaka cyangwa ivu, cyangwa guhamba imyanda buri munsi.

Amazu make ararimbishijwe cyane, ari ukuriga ngo abantu banezeze ubwibone kandi bakire abashyitsi atari ukugira ngo umuryango wabo

umererwe neza, kandi ugire ubuzima bwiza. Ibyumba byiza bikomeza kuba mu mwijima. Umucyo n'umwuka bikingiranirwa hanze kugira ngo umucyo wo mu ijuru utabasha kwangiza iyo mitako ihenze, ikangiza amatapi cyangwa ugahindura ibara ry'amafoto atatswe. Iyo abashyitsi bicajwe muri ibyo byumba birimkbishijwe mu buryo buhenze, baba bafite akaga ko kurwara ibicurane bitewe n'umwuka nk'uwo mu bubiko uba ubyuzuye. Ibyumba byo kuganiriramo n'ibyo kuryamamo nabyo biba bifunzwe mu buryo nk'ubwo kandi binatewe n'impamvu nk'izo. Umuntu wese uryama kuri ubwo buriri bitigeze birekwa ngo byinjiremo umucyo n'umwuka babikora bashira ubuzima mu kaga ndetse akenshi n'ubugingo ubwabo.

Ibyumba bitagerwamo umucyo n'umwuka birakonja. Igitanda n'ibigishasheho bizana ubukonje bityo umwuka uri mu cyumba ukaba uburozi bitewe n'uko uwo mwuka utigeze usukurwa n'umucyo n'umwuka. Indwara zitandukanye zagiye ziterwa no kuryama muri ibyo byumba bigezeweho byangiza ubuzima. Umuryango wose uha agaciro ubuzima ukaburutisha gushimwa n'abashyitsi banyurwa n'ibigezweho, uzatuma icyumba cyose cy'amazu yabo kigerwamo n'umwuka ndetse n'umucyo mwinshi mu gihe cy'amasaha menshi buri munsi. Nyamara abantu benshi bazikurikirira ibigezweho cyane ku buryo bahinduka imbata zabyo, bakaba bahitamo kurwara ndetse no gupfa aho kugira ngo baereke kugendana n'ibigezweho. Bazasarura ibyo babibye. Bazabaho bajyana n'bigezweho kandi ingaruka ibabere indwara, bavuzwe uburozi bugezweho maze bapfe urupfu rugezweho.

Mu buryo bw'umwihariko ibyumba byo kuryamamo byagombye kwinjizwamo umwuka bihagije, kandi umwuka ubirimo ugasukurwa n'umucyo n'umwuka (uva hanze). Amadirishya akwiriye kurekwa kaba akinguye amasaha

menshi buri munsi, ibitambaro byayo bigashyirwa iruhandemaze icyumba kikinjiramo umwuka mu buryo buhagije. Nta kintu gikwiriye gusigaramo kibasha kwanduza umwuka.

Imiryango myinshi irwaye inkorora ikomeye, indwara z'ibihaha n'umwijima ni yo yiyanduje izo ndwara kubera imikorere yayo. Ibyumba bararamo ni bito, ntibihagije ngo umuntu abiraremo n'ijoro rimwe nyamara ibyo byumba babimaramo ibyumweru byinshi, amezi ndetse n'imyaka myinshi. Bakomeza gukinga amadirishya n'inzugi batinya ko barwara ibicurane haramutse hari imyenge ikinguye ituma umwuka winjira. Bahumeka umwuka umwe inshuro nyinshi kugeza ubwo wuzuye imyanda y'uburozi n'indi myanda isohoka mu mibiri yabo inyuze mu bihaha ndetse n'utwenge two ku ruhu. Abantu nk'abo bashobora kugenzura icyo kibazo maze bakibonera umwuka wanduye wo mu byumba byabo bifunganye bakoresheje kwinjira muri ibyo byumba bari bamaze umwanya bari mu mwuka mwiza. Bashobora kugira icyo bamenya ku myanda binjije mu maraso yabo binyuze mu guhumeka kw'ibihaha. Abantu nk'abo bangiza ubuzima bwabo bagomba kubabazwa n'uburwayi. Abantu mbose bari bakwiriye gufata ko umucyo n'umwuka biri mu migisha ikomeye Ijuru ryatanze.

Ntabwo bakwiriye gukingirana iyi migisha nk'aho ari abanzi.

Ibyumba abantu baryamamo bikwiriye kuba bigari kandi bikaba bitunganijwe ku buryo umwuka winjiramo neza haba ku manywa na nijoro. Abantu bakingiraniye umwuka hanze y'ibyumba bararamo bakwiriye gutangira guhindura imikorer yabo vuba vuba. Bakwiriye kureka umwuka ukinjira buhoro buhoro, kandi bakongera kwinjira kwawo kugeza ubwo bawukenera mu mpeshyi no bihe by'ubukonje nta ngorane yo kurwara ibicurane bafite.

Kugira ngo bagire ubuzima buzira umuze, ibihaha bigomba kubona umwuka mwiza.

Abantu batigera bagira umwuka winjira nta nkomyi mu byumba bararamo nijoro, akenshi babyuka bumva bananiwe, batentebutse ariko ntibamenye impamvu. Icyo umubiri wose wari ukeneye ni umwuka ubeshaho ubuzima nyamara ukaba utashoboye kuwubona. Igihe abantu benshi babyutse mu gitondo bari bakwiriye kwiyuhagiza agatambaro kabugenewe cyangwa se byababera byiza bagakoresha n'amazi mu ibesani. Ibi bizakura umwanda ku ruhu. Ikindi kandi amashuka n'ibindi baryamaho bikwiriye gukurwa ku gitanda bafata kimwe kimwe maze bigashyirwa ahantu hari umwuka. Amadirishya akwiriye gukingurwa ibiyatwikira nabyo bigakurwaho bityo umwuka ukinjira mu byumba byo kurwamamo nta nkomyi mu gihe cy'amasaha menshi cyangwa se umunsi wose. Muri ubu buryo uburiri ndetse n'amashuka n'ibiringiti bizinjiramo umwuka neza kandi imyanda izakurwamu cyumba. Ibiti bitwikira ndetse n'ibihuru binini kandi byegereye inzu si byiza; kubera ko bituma umwuka utagenda nta nkomyi kandi bikabuza imirasire y'izuba kurasa ikinjira mu nzu neza. Ingaruka ivamo ni uko mu nzu haba ubukonje. By'umwihariko mu bihe by'ubukonje, ibyumba abantu bararamo biba ubutita maze abantu babiraramo bakarwara rubagimpande, kubabara ibikanu n'umutwe ndetse n'ibibazo by'ibihaha biza ahanini kubyara igituntu. Ibiti byinshi bigira igicucu buhungura amababi menshi aza kubora iyo adahise akurwaho maze agahumanya ikirere. Ubusitani burimbishijwe ibiti bigira amashami magari ndetse n'ibihuru bimwe byitaruye inzu bitera umuryango kunezerwa kandi nibyitabwaho neza ntibizangiza ubuzima. Aho bishoboka, amazu yo guturamo yari akwiriye kubakwa ahantu hatumburutse kandi humutse. Iyo inzu yubatswe ahantu amazi ayikikiza akahamara igihe

maze akazaza gukama, hazamo udukoko tugira uburozi maze ingaruka ikazaba kurwara indwara y'umuriro mwinshi, maraliya, inkorora y'igikatu ndetse n'indwara z'ibihaha.

Abantu benshi bagiye bitega ko Imana izabarinda uburwayi bitewe gusa n'uko bayibisabye. Nyamara Imana ntuyitaye ku masengesho yabo kubera ko kwizera kwabo kutatunganyijwe n'imirimo. Ntabwo Imana izakora igitangaza ngo irinde indwara abantu batiyitaho ahubwo bakomeza kwica amategeko agenga ubuzima kandi ngo bakoreshe umuhati bakumira indwara. Iyo ku ruhande rwacu dukora ibyo dushoboye byose kugira ngo tugire ubuzima bwiza, icyo gihe tubasha kwiringira ko hazakurikiraho ingaruka nziza kandi mu kwizera, tubasha gusaba Imana guhira umuhati dukoresha tubungabunga ubuzima. Bityo Imana izasubiza isengesho ryacu kandi izina ryayo rihabwe ikuzo. Ariko nimureke abantu bose basobanukirwe ko bafite umurimo bagomba gukora. Ntabwo Imana izakora mu buryo bw'igitangaza kugira ngo ibungabunge ubuzima bw'abantu biyobora mu nzira ibatera kurwara bitewe no kutita ku mategeko agenga ubuzima kwabo. – *How to Live*, No. 4, pp. 54-64.

IGICE CYA 5

Muri iki gihe turimo cyo gusubira inyuma mu gihagararo, abana bavuka imibiri ifite intege nke. Ababyeyi batangazwa n'impfu nyinshi zirangwa mu bana bato n'urubyiruko maze abakavuga bati, "Ibi si ko byari bisanzwe

bigenda.” Kera abana bari barushijeho kugira amagara mazima kandi bafite imbaraga badasaba kwitabwaho cyane nk’uko bigenda ubu. Nyamara uko ibtabwaho kose muri iki gihe, bagira imbaraga nke, bagasigingira kandi bagapfa. Nk’ingaruk ay’ibyo ababyeyi bagize akamenyero, indwara n’ubumuga byagiye byanduzwa urubyaro rwabo.

Iyo bamaze kuvuka barushaho kugirwa nabi cyane nokutita ku mategeko agenga ubuzima bwabo. Kwitabwaho mu buryo butunganye byajyaga ubuzima bwabo bw’umubiri burushaho kumera neza. Nyamara si kenshi ababyeyi bakora ibitunganye ku byerekeye abana babo bato ngo bazirikane umurage ubabaje bamaze kubaha. Imikorere yabo mibi ku byerekeye abana babo ibyara kugabanya igihe cyabo cyo kubaho maze ikabategurira gupfa imburagihe. Aba babyeyi ntibari babuze gukunda abana babo nyamara urwo rukundo rwakoreshejwe nabi. Ikosa rikomeye cyae umubyeyi w’umugore akora mu kwita ku mwana we ni ukumubuza kubona umwuka mwiza mwinshi wagombye gutuma uwo mwana agira imbaraga. Ababyeyi b’abagore benshi bakunda gutwikira imitwe y’abana babo igihe abo bana basinziriye kandi ibi bigakorerwa no mu cyumba gishyushye kidakunze kwinjiramo umwuka uko bikwiye. Ibi byonyine birahagije kugira ngo bibashe guca intege cyane imikorere y’umutima n’ibihaha maze bikangiza umubiri wose. Nubwo kwita ku mwan a bikenewe kugira ngo arindwe umuyaga cyangwa izindi mpinduka zitunguranye kandi zikomeye, kwigengesera mu buryo bwihariye bigomba kubaho kugira ngo umwana umwana abashe guhumeka umwuka mwiza utera umubiri imbaraga. Nta kinuko gikwiriye kuguma aho abana bato baryamishwa cyangwa hafi y’umwana. Ibintu nk’ibyo ni bibi cyane ku mwana uba ufite intege nke kurusha abantu bakuru.

Ababyeyi b'abagore bagiye bagira akamenyero ko kwambika abana babo bashingiye ku bigezweho aho kwita ku buzima. Ububiko bw'imyenda y'umwana butegurirwa kugaragara neza hitawe cyane ku kubwerekana kurusha kwita ku kuba bukwiriye kandi butunganye. Igihe cyinshi gitakarizwa mu gushyira imirimbo ku mpera z'imyenda y'umwana ndetse no mu gukora indi mirimo itari ngombwa kugira ngo imyenda y'ako kana ibe myiza. Akenshi umubyeyi w'umugore akora iyi mirimo yangiza ubuzima bwe bwite n'ubw'urubyaro rwe. Mu gihe yagombye kuba anezejwe no gukora imyitozo ngororangingo, akenshi aba ahugiye mu mirimo ari byo binaniza amaso n'imyakura. Bityo akenshi bijya bikomera gukangurira umubyeyi inshingano ze zikomeye zo kwita ku mbaraga ze bwite kubw'ibyiza bye bwite n'iby'umwana we.

Iyamamaza n'ibigezweho ni urutambiro rw'abadayimoni abagore benshi b'Abanyamerika batambiraho abana babo. Umugore yambika ako kana gato imyambaro igezweho yamutwaye ibyumweru byinshi ayikora kandi idakwiriye rwose mu mikoreshereze yayo ubuzima bubaye bwitaweho. Iyo myenda igirwa miremire mu buryo bukabije , kandi kugira ngo igume ku bana imibiri yabo ikenyezwa imikandara ibahambiriye kandi ibyo bikabangamira imikorere y'umutima n'ibihaha. Abana bato na none bahatirwa kwikorera umutwaro utari ngombwa bitewe n'uburebure bw'imyambaro yabo kandi iyo bambaye batyo ntibaba bafite umudendezo wo gukoresha imikaya y'umubiri ndetse n'amaboko n'amaguru byabo.

Ababyeyi b'abagore bagiye batekereza ko ari ngombwa gukanda imibiri y'abana babo bato kugira ngo bakomeze kugira ikimero cyiza bameze nk'abatinya ko aba bana baramutse badafite ibyo bibahambiriye bacikamo uduce cyangwa bakagorama. Mbese imiterere y'umubiri w'inyamaswa

ihindurwa n'uko nt cyo zkorerwa? Mbese amaguru n'amaboko yazo agorekwa n'uko

zidafite ibizihambiye kugira ngo zigire igihagararo cyiza? Zaremwe mu buryo butangaje kandi bwiza. Abana b'abantu bo batunganye kurushaho nyamara nibo b'impezamajyo cyane mu byaremwe n'Imana byose,kandi kubw'ibyo ababyeyi babo bari bakwiriye kwigishwa ibyerekeye amategeko agenga umubiri kugira ngo babashe kubarera bafite ubuzima bwiza bw'umubiri, ubwenge n'imico mbonera. Babyeyi, uko abana banyu bavutse byabahaye imiterere y'umubiri idakeneye kugira ibyo ikenyzwa cyangw ango ihambirizwe kugira ngo itungane. Imana yabahaye amagufa ndetse n'imihore y'umubiri byo kubakomeza kandi birinde imikorere itunganye y'umubiri mbere y'uko yegururwa mwe ngo muyiteho.

Umwambaro w'umwana wari ukwiriye kuba udozwe ku buryo igihe azaba amaze kurya umubiri we utazaba uhambiriye. Kwambika abana mu buryo bugezweho kugira ngo babashe werekwa abashyitsi babatangarire, ni ukubagirira nabi cyane. Imyambaro yabo idozwe mu buryo bwa gihanga igatuma umwana yumva atamerewe neza, kandi akenshi ntibibe byoroshye kuyihererekanya iva ku mwana umwe ijya ku wundi mu gihe bose bayikunze. Nyamara hari akaga gakomeye cyane kurushya akavuzwe mbere. Abana bato bashyirwa ahari umwuka wandujwe n'imyuka mibi abantu bahumetse. Imwe muri iyo myuka yangiza cyane n'ibihaha bikomeye by'abantu bakuru. Ibihaha by'abana bato birangirika kandi bikarwa bitewe no guhumeka umwuka wo mu cyumba washyizwemo uburozi no guhumeka kw'abantu babaswe n'itabi. Abana benshi binjiza uburozi mu mibiri yabo ku rwego rukabije cyane bitewe no kurarana n'ababyeyi babo b'abanywi b'itabi. Bitewe no guhumeka umwuka w'uburozi w'itabi usohoka mu bihaha no mu

twengeruhu, umubiri w'umwana wuzura uburozi. Kuri bamwe uwo mwuka ukora nk'uburozi bwica buhoro buhoro, kandi ukangiza ubwonko, umutima, umwijima n'ibihaha bityo bakagenda bananuka banacika intege buhoro buhoro. Ku bandi uwo mwuka ugira uhita utera ingaruka zihuse ugatera kwikaya gutunguranye kw'imihore y'umubiri, uburambywa, kugagara kw'igice kimwe cy'umubiri ndetse n'urupfu rutunguranye. Ababyeyi bapfushije abana barizwa n'urupfu rw'abo bana bakunda kandi bagashidikanya buntu bw'Imana bugoye gusobanukirwa bwabateye kubabara bene ako kageni mu gihe Imana itigeze itegura urupfu rw'abo bana. Aba bana bapfa bazize irari ribi ry'itabi. Mu bujiji bwabo, ababyeyi ubwabo bicisha abana babo uburozi. Buri guhumeka kose kw'ibihaha by'umuntu wabaswe n'itabi gukwiza uburozi mu mwuka umukikije. Abana bakwiriye kurindwa ikintu cyose gishobora guteza ingaruka yo gukoresha ubwonko mu buryo bw'indengakamere kandi ku manywa na nijoro haba igihe bari maso cyangwa basinziye, bakwiriye guhumeka umwuka mwiza usukuye, utuma bagira amagara mazima utarimo uburozi.

Iyindi mpamvu ikomeye y'imfu z'abana n'urubyiruko, ni akamenyero ko kutambika intugu zabo n'amaboko yabo. Aka kamenyero ntigawiriye gushyigikirwa rwose kuko katwaye ubuzima bw'abana ibihumbi byinshi. Umuyaga, kuhagira amaboko n'amaguru ndetse no mu maha bikonjesha iyo myanya y'umubiri yegereye imyanya ikomeye cyane y'umubiri kandi biakabangamira gutembera kw'amaraso, bigatera indwara ariko by'umwihariko nk'indwara z'ibihaha n'ubwonko. Abantu babona ko ubuzima bw'abana babo burusha agaciro gushimagizwa n'abashyitsi birimo ubupfapfa cyangwa guhimbazwa nabo, bazahora bambitse intugu n'amaboko by'abana babo bakunda. Amaso y'umubyeyi w'umugore akenshi yagiye arangarira ibara ry'amaboko n'ibiganza by'umwana we, kandi uwo

mubyeyi yagiye agirwa inama ku byerekeye ubuzima ndetse n'iyi mikorere yangiza ubuzima. Akenshi yagiye asubiza ati: "Igihe cyose nambika abana banjye muri ubu buryo. Barabimenyereye. Sinshobora kwihanganira kubona amaboko y'abana yambitswe. Biragaragara ko bitakigezweho." Aba babyeyi bambika abana babo bato mu buryo batatinyuka kwitambika ubwabo.

Bazi ko amaboko yabo ubwabo abaye atambitswe yatitira bitewe n'ubukonje. Mbese abana bato batyo bashobora kwihanganira ubwo buryo bubagagaza batagize icyo baba? Igihe bavutse, abana bamwe babasha kuba bafite imibiri ikomeye ku buryo bashobora kwihanganira uko kononwa ntibitware ubuzima bwabo; nyamara abana ibihumbi byinshi bashyirwa mu kaga, kandi abandi batabarika bafite urufatiro rushingiwe ubuzima bw'igihe gito kandi bumugaye bitewe n'umuco wo guhambira umubiri no kuwushyiraho imyambaro myinshi mu gihe amaboko yitaruye umubiri yambaye ubusa kandi kubw'iyo mpamvu ari yo yari akeneye gufubikwa cyane kurusha igituza n'ibihaha. Mbese ababyeyi b'abagore bafata abana batyo bashobora kwitega ko bagira abana bamerewe neza kandi bafite ubuzima buzira umuze?

Iyo amaguru n'amaboko byabaye ubutita, amaraso ava muri ibyo bice by'umubiri maze akisubirira mu bihaha no mu mutwe. Itembera ry'amaraso rigabanya umuvuduko maze imikorere myiza y'umubiri ntigende neza. Umubiri w'umwana ubura amahoro maze umwana akarira bitewe n'uko kubabara yashyizwemo.

Umubyeyi we aramugaburira yibwira ko uwo mwana ashonje mu gihe ibyokurya nta kindi bikora uretse kumwongerera umubabaro. Imyenda imuhambiriye n'igifu cyuzuye ntibyumvikana. Wa mwana nta mwanya wo guhumekeramo aba afite. Umwana abasha gutaka, arwana no kubona uko

yahumeka nyamara umubyeyi we ataramenya impamvu. Iyaba uwo mubyeyi yari asobanukirwa n'imiterere y'icyo kibazo, yahita amworohereza nibura amukuyemo iyo myenda imuhambiye. Iyo bitinze agira ubwoba maze agatekereza ko umwana we arwaye bityo agatumiza ku muganga. Wa muganga yitegereza uwo mwana igihe gito yumiwe maze akamuha imiti y'uburozi cyangwa ikindi kintu kiryohereye cyo kumworohereza umubyeyi we amunywesha akurikije amabwiriza yahawe adakebakeba. Niba uyu mwana atatewe uburwayi mbere, mu by'ukuri aba abwanduye nyuma yo kumukorera ibi. Noneho wa mwana aba arwaye indwara yatewe n'imiti ari yo ndwara ikomeye kandi idakira mu zindi zose. Iyo uwo mwana yorohewe, aba afite ingaruka z'iyo miti y'uburozi mu mubiri we mu buryo bworohej cyangwa bukomeye kandi aba abasha kurwara indwara yo kwikayura kw'imihore y'umubiri mu buro butunguranye, indwara z'umutima, kugira amazi mu bwonko cyangwa igituntu. Abana bato bamwe ntabwo bakomeye ku buryo buhagije ku buryo babasha kwihanganira n'uburozi buke bwo mu miti kandi iyo imbaraga kamere z'umubiri zikusanya ngo zihangane n'uwo mwanzi, imbaraga zibeshaho ubuzima ziba zarananiwe mu buryo bukomeye bityo urupfu rugashyira iherezo ku kibazo.

Ntabwo bitangaje muri iki gihe kubona umubyeyi akubita hirya no hino iruhande rw'uburiri bw'umwana we ubabaye kandi uri hafi yo gupfa, umutima w'uwo mubyeyo washenguwe n'intimba igihe yumva umwana we asamba agatera akuka ka nyuma. Bimubera amayobera kubona Imana yababaza ityo ako kana k'inzirakarengane. Ntabwo uwo mubyeyi atekereza ko imikorere ye mibi ari yo iteje iyo ngaruka ibabaje cyane. Ni we uba warimbuye ubuzima bw'umwana nk'uwamuhaye uburozi. Ntabwo indwara ipfa kuza nta mpamvu yayiteye. Inzira ibanza gutegurwa maze indwara

igahamagarwa no kwirengagiza amategeko y'ubuzima. Ntabwo Imana yishimira imibabaro n'urupfu by'abana bato. Ibaragiza ababyeyi kugira ngo babarere mu buryo bw'umubiri, ubwenge no mu mico mbonera, kandi babatoze kuba ingirakamaro muri iyi si no kuzaba mu Ijuru.

Iyo umubyeyi w'umugore agumye mu bujiji mu byerekeye ibyo umubiri w'umwana ukeneye maze ingaruka ikaba kurwara k'umwana, ntabwo uwo mubyeyi akwiriye kwitega ko Imana izakora igitangaza cyo kubangamira ibyo yakoze atera umwana we kurwara. Hari abana ibihumbi byinshi bapfuye kandi barabashaga kubaho. Bazize ubujiji bw'ababyeyi babo bwo gusuzugura ingaruka ibyokurya, imyambaro ndetse n'umwuka bahumeka bifite ku magara yabo n'ubuzima bwabo. Mu gihe ncyashize, ababyeyi b'abagore bagombye kuba barabereye abana babo abaganga. Igihe umubyeyi w'umugore yakoresheje arimbisha bikabije utubati tw'imyenda y'abana, yagombey kuba yaragikoresheje ashaka kugera ku mugambi mwiza: yigisha ubwenge bwe ibyerekeye ibyo umubiri we bwite ukeneye ndetse n'iby'urubyaro rwe. Uwo mubyeyi yagombye kuba yaruzuzaga ubwenge bwe ubumenyi bw'ingirakamaro mu byerekeye inzira nziza yagombye gukurikiza arera abana be bakagira ubuzima buzira umuze azirikana ko ab'ibisekuru byinshi babasha kuzangirizwa n'imikorere ye cyangwa bakazayungukiramo.

Ababyeyi bafite abana babateza ibibazo kandi bahora bigunze bakwiriye kwiga impamvu y'iyo nyifato. Nibakora batyo, akenshi bazabona ko hari ikintu kitagenda neza mu buryo bacunga abana babo. Bikuze kubaho ko umubyeyi aterwa ubwoba n'ibimenyetso by'uburwayi bigaragara ku mwana we maze agahita yihutira guhamagara umuganga mu gihe uburibwe bw'uwo mwana bwari bukwiriye koroshwa no kumukuramo imyenda imuhambiriye

maze akamwambika imyenda irekuye ku buryo abasha gukoresha amaguru ye n'amaboko. Ababyeyi bakwiriye kwiga bakamenya impamvu y'ibintu n'ingaruka biteza. Niba umwana yarwaye ibicurane, muri rusange biba byaturutse ku kumufata nabi k'umubyeyi we. Niba umubyeyi atwikira umutwe wumwana ndetse n'umubiri wose igihe asinziriye, mu kanya gato wa mwana azabira ibyuya bitewe no guhumeka bimugoye nabyo byatewe no kubura umwuka mwiza. Igihe akuye uwo mwana mu bimufubitse, wa mwana azarwara ibicurane. Iyo amaboko y'umwana atambitswe imyenda, ibyo bibasha kumutera guhorana ibicurane no gutuma ibihaha biziba n'ubwonko bukuzuramo amaraso. Gufata umwana muri ubwo buryo bimutegurira inzira yo kurwaragurika no kudakura neza.

Ababyeyi bafite inshingano ku buzima bw'umubiri bw'abana babo ku rwego rukomeye. Abo bana babana n'ingaruka z'uko bafashwe nabi bakiri bato ntibanabura guhura n'ingorane mu bwana bwabo. Ababyeyi babo bakomeza kubagirira nabi. Usanga amaguru yabo n'amaboko byao bisa n'ibyambaye ubusa. Abantu baha agaciro ibigezweho kubirutisha ubuzima, bambika abana babo ibikomo. Ibikomo nta cyo bimaze, si umwambaro ukwiye kandi ntibituma ubyambaye agira amagara mazima. Bibuza imyambaro kwegera umubiri. Bityo ababyeyi b'abagore bambika igice cyo hejuru cy'amaguru yabo bakacyambika udupantaro tubahambiriye kandi tugera mu mavi, mu gihe igice cyo hasi gitwikirijwe utwenda tworoshye naho ibirenge byo bikambikwa inkweto zibafashe. Kuba imyambaro yabo itegereye umubiri bitewe n'ibikomo bituma batabona ubushyuhe buhagije bukomotse kuri iyo myambaro bityo amaboko yabo agakomeza kugeraho umuyaga ukonje. Intoki zirakonja cyane zikagagara maze umutima ukagira umurimo wikubye kabiri wo kugeza amaraso muri izo ntoki zagagaye maze igihe amaraso

arangije kuzenguruka mu mubiri bityo akagaruka mu mutima, agaruka adafite ubushyuhe nk'ubwo yajyanye. Aba yakonjeshejwe mu rugend yakoze anyura mu maboko. Wa mutima waciye intege no gukora cyane ndetse no gutembera kugoye kw'amaraso atameze neza, usabwa gukoresha imbaraga nyinshi kugira ngo wohoreze amaraso mu bice biri ku mpera z'umubiri biba bidashyushye nk'ibindi bice by'umubiri. Umutima ukoresha imbaraga ukananirwa maze amaboko n'amaguru bigahora bikonje bityo amaraso yakonjeye mu muri ibyo bice akongera koherezwa mu bihaha no mu bwonko. Ingaruka ivamo iba kubyimba ndetse no kuzura amaraso kw'ibihaha cyangwa ubwonko.

Ababyeyi nibo Imana ibaraho indwara zibabaza abana babo. Ababyeyi b'abagore batwarwa n'ibigezweho maze bagashyira mu kaga ubuzima n'imibereho by'abana babo. Ababyeyi benshi ntibazi ingaruka z'iyo mikorere yabo yo kwambika abana babo muri ubwo buryo. Ariko se ntibari bakwiriye kugira icyo biyigisha babonye bari mu kaga? Mbese babyeyi ubujiji ni urwitwazo ruhagije kuri mwe mufite imbaraga zo gutekereza? Mubasha kugira icyo mwiigisha niba mubishaka maze mukambika abana banyu mu buryo butuma bagira amagara mazima.

Ababyeyi bashobora kutagira icyizere cy'uko abana babo bazagira amagara mazima igihe babambika ibitambaro byo mu majosi ndetse n'ibitwikira igituza n'amaboko, bagashyira imyenda myinshi kuri ibyo bice by'umubiri bitayikeneye cyane maze bya bice byo ku mpera byagombye kwitabwaho mu buryo bwihariye bigasigara byambaye ubusa. Ibice by'umubiri byegereye imyanya ikomeye ishyigikiye ubuzima ntabwo ikeneye gufubikwa cyane nk'amaguru n'amaboko yitaruye ya myanya ikomeye igize ubuzima. Iyaba amaguru n'amaboko byabashaga kwambikwa imyenda iruseho akenshi

ishyirwa ku ntugu igatwikira ibihaha n'umutima maze amaraso ntatembere neza mu myanya y'impera z'umubiri, ingingo z'umubiri zikomeye zakora umurimo wazo neza ziramutse gusa nazo zambitswe.

Ni mwe mbwira babyeyi. Mbese nta bwoba mugira cyangwa ngo mubabare iyo mubonye abana banyu babaye ibihuga kandi bananutse bashonga umumwira, barwaye ibicurane, bahumeka nabi kandi bakorora, basheshe urumeza mu maso no mu ijosi, babyimbye ibihaha no mu bwonko kandi ibihaha n'ubwonko byuzuyemo amaraso cyangwa amazi? Mbese mwigeze mwiga impamvu yabyo n'ingaruka biteza? Mbese mwigeze mbaha indyo yoroheje itarimo ibinure n'ibirungo byinshi? Mbese mu kwambika abana banyu ntimwigeze mukoreshwa no gutwarwa n'ibigezweho? Kutambika amaboko n'amaguru yabo mu buryo buhagije ni byo byabaye intandaro y'indwara nyinshi ndetse n'impfu nyinshi z'imburagihe. Nta mpamvu n'imwe ikwiriye gutuma amaguru n'amaboko by'abana banyu b'abakobwa bitambikwa mu buryo butuma bishyuha nk'uko bimeze ku bana banyu b'abahungu. Abana b'abahungu bamereye gukorera imyitozo ngororangingo hanze y'urugo bamenyera imbeho kandi mu by'ukuri iyo bambaye imyenda ibafashe ntibafatwa n'ubukonje cyane nk'uko bigendekera abakobwa kubera ko kuba mu muyaga bisa n'ibyabaye kamere kuri bo. Abakobwa bagira amagara make bimenyereza kuba mu nzu ndetse n'ahantu hari umwuka ushyushye nyamara basohoka muri ibyo byumba bishyushye bakajya hanze amaguru n'amaboko byabo bitarinzwe imbeho neza nk'igihe bari mu cyumba gishyushye. Mu kanya gato umuyaga ukonjesha amaguru n'amaboko byabo maze ugategurira indwara inzira.

Abana banyu b'abakobwa bari bakwiriye imyambaro itabahambiriye mu nda ahubwo irekuye, kandi bari bakwiriye imyambarire ikwiye kandi icirirtse. Mu

gihe cy'ubukonje bakwiriye kwambara imyenda ituma bashyuha cyangwa amakabutura akozwe muri kontoni ashobora gushyirwa imbere y'indi myambaro bambaye. Inyuma yabyo hashobora gushyirwa amapantaro ashyuha akwiriye kuba ari maremare afunze neza ageze ku nkweto. Imyambaro yabo ikwiye kugera hepfo y'amavi. Muri ubu buryo bw'imyambarire, ibikenewe ni ijipo imwe yoroheje cyangwa zaba nyinshi zikaba ebyiri kandi ayo majipo akaba afungiye mu rukenyerero. Inkweto zikwiriye kuba zoroheje kandi zikwiye umuntu neza. Nimwambika abana banyu b'abakobwa muri ubu buryo ntabwo bazongera kugira ingorane bari ahantu hari umuyaga nk'uk bigendekera abahungu. Kandi ubuzima bwabo bwarushaho kumererwa neza baramutse babaye hanze y'amazu n'iyo haba mu gihe cy'ubukonje aho kugira ngo bafungiranwe mu mwuka wo mu cyumba cyashyuhijwe.

Iyo ababyeyi bambika abana babo nk'uko ba ubwabo bambara bibabera icyaha mu maso y'Imana. Kujyana n'ibigezweho ni rwo rwitwazo rwonyine bashobora gutanga. Ntabwo bashobora gushyigikira ko byaba ari imyambarire icyiritse baramutse bagaragaje amaguru n'amaboko by'abana babo muri ubwo buryo babambika akenda kamwe kabahambiriye. Ntibabasha kugira icyo bavuga bashyigikira ko ntacyo bitwaye ku buzima cyangwa ko bigaragara neza. Bitewe n'uko abandi bazakomeza gukurikiza iyi mikorere yangiza ubuzima, nta rwitwazo abazana impinduka bafite. Kubera ko abantu bose bakurikiza imyambarire yangiza ubuzima, ntabwo bizatuma icyaha cyanyu cyoroha cyangwa ngo bitere icyizere ku buzima n'imibereho by'abana banyu.- *How to Live*, No. 5, pp.66-74.

IGICE CYA 6

Bashyiki banjye, hakenewe impinduka kubijyanye n'imyambarire yacu. Muri iki gihe, hari amafuti menshi kubijyanye n'uburyo bw'imyambarire y'abagore. Ni igisebo ku buzima, ndetse ni n'icyaha ku mugore kwambara imyenda imwegereye cyane cyangwa imuhambiriye mu mayunguyungu. Ibi bigira ingaruka mbi ku mutima,umwijima n'ibihaha. Kugubwaneza k'umubiri wose gukomoka ku mikorere iboneye y'imyanya igize urwungano rw'ihumeka. Ibihumbi byinshi by'abagore, bangirije impagarike yabo, hanyuma bikururira indwara zinyuranye. Bahirimbaniye guhindura ubuzima n'impagarike karemano bahinduramo ubuzima burimo umuze ndetse n'impagarike bataremanwe. Ntibanyuzwe na gahunda y'Umurenyi, ahubwo bashakisha uburyo bagira igitekerezo gipfuye cyo guhindura ibintu uko biri, bageza n'aho bangiriza burundu gahunda y'Umuremyi.

Abagore benshi bangiriza imyanya imwe yo munda ndetse n'ibice byo munsi y'urukenyerero, mu gihe bambara imyambaro ibahambiriye. Bene iyi myambaro ntabwo yaremewe kuramira uburemere bw'umubiri. Ibiri amambu, amajipo ariho ibintu byinshi by'imirimbo ntakwiriye kwambarwa, habe na mba. Ntabwo akenewe kandi ni ikizira. Ikanzu iboneye ku mugore, ikwiye kuba iturutse ku ntugu. Byarushaho gushimisha Umuremyi, abizera bose baramutse bambaye imyambaro iteye kimwe. Imideri y'imyambaro yemerwaga n'abavandimwe, ni imwe itaragibwaga ho impaka nyinshi. Nyamara bamwe muri bo, baradohotse basubira inyuma, n'ubwo bakomeje kwemeranya ku mabara, bagize gukabya hanyuma imyambaro yabo isigara

ari imwe ihenze. Nyamara, guhitamo amabara y'imyambaro agaragara,acyeye kandi ateye neza,nibyo bikwiriye kwiganwa n'abakristo.

Abana ba Isiraheli, nyuma yo kuvanwa mu Misiri, bategetswe kwambara imyambaro izengurutswe n'udushumi tw'udutako tworoheje tw'ubururu, twabatandukanyaga n'abanyamahanga bari babazengurutse, kandi byasobanuraga ko bari ubwoko Imana yatoranije. Ubwoko bw'Imana muri iyi minsi, ntibusabwa kugira ikimenyetso cyihariye ku myambaro yabo. Ariko mu Isezerano Rishya, dusabwa kenshi kwigira ku rugero rwa Isiraheli. None se niba Imana yaratanze ubusobanuro buboneye ku bwoko bwayo bwa kera kubijyanye n'imyambaro, ni gute imyambarire itakwitabwaho muri iyi minsi? Ntihakagombye kubaho itandukaniro hagati y'abana b'Imana n'ab'isi? Ese imyambarire y'abana b'Imana, bo butunzi bwayo, ntiyakagombye kugaragaza icyubahiro cyayo? Abana b'Imana ntibakagombye kuba intangarugero mu myambarire, kandi mu gutoranya imideri icirirtse bakavanaho ubwibone,n'ubwiyemezi bwo mu isi?Imana nibyo yifuriza ubwoko bwayo. Mu Ijambo ryayo, Imana irwanya ubwibone .

Ariko haracyari bamwe bakomeje kujya impaka ku bwibone n'imyambaro. Ntibita ku myambarire yabo, batekereza ko ntacyo bitwaye kugira umwanda, bakambara ibitagira gahunda ntakuberwa, bumva ko imyambaro yabo aribo ireba gusa. Imyambaro yabo iba ari ubushwambagara, bityo rero, bene abo, mu mvugo yabo,ntibazigera barwanya ubwibone. Bitiranya kubonera n'ubwibone. Iyo baba bamwe muri babandi bateraniye ku musozi wa Sinayi ngo bumve amategeko yahatangiwe, baba baraciwe mu iteraniro ry'Abisiraheli, kubera ko batumviye itegeko ry'Imana −˝Kandi bamese imyambaro yabo˝−kuko batari kubabiteguye kumva itegeko ryatanzwe mu ikuzo riheranije.

Amategeko cumi Imana yatangiye ku musozi wa Sinayi, ntashobora kuba mu mitima y'abantu batagira gahunda, barangwa n'imico yahindutse ubushwambagara. Niba Isiraheli ya kera itarashoboye kumva ugutangazwa kw'itegeko ryera ry'Imana, uretse gusa mu gihe bumviraga bakareka Imana ikabayobora, kandi bakamesa ibishura byabo, ni gute iryo tegeko ryera, ryakwandikwa mu mitima y'abantu bataboneye bo ubwabo, ku myambaro ndetse no mu mazu yabo? Ntibishoboka. Ubuhamya bwabo, bubasha kugera hejuru cyane ariko ntibubasha no kugereranywa n'umurama. Ibikorwa byabo bitera ishozi abatizera. Ibyiza ni uko baba batarigeze babarizwa mu ishyanga ryera ry'Imana. Inzu y'Imana ihumanywa na bene abo. Abahurizwa mu munsi w'Isabato no kuramya, bagomba,uko bishoboka kose kwambara umwambaro uboneye kandi ukwiriye mu nzu y'Imana.Ni ugutesha agaciro Isabato ndetse no gusuzuguza Imana n'abo munzu yayo, kubavuga ko Isabato ari umunsi wera w'Uwiteka, hanyuma bakiyambarira imyambaro bamaze iminsi bambara mu minsi y'akazi, bakora mu mirima yabo kandi bari bashoboye kubona indi. Mu by'ukuri koko niba hari abantu bafite ubwuzu bwo kubaha Umuremyi w' Isabato nokumuramya n'umutima wabo wose ariko bakaba batabona imyambaro yo guhinduranya, bakwiriye guhabwa na bagenzi babo umwambaro ukwiye w'Isabato, kugira ngo bagaragare mu nzu y'Uwiteka bakeye kandi baboneye. Uguhuza kubijyanye n'imyambaro bibasha gushimisha Imana. Abo bose batakaza umutungo mwishi ku myambaro ihenze, bakwiye kureka kwihugiraho,ahubwo bagafatira urugero ku iyobokamana nyakuri, bakambara imyambaro iri mu rugero, hanyuma bagafashisha umutungo bapfushaga ubusa abakene bo muri bo kuko nabo Imana ikunda, bakabagurira imyambaro iboneye kandi icirirtse.

Hariho abibwira ko mu gutandukana n'isi nk'uko Ijambo ry'Imana ribisaba, badakwiye guha agaciro imyambaro. Hari bashyiki bacu bamwe bibwira ko batishushanya n'isi hanyuma bakiyambarira ingofero z'izuba, n'indi myambaro bambara mu minsi isanzwe y'akazi, bakayambara mu iteraniro ry'abera ku munsi w'Isabato. Hari n'abagabo bamwe bavuga ko ari abakristo, ariko bakabona ikibazo cy'imyambarire muri ubwo buryo. Baterana n'ubwoko bw'Imana ku munsi w'Isabato, biyambariye imyambaro yabo y'ubushwangi yuzuye ivumbi n'igitaka , hanyuma bakifata nabi. Bene abo bantu, baramutse bahawe ubutumire bwo guhura n'inshuti yabo ikomeye yubashye n'ab'isi, kandi nabo bifuza ko hari icyo yabamarira, bakwihatira bo ubwabo kugaragara imbereye bambaye umwambaro mwiza cyane ushoboka, kubera ko iyi nshuti yakumva ari igitutsi kuri yo, aba bantu baramutse bagaragaye imbere yayo bafite imisatsi idashokoje,bambaye imyambaro itagira gahunda kandi itaboneye. Ikindi kandi aba bantu bibwira ko ntacyo bitwaye kwambara imyambaro iyo ari yo yose n'ibihe baba barimo byose igihe bagiye kuramya Isumbabyose. Bateranira mu nzu yayo, ari cyo cyumba cy'iteraniro ry'Imana isumbabyose aho abamarayika bo mu ijuru baba bategerereje mu cyubahiro bareba icyo imyambaro y'abantu isobanuye. Ishusho y'abantu muri rusange igaragaza uko bateye.

Ingingo nyamukuru kuri bene aba bantu, ni ubwibone mu myambarire. Kuberwa,gahunda n'injyana, biba ubwibone.Kuri ibi biremwa byayobye, imyambaro niyo izaba izingiro ry'ibiganiro byabo, ibikorwa byabo ndetse n'imigambi yabo. Ntacyo bitaho kandi bazarira mu magambo haba imuhira iwabo, mu bavandimwe, ndetse n'imbere y'abisi. Umwambaro n'uko uteye ku muntu, ugira icyo uvuze ku mugabo cyangwa umugore uwambaye. Ku bantu batagira icyo bitaho, kandi batagira gahunda mu myambarire,

ntibakunze kwimbika mu ntekerezo kandi bakagira n'ibyiyumviro bidahwitse neza. Baha agaciro ibitagira umumaro, bitagira gahunda no kwicishabugufi.

Abayoboke ba Kristo bakwiye kugaragara nk'umunyu n'umucyo by'isi. Hatabayeho ubukristo, isi yazahazwa no kwangirika gukabije. Reba nawe bariya biyita abakristo bavuzwe, batita kumyambarire n'impagarike yabo, badashikamye mu byo bakora. Imyambarire yabo igaragaza ko bahubuka mubyo bakora, bafite intekerezo ngufi, kandi bibwira ko ibi aribyo biranga kwiyoroshya n'ubuzima bwa gikristo. Muratekereza ko igihe Umukiza yari mu isi yari kubabona nk'umunyu n'umucyo by'isi ? Oya. Ntibishoboka. Abakristo barimbika mu ntekerezo, n'ubwo batekereza ko ari icyaha gushimagiza abantu, bicishabugufi, bakitonda, kandi bakaba abakozi b'abanyabushake. Amagambo yabo aba ari ay'ukuri. Ni abizerwa mubyo bakorana n'abo basangiye kwizera ndetse no kub' isi muri rusange. Mumyambarire yabo, birinda gushayisha no kwigaragaza, ahubwo umwambaro wabo uba uboneye, ushimishije, nyirawo.Umwambaro wambarwa ku munsi w'Isabato ukwiye kwitabwaho mu buryo bw'umwihariko,ukambarwa mu buryo buhesha Imana icyubahiro, mumateraniro yo kuramya.Gusa bisigaye bigaragara ko itandukaniro hagati y'abana b'Imana n'ab'isi,rigenda riyoyoka, bikaba byaganisha ku kwihenda. Uruhare rw'abizera rwakagombye kuba inkubwe cumi iyo abagabo n'abagore bashikama mu kuri. Bababandi bahoze batagira icyo bitaho kubijyanye n'imyitwarire bahinduka bakazamurwa bakerezwa mu kuri bakagira imico mbonera mu myambarire yabo. Imana yacu ni inyagahunda. Ntijya inezezwa n'uburangazi bw'uburyo bwose kimwe n'icyaha.

Abakristo ntibakagombye kubabazwa n'uko batambaye nk'ab'isi. Ariko, mu gihe bemeranya no kwizera kwabo, n'inshingano bafite,bakwiye kwambara

imyambaro icirirtse,itabangamiye imikorere y'umubiri.Gusa hari igihe bibona nk'abasigaye inyuma, ari ko ntibakwiye guhindura imyambarire ngo bakunde bamere nk'ab'isi. Bagomba kwihagararaho, bakagira ubutwari bwo kuba abanyakuri n'ubwo isi yose yagaragara nk'itandukanye nabo by'ihabya. Mu isi haramutse hadutse imyambarire icirirtse, iteye neza kandi ntakibazo itera ku mikorere y'umubiri, ikaba idahabanya na Bibiliya, kuyambara ntibyakwangiza isano dufitanye n'Imana ndetse n'abatuye isi. Abakristo bagomba gukurikira Kristo kandi bagasanisha imyambarire yabo n'uko Ijambo ry'Imana rivuga. Bagomba guhagarara batajegajega mu mwanya wabo. Bagomba kurombereza inzira batitaye ku nduru n'umugayo bashobora guhabwa, ahubwo bagashikama mu kuri nk'uko bikwiriye. Abagore bagomba kwambika amaguru yabo kuburyo bumva baguwe neza. Ni ngombwa ko bayafubika ndetse bagafubika n'ibirenge bagasusuruka kimwe n'abagabo. Umwambaro w'umugore utindwaho kubera impamvu nyinshi:

1.Biragayitse kandi singombwa kwambara ikanzu ifite uburebure butuma igenda ikubita hirya no hino kandi ikubura umuhanda .

2. Ikanzu ndende rero, igenda ikusanya ikime cyo ku byatsi, icyondo cyo mu muhanda, ibyo akaba aribyo biyitera kwandura.

3. Muri uko kwandura, ibasha kugira aho ihurira n'akagombambari katarinzwe neza, kamara ku gagazwa n'imbeho, hakavamo ingaruka zo kurwara indwara z'ubuhumekero, iz'ururenda n'imisokoro bikangiriza ubuzima muri ubwo buryo.

4. Uburemere budakenewe butewe n'imyambaro, bwiyongera ku buremere busanzwe bw'amara n'ibice byo munsi y'urukenyerero.

5. Ikanzu ndende cyane,ibangamira imigendere, kandi ikabangamira abandi mu nzira.

Hari indi mideri y'imyambarire yambarwa n'abiyita ko bavugurura imyambarire. Bagerageza kwigana mu buryo bwose imyambarire y'abo badahuje igitsina. Bene abo bambara ingofero z'imbaraza, amapantaro,amakositimu, amakoti na za bote. Aba bantu, bambara kandi bakarengera bene iyo myambarire baba bambaye ingirwa myambaro yitwa ko ivuguruye kugera ku rwego rugayitse cyane.Ingaruka ziba kuri aba bantu ni ugushoberwa. Bamwe bahitamo iyi myambarire,babasha guhindura imyumvire kubijyanye n'ikibazo cy'ubuzima muri rusange, nyuma bagahinduka ibikoresho bifite ishyaka ry'imirimo myiza iyo batahindutse abahezanguni mu rwego rw'imyambarire.

Ku bijyanye n'uburyo bw'imyambarire, itegeko ry'Imana ryarirengagijwe, nuko ubuyobozi bwayo bushyirwa ku ruhande. *Ivugururamategeko 22 :5* umugore ntakambare imyambaro y'abagabo, umugabo nawe ntakambare iy'abagore, kuko bene ibyo ari ikizira ku Mana. Imana ntiyifuza ko ubwoko bwayo bwakwambara bene iyo myambaro. Ntabwo ari imyambaro icirirtse kandi si imyambaro yoroheje yambarwa n'abagore biyoroshya bahamya ko ari abayoboke ba Kristo.Igitsure cy'Imana gihora ku muntu wese uharanira kuvuga ko ntatandukaniro ry'imyambaro y'abagabo n'abagore. Abiyita abagorozi mu myambarire bahakana iyi ngingo kubera imyumvire yabo bwite.

Imana yagennye ko haba itandukaniro rinini hagati y'imyambaro y'abagabo n'iy'abagore. Ikindi kandi, yashizeho amabwiriza asobanutse, avuga ko umwambaro umwe ku mugabo n'umugore ubasha guteza urujijo bityo n'amafuti akiyongera.Iyaba Pawulo yari akiriho,yakagombye gusenya iki

kintu mu bagore. Ni muri ubwo buryo avugako abagore bakwiriye kwirimbisha mu buryo bucirirtse, badashyira amabara mu misatsi yabo, batirimbisha amazahabu cyangwa marijani n'ibindi bintu by'igiciro.Ahubwo bakwiye kwirimbisha imirimo myiza. Abakristo benshi, barahindukira bakareka inyigisho z'Intumwa, bakirimbisha amazahabu, zamarijani , n'ibindi bintu by'igiciro.

Ubwoko bw'Imana ni umucyo w'isi kandi bukaba umunyu w'isi. Bugomba kumenya ko uruhare rwabo ari ingenzi cyane. Ntibagomba guheza inguni ngo bambare imyenda miremire cyane cyangwa imigufi. Abatizera bararikirwa kwegerezwa Ntama w'Imana bacika intege bewe n'abababanjirije mu rugendo.Impinduka nyinshi zirakenewe kubijyanye n'imyambarire y'abagore bijyanye n'imibereho myiza kandi idatesheje agaciro uyambaye.

Umwambaro w'umugore ntugomba kuba umuhambiriye. Ugomba kuba umwambaro utabangamira imikorere myiza y' ibihaha n'umutima.Ikanzu yabo yakagombye kutajya hejuru y'aho bote zigarukira, ariko na none ikaba iringaniye kuburyo itabangamira intambuko n' urugendo mu muhanda kuburyo byaba ngombwa ko ifatishwa ibiganza. Ikanzu ngufi yakenerwa gusa n'abagore bakora imirimo yo murugo by'umwihariko abayikorera hanze y'ingo zabo. Bene uyumwambaro rero, ikanzu imwe yoroshye cyangwa ebyiri,arahagije, kandi akambarwa ku buryo atabangamira imyanya imwe n'imwe y'umubiri. Igice cyo mumayunguyungu, ntabwo cyaremewe kuremererwa. Amajipo aremereye yambarwa n'abagore yongerera uburemere icyo gice, hanyuma bigatera indwara z'ubwoko bwinshi zitoroshye kuvura, cyane cyane ko abambara bene aya majipo batabyitaho,

ahubwo bakomeza kwiyambarira amajipo abangamira imibereho myiza, kugeza ubwo bahinduye ubusa ubuzima bwabo burambye.

Bamwe baratangara bati,˝Ni gute umwambaro nk'uyu wateshwa agaciro !˝ Bitwaye iki ?Ndatekereza ko tutagomba kujyana n'ibigezweho mu buryo bwinshi. Kugira imbaraga n'ubutwari byarangaga abagore bakera ni icyifuzo cyiza. Ntabwo mba mvuga iby'ubupfu iyo mvuze ko uburyo abagore bambara hamwe n'ibyo bararikira, aribimwe mu mpamvu z'intege nke zabo. Umugore umwe ku gihumbi niwe ufubika amaguru ku buryo bukwiye. Uko uburebure bw'umwambaro bwaba bumeze kose, abagore bagomba gufubika amaguru yabo mu buryo bukwiye nk'uko abagabo babikora. Ibi byakorwa bambara amapantaro yoroshye agera kutugombambari cyangwa agera hasi aho ahurira n'inkweto. Amaguru n'utugombambari bizaba bitwikiriwe neza birinzwe ingaruka zaterwa n'imbeho. Amaguru n'ibirenge iyo bitwikiriye neza n'imyenda isusurutse, bituma itembera ry'amaraso rikwira hose, hanyuma amaraso agakomeza kuba meza kubera ko aba atabangamiwe munzira yayo anyuramo.

UMUGEREKA WA 2

IBY'INGENZI MU GUHITAMO UWO MUZABANA MU BUZIMA

(Amagambo yanditswe n'abashinzwe kwita ku nyandiko za Ellen G. White)

Uko umusomyi akurikira “Ijambo ryagenewe umusomyi” riboneka muri buri gitabo muri ibi bibiri by’*Ubutumwa Bwatoranyijwe*, asanga ko ibyo bitabo byombi bigizwe n’inama zatanzwe mu gihe cy’imyaka myinshi zagiye zigera aho umurimo ukorerwa binyuze mu dutabo duto, ibinyamakuru ndetse n’ubundi butumwa bwagiye bwandikwa ku mashini nyamara bitashyizwe mu mizingo icyenda y’*Ibihamya* igizwe n’inama zanditswe na Ellen G. White mbere y’urupfu rwe. Iyi nyandiko y’iki gitabo cyasohotse mu 1958 iha itorero inama zijyanye n’igihe. Mu buryo ndetse n’igihe zanditswemo zikubiyemo ibyakuwe mu bitabo bitatu by’urutonde rwumvikana rw’ishakiro z’inyandiko za Ellen G. White. (“*Comprehensive Index to the Writings of Ellen G. White*”)

Umubare munini w’impapuro zo muri ibyi bitabo byombi ndetse n’izindi nyinshi zo mu bindi bitabo bya Ellen G. White hiyongeyeho n’ubundi buhamya yagiye yandikira abantu ku giti cyabo, ibyo byose bivuga ku ngingo ikomeye yo guhitamo uwo muzabana mu buzima mugashyingiranwa. Izo nama zigaragaza ingingo z’ingirakamaro kugira ngo habeho ugushyingiranwa kurangwa n’umunezero kandi kukagira urugo rwiza ndetse n’umunezero n’imibereho myiza by’abana bavutse muri uko gushyingiranwa. Izo nyandiko zigarazaga ibintu bibasha kangiza ukugera ku ntego kw’ubwo bumwe mu gushyingiranwa. Ellen G. White aduhamiriza ko “Yesu yifuza kubona abashyingiranwe banezerewe, ndetse no mu rugo hasabye umunezero” (*The Adventist Home*,

p.99). Yatanze inama agira ati, “Guhitamo uwo muzabana mu buzima bikwiriye gukorwa neza ku buryo ababyeyi n’abana babo bazagira imibereho myiza ku mubiri, mu bwenge no mu by’umwuka.” –*The Ministry of Healing*, p.357.

Muri izi nyandiko, itorero ryashyizwe imbere imbaraga y'umuryango. Ellen G. White ararikira abagamije kurushinga kuzirikana neza imbaraga yo kugirwa umwe kwihariye barangamiye. Kuri ibi atanga inama ko nta kwikunda cyangwa kurarikira cyangwa imyanzuro itarimo kureba kure igomba gufatwa. Ararikira abagabo n'abagore bagamije gushyingiranwa ko batandukanya ibinejeje n'iby'ingirakamaro. (Ibaruwa 4, 1901). Yabonye ko "kuva mu isaha yo gushyingiranwa ariho abagabo n'abagore benshi batangira insinzi cyangwa gutsindwa kwabo muri ubu buzima, ndetse n'ibyiringiro byabo by'ubuzima buzaza." –*The Adventist Home*, p.43.

Uguhuza Ellen White yashyigikiye, kwari ingenzi cyane kugira ngo habeho urugo runejeje. Yanditse ku "mubabaro uranga ubuzimabwose" ubasha gukomoka mu gushyingiranwa kw'abantu "batemeranye" ubwabo. (*Patriarchs and Prophets*, p.189). Mu butumwa yandikiye urubyiruko yaravuze ati:

Muri iki gihe isi yuzuye ibyago n'icyaha bitewe no gushyingiranwa kw'abantu badahuje. Akenshi bitwara amezi make abagabo n'abagore bakabona ko uko bateye bidashobora kwivanga maze ingaruka ikaba amacakubiri ahabwa icyicaro mu rugo kandi ari ho urukundo no guhuza biranga ijuru byagombye kurangwa. – *Youth's Instructor*, Aug.10, 1899; *Message to Young People*, p.453; *The Adventist Home,* p.83.

Yatanze umuburo arwanya "ukurutana cyane imyaka y'ubukuru" kw'abagamije gushyingiranwa bibasha kubyara ingaruka yo kwangiza ubuzima bw'umuto mu bashakanye kandi bikabuza abana kugira imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge. (*The Ministry of Healing,* p.358).

Ellen G. White yavuze ashimangira ko imiterere y'ubuzima bw'abagiye gushyingiranwa ari ingingo y'ingenzi. "Akenshi abagabo barwaragura bagiye babasha gukundwa n'abagore bagaragara ko bafite amagara mazima, kandi kubera ko bakundanaga, bumvise ko bafite umudendezo wo gushyingiranwa batigeze bazirikana ko kubwo kubana kwabo umugore ashobora kubibabariramo byaba mu buryo bukomeye cyangwa bworoheje abitewe n'uwo mugabo urwaye."-*Selected Messages*, book 2, p.423.

Yarakomeje ageza iki kibazo ku mwanzuro wacyo wumvikana neza ati: "Niba abantu bashyiranwa muri ubwo buryo aro ubwabo byarebaga gusa, ntabwo icyo cyaha cyaba gikomeye cyane. Urubyaro rwabo ruhira n'ingorane y'indwara rwandujwe n'ababyeyi." -*Ibid.*

Ubushobozi bw'abashyingiranwa bwo kwiyunganira mu by'ubukungu nabwo bwavuzweho na Ellen G. White nk'ikintu cya ngombwa kugira ngo ugushyingiranwa kube kwiza. Yavuze ko hari abantu badafite icyo batunze kandi badafite imbaraga z'umubiri cyangwa iz'ubwenge kugira ngo zibashoboze kugira umutungo bageraho nyamara bihutiye gushyingiranwa kandi bishyiraho inshingano badasobanukiwe. Nyamara akenshi abana nibo bahagirira ingorane cyane, kubera ko abantu batagira icyo batunze kandi badashoboye rwose guhangana n'ibibazo by'isi, muri rusange abantu nk'abo nibo buzuza amazu yabo abana. Ellen G White avuga ko abo bana batabasha kugaburirwa no kwambikwa uko bikwiye kandi ntibabasha kubona uburere mu by'umubiri n'ubwenge" (*Ibid*., pp.420).

Hariho iyindi ngingo yatanzweho inama. Iyo ngingo ni ugushyingira abagabo n'abagore bo mu moko n'imico bitandukanye. Inyandiko enye zivuga kuri iyo ngingo ziboneka mu byandikishijwe intoki ndetse n'ibyanditswe bigashyirwa ahagaragara. Ubutumwa bubiri muri bune buvuga kuri iyi ngingo buboneka muri iki gitabo ku rupapuro rwa 343 na 344 (igitabo cy'umwimerere mu cyongereza). Ubwo butumwa bwanditswe mu 1896 no mu 1912, kandi bwaratoranyijwe kugira ngo bwandikwe muri iki gitabo kubera ko bwavuze amahame shingiro kuri iyi ngingo kandi muri ubwo buryo bugahishura impamvu ugushyingiranwa nk'uko kudakwiye gushyigikirwa. Byavuzwe ko ugushyingiranwa nk'uko kubasha guteza amacakubiri n'umuvurungano mu bryo bworoshye. Iyindi mpamvu atanga adashyigikirauko gushyingiranwa ni ingorane biteza urubyaro, kandi bi bibasha guteza abana "gusharirira ababyeyi babahaye uyu murage mu buzima bwabo bwose."[24]

Nubwo ubwo butumwa bune bukubiyemo inama bwanditswe igihe runaka kugira ngo bukemure ibibazo by'ahantu hihariye, bubasha kwifashishwa mu kuburira abagamije gushyingiranwa abo ari bo bose ku byerekeye ingingo n'ibibazo bibasha kwangiza uwo mubano kandi bigaha abana umurage ushobora kubabaza bamwe. [25]

[24] Icyitonderwa: Ku bundi butumwa bubiri, inama ya mbere yatanzwe kuri iyi ngingo iboneka mu mutima w'irarika ry'ingenzi Ellen White yakoze kuwa 21 Werurwe 1891 abwira abayobozi b'itorero bari bagiye kuvuga ubutumwa mu birabura bo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Ushaka kubona ubwo butumwa bwuzuye wabusanga mu gitabo cyitwa *The Southern Work,* 1966, pp 9-18. Muri iki gitabo agaragaza neza amagambo adashidikanywaho avuga uburyo inyokomuntu ari abavandimwe kandi akerekana neza ko mu kuramya abantu bose bangana imbere y'Imana. Aho kandi ahavuga amagambo atanga inama. Muri ubu butumwa bwasomwe n'abayobozi b'itorero dusomamo ibikurikira.

"Nk'itorero dufite icyaha kubera ko tutigeze dukoresha umuhati kugira ngo abantu benshi bo mu birabura bakizwe….Nta burenganzira mwahawe n'Imana bwo guheza abirabura aho musengera. Nimufate nk'abana b'Imana nk'uko namwe muri. Bakwiriye kuba abagize itorero bakabana na bene data b'abera. Hakwiriye gukoreshwa

Izo nama ni zimwe mu zahawe umwizera uhanganye n'imibereho ikomeye mu buzima ndetse n'imikorere imuhangayikishije irimo ingingo zibasha kumubabaza umutima kandi zikaba zakwangiriza ndetse zikanasenya umubano. Nk'uko Ellen G. White abivuga, "Yesu ashaka kubona umunezero mu gushyingiranwa ndetse n'ingo zuzuye umunezero."

Amagambo Ellen G. White yagiye asubiramo akoresheje imvugo cyangwa inyandiko agaragaza neza ko ikibazo atari icy'ubusumbane bw'amoko. Yakomeje gushyigikira ko inyokomuntu yose ari abavandimwe kandi ko mu bitabo byo mu ijuru izina ry'umuntu wo bwoko bumwe riri iruhande rw'izina ry'uwo mu bundi bwoko. Soma umugereka wa gatatu ukurikia iki gice witonze .- ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA ELLEN G. WHITE.

bikwiriye gusenya inkuta zose zitandukanya abantu maze bagashyingiranwa n'abirabura, nyamara iki si ikintu

gikwiriye kwigishwa cyangwa ngo gishyirwe mu bikorwa." *The Southern Work*, p.15.

[25] Ayandi magambo yavuzwe kuri yi ngingo ni ibaruwa irimo inama tanditswe kuwa 8 Mutarama 1901. Yandikiwe umusore wo bafite ibara ry'umuhondo wari ufite imigambi yo gushyingiranwa n'umukobwa w'umwirabura. Inama ziri muri aya magambo ni zimwe n'izavuzwe mu 1912 ziri ku rupapuro rwa 344 rw'iki gitabo (mu cyongerza). Nyamara Ellen White yongeraho amagambo atera umuntu gutekereza neza ati:

"Ntugashyingiranwe n'umukobwa uzagutera kwicuza intambwe wateye mu buzima bwawe bwose….

"Mbega uburyo abantu aari ibiremwa byifuza, byikunda kandi bireba hafi. Nimuzinukwe imitekerereze yanyu bwite ahubwo mwishingikirize ku bwenge bw'Imana. Nimutandukanye ibishimishije n'iby'ingirakamaro. Nimukore ibyo

umuhati mwinshi kugira ngo kugira ngo hakurweho ibibi bikomeye byabakorewe. Ikindi kandi ntabwo tugomba kugeza ibintu kure ngo tube abaka n'abahezanguni kuri iki kibazo. Abantu bamwe babasha gutekereza ko Imana ishaka mwumvira……Nimukurikira inzira yanyu bwite n'ubushake bwanyu muzabona ibitovu n'amahwa." Ibaruwa ya 4 yanditswe na Ellen G. White mu 1901.

Ellen G. White Estate, Inc.

Washington, D.C

August, 1967

UMUGEREKA WA 3

UBUVANDIMWE BW'ABAGIZE INYOKOMUNTU KRISTO NTIYIGEZE AVANGURA

Kristo ntiyigeze agira ivangura ry'ubwenegihugu cyangwa urwego umuntu ariho cyangwa imyizerere…Kristo yaje gusenya inkuta zose zitandukanya abantu. Yaje kwerekana ko impano ye y'imbabazi n'urukundo itagira umupaka kimwe n'umwuka, umucyo cyangwa imvura inetesha ubutaka.

Imibereho ya Kristo yashyizeho idini itarangwamo ivangura. Ni idini Abayahudi n'abanyamahanga, imbata n'abumudendezo bose bahurizwa hamwe mu buvandimwe kandi bareshya imbere y'Imana. Nta tandukaniro yashize hagati y'abaturanyi ba hafi n'abantu baturutse kure, incuti n'abanzi. Icyari gihangayikishije umutima we ni ubugingo bufitiye inyota amazi y'ubugingo. …

Yashakaga kuzuza ibyiringiro abagome b'impezamajyo, akabashyira ibyiringiro ko babasha guhinduka ntibabeho umugayo kandi kandi bakaba abanyamahoro, bakagera ku mico ituma bagaragara ko ari abana b'Imana. –*The Ministry of Healing,* pp.25, 26.

UBUVANDIMWE

Kristo yaje kuri iyi si azanye ubutumwa bw'ubuntu no kubabarira.Yashinze urufatiro rw'idini Abayahudi n'abanyamahanga, abirabura n'abera, imbata n'ab'umudendezo bose bafatanyirizwa hamwe mu buvandimwe, bakaba bangana mu maso y'Imana. Umukiza afitiye buri muntu wese urukundo

rutagerwa. Buri muntu wese amubonamo ubushobozi bwo kugera ku rugero rwiza biruseho. Abo yatangiye ubugingo bwe abakirana imbaraga mvajuru n'ibyiringiro. Igihe bari mu mbaraga ze bashobora kugira imibereho ikungahaye ku mirimo myiza, bakuzura imbarag ya Mwuka.- *Testimonies*, vol. 7, p.225.

UMURYANGO UMWE BINYUZE MUIREMWA NO GUCUNGURWA

Imana ntiyita ku itandukaniro rishingiye ku bwenegihugu, ubwoko cyangwa amatsinda atandukanye. Ni yo Muremyi w'inyokomuntu yose. Abantu bose bahuje umuryango kubw'irema kandi bose ni bamwe binyuze mu gucungurwa. Kristo yaje gusenya inkuta zose z'ibitandukanya abantu, gukingura ibyumba byose by'ingoro y'Imana kugira umuntu wese abashe kugera ku Man anta nkomyi. …Muri Kristo nta Muyahudi cyangwa Umugiriki, imbata n'uw'umudendezo. Abantu bose bigijwe hafi n'amaraso y'agaciro kenshi ya Kristo. – *Christ's Object Lesson*, p.386.

Umwami wacu yarebanye umubabaro ubwoko bwirabura bwari mu buretwa buteje imbabazi kurusha abandi. Yifuza ko mu murimo dukorera ubwo bwoko dukwiriye kwibuka gucungurwa kwabwo mu buretwa ndetse n'uberenganzira bufite ku migisha y' kugira umudendezo.- *Testimonies,* vol. 7, p. 223.

NYA TANDUKANIRO CYANGWA IBARA BIRI MU IDINI IVUGWA NA BIBILIYA

Idini ivugwa muri Bibiliya ntirangwamo ibitandukanya abantu cyangwa ibara. Ntiriha agaciro urwego umuntu ariho,ubukungu, n'icyubahiro cy'isi. Imana iha abantu agaciro nk'abantu. Kuri yo, imico yabo niyo ibahesha agaciro. Bityo

tugomba kubona Mwuka wa Kristo mu muntu wese uwo Mwuka yahishuriwe.-

Ibid., vol. 9, p.223.

Muri ubwo buryo Kristo yashakaga kwigisha abigishwa be ukuri kuvuga ko nta mbibi ziba mu bwami bw'Imana nta n'ubusumbane mu bantu; ko bagomba kujya mu mahanga yose bakayashyira ubutumwa bw'urukundo rw'Umukiza.- *The Acts of Apostles*, p.20.

URUKUNDO RUTABOGAMYE RUKURAHO URWIKEKWE

Inkuta zo kwirema udutsiko, amatandukaniro ndetse n'amoko zizasenyuka igihe umwuka nyakuri w'ivugabutumwa uzinjira mu mitima y'abantu. Urwikekwe rushongeshwa n'urukundo rw'Imana.-*Review and Herald,* Jan. 21, 1896; *The Southern Work*, 1966 ed.,p.55.

Inkuta zitandukanya abantu zubatswe hagati y'abera n'abirabura. Igihe Abakristo bazumvira Ijambo ry'Imana ribigisha urukundo rukomeye rw'Umuremyi wabo ndetse n'urukundo rutabogama bagirira abaturanyi babo, izi nkuta z'urwikekwe zizariduka zihiritse nk'uko byagendekeye inkuta z'I Yeriko.- *Review and Herald,* Dec. 17, 1895.

Mwuka Muziranenge nasukwa, inyokomuntu izatsinda urwikekwe ishaka uko yakiza ubugingo bw'abantu. Imana izategeka intekerezo z'abantu. Imitima y'abantu izakunda nk'uko Kristo yakunze. Itandukaniro rishingiye ku ibara rizafatwa na benshi mu buryo butadukanye n'ubwo baritamo ubu. Gukunda nk'uko Kristo akunda bizamura intekerezo bikazigeza mu mwuka mwiza, uranga ijuru kandi wo kutikanyiza. *Testimonies,* vol. 9, p. 209.

Iyo Mwuka Muziranenge akoze ku mitima y'abantu, ukwivovota kose kudafite agaciro ndetse n'ibirego hagati y'abantu na bagenzi babo bizavaho. Imyambi irabagirana ya Zuba ryo Gukiranuka izarasira mu byumba by'intekerezo n'umutima. Mu misengere yacu turamya Imana, ntihazigera habamo itandukaniro hagati y'abakire n'abakene, abera n'abirabura. Urwikekwe rwose ruzashonga ruveho. Nitwegera Imana tuzaba abavandimwe. Turi abagenzi n'abimukira, turangamiye igihugu kirushahokuba cyiza ari cyo cyo mu ijuru. Muri icyo gihugu, ubwibone bwose, ibirego byose no kwishuka kose bizagira iherezo. Ibitwikirizo byose bizakurwaho maze "tumurebe nk'uko ari." Muri icyo gihugu indirimbo zacu zizagira intero inejeje kandi gusingiza no gushima bizazamuka bigere ku Mana. –*Review and Herald,* Oct. 24, 1899, p.677.

AMAGAMBO AMWE YAKUWE MU IJAMBO RY'IRARIKA RYO KU WA 20 WERURWE 1892

Umwami Yesu yaje kuri iyi si yacu kugira ngo akize abagabo n'abagore bo mu bihugu byose. Yapfiriye abera kimwe n'abirabura. Yesu yaje gukwiza umucyo ku isi yose. Ku itangiriro ry'umrimo we yavuze umugambi wamuzanye ati, "Umwuka w'Uwiteka ari muri jye, ni cyo cyatumye ansigira, kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza. Yantumye kumenyesha imbohe ko zibohorwa, n'impumyi ko zihumuka,no kubohora ibisenzegeri, no kumenyesha abantu iby'umwaka Umwami agiriyemo imbabazi."…

Pawulo aravuga ati, “Ni nde wabatandukanyije?” Imana y’abera ni nayo Mana y’abirabura, kandi Uhoraho avuga ko urukundo akunda umuto mu bana bayo ruruta kure urw’umubyeyi akunda umwana we…

Ijisho ry’Imana riri ku biremwa byayo byose. Irabikunda byose kandi nta tandukaniro ishyira hagati y’abera n’abirabura uretse ko igirira impuhwe zihariye abantu bahamagariwe kwikorera umutwaoro uremereye kurusha abandi. Abakunda Imana kandi bakizera Kristo nk’Umucunguzi wabo, igihe bagomba guhangana n’ibigeragezo n’ibirushya biri mu nzira bacamo, bakwiriye kwemera imibereho yabo nk’uko iri bafite umwuka w’ubutwari, bakazirikana ko Imana yitegereza ibyo bintu kandi abantu bose ab’isi basuzugura Imana ubwayo izabagirira ineza itangaje……

Iyo umunyabyaha ahindutse yakira Mwuka Muziranenge umUhindura umwana w’Imana, kandi akamutunganyiriza kubana n’abacunguwe ndetse n’ingabo z’abamarayika. Ahinduka usangiye umurage na Kristo. Umuntu wese wiyegurira Kristo, umuntu wese wumva ukuri kandi akakumvira ahinduka umwana wo mu muryango w’Imana. Abaswa n’abanyabwenge, abakire n’abakene, abapagani n’inkoreragahato, abera n’abirabura, abo bose Yesu yatanze ikiguzi cy’ubugingo bwabo. Iyo bamwizeye, bejeshwa amaraso ye yeza. Izina ry’umwirabura ryandikwa mu gitabo cy’bugingo iruhande rw’iry’uwera. Bose ni umwe muri Kristo. Amavuko, urwego umuntu ariho, ubwenegihugu cyangwa ibara ntibishobora gushyira abantu hejuru cyangwa ngo bibateshe agaciro. Imico ni yo igira umuntu. Niba umuntu ufite ibara rutukura, umushinwa, cyangwa umunyafurika yeguriye Imana umutima we, akumvira kandi akizera, Yesu amukunda atitaye ku ibara ry’uruhu rwe. Amwita umuvandimwe we akunda….

Abantu babasha kugira urwikekwe bavukanye cyangwa urwo batojwe, ariko urukundo rwa Kristo nirwuzura umutima maze bagahinduka umwe na Kristo, bazagira umwuka nk'uwo yari afite. Umuvandimwe wabo badahuje ibara niyicara iruhande rwabo, ntabwo bazumva bakojejwe isoni cyangwa ngo bamusuzugure. Bose ni abagenzi berekeza mu ijuru rimwe kandi boe bazicazwa ku meza amwe kugira ngo basangire umugati mu bwami bw'Imana. Igihe Yesu atuye mu mitima yacu ntidushobora uwo dusuzugura tudahuje ibara kandi afite Umukiza nk'uwacu utuye mu mutima we.- Manuscript 6, 1891. Published in The *Southern Work*, 1966 ed., pp.9-14.

****